Ellen G. White Estate

IBYAKOZWE N'INTUMWA



ELLEN G. WHITE

AMASHAKIRO

AMASHAKIRO 2
IJAMBO RY'IBANZE 5
IGICE CYA 1 - UMUGAMBI IMANA IFITIYE ITORERO RYAYO 7
IGICE CYA 2 - GUTOZWA KW'ABIGISHWA CUMI NA BABIRI 13
IGICE CYA 3 - INSHINGANO IKOMEYE 19
IGICE CYA 4 - PENTEKOTE 26
IGICE CYA 5 - IMPANO YA MWUKA MUZIRANENGE 35
IGICE CYA 6 - KU IREMBO RY'URUSENGERO 43
IGICE CYA 7 - UMUBURO KU BAKORESHA UBURYARYA 53
IGICE CYA 8 - IMBERE Y'URUKIKO RUKURU RW'ABAYAHUDI 58
IGICE CYA 9 - ABADIYAKONI BARINDWI 65
IGICE CYA 10 -UMUKRISTO WA MBERE WAHOWE UKWIZERA KWE 72
IGICE CYA 11 - UBUTUMWA BWIZA I SAMARIYA 77
IGICE CYA 12 - UWATOTEZAGA AHINDUKA UMWIGISHWA 84
IGICE CYA 13 - IMINSI YO KWITEGURA 92
IGICE CYA 14 - UMUNTU WASHATSE UKURI 98
IGICE CYA 15 - GUKURWA MU NZU Y'IMBOHE 107
IGICE CYA 16 - UBUTUMWA BWIZA MURI ANTIYOKIYA 116
IGICE CYA 17 - INTEGUZA Z'UBUTUMWA BWIZA 124
IGICE CYA 18 - KUBWIRIZA MU BANYAMAHANGA 132
IGICE CYA 19 - ABAYAHUDI N'ABANYAMAHANGA 140
IGICE CYA 20 - KWEREREZA UMUSARABA 150
IGICE CYA 21 - MU NTARA ZA KURE 158
IGICE CYA 22 - TESALONIKE 165
IGICE CYA 23 - I BEROYA NA ATENE 173
IGICE CYA 24 - KORINTO 182

IGICE CYA 25 - INZANDIKO KU BANYATESALONIKE 190
IGICE CYA 26 - APOLO ARI KORINTO 200
IGICE CYA 27 - EFESO 209
IGICE CYA 28 - IMINSI Y'IMIRUHO N'IBIGERAGEZO 217
IGICE CYA 29 - UBUTUMWA BW'IMBUZI NO KWINGINGA 222
IGICE CYA 30 - GUHAMAGARIRWA KUGERA KU RUGERO RWO HEJURU 230
IGICE CYA 31 - UBUTUMWA BWAKIRIWE..... 241
IGICE CYA 32 - ITORERO RITANGANA UBUNTU 250
IGICE CYA 33 - GUKORA MU GIHE KIRUHIJE 258
IGICE CYA 34 - UMURIMO WERA 267
IGICE CYA 35 - AGAKIZA KU BAYAHUDI. 277
IGICE CYA 36 - UBUHAKANYI I GALATIYA 285
IGICE CYA 37 - PAWULO AJYA I YERUSALEMU BWA NYUMA 290
IGICE CYA 38 - PAWULO ARI IMFUNGWA..... 298
IGICE CYA 39 - URUBANZA RWABEREYE I KAYISARIYA 313
IGICE CYA 40 - PAWULO AJURIRIRA KAYISARI 320
IGICE CYA 41 - HABUZE GATO UKANYEMEZA 324
IGICE CYA 42 - URUGENDO NO KUROHAMA 329
IGICE CYA 43 - PAWULO ARI I ROMA..... 335
IGICE CYA 44 - MU RUGO RWA KAYISARI 346
IGICE CYA 45 - INZANDIKO ZANDIKIWE I ROMA 352
IGICE CYA 46 - PAWULO AHABWA UMUDENDEZO 365
IGICE CYA 47 - PAWULO AFATWA UBUHERUKA 368
IGICE CYA 48 - PAWULO IMBERE YA NERO. 370
IGICE CYA 49 - URWANDIKO RWA NYUMA PAWULO YANDITSE 375
IGICE CYA 50 - PAWULO ACIRWA URWO GUPFA..... 384
IGICE CYA 51 - MWUNGERI UDAHEMUKA..... 388
IGICE CYA 52 - GUSHIKAMA KUGEZA KU GUPFA 399

IGICE CYA 53 - YOHANA UKUNDWA 406
IGICE CYA 54 - UMUHAMYA W'INDAHEMUKA 411
IGICE CYA 55 - GUHINDURWA N'UBUNTU 419
IGICE CYA 56 - PATIMOSI 427
IGICE CYA 57 - IBYAHISHUWE 434
IGICE CYA 58 - ITORERO RINESHA 445

IJAMBO RY'IBANZE

Kuva kera igitabo cya gatanu cyo mu Isezerano Rishya cyamenyekanye ko ari *Ibyakozwe n'Intumwa;* nyamara uyu mutwe ntushobora kuboneka muri icyo gitabo ubwacyo. Zimwe mu nyandiko za kera z'Ibyanditswe Byera zavumbuwe ku Musozi wa Sinayi zitanga umutwe mu ijambo ryoroheje ari ryo: *"Ibyakozwe"* nta kuvuga intumwa. Hari impamvu yabiteye. *Ibyakozwe* byagombaga kuruta amateka magufi y'umurimo wakozwe n'intumwa cumi n'ebyiri, kandi bikanaruta cyane ibintu by'ingenzi byabaye ku bantu bane b'ingenzi muri uwo murimo ari bo Petero, Yakobo, Yohana na Pawulo. {INI 5.1}

Igitabo cy'*Ibyakozwe* cyanditswe na Luka; "Umuganga ukundwa" w'umunyamahanga wihanye, wandikiye Itorero ryose ari Abayahudi kimwe n'Abanyamahanga. Nubwo kivuga ibyabaye mu gihe kirenze ho gato imyaka mirongo itatu, cyuzuye amasomo y'ingirakamaro ku Itorero ryo mu bihe byose. Mu gitabo cy'Ibyakozwe, Imana ivuga yeruye ko muri iki gihe Umukristo azagaragarwaho na wa Mwuka wamanukanye imbaraga ku munsi wa Pentekote ugatuma inkuru y'ubutumwa bwiza yaka nk'ibirimi by'umuriro. Imirimo Mwuka Muziranenge yakoze ayinyujije muri Petero, Pawulo, Yohana na Yakobo n'abandi, ishobora kongera gukorerwa mu bigishwa bo muri iki gihe. {INI 5.2}

Uburyo igitabo cy'*Ibyakozwe* gisoza gitunguranye ntabwo ari kubw'impanuka.Bigaragaza ko inkuru itarangiye kandi ko ibikorwa Imana ikora ibinyujije muri Mwuka Muziranenge bigomba gukurikirana mu bihe byose bya Gikristo ku buryo buri gisekuru cyongera igice cyuzuye ubwiza n'imbaraga kubyo icyakibanjirije cyasize. {INI 5.3}

Ibikorwa byanditswe muri iki gitabo mu by'ukuri ni ibikorwa bya Mwuka bitewe n'uko mu gihe cy'intumwa Mwuka Muziranenge ari we wari umujyanama n'umufasha w'abayobozi ba Gikristo. Ku munsi wa Pentekote abigishwa basengaga buzujwe Mwuka kandi babwiriza ubutumwa bwiza bafite imbaraga. Abantu barindwi batoranyijwe ngo babe abadiyakoni bari « buzuye Umwuka Wera n' Ubwenge » (Ibyak 6 :3). Mwuka Muziranenge ni we wayoboye ukurambikwaho ibiganza kwa Sawuli (Ibyak 9 :17); ni we wayoboye kwemerwa kw'abanyamahanga mu Itorero ! (Ibyak 10 :44-47); niwe wabayoboye mu gihe cyo gutoranya Barinaba na Sawuli kugira ngo bajye gukora umurimo (Ibyak

13:2-4); ni we wabayoboye mu nama y'i Yerusalemu (Ibyak 15 :28); no mu ngendo zose za Pawulo z'ivugabutumwa (Ibyak 16 :6,7). Ikindi gihe ubwo Itorero ryababazwaga cyane rikarenganywa n'Abaroma n'Abayahudi, Mwuka Muziranenge ni we wakomeje abizera kandi abarinda kugwa mu buyobe. {INI 5.4}

Ibyakozwe n'Intumwa ni kimwe mu bitabo biheruka byanditswe na Ellen G . White. Cyashyikirijwe abasomyi mu myaka mike mbere y'urupfu rwe. Ni kimwe mu bitabo bijijura cyane byanditswe na we. Umusomyi azakibonamo umucyo umufasha gutanga ubuhamya bwa Gikristo.Ubutumwa bw'iki gitabo buracyari bushya, kandi kuba kijyanye n'igihe byigaragariza mu muhati w'umwanditsi werekana ko abantu bo muri iki gihe bazahabwa imbaraga ya Mwuka iruta ya yindi yo ku munsi wa Pentekote. Umurimo wo kuvuga ubutumwa bwiza ntabwo uzarangirana ukwigaragaza guke kw'imbaraga ya Mwuka Muziranenge kurusha iyaranze itangira ryawo. Isengesho n'icyifuzo kivuye ku mutima by'ababagejejeho iki gitabo ni uko umusomyi wacyo yagira uruhare mu kongera kugaragaza ibyiza by'Itorero rya mbere kandi akanirindwa ibyiganano by'umwanzi w'abantu wiyoberanya. {INI 6.1}

Abanditsi

IGICE CYA 1 - UMUGAMBI IMANA IFITIYE ITORERO RYAYO

Itorero ni umuyoboro washyizweho n'Imana kubw'agakiza k'abantu. Ryateguriwe gukora umurimo kandi inshingano yaryo ni ukugeza ubutumwa bwiza ku batuye isi. Kuva mu itangiriro, umugambi w'Imana wari uko binyuze mu Itorero ryayo, abatuye isi bari kugaragarizwa kamere yayo yose ndetse n'uko yihagije. Abizera bagize Itorero, abo yahamagariye ikabakura mu mwijima maze ikabageza mu mucyo wayo w'itangaza, bagomba kugaragaza ubwiza bwayo. Itorero ni ikigega cy'ubutunzi bw'ubuntu bwa Kristo; kandi binyuze mu Itorero, ukwigaragaza guheruka kandi kuzuye k'urukundo rw'Imana kuzamenyeshwa n'ibinyabutware n'ibinyabushobozi by'ahantu ho mu ijuru. Abanyefezi 3:10. {INI 9.1}

Mu Byanditswe Byera harimo amasezerano menshi kandi meza cyane yerekeye Itorero. «*Inzu yanjye izitwa inzu yo gusengerwamo n'amahanga yose."* Yesaya 56:7. « *Izo ntama zanjye n'imyanya ikikije umusozi wanjye, byose nzabigira ibihesha umugisha; kandi nzavubira imvura mu gihe cyayo; hazagwa imvura y'umugisha." «Nzazimereza urwuri ruzazibera ikirangirire, kandi ntabwo zizongera kwicirwa n'inzara mu gihugu, cyangwa gukozwa isoni n'amahanga ukundi. Na zo zizamenya yuko jye, Uwiteka Imana yazo, ndi kumwe na zo, kandi yuko inzu ya Isirayeli ari yo bwoko bwanjye. Ni ko Umwami Uwiteka avuga. Namwe ntama zanjye, intama z'urwuri rwanjye, muri abantu, nanjye ndi Imana yanyu, ni ko Umwami Uwiteka avuga.* » Ezek 34:26, 29-31. {INI 9.2}

« *Mwebwe n'umugaragu wanjye natoranije, muri abagabo bo guhamya ibyanjye," ni ko Uwiteka avuga, « kugira ngo mumenye munyizere munyitegereze ko ari jye: nta*

Mana yambanjirije kubaho, kandi nta yizamperuka. Jyewe, jye ubwanjye, ni jyewe Uwiteka ; kandi nta wundi mukiza utari jyewe. Ni jye wabwirije iby'agakiza kandi ndakiza, ndabigaragaza, kandi muri mwe nta yindi Mana yahabaye ; ni cyo gituma muri abagabo bo ku mpamya, ko ari jyewe Mana. » Ni ko Uwiteka avuga. « Jyewe Uwiteka naguhamagariye gukiranuka, nzagufata ukuboko, nzakurinda, nguhe kuba isezerano ry'abantu no kuba umucyo uvira abanyamahanga, no guhumura impumyi, ukabohora imbohe, ugakura ababa mu mwijima mu nzu y'imbohe. » Yesaya 43:10- 12; 42 :6,7. {INI 9.3}

Uwiteka aravuga ati: «*Igihe cyo kwemererwamo ndagushubije, no ku munsi wo gukirizwamo ndagutabaye ; kandi nzagukiza ngutange ho isezerano ry'abantu, kugira ngo uhagurutse igihugu, utume baragwa gakondo yabo yabaye umwirare. Kandi ubwire imbohe zisohoke n'abari mu mwijima uti ' Nimugaragare.' Bazarishiriza ku mayira; no mu mpinga z'imisozi zose ahari agasi hazaba urwuri. Ntibazicwa n'inzara cyangwa inyota: kandi icyokere ntikizabageraho, n'izuba ntirizabica; kuko uwabagiriye imbabazi azabajya imbere, akabajyana ku masoko y'amazi. « Imisozi yanjye yose nzayihindura inzira, kandi inzira zanjye za nyabagendwa zizuzuzwa zishyirwe hejuru. Dore aba bazava kure ; dore aba bazava i Kasikazi n'uburengerazuba, kandi aba nabo bazaturuka mu gihugu cy' i Sinimu. » Ririmba wa juru we nawe wa si we, unezerwe; mwa misozi mwe, muturagare muririmbe, kuko Uwiteka amaze abantu be umubabaro kandi abantu barengana azabagirira imbabazi. Ariko Siyoni aravuga ati : 'Yehova yarantaye, Uwiteka aranyibagiwe.' Mbese umugore yakwibagirwa umwana yonsa, ntababarire uwo yibyariye? Icyakora bo babasha kwibagirwa, ariko jye sinzakwibagirwa. Dore nguciye mu biganza byanjye nk'uca imanzi, kandi inkike zawe ziri imbere yanjye iteka.*» Yesaya 49:8-16. {INI 9.4}

Itorero ni igihome cy'Imana, ni umudugudu wayo w'ubuhungiro yashyize ku isi yagomye. Ubugambanyi ubwo ari bwo bwose bukorewe Itorero ni ubuhemu ku wacunguje abantu amaraso y'umwana We w'ikinege. Kuva mu ntangiriro, abantu b'indahemuka bari bagize Itorero ku isi. Buri gihe Uwiteka yabaga yifitiye abarinzi bahaga ubuhamya buzira amakemwa abo mu gihe cyabo. Aba barinzi batanze ubutumwa bw'imbuzi, kandi igihe bahamagarirwaga kurambika intwaro zabo, abandi bakomezaga umurimo. Imana yagiranye na bo isano rishingiye ku masezerano ihuza Itorero ryo ku isi n'iryo mu ijuru. Yohereje abamarayika bayo kugira ngo bakorere Itorero ryayo, kandi n'urupfu

ntirwabashije gutsinda ubwoko bwayo. {INI 10.1} Mu binyejana byinshi byo gutotezwa, amakimbirane n'umwijima, Imana yakomeje Itorero ryayo. Nta kintu na kimwe cyarigwiriye Imana itararite guye; nta mbaraga n'imwe yahagurukiye kurwanya umurimo wayo Imana itarabanje kuyibona. Byose byabaye nk'uko yari yarabibonye mbere. Ntabwo yigeze itererana Itorero ryayo, ahubwo yari yaravugiye mu buhanuzi ibyari kuzabaho, kandi ibyo Mwuka wayo yahumekeye mu bahanuzi kugira ngo babivuge bitaraba, byarasohoye.
Imigambi yayo yose izasohora. Amategeko yayo yomatanye n'ingoma yayo, kandi nta mbaraga y'umubisha ishobora kuyihangura. Ukuri guhumekwa ndetse kukarindwa n'Imana kandi kuzatsinda abakurwanya bose. {INI 10.2}

Mu gihe cy'umwijima mu by'Umwuka, Itorero ry'Imana ryabaye nk'umurwa wubatswe mu mpinga y'umusozi. Uko ibihe byagiye bikurikirana n'ibisekuru bigasimburana, inyigisho nzima zitangwa n'ijuru zagiye zisakazwa mu mbibi z'uwo murwa. Nubwo Itorero ryagaragara nk'irinyantegenke, ni ryo kintu kimwe Imana ihozaho ijisho ryayo mu buryo budasanzwe. Ni naho ubuntu bwayo bugaragarira aho yishimira guhishurira imbaraga yayo ihindura imitima. {INI 10.3}

Kristo yarabajije ati: « Mbese ubwami bw'Imana twabugereranya n'iki ? Cyangwa twabusobanuza mugani ki?" . Mariko 4:30. Ntiyashoboraga gukoresha ubwami bw'iyi si nk'ikigereranyo. Nta kintu na kimwe yabonye yagereranya na bwo. Ubwami bw'isi butegekesha igitugu; ariko mu bwami bwa Kristo intwaro zose zo mu buryo bw'umubiri, n'ibikangisho byose ntibiharangwa. Ubu bwami ni ubwo gushyira hejuru no guhesha icyubahiro ikiremwamuntu. Itorero ry'Imana ni ubuturo burimo ubuzima buzira inenge, bwuzuye impano zitandukanye kandi bwahawe Mwuka Muziranenge. Abagize iryo torero babonera umunezero mu kunezerwa kw'abo bafasha bakanabahesha umugisha. Umurimo Imana igambiriye gukora ibinyujije mu Itorero ryayo kugira ngo izina ryayo rihabwe icyubahiro, ni umurimo utangaje. Icyitegererezo cy'uyu murimo kiboneka mu iyerekwa rya Ezekiyeli ubwo yabonaga uruzi rw'agakiza. {INI 11.1}

Maze arambwira ati, « Aya mazi atemba, agana iburasirazuba, azagera no mu Araba kandi agere no mu nyanja ; nagera mu nyanja, amazi yo muri yo azakira…Ku nkombe z 'uwo mugezi, mu mpande zombi, hazamera igiti cyose cyera ibiribwa, ibibabi byabyo ntabwo

bizuma, n'amatunda yabyo ntabwo azabura; bizajya byera uko ukwezi gutashye, kuko amazi yaho ava mu buturo bwera; amatunda yabyo azaba ibyokurya, nabyo ibibabi byabyo bibe umuti uvura. » Ezekiyeli 47:8-12. {INI 11.2}

Kuva mu itangiriro, Imana yakoreraga mu bantu bayo kugira ngo ihe umugisha abatuye isi. Imana yahinduye Yozefu isoko y'ubuzima ku ishyanga rya kera rya Misiri. Biturutse ku bunyangamugayo bwa Yozefu ishyanga ryose ryararinzwe. Binyuze muri Daniyeli, Imana yarokoye ubuzima bw'abanyabwenge bose b'i Babuloni, kandi uku kurokorwa ni nk'ibyigisho kuko byerekana imigisha mu by'umwuka yahawe ab'isi iturutse ku Mana Yosefu na Daniyeli baramyaga. Buri muntu wese utunze Kristo mu mutima we, ndetse n'uwo ari we wese uzereka abatuye isi urukundo rwe, uwo ni we ukorana n'Imana kugira ngo inyokomuntu ihabwe umugisha. Igihe ahabwa ubuntu buva ku Mukiza kugira ngo abugeze ku bandi, mu mibereho ye yose hadudubiza imigezi y'amazi y'ubugingo. {INI 11.3}

Imana yatoranyije Abisiraheli kugira ngo bagaragarize abantu imico yayo.Yifuzaga ko baba amasoko y'agakiza mu isi. Baragijwe ubwiru bw'ijuru ari bwo guhishurwa k'ubushake bwayo. Mu minsi ya kera y'Abisiraheli, amahanga yo ku isi yari yarateye Imana umugongo binyuze mu migenzereze mibi. «*Kuko ubwo bamenye Imana batayubahirije nk'Imana haba no kuyishima, ahubwo bahinduka abibwira ibitagira umumaro, maze imitima yabo y'ibirimarima icura umwijima.* »Abaroma 1 :21. Nyamara kubw'impuhwe zayo, ntabwo Imana yabarimbuye. Yafashe umugambi wo kubaha amahirwe yo kongera kumenyana na Yo binyuze mu bwoko bwayo bwatoranyijwe. Binyuze mu myigisho zo gutamba ibitambo, Yesu yagombaga kwererezwa imbere y'amahanga yose kandi abantu bose bari kumuhanga amaso bashoboraga kubaho. Kristo yari urufatiro rw'ubutunzi bw'Abayuda. Ibyo bakoraga byose by'ibishushanyo byari ubuhanuzi bukubiye hamwe bw'ubutumwa bwiza, akaba n'uburyo bukubiyemo amasezerano yo gucungurwa. {INI 12.1}

Nyamara ubwoko bw'Abisiraheli nk'abari bahagarariye Imana, bwivukije amahirwe akomeye bwari bufite. Bwibagiwe Imana maze bunanirwa gusohoza inshingano yera bwari bwarahawe. Imigisha bahawe ntiyageze ku batuye isi. Bigumaniye amahirwe yose bari bafite kubwo kwishyira hejuru kwabo. Bitaruye abandi bantu bagira ngo

bahunge ibishuko. Uko Imana yari yarababujije kwifatanya n'abasenga ibigirwamana ikabikorera kubarinda gukurikiza imigirire y'abapagani, babikoresheje bubaka inkuta zibatandukanya n'andi mahanga yose. Batumye Imana itagera ku murimo yashakaga kubakoresha kandi ntibabera abandi abayobozi mu by'iyobokamana n'urugero ruzira amakemwa. {INI 12.2}

Abatambyi n'abatware b'urusengero bari batsimbaraye ku mihango yabaye akamenyero. Bari banyuzwe no kuba mu idini ikurikiza amategeko, kandi ntibyabashobokeraga ko bashyira abandi ukuri kuzima mvajuru. Batekerezaga ko ubutungane bwabo bwite buhagije ku buryo batifuzaga ko hagira ikindi kintu gishya cyinjizwa mu myizerere yabo. Ntabwo bemeye ko ineza y'Imana ari umuco batifitemo, ahubwo bumvaga ko ari ikintu bigereyeho kubw'imirimo yabo myiza. Ukwizera gukorera mu rukundo kandi kugatunganya umutima ntikwari kubona uko gufatanywa n'idini y'Abafarisayo yari igizwe n'imihango n'amategeko y'abantu. {INI 12.3}

Imana yavuze ku ishyanga rya Isirayeli iti: «*Ariko nari narakugize uruzabibu rwiza cyane, umubyare utunganye rwose : none se wahindutse ute ukambera nk'igiti cy'ingwingiri cy'uruzabibu ntazi?»Yeremiya 2:21 « Isirayeli ni uruzabibu rurumbuka, rwera imbuto zarwo*» Hoseya 10 :1 *«Yemwe mwa baturage b'i Yerusalemu mwe, namwe bagabo b'i Buyuda nimudukize jyewe n'uruzabibu rwanjye. Ikintu nari nkwiriye gukorera uruzabibu rwanjye nasize ni ikihe ? Ko nari niringiye ko ruzera inzabibu, ni iki cyatumye rwera indibu ? Noneho rero reka mbabwire icyo ngiye gukorera urutoki rwanjye. Nzasenya uruzitiro rwarwo, maze rwonwe rwose; nsenye n'inkike yarwo, runyukanyukwe ; kandi nzarurimbura ; ntiruzicirwa, ntiruzahingirwa;ahubwo ruzameramo imifatangwe n'amahwa kandi nzategeka ibicu bye kurugushamo imvura ; kuko urutoki rw'Uwiteka Nyiringabo ari inzu ya Isirayeli, n'Abayuda ni insina yishimiraga ; yabiringiragamo imanza zitabera ariko abasangamo kurenganya; yabiringirangamo gukiranuka ariko abasangamo umuborogo. » Yesaya 5 :3-7. « Izacitse intege ntimwazisindagije, kandi ntabwo mwavuye izari zirwaye, n'izavunitse ntimwazunze, izatatanijwe ntimwazigaruye, kandi ntimwashatse izazimiye; ahubwo mwazitegekesheje igitugu n'umwaga.* » Ezek 34:4 {INI 12.4}

Abayobozi b'Abayuda bibwiraga ko ari injijuke cyane ku buryo badakeneye kwigishwa, bakibwira ko ari intungane bihagije ku buryo

badakeneye agakiza, ndetse ko bubashwe cyane ku buryo badakeneye icyubahiro kiva kuri Kristo. Umukiza rero yarabaretse maze amahirwe bari barapfushije ubusa n'umurimo bari barirengagije abiha abandi. Icyubahiro cy'Imana kigomba guhishurwa kandi ijambo ryayo rigashinga imizi. Ingoma ya Kritso igomba kwimikwa mu isi. Agakiza Imana itanga kagomba kumenyekanishwa mu midugudu yo mu butayu; kandi abigishwa bahamagariwe gukora umurimo abayobozi b'Abayuda bari barananiwe gukora. {INI 13.1}

****

IGICE CYA 2 - GUTOZWA KW'ABIGISHWA CUMI NA BABIRI



Kugira ngo umurimo We ukomeze ukorwe, Kristo ntiyahisemo ubwenge cyangwa ubutyoza bw'abari bagize urukiko rukuru rw'Abayahudi cyangwa ngo yite ku bubasha bwa Roma. Yesu yirengagije abigisha b'Abayahudi bigize intungane maze ahitamo abagabo bicishije bugufi, batigeze biga kugira ngo bamamaze ukuri kwagombaga kunyegenyeza isi. Yafashe umugambi wo gutoza abo bagabo no kubigisha nk'abayobozi b'Itorero rye. Nabo bagombaga kwigisha abandi maze bakabohereza bajyanye inkuru y'ubutumwa bwiza. Kugira ngo bazagere ku musaruro mwiza mu murimo wabo, bagombaga guhabwa imbaraga ya Mwuka Muziranenge. Ntabwo ubutumwa bwiza bwari kwamamazwa n'imbaraga cyangwa ubwenge bya kimuntu, ahubwo bwari kwamamazwa n'imbaraga y'Imana. {INI 14.1}

Abigishwa bamaze imyaka itatu n'igice batozwa n'Umwigisha uruta abandi wabaye ku isi. Mu gushyigikirana no kubana mu buryo bwihariye, Kristo yabatoje gukora umurimo we. Buri munsi bagendanaga kandi bakaganira na Kristo, bakumva uko yakomezaga abarushye n'abaremerewe; ndetse bakabona ukwigaragaza kw'imbaraga ze ku barwayi n'imbabare. Rimwe na rimwe yicaranaga nabo mu ibanga ry'umusozi akabigisha; ubundi babaga bari ku nkengero y'inyanja cyangwa bagenda mu nzira maze akababahishurira ubwiru bw'Ubwami bw'Imana. Aho ari ho hose imitima yabaga yiteguye kwakira ubutumwa mvajuru, yababwiraga ukuri kw'inzira y'agakiza. Ntiyigeze ategeka abigishwa gukora iki cyangwa kiriya, ahubwo yaravuze ati, "Munkurikire." {INI 14.2}

Mu ngendo ze, ari mu cyaro cyangwa mu mijyi, yajyanaga na bo kugira ngo barebe uko yigisha abantu. Bajyanaga nawe aho yajyaga hose. Basangiraga ibyokurya bye byoroheje, kandi nk'uko nawe byamugendekeraga, rimwe na rimwe barasonzaga kandi akenshi bakaba bananiwe. Ari mu mihanda yuzuye abantu, ku nkengero z'ikiyaga no mu butayu, babaga bari hamwe nawe. Mu buzima bwose yanyuragamo baramurebaga. {INI 14.3}

Igihe cyo gutoranya cumi na babiri nibwo hatewe intambwe y'ikubitiro muri gahunda y'Itorero ryagombaga gukomeza gukora umurimo nyuma y'uko Kristo agenda. Ku byerekeye iri toranywa ibyanditswe bivuga bitya biti, "Bukeye azamuka umusozi, ahamagara abo ashaka, baza aho ari. Atoranyamo cumi na babiri bo kubana na we, ngo abone uko ajya abatuma kubwiriza abantu ubutumwa." Mariko 3:13,14. {INI 14.4}

Itegereze ibyo byabaye uko bikora ku mutima. Reba Umwami w' ijuru akikijwe na cumi na babiri yari amaze gutoranya. Yari hafi kubarobanurira gukora umurimo wabo. Akoresheje abanyantegenke, kandi binyuze mu ijambo rye na Mwuka we, yateguye kugeza agakiza kuri buri muntu wese. {INI 15.1}

Imana n'abamarayika bitegereje iki gikorwa bafite ibyishimo n'umunezero. Data wa twese yari azi ko umucyo wo mu ijuru wari kuzamurika uturuka kuri bariya bagabo; kandi ko igihe bari guhamya Umwana we amagambo yabo yari kuzumvikana ava ku gisekuru kimwe ijya ku kindi kugeza ku mperuka y'igihe. {INI 15.2}

Abigishwa bagombaga kugenda nk'abahamya ba Kristo, bakajya kubwira abatuye isi ibyo bamubonanye n'ibyo bamwumvanye. Uretse umurimo Kristo yakoze ubwe, inshingano yabo yari iy'agaciro kanini umuntu yigeze ahamagarirwa gukora. Kugira ngo abantu bakizwe abigishwa bagombaga gukorana n'Imana. Nk'uko mu Isezerano rya Kera ishyanga ry'Abisirayeli ryari rihagarariwe n'abakurambere cumi na babari ni nako intumwa cumi n'ebyiri zahagarariye Itorero ryamamaza Ubutumwa bwiza. {INI 15.3}

Mu gihe cy'umurimo we ku isi Kristo yatangiye gusenya urukuta rwatandukanyaga Abayahudi n'Abanyamahanga, anatangira kubwiriza agakiza ku nyokomuntu yose. Nubwo yari Umuyahudi, yasabanaga n'Abasamariya maze ahindura ubusa imigenzo ya gifarisayo

y'Abayahudi yerekeranye n'ubu bwoko bw'insuzugurwa. Yararaga mu mazu y'Abasamariya, bagasangira kandi akigishiriza mu mihanda yabo. {INI 15.4} Umukiza yashaga kubwira abigishwa be ukuri kujyanye no gusenya urukuta rwatandukanyaga Abisiraheri n'andi mahanga. Uko kuri kuvuga ko *"abanyamahanga bagomba kuba abaraganwa n'Abayahudi" kandi bagaheshwa n'ubutumwa bwiza kuzaraganwa n'Abayahudi ibyasezeranijwe muri Kristo Yesu"* Abefeso 2:14; 3:6. {INI 15.5}

Uku kuri kwagaragajwe mu buryo bumwe igihe Umukiza yagororeraga ukwizera k'umuyobozi w'abasirikare ijana i Kaperinawumu, ndetse n'igihe yabwirije ubutumwa bwiza abaturage b' i Sukara. Uku kuri kandi kongeye kuvugwa igihe yasuraga i Foyinike, ubwo yakizaga umukobwa w'umugore w'umunyakananikazi. Ibi byose byafashije abigishwa gusobanukirwa ko mu bo abantu benshi bafataga nk'abadakwiriye agakiza, harimo abasogonzeye umucyo w'ukuri. {INI 15.6}

Kristo rero yashakaga kwigisha abigishwa ukuri yuko mu Bwami bw'Imana nta mipaka, amoko cyangwa ubusumbane; ahubwo ko bagomba kujya mu mahanga yose bayashyiye ubutumwa bw'urukundo rw'Umukiza. Nyamara bidatinze baje gusobanukirwa mu buryo bwuzuye ko Imana *" yaremye amahanga yose y'abantu, bakomoka ku muntu umwe, ibakwiza mu isi yose. Ni na yo yashyizeho ibihe by'imyaka ko bikuranwa uko yategetse, igabaniriza abantu ingabano z'aho batuye, kugira ngo bashake Imana, ngo ahari babashe kuyibona bakabakabye; kandi koko ntiri kure y'umuntu wese muri twe."* Ibyak 17:26, 27. {INI 16.1}

Muri aba bigishwa ba mbere hagaragaye itandukaniro rigaragara. Bagombaga kwigisha isi, kandi bari bafite imico itandukanye cyane. Kugira ngo basohoze neza inshingano bahamagariwe; aba bagabo bari batandukanye mu mico n'ingeso zo mu mibereho, bari bakeneye guhuza intekerezo n'ibikorwa. Ubu bumwe ni bwo Kristo yaharaniraga kubagezaho. Yashakaga ko baba umwe na we. Umutwaro w'ibyo yashakaga kubakorera ugaragarira mu isengesho rye asaba Se agira ati,*"Ngo bose babe umwe, nk'uko uri muri jye , Data, nanjye nkaba muri wowe, ngo na bo babe umwe muri twe, ngo ab'isi bizere ko ari wowe wantumye." "Jyewe mbe muri bo, nawe ube muri jye, ngo babe umwe rwose, ngo ab'isi bamenye ko ari wowe wantumye, ukabakunda nk'uko*

wankunze." Yohana 17:21, 23. {INI 16.2}.Isengesho rye rya buri gihe ni uko yabasabiraga kwereshwa ukuri; kandi yasenganaga kwizera azi neza ko itangazo ry'Ushoborabyose ryari ryaratanzwe mbere y'uko isi iremwa. Yari azi ko ubutumwa bwiza buzigishwa amahanga yose ngo buyabere ubuhamya. Yari azi ko ukuri kwambaye ubushobozi bwose bwa Mwuka Muziranenge kuzatsinda mu rugamba rwo kurwanya ikibi kandi ko umunsi umwe inkota yandujwe n'amaraso izazungurizwa hejuru y'abayoboke be bishyimira insinzi. {INI 16.3}

Igihe umurimo wa Kristo ku isi wari hafi kurangira, maze akabona ko mu gihe gito agiye gusiga abigishwa be bagakomeza gukora umurimo batari hamwe nawe, yashatse ukuntu yabakomeza n'uko yabategurira kuzifata mu gihe cyari kigiye gukurikiraho. Ntiyigeze ababeshya ngo abahe ibyiringiro bidafite ishingiro.

Yababwiye ibyagombaga kubaho nk'usoma igitabo kibumbuye. Yari azi ko ari hafi gutandukana nabo, abasize nk'intama hagati y'amasega. Yari azi ko bazatotezwa, bakazirukanwa mu nsengero, ndetse bakajugunywa mu nzu z'imbohe. Yari azi ko bamwe bazicwa bahorwa kumuhamya nka Mesiya, kandi ikintu cyose kirebana n'ibi yarakibabwiye. Mu kubabwira ku hazaza habo, yaraberuriye kugira ngo mu bigeragezo byari imbere yabo bazibuke amagambo ye maze bashikame mu kumwizera nk'Umucunguzi. {INI 16.4}

Yanababwiye amagambo y'ibyiringiro no kubatera ubutwari. *"Ntimuhagarike imitima yanyu; mwizere Imana, nanjye munyizere. Mu rugo rwa Data harimo amazu menshi: iyaba atahari, mba mbabwiye kuko ngiye kubategurira ahanyu. Kandi ubwo ngiye kubategurira ahanyu, nzagaruka mbajyane iwanjye, ngo aho ndi, namwe muzabeyo. Kandi aho njya, inzira murayizi."* Yohana 14:1-4. Naje mu isi ku bwanyu; kandi ni mwe nakoreraga. Ningenda nzakomeza kubakorera mbyitayeho. Nazanywe mu isi no kubihishurira kugira ngo mwizere. Ngiye kubavuganira kwa Data ari na we So. {INI 17.1}

"Ni ukuri, ni ukuri, ndababwira yuko unyizera, imirimo nkora na we azayikora: ndetse azakora n'iyiruta, kuko njya kwa Data." Yohana 14:12. Avuga ibi, ntabwo Yesu yavugaga ko abigishwa bazakora ibirenze ibyo yakoze, ahubwo yavugaga ko umurimo wabo uzagera kuri benshi kurusha uwe. Ntiyavugaga ku gukora ibitanganza gusa; ahubwo yavugaga ku byari kuzabaho byose biyobowe na Mwuka

Muziranenge. Yaravuze ati: *“Umufasha naza, uwo nzabohererezа, ava kuri Data, ni we Mwuka w’ukuri ukomoka kuri Data, azampamya: kandi namwe mumpamya, kuko uhereye mbere na mbere mwari kumwe nanjye.”* Yohana 15:26, 27. {INI 17.2}

Aya magambo yasohoye mu buryo butangaje. Nyuma yo kumanuka kwa Mwuka Muziranenge, abigishwa bujujwe urukundo bamukunda ndetse n’abo yapfiriye ku buryo amagambo bavugaga n’amasengesho yabo byoroshyaga imitima y’abantu.Bavuganye imbaraga ya Mwuka Muziranenge, kandi kubw’iyo mbaraga abantu benshi biyeguriye Imana. {INI 17.3}

Nk’abahagarariye Kristo, intumwa zagombaga gushyira urwibutso ruhamye ku isi. Kuba bari abagabo bicishije bugufi, ntabwo byatumye ijambo ryabo rigira imbaraga nke, ahubwo byarazongeye kuko ibitekerezo by’ababategaga amatwi byari gukurwa ku bigishwa bikerekezwa ku Mukiza wari ugikorana na bo nubwo batamurebaga. Ukwigisha gutangaje kw’intumwa, amagambo yabo yuzuye ubutwari n’ibyiringiro byagombaga guhamiriza abantu bose ko badakoreshwa n’imbaraga yabo ubwabo, ko ahubwo bakoreshwa n’imbaraga ya Kristo. Mu kwicisha bugufi kwabo, bari kwamamaza Uwo Abayahudi babambye ku musaraba, yari Umwami w’ubugingo,
Umwana w’Imana nzima, kandi ko ari mu izina rye bakora imirimo yakoraga. {INI 17.4}

Mu kiganiro cyo gusezera yagiranye n’abigishwa be mu ijoro ribanziriza kubambwa, ntabwo Umukiza, yakomoje ku mibabaro yari yarihanganiye n’iyo yari agiye guhura nayo. Ntabwo yigeze avuga ku gukozwa isoni yari agiye guhura nako, ahubwo yashatse kubabwira ibyajyaga gukomeza ukwizera kwabo, abayobora ku gutegereza ibyishimo bitegereje umuneshi. Yanejejwe n’uko yari kuzakorera abayoboke be ibirenze ibyo yari yarasezeranye; kandi ko muri we hari kuzasohoka urukundo n’impuhwe byoza urusengero rw’imitima maze bigatuma abantu bahinduka nka we mu mico. Yanejejwe kandi ko ukuri kwe kwambaye imbaraga ya Mwuka kwari kuzakomeza kugenda gutsinda. {INI 17.5}

« Ibyo mbibabwiriye kugira ngo mugire amahoro muri jye. Mu isi mugira umubabaro, ariko nimuhumure, nanesheje isi. » Yohana 16 :33 . Kristo ntiyigeze atsindwa cyangwa ngo acike intege, kandi abigishwa

bagombaga kwerekana ukwizera nk'uko. Bagombaga gukora nk'uko yakoze, akaba ari we bakomoraho imbaraga. Nubwo inzira yabo yari gufungwa n'ibisa n'ibibagaragariza ko umurimo wabo udashoboka, nyamara kubw'ubuntu bw'Imana bagombaga kujya mbere, nta kibihebesha kandi bafite ibyiringiro byose. {INI 18.1}

Kristo yari yararangije umurimo yari yarahawe gukora. Yari yaramaze guteranyiriza hamwe abagombaga gukomeza gukora umurimo we mu bantu. *« Kandi ibyanjye byose ni ibyawe; n'ibyawe na byo ni ibyanje, kandi nubahirijwe muri bo. Jye sinkiri mu isi, ariko bo bari mu isi, naho jye ndaza kuri wowe. Data Wera, ubarindire mu izina ryawe wampaye, ngo babe umwe, nk'uko natwe turi umwe." «Sinsabira aba bonyine, ahubwo ndasabira n'abazanyizezwa n'ijambo ryabo, ngo bose babe umwe, nk'uko uri muri jye, Data, nanjye nkaba muri wowe, ngo na bo babe umwe muri twe, ngo ab'isi bizere ko ari wowe wantumye. Nanjye mbahaye ubwiza wampaye ngo babe umwe nk'uko natwe turi umwe. Jyewe mbe muri bo, nawe ube muri jye, ngo babe umwe rwose, ngo ab'isi bamenye ko ari wowe wantumye, ukabakunda nk'uko wankunze. »* Yohana17:10-11; Yohana 17:20-23. {INI 18.2}

****

IGICE CYA 3 - INSHINGANO IKOMEYE



Nyuma y'urupfu rwa Kristo, abigishwa bari hafi gutsindwa no gucika intege. Umutware wabo yari yamaze kwangwa, acirwaho iteka kandi arabambwa. Abatambyi n'abatware b'urusengero baramushinyaguriye bati, *"Yakijije abandi, ntabasha kwikiza. Ko ari Umwami w'Abisirayeli, namanuke ave ku musaraba nonaha, natwe turamwemera"*. Matayo 27:42. {INI 19.1} Ibyiringiro by'abigishwa byari byagiye nk'uko izuba rirenga maze ijoro ribundikira imitima yabo. Akenshi basubiraga muri aya magambo bati, *"Kandi twiringiraga yuko ari we uzacungura Abisirayeli."* Luka 24:21. Mu gihe babaga bigunze kandi basuherewe, bibukaga amagambo yavuze ati, *« Mbese ubwo bagenje batya igiti kikiri kibisi, nikimara kuma, bizacura iki?"* Luka 23:31. {INI 19.2}

Incuro nyinshi Yesu yari yarageregeje kugaragariza abigishwa ibigiye kuzaba nyamara ntabwo bari baritaye ku gutekereza ku byo yababwiye. Kubera iyi mpamvu urupfu rwe rwarabatunguye; maze nyuma y'aho ubwo basubiraga mu byashize bakabona ingaruka yo gushidikanya kwabo, buzuye agahinda. {INI 19.3}

Igihe Kristo yabambwaga ntibigeze bizera ko azazuka. Yari yaravuze yeruye ko azazuka ku munsi wa gatatu ariko bari bahangayikishijwe no gusobanukirwa n'ayo magambo. Uku kudasobanukirwa kwatumye ubwo yapfaga basigara nta byiringiro bafite. Bari bacitse intege bikomeye. Ukwizera kwabo ntikwigeze kurenga igicucu Satani yari yabashyize imbere. Ibintu byose byari byababereye urujijo n'amayobera. Mbega umubabaro baba bararinzwe iyo baza kuba barizeye amagambo y'Umukiza! {INI 19.4}

Abigishwa buzuye gucika intege, agahinda no kwiheba, bahuriye mu cyumba cyo hejuru maze barakinga bakomeza inzugi batinya ko ibyabaye ku Mwigisha wabo bakundaga nabo bishobora kubabaho. Muri iki cyumba ni ho Umukiza yababonekereye amaze kuzuka. {INI 19.5}

Umukiza yagumye hano ku isi iminsi mirongo ine, ategurira abigishwa gukora umurimo wari imbere yabo kandi abasobanurira neza ibyo batari barashoboye gusobanukirwa. Yavuze ku buhanuzi bwerekeye ku kuza kwe, ku kwangwa n'Abayahudi no ku rupfu rwe, yerekana ko ibyavuzwe n'ubu buhanuzi byose byasohoye. Yababwiye ko bagombaga gufata uku gusohora k'ubuhanuzi nk'igihamya cy'imbaraga yari kuzabana nabo mu mihati yabo yo mu gihe kizaza. Dusoma ngo *"Maze abungura ubwenge, ngo basobanukirwe n'ibyanditswe. Ati: "Ni ko byanditswe ko Kristo akwiriye kubabazwa no kuzuka ku munsi wa gatatu, kandi ko kwihana no kubabarirwa ibyaha bikwiriye kubwirwa amahanga yose mu izina rye, bahereye kuri Yerusalemu. Ni mwe bagabo b'ibyo."* Luka 24:45-48. {INI 19.6}

Muri iyi minsi Kristo yamaranye n'abigishwa be bungutse ibintu bishya. Uko bumvaga Umutware wabo bakunda asobanura Ibyanditswe afatiye ku byari byarabaye byose, ukumwizera kwabo kwashinze imizi ryose. Bageze ku rwego bashoboraga kuvuga bati, *"Nzi uwo nizeye uwo ari we."* 2Tim 1:12. {INI 20.1}

Batangiye gusobanukirwa imiterere n'ubugari by'umurimo wabo, babona ko bagomba kwamamaza mu isi ukuri bari babikijwe. Ibyabaye mu mibereho ya Yesu, urupfu rwe no kuzuka, ubuhanuzi bwaganishaga ku byamubayeho, ubwiru bw'inama y'agakiza n'imbaraga ya Yesu ikuraho ibyaha; ibi byose bari barabibereye abahamya kandi bagombaga kubimenyesha abatuye isi. Bagombaga kwamamaza ubutumwa bwiza bw'amahoro n'agakiza biboneka binyuze mu kwihana no mu mbaraga y'Umukiza. {INI 20.2}

Mbere y'uko Kristo azamuka mu ijuru, yahaye abigishwa be inshingano yabo. Yababwiye ko bagomba gusohoza umugambi we wo kuraga isi ubutunzi bw'ubugingo buhoraho. Yarababwiye ati: Mwabaye abahamya b'ubuzima bwanjye bwo kwitangira abatuye isi. Mwitegereje imirimo nakoreye Abisiraheyeli, kandi ubwo ubwoko bwanjye butaje aho ndi ngo bubone ubugingo, nubwo abatambyi n'abakuru bankoreye ibyo

bifuzaga, nubwo banyanze bazongera bahabwe andi mahirwe yo kwemera Umwana w'Imana. Mwiboneye ko abansanga bose batura ibyaha byabo mbakirana ubuntu. Uza aho ndi sinzamwirukana. Bigishwa banjye, mbashinze ubu butumwa bw'imbabazi bugomba gushyirwa Abayahudi n'abanyamahanga, uhereye ku Bisirayeli maze ukageza mu mahanga yose, indimi zose n'amoko yose. Abizera bose bazakoranyirizwa mu Itorero rimwe. {INI 20.3}

Inshingano yo kwamamaza Ubutumwa Bwiza ni ryo tegeko rikomeye ryo mu ngoma ya Kristo. Abigishwa bagombaga gukorana ubwitange bakorera abantu, babararikira kwakira imbabazi. Ntabwo bagombaga gutegereza ko abantu bizana ahubwo nibo bagombaga kubasanga babashyiye ubutumwa babafitiye. {INI 20.4}

Abigishwa bagombaga kujya mbere bakora umurimo wabo mu izina rya Kristo. Ijambo ryabo ryose na buri gikorwa byagombaga kwerekeza ku izina rya Kristo ryo rifite ya mbaraga ikomeye yo gukiza abanyabyaha. Ukwizera kwabo kwagombaga gushingira kuri We soko y'imbabazi n'ubushobozi. Bagombaga kubwira Data wa Twese ibyifuzo byabo babinyujije mu izina rye maze bagasubizwa. Bagombaga kubatiza mu izina rya Data wa twese n'Umwana n'Umwuka Wera. Izina rya Kristo ni ryo ryagombaga kuba ibanga ryabo, ikimenyetso kibatandukanya n'abandi, umurunga hagati yabo, umuyobozi w'icyerekezo cyabo n'isoko y'insinzi yabo. Nta kintu na kimwe cyagombaga kwemerwa mu bwami bwe kitagaragaramo izina rye kandi kidafite ikimenyetso cye. {INI 21.1}

Igihe Kristo yabwiraga abigishwa ati "mugende mu izina ryanjye muteranyirize abizeye bose mu Itorero," yabasabye yeruye ko gukomeza kwicisha bugufi ari ngombwa. Abigishwa bagombaga kuvugana ukwicisha bugufi nk'uko Kristo yavuganaga. Bagombaga gushimangira ibyigisho yari yarabigishije mu bitekerezo by'ababumvaga. {INI 21.2}

Kristo ntiyigeze abwira abigishwa be ko umurimo wabo uzaba woroshye. Yaberetse ubugambanyi bukomeye umwanzi yateguye bwo kubarwanya. Bagombaga kurwana *"n'abatware n'abafite ubushobozi n'abategeka iyi si y'umwijima, n'imyuka mibi y'ahantu ho mu ijuru"*Abefeso 6:12. Nyamara ntabwo bari guharirwa urugamba bonyine. Yabijeje ko azabana nabo kandi ko nibakomeza kujya mbere mu

kwizera, bazagendera munsi y'uburinzi bw'Ishoborabyose. Yabashishikarije kuba intwari no gukomera kuko Ukomeye kurusha abamarayika azaba ku ruhande rwabo, ari we Mugaba w'ingabo z'ijuru. Yabahaye ibikenewe byose kugira ngo bakore umurimo wabo kandi afata inshingano yo kuwugeza ku nsinzi. Igihe cyose bari kumvira ijambo Rye kandi bagakorana na we, ntibari gutsindwa. Yarabategetse ati,"Mujye mu mahanga yose. Mujye mu turere twa kure cyane dutuwe two ku isi, kandi mwizere ko n'aho kure cyane nzaba ndi kumwe na mwe. Mukorere mu kwizera kandi mufite n'ibyiringiro; kuko nta gihe kizigera kibaho ngo mbatererane. Nzabana namwe ibihe byose, mbafashe gusohoza inshingano yanyu, mbayobore, mbakomeze, mbatunganye, mbashyigikire, ntume mugera ku ntego yo kuvuga amagambo azarehereza abandi gutumbira ijuru. {INI 21.3}

Igitambo Kristo yatambiye umuntu cyari cyuzuye kandi gishyitse. Ibyo impongano yasabaga byari byarujujwe. Umurimo wari waramuzanye kuri iyi si wari wararangiye. Yari yaratsindiye ubwami. Yari yarabukuye mu maboko ya Satani, maze ahinduka umuragwa wa byose. Yari mu nzira ajya ku ntebe y'ubwami y'Imana kugira ngo ahabwe ikuzo n'ingabo zo mu ijuru. Yambaye ubutware buhebuje, maze aha abigishwa be inshingano ati: *"Nuko mugende muhindure abantu bo mu mahanga yose abigishwa, mubabatiza mu izina rya Data wa twese n'Umwana n'Umwuka Wera: Mubigisha kwitondera ibyo nababwiye byose. Kandi dore ndi kumwe namwe iminsi yose kugeza ku mperuka y'isi."* Matayo 28:19-20. {INI 21.4}

Mbere yo gusiga abigishwa be, Yesu yongeye kubabwira yeruye uko Ubwami bwe buteye. Yabibukije ibintu yari yarababwiye mbere byerekeye ubwo Bwami. Yabamenyesheje ko umugambi we utari uwo gushinga ubwami bw'igihe gito mu isi. Ntabwo yari yarahamagariwe kwima ingoma ya Dawidi nk'Umwami w'isi. Igihe abigishwa bamubazaga bati, *"Mbese Mwami, iki ni cyo gihe wenda kugaruriramo ubwami mu Bisirayeli?" Arabasubiza ati: " Si ibyanyu kumenya iby'iminsi cyangwa ibihe Data yagennye ni ubutware bwe wenyine."* (Ibyak 1:6;7). Kuri bo, ntibyari ngombwa kureba kure mu gihe kizaza kurusha ibyo yari yarabahishuriye. Umurimo wabo wari uwo kwamamaza ubutumwa bwiza. {INI 22.1}

Ukubana nabo mu buryo bugaragara kwa Kristo kwari hafi kurangira, nyamara bagombaga guhabwa imbaraga bundi bushya. Bagombaga

guhabwa Mwuka Muziranenge mu buryo bwuzuye, akabashyiraho ikimenyetso ngo bakore umurimo wabo. Umukiza yaravuze ati, *“Kandi dore ngiye kubohererereza ibyo Data yasezeranye: ariko mugume mu murwa, kugeza ubwo muzambikwa imbaraga zivuye mu ijuru.”* Luka 24:49. *” Kuko Yohana yabatirishaga amazi, ariko mwebweho mu minsi mike muzabatirishwa Umwuka Wera.” “Icyakora muzahabwa imbaraga, Umwuka Wera nabamanukira; kandi muzaba abagabo bo kumpamya, i Yerusalemu n’i Yudaya yose n’i Samariya no kugeza ku mpera y’isi.”* Ibyak 1:5, 8. {INI 22.2}

Umukiza yari azi neza ko nta magambo, nubwo yaba yuzuye ubwenge, azashobora koroshya imitima inangiye cyangwa ngo amene igihome cyo gutwarwa n’iby’isi no kwikunda. Yari azi ko abigishwa be bagomba kwakira impano ivuye mu ijuru; kandi ko Ubutumwa Bwiza bwari kugera ku ntego igihe bwamamajwe gusa n’imitima yasusurukijwe ndetse n’iminwa yagizwe intyoza no kumenya wa wundi wavuze ko ari we nzira, ukuri n’ubugingo. Umurimo washinzwe abigishwa wagombaga gusaba imbaraga nyinshi kuko imbaraga ikomeye y’umwanzi yari ibibasiye byimazeyo. Umuyobozi utagoheka yari ayoboye ingabo z’umwijima, kandi abayoboke ba Kristo bagombaga kurwanira ukuri binyuze gusa mu bufasha Imana yari kubaha ikoresheje Mwuka wayo. {INI 22.3}

Kristo yabwiye abigishwa be ko bagomba gutangirira umurimo wabo muri Yerusalemu. Uwo mujyi ni wo Kristo yari yaratangiyemo igitambo cye gitangaje yatangiye inyokomuntu. Muri Yerusalemu aho yambariye umubiri wa kimuntu, yari yaragendanye kandi aganira n’abantu kandi bake gusa ni bo bari barasobanukiwe n’uko ijuru ryari ryegereye isi. Aho niho yaciriweho iteka arabambwa. Muri Yerusalemu harimo abantu benshi bizeraga mu ibanga ko Yesu w’i Nazareti ari we Mesiya, kandi hari na benshi bari barayobejwe n’abatambyi n’abakuru b’idini ya kiyahudi. Abo bose bagombaga kubwirwa ubutumwa bwiza. Ukuri guhebuje kuvuga ko kubabarirwa ibyaha kubonerwa muri Kristo wenyine, kwagombaga gushyirwa ahagaragara. Mu gihe Yerusalemu yose yari yahungabanyijwe n’ibyari byabaye mu byumweru bike byari bishize, niho inyigisho z’abigishwa zari gukora ku mitima y’abantu. {INI 23.1}

Mu murimo we, Yesu yari yarakomeje kubwira abigishwa be ko bagomba kuba umwe na we mu murimo we wo gukura isi mu bubata

bw'icyaha. Igihe yoherezaga cumi na babiri maze nyuma yaho akohereza mirongo irindwi ngo bajye kwamamaza inkuru y'Ubwami bw'Imana, yabatozaga inshingano yabo yo kugeza ku bandi ibyo yari yarabamenyesheje. Mu byo yakoraga byose yabatozaga gukora buri wese ku giti cye, bagakwira hose bakurikije uko umubare wabo wiyongaraga, ndetse bakagera mu turere twa kure cyane tw'isi. Icyigisho giheruka yahaye abayoboke be cyari uko ari bo baragijwe inkuru nziza y'agakiza igomba kubwirwa abatuye isi. {INI 23.2}

Igihe kigeze ngo Kristo azamuke ajye kwa Se, yasohoye abigishwa be abageza i Betaniya. Ahageze yarahagaze maze baramukikiza. Arambura amaboko abaha umugisha nk'ubwishingizi bw'uko azabarinda, maze ahera ko azamuka buhoro, *"Akibaha umugisha, atandukanywa nabo, ajyanwa mu ijuru."* Luka 24:51. {INI 23.3}

Igihe abigishwa bari bararamye batumbiriye mu ijuru kugira ngo barebe bwa nyuma Umwami wabo wazamukaga, yakiriwe n'abamarayika bo mu ijuru baririmba. Ubwo aba bamalayika bari bamushagaye agiye mu ijuru, baririmbaga indirimbo zo kunesha bati, *"Mwa bihugu by'abami bo mu isi mwe, muririmbire Imana; muririmbire Umwami ishimwe; Ni we ugenda ku ijuru ryo hejuru y'amajuru yose… Mwaturire Imana ko ifite imbaraga, ubwiza bwayo buri hejuru y'Abisirayeli, imbaraga zayo ziri mu bicu."* Zaburi 68:32-34. {INI 23.4}

Abigishwa bari bakiraramye batumbiriye mu ijuru maze *"abagabo babiri barababonekera, bahagaze iruhande rwabo, bambaye imyenda yera. Barababaza bati "Yemwe bagabo b'i Galilaya, ni iki gitumye muhagaze mureba mu ijuru? Yesu, ubakuwemo akazamurwa mu ijuru, azaza atyo, nk'uko mumubonye ajya mu ijuru"* Ibyak 1:10, 11. {INI 23.5}

Isezerano ryo kugaruka kwa Kristo ryagombaga guhora riri mu bitekerezo by'abigishwa be. Yesu wa wundi babonye azamuka ajya mu ijuru, ni we uzagaruka kujyana abitangira gukora umurimo we kuri iyi si bajye kubana nawe. Rya jwi ryari ryarababwiye ngo: "Dore ndi kumwe na mwe iminsi yose kugeza ku mperuka," ni naryo ryari kuzabakira bageze imbere ye mu Bwami bw'ijuru. {INI 24.1}

Nk’uko mu ihema ry’ibonaniro umutambyi mukuru yiyamburaga imyenda y’icyubahiro maze agakora umurimo we yambaye umwenda w’igitare w’umutambyi usanzwe, ni nako Kristo yiyambuye imyenda ya cyami maze yiyambika ubumuntu, atamba igitambo, ari we mutambyi akaba n’igitambo. Nk’uko igihe umutambyi mukuru yabaga arangije umurimo wo mu cyumba cy’ahera cyane yasohokaga yambaye ikanzu yera maze agasanga iteraniro ryabaga rimutegereje; ni nako Kristo azagaruka ubwa kabiri yambaye imyenda yera de *“kandi nta mumeshi wo mu isi wese wabasha kuyeza atyo”* Mariko 9:3. Azagaruka mu cyubahiro cye n’icya Se kandi ingabo zose zo mu ijuru zizamushagara aje. {INI 24.2}

Nibwo hazasohora isezerano Kristo yahaye abigishwa be ngo: *“Nzagaruka mbajyane iwanjye”* Yohana 14:3. Abamukunze kandi bakamutegereza, azabambika ikamba ry’icyubahiro, ikuzo no kudapfa. Abakiranutsi bazaba barapfuye bazasohoka mu bituro byabo bahure n’abazaba bakiri bazima basanganire Umwami mu kirere. Bazumva ijwi rya Yesu riryoheye amatwi kurusha indirimbo zigeze zinjira mu matwi y’abantu bapfa ribabwira riti “intambara yanyu irarangiye.” *“Nimuze mwebwe abo Data yahaye umugisha, muragwe ubwami bwabatunganirijwe, uhereye ku kuremwa kw’isi.”* Matayo 25:34. Bityo abigishwa bagombaga kunezezwa n’ibyiringiro byo kugaruka k’Umwami wabo. {INI 24.3}

****

IGICE CYA 4 - PENTEKOTE

(Iki gice gishingiye mu Byakozwe n'Intumwa 2:1-39)



Abigishwa bagarutse i Yerusalemu bavuye ku musozi wa Elayono, abantu babitegereje bibwira ko babona mu maso yabo hagaragara agahinda, urujijo no gutsindwa; nyamara bababonanye umunezero no kunesha. Icyo gihe abigishwa ntibarizwaga n'uko ibyiringiro byabo bitasohoye. Bari babonye Umukiza wazutse, kandi amagambo ye y'isezerano yababwiye azamuka yakomezaga kwirangira mu matwi yabo. {INI 25.1} .Mu rwego rwo kumvira itegeko rya Kristo, bategerereje isezerano rya Se muri Yerusalemu, ari ryo ryo gusukirwa Mwuka Muziranenge. Ntibategereje nta kintu bakora. Ibyanditswe bivuga ko *"bagumaga mu rusengero iteka bashima Imana."* Luka 24:53. Bari hamwe babwira Data wa twese ibyifuzo byabo babinyujije mu izina rya Yesu. Bari bazi ko bafite Ubahagarariye mu ijuru, Umuvugizi uri imbere y'intebe y'Imana. Bafite ubwoba bwinshi barunamye barasenga basubira muri iri sezerano ngo: "…*Icyo muzasaba Data cyose mu izina ryanjye azakibaha. Kugeza none nta cyo mwasabye mu izina ryanjye; musabe muzahabwa, ngo umunezero wanyu ube wuzuye*." Yohana 16:23,24. Bakomezaga kuzamura amaboko yo kwizera, bavuga amagambo akomeye ngo: "…*Ni Kristo Yesu, kandi ari we wazipfiriye; ndetse akaba yarazutse, ari iburyo bw'Imana, adusabira.* " Abaroma 8:34. {INI 25.2}

Igihe abigishwa bari bategereje gusohora kw'isezerano ry'Umukiza, imitima yabo yicishije bugufi bihana by'ukuri kandi bicuza kutizera kwabo. Igihe bibukaga amagambo Yesu yari yarababwiye mbere yo gupfa kwe barushagaho gusobanukirwa neza n'ubusobanuro bwayo. Ukuri bari baribagiwe kongeye kugaruka mu bitekerezo byabo kandi buri wese yagusubiragamo mugenzi we. Bigaye kuba batarasobanukiwe n'Umukiza. Nk'uko abantu bagenda bakurikiranye

mu myidagaduro, ibintu byose byaranze ubuzima bwe butangaje byanyuraga imbere yabo. Mu gihe batekerezaga ku buzima bwe butunganye kandi buzira inenge babonaga ko nta murimo wabakomerera kandi ko nta gitambo batatanga igihe cyose baba bashoboye kwerekanira ubwiza bw'imico ya Kristo mu mibereho yabo. Baribwiraga bati, uwadusubiza kubaho muri ya myaka itatu yashize, mbega ukuntu twakora mu buryo butandukanye n'uko twakoze! Bongeraga kuvuga bati: 'Iyaba byashobokaga ko twongera kubona Kristo, mbega uburyo twaharanira kumwereka uburyo tumukunda byimazeyo, tukamwereka uko twababaye bitewe no kumubabaza dukoresheje imvugo cyangwa igikorwa cyo kutizera! Nyamara bahumurijwe no gutekereza ko bababariwe. Ni yo mpamvu biyemeje ko bazatanga icyiru cyo kutizera kwabo bamuhamiriza imbere y'abatuye isi bafite ubutwari. Abigishwa basenganaga umwete kugira ngo batunganyirizwe guhura n'abantu kandi ngo mu kubonana n'abantu kwabo kwa buri munsi babashe kuvuga amagambo ayobora abanyabyaha kuri Kristo. Bakuyeho ibibatandukanya byose no kwifuza icyubahiro kose maze bahuriza hamwe mu gusabana kwa Gikristo. {INI 25.3}

Begereye Imana cyane kandi ubwo bayegeraga basobanukiwe amahirwe bari baragize yo kwemererwa kuba ibyegera bya Kristo. Igihe bibukaga uko bari baramubabaje kubwo gutinda kumva ndetse no kunanirwa gusobanukirwa amasomo yageragezaga kubigisha kubw'inyungu zabo, imitima yabo yuzuye umubabaro . {INI 26.1}
Iyi minsi yo kwitegura yari iyo kwisuzuma. Abigishwa basobanuk iwe ubukene bwabo mu by'umwuka maze batakira Imana ngo bahabwe gusigwa kwera kwari kubashoboza gukora umurimo wo gukiza abantu. Ntibigeze bisabira imigisha yabo bwite abubwo icyari kibaremereye ni uko abantu bakizwa. Babonye ko ubutumwa bwiza bugomba kubwirwa abatuye isi, maze baherako basaba imbaraga Kristo yari yarabasezeraniye. {INI 26.2}

Mu gihe cy'abakurambere imbaraga ya Mwuka Muziranenge yari yaragiye igaragara kenshi mu buryo bukomeye ariko atari mu buryo bwuzuye. Noneho ubu abigishwa basenze basaba iyi mpano mu rwego rwo kumvira ijambo ry'Umukiza, kandi no mu ijuru Kristo nawe yarabavuganiraga. Yasabaga impano ya Mwuka kugira ngo ayisuke ku bwoko bwe. " *Umunsi wa Pentekote usohoye, bose bari bari hamwe mu mwanya umwe bahuje umutima; nuko umuriri ubatungura uvuye mu*

ijuru, umeze nk'uw'umuyaga uhuha cyane, ukwira inzu bari bicayemo. " Ibyak 2:1,2. {INI 26.3} Umwuka wamanukiye abigishwa bari bategereje kandi basenga waje mu buryo bwuzuye ku buryo wageze kuri buri wese. Uhoraho yigaragarije Itorero rye mu mbaraga. Byasaga nk'aho mu myaka myinshi iyi mbaraga itari yaratanzwe, ariko noneho ubu Ijuru ryishimiye gusuka ku Itorero ubutunzi bw'ubuntu bwa Mwuka, kandi bitewe n'imbaraga ya Mwuka, amagambo yo kwicuza no gusaba imbabazi yivanze n'indirimbo zo guhimbaza kubwo kubabarirwa ibyaha. Humvikanye amagambo yo gushima n'ubuhanuzi. Ijuru ryose ryunamishijwe no kwitegereza no kuramya ubwenge butagereranywa n'urukundo ruhebuje. Intumwa zitangajwe n'ibibaye zaravuze ziti: "Muri ibi harimo urukundo." Bakiye iyo mpano bahawe. None se ni iki cyakurikiyeho? Inkota ya Mwuka yatyarishijwe imbaraga z'ijuru bundi bushya kandi ikozwa mu kurabagirana kw'ijuru, ni yo yahuranyije ukutizera kwabo. Abantu ibihumbi byinshi bihannye mu munsi umwe. {INI 26.4}

Kristo yari yarabwiye abigishwa be ati, *"Ariko ndababwira ukuri yuko ikizagira icyo kibamarira, ari uko ngenda: kuko nintagenda umufasha atazaza aho muri: ariko ningenda nzamubohereza." "Uwo Mwuka w'ukuri naza, azabayobora mu kuri kose: kuko atazavuga kubwe, ahubwo ibyo azumva, ni byo azavuga: kandi azababwira ibyenda kubaho."* Yohana 16:7,13. {INI 27.1}

Kuzamurwa mu ijuru kwa Kristo cyari ikimenyetso cy'uko abayoboke be bagombaga guhabwa umugisha basezeranijwe. Bagombaga gutegereza uyu mugisha mbere y'uko binjira mu murimo wabo. Igihe Kristo yinjiraga mu marembo y'ijuru yimikiwe hagati y'abamarayika bamuramyaga. Uyu muhango urangiye, Mwuka Muziranenge yamanukiye ku bigishwa be mu muriri mwinshi, Kristo nawe ahabwa icyubahiro gihwanye n'icyo yahoranye ibihe bidashira ari kumwe na Data wa twese. Gusukwa kwa Mwuka Muziranenge ku munsi wa Pentekote bwari ubutumwa bw'ijuru buvuga ko kwakirwa k'Umucunguzi kurangiye. Nk'uko isezerano rye ryari riri, yari amaze kohereza abayoboke be Mwuka Muziranenge uvuye mu ijuru nk'ikimenyetso cy'uko we nk'umutambyi n'umwami yahawe ubutware bwose mu ijuru no mu isi kandi ko ari Uwasizwe kugira ngo atware ubwoko bwe. {INI 27.2}

“Haboneka indimi zigabanije zisa n’umuriro, ururimi rujya ku muntu wese wo muri bo. Bose buzuzwa Umwuka Wera, batangira kuvuga izindi ndimi, nk’uko Umwuka yabahaye kuzivuga.” (Ibyak 2:3,4). Mwuka Muziranenge ari mu ishusho y’ibirimi by’umuriro, yaje kuri abo bari bateranye. Iki cyari ikimenyetso cy’impano yahaye abigishwa yatumye bavuga indimi batari barigeze kumenya maze bazivuga badategwa. Kugaragara k’umuriro byasobanuraga umwete abigishwa bazakoresha ndetse n’imbaraga zizaherekeza umurimo wabo. *“Muri Yerusalemu habaga Abayuda b’abaturage b’abanyadini bari baraturutse mu mahanga yose ari munsi y’ijuru.”* Ibyak 2:5. {INI 27.3}

Mu gihe cy’ itatanywa, Abayuda bari barataataniye ahantu hafi ya hose hari hatuwe, kandi aho bari barahungiye bari barahigiye kuvuga indimi zitandukanye. Benshi muri abo Bayuda bari i Yerusalemu igihe Mwuka Muziranenge yamanukiraga intumwa, bari mu minsi mikuru y’idini yakorwaga icyo gihe. Buri rurimi rwose rwavugwaga rwari rufite abaruhagarariye aho ngaho. Iri tandukaniro ry’indimi ryari kuba inzitizi ikomeye mu kwamamaza ubutumwa bwiza; bityo mu buryo bw’igitangaza Imana yahaye intumwa icyo zari zibuze. Mwuka Muziranenge yabakoreye ibyo batari kwishoboza mu buzima bwabo. Ubwo noneho bashoboraga kwamamaza ukuri k’Ubutumwa bwiza mu mahanga, bavuga neza mu ndimi z’abo babwiraga. Iyi mpano itangaje cyari igihamya gikomeye gihawe isi cyerekana ko umurimo wabo wemewe n’ijuru. Kuva icyo gihe ururimi rw’abigishwa rwari rutunganye, rwumvikana kandi rutagira amakemwa haba igihe bavuga mu rurimi rwabo rwa kavukire cyangwa urwo mu mahanga. {INI 27.4}

“Uwo muriri ubaye, abantu benshi barateraná, batangazwa n’uko umuntu wese yumvise ba bandi bavuga ururimi rw’iwabo. Barumirwa bose, baratangara bati « Mbese aba bose bavuga si Abanyagalilaya ? None se ni iki gitumye twese tubumva bavuga indimi z’iwacu za kavukire ? » Ibyak 2:6,7. {INI 28.1}

Abatambyi n’abakuru barakajwe cyane n’iki gikorwa gitangaje, ariko ntibatinyutse kugaragaza ubugome bwabo bitewe no gutinya kwikururira imvururu z’abantu. Bari barishe Umunyanazareti, nyamara aho hari abagaragu be, Abanyagalilaya batari barize bavuga amateka y’ubuzima bwe n’umurimo we mu ndimi zavugwaga icyo gihe. Abatambyi biyemeje gusobanura iyo mbaraga itangaje y’abigishwa bayifata mu buryo busanzwe, maze bavuga ko abigishwa basindishijwe

no kunywa vino nyinshi kuri vino nshya yateguriwe umunsi mukuru. Abantu bamwe b'injiji cyane mu bari aho bemeye ko ibyo abatambyi bavuze ari ukuri, nyamara abatekereza neza bamenye ko icyo ari ikinyoma; kandi abari bazi indimi zitandukanye bemeje ko abigishwa bavuga izo ndimi neza. {INI 28.2}

Yisobanura ku kirego cy'abatambyi, Petero yerekanye ko ibyo byabaye ari ugusohora k'ubuhanuzi bwa Yoweli aho yari yarahanuye ko imbaraga nk'iyo yari kuzaza ku bantu kugira ngo ibabashishe gukora umurimo udasanzwe. *"Ariko Petero ahagararana n'abo cumi n'umwe, ababwiza ijwi rirenga ati, 'Yemwe bagabo b'i Yudaya n'abatuye i Yerusalemu mwese mwe, ibi mubimenye kandi mwumvirize amagambo yanjye. Aba ntibasinze nk'uko mwibwira, kuko ubu ari isaha ya gatatu y'umunsi; ahubwo ibyo mureba ibi byavuzwe n'umuhanuzi Yoweli, ngo 'Imana ivuze iti: Uku ni ko bizaba mu minsi y'imperuka, nzasuka ku Mwuka wanjye ku bantu bose: kandi abahungu n'abakobwa banyu bazahanura, n'abasore banyu bazerekwa, n'abakambwe babarimo bazarota. Ndetse n'abagaragu banjye, n'abaja banjye muri iyo minsi nzabasukira ku Mwuka wanjye, bazahanura."* Ibyak 2:14-18. {INI 28.3}

Petero yeruye kandi afite imbaraga yahamije iby'urupfu no kuzuka bya Kristo agira ati: *" Yemwe bagabo ba Isirayeli mwe, nimwumve aya magambo: Yesu w' i Nazareti wa muntu Imana yabahamirishije imirimo ikomeye n'ibitangaza n'ibimenyetso, ibyo yamukoresheje hagati yanyu, nk'uko mubizi ubwanyu; uwo … mwamubambishije amaboko y'abagome, muramwica. Ariko Imana yaramuzuye ibohoye umubabaro uterwa n'urupfu, kuko bitashobotse ko akomezwa na rwo."* Ibyak 2:22,24. {INI 29.1} Kugira ngo yerekane uruhande ahagazemo, Petero ntiyigeze avuga ku nyigisho za Kristo kubera ko yari azi ko urwikekwe rw'abari bamuteze amatwi rwari rukomeye cyane ku buryo ibyo yavugaga kuri iyi ngingo ntacyo byari kugeraho. Ahubwo yavuze ku bya Dawidi uwo Abayahudi bafataga nk'umwe mu bakurambere b'ishyanga ryabo. *« Kuko Dawidi yavuze iby'uwo, ati: 'Nabonye Umwami ari imbere yanjye iteka ryose, kuko ari iburyo bwanjye, ngo ntanyeganyezwa' 'Ni cyo gituma umutima wanjye unezerwa, ururimi rwanjye rukishima, kandi n'umubiri wanjye uzaruhuka, wiringiye ibizaba'. Kuko utazarekera ubugingo bwanjye ikuzimu, cyangwa ngo uhane Uwera wawe abone kubora. »* Ibyak 2:25-27. {INI 29.2}

« Bagabo bene Data, nta kimbuza kubabwira, nshize amanga, ibya sogokuruza mukuru Dawidi, yuko yapfuye agahambwa, ndetse n'igituro cye kiracyari iwacu n'ubu. Yavugaga ibyo kuzuka kwa Kristo … ni cyo cyatumye avuga ko atarekewe ikuzimu, kandi ngo, n'umubiri we nturakabora. Imana yazuye Yesu uwo, natwe twese turi abagabo bo guhamya ibyo. »Ibyak 2:29,31,32. {INI 29.3}

Ibi byabaye byari bitangaje. Nimurebe abantu bavaga hirya no hino baje kumva abigishwa bahamya ukuri nk'uko kuri muri Yesu. Baraje buzura urusengero. Abatambyi n'abatware b'urusengero bari aho bakambije impanga, imitima yabo yuzuye urwango bangaga Kristo, n'ibiganza byabo byari bicyuzuye amaraso yamenetse ubwo babambaga Umucunguzi w'isi. Batekerezaga ko bari bubone intumwa zifite ubwoba bitewe n'ukuboko gukomeye kwazikandamizaga no kuzikangisha urupfu, ariko bazibonye nta bwoba zifite, zuzuye Mwuka, zamamazanya imbaraga ubumana bwa Yesu w'i Nazareti. Bazumvise intumwa zivuga zishize amanga ko wa wundi wari uherutse gukozwa isoni, agashinyagurirwa, agakubitwa n'amaboko y'abagome, bakanamubamba ari we Mwami w'ubugingo, wahawe ikuzo none akaba yicaye iburyo bw'Imana. {INI 29.4}

Bamwe mu bumvaga amagambo y'abigishwa bari baragize uruhare mu gucira Kristo iteka ndetse no mu rupfu rwe. Bari baravugiye icyarimwe n'ikivunge cy'abantu basabaga ko abambwa. Igihe Yesu na Baraba bari bahagaze imbere yabo mu rukiko maze Pilato akabaza ati: " *Uwo mushaka ko mbabohorera ni nde? Ni Baraba, cyangwa ni Yesu witwa Kristo?* " Matayo 27:17; Yohana 18:40. Igihe Pilato yabahaga Yesu ababwira ati: " *Mube ari mwe mumujyana, mumubambe: kuko jyewe ntamubonyeho icyaha.* " Kandi akavuga ati, "Jyeweho nta cyaha kindiho kubw'amaraso y'uyu mukiranutsi," basubirije icyarimwe bati, " *Amaraso ye natubeho no ku bana bacu.* " Yohana 19:6; Matayo 27:24, 25. {INI 30.1}

None ubu biyumviye abigishwa batangaza ko ari Umwana w'Imana wari warabambwe. Abatambyi n'abakuru bahinze umushyitsi. Abantu bumvise batsinzwe kandi bagira umubabaro. "Abo bantu bumvise ibyo bibacumita mu mitima, nuko babaza Petero n'izindi ntumwa bati " *Bagabo bene Data, mbese tugire dute?* " (Ibyak 2:37). Muri abo bari

bateze intumwa amatwi harimo Abayahudi bashikamye mu myizerere yabo. Imbaraga yari mu magambo y'uwavugaga yabemeje ko Yesu yari Mesiya koko. {INI 30.2}

"Petero arabasubiza ati: 'Nimwihane, umuntu wese muri mwe abatizwe mu izina rya Yesu Kristo, ngo mubone kubabarirwa ibyaha byanyu, kandi namwe muzahabwa iyi mpano y'Umwuka Wera; kuko isezerano ari iryanyu n'abana banyu n'abari kuri bose, abazahamagarwa n'Umwami Imana yacu. "Ibyak 2:38,39. {INI 30.3}

Petero yihanangirije abari banyuzwe n'amagambo ye ko bari baranze Kristo kubera ko bari barayobejwe n'abatambyi n'abakuru b'idini ya kiyahudi; kandi ko nibakomeza kugirwa inama n'abatambyi n'abakuru, kandi bagategereza kuzemera Kristo ari uko abatambyi n'abakuru babanje kumwemera, nta na rimwe bazigera bamwemera. Abo bantu bakomeye n'ubwo berekanaga ko ari abantu bazi Imana, bari buzuye umururumba w'ubutunzi bw'isi n'ibyubahiro. Ntibifuzaga kwegera Kristo kugira ngo bahabwe umucyo. {INI 30.4}

Bitewe n'imbaraga y'uko kumurikirwa n'ijuru, ibyanditswe Kristo yari yarasobanuriye abigishwa be byabagaragariye bifite ukurabagirana k'ukuri kuzira amakemwa. Inyegamo yari yarababujije kureba ku iherezo ry'ibyari byarakuweho yavanweho, maze basobanukirwa neza impamvu y'umurimo wa Kristo n'imiterere y'ubwami bwe. Bashoboraga kuvuga bafite imbaraga y'Umukiza; {INI 30.5}

kandi uko batangarizaga ababumva iby'inama y'agakiza, abantu benshi bemeraga ibyaha byabo kandi bakumva batsinzwe. Imihango n'imigenzo bacengejwemo n'abatambyi yahanaguritse mu bitekerezo byabo, maze inyigisho z'Umukiza zirakirwa. " *Nuko abemeye amagambo ye barabatizwa: abongewe ku basanzwe kuri uwo munsi baba nk'ibihumbi bitatu.* " Ibyak 2:41. {INI 31.1}

Abayobozi b'Abayahudi bari baratekereje ko umurimo wa Kristo wari kurangirana n'urupfu rwe; nyamara aho kugira ngo bibe bityo, biboneye ibintu bitangaje byabaye ku munsi wa Pentekote. Bumvise abigishwa bamamaza Kristo bafite imbaraga batari barigeze kubona, kandi amagambo yabo agashimangirwa n'ibimenyetso n'ibitangaza. Muri Yerusalemu aho Idini ya Kiyahudi yari iganje, abantu ibihumbi byinshi bagaragaje ko bemeye Yesu w' i Nazareti nka Mesiya. {INI 31.2}

Abigishwa batangajwe kandi bashimishwa cyane n'umusaruro w'abantu wabonetse. Ntabwo bafashe uyu musaruro nk'uvuye mu mbaraga zabo bwite. Bamenye ko binjiye mu murimo w'abandi bantu. Kuva Adamu yacumura, Kristo yari yaragiye aragiza abagaragu be yihiyitiyemo imbuto y'ijambo rye, kugira ngo ribibwe mu mitima y'abantu. Mu mibereho ye yo ku isi, Yesu yari yarabibye imbuto y'ukuri kandi ayivomereza amaraso ye. Abahindutse ku munsi we Pentekote bari imbuto z'uko kubiba, umusaruro w'umurimo wa Kristo wagaragaje imbaraga yo kwigisha kwe. {INI 31.3}

Ibyo intumwa zavugaga byonyine n'ubwo byumvikanaga neza bikemeza ababyumva ntibiba byarashoboye gukuraho imyumvire abantu bari barishyizemo yari yararwanyije ukuri kwinshi. Nyamara Mwuka Muziranenge yemezaga imitima akoresheje imbaraga mvajuru. Amagambo y'intumwa yagereranywaga n'imyambi ityaye y'Ishoborabyose akemeza abantu icyaha gikomeye bakoze cyo kwanga no kubamba Umwami w'icyubahiro. {INI 31.4}

Igihe batozwaga na Kristo, abigishwa bari baragejejwe aho bumva uko bakeneye Mwuka. Bamaze kwigishwa na Mwuka babonye ubushobozi bw'ikirenga maze baragenda bajya ku murimo wabo. Ntabwo bari bakiri injiji cyangwa abadafite umuco. Ntabwo bari bakiri ihuriro ry'udutsinda twigenga cyangwa tutumvikana cyangwa se ngo babe abantu bahanganye. Ntabwo ibyiringiro byabo byari bikirangamiye icyubahiro cyo mu isi. " *Bari bafite umutima uhuye", "bahuzaga umutima n'inama* ". Ibyak 2:46, 4:32. Kristo yuzuye intekerezo zabo ku buryo intego yabo yabaye iterambere ry'Ubwami bwe. Bari barahindutse nka Shebuja mu bitekerezo no mico maze abantu " *bibuka ko babanaga na Yesu*." Ibyak 4:13. {INI 31.5}

Pentekote yabazaniye umucyo w'ijuru. Ukuri batashoboraga gusobanukirwa igihe Kristo yari kumwe na bo noneho baraguhishuriwe. Bemeye inyigisho z'Ijambo Ryera bafite ukwizera n'ibyiringiro batari barigeze bamenya. Nta kibazo bari bagifite cyo kwemera ko Kristo yari Umwana w'Imana. Bamenye ko yari Mesiya n'ubwo yari yambaye ubumuntu, kandi babwira abantu ibyababayeho bafite icyizere cyemezaga abantu ko Imana iri hamwe nabo. {INI 32.1}

Bavugaga izina rya Yesu bashize amanga. Mbese ntiyari Incuti na Mukuru wabo? Kubera gusabana na Kristo cyane, babaye nk'abicaranye na we mu ijuru. Nimurebe uburyo bakoresheje ururimi rw'agatangaza mu magambo bakoreshaga bamuhamya! Imitima yabo yari yuzuye ubugwaneza bukomeye, ku buryo bwabahatiraga kujya ku mpera z'isi batanga ubuhamya bw'imbaraga za Kristo. Bari bafite icyifuzo gikomeye cyo gukomeza umurimo Kristo yari yaratangiye. Basobanukiwe ubunini bw'umwenda bari bafitiye ndetse n'inshingano z'umurimo wabo. Batewe imbaraga na Mwuka Muziranenge bahawe, bakomeje kujya mbere bafite umwete bamamaza insinzi y'umusaraba. Mwuka yarabakoreshaga kandi akabavugiramo. Amahoro ya Kristo yarabagiranaga mu maso yabo. Bari bareguriye Kristo imibereho yabo kugira ngo bamukorere, kandi imiterere yabo yahamyaga ukwitanga kwabo. {INI 32.2}

****

IGICE CYA 5 - IMPANO YA MWUKA MUZIRANENGE



Igihe Kristo yahaga abigishwa be isezerano rya Mwuka Muziranenge, yari hafi kurangiza umurimo we ku isi. Yari ahagaze mu gicucu cy'umusaraba, asobanukiwe neza n'umutwaro w'icyaha wagombaga kumushyirwaho nk'Uzashyirwaho Icyaha. Mbere y'uko yitangaho igitambo, yigishije abigishwa be ibyerekeranye n'impano yuzuye kandi y'ingirakamaro cyane yagombaga guha abayoboke be-impano yari kubegereza amasoko atagira imbibi y'ubuntu bwe. " *Nanjye nzasaba Data, na we azabaha undi Mufasha wo kubana namwe ibihe byose, ni we Mwuka w'ukuri. Ntibishoboka ko ab'isi bamuhabwa, kuko batamurora kandi batamuzi; ariko mwebweho muramuzi, kuko abana namwe kandi azaba muri mwe.* " Yohana 14:16-17. {INI 33.1}

Umukiza yerekezaga ku gihe Mwuka Muziranenge, nk'umuhagarariye, yari kuza gukora umurimo ukomeye. Icyaha cyari cyariganje mu myaka myinshi cyagombaga kurwanywa n'imbaraga mvajuru ya Mwuka Muziranenge. {INI 33.2} Ni iki cyabaye umusaruro wo gusukwa kwa Mwuka Muziranenge ku munsi wa Pentekote? Inkuru inejeje y'Umukiza wazutse yajyanywe mu turere twa kure two ku isi. Uko abigishwa bamamazaga ubutumwa bw'ubuntu bukiza, imitima y'abantu yiyeguriraga imbaraga y'ubu butumwa. Itorero ryabonye abihanye benshi barizamo baturutse impande zose. Abari barasubiye inyuma barihanye. Abanyabyaha bafatanyije n'abizera gushakashaka imaragarita y'agaciro gakomeye. Abantu bamwe bari abanzi bakomeye b'ubutumwa bwiza bahindutse ibirangirire muri bwo. Nibwo ubuhanuzi bwasohoye ngo, " *Uwo munsi Uwiteka azarinda abaturage b'i Yerusalemu; umunyantegenke muri bo azamera nka Dawidi; kandi inzu ya Dawidi izamera… nka marayika w'Uwiteka.*" Zekariya 12:8. Buri

mukristo yabonaga isano y'urukundo rw'Imana n'ubugwaneza bwayo muri mugenzi we. Basigaye bagamije ikintu kimwe. Kwifuza kurenza urugero bariho byasimbuye ibindi byose. Umugambi w'abizera wari uwo kugaragaza imico ya Kristo no gukora ku buryo Ubwami bwe bwamamara hose. {INI 33.3}

" *Kandi intumwa zagiraga imbaraga nyinshi zo guhamya kuzuka k'Umwami Yesu; nuko rero ubuntu bw'Imana bwinshi bukaba kuri bo bose.*" Ibyak 4:33. Kubera ibyo bakoraga Itorero ryungutse abantu batoranyijwe, Aba bamaze kwakira ijambo ry'ukuri beguriye imibereho yabo gukora umurimo wo kubwira abandi ibyiringiro byuzuje imitima yabo amahoro n'umunezero. Ntibashoboraga guhagarikwa cyangwa guterwa ubwoba n'ibikangisho. Uwiteka yabavugiragamo, kandi uko bavaga ahantu bajya ahandi, abakene babwirizwaga ubutumwa bwiza n'ibitangaza by'ubuntu bw'Imana bigakorwa.Uko ni ko Imana ishobora gukora mu buryo bukomeye igihe abantu bitanze kugira ngo bayoborwe na Mwuka Muziranenge. {INI 33.4}

Isezerano ryo guhabwa Mwuka Muziranenge ntabwo ryahawe ab'igihe runaka cyangwa ubwoko runaka. Kristo yavuze ko imbaraga mvajuru ya Mwuka We yagombaga kubana n'abayoboke be kugeza ku mperuka.Kuva ku munsi wa pentekote kugeza ubu, umufasha yohererejwe abantu bose biyeguriye Imana n'umurimo wayo batizigamye. Abantu bose biyeguriye Kristo nk'Umukiza wabo bwite, Mwuka Muziranenge yabajeho nk'umujyanama, uweza, umuyobozi n'umuhamya. Uko abizera barushijeho kujya bagendana n'Imana ni ko barushijeho guhamya urukundo rw'Umucunguzi wabo n'ubuntu bwe bukiza beruye kandi bafite imbaraga. Abagabo n'abagore bashimishijwe no kubana na Mwuka Muziranenge mu mibereho yabo mu binyejana byinshi by'itotezwa n'igeragezwa, bahagaze nk'ibyitegererezo n'ibitangarirwa mu isi. Bagaragarije imbaraga ihindura y'urukundo rwaducunguye imbere y'abamarayika n'abantu. {INI 34.1}

Abahawe imbaraga mvajuru ku munsi wa Pentekote, ntabwo bari bakingiwe ibishuko n'ibigeragezo byari kuzabaho. Uko bamamazaga ukuri n'ubutungane, ni ko umwanzi w'ukuri kose yahoraga abarwanya ashaka kubanyaga ibyo bungukiye mu mibereho yabo ya Gikristo. Byatumye barwanisha imbaraga zose bahawe n'Imana kugira ngo bagere ku rugero rw'igihagararo cy'abagabo n'abagore bari muri Kristo Yesu. Buri munsi basabaga kongererwa ubuntu kugira ngo bagere ku

rugero rwo hejuru bagana ku butungane. Kubw'umurimo wa Mwuka Muziranenge, binyuze mu gushyira ukwizera mu bikorwa, n'abanyantegenke bamenye kuvugurura imbaraga bahawe, baratunganywa kandi bahabwa icyubahiro. Mu kwicisha bugufi biyeguriye imbaraga ihindura ya Mwuka Muziranenge, bahabwa ukuzura k'Ubumana maze barahinduka basa na Yo. {INI 34.2}

Igihe gito cyari gishize nticyigeze gihindura isezerano Kristo yasezeraniye abigishwa be ryo kubohererezа Mwuka Muziranenge nk'Umuhagarariye. Ntabwo Imana ari yo ihagarika isukwa ry'ubutunzi bw'ubuntu bwayo ku bantu. Niba gusohora kw'iri sezerano kutagaragara nk'uko byagombye kuba, biterwa n'uko iryo sezerano ridahabwa agaciro nk'uko byari bikwiye. Iyaba abantu bose babishakaga, bakuzuzwa Mwuka.Aho ari ho hose gukenera Mwuka Muziranenge ari ingingo itekerezwaho buhoro, hagaragara amapfa, umwijima, kugwa no gupfa mu by'umwuka. Igihe cyose duhanze amaso ibintu bidafite umumaro, imbaraga mvajuru ikenewe mu gukura, mu kugubwa neza kw'Itorero, kandi yagombaga kuzana n'indi migisha irabura nubwo yatanzwe ku rwego rutagira akagero. {INI 34.3}

Niba ubu buryo ari bwo tugomba kuboneramo imbaraga, ni iyihe mpamvu tutagira inzara n'inyota byo guhabwa impano ya Mwuka Muziranenge? Ni mpamvu ki tutayiganiraho, kuki tudasenga tuyisaba kandi ngo tubwirize ibyayo? Uhoraho yifuza cyane guha Mwuka Muziranenge abamukorera kurusha uko ababyeyi bifuza guha abana babo impano nziza. Buri mukozi wese yari akwiriye gusaba Imana kubatizwa na Mwuka buri munsi. Ibigo by'abakozi b'Abakristo byagombye guteranira hamwe bigasaba ubufasha budasanzwe, bagasaba ubwenge mvajuru, kugira ngo bamenye uko bakwiriye gukora gahunda ndetse n'uko yashyirwa mu bikorwa mu buryo bwiza. By'umwihariko bagombye gusaba Imana kugira ngo ibatize intumwa zayo yatoranyije ziri mu murimo wayo maze zakire Mwuka wayo ku rugero rushyitse. Mwuka ubana n'abakozi b'Imana, azatuma kwamamaza ukuri bigira imbaraga zitatangwa n'icyubahiro n'ikuzo by'isi. {INI 35.1}

Mwuka Muziranenge abana n'umukozi wese werejwe gukorera Imana, aho yaba ari hose. Amagambo yabwiwe abigishwa ba Yesu aratubwirwa natwe. Umufasha ni uwacu nk'uko ari uwabo. Mu bintu bitungurana no hagati mu rwango rw'ab'isi, Mwuka atanga imbaraga

ikomeza abantu bari mu kaga no ku rugamba kandi akanatuma basobanukirwa gutsindwa n'amakosa byabo. {INI 35.2}

Mu gahinda no mu kababaro, igihe aho tubona hasa n'ahijimye, ahazaza hakaba hateye ubwoba kandi tukumva tudafite kirengera kandi turi twenyine, ubwo ni bwo Mwuka Muziranenge ahumuriza umutima agasubiza isengesho ryo kwizera. {INI 35.3}

Kuba umuntu agaragaza gutwarwa cyane mu by'umwuka mu buryo budasanzwe si byo gihamya kidakuka cyerekana ko ari Umukristo. Ubutungane si ugutwarwa: ahubwo ni ukwegurira Imana ubushake bwacu bwose, ni ukubeshwaho n'ijambo ryose riva mu kanwa k'Imana; ni ugukora ibyo Data wo mu ijuru ashaka; ni ukwiringira Imana mu bigeragezo, mu mwijima kimwe no mu mucyo. Ni ukugendera mu kwizera atari mu bigaragarira amaso; ni ukwishingikiriza ku Mana tuyiringiye tudashidikanya kandi duturije mu rukundo rwayo. {INI 35.4}

Kumenya gusobanura neza uwo Mwuka Muziranenge ari we ntabwo ari ngombwa kuri twebwe. Kristo atubwira ko Mwuka Muziranenge ari Umufasha "Umwuka w'ukuri, ukomoka kuri Data." *Ku byerekeye Mwuka Muziranenge, bivugwa neza ko mu murimo we wo kuyobora abantu mu kuri kose, "atazavuga ku bwe."*Yohana 15:26;
16:13. {INI 36.1}

Kamere ya Mwuka Muziranenge ni ubwiru. Abantu ntibashobora kuyisobanura kubera ko Imana itayibahishuriye. Abantu bafite ibyo bitekerereza bashobora gushyira hamwe amagambo amwe y'Ibyanditswe Byera maze bakayongeraho imyumvire ya kimuntu, nyamara kwemerwa kw'ibi bitekerezo ntikuzatuma Itorero rikomera. Ku byerekeranye n'ubu bwiru burenze cyane ubwenge bw'umuntu, icyiza ni ukwicecekera. {INI 36.2}

Umurimo wa Mwuka Muziranenge usobanurwa neza mu magambo ya Kristo avuga ati: " *Ubwo azaza, azatsinda ab'isi, abemeze iby'icyaha n'ibyo gukiranuka n'iby'amateka.*" Yohana 16:8. Mwuka Muziranenge ni we wemeza umuntu icyaha. Iyo umunyabyaha yemeye imbaraga ya Mwuka Muziranenge, azashobozwa kwihana kandi akangurirwe umumaro wo kumvira ibyo Imana ishaka. Ku munyabyaha wicuza afite inzara n'inyota byo gukiranuka, Mwuka Muziranenge amuhishurira Umwana w'Intama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi. Kristo

yaravuze ati, ” *Kuko azenda ku byanjye akabibabwira.” “Ni we uzabigisha byose, abibutse ibyo nababwiye byose*.” Yohana 16:14; 14:26. {INI 36.3} .Mwuka Muziranenge ni igikoresho gihindura umuntu mushya kugira ngo agakiza kazanywe n’urupfu rw’Umucunguzi wacu kabashe kugira umumaro. Mwuka Muziranenge ahora ashaka kwerekeza ibitekerezo by’abantu ku gitambo gikomeye cyatangiwe ku musaraba w’i Kaluvari, kugira ngo ahishurire ab’isi urukundo rw’Imana, kandi akingurire umutima wemejwe ibyaha kwakira ubutunzi bukomeye bwo mu Byanditswe Byera. {INI 36.4}

Iyo amaze kwemeza abantu ibyaha no kwereka imitima yabo urugero rw’ubutungane, Mwuka Muziranenge atuma bazinukwa iby’iyi si, akabuzuza kwifuza ubutungane. Umukiza yaravuze ati: “Azabayobora mu kuri kose.” Yohana 16:13. Niba abantu bifuza guhindurwa, hazabaho kwezwa k’umuntu wese uko yakabaye. Mwuka Muziranenge azafata iby’Imana maze abyandike mu mutima. Kubw’imbaraga ye, inzira y’ubugingo izagaragara ku buryo ntawe uzayiyoba. {INI 36.5}

Kuva kera, Imana yakoresheje Mwuka Muziranenge ibinyujije mu bantu kugira ngo isohoze imigambi yayo ku bacumuye. Ibi byagaragariye mu mibereho y’abakurambere. No mu Itorero ryo mu butayu, mu gihe cya Mose, Imana yatanze “ *Umwuka wayo mwiza wo kubigisha.*” Nehemiya 9:20. No mu gihe cy’intumwa, Imana yakoreye Itorero ryayo ibikomeye ikoresheje Mwuka Muziranenge. Iyo mbaraga yakomeje abakurambere, yahaye Kalebu na Yosuwa ukwizera n’ubutwari, kandi yatumye umurimo w’Itorero ry’Intumwa ukomeza kujya mbere, ni nayo yagiye ikomeza abana b’Imana b’indakemwa uko ibihe byagiye bisimburana. Mu Gihe cy’Umwijima, byanyuze mu mbaraga ya Mwuka Muziranenge maze ituma itsinda ry’Abakristo b’Abawalidensi bafasha gutegurira ubugorozi inzira. Iyo mbaraga kandi ni yo yatumye haboneka umusaruro uturutse ku muhati w’abagabo n’abagore b’abanyacyubahiro bafunguye inzira yo gushinga za misiyoni z’iki gihe ndetse no gusobanura Bibiliya mu ndimi z’amahanga n’amoko yose. {INI 37.1}

Na n’ubu Imana iracyakoresha Itorero ryayo kugira ngo imenyekanishe imigambi yayo ku isi. Muri iyi minsi abamamaza iby’umusaraba bagenda bava mu mudugudu bajya mu wundi, bava mu

gihugu kimwe bajya mu kindi, bateguriza abantu kugaruka kwa Kristo. Amategeko y'Imana aragenda ahabwa agaciro. Mwuka w'Ishoborabyose aragendagenda mu mitima y'abantu, kandi abumvira irarika rye bahinduka abahamya b'Imana n'ukuri kwayo. Ahantu henshi, ushobora kubona abagabo n'abagore biyeguriye Imana bageza ku bandi umucyo wabahishuriye inzira y'agakiza kabonerwa muri Kristo. Kandi uko bakomeza kureka umucyo wabo ukamurika nk'uko ababatirishijwe Mwuka Muziranenge ku munsi wa Pentekote babigenje, ni ko barushaho kwakira imbaraga ya Mwuka. Bityo isi igomba kumurikirwa n'ubwiza bw'Imana. {INI 37.2}

Ku rundi ruhande, hariho bamwe aho gukoresha neza amahirwe bafite muri iki gihe, bicaye ubusa bategereje igihe kindi kidasanzwe Mwuka azongera gusukwa. Bagatekereza ko ari bwo ubushobozi bwabo bwo kumurikira abandi buzongerwa ku rugero rukomeye. Basuzugura inshingano n'amahirwe bafite ubu maze bagatuma umucyo wabo ugenda uzima mu gihe bategereje ko hazabaho igihe bazahabwa umugisha udasanzwe uzabahindura bakaba bakwiriye gukora umurimo nyamara bo ku ruhande rwabo ntacyo bakoze. {INI 37.3}

Mu gihe cya nyuma ubwo umurimo w'Imana ku isi ugenda urangira, umuhati ukomeye ugaragazwa n'abizera bitanze bayobowe na Mwuka Muziranenge uzaherekezwa n'ibimenyetso mvajuru bidasanzwe. Bifashishije ikigereranyo cy'imvura y'umuhindo n'iy'itumba igwa mu Burasirazuba mu gihe cy'ibiba n'icy'isarura, abahanuzi b'Abaheburayo bahanuye ko Itorero ry'Imana rizasukirwa Mwuka ku rugero rudasanzwe. Isukwa rya Mwuka mu gihe cy'intumwa ryari itangiriro ry'imvura y'umuhindo kandi ryatanze umusaruro unejeje. Mwuka azakomeza kubana n'Itorero ry'ukuri kugeza ku iherezo ry'ibihe. {INI 38.1}

Ariko hafi y'iherezo ry'isarura ry'isi, isukwa ridasanzwe rya Mwuka ryasezeraniwe Itorero kugira ngo iritegurire kugaruka k'Umwana w'umuntu. Iri sukwa rya Mwuka rigereranywa no kugwa kw'imvura y'itumba; kandi iyi mbaraga ni yo Abakristo bakwiriye gusaba Nyiribisarurwa *" mu gihe cy'itumba". Igisubizo bazabona ni uko :"Uwiteka urema imirabyo na we azabavubira imvura y'umurindi." "Kuko ibavubiye imvura y'umuhindo n'iy'itumba."* Zekariya 10:1; Yoweri 2:23. {INI 38.2}

Nyamara keretse gusa abagize Itorero ry'Imana muri iki gihe nibomatana n'isoko yo gukura mu by'umwuka, naho ubundi ntibazaba biteguye igihe cy'isarura. Keretse gusa nibakomeza kuboneza amatara yabo kandi akagumya kwaka, nibitaba bityo ntibazongererwa ubuntu mu gihe bazaba babukeneye mu buryo budasanzwe. {INI 38.3}

Abahora bakira ubwo buntu nibo gusa bazahabwa imbaraga ihwanye n'ubukene bwabo bwa buri munsi kandi bahabwe n'ubushobozi bwo kuyikoresha. Aho kugira ngo bategereze igihe kizaza ubwo binyuze mu mpano y'umwihariko ya Mwuka bazahabwa ubushobozi butangaje bwo gukiza imitima, bahora biyegurira Imana buri munsi kugira ngo ibahindure ibikoresho byayo bikwiriye. Bahamya Umwami wabo buri munsi n'aho baba bari hose, haba ahantu hacishije bugufi bakorera mu miryango cyangwa mu ruhame. {INI 38.4}

Ku mukozi werejwe umurimo w'Imana, hari uguhumurizwa gutangaje kuri mu kumenya ko na Kristo mu buzima bwe hano ku isi yasabaga se buri munsi kugira ngo amwongere ku buntu akeneye. Yavaga muri uko gusabana n'Imana ajya gukomeza abandi no kubahesha umugisha. Itegereze Umwana w'Imana yicishije bugufi asenga asaba Se! Nubwo ari Umwana w'Imana, mu gusenga ni ho ukwizera kwe kwahererwaga imbaraga. Mu gusabana n'ijuru yahahererwaga imbaraga zo kurwanya umwanzi no gufasha abantu mu byo bakeneye. Nk'imfura mu baremwe, azi ibyo abantu bagishaka kumukorera bakeneye, n'ubwo bamwe bafite intege nke kandi bakaba bari mu isi y'ibyaha n'ibigeragezo. Azi neza ko abo abona bakwiriye gutumwa ari abanyantegenke, abantu bibeshya; ariko ku bantu biyeguriye mu mirimo we burundu abasezeranira ubufasha mvajuru. Urugero rwe bwite ni icyemezo cyerekana ko gusaba Imana bivuye ku mutima, udacogora mu kwizera -ukwizera kuyobora umuntu ku kugengwa n'Imana burundu ndetse no kwirundurira mu mirimo wayo- bizazanira abantu ubufasha bwa Mwuka Muziranenge mu rugamba barwanya icyaha. {INI 38.5}

Buri mukozi ugera ikirenge mu cya Kristo azaba yiteguye kwakira no gukoresha imbaraga Imana yasezeranije Itorero ryayo kugira ngo isi isarurwe. Buri gitondo uko abamamaza ubutumwa bwiza bapfukamye imbere y'Imana maze bakavugurura amasezerano yo kuyiyegurira kwabo, Imana ibaha Mwuka Muziranenge n'imbaraga ze zibasubizamo

ubuyanja kandi zikabatunganya. Uko bajya ku nshingano zabo za buri munsi, baba bafite icyizere ko imbaraga itaboneshwa amaso ya Mwuka Muziranenge irabashoboza kuba “abakozi bakorana n’Imana.” {INI 39.1}

****

IGICE CYA 6 - KU IREMBO RY'URUSENGERO
(Iki gice gishingiye mu Byakozive n'Intumwa 3; 4:1-31)



Abigishwa ba Kristo bari bazi neza ko ubwabo ntacyo bishoboreye. Mu kwicisha bugufi no gusenga bafatanyije intege nke zabo n'imbaraga ze, ubujiji bwabo n'ubwenge bwe, kuba ntacyo bari cyo n'ubuziranenge bwe, ubukene bwabo n'ubutunzi bwe budashira. Ubwo bari bamaze no guhabwa imbaraga ntibigeze bagingimiranya ngo be kujya mu murimo wa Shebuja. {INI 40.1} .Hashize umwanya muto Mwuka Muziranenge amaze kubamanukira, na nyuma gato y'igihe bamaze basenga babikuye ku mutima, Petero na Yohana barazamutse bajya mu rusengero gusenga. Bageze ku irembo ry'urusengero ryitwa Ryiza bahabona umuntu umugaye. Uwo muntu wari ufite imyaka mirongo ine y'ubukuru, kuva avutse imibereho ye yari yarabaye iy'umubabaro n'ubumuga. Uyu mugabo wari umugaye yari yaramaze igihe kirekire yifuza kubona Yesu ngo amukize; nyamara yari hafi guta ibyiringiro kandi yari yigijwe kure y'aho Umuganga ukomeye yakoreraga. Kwinginga kwe kwaje gutuma incuti zimwe zimujyana ku irembo ry'urusengero nyamara akihagera yasanze uwo ibyiringiro bye byari birangamiye yaramaze kwicwa urupfu rw'agashinyaguro. {INI 40.2}

Gucika intege kwe kwateye intimba abantu bari bazi igihe yari amaze yifuza cyane gukizwa na Yesu, bityo buri munsi bamuzanaga ku rusengero kugira ngo abahisi n'abagenzi bamugirire impuhwe maze bagire utwo bamuha two kumufasha mu bukene bwe. Igihe Petero na Yohana bamunyuragaho, yabasabye amafaranga. Abigishwa bamurebanye impuhwe maze Petero aramubwira ati : «*Uturebe. Abitaho agira ngo hari icyo bamuha. Petero aramubwira ati: 'Ifeza n'izahabu nta byo mfite'. » Ubwo Petero yavugaga ubukene bwe, mu maso h'uwo muntu hacuze umwijima; nyamara hongera*

kurabagiranishwa n'ibyiringiro igihe Petero yakomezaga avuga ati : « Ahubwo icyo mfite ndakiguha. Mu Izina rya Yesu Kristo w'i Nazareti, haguruka ugende. »Ibyak 3:4-6. {INI 40.3}

"Maze amufata ukuboko kw'iburyo, aramuhagurutsa: uwo mwanya ibirenge bye n'ubugombambari birakomera, arabandaduka, arahagarara, aratambuka, yinjirana nabo mu rusengero, atambuka yitera hejuru, ashima Imana. Abantu bose bobona agenda, ashima Imana; baramumenya ko ari we wajyaga yicara ku irembo ry'urusengero ryitwaga Ryiza asabiriza ngo bamuhe; barumirwa cyane, batangazwa n'ibimubayeho." Ibyak 3:7-10. *"Agifashe Petero na Yohana, abantu bose birukankira kuri bo, bateranira ku ibaraza ryitwa irya Salomo, bumiwe cyane."* (Ibyak 3:11). Batangajwe n'uko abigishwa bashoboraga gukora ibitangaza bisa n'ibyo Yesu yakoze. Kandi hari uyu muntu wari umaze imyaka mirongo ine yaramugaye atagira kirengera, none ubu afite ibyishimo byamusabye kubwo gukoresha amaguru n'amaboko ye, nta kubabara kandi anejejwe no kwizera Yesu. {INI 40.4}

Abigishwa babonye gutangara kw'abantu, Petero arababaza ati : *« Yemwe bagabo ba Isirayeli, ni iki gitumye mutangarira ibi? Mudutumbirira iki, nk'aho ari imbaraga zacu cyangwa kubaha Imana kwacu biduhaye kumugendesha? »* (Ibyak 3:12). Abemeza ko gukira kwe kwakozwe mu Izina no mu kugira neza kwa Yesu w'i Nazareti uwo Imana yazuye mu bapfuye. *"Kandi uyu, uwo mureba kandi muzi, kuko yizeye izina ry'Uwo, ni ryo rimuhaye imbaraga: kandi kwizera ahawe n'Uwo ni ko kumukirije rwose imbere yanyu mwese."* Ibyak 3:16. {INI 41.1}

Intumwa zavuze zishize amanga ibyerekeye icyaha gikomeye Abayahudi bakoze cyo kwanga no kwica Umwami w'ubugingo; ariko zaritonze kugira ngo zidatuma abazumva babura ibyiringiro. Petero yaravuze ati: *« Ariko mwihakana Uwera kandi Umukiranutsi, musaba ko bababohorera umwicanyi, nuko wa Mukuru w'ubugingo muramwica; ariko Imana iramuzura; natwe turi abagabo bo guhamya ibyo. »* (Ibyak 3:14, 15). *"Kandi none bene Data, nzi yuko mwabikoze mutabizi, n'abatware banyu na bo ni uko. Ariko ibyo Imana yahanuye mu kanwa k'abahanuzi bose, yuko Kristo wayo azababazwa, ibyo yabishohoje ityo."* (Ibyak 3:17,18). Yavuze ko Mwuka Muziranenge

yabahamagariraga kwihana kugira ngo bahinduke. Yabemeje kandi ko nta byiringiro by'agakiza bagira keretse binyuze mu mbabazi z'Uwo bari barabambye. Ibyaha byabo byashoboraga kubabarirwa binyuze gusa mu kumwizera. {INI 41.2}

Petero yongeye kuvuga ati : *"Nuko mwihane muhindukire, ibyaha byanyu bihanagurwe, ngo iminsi yo guhemburwa ibone uko iza, ituruka ku Mwami Imana"* Ibyak 3:19. *" Namwe muri abana b'ababanuzi, kandi muri abo isezerano Imana yasezeranije naba sekuruza wanyu, ibwira Aburahamu iti: 'Mu rubyaro rwawe ni mo imiryango yose yo mu isi izaherwa umugisha.' Ni mwebwe Imana yabanje gutumaho umugaragu wayo, imaze kumuzura, kugira ngo abahe umugisha, abahindure umuntu wese, ngo ave mu byaha bye."* Ibyak 3:25, 26. {INI 41.3}

Nuko abigishwa babwiriza iby'umuzuko wa Kristo. Abenshi muri abo bari babateze amatwi bari barategereje ubwo buhamya kandi bamaze kubwumva barizera. Ubu buhamya bwabibukije amagambo Yesu yari yaravuze maze baherako bifatanya n'abemeye Ubutumwa Bwiza. Imbuto Umukiza yari yarabibye yarameze kandi yera imbuto. Bakivugana n'abantu *" abatambyi bazana aho bari n'umutware w'urusengero, n'Abasadukayo, bababajwe cyane n'uko bigisha abantu, bababwira yuko kuzuka kw'abapfuye kwabonetse kuri Yesu." Ibyak 4:1, 2.* {INI 41.4}

Nyuma yo kuzuka kwa Kristo abatambyi bari barakwije ibinyoma hirya no hino babeshya ko umurambo wa Yesu wibwe n'abigishwa igihe umurinzi w'umuroma yari asinziye. Ntabwo bitangaje kuba batarishimye ubwo bumvaga Petero na Yohana bigisha iby'umuzuko w'uwo bari barishe. Abasadukayo, mu buryo bw'umwihariko bararakaye cyane. Babonye ko inyigisho yabo bakomeyeho cyane iri mu kaga kandi ko icyubahiro cyabo kigiye kuhatakarira. {INI 42.1}

Umubare w'abemeraga uko kwizera gushya warushagaho kwiyongera kandi Abafarisayo n'Abasadukayo bemeranyije ko niba abo bigisha badutse baretswe ntibakomwe mu nkokora, inyigisho zabo zari guhura n'ibibazo birenze n'ibyo bahuye nabyo igihe Yesu yari hano ku isi. Kubw'ibyo umukuru w'urusengero afashijwe na bamwe mu Basadukayo bafashe Petero na Yohana maze babashyira mu nzu y'imbohe kuko umunsi wari ukuze badashobora kwiga ku kibazo cyabo. {INI 42.2} Nta kindi abanzi b'abigishwa bari gukora uretse kwemera ko

Kristo yari yarazutse mu bapfuye. Igihamya cyagaragariraga buri wese cyane ku buryo ntawagishidikanyaho. Nyamara banangiye imitima yabo, banga kwihana igikorwa kibi bari barakoze cyo kwica Yesu. Abayobozi b'Abayahudi bari barahawe ibihamya byinshi by'uko intumwa zavugaga kandi zigakora ziyobowe n'Imana, nyamara barwanyije ubutumwa bw'ukuri bashikamye. Ntabwo Kristo yari yaraje mu buryo bari biteze, kandi nubwo akenshi bari baremejwe ko ari umwana w'Imana, bari baranze kwemera maze baramubamba. Imana mu mbabazi zayo yakomeje kubaha ibindi bihamya n'andi mahirwe kugira ngo bayigarukire. Yohereje abigishwa kugira ngo babamenyeshe ko bishe Umwami w'ubugingo kandi muri iki kirego gikomeye yongeye kubahamagarira kwihana. Nyamara kubera kumva batekanye mu butungane bwabo bwite, abigisha b'Abayahudi banze kwemera ko ababarega kubamba Kristo bavugaga bayobowe na Mwuka Muziranenge. {INI 42.3}

Bitewe nuko bari barirunduriye mu kurwanya Kristo, buri gikorwa cyo kwinangira abatambyi bakoraga cyabateraga gushikama muri uwo murongo bari bariyemeje kugenderamo. Kwinangira kwabo kwagiye kurushaho guhama. Ntabwo ari uko bari bananiwe kuva ku izima, bari babishoboye ariko ntibabishakaga. Si uko gusa batsindwaga n'urubanza kandi bakwiye gupfa, si n'uko bari barishe Umwana w'Imana ngo bibe ari byo byabavukije agakiza ahubwo ni uko bahagurukiye kurwanya Imana.Bakomeje kwanga umucyo kandi bima amatwi ibyo Mwuka Muziranenge yabemezaga. Imbaraga ikorera mu batumvira yabakoreragamo, ikabayobora guhinyura abo {INI 42.4}

Imana yakoreragamo. Uburyarya bw'ubugome bwabo bwongerwaga na buri gikorwa cyose cyo kurwanya Imana n'ubutumwa yari yarahaye abagaragu bayo kwamamaza. Mu kwanga kwihana kwabo, buri munsi abayobozi b'Abayahudi batumaga ubwigomeke bwabo bwiyongera ari ko banitegura gusarura ibyo babibye. {INI 43.1} Ntabwo umujinya w'Imana uvugwa ko uzagera ku banyabyaha batihana bitewe gusa n'ibyaha bakoze, ahubwo ni uko iyo bahamagariwe kwihana bahitamo gukomeza kwinangira bagakomeza gukora ibyaha bakoraga kera basuzugura umucyo bahawe. Iyo abayobozi b'Abayahudi baba barumviye imbaraga yemeza imitima ya Mwuka Muziranenge baba barababariwe, nyamara bari bariyemeje rwose kutagonda ijosi. Ni muri ubwo buryo iyo umunyabyaha akomeje kwinangira aba yishyize aho Mwuka Muziranenge adashobora kumuhindura. {INI 43.2}

Umunsi wakurikiye gukizwa k'umuntu wari uremeye, Ana na Kayifa hamwe n'abandi banyacyubahiro bo mu rusengero barahuye kugira ngo bace urubanza maze bazana imfungwa imbere yabo. Muri icyo cyumba kandi imbere y'abo bantu niho Petero yari yarihakaniye Umwami we ku buryo bukojeje isoni. Ubwo yinjiraga kugira ngo acibwe urubanza, ibi byaje mu bitekerezo bye. Ubu noneho yari abonye amahirwe yo gusibanganya ubugwari yari yarahagiriye maze akahagaragariza ubutwari. {INI 43.3}

Abari aho bibutse uruhare Petero yari yaragize mu rubanza rwa Shebuja bibwira noneho ko ashobora guterwa ubwoba no gukangishwa gufungwa no kwicwa. Nyamara Petero wihakanye Kristo mu gihe yari amukeneyemo cyane yari yiyemeje kandi yihagazeho, atandukanye cyane na Petero wazanywe imbere y'urukiko rukuru rw'Abayahudi kugira ngo yisobanure. Kuva umunsi yacumuriye yihakana Umwami we yarahindutse. Ntabwo yari akiri umwirasi wibona, ahubwo yariyoroheje kandi atacyiyemera. Yari yuzuye Mwuka Muziranenge, kandi afashijwe n'iyi mbaraga yari yiyemeje gukuraho ikizinga cy'ubuhakanyi bwe yubaha izina yari yarihakanye. {INI 43.4}

Kugeza icyo gihe abatambyi bari baririnze kuvuga ku kubambwa no kuzuka kwa Yesu. Ariko ubu kugira ngo basohoze umugambi wabo, byabaye ngombwa ko babaza uwaregwaga uko ikizwa rya wa muntu wari umugaye ryagenze. Barabajije bati: « Ni mbaraga ki, cyangwa ni zina ki, byabateye gukora ibyo? » Ibyak 4:7. {INI 43.5}

Petero ashize amanga kandi afite imbaraga ya Mwuka aravuga ati: *« Ariko mumenye mwese n'abantu bose bo mu Bisirayeri, yuko ari izina rya Yesu w'i Nazareti, uwo mwabambye, Imana ikamuzura, ari ryo ritumye uyu muntu ahagarara imbere yanyu ari muzima. Yesu ni we buye ryahinyuwe namwe abubatsi, kandi ryahindutse irikomeza imfuruka.Kandi nta wundi agakiza kabonerwamo, kuko ari nta rindi zina munsi y'ijuru ryahawe abantu, dukwiriye gukirizwamo. »* Ibyak 4:10-12. {INI 43.6}

Uku kwisobanura kuzuye ubutwari kwateye ubwoba abayobozi b'Abayahudi. Bari baribwiye ko abigishwa bazicwa n'ubwoba no kugwa mu rujijo mu gihe bari kuzanwa imbere y'urukiko rukuru rw'Abayahudi.

Nyamara ibiri amambu, aba bahamya bavuze nk'uko Kristo yavugaga bavugisha imbaraga yacecekesheje abanzi babo. Nta bwoba bwumvikanaga mu ijwi rya Petero igihe yavugaga ibya Kristo agira ati, *« Yesu ni we buye ryahinyuwe namwe abubatsi, kandi ryahindutse irikomeza imfuruka.»* Ibyak 4:11. {INI 44.1}

Aha Petero yakoresheje imvugoshusho yari imenyerewe n'abatambyi. Abahanuzi bari baravuze ibyerekeranye n'ibuye ryari ryarahinyuwe; kandi na Kristo ubwe ubwo yavuganaga n'abatambyi n'abakuru b'Idini yaravuze ati: *"Ntimwari mwasoma mu byanditswe ngo 'Ibuye abubatsi banze, ni ryo ryahindutse irikomeza imfuruka: Ibyo byavuye ku Uwiteka, kandi ni ibitangaza mu maso yacu'? Ni cyo gitumye mbabwira yuko Ubwami bw'Imana muzabunyagwa, bugahabwa ishyanga ryera imbuto zabwo. Kandi uzagwira iryo buye azavunagurika; ariko uwo rizagwira wese, rizamumenagura, rimugire ivu."* Matayo 21:42-44. {INI 44.2}

Abatambyi bumvise intumwa zivuga zishize amanga, "bamenya yuko babanaga na Yesu."Byanditswe ko igikorwa cyo guhinduka ishusho irabagirana kwa Kristo kirangiye, abigishwa *"Bubuye amaso, ntibagira undi babona, keretse Yesu wenyine musa."* Matayo 17:8. « Yesu wenyine musa. » Muri aya magambo harimo ibanga ry'ubuzima n'imbaraga yaranze amateka y'Itorero rya mbere. Igihe abigishwa bumvaga amagambo ya Kristo bwa mbere, biyumvisemo ko bamukeneye. Baramushatse, baramubona kandi baramukurikira. Bari hamwe nawe mu rusengero, basangira, bari mu ibanga ry'umusozi, no mu birorero. Bari bameze nk'abanyeshuri bari iruhande rw'Umwigisha wabagezagaho amagambo y'ukuri guhoraho buri munsi. {INI 44.3}

Nyuma yo kuzamurwa k'Umukiza, abigishwa bumvaga ijuru ryuzuye urukundo n'umucyo rikiri hamwe nabo. Kristo ubwe yari ahibereye. Yesu, Umukiza, wari waragendanye na bo, Yesu wari yarababwiye amagambo y'ibyiringiro no kubakomeza, yari yarazamuwe mu ijuru akibabwira ubutumwa bw'amahoro. Ubwo abamarayika bamwakiraga, abigishwa bumvise amagambo ya Yesu avuga ati : *«Kandi dore ndi kumwe namwe iminsi yose, kugeza ku mperuka y'isi.»* Matayo 28:20. Yesu yazamutse mu ijuru yambaye ishusho {INI 44.4}

y'umuntu. Abigishwa bari bazi ko Kristo uri imbere y'Intebe y'Imana, akiri incuti n'Umukiza wabo. Bari bazi ko impuhwe ze zidahinduka kandi ko azahora yifatanya n'inyokomuntu mu mibabaro ihura nayo. Bari bazi

ko ari imbere y'Imana yerekana agaciro k'amaraso ye, yerekana ibiganza n'ibirenge bye byatobowe nk'urwibutso rw'ikiguzi yari yarishyuriye abo yacunguye. Iki gitekerezo cyakomezaga abigishwa kikabatera kwihanganira kurenganywa ku bwe. Icyo gihe ubumwe bari bafitanye na we bwari bukomeye cyane kurusha uko bari bameze bari kumwe na we imbona nkubone. Umucyo, urukundo n'imbaraga bya Kristo wari muri bo byarabagiranaga inyuma ku buryo abantu babarebaga batangara. {INI 45.1}

Kristo yashyize ikimenyetso cye ku magambo Petero yavuze igihe yireguraga. Iruhande rwa Petero hari umuhamya utagishwa impaka, hari hahagaze umugabo wari warakijijwe mu buryo bw'igitangaza. Mu maso h'uyu muntu wari umaze amasaha make yari amugaye atagira kirengera, none ubu akaba afite amagara mazima, byongereye igihamya gikomeye ku magambo Petero yavugaga. Abatambyi n'abatware b'urusengero baracecetse. Ntabwo bashoboraga guhakanya ibyo Petero yavugaga nyamara biyemeje guhagarika ibyo intumwa zigishaga. {INI 45.2}

Igitangaza kiruta ibindi Yesu yakoze cyo kuzura Lazaro cyatumye abatambyi bagambirira gukuraho Yesu n'imirimo ye itangaje kuko byasenyaga vuba icyizere bari bafitiwe na rubanda. Bari baramubambye, nyamara hariho igihamya kidashidikanywaho ko batashoboye guhagarika ibitangaza byakorwaga mu izina rye, ndetse no kwamamaza ukuri yigishije. Gukira k'umuntu wari umugaye no kubwiriza kw'intumwa byari byatumye abatuye Yerusalemu basabwa n'umunezero. {INI 45.3}

Mu rwego rwo guhisha impungenge bari bafite, abatambyi n'abategetsi bategetse ko intumwa zivanwa aho kugira ngo babone uko bajya inama. Bose bemeranyijwe ko guhakana gukira k'uwo muntu byaba ari imfabusa. Byari kuba byiza iyo baza gutwikiriza icyo gitangaza ikinyoma; nyamara ibi ntibyari kubashobokera kuko iki gitangaza cyabaye ku manywa y'ihangu imbere y'imbaga kandi abantu benshi bari bamaze kubimenya. Babonye ko umurimo w'abigishwa ugomba guhagarikwa bitaba bityo abayoboke ba Yesu bakarushaho kwiyongera. Icyari gukurikiraho ni ugukorwa n'isoni kwabo kubera ko bari gufatwa ko ari bo bishe Umwana w'Imana. {INI 45.4}

Nubwo abatambyi bifuzaga kurimbura abigishwa ntibatinyutse kugira ikindi bakora kirenze kubatinyisha ko bazahabwa igihano gikomeye niba bakomeje kuvuga no kugira icyo bakora mu izina rya {INI 45.5} Yesu. Bongeye guhamagarwa imbere y'urukiko rukuru rw'Abayahudi, babategetse kutavuga cyangwa ngo bigishe muri iryo zina. Nyamara Petero na Yohana barabasubije bati, *« Niba ari byiza imbere y'Imana kubumvira kuruta Imana, nimuhitemo: kuko tutabasha kwiyumanganya ngo tureke kuvuga ibyo twabonye kandi twumvise.»* Ibyak 4:19, 20. {INI 46.1}

Abatambyi baba barashimishijwe no guhana aba bagabo babahora kuba indahemuka ku muhamagaro wabo wera, ariko batinye abantu; *"kuko bose bahimbarizaga Imana ibyabaye"*.(Ibyak 4:21). Bityo bamaze kubakangisha no kubahana barabarekura. {INI 46.2}

Mu gihe Petero na Yohana bari mu nzu y'imbohe, abandi bigishwa bari bazi uburyarya bw'Abayuda, bakomeje gusengera abavandimwe babo ubudasiba, batinya ko ubugome bwagiriwe Kristo bwakongera kubaho. Intumwa zikimara kurekurwa, zashatse abandi bigishwa zibatekerereza uko urubanza rwagenze. Ibyishimo by'abizera byabaye byinshi cyane. *"Nabo babyumvise bavuga ijwi rirenga n'umutima uhuye, babwira Imana bati: 'Databuja, ni wowe waremye ijuru n'isi n'inyanja n'ibirimo byose, kandi wavugiye mu kanwa ka sogokuruza Dawidi, umugaragu wawe, ubivugisha Umwuka Wera, ngo : ' Ni iki gitumye abanyamahanga bagira imidugararo, n'abantu bagatekereza iby'ubusa? Abami bo mu isi bateje urugamba, n'abakuru bateraniye hamwe kurwanya Uwiteka n'Uwo yasize. Kandi koko, Herode na Pontiyo Pilato hamwe n'abanyamahanga n'imiryango y'Abisirayeli bateraniye muri uyu murwa kurwanya Umugaragu wawe wera Yesu, uwo wasize, ngo basohoze ibyo ukuboko kwawe n'ubwenge bwawe byategetse mbere, byose bitari byaba."* Ibyak 4:24-28. {INI 46.3}

"Kandi none, Mwami Imana, reba ibikangisho byabo, uhe abagaragu bawe kuvuga ijambo ryawe bashize amanga rwose: ukiramburira ukuboko kwawe kugira ngo gukize, gukore n'ibimenyetso n'ibitangaza mu izina ry'Umugaragu wawe wera Yesu." Ibyak 4:29, 30. {INI 46.4}

Abigishwa basabye guhabwa imbaraga ikomeye mu murimo w'Ivugabutumwa, kubera babonaga ko bazahura no kubarwanya

gukaze Kristo yari yarahuye nako akiri ku isi. Igihe amasengesho yabo mu kwizera yazamukiraga rimwe ajya mu ijuru, barasubizwaga. Aho bari bateraniye habaye igishyitsi maze bongera guhabwa Mwuka Muziranenge. Imitima yabo yuzujwe ubutwari maze barongera bajya kwamamaza ijambo ry'Imana muri Yerusalemu. *"Kandi intumwa zagiraga imbaraga nyinshi zo guhamya kuzuka k'Umwami Yesu; nuko rero ubuntu bw'Imana bwinshi bukaba kuri bo bose."* Ibyak 4:33. {INI 46.5}

Ihame abigishwa batsimbarayeho bashize amanga mu gusubiza ababakomaga mu nkokora bababuza kongera kuvuga mu izina rya Yesu, ryari iri ngo: "Niba ari byiza imbere y'Imana kubumvira kuruta Imana, nimuhitemo. » Iri hame ni naryo abayobotse ubutumwa bwiza baharaniraga gukomeraho mu bihe by'Ubugorozi. Mu 1529, ibikomangoma by'Abadage byateraniye ahitwa Diet of Spires maze hatangarizwa itegeko ry'Umwami w'abami ribuza ubwisanzure mu by'iyobokamana ndetse n'ikwirakwizwa ry'inyigisho z'abagorozi. Byagaragaraga ko ibyiringiro by'isi byari hafi kurangira. Mbese ibikomangoma byari kwemera iryo itegeko? Mbese umucyo w'ubutumwa bwiza wari guhishwa imbaga y'abantu yari ikiri mu mwijima? Ingingo zikomeye zireba isi zari zigeze ahakomeye. Abari baremeye imyizerere y'ubugorozi, barifatanyije kandi icyemezo bari bahuriyeho cyari iki ngo, « Reka twange iri tegeko. Mu bijyanye no gukora icyo umutimanama ugusaba, kuba ku ruhande rwa benshi sibyo bihabwa agaciro."-Merle d'Aubigné, History of the Reformation, b.13, ch.5.{INI 46.6}

Iri hame tugomba kurishyigikira dukomeje no muri iki gihe cyacu. Ibendera ry'ukuri n'ubwisanzure mu by'iyobokamana ryazamuwe n'abatangije Itorero rivuga Ubutumwa Bwiza bafatanyije n'abahamya b'Imana mu binyejana byahise, muri iki gihe cy'intambara iheruka ni twe ryaragijwe. Inshingano yo kwita kuri iyi mpano ikomeye ifitwe n'abo Imana yahaye umugisha wo kumenya ijambo ryayo. Tugomba kwakira iryo jambo nk'umuyobozi w'ikirenga. Tugomba kwemera ubutegetsi bw'abantu nk'ubwashyizweho n'Imana kandi tukigisha ko kumvira amategeko yabwo ari inshingano yera. Ariko mu gihe amategeko ya leta anyuranye n'ibyo Imana itegeka tugomba kumvira Imana kuruta abantu. Ijambo ry'Imana rigomba gufatwa nk'irisumba amategeko yose y'abantu.

“Niko Uwiteka avuga” ntibigomba gusimbuzwa “Niko Itorero rivuga” cyangwa ngo “Niko ubutegetsi bwa leta buvuga.” Ikamba rya Kristo rigomba gushyirwa hejuru kuruta amakamba y’abami bo ku isi. {INI 47.1}

Ntabwo dusabwa kurwanya ubutegetsi. Amagambo yacu yaba avuzwe cyangwa ayanditswe, akwiriye kwitonderwa bitaba bityo tukaba twishyize mu mwanya w’abavuga ibizatuma dufatwa ko turwanya itegeko na gahunda. Ntitugomba kuvuga cyangwa gukora ikintu cyose cyatuma twifungira amayira bitari ngombwa. Dukwiriye kujya mbere mu izina rya Kristo twamamaza ukuri twabikijwe. Abantu baramutse batubujije gukora uyu murimo, dukwiye kubasubiza nk’uko intumwa zasubije ziti: *“Niba ari byiza imbere y’Imana kubumvira kuruta Imana, nimuhitemo: kuko tutabasha kwiyumanganya ngo tureke kuvuga ibyo twabonye kandi twumvise.”* Ibyak 4:19, 20. {INI 47.2}

****

IGICE CYA 7 - UMUBURO KU BAKORESHA UBURYARYA
(Iki gice gishingiye kn Byakozwe n'Intumwa 4: 32-5:11)

Igihe abigishwa bamamazaga ukuri k'ubutumwa bwiza muri Yerusalemu, Imana yatumye amagambo yabo abera benshi ubuhamya maze abantu benshi barizera. Abenshi muri aba bizera ba mbere bahitaga batandukanywa n'imiryago n'incuti bitewe n'ishyaka Abayahudi barwaniraga idini ryabo, maze biba ngombwa ko bahabwa ibibatunga n'aho bacumbika. {INI 48.1}

Ibyanditswe biravuga biti, "nta mukene wababagamo" kandi bikavuga uburyo bakemuraga ibibazo byabo. Mu bizera, abari bafite amafaranga n'ubutunzi babitanganaga umunezero kugira ngo bakemure ibibazo byihutirwa. Bagurishaga amazu n'amasambu yabo, bakazana ibiguzi by'ibyo bagurishije bakabishyira intumwa, "nazo zikabigabanya abantu, umuntu wese agahabwa icyo akennye." {INI 48.2}.Uku kugira ubuntu ku ruhande rw'abizera kwari ingaruka yo gusukwa kwa Mwuka. Abemeye ubutumwa bwiza bose "bari bahuje umutima n'inama." Umugambi wari ubashishikaje bari bahuriyeho wari uwo gutuma umurimo bahawe ugera ku musaruro mwiza; kandi kurarikira ntikwarangwaga mu mibereho yabo. Urukundo bari bafitiye abavandimwe babo n'ukuri bari baremeye rwarutaga gukunda amafaranga n'ubutunzi. Imirimo yabo yahamyaga ko baha imitima y'abantu agaciro gakomeye kuruta ubutunzi bw'isi. {INI 48.3}

Bizakomeza kumera bityo igihe cyose Umwuka w'Imana azaba ari we wigaruriye imibereho y'umuntu. Abantu bose bafite imitima yuzuye urukundo rwa Kristo bazagera ikirenge mu cye, We wahindutse umukene ku bwacu kugira ngo muri ubwo bukene duhinduke abatunzi.

Impano zose bahawe n'Imana, (amafaranga, igihe, no kumenyekana) bazazifata gusa nk'uburyo bwo gutuma umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza utera imbere. Uko ni ko byari bimeze mu Itorero rya mbere; kandi mu Itorero ry'iki gihe iyo bigaragaye ko kubw'imbaraga ya Mwuka Muziranenge abizera bazinutswe iby'isi kandi bakemera kwitanga kugira ngo bagenzi babo bashobore kumva ubutumwa bwiza, ukuri kwamamazwa kuzatera impinduka ikomeye ku bakumva. {INI 48.4}

Imyitwarire ya Ananiya na Safira yari ihabanye n'urugero rwatanzwe n'abizera rwo gutangana umutima ukunze. Ibyabaye kuri Ananiya na Safira byandikishijwe na Mwuka w'Imana, byasize ikizinga mu mateka y'Itorero rya mbere. Izi ngirwabigishwa zari zaragize amahirwe amwe n'abandi yo kumva ubutumwa bwiza bwabwirijwe n'intumwa. Bari hamwe n'abandi bizera igihe intumwa zamaraga gusenga maze aho bari bateraniye hakaba umushyitsi, bose bakuzuzwa Umwuka Wera. (Ibyak 4:31). Abari bateraniye aho bose bari baranyuzwe cyane; kandi kubw'imbaraga ya Mwuka w'Imana, Ananiya na Safira bari barasezeranye ko bazaha Uwiteka amafaranga yari kuva mu igurishwa ry'umutungo. {INI 48.5}

Nyuma yaho Ananiya na Safira bababaje Mwuka Muziranenge biyegurira gutegekwa n'umururumba. Batangiye kwicuza isezerano batanze maze mu kanya gato batakaza imbaraga y'umugisha yari yasusurukuje imitima yabo ikayishyiramo icyifuzo cyo gukora ibintu bihambaye ku bwa Kristo. Batekereje ko bari bahubutse ku buryo noneho bakwiye gusubira ku mwanzuro wabo. Babiganiyeho maze bafata umwanzuro wo kudasohoza ibyo basezeranye. Nyamara babonye ko abatanze imitungo yabo kugira ngo ifashe abavandimwe babo bakenye bari bubashywe cyane n'abizera, kandi kubwo guterwa isoni n'uko bagenzi babo bazabatahura, umutima wabo w'ubugugu watanganye ubwiko ibyo bari beguriye Imana. Bafashe icyemezo cyo kugurisha ibyabo bakagaragaza bya nyirarureshwa ko ibiguzi byabyo byose babishyize mu bubiko rusange nyamara mu by'ukuri bakisigaranira umugabane utubutse. Bityo bari kwibikira ibibatunga badahuriyeho n'abandi kandi bakanabona icyubahiro muri bagenzi babo. {INI 49.1}

Nyamara Imana yanga uburyarya n'ikinyoma. Ananiya na Safira bakoresheje uburiganya mu mikoranire yabo n'Imana. Babeshye

Mwuka Muziranenge maze icyaha cyabo gihanishwa igihano gikomeye kandi byihuse. Igihe Ananiya yazanaga ituro rye, Petero yaramubwiye ati:*"Ananiya, ni iki gitumye Satani yuzuza umutima wawe kubeshya Umwuka Wera, ukisigariza igice cy'ibiguzi by'isambu? Ukiyifite, ntiyari iyawe? Kandi umaze kuyigura ibiguzi byayo ntibyari ibyawe ubyigengaho? Ni iki gitumye wigira inama yo gukora utyo? Si abantu ubeshye, ahubwo Imana ni yo ubeshye."* Ibyak 5:3, 4. {INI 49.2}

"Ananiya abyumvise atyo, aragwa, umwuka urahera: ababyumvise bose bagira ubwoba bwinshi." Ibyak 5:5.Petero yarabajije ati "Ukiyifite, ntiyari iyawe?" Ibyak 5:4. Nta mbaraga zakoreshejwe kuri Ananiya ngo ahatirwe gutanga ibyo atunze kugira ngo bishyirwe mu mutungo rusange. Yari yabikoze ku bushake bwe nyamara mu kugerageza kubeshya abigishwa, yabeshye Ishoborabyose. {INI 49.3}

"Hahise nk'amasaha atatu, umugore we arinjira, atazi uko byagenze; Petero aramubaza ati "Mbwira; mbese ibi biguzi ni byo mwaguze isambu?" Aramusubiza ati "Ye, ni byo." Petero aramubaza ati: Ni iki gitumye muhuza inama yo kugerageza Umwuka w'Umwami Imana? Dore ibirenge by'abamaze guhamba umugabo wawe bigeze ku muryango, nawe barakujyana." Muri ako kanya amugwa ku birenge, umwuka urahera. Ba basore binjiye, basanga amaze gupfa, baramujyana bamuhamba hamwe n'umugabo we. Itorero ryose n'ababyumvise bose bagira ubwoba bwinshi." Ibyak 5:7-11. {INI 49.4}

Nyirubwenge butagerwa yabonye ko uku kugaragara k'umujinya w'Imana byari ngombwa kugira ngo Itorero rigitangira ririndwe guteshuka ku mahame mbonera. Umubare wabo warushagaho kwiyongera. Muri uko kwiyongera huti huti kw'abizera bashya, Itorero riba ryaragize akaga iyo abagabo n'abagore barizagamo bari kugaragaza ko bakorera Imana nyamara baramya ubutunzi. Iki gihano bahanishijwe cyagaragaje ko abantu badashobora kubeshya Imana, ko ibona icyaha gihishwe mu mutima kandi ko Imana itanegurizwa izuru. Uyu wari umuburo uhawe Itorero kugira ngo ryirinde inzitwazo, uburyarya no kwiba Imana. {INI 50.1}

Uru rugero rw'uburyo Imana yanga umururumba, uburiganya n'uburyarya ntabwo wari umuburo wahawe Itorero rya mbere gusa ahubwo unareba ibisekuru byose byo mu gihe kizaza. Ananiya na

Safira babanje kurarikira. Icyifuzo cyo kwisigaraniza umugabane w'ibyo bari barasezeraniye Imana, cyabashoye mu buriganya n'uburyarya. {INI 50.2}

Imana yatumye kwamamaza ubutumwa bwiza bigerwaho bishingiye ku mihati n'impano by'abantu bayo. Amaturo y'ubushake n'icyacumi ni byo byifashishwa mu gukora umurimo w'Uwiteka. Ku byo Imana yahaye umuntu, imusabaho umugabane runaka, ari wo icyacumi. Iha umuntu wese umudendezo wo kwiyemeza niba ashobora gutanga ibirenzeho. Nyamara igihe umutima wemejwe na Mwuka Muziranenge maze umuntu agasezerana kugira icyo atanga, usezeranye nta burenganzira na buke aba agifite ku byo yeguriye Imana. Ko amasezerano nk'aya akorewe abantu agaragara nk'adakuka; mbese ayo tugiranye n'Imana ntakomeye kurushaho? Mbese amasezerano akozwe n'umutimanama ni yo afite agaciro gake kurusha amasezerano yanditswe n'abantu? {INI 50.3}

Iyo umucyo mvajuru urasiye mu mutima ufite imbaraga no kumurika kudasanzwe, ubugugu bwabaye akamenyero buvaho maze umuntu akaba yiteguye gutanga kubw'umurimo w'Imana. Ntihakagire uwibwira ko azashobora gusohoza amasezerano yatanze Satani atamurwanyije. Satani ntiyishimira kubona Ubwami bw'Umucunguzi ku isi bushinga imizi. Abwira abantu ko ibyo basezeraniye Imana ari byinshi cyane ku buryo byabadindiza mu mbaraga bashyira mu gushaka ubutunzi no kunezeza ibyifuzo by'imiryango yabo. {INI 50.4}

Imana ni yo ihira abantu ikabaha ubutunzi, kandi ibikora ityo kugira ngo abantu bashobore gutanga kubw'iterambere ry'umurimo wayo. Ni yo ivusha izuba ikavuba n'imvura. Ni yo ituma ibimera bibaho. Itanga ubuzima n'ubushobozi bwo kugera ku byo dukeneye. Imigisha yose dufite ituruka mu biganza byayo byuzuye ubuntu. Nk'ingaruka y'ibyo, Imana yifuza ko abagabo n'abagore bagaragaza gushima kwabo bagira icyo bayigarurira batanga icyacumi n'amaturo: ari amaturo yo gushima, amaturo y'ubushake n'ay'uko bavanweho urubanza rw'icyaha. Iyaba ibyo gukora umurimo w'Imana byazanwaga mu bubiko bwayo hakurikijwe gahunda y'Imana yo gutanga icyacumi cy'ibyungutswe n'amaturo y'ubushake, haboneka byinshi cyane byo guteza imbere umurimo w'Uwiteka. {INI 50.5} .Nyamara imitima y'abantu inangizwa n'ubugugu kandi nk'uko byabaye kuri Ananiya na Safira, bagira ikigeragezo cyo kugumana igice cy'ibiguzi nyamara bakagaragaza bya

nikize ko bubahirije ibyo Imana isaba. Abantu benshi baya umutungo wabo bikorera ibibanezeza. Abagabo n'abagore bareba ibibashimisha kandi bakanezeza irari ryabo, mu gihe bazanira Imana ituro rito batanabishaka. Bibagirwa ko umunsi umwe Imana izababaza gusobanura uko bakoresheje umutungo wayo; kandi ko itazigera yemera ibyo bashyira mu bubiko bwayo bidashyitse nk'uko itemeye ituro rya Ananiya na Safira. {INI 51.1}

Uhereye ku gihano gikomeye cyahawe bariya babeshyi, Imana ishaka ko twiga uko yanga byimazeyo uburyarya ubwo ari bwo bwose n'ikinyoma. Mu gushaka kwerekana bya nikize ko batanze byose, Ananiya na Safira babeshye Mwuka Muziranenge maze ingaruka iba kubura ubugingo bwa none n'ubw'ahazaza. Iyo Mana yabahannye icyo gihe ni nayo uyu munsi iciraho iteka ibinyoma byose. Iminwa ibeshya ni ikizira kuri yo. Ivuga ko mu murwa Wera "hatazinjira ikintu gihumanye, cyangwa ukora ibizira, akabeshya." Ibyahishuwe 21:27. {INI 51.2}.Nimureke dukomere ku kuvugisha ukuri kandi bihinduke umugabane w'ubugingo bwacu. Gufata ukuri nk'ibikino no kuguhindura tugira ngo guhwane n'imigambi y'ibyo umuntu ararikiye ni ukurimbura ukwizera. "Muhagarare mushikamye mukenyeye ukuri." Abefeso 6:14. Umuntu wese utavugisha ukuri aba agurisha ubugingo bwe mu isoko ry'imburamumaro. Ibinyoma bye bishobora kugaragara ko byafasha mu bihe bikomeye; ashobora kugaragara ko ibyo akora bitera imbere kuruta ibyo yari kunguka iyo aza gukoresha ukuri, nyamara agera aho atagira uwo yiringira. We nk'umubeshyi ntabwo aba akigirira icyizere ibyo abandi bamubwiye. {INI 51.3}

Ku byerekeranye na Ananiya na Safira, icyaha cyo kuriganya Imana bagihaniwe vuba na bwangu. Icyo cyaha cyagiye gisubirwamo kenshi mu mateka y'Itorero kandi na n'ubu gikorwa na benshi. Nyamara nubwo kitakurikirwa n'ikintu kigaragarira amaso cyerekena ko Imana itacyishimiye, ntibisobanura ko muri iki gihe iki cyaha cyoroheje imbere y'Imana kuruta uko cyari kiri mu gihe cy'intumwa. Umuburo waratanzwe kuko Imana yerekanye neza uko yanga iki cyaha urunuka; kandi abantu bose birundurira mu buryarya n'umururumba bamenye neza ko barimbura ubugingo bwabo. {INI 51.4}

****

IGICE CYA 8 - IMBERE Y'URUKIKO RUKURU RW'ABAYAHUDI
(Iki gice gishingiye mu Byakozwe n'Intumwa 5:12-42)



Umusaraba wari igikoresho cyo gukorezaho isoni no kwiciraho urw'agashinyaguro, nyamara ni wo wazaniye isi ibyiringiro n'agakiza. Abigishwa bari abantu boroheje, nta butunzi cyangwa intwaro bari bafite uretse ijambo ry'Imana. Nyamara bambaye imbaraga za Kristo, bagiye kwamamaza inkuru itangaje yo kuvuka kwa Yesu n'umusaraba we ndetse batsinda ababarwanyaga bose. Nubwo batari bafite icyubahiro cy'isi no kumenyekana, bari intwari zo kwizera. Mu kanwa kabo hasohokaga amagambo mvajuru yanyeganyeje isi. {INI 52.1}

Muri Yerusalemu ahari haganje urwikekwe rukomeye kandi hakaba imyumvire iteye urujijo ku byerekeye uwari warabambwe nk'umugome, niho abigishwa bakomereje kuvuga amagambo y'ubugingo bashize amanga, babwira Abayahudi iby'umurimo wa Kristo, icyamuzanye, kubambwa kwe, kuzuka hamwe no kujyanwa mu ijuru kwe. Abatambyi n'abatware b'urusengero batangajwe no kumva ubuhamya bwumvikana kandi budakebakeba bw'intumwa. Imbaraga y'Umukiza wazutse yari yasutswe ku bigishwa kandi umurimo wabo ukagendana n'ibimenyetso n'ibitangaza byatumaga buri munsi abizeye biyongera. Iruhande y'inzira aho abigishwa banyuraga hose, abantu baryamishaga abarwayi *"ku mariri no mu ngobyi, kugira ngo Petero nahanyura, nibura igicucu cye kigere kuri bamwe."*(Ibyak 4:15). Aho hazanwaga n'abatewe n'abadayimoni. Imbaga y'abantu yarabakikizaga kandi abakiraga bateraga hejuru basingiza Imana kandi bagaha icyubahiro izina ry'Umucunguzi. {INI 52.2}

Abatambyi n'abatware b'urusengero babonye ko Kristo abarushije icyubahiro. Ubwo abasadukayo batizeraga umuzuko bumvaga intumwa zivuga ko Kristo yari yarazutse mu bapfuye, bararakaye cyane.

Babonye ko niba intumwa zemerewe kubwiriza iby'Umukiza wazutse kandi zigakora ibitangaza mu izina rye, inyigisho yo kuvuga ko nta muzuko uzabaho yari kwangwa na bose maze igice cy'Abasadukayo kigasenyuka. Abafarisayo bo barakajwe n'uko inyigisho z'intumwa zari zigiye gusenya imihango ya kiyahudi kandi zigatuma ibitambo bita agaciro. {INI 52.3}

Kugeza icyo gihe, ibyo bagerageje byose kugira ngo bakome mu nkokora ubutumwa bw'abagishwa byabaye imfabusa, nyamara kuva ubwo Abasadukayo n'Abafarisayo bemeza ko ubutumwa bw'abigishwa bwahagarara kuko bwemezaga ko ari bo bishe Yesu. Abatambyi bazabiranyijwe n'uburakari, bahereyeko basumira Petero na Yohana babashyira mu nzu y'imbohe. {INI 52.4}

Abayobozi bo mu ishyanga ry'Abayahudi bari barananiwe gusohoza imigambi Imana yari ifitiye abantu yitoranyirije. Abo Uwiteka yari yarabikije ukuri kwe batatiye ishingano bahawe maze Imana itoranya abandi kugira ngo bakore umurimo wayo. Mu buhumyi bwabo, aba bayobozi bazabiranyijwe n'icyo bitaga uburakari bwera maze bahagurukira abarwanyaga inyigisho zabo bakundaga. Ntibashoboraga kwemera ko bishoboka ko bo ubwabo batasobanukiwe neza n'ijambo ry'Imana, cyangwa ko barisobanuye uko ritari cyangwa ngo bakoreshe Ibyanditswe uko bidakwiriye. Bakoraga nk'abantu badatekereza neza. Baravuze bati, "aba bigisha barimo bamwe b'abarobyi bafite burenganzira ki bwo kuvuga ibintu bihabanye n'inyigisho twigishije abantu?" Biyemeje guhagarika izo nyigisho maze abazamamazaga babashyira mu nzu y'imbohe. {INI 53.1}

Abigishwa ntibigeze baterwa ubwoba cyangwa ngo bacibwe intege n'ibyo bagiriwe. Mwuka Muziranenge yabibukije amagambo Kristo yavuze ati: *"Umugaragu ntaruta shebuja. Niba bandenganyije, namwe bazabarenganya: niba bitondeye ijambo ryanjye, n'iryanyu na ryo bazaryitondera. Ariko ibyo byose bazabibagirira babahora izina ryanjye, kuko batazi Uwantumye uwo ari we." " Bazabaca mu masinagogi, kandi igihe kigiye kuza, uzabica wese azibwira ko akoreye Imana umurimo. Ariko ibyo mbibabwiriye kugira ngo igihe cyabyo nikigera, muzibuke ko ari jye wabibabwiye."* Yohana 15:20-21; Yohana 16:2, 4 {INI 53.2}

Imana yo mu ijuru, Umutware ukomeye w'ibibaho byose, yitaye ku kibazo cyo gufungwa kw'abigishwa kuko abantu barwanyaga umurimo

we. Nijoro marayika w'Umwami yakinguye inzugi z'inzu y'imbohe, abwira abigishwa ati: *"Nimugende muhagarare mu rusengero, mubwire abantu amagambo yose y'ubugingo".* (Ibyak 5:19, 20). Iri tegeko ryari rinyuranye rwose n'amabwiriza yatanzwe n'abatware b'Abayahudi. Mbese abigishwa baba baravuze bati, " Mbese dushobora gukora ibi tutarabaza abacamanza ngo baduhe uburenganzira?" Oya; Imana yari yarababwiye iti, "Nimugende", maze barayumvira. *"Binjira mu rusengero mu museke, barigisha."* Ibyak 5:21. {INI 53.3} .Ubwo Petero na Yohana bageraga ku bizera maze bakabasubiriramo uko umumalayika yabayoboye akabacisha hagati y'abasirikari barindaga inzu y'imbohe kandi akababwira gukomeza umurimo wari warahagaze, bagenzi babo baratangaye banarishima cyane. {INI 53.4}

Hagati aho, umutambyi mukuru n'abari bafatanyije na we *"bahamagara abanyarukiko n'abakuru bose b'Abisirayeli"* (Ibyak 5:21). Abatambyi n'abatware bari bariyemeje gushyira ku ntumwa icyaha cyo kwigomeka, bakanazirega kuba ari zo zishe Ananiya na Safira, ndetse n'ubugambanyi bwo kwambura abatambyi ubutware bwabo. Bizeraga ko ibi bizatuma abantu bahagurukira icyo kibazo maze bakagirira abigishwa nk'uko bari baragenje Yesu. Bari basobanukiwe ko abantu benshi batari baremeye inyigisho za Kristo bari barambiwe ubutegetsi bw'igitugu bw'abayobozi b'Abayahudi kandi bakifuza ko haba impinduka. Abatambyi batinyaga ko aba bantu batanyuzwe nibemera ukuri kwamamazwaga n'intumwa kandi bakemera ko Yesu ari we Mesiya, uburakari bw'abantu bose bwari kuba ku bayobozi mu by'idini, bityo akaba ari bo bagomba gusobanura iby'urupfu rwa Kristo. Biyemeje gufata ingamba zikomeye kugira ngo ibi bitaba. Igihe bahamagazaga imbohe kugira ngo zizanwe imbere yabo, batangajwe cyane no kubwirwa ko imiryango ya gereza bayisanze ikinze neza, abarinzi bahagaze imbere yayo nyamara ntaho wabona imbohe. {INI 54.1}

Mu kanya gato haje inkuru itangaje igira iti, *"Dore, ba bantu mwashyize mu nzu y'imbohe bahagaze mu rusengero barigisha abantu. Maze uwo mutware n'abasirikare baragenda, babazana ku neza, kuko batinyaga rubanda, ngo batabatera amabuye."* Ibyak 5:25,26. {INI 54.2} Nubwo intumwa zakuwe mu nzu y'imbohe mu buryo bw'igitangaza, ntabwo zari zirinzwe kugira ibyo zibazwa ndetse no guhanwa. Igihe Kristo yari kumwe nabo yari yarababwiye ati, *"Ariko mwirinde; kuko bazabagambanira mu nkiko."* Mariko 13:9. Igihe Imana

yabohererezaga umumarayika ngo abafungure, byari ikimenyetso cy'urukundo rwayo ndetse n'icyizere ibahaye ko iri hamwe nabo. Kuri bo iki cyari igihe cyo kubabazwa bazira Uwabahaye ubutumwa bwiza babwirizaga. {INI 54.3}

Mu mateka y'abahanuzi n'intumwa tuhasanga ingero zikomeye zo kuba indahemuka ku Mana. Aho kugira ngo bice amategeko y'Imana, abahamya ba Kristo bihanganiye gufungwa, kugirirwa nabi ndetse n'urupfu ubwarwo. Amateka yasizwe na Petero na Yohana, ni ay'ubutwari nk'andi ayo ari yo yose yabayeho mu gihe cyo kwamamaza ubutumwa bwiza. Ubwo ku ncuro ya kabiri bari bahagaze imbere y'abantu bashakaga kubarimbura, nta bwoba, cyangwa gushidikanya kwigeze kugaragara mu magambo yabo no mu myifatire yabo. Igihe umutambyi mukuru yabazaga ati: *"Ntitwabihanangirije cyane kutigisha muri rya zina? None dore mwujuje i Yerusalemu ibyo mwigisha; murashaka kudushyiraho amaraso ya wa muntu!" Petero yarabasubije ati: "Ibikwiriye ni ukumvira Imana kuruta abantu."*(Ibyak 5:28, 29). Umumarayika uvuye mu ijuru ni we wabakuye mu nzu y'imbohe kandi anabategeka kujya mu rusengero kwigisha. Igihe bakurikizaga amabwiriza ya marayika bumviye itegeko ry'Imana kandi bakomeje kuryubahiriza batitaye ku cyo byari kubasaba cyose. {INI 54.4}

Mwuka Muziranenge yaje ku bigishwa maze abaregwaga bahinduka abarega, bashinja abanyarukiko kuba barishe Kristo. Petero yaravuze ati: *"Imana ya sogokuruza yazuye Yesu, uwo mwishe mu mubambye ku giti. Imana yaramuzamuye, imushyira iburyo bwayo, ngo abe Ukomeye n'Umukiza, aheshe Abisirayeri kwihana no kubabarirwa ibyaha. Natwe turi abagabo bo guhamya ibyo hamwe n'Umwuka Wera, uwo Imana yahaye abayumvira."* Ibyak 5:30-32. {INI 55.1}

Bityo Abayahudi barakajwe n'ayo magambo. Bahereyeko bafata icyemezo cyo gukoresha itegeko mu bubasha bwabo, kandi nta n'urundi rubanza rubayeho cyangwa ngo bahabwe uburenganzira n'abayobozi bakuru b'abaroma, bategeka ko izo mfungwa zicwa. Bari basanzwe bariho urubanza rw'amaraso ya Kristo, none ubwo bifuzaga cyane kwiyandurisha amaraso y'abigishwa be. {INI 55.2}

Ariko mu bari bagize urukiko, harimo umuntu umwe washoboye kumva ijwi ry'Imana ryumvikaniraga mu magambo y'intumwa. Uwo

muntu yitwaga Gamaliyeli, umufarisayo w'inyangamugayo kandi wari umuhanga akaba n'umutegetsi wo hejuru. Yabonye ko intambwe mbi abatambyi bashaka gutera izagira ingaruka zikomeye. Mbere yo kugira icyo abwira abari aho, yasabye ko imfungwa zisohorwa. Yari azi neza abo yavuganaga nabo; kandi yari azi ko abishe Kristo batazabura gusohoza imigambi yabo. {INI 55.3}

Ababwirana ubwitonzi ati : *" Yemwe bagabo b'Abisirayeli, nimwitonde mumenye uko mugirira aba bantu. Muzi ko mu minsi yashize Teyuda yahagurutse, avuga yuko ari umuntu ukomeye; nuko abantu nka magana ane baramukurikira. Bukeye aricwa abamwumviraga bose baratatana, bahinduka ubusa. Hanyuma ye mu minsi yo kwandikwa haduka Umunyagariraya witwaga Yuda, agomesha abantu benshi, baramukurikira: na we aricwa, n'abamwumviraga bose baratatana. Kandi none ndababwira nti: 'Muzibukire aba bantu, mubarekure: kuko iyi nama n'ibyo bakora, nibiba bivuye ku bantu, bizatsindwa: ariko nibiba bivuye ku Mana, ntimuzabasha kubatsinda. Mwirinde mutazaboneka ko murwanya Imana."* Ibyak 5:35-39. {INI 55.4}

Abatambyi babonye ukuri kw'ibyo ababwiye bahera ko bemeranya na Gamaliyeli. Nyamara gupfukirana urwikekwe n'urwango rwabo ntibyari koroha. Bamaze gukubita intumwa no kuzikangisha urupfu kugira ngo ntizizongere na rimwe kubwiriza mu izina rya Yesu, bahera ko barazirekura ariko batabishaka. *"Intumwa ziva imbere y'abanyarukiko zinejejwe n'uko zemerewe gukorwa n'isoni bazihora iryo zina. Nuko ntizasiba kwigisha no kuvuga Ubutumwa Bwiza bwa Yesu Kristo iminsi yose mu rusengero n'iwabo."* Ibyak 5:41, 42. {INI 56.1}

Mbere gato yo kubambwa kwa Kristo, yari yararaze abigishwa be amahoro ababwira ati: *"Mbasigiye amahoro, amahoro yanjye ndayabahaye. Icyakora simbaha nk'uko ab'isi batanga. Imitima yanyu ntihagarare kandi ntitinye."* (Yohana 14:27). Aya mahoro ntabwo ari amahoro azanwa no gukora ibyo ab'isi bakora. Kristo ntiyigeze ashakira amahoro mu kuzura n'ikibi. Amahoro Kristo yasigiye abigishwa be n'ay'imbere mu mutima si ay'inyuma kandi aya mahoro yagombaga kuzabana n'abahamya be mu mvururu no mu makimbirane. {INI 56.2}

Kristo yivuzeho ati: *" Mwe gutekereza ko nazanywe no kuzana amahoro mu isi: sinaje kuzana amahoro, ahubwo naje kuzana inkota."*

Matayo 10:34. Umwami w'Amahoro, ni we wari gutuma abantu batandukana. Uwari wazanywe no kwamamaza inkuru nziza no gushyira ibyiringiro n'ibyishimo mu mitima y'abana b'abantu, yashoje urugamba ruhatanira mu mutima rukabyutsa ibyifuzo bikomeye byo mu mutima w'umuntu. Aburira abayoboke be ati: *"Mu isi mugira umubabaro." " Bazabafata, babarenganye, babajyane mu masinagogi no mu mazu y'imbohe, babashyira abami n'abategeka, babahora izina ryanjye" " Muzagambanirwa n'ababyeyi ndetse n'abavandimwe, na bene wanyu n'incuti zanyu, bazicisha bamwe muri mwe."* Yohana 16:33; Luka 21:12,16. {INI 56.3}

Ubu buhanuzi bwasohoye mu buryo bugaragara cyane. Agasuzuguro, umugayo n'ubugome bwose, ibyo Satani yashoboraga gushyira mu mitima y'abantu byageze ku bayoboke ba Yesu. Ibi kandi bizongera gusohora mu buryo bukomeye kuko umutima wa kamere ukiri umwanzi w'amategeko y'Imana kandi ntuzigera wumvira ibyo awutegeka. Muri iki gihe, abantu ntibumvira amahame ya Kristo kuruta uko byari bimeze mu gihe cy'intumwa. Urwango rwatumye habaho urusaku ngo, "Nabambwe!Nabambwe!", akaba ari narwo rwatumye abigishwa batotezwa, ruracyakorera mu batumvira Imana. Umwuka umwe nk'uwatumye, mu Bihe by'Umwijima, abagabo n'abagore bafungwa, bagacirirwa mu mahanga ndetse bakicwa, umwuka wateguye iyicarubozo ryakorwaga n'Urukiko rw'Itorero Gatorika ry'i Roma rwahanaga abataremeraga inyigisho zaryo, umwuka wateguye kandi ushyira mu bikorwa ubwicanyi bwakorewe Mutagatifu Barutolomayo kandi ukenyegeza umuriro ahitwa Smithfield; uwo mwuka uracyakoresha imbaraga yuzuye urwango mu mitima itarahindutse mishya. Amateka y'ukuri kuva kera yigaragaje nk'intambara hagati y'icyiza n'ikibi. Umurimo wo kwamamaza Ubutumwa Bwiza wakomeje gutera imbere muri iyi si ubangamiwe no kurwanywa, kwicwa, kuba mu kaga kenshi no kubabazwa. {INI 56.4}

Imbaraga yatumaga abantu bo mu gihe cyashize bemera gutotezwa bazira Kristo yari iyihe? Iyo mbaraga yari ubumwe bari bafitanye n'Imana, Mwuka Muziranenge na Kristo. Kunengwa no gutotezwa byatandukanyije benshi n'incuti zo ku isi nyamara ntibyigeze bibatandukanya n'urukundo rwa Kristo. Nta na rimwe umuntu ugeragezwa n'umugaru w'iyi si akundwa n'Umukiza we nk'igihe arenganywa azira ukuri. Kristo yaravuze ati, *" Nanjye nzamukunda mwiyereke."* (Yohana 14:21). Igihe umwizera ahagaze imbere y'inkiko

z’iyi si kubera ukuri, Kristo amuhagarara iruhande. Igihe ari mu nzu y’imbohe, Kristo aramwiyereka kandi agakomeresha umutima we urukundo rwe. Igihe yicwa azira Kristo, Umukiza aramubwira ati, *“Bashobora kwica umubiri ariko ko ntacyo bashobora gutwara ubugingo.” “Nimuhumure, nanesheje isi.” “Ntutinye, kuko ndi kumwe nawe; ntukihebe, kuko ndi Imana yawe; nzajya ngukomeza, ni koko nzajya ngutabara; kandi nzajya nkuramiza ukuboko kw’iburyo, ni ko gukiranuka kwanjye.”* Yohana 16:33, Yesaya 41:10. {INI 57.1}

“Abiringiye Uwiteka bameze nk’umusozi Siyoni, utabasha kunyeganyezwa, ahubwo uhora uhamye iteka ryose. Nk’uko imisozi igose i Yerusalemu, ni ko Uwiteka agota abantu be, uhereye none ukageza iteka ryose.” ” Azacungura ubugingo bwabo abukize agahato n’urugomo; kandi amaraso yabo azaba ay’igiciro cyinshi imbere ye.” Zaburi 125:1, 2; Zaburi 72:14. {INI 57.2}

” Uwiteka Nyiringabo azabarinda; …Uwiteka Imana yabo izabakiza nk’ukiza umukumbi w’abantu be: bazamera nk’amabuye meza atatse ku ikamba ashyizwe hejuru y’igihugu cye.” Zekariya 9: 15,16. {INI 57.3}

****

IGICE CYA 9 - ABADIYAKONI BARINDWI

(Iki gice gishingiye mu Byakozwe n'Intumwa 6:1-7)

"Muri iyo minsi umubare w'abigishwa ba Kristo ukomeje kwiyongera, habaye ubwumvikane buke hagati y'Abayahudi bavuga ikigereki n'abavuga ikinyarameya. Abavuga ikigereki bitotomberaga ko abapfakazi babo batitabwagaho, ngo bahabwe igaburo rya buri munsi uko bikwiye." Ibyak 6:1.[Bibiliya Ijambo ry'Imana] {INI 58.1}. Itorero rya mbere ryari rigizwe n'abantu b'ingeri nyinshi bakomoka mu mahanga atandukanye. Igihe Mwuka Muziranenge yasukwaga ku munsi wa Pentekote, *"muri Yerusalemu habaga Abayuda b'abaturage b'abanyadini, bari baraturutse mu mahanga yose ari munsi y'ijuru."* (Ibyak 2:5). Muri abo bari bafite imyizerere ya giheburaho bari bateraniye i Yerusalemu harimo bamwe bitwaga abagiriki. Hagati y'aba Bagiriki n'Abayahudi bo muri Palesitina hari hamaze igihe kirekire harangwa ukutizerana n'urwango. {INI 58.2}

Imitima y'abari barahindutse biturutse ku mirimo y'intumwa yarorohejwe kandi ihuzwa n'urukundo rwa Gikristo. Nubwo mbere bagiranaga urwikekwe, ubu bwo bose bari bahuje umutima. Satani yari azi ko atagira ubushobozi bwo guhungabanya iterambere ry'ukuri k'ubutumwa bwiza mu gihe ubu bumwe bukomeje kubaho. Yashatse gufatira urwaho ku ngeso za mbere z'ibitekerezo byabo. Yari yizeye ko nahera kuri izo ngeso azashobora kwinjiza ibitandukanya abantu mu Itorero. {INI 58.3}

Ni nayo mpamvu igihe abigishwa biyongeraga umubare, umwanzi yashoboye kubyutsa urwikekwe rwa bamwe bari basanganwe ingeso yo kurebana ishyari abavandimwe babo mu kwizera kandi bagashakisha amakosa mu bayobozi babo mu by'umwuka. Byatumye *"Abayuda ba kigiriki batangira kwitotombera Abaheburayo."* Ibyak 6:1.

Impamvu yo kwitotomba yabaye kutitabwaho kw'abapfakazi bavuga ikigereki maze ntibahabwe igaburo rya buri munsi uko bikwiriye. Ubusumbane bwose bwari kuba bunyuranyije n'ubutumwa bwiza nyamara Satani yari yarageze ku ntego yo kubatera kutiringirana. Hagombaga gufatwa ingamba zihutirwa zo gukuraho ukutanyurwa kose kugira ngo umwanzi atagera ku nsinzi ye mu muhati wo guca ibice mu bizera. {INI 58.4}

Abigishwa ba Yesu bari bageze mu mu ngorane z'ingutu mu mibereho yabo. Mu gihe cy'ubuyobozi bw'intumwa bwarangwaga n'ubushishozi, intumwa zakoreraga hamwe ziyobowe n'imbaraga ya Mwuka Muziranenge maze bigatuma umurimo wahawe abavugabutumwa bwiza ukura mu buryo bwihuse. Itorero ryakomezaga kwaguka ku buryo uku kwiyongera kw'abarigize kwanongereraga abayobozi baryo umutwaro uremereye. Nta muntu umwe cyangwa itsinda ry'abantu bari gukomeza kwihanganira iyi mitwaro bonyine badashyize mu kaga ahazaza heza h'Itorero. Byagaragaye ko hakenewe guha abandi bantu inshingano zakorwaga neza cyane n'abantu bake mu minsi yabanje y'Itorero. Ubu noneho intumwa zigeze aho zigomba gutera intambwe ikomeye mu gutunganya gahunda y'ivugabutumwa bwiza mu Itorero. Ibi intumwa zabikoze zifata zimwe mu nshingano zari zisanzwe zikora maze ziziha abandi. {INI 58.5}

Igihe intumwa zateranyaga inama y'abizera, zari ziyobowe na Mwuka Muziranenge kugira ngo zishyireho gahunda ituma habaho imikorere myiza y'abakozi bose b'Itorero. Intumwa zaravuze ziti, igihe kirageze, aho abayobozi mu by'Umwuka bareberera Itorero bakwiye gukurwaho inshingano yo kugaburira abakene kugira ngo bisanzure mu murimo wo kubwiriza ubutumwa bwiza. Abo cumi na babiri baravuga bati: *" Nuko bene Data, mutoranye muri mwe abantu barindwi bashimwa, buzuye Umwuka Wera n'ubwenge, tubashyire kuri uwo murimo. Ariko twebweho tuzakomeza gusenga no kugabura ijambo ry'Imana. "* Ibyak 6:3-4. Iyi nama yarakurikijwe maze binyuze mu gusenga no mu kurambikaho ibiganza abantu barindwi batoranyirizwa gukora inshingano zabo nk'abadiyakoni. {INI 59.1}

Gushyirwaho kw'aba barindwi kugira ngo bakore inshingano zidasanzwe byabaye umugisha ukomeye ku Itorero. Bitaga ku byo umuntu ku giti cye yari akeneye ndetse no ku nyungu z'umutungo rusange w'Itorero. Bityo kubwo gucunga umutungo bigengesereye no

gutanga urugero rwo kubaha Imana, byatumye babera abayobozi bagenzi babo ubufasha bukomeye mu guhuriza hamwe inyungu zitandukanye z'Itorero mu itsinda ryunze ubumwe. {INI 59.2}

Kuba iyi ntambwe yari muri gahunda y'Imana bigaragarira mu musaruro mwiza wahise uboneka. *"Nuko ijambo ry'Imana rikomeza kwamamara, umubare w'abigishwa ugwira cyane i Yerusalemu, abatambyi benshi bumvira uko kwizera."* Ibyak 6:7. Uku kwiyongera kw'abizera kwatewe n'umudendezo wahawe intumwa hamwe n'umwete n'ishyaka byagaragajwe n'abadiyakoni barindwi. Kuba aba badiyakoni bari baratoranyirijwe umurimo wihariye wo kwita ku bakene, ibyo ntibyabahezaga ngo bibabuze kwigisha ibyo kwizera. Ibiri amambu, bari bashoboye rwose kwigisha abandi ukuri kandi uwo murimo bakawukorana ubwitange no guharanira ko ugera ku nsinzi. {INI 59.3}

Itorero rya mbere ryahawe umurimo wahoraga waguka: uwo murimo wari uwo gushinga amahuriro akwirakwiza umucyo no guhesha abantu imigisha aho ari ho hose hari abantu bifuzaga kwitangira gukora umurimo wa Kristo. Kwamamaza ubutumwa bwiza byagombaga gukwira ku isi yose, kandi intumwa zamamaza iby'umusaraba ntizari kwiringira ko zizasohoza inshingano yazo ikomeye keretse gusa igihe zari gukomeza kunga ubumwe bwa Gikristo bityo bagahishurira isi ko ari bamwe na Kristo mu Mana. Mbese Umuyobozi wabo wo mu ijuru ntiyari yarasabye Se ati: *" Data Wera ubarindire mu izina ryawe wampaye, ngo babe umwe, nk'uko natwe turi umwe."? Mbese ntiyari yaravuze ku bigishwa ati: "Ab'isi barabanga, kuko atari ab'isi"? Mbese ntiyari yaringinze Se agira ati, "ngo babe umwe rwose" , "ngo ab'isi bizere ko ari wowe wantumye".* Yohana 17:11, 14, 23, 21. Imibereho yabo y'iby'umwuka n'imbaraga byari bishingiye ku kuba bari bunze ubumwe n'uwo wari warabatumye kwamamaza ubutumwa bwiza. {INI 59.4}

Kuba bari bunze ubumwe na Kristo gusa ni byo byari gutuma abigishwa bagira ibyiringiro byo guhabwa imbaraga ya Mwuka Muziranenge yo kubana nabo ndetse no gukorana n'abamarayika bo mu ijuru. Bafashijwe n'izi ntumwa mvajuru bari kugaragariza isi ko bashyize hamwe kandi bakanesha mu rugamba barwanaga ubudasiba n'ingabo z'umwijima. Uko bari gukomeza gukorera hamwe, intumwa zo mu ijuru zari kubajya imbere zibafungurira inzira; imitima igategurirwa

kwakira ukuri kandi abantu benshi bakagarurirwa Kristo. Igihe cyose bari gukomeza kunga ubumwe, Itorero ryari kujya mbere ari *“Ryiza nk’ukwezi, rirabagirana nk’ikizubazuba, riteye ubwoba nk’igitero cy’ingabo zigendana ibendera.”* Indirimbo ya Salomo 6:10.Nta kintu na kimwe cyari kubangamira iterambere ry’Itorero. Itorero ryari kujya mbere ritsinda, risohoza neza inshingano ryahawe n’Imana yo kwamamaza ubutumwa bwiza ku b’isi. {INI 60.1}

Gahunda y’imikorere y’Itorero i Yerusalemu yagombaga kubera urugero imikorere y’amatorero aho ari ho hose abavuga ukuri bagombaga guhindurira abantu kwakira ubutumwa bwiza. Abari barahawe inshingano yo kwita ku Itorero, ntibagombaga kuyikoresha ngo bakandamize Itorero ry’Imana ahubwo nk’abungeri b’abanyabwenge bagombaga *“kuragira umukumbi w’Imana,... bawubera ibyitegerezo.”* (1 Petero 5:2,3). *Abadiyakoni bagombaga kuba “abantu bashimwa, buzuye Umwuka Wera n’ubwenge”* (Ibyak 6:3). Aba bantu bagombaga gufatanyiriza hamwe bakajya mu ruhande ry’ukuri kandi bakagukomeraho bashikamye. Bityo bari gutuma umukumbi wose ugira imbaraga iwutera kunga ubumwe. {INI 60.2}

Nyuma y’aho mu mateka y’Itorero rya mbere, ubwo mu bice bitandukanye by’isi amatsinda menshi y’abizera yahanzwe nk’amatorero, imikorere y’Itorero yarushijeho kunonosorwa kugira ngo gahunda n’imikoranire myiza ibeho. Buri muntu wese yasabwaga gukora neza inshingano ye. Buri wese yagombaga gukoresha neza impano yahawe. Bamwe bahawe na Mwuka Muziranenge impano z’umwihariko:- *” ubwa mbere intumwa, ubwa kabiri abahanuzi, ubwa gatatu abigisha, maze ishyiraho abakora ibitangaza, n’abahawe impano zo gukiza indwara, n’abahawe gufasha abandi, n’abahawe gutwara, n’abahawe kuvuga indimi nyinshi.”* 1Abakorinto 12:28.Nyamara aba bose bagombaga gukora bahuje inama. {INI 60.3}

“Icyakora, hariho impano z’uburyo bwinshi, ariko Umwuka ni umwe. Kandi hariho uburyo bwinshi bwo kugabura iby’Imana, ariko Umwami ni umwe. Hariho n’uburyo bwinshi bwo gukora, ariko Imana ikorera byose muri bose ni imwe; umuntu wese agahabwa ikimwerekanaho Umwuka, kugira ngo bose bafashwe. Umwe aheshwa ijambo ry’ubwenge n’Umwuka, undi agaheshwa n’uwo Mwuka ijambo ryo kumenya, undi agaheshwa n’uwo Mwuka kwizera, undi agaheshwa n’uwo Mwuka impano yo gukiza indwara, undi agahabwa gukora ibitangaza, undi

agahabwa guhanura, undi agahabwa kurobanura imyuka, undi agahabwa kuvuga indimi nyinshi, undi agahabwa gusobanura indimi: ariko ibyo byose uwo Mwuka umwe ni we ubikorera muri bo, agabira umuntu wese uko ashaka. Nk'uko umubiri ari umwe, ukagira ingingo nyinshi, kandi nk'uko ingingo z'umubiri zose, n'ubwo ari nyinshi, ari umubiri umwe, ni ko na Kristo ari." 1 Kor 12:4-12. {INI 61.1}

Abahamagariwe gukora nk'abayobozi mu Itorero ry'Imana ku isi bafite inshingano itoroshye. Mu gihe Imana ari yo yayoboraga, ubwo Mose yageragezaga kwikorera inshingano ziremereye cyane ku buryo mu kanya gato zari kumunanira, Yetiro yamugiriye inama yo gukora gahunda nziza yo gutanga inshingano. Yetiro yamugiriye inama ati: *"Ube ari wowe mushyikirwa w'amagambo w'abantu n'Imana ujye ushyira Imana imanza zabo: kandi ujye ubigisha amategeko yayo n'ibyo yategetse, ujye ubereka inzira bakwiriye gucamo n'imirimo bakwiriye gukora." Yetiro yakomeje kumugira inama ko atoranya abantu bakora "nk'abatware b'ibihumbi, ab'amajana, abandi mirongo itanu itanu, abandi icumi icumi." Bagombaga "gucira abantu imanza ibihe byose,"* Kuva 18:19-22. Ibi byari gutuma Mose yoroherezwa mu nshingano zamurushyaga cyane zo kwita ku bibazo byinshi byoroheje byashoboraga gukemurwa n'abafasha batoranyijwe mu bandi. {INI 61.2}

Igihe n'imbaraga by'abashyizwe n'Imana mu nshingano z'ubuyobozi mu Itorero, byagombye gukoreshwa mu bibazo by'ingutu bisaba ubwenge bw'umwihariko n'umutima wagutse. Ntabwo biri muri gahunda y'Imana ko aba bantu bagombye gukenerwa ngo bakemure ibibazo byoroheje byagombaga gukemurwa n'abandi babishoboye neza. Yetiro yagiriye Mose inama ati: *"kandi urubanza rukomeye rwose bajye barukuzanira, ariko urubanza rworoheje abe ari bo baruca. Ni ho uziyorohereza umuruho na bo bazajya bafatanya nawe. Nugira utyo, Imana ikabigutegeka, uzabishobora, kandi ubu bwoko bwose buzajya ahabwo bufite amahoro."* Kuva 18:22, 23. {INI 61.3}

Mu gukurikiza iyi nama *"Mose atoranya mu Bisirayeli bose abashoboye ubucamenza, abaha gutwara abantu, bamwe ngo batware igihumbi, abandi ngo batware ijana ijana, abandi ngo batware mirongo itanu itanu, abandi ngo batware icumi icumi. Bakajya bacira abantu imanza ibihe byose: Imanza zikomeye bazizaniraga Mose, ariko izoroheje bakazica ubwabo."* Kuva 18:25, 26. {INI 62.1}

Nyuma y'aho ubwo Mose yatoranyaga abayobozi mirongo irindwi bo gufatanya nawe inshingano zo kuyobora nk'abafasha be, Mose yaritonze ahitamo abantu bafite icyubahiro, gusobanukirwa n'ubunararibonye. Mu byo yabwiye aba bakuru igihe cyo kubeza, yavuze bimwe mu biranga umuntu kugira ngo abashe kuba umuyobozi w'ubwenge mu Itorero. Mose yaravuze ati: *"Muburanirwe imanza za bene wanyu, mujye muca imanza zitabera iz'umuntu na mwene wabo, cyangwa iz'umuntu n'umunyamahanga umusuhukiyeho. Nimuca imanza, ntimukite ku cyubahiro cy'umuntu; aboroheje n'abakomeye mujye mubahwanya; ntimugatinye amaso y'abantu, kuko Imana ari yo ibacisha urubanza."* Gutegeka kwa kabiri 1:16,17. {INI 62.2}

Umwami Dawidi, ari hafi kugera ku iherezo ry'ubwami bwe, yatongereye abari bafite inshingano ikomeye y'umurimo w'Imana muri icyo gihe. *"Dawidi yateranije i Yerusalemu abatware ba Isirayeli bose, abatware b'imiryango n'abatware b'imitwe yakoreraga umwami bafata ibihe, n'abatware batwara ibihumbi n'abatwara amagana n'abatware b'ibintu byose n'amatungo by'umwami n'abahungu be, n'inkone, n'abagabo b'abanyambaraga b'intwari bose." Umwami w'umusaza yarabihanangirije ati, "Imbere y'Abisirayeli bose, ari ryo teraniro ry'Uwiteka, kandi imbere y'Imana yacu yumva, mwitondere amategeko yose y'Uwiteka Imana yanyu."* 1Ngoma 28:1, 8. {INI 62.3}

Kuri Salomo, wahamagariwe inshingano ikomeye yo kuyobora, Dawidi yaramwihanangirije ati: *" Nawe Salomo mwana wanjye, umenye Imana ya So, ujye uyikorera n'umutima utunganye kandi ukunze; kuko Uwiteka agenzura imitima yose, akamenya ibyo imitima yibwira byose numushaka, uzamubona, ariko numureka, azaguca iteka ryose. Nuko wirinde... shyiraho imbaraga ubikore."* 1 Ngoma 28:9, 10. {INI 62.4}

Aya mahame y'ubutungane n'ubutabera yagombaga gutwara abayobozi bo mu bwoko bw'Imana mu gihe cya Mose na Dawidi, ni nayo yagombaga gukurikizwa n'abahawe kwita ku Itorero rishya ry'Imana mu gihe cyo kwamamaza ubutumwa bwiza. Mu murimo wo gushyira ibintu muri gahunda mu matorero yose ndetse no gutoranya abantu bakwiriye bo gukora nk'abayobozi, intumwa zagendeye ku ngingo shingiro ziranga ubuyobozi zivugwa mu Byanditswe mu Isezerano rya Kera. Bakomeje gushyigikira ko umuntu uhamagariwe

inshingano z'ubuyobozi mu Itorero agomba *"kuba indakemwa, kubera ko ashinzwe ibintu byayo! Ntakwiye kuba mudakurwakwijambo cyangwa umunyamujinya, cyangwa umunywi w'inzoga cyangwa umurwanyi cyagwa se umuntu wiruka ku nyungu zishingiye ku buhemu. Agomba kuba umuntu ukunda kwakira abashyitsi, kandi agakunda n'icyitwa icyiza cyose. Agomba kuba ashyira mu gaciro, ari intungane n'inyangamugayo kandi azi kwifata. Agomba kuba akome-ye ku magambo adahinyuka ahuje n'ibyo yigishijwe. Ubwo nibwo azash-obora gukomeza abandi akoresheje inyigisho zishyitse, kandi agatsinda abamugisha impaka."* Tito 1:7-9.(Bibiliya Ijambo ry'Imana). {INI 62.5}

Gahunda yari mu Itorero rya mbere rya Gikristo yatumye abarigize bakomeza gukorera hamwe nk'ingabo zatojwe imyifatire myiza zambaye intwaro z'Imana. Nubwo amatsinda y'abizera yari akwirakwiye hirya no hino, bose bari ingingo z'umubiri umwe; bagenda kumwe kandi bahuje.Igihe intonganya zavukaga mu Itorero ry'ahantu runaka nk'uko nyuma zavutse muri Antiyokiya n'ahandi maze abizera ntibashobore kubyumvikanaho hagati yabo, ntabwo bemeraga ko ibibazo nk'ibyo birema ibice mu Itorero. Ahubwo byajyanwaga mu nama rusange y'abizera bose yabaga igizwe n'abahagarariye abandi bavaga mu matorero y'ahantu hatandukanye hiyongeyeho intumwa, n'abakuru b'amatorero bafite inshingano z'ubuyobozi. Bityo, imbaraga za Satani zo gutera Itorero aho ryabaga riri hose zarwanyijwe n'uko bose bakoreraga hamwe, kandi imigambi y'umwanzi yo guca ibice no gusenya ikaburizwamo. {INI 63.1}

"Kuko Imana itari iy'umuvurungano; ahubwo ari iy'amahoro. Nk'uko bimeze mu matorero yose y'abera." 1Abakorinto 14:33. Imana ishaka ko gahunda n'imigendekere y'uburyo ibintu bigomba gukorwa mu Itorero muri iki gihe bitatandukana n'uko byagendaga mu bihe bya kera. Ishaka ko umurimo wayo wajya mbere ugakorwa neza mu buryo bunonosoye kugira ngo iwushyireho ikimenyetso cy'uko iwemera. Umukristo agomba komatana n'undi, Itorero naryo rigafatanya n'irindi, umuntu ukorera Imana agakorana na Yo, buri mukozi wese akumvira Mwuka Muziranenge kandi bose bagashyira hamwe mu gushyira isi ubutumwa bwiza bw'ubuntu bw'Imana. {INI 63.2}

****

IGICE CYA 10 -UMUKRISTO WA MBERE WAHOWE UKWIZERA KWE

(Iki gice gishingiye mu Byakowe n'Intumwa 6:5-15;7.)



Sitefano wari uwa mbere mu badiyakoni barindwi, yari umuntu wuzuye ubutungane no kwizera. Nubwo yari Umuyahudi kavukire, yavugaga ikigereki kandi yari amenyereye imico n'imyitwaririre y'abagereki. Kubera iyi mpamvu yagize amahirwe yo kubwiriza ubutumwa bwiza mu nsengero z'Abayahudi bavugaga ikigereki. Yagiraga umurava mu gukorera Kristo kandi yavugaga ibyo kwizera kwe ashize amanga. Abigisha bakuru n'abazobereye mu mategeko bagiye impaka nawe mu ruhame batekereza ko bari bumutsinde bitabagoye, *"nyamara ntibabasha gutsinda ubwenge n'Umwuka bimuvu-gisha."* Ibyak 6:10. {INI 64.1}

Ntabwo yavuganaga imbaraga ya Mwuka Muziranenge gusa, ahubwo byanagaragaraga ko yize ubuhanuzi kandi akaba asobanukiwe iby'amategeko. Yashoboye kurwanirira ukuri yigishaga maze atsinda abamurwanyaga. Isezerano ryasohorejwe kuri we rigira riti, *"Nuko mumaramaze mu mitima yanyu yuko mutazashaka ibyo mwireguza, icyo gihe kitaragera: kuko nzabaha ururimi n'ubwenge, ibyo abanzi banyu bose batazabasha kuvuguruza cyangwa gutsinda.*" Luka 21:14,15. {INI 64.2}

Abatambyi n'abategetsi babonye imbaraga yakoreshaga Sitefano mu kubwiriza bamwanga urunuka. Aho kugira ngo bicishe bugufi bumvire ukuri yababwiraga, biyemeje kumucecekesha bamwishe. Ibihe byinshi bari barahaye ruswa abategetsi b'Abaroma kugira ngo babahe uburenganzira bwo guca imanza no kwica imfungwa nk'uko byari mu muco w'igihugu cyabo. Abanzi ba Sitefano ntibashidikanyije ko bashobora kumwica bakoresheje iyo nzira batikururiye ingorane.

Bahisemo kwirengera ingaruka zari kubaho maze baherako baramufata bamuzana imbere y'abagize urukiko rukuru ry'Abayahudi kugira ngo acirwe urubanza. {INI 64.3}

Abahanga b'Abayahudi baturutse hirya no hino barahamagawe kugira ngo bavuguruze ibyo iyo mbohe yavugaga. Sawuli w'i Taruso nawe yari ahari kandi agira uruhare rukomeye mu kurwanya Sitefano. Yakoresheje imvugo ye nziza n'ubwenge bw'abigisha bakuru maze avuga ibintu bikomeye muri urwo rubanza, yemeza abantu ko Sitefano yigisha inyigisho ziyobya kandi ziteza akaga. Nyamara Pawulo yabonye muri Sitefano umuntu usobanukiwe neza n'umugambi w'Imana wo gukwirakwiza ubutumwa bwiza mu yandi mahanga. {INI 64.4}

Kubera ko abatambyi n'abategetsi batashoboraga gutsinda ubwenge bwa Sitefano, biyemeje kumutangaho urugero. Kugira ngo bimare urwango rukomeye bari bamufitiye, bari gukangisha abandi bantu bakababuza gukurikiza imyizerere ya Sitefano. Baguriye abahamya b'ibinyoma kugira ngo bemeze ko bamwumvise avuga amagambo asebya urusengero n'amategeko. Abo bahamya b'ibinyoma baravuze bati: "Twamwumvise avuga ati, ' *Yesu w'i Nazareti azasenya aha hantu, kandi azahindura imigenzo twahawe na Mose.*"Ibyak 6:16. {INI 65.1}

Igihe Sitefano yahagararaga imbere y'abacamanza kugira ngo asubize ibirego yaregwaga byo gutuka Imana, mu maso he harabagiranye ubwiza bw'Imana maze, " *Abicaye mu rukiko bose bamutumbiriye babona mu maso ha Sitefano hasa n'aha marayika.*" Ibyak 6:15. Abantu benshi babonye uyu mucyo bahinze umushyitsi bipfuka mu maso ariko abategetsi bo bakomeje kwinangira mu kutizera n'urwikekwe. {INI 65.2}

Igihe Sitefano yasabwaga kugira icyo avuga kuri ibyo birego aregwa, yatangiye kwisobanura mu ijwi ryiza kandi rituje rwumvikaniraga abari muri icyo cyumba cy'urukiko. Yireguje amagambo yakoze ku mitima y'abari aho bose, atangira abibutsa amateka y'ubwoko bw'Imana bwatoranijwe. Yaberetse ko asobanukiwe neza amateka y'Abayahudi ndetse n'ubusobanuro bwayo mu by'umwuka bwigaragarije muri Kristo. Yabasubiriyemo ubuhanuzi bwa Mose bwaganishaga kuri Mesiya buvuga buti: " *Uwiteka Imana yanyu, azabahagurukiriza umuhanuzi, uvuye muri bene wanyu umeze nkanjye, muzamwumvire." Yashyize ahagaragara ukuba indahemuka kwe ku Mana no ku myizerere ya*

*Kiyahudi, ari nako yerekanaga ko amategeko Abayahudi biringiraga ko yabahesha agakiza atigeze ashobora gukiza Abisiraheli kuyoboka ibigirwamana. Yahuje Yesu Kristo n'amateka yose y'Abayahudi. Yababwiye ku iyubakwa ry'urusengero rwubatswe na Salomo ndetse no ku magambo yavuzwe na Salomo na Yesaya bagira bati, " Imana kuko ari yo Mwami w'ijuru n'isi, ntiba mu nsengero zubatswe n'abantu; nk'uko umuhanuzi yabivuze ati, 'Ijuru ni intebe yanjye, isi nayo ni intebe y'ibirenge byanjye. Muzanyubakira nzu ki ? Kandi aho nzaruhukira hazaba ari hantu ki kuko ibyo byose ukuboko kwanjye ari ko kwabiremye.'"*Yesaya 66:1-2 {INI 65.3}

Sitefano ageze kuri iyi ngingo, abantu barivivose. Igihe yerekanaga aho Kristo ahuriye n'ubuhanuzi ndetse avuze n'iby'urusengero,umu-tambyi yerekana umubabaro bya nyirarureshwa aherako atanyura ikanzu ye. Kuri Sitefano, iki gikorwa cyari ikimenyetso cy'uko mu gihe gito agiye gucecekeshwa by'iteka ryose. Abonye uburyo barwanya ibyo avuga amenya ko ari gutanga ubuhamya bwe bwa nyuma. Nubwo ikibwirizwa cye yari akigeze hagati, uwo mwanya yahise agisoza.{INI 65.4}

Yahise ahagarika kuvuga iby'amateka maze ahindukirira abacamanza bari bazabiranyijwe n'uburakari aravuga ati, " *Yemwe abatagonda ijosi, mwe abatakebwe mu mitima no mu matwi, iteka murwanya Umwuka Wera! Uko ba sekuruza banyu bakoraga, ni ko namwe mukora. Ni nde mu bahanuzi ba sekuruza banyu batarenganyije? Bishe abavuze ibyo kuza kwa wa mukiranutsi bitari byaba, none namwe mwaramugambaniye muramwica: kandi ari mwe mwahawe amategeko n'abamarayika, ntimwayitondera.*" Ibyak 7:51-53. {INI 66.1}

Kubera aya magambo, abatambyi n'abategetsi bazabiranyijwe n'uburakari. Bifashe nk'inyamaswa ishaka umuhigo nta bumuntu bubagaragaraho maze basumira Sitefano bahekenya amenyo. Sitefano abonye ubugome bamurebanaga, abona ko ibye birangiye ariko ntiyadohoka. Kuri we gutinya urupfu byari byamushizemo. Uburakari bw'abatambyi n'urusaku rw'ikivunge cy'abantu bari aho ntibyigeze bimutera ubwoba. Ibyari imbere ye byaje kuyoyoka bisimburwa n'iyerekwa. Yabonye amarembo y'ijuru akinguye maze yitegereje abona ubwiza bwo mu ijuru na Kristo ameze nk'uhagurutse ku ntebe yiteguye gukomeza umugaragu we. Sitefano avuga n'ijwi ryo

kunesha ati: “ *Dore, mbonye ijuru rikingutse, n’Umwana w’Umuntu ahagaze iburyo bw’Imana*”. Ibyak 7:56. {INI 66.2}

Ubwo yarondoraga ibyiza yari ahanze amaso, byatumye abanzi be bananirwa kubyihanganira. Bizibye amatwi kugira ngo batumva ibyo yababwiraga, “ *basakuza cyane, bamugwirira icyarimwe, baramukurubana bamuvana mu murwa.* ” Ibyak 7:58. “ *Bakimutera amabuye, arambaza, aravuga ati: “MwamiYesu, akira umwuka wanjye.” Arapfukamana, avuga ijwi rirenga ati: ‘Mwami, ntubabareho icyi cyaha.’ Amaze kuvuga atyo, arasinzira.*” Ibyak 7:59, 60. {INI 66.3}

Nta rubanza rukurikije amategeko bigeze bamucira ahubwo abategetsi b’Abaroma bahawe ruswa y’amafaranga menshi kugira ngo badakora iperereza kuri icyo kibazo. Ukwicwa kwa Sitefano azira ukwizera kwe byakoze ku mitima y’ababibonye bose. Urwibutso rw’ikimenyetso cy’Imana cyagaragaye mu maso ye n’amagambo ye yakabakabye imitima y’abayumvise; byasigaye mu bitekerezo by’ababibonye kandi bihamya ukuri yari yarababwiye. Urupfu rwe rwari ikigeragezo gikomeye ku Itorero, ariko rwabaye intandaro yo guhinduka kwa Sawuli kubera ibyo yari yabonye kuri Sitefano; ari ukwizera kwe, kudacogora n’ubwiza bwari bwaragaragaye mu maso he; bitashoboraga gusibangana mu bitekerezo bye. {INI 66.4}

Mu rubanza n’urupfu rwa Sitefano, Sawuli yabigizemo umwete wuzuye umujinya ukabije. Nyuma y’aho yaje kurakazwa n’uko umutima we wamwemeje ukuntu Imana yahesheje Sitefano icyubahiro mu gihe abantu bo bamusuzuguraga. Sawuli yakomeje gutoteza Itorero ry’Imana, agahiga abantu bayo, akabasanga mu mazu yabo, maze akabashyira abatambyi n’abategetsi kugira ngo babafunge kandi babice. Umuhati we mu gukora iri totezwa wateye ubwoba bwinshi Abakristo b’i Yerusalemu.Ntacyo abayobozi b’Abaroma bakoze kugira ngo bahagarike icyo gikorwa cy’ubugome maze bagafasha Abayahudi rwihishwa kugira ngo biyunge nabo kandi babayoboke. {INI 67.1}

Nyuma y’urupfu rwa Sitefano, Sawuli yatorewe kuba umwe mu bagize urukiko rukuru rw’Abayahudi bitewe n’uruhare yagize muri icyo gikorwa. Yamaze igihe ari igikoresho cya Satani mu kurwanya Umwana w’Imana. Nyamara bidatinze, uyu warenganyaga ubwoko bw’Imana yari agiye gukoreshwa mu kubaka Itorero yasenyaga. Urusha Satani imbaraga yari yaratoranyirije Sawuli kuzasimbura Sitefano wishwe.

Sawuli kandi yari yaratoranyirijwe kuzabwiriza no kuzababazwa azira izina rya Yesu ndetse akanamamaza inkuru nziza y’agakiza kabonerwa mu maraso ye.{INI 67.2}

****

IGICE CYA 11 - UBUTUMWA BWIZA I SAMARIYA

(Iki gicegishingiye mu Byakozwe n'Intumwa 8.)

Nyuma y'urupfu rwa Sitefano muri Yerusalemu hadutse itotezwa rikomeye ryibasiye abemeye Kristo ku buryo " *bose batataniye mu bihugu by' i Yudaya n'i Samariya." "Ariko Sawuli we akomeza guca igikuba mu Itorero, no kuryonona cyane; akinjira mu mazu yose, agafata abagabo n'abagore, akabakurubana mu nzu y'imbohe." Ku byerekeye ibi bikorwa by'ubugome, nyuma y'aho yaje kuvuga ati, "Ubwanjye nibwiraga ko nkwiriye gukora byinshi birwanya izina rya Yesu w'i Nazareti. No kubikora nabikoreraga i Yerusalemu, ngashyira abera benshi mu mazu y'imbohe,…No mu masinagogi yose nabahanaga kenshi, nkabahata gutuka Yesu; kandi kuko nasazwaga cyane no kubarakarira, ni cyo cyanteraga kubarenganiriza no mu midugudu y'abanyamahanga." Ibyak 26:9-11. Bigaragarira mu magambo yavuzwe na Sawuli ko Sitefano atari we wenyine wishwe. "Kandi uko babicaga nemeraga ko babica*". Ibyak 26:10. {INI 68.1}

Muri iki gihe cy'akaga Nikodemu yagaragaje adatinye ko yizera Umukiza wabambwe. Nikodemu yari umwe mu bagize urukiko rukuru rw'Abayahudi kandi we kimwe n'abandi yari yarakangaranijwe n'inyigisho za Yesu. Kubera ko yari yariboneye imirimo itangaje y'Umukiza, yari yaremeye mu mutima we ko Yesu yari Uwatumwe n'Imana. Mu rwego rwo kugaragaza ishema yari afite ryo kumenyana n'Umwigisha w'Umunyagalileya, yari yarashatse uko aganira na Yesu mu ibanga. Mu kiganiro bagiranye, Umukiza yamuhishuriye inama y'agakiza n'umurimo wamuzanye ku isi, nyamara Nikodemu yari yarashidikanyije. Yabitse uko kuri mu mutima we, ariko mu gihe cy'imyaka itatu imbuto nke z'uko kuri zari zitangiye kugaragara. Nubwo Nikodemu atigeze yerekana ku mugaragaro ko yizera Kristo, akenshi igihe yari mu rukiko rukuru yari yaraburijemo imigambi mibisha

y’abatambyi n’abanditsi yo kwica Umukiza. Amaherezo ubwo Kristo yabambwaga ku musaraba, Nikodemu yibutse ibyo yari yaramubwiye muri cya kiganiro cya nijoro bari ku musozi w’iminzenze, ubwo Yesu yamubwiraga ati, “Kandi nk’uko Mose yamanitse inzoka mu butayu, niko Umwana w’Umuntu akwiriye kumanikwa.” Yohana 3 :14. Ibyo byatumye Nikodemu abona ko Yesu ari Umucunguzi w’isi. {INI 68.2}

Ari kumwe na Yosefu wo mu mugi wa Arimateya, Nikodemu yatanze ibyakoreshejwe mu gushyingura Yesu. Abigishwa bari baratinye kwigaragaza ko ari abayoboke ba Kristo, nyamara Nikodemu na Yozefu baje ku mugaragaro batanga ubufasha bwabo. Ubufasha bw’aba bagabo bakize kandi b’abanyacyubahiro bwari bukenewe cyane muri iyo saha y’umwijima. Bashoboye gukorera Shebuja icyo abigishwa b’insuzugurwa batashoboye gukora; kandi ubutunzi, icyubahiro n’igitinyiro bari bafite byabarinze ubugome bw’abatambyi n’abategetsi. {INI 68.3}

Igihe Abayahudi bageragezaga kurimbura Itorero ryari rigitangira, Nikodemu yafashe iya mbere mu kurirwanirira. Nikodemu wari utacyihishira kandi ngo ashidikanye yakomeje abigishwa mu kwizera maze akoresha umutungo we afasha gushyigikira Itorero i Yerusalemu ndetse no guteza imbere umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza. Abari baragiye bamwubaha mu yindi minsi noneho baramukwenye kandi baramutoteza maze ahinduka umukene, nyamara ntiyigeze acogora guhamya ukwizera kwe. {INI 69.1}

Itotezwa ryabaye ku Itorero i Yerusalemu rwavuyemo kongerwa imbaraga ikomeye mu murimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza. Umurimo w’ivugabutumwa wateraga imbere muri Yerusalemu ku buryo habayeho ingorane ko abigishwa bari kuhatinda cyane bakibagirwa inshingano Umukiza yari yarabahaye yo kujya ku mpera z’isi. Bibagiwe ko imbaraga zo kurwanya ikibi zituruka mu gukorana umwete bahangana nacyo, batangiye gutekereza ko nta wundi murimo ukomeye bafite nk’uwo kurinda Itorero ry’i Yerusalemu ibitero by’umwanzi. Aho kwigisha abizera bashya uburyo bwo gushyira Ubutumwa Bwiza abatarigeze babwumva, baguye mu kaga ko kuyoboka inzira yari gutuma abantu bose bibwira ko ibyo bakoze bihagije. Mu rwego rwo gutatanyiriza intumwa zayo hirya no hino aho zagombaga gukora umurimo ufasha abandi, Imana yemeye ko zitotezwa. Abizera birukanwa muri Yerusale-mu *“bajya hose,*

bamamaza ijambo ry'Imana." Ibyak 8:4. {INI 69.2}.Mu bo Umukiza yari yarahaye inshingano agira ati, " *Nuko mugende muhindure abantu bo mu mahanga yose abigishwa,*"(Matayo 28:19) harimo abantu benshi boroheje b'uburyo bwose. Abo ni abagabo n'abagore bari barize gukunda Umwami wabo kandi bari baramaramaje gukurikira urugero rwe rwo kwitanga. Aba bose baciye bugufi hamwe n'abigishwa bari barabanye n'Umukiza mu gihe cy'umurimo we ku isi, bari baragiriwe icyizere gikomeye. Bagombaga kubwira abatuye isi inkuru nziza y'agakiza kabonerwa muri Kristo. {INI 69.3}

Igihe batatanywaga n'akarengane bagiye buzujwe umwete wo kwamamaza ubutumwa. Basobanukiwe inshingano bafite ku murimo bahamagariwe. Bamenye ko mu biganza byabo bahafite umutsima w'ubugingo isi yari isonzeye; kandi bahatwaga n'urukundo rwa Kristo kugira ngo bamanyurire uwo mutsima abari bawukeneye bose. Uwiteka yabakoreragamo. Aho bajyaga hose abarwayi barakizwaga kandi abakene bakabwirizwa ubutumwa bwiza. {INI 69.4}

Filipo umwe mu badiyakoni barindwi nawe yari mu birukanwe I Yerusalemu. " *Filipo aramanuka, ajya mu mudugudu w'i Samariya, ababwiriza ibya Kristo. Ab'aho benshi baraterana, bumva ibyo Filipo avuga n'umutima uhuye, bamwitayeho, bumvise kandi babonye ibimenyetso yakoraga. Kuko benshi muri bo bari bafite abadayimoni, babavamo basakuza cyane; n'abari baremaye, n'abacumbagira benshi barakizwa. Haba umunezero mwinshi muri uwo mudugudu.*"Ibyak 8:5-8. {INI 70.1}

Ubutumwa Kristo yari yarabwiye umunyasamariyakazi uwo bari baraganiriye ku iriba rya Yakobo bwari bwareze imbuto. Amaze kumva amagambo ya Yesu, uwo mugore yari yarasanze abatuye uwo mugi avuga ati, *" Nimuze murebe umuntu umbwiye ibyo nakoze byose, murebe ahari ko ari Kristo." Abantu bajyanye n'uwo mugore, bumva Yesu maze baramwizera. Bifuje cyane kumva ibindi yababwira maze baramwinginga ngo agumane nabo. Yamaranye nabo iminsi ibiri, maze "hizera abandi benshi baruta aba mbere, kuko biyumviye ijambo rye."* Yohana 4:29,41. {INI 70.2}

Igihe abigishwa bari birukanywe muri Yerusalemu bamwe bahawe amacumbi i Samariya. Abanyasamariya bakiye izo ntumwa zamamaza Ubutumwa bwiza, maze Abayahudi bari barahindutse babona

umusaruro munini mu bo bahoze banga urunuka. {INI 70.3}.Umurimo wa Filipo muri Samariya waranzwe no kugera ku nsinzi ikomeye, kandi kubw'ibyo, yoherejwe i Yerusalemu kugira ngo ajye kuhunganira. Nibwo intumwa zasobanukiwe neza n'amagambo ya Kristo, *"…Kandi muzaba abagabo bo kumpamya, i Yerusalemu n'i Yudaya yose n'i Samariya no kugeza ku mpera y'isi."* Ibyak 1:8. {INI 70.4}

Filipo akiri i Samariya, yayobowe n'umumarayika w'Imana kugira ngo *"ahaguruke agende yerekeje mu majyepfo, afate umuhanda uva i Yerusalemu ikajya i GazaFilipo yarahagurutse aragenda"*Ibyak 8:26,27. Ntiyigeze yibaza kuri iryo hamagarwa cyangwa ngo ashidikanye kuko yari yarigishijwe uburyo bwo kumvira ubushake bw'Imana. {INI 70.5}

"Nuko haza umunyetiyopiya w'inkone, umutware n'umunyabyuma w'ibintu byose bya Kandake, umugabekazi w'Abanyetiyopiya: yari yaragiye i Yerusalemu gusenga.Yasubiragayo yicaye mu igare rye, asoma igitabo cy'umuhanuzi Yesaya." Ibyak 8:27, 28. Uyu Munyetiyopiya yari umuntu w'umunyacyubahiro kandi uzwi cyane. Imana yabonye ko niyizera azashyira abandi uwo mucyo yakiriye kandi bigatuma abantu bemera ubutumwa bwiza kubera icyubahiro yari afite. Abamarayika b'Imana bafashaga uyu Munyetiyopiya washakaga umucyo no guhindukirira Umukiza. Afashijwe na Mwuka Muziranenge, Uwiteka yamuhuje n'uwagombaga kumuyobora ku mucyo. Filipo yayobowe ku Mumunyetiyopiya kugira ngo amusobanurire ubuhanuzi yasomaga.*"Umwuka abwira Filipo ati: 'Sanga ririya gare, ujyane na ryo"* (Ibyak 8:29). Filipo yegera inkone arayibaza ati: *"Ibyo usoma ibyo urabyumva?Aramusubiza ati: 'Nabibasha nte, ntabonye ubinsobanurira?' Yinginga Filipo ngo yurire bicarane."* Ibyak 8:30,31. {INI 70.6}

Ibyo iyo nkone yasomaga mu byanditswe byari ubuhanuzi bwa Yesaya buvuga kuri Kristo ngo: *"Yajyanywe nk'intama bajyana mu ibagiro, kandi nk'uko umwana w'intama ucecekera imbere y'uwukemura ubwoya, ni ko atabumbuye akanwa ke. Ubwo yacishwaga bugufi, urubanza rwari rumukwiriye barumukuyeho; umuryango we uzamenyekana ute? Ko ubugingo bwe bukuwe mu isi ?*"Ibyak 8:32,33.{INI 71.1}

Iyo nkone ibaza Filipo iti : *“Ayo magambo umuhanuzi yayavuze kuri nde? Yayivuzeho, cyangwa yayavuze ku wundi? Filipo aterura amagambo, ahera kuri ibyo byanditswe, amubwira ubutumwa bwiza bwa Yesu.”* Ibyak 8:34,35. Filipo amuhishurira ukuri gukomeye ko gucungurwa. {INI 71.2}

Ubwo yasobanurirwaga Ibyanditswe Byera, iyo nkone yakozwe ku mutima, kandi igihe Filipo yari amaze kumusobanurira, ya nkone yari yiteguye kwemera umucyo yahawe. Ntabwo umwanya w’icyubahiro yari afite yawugize urwitwazo rwo kwanga ubutumwa bwiza. “Bakigenda mu nzira bagera ku mazi, iyo nkone iramubaza iti, ‘Dore amazi , ikimbuza kubatizwa ni iki?’ Filipo arayisubiza ati: *” Niba wizeye mu mutima wawe wose, birashoboka.” Na yo iti “Nizeye Yesu Kristo ko ari Umwana w’Imana.” Itegeka ko bahagarika igare, baramanukana bajya mu mazi bombi, Filipo n’inkone arayibatiza.”* Ibyak 8:36-38. {INI 71.3}

“Bavuye mu mazi, Umwuka w’Imana ajyana Filipo, inkone ntiyasubira kumubona; nuko ikomeza kugenda inezerewe. Ariko Filipo abonekera mu Azoto, agenda abwira abantu ubutumwa bwiza mu midugudu yose, kugeza aho yagereye i Kayisariya.” Ibyak 8:39,40. {INI 71.4}

Uyu munyetiyopiya yahagarariye abantu benshi bakeneye kwigishwa n’abavugabutumwa nka Filipo. Abantu bazumva ijwi ry’Imana maze bakajya aho batumwe. Hariho benshi basoma Ibyanditswe Byera ariko badashobora gusobanukirwa n’ubusobanuro bwabyo nyakuri. Ku isi yose abagabo n’abagore bahanze amaso ijuru. Amasengesho, amarira no kwinginga birazamuka bikajya mu ijuru biturutse mu mitima yifuza umucyo, ubuntu na Mwuka Muziranenge. Abantu benshi bari ku rugabano rw’ubwami bw’Imana bategereje gusa kwinjizwa. {INI 72.1}

Umumarayika yayoboye Filipo ku muntu washakaga umucyo kandi wari witeguye kwakira ubutumwa bwiza. No muri iki gihe abamarayika bazayobora intambwe z’abo bakozi bazemerera Mwuka Muziranenge kugira ngo yeze indimi zabo kandi atunganye imitima yabo. Umumarayika watumwe kuri Filipo yashoboraga we ubwe kugira icyo akorera umunyetiyopiya, nyamara uko si ko Imana ikora. Umugambi wayo ni uko abantu bakorera bagenzi babo. {INI 72.2}

Icyizere abigishwa ba mbere bagiriwe, bagiye bagisangira n'abizera bo mu bihe byose. Buri muntu wese wakiriye ubutumwa bwiza yahawe ukuri kwera kugira ngo nawe agushyikirize abatuye isi. Ibihe byose abantu b'indahemuka b'Imana bari abavugabutumwa bashize amanga, batangiraga ubutunzi bwabo guhesha icyubahiro izina rya Kristo kandi bagakoresha neza impano zabo mu murimo We. {INI 72.3}

Umurimo w'ubwitange w'Abakristo mu gihe cyashize wagombye kutubera urugero kandi ukatubera intandaro y'ibyo twakora. Abagize Itorero ry'Imana bagomba kugira ishaka ry'imirimo myiza, bakitandukanya n'irari ry'iby'isi kandi bakagera ikirenge mu cya wa wundi wakoraga neza. Bagomba kwita ku bakeneye ubufasha, bakamenyesha abanyabyaha urukundo rw'Umukiza bafite imitima yuzuye ineza n'impuhwe. Umurimo nk'uyu usaba imbaraga nyinshi ariko uzana ingororano nziza cyane. Abawukora bafite umugambi utarimo uburyarya bazabona abantu biyegurira Umukiza kubera ko imbaraga ishyigikiye isohozwa ry'inshingano yatanzwe n'ijuru itajya itsindwa. {INI 72.4}

Ntabwo umurimo wo gusohoza iyi nshingano ushinzwe umukozi wejejwe gusa. Umuntu wese wakiriye Kristo yahamagariwe gukora kugira ngo n'abandi bakizwe. *"Umwuka n'Umugeni barahamagara bati : 'Ngwino!' Kandi uwumva nahamagare ati: 'Ngwino!'* Ibyahishuwe 22:17. Inshingano yo gutanga ubu butumire ni iy'Itorero ryose. Umuntu wese wumvise iri rarika agomba kwamamaza ubu butumwa mu misozi no mu bikombe avuga ati: "Ngwino." {INI 72.5}

Ni ikosa rikomeye kwibwira ko umurimo wo gukiza imitima ushinzwe abapasitoro gusa. Umwizera ucishije bugufi watoranyijwe, uwo Nyir'uruzabibu yahaye umurimo ukomeye akorera abantu, akwiriye gukomezwa n'abo Uwiteka yahaye inshingano nyinshi cyane. Abayobozi mu Itorero ry'Imana bagomba kumenya ko inshingano Umukiza yatanze ireba abantu bose bizera izina Rye. Imana izohereza mu ruzabibu rwayo abantu benshi batigeze berezwa gukora umurimo wayo barambitsweho ibiganza. {INI 73.1} Abantu amagana menshi n'ibihumbi byinshi bumvise ubutumwa bw'agakiza bicaye ubusa ntacyo bakora mu gihe bagombye kuba bahugiye mu murimo. Abangaba Kristo arababwira ati, *"Ni iki kibahagaritse hano umunsi wose nta cyo mukora?"Arongera arababwira ati, "Namwe mujye mu ruzabibu*

rwanjye." Matayo 20:6,7. Kuki abantu benshi batitaba iri rarika? Mbese byaba biterwa n'uko batekereza ko bitabareba kubera ko badahagarara ku ruhimbi? Nimureke basobanukirwe ko hari umurimo mugari ugomba gukorerwa hanze y'uruhimbi kandi ugakorwa n'abakorerabushake babyiyemeje. {INI 73.2}

Imana yategereje igihe kirekire ko umwuka wo gukora wakuzura Itorero ryose kugira ngo buri wese ayikorere akurikije uko ubushobozi bwe buri. Igihe abagize Itorero ry'Imana bazakora umurimo bashinzwe aho ukenewe hose haba iwabo cyangwa ahandi maze bagasohoza inshingano yo kwamamaza ubutumwa bwiza, isi yose izaherako iburirwe maze umwami Yesu agaruke ku isi afite imbaraga n'icyubahiro cyinshi. *"Kandi ubu butumwa bwiza bw'Ubwami buzigishwa mu isi yose, ngo bube ubuhamya bwo guhamiriza amahanga yose: ni bwo imperuka izaherako ize."* Matayo 24:14. {INI 73.3}

******

IGICE CYA 12 - UWATOTEZAGA AHINDUKA UMWIGISHWA
(Iki gice gishingiye mu Byakozwe n'Intumwa 9:1-18)

Sawuli w'i Taruso yari umwe mu bayobozi bakomeye b'Abayahudi wamenyekanye ko yarakajwe cyane n'ukuntu umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza wageraga ku nsinzi. Sawuli yari umwenegihugu w'umunyaroma kubwo kuhavukira, nyamara inkomoko ye yari Umuyahudi wari warigishirijwe n'abigisha bakomeye cyane i Yerusalemu. *"Ndi uwo mu bwoko bw'Abisirayeli, ndi uwo mu muryango wa Benyamini, ndi Umuheburayo w'Ababeburayo, ndi Umufarisayo ku by'Amategeko; ku by'ishyaka narenganyaga Itorero, ku byo gukiranuka kuzanwa n'amategeko nari inyangamugayo."* Abafilipi 3 :5,6. Abigisha bakuru bamurebaga nk'umusore bizeraga cyane kandi bari bamufiteho ibyiringiro bikomeye nk'umuntu ushoboye kandi ufite ishyaka ryo kurwanirira imyizerere ya kera. Kuzamurwa kwe akagirwa umwe mu bagize urukiko rukuru rw'Abayahudi byamushyize mu mwanya ukomeye.{INI 74.1}

Sawuli yari yaragize uruhare runini mu kuburanisha no guhata Sitefano kwemera ibyo atigeze akora. Ibyigaragaje bikomeye byerekanaga ko Imana yari hamwe n'uwatotejwe byari byaratumye Sawuli ashidikanya ukuri k'uruhande yari yarabogamiyemo arwanya abayoboke ba Yesu. Yumvise akozwe ku mutima cyane. Mu gushoberwa kwe, yitabaje abo yiringiraga bari bafite ubwenge no gushyira mu gaciro. Ibyo abatambyi n'abanditsi bamubwiye byaje kumwemeza ko Sitefano yari yaratutse Imana, kandi ko Kristo Sitefano yabwirizaga yari umutekamutwe.Bamwemeje ko abafite inshingano zera bafite ukuri. {INI 74.2}

Sawuli yafashe umwanzuro bimugoye. Nyamara amaherezo ibyo yari yarize, uko yari asanzwe yumva ibintu, icyubahiro yahaga abari baramwigishije, n'uko yibonaga bitewe no kumenyekana cyane byatumye yinangira arwanya umutimanama we n'ubuntu bw'Imana. Amaze kwemera neza ko abatambyi n'abanditsi bari mu kuri, Sawuli yabaye mubi cyane mu kurwanya inyigisho z'abigishwa ba Kristo. Umurimo wo gutuma abagabo n'abagore bazira inenge bajyanwa mu nkiko aho bamwe bacirwaga urubanza rwo gufungwa ndetse abandi bakicwa bazira gusa kwizera Yesu; byatumye Itorero ryari rikiri rishya rijya mu gahinda no gusuhererwa. Byatumye kandi abantu benshi bahunga kugira ngo babone umutekano. {INI 74.3}

Abakuwe i Yerusalemu n'ako karengane *"bajya hose, bamamaza ijambo ry'Imana"*. (Ibyak 8:4). Umwe mu mijyi bagiyemo ni Damasi aho abantu benshi bakiriye ukwizera gushya.Abatambyi n'abategetsi bari baratekereje ko ubwo buyobe buzahagarikwa no gukoresha imbaraga n'itoteza rikaze. Ni nabwo bumvise ko bagomba gukomereza ahandi bagasohoza ingamba zari zafatiwe i Yerusalemu zo kurwanya inyigisho nsha. Kubera umurimo udasanzwe bifuzaga gukora i Damasi, Sawuli yaritanze kugira ngo awukore. *"Akomeza gukangisha abigishwa b'Umwami ko bicwa, ajya ku mutambyi mukuru, amusaba inzandiko zo guha ab'amasinagogi y'i Damasiko, kugira ngo, nabona abantu b'Inzira ya Yesu, abagabo cyangwa abagore, ababohe abajyane i Yerusalemu."* (Ibyak 9:1). Bityo "ahawe ububasha n'inshingano n'abatambyi bakuru" Sawuli w'i Taruso mu mbaraga za kimuntu kandi yuzuye ishyaka ririmo ubupfapfa, yakoze urugendo rutazibagirana kubera ibyamubayeho bidasanzwe byahinduye n'imibereho ye yose. {INI 74.4}

Ku munsi wa nyuma w'urugendo rwe, saa sita, igihe abagenzi bananiwe bari hafi kugera i Damasi, bitegerezaga imirima irumbuka n'ubusitani bwiza byuhirwaga n'utugezi twavaga mu misozi ihakikije. Nyuma y'urugendo rurerure kandi rugoye, ibyo bitegerezaga byabasubizagamo intege. Igihe Sawuli n'abo bari kumwe barebaga icyo kibaya cyiza n'umugi wari aho, byaratunguranye nk'uko yaje kubivuga ati, *" Nkigenda ku manywa y'ihangu, Mwami, mbona umucyo uvuye mu ijuru, urusha uw'izuba, unsangana n'abo tugendana."*(Ibyak 26:13). Uwo mucyo wararabagiranaga cyane ku buryo amaso y'umuntu atashoboraga kuwihanganira. Ubuhumyi n'ubwoba bifata Sawuli yikubita hasi yubamye. {INI 75.1}

Igihe umucyo wari ukibagose, Sawuli yumvise ijwi rimubwira mu giheburayo riti: *“Sawuli, Sawuli, undenganiriza iki? Arasubiza ati: “Uri nde Mwami? Umwami aransubiza ati: “Ndi Yesu uwo urenganya: Biragukomereye gutera imigeri ku mihunda.”* Ibyak 26:14,15. {INI 75.2} .Abari kumwe na Sawuli buzuye ubwoba kandi basaga n’abahumishijwe n’ubwinshi bw’uwo mucyo, bumvise ijwi ariko ntibabona uwavugaga. Nyamara Sawuli we yasobanukiwe n’amagambo yavuzwe, kandi ahishurirwa Uwavugaga- ari we Mwana w’Imana. Muri uwo Muntu w’icyubahiro wari umuhagaze imbere, Sawuli yabonyemo Uwabambwe. Ishusho yo mu maso h’Umukiza yiyanditse mu mutima wa Sawuli ubutazongera guhanagurika. Amagambo yabwiwe yakomye ku mutima we afite imbaraga ikomeye. Yamurikiwe n’umucyo utangaje wageze aho umwijima wari wihishe mu mutima we. Uwo mucyo wahishuye ubujiji n’amakosa byo mu mibereho ye ya kera unamwereka uko akeneye kumurikirwa na Mwuka Muziranenge. {INI 75.3}

Sawuli yiboneye ko yakoreraga Satani mu gihe yatotezaga abayoboke ba Yesu. Yabonye neza ko uburyo yemeraga ukuri n’inshingano ze byari bishingiye ahanini ku cyizere yari afitiye abatambyi n’abatware. Yari yarabiringiye ubwo bamubwiraga ko igitekerezo cy’umuzuko wa Kristo cyari cyarahimbwe n’abigishwa. Noneho ubwo Yesu ubwe yari amwihishuriye, Sawuli yemeye ukuri kw’ibyo abigishwa bavugaga. {INI 75.4}

Muri iyo saha yo kumurikirwa n’ijuru, ubwenge bwa Sawuli bwakoranye imbaraga nyinshi. Ibitekerezo bye byasobanukiwe neza n’ubuhanuzi bwo mu Byanditswe Byera. Yasobanukiwe ko uko Yesu yanzwe n’Abayahudi, ukubambwa kwe, umuzuko we no kuzamurwa mu ijuru, byari byaravuzwe n’abahanuzi kandi byahamyaga ko ari We Mesiya. Ikibwirizwa cya Sitefano igihe cy’urupfu rwe cyagarutse mu bitekerezo bya Sawuli, maze asobanukirwa ko Sitefano yari abonye “ubwiza bw’Imana” koko ubwo yavugaga ati, *“Dore, mbonye ijuru rikingutse, n’Umwana w’umuntu ahagaze iburyo bw’Imana.”* Ibyak 7:55,56. Abatambyi bari baravuze ko aya magambo ari ugutuka Imana, ariko noneho Sawuli yamenye ko ari ukuri. {INI 76.1}

Mbega uguhishurirwa uwatotezaga yagize! Noneho Sawuli yamenye neza ko Mesiya wari warasezeranywe yari yaraje ku isi ari Yesu w’ i

Nazareti kandi ko yari yaranzwe ndetse abambwa n'abo yari yaje gukiza. Yamenye ko Umukiza yazukanye ukunesha akava mu mva kandi ko yazamutse akajya mu ijuru. Muri icyo gihe cyo guhishurirwa n'ijuru, Sawuli mu bwoba bwinshi yibutse ko Sitefano wari warahamije Umukiza wabambwe kandi wazutse, yitanze ubwe aba igitambo cyatumye nyuma y'aho abandi bayoboke ba Kristo bicwa urw'agashinyaguro. {INI 76.2}

Umukiza yari yarabwiye Sawuli abinyujije muri Sitefano wari ufite imitekerereze yumvikana neza. Sawuli wari Umuyuda usobanukiwe yari yariboneye ubwe umucyo w'ubwiza bwa Kristo ugaragara mu maso ha Sitefano hagasa n'ah'umumararayika. (Ibyak 6:15). Sawuli yari yarabonye uko Sitefano yihanganiye abanzi be ndetse n'uko yabagiriye imbabazi. Yari yarabonye ukwitanga kuzuye ubutwari kw'abo yari yaratoteje akanababababaza cyane. Yari yarabonye bamwe bemera guhara ubuzima bwabo bishimye kubw'ukwizera kwabo. {INI 76.3}

Ibi byose byari byarakanguye intekerezo za Sawuli kandi incuro nyinshi byahoraga bimukora ku mutima bimwemeza ko Yesu yari Mesiya wasezeranywe. Mu bihe nk'ibyo yamaraga amajoro atagohetse arwanya ibyo umutima wamwemezaga, kandi igihe cyose yavaga muri ibyo yemeza ko Yesu atari we Mesiya kandi ko abayoboke be bari abaka b'ababeshyi. {INI 76.4}

Noneho Kristo yari yabwiye Sawuli mu ijwi rye bwite ati: *"Sawuli, Sawuli, undenganiriza iki ?"* (Ibyak 26:14). Ku kibazo Sawuli yabajije ati, "Uri nde Mwami?", rya jwi n'ubundi ni ryo ryamusubije riti, "Ndi Yesu, uwo urenganya." Ahangaha Kristo ubwe yisanisha n'abantu be. Igihe yatotezaga abayoboke ba Kristo, Sawuli yari yararwanyije Umwami w'ijuru. Igihe yabashinjaga ibinyoma kandi akavuga ibibarwanya, yabaga ashinja ibinyoma kandi yibasiye Umukiza w'isi. {INI 76.5}

Sawuli ntiyashidikanyije ko Uwavuganye na we ari Yesu w'i Nazareti, Mesiya wari warategerejwe kuva kera, Umuhoza n'Umucunguzi w'Abisiraheli. Sawuli ahinda umushyitsi yumiwe maze arabaza ati, "Mwami urashaka ko nkora iki? *" Umwami Yesu aramusubiza ati, "Haguruka, ujye mu mudugudu, uzabwirwa ibyo ukwiriye gukora"* Ibyak 9:6. {INI 77.1}

Wa mucyo umaze kugenda, Sawuli yarahagurutse maze yisanga yahindutse umpumyi. Ukurabagirana k'ubwiza bwa Kristo kwari kwinshi mu maso ye; bityo igihe kwari kuvanweho umwijima w'ijoro wabuditse mu maso ye. Yibwiye ko ubu buhumyi ari igihano ahawe n'Imana kubera ko yatotezaga cyane abayoboke ba Kristo. Mu mwijima w'icuraburindi yagendanaga akabakaba maze abari hamwe nawe bafite ubwoba no gutangara, *"baramurandata, bamujyana i Damasiko"* Ibyak 9:8 {INI 77.2}

Mu gitondo cy'uwo munsi wabayemo ibyo, Sawuli yari hafi kugera i Damasi yiyumvamo kwiyemera kubera icyizere umutambyi mukuru yari yaramugiriye. Yari yarahawe inshingano ikomeye cyane. Yatumwe gukurikirana inyungu z'idini y'Abayahudi kugira ngo niba bishoboka agenzure uko imyizerere yadutse ikwirakwira i Damasi. Yari yariyemeje ko ubutumwa bwe bugomba kugera ku nsinzi kandi yari ahanze amaso ibyo yibwiraga byari kuzaba imbere ye. {INI 77.3}

Nyamara se ni mu buhe buryo uko yinjiye mu mujyi byari bitandukanye n'ibyo yibwiraga? Amaze guhuma, ari mu gihirahiro kandi umutima we umushinja atazi uko bizamugendekera, yagiye ku mwigishwa witwa Yuda aho yagiriye amahirwe yo gutekereza no gusenga yiherereye. {INI 77.4}

Mu gihe cy'iminsi itatu Sawuli "ntiyarebaga, haba no kurya cyangwa kunywa." Iyo minsi y'umubabaro yamubereye nk'imyaka myinshi. Incuro nyinshi n'umutima ushengutse, yibukaga uruhare yari yaragize mu rupfu rwa Sitefano. Afite agahinda kenshi yatekerezaga ku cyaha cye cyo kuba yaremeye kuyoborwa n'uburyarya bw'abatambyi n'abatware, ndetse n'igihe mu maso ha Sitefano harabagiranaga umucyo w'ijuru. Afite umubabaro n'umutima umenetse, yagumye gutekereza ibihe byinshi yirengagije ibyo yarebeshaga amaso ye n'ibyo yumvishaga amatwi ye byamugaragarizaga ukuri ahubwo agakomeza gutoteza abizeraga Yesu w'i Nazareti. {INI 77.5}

Iyi minsi yo kwisuzuma no kwicisha bugufi mu umutima Sawuli yayimaze ari mu bwigunge. Abizera bari baraburiwe ku byerekeye umugambi wari uzanye Sawuli i Damasi, batinye ko yaba akiri wa wundi akaba agerageza kubashuka. Bityo, baramwitaje banga no kumwakira neza. Ntiyari anakeneye kujya ku Bayahudi batari barahindutse kuko abo ni bo yari yariyemeje gufatanya nabo mu gutoteza abizera. Ntiyari

kubasanga rero kuko yari azi ko batazategera amatwi ibyo yari kubabwira.Bityo yari ameze nk'utandukanyijwe n'abantu bose. Ahantu honyine yari yiringiye kubona ubufasha ni mu Mana y'inyambabazi, ari na Yo yahisemo gutakira n'umutima umenetse. {INI 77.6}

Amasaha menshi Sawuli yamaze yihereranye n'Imana yonyine, yibutse amagambo amwe yo mu Byanditswe avuga ku kuza kwa mbere kwa Kristo. Yakurikiranye ubwo buhanuzi yitonze, afite ubwenge bwakanguwe no kwizera kwari muri we. Uko yatekerezaga ku busobanuro bw'ubwo buhanuzi yatangajwe n'ubuhumyi bwe bwa kera n'ubw'Abayahudi muri rusange. Ubwo buhumyi bwari bwaratumye banga Yesu wari Mesiya wasezeranywe. Mu iyerekwa rye nta na kimwe kitagaragaye imbere ye. Yamenye ko ibyo yari yarishizemo no kutizera kwe byari byaratwikiriye imyumvire ye mu by'umwuka kandi byari byaramubujije kubona ko Yesu w'i Nazareti yari Mesiya wahanuwe. {INI 78.1}

Ubwo Sawuli yumviraga byimazeyo ibyo imbaraga ya Mwuka Muziranenge yamwemezaga, yabonye amakosa yakoze mu buzima bwe kandi asobanukirwa n'uburemere bw'ibyo itegeko ry'Imana risaba. Uwari umufarisayo wiyemeraga, wiringiraga ko akizwa n'imirimo ye myiza noneho yapfukamye imbere y'Imana afite kwicisha bugufi no kwiyoroshya nk'umwana muto, yicujije kwiyemera kwe kudafite agaciro kandi anasaba gukizwa binyuze mu byakozwe n'Umukiza wabambwe kandi akazuka. Sawuli yashakaga cyane kugirana ubumwe bushyitse no gusabana na Data wa twese n'Umwana; kandi kubwo kwifuza cyane kubabarirwa no kwemerwa, yerekeje gusenga kwe ku ntebe y'ubuntu. {INI 78.2}

Amasengesho y'uwo mufarisayo wicuzaga ntiyapfuye ubusa. Intekerezo ze n'umutima we byahinduwe n'ubuntu mvajuru kandi impano z'ubwenge yari afite zomatana n'imigambi ihoraho y'Imana. Kristo n'ubutungane bwe byamurutiye isi yose. {INI 78.3} Guhinduka kwa Sawuli ni igihamya gikomeye cy'imbaraga itangaje ya Mwuka Muziranenge yemeza abantu icyaha. Sawuli yari yarizeye adashidikanya ko Yesu w'i Nazareti yari yarahinyuye amategeko y'Imana kandi ko yigishije ko amategeko ntacyo amaze. Nyamara nyuma yo guhinduka kwe, Sawuli yabonye Yesu nk'uwari yaraje ku isi afite umugambi wo gushyigikira itegeko rya Se. Yemejwe mu mutima

we ko Yesu ari we washyizeho gahunda y'ibitambo y'Abayuda. Yabonye ko ku musaraba igitambo nyakuri cyahahuriye n'ibyamushushanywaga, abona ko Yesu yari yarasohoje ubuhanuzi bwo mu Isezerano rya Kera bwerekezaga ku Mucunguzi w'Abisiraheli. {INI 78.4}

Hari amahame y'ingenzi twahawe kandi tugomba guhora tuzirikana agaragara mu byo tubwirwa ku ihinduka rya Sawuli. Sawuli yari uwo Kristo yari yaragambiriye gukoresha umurimo ukomeye cyane, yari uwagombaga kuba "igikoresho Kristo yitoranyirije"; nyamara Umwami Yesu ntiyahise amubwira uwo murimo uwo ari wo. Yamufatiye mu nzira kandi amwemeza icyaha; nyamara igihe Sawuli yamubazaga ati: "Ushaka ko ngukorera iki Mwami?" Umukiza yahuje uwo Muyahudi n'Itorero rye aho azamenyeshwa icyo Imana imushaho. {INI 79.1}

Umucyo utangaje weyuye umwijima mu mutima wa Sawuli, ni umurimo Uhoraho yamukoreye. Nyamara kandi hariho undi murimo abigishwa bagombaga kumukorera. Kristo yari yakoze umurimo wo kumwihishurira no kumwemeza; noneho ubu bwo Sawuli wari wihanye yari ageze aho agomba kwigira ku bo Imana yari yaratoranyirije kwigisha ukuri kwayo. {INI 79.2}

Igihe Sawuli yari wenyine mu nzu ya Yuda yakomeje gusenga no kwinginga, maze Umwami Yesu abonekera *"umwigishwa w' i Damasiko witwaga Ananiya" amubwira ko Sawuli w'i Taruso ariho asenga kandi ko akeneye ubufasha. Umumarayika utumwe n'ijuru yaramubwiye iti, "Haguruka ujye mu nzira yitwa Igororotse, ushakire mu nzu ya Yuda umuntu witwa Sawuli w'i Taruso, kuko ubu ngubu asenga. Kandi na we abonye mu iyerekwa umuntu witwa Ananiya yinjira, amurambikaho ibiganza, kugira ngo ahumuke."* Ibyak 9:10,11. {INI 79.3}

Ananiya ntiyihutiye kwemera amagambo ya marayika kuko inkuru zivuga uburyo Sawuli yatoteje bikomeye abizera b'i Yerusalemu zari zarakwiriye ahantu hose. Yatinyutse kwanga ajya impaka ati, *"Mwami, uwo muntu numvise benshi bamuvuga, uko yagiriraga nabi abera bawe bari i Yerusalemu; kandi n'ino afite ubutware, abuhawe n'abatambyi bakuru, bwo kuboha abambaza izina ryawe."* Ibyak 9:13,14. Nyamara itegeko yahawe ryari ntakuka ngo, *"Genda, kuko uwo muntu ari igikoreshwa nitoranirije, ngo yogeze izina ryanjye imbere y'abanyamahanga n'abami b'Abisirayeli"* Ibyak 9:15. {INI 79.4}

Ananiya yumviye amabwiriza y'umumarayika maze ashaka umuntu wari umaze igihe gito yahigaga abantu bose bizera izina rya Yesu. Ananiya yahereyeho arambika ibiganza ku mutwe wa Sawuli aravuga ati,*"Sawuli mwene Data, Umwami Yesu wakubonekereye mu nzira waturutsemo, arantumye ngo uhumuke wuzuzwe Umwuka Wera. "Uwo mwanya ibisa n'imboneranyi bimuva ku maso, arahumuka, arahaguruka, arabatizwa."* Ibyak 9:17,18.Bityo Yesu yemereye ubuyobozi bw'Itorero rye maze Sawuli yinjizwa mu bakozi ba Kristo ku isi. Ubu noneho Kristo yari afite Itorero rimuhagarariye ku isi kandi ryari rifite umurimo wo kuyobora umunyabyaha wihanye mu nzira y'ubugingo. {INI 79.5}

Abantu benshi bibwira ko umucyo n'uburambe bafite babikesha Kristo wenyine, kandi bakibwira ko ntaho bahuriye n'abayoboke bazwi ba Kristo ku isi. Yesu ni incuti y'abanyabyaha kandi ababazwa n'ibyago bahura nabyo. Afite ububasha bwose mu ijuru no ku isi nyamara yubaha abo yatoranyirije gukora umurimo wo kumurikira abantu kubagezaho inkuru y'agakiza. Ayobora abanyabyaha mu Itorero iryo yagize umuyoboro unyuramo umucyo wo kumurikira isi yose. {INI 80.1}

Igihe Sawuli yari mu buhumyi bwe no mu gutsimbarara ku byo yari azi, yahishuriwe Kristo yarenganyaga. Yahujwe n'Itorero ari ryo mucyo w'isi. Muri ubu buryo Ananiya ahagarariye Kristo n'abakozi be ku isi bashyiriweho gukora mu cyimbo cye. Mu mwanya wa Kristo, Ananiya yakoze ku maso ya Sawuli kugira ngo ahumuke. Mu cyimbo cya Kristo kandi Ananiya yarambitse ibiganza bye kuri Sawuli maze amusabira mu izina rya Yesu, Sawuli ahabwa Mwuka Muziranenge. Byose bikorwa mu izina rya Kristo no mu butware bwe. Kristo ni we soko, Itorero rikaba umuyoboro wo kumwamamaza. {INI 80.2}

****

IGICE CYA 13 - IMINSI YO KWITEGURA

(Iki gice gishingiye mu Byakozwe n'Intumwa 9:19-30)

Pawulo amaze kubatizwa, yarariye maze *"amarana iminsi n'abigishwa b'i Damasiko, aherako abwiriza ibya Kristo mu masinagogi, avuga ko Yesu ari Umwana w'Imana." Yavuze ashize amanga ko Yesu w'i Nazareti ari we Mesiya wari warategerejwe igihe kirekire, "ko Kristo yapfiriye ibyaha byacu, nkuko byari byaranditswe, agahambwa, akazuka ku munsi wa gatatu." Nyuma yaho abonekera cumi na babiri n'abandi. Pawulo yongeyeho ati, "Nuko nyuma y'abo bose nanjye arambonekera, kandi meze nk'uwavutse atagejeje igihe."*1 Kor 15:3,4,8. {INI 81.1}

Ibyo yababwiye bivuye mu buhanuzi byarumvikanaga, kandi umuhati yari afite wagaragaye ko ushyigikiwe n'imbaraga y'Imana ku buryo Abayahudi bumiwe badashobora kugira icyo bamusubiza. {INI 81.2} Amakuru yo guhinduka kwa Pawulo yatunguye Abayahudi cyane. Uwari yarafashe urugendo yerekeje i Damasi ahawe ubutware n'inshingano n'abatambyi bakuru kugira ngo afate kandi atoteze abizera, (Ibyak 26 :12) noneho ni we wabwirizaga ubutumwa bwiza bw'Umukiza wabambwe akazuka. Pawulo yanakomezaga amaboko y'abigishwa yari yaratentebutse kandi agakomeza gutuma abantu benshi bakira ukuri yari yarigeze kurwanya cyane. {INI 81.3}

Pawulo yari asanzwe azwi ko ari umurwanashyaka w'idini ya kiyahudi kandi akaba umuntu udacogora gutoteza abayoboke ba Yesu. Umurava we, kwigenga kwe, kudacika intege kwe, impano ze n'imyigire ye byari kumushoboza gukora umurimo uwo ari wo wose. Yari azi kwisobanura mu buryo bwumvikana bitangaje ku buryo abo yavuganaga na bo batashoboraga kumuvuguruza. Noneho rero Abayahudi babonye uwo musore wari ufite isezerano ridasanzwe yifatanyije n'abo yahoze atoteza, kandi anabwiriza mu izina rya Yesu ashize amanga. {INI 81.4}

Umujenerari uguye ku rugamba aba ari igihombo ku ngabo yayoboraga ariko urupfu rwe nta zindi mbaraga ruha abanzi. Nyamara igihe umuntu ukomeye asanze ingabo yarwanyaga, ntabwo abo bari kumwe bahomba icyo yabakoreraga gusa ahubwo abo asanze nabo baba bungutse cyane. Igihe Sawuli w'i Taruso yari yerekeje i Damasi, byari byoroshye ko Umwami Imana amutsinda muri iyo nzira maze uruhande rwatotezaga rugatakaza imbaraga nyinshi. Nyamara Imana mu mbabazi zayo ntiyamurokoye urupfu gusa ahubwo yaranamuhinduye maze ivana uwo muntu w'icyamamare mu ruhande rw'umwanzi ajya mu ruhande rwa Kristo. Pawulo wari uzi kwisobanura no kuvuga adashishira, Pawulo wari ufite imigambi ihamye akagira n'ubutwari butajegajega, yari afite ibyangombwa nyabyo byari bikenewe mu Itorero rya mbere.{IN81.5}

Igihe Pawulo yabwirizaga ibya Kristo i Damasiko, abamwumvise bose baratangaye baravuga bati, *"Uyu si we warimburiraga i Yerusalemu abambaza iryo zina? Kandi icyamuzanye n'ino si ukugira ngo ababohe, abashyire abatambyi bakuru?"* (Ibyak 9:21). Pawulo yababwiye ko guhindura ukwizera kwe bitatewe n'ubwaka, ko ahubwo byavuye ku byo yeretswe bitangaje. Mu kwigisha ubutumwa bwiza kwe, yasobanuye neza ubuhanuzi bwerekeye ku kuza mu isi kwa mbere kwa Yesu.Yerekanye neza ko ubu buhanuzi bwasohoreye kuri Yesu w'i Nazareti.Ukwizera kwe kwari gushingiye ku magambo y'ukuri y'ubuhanuzi. {INI 82.1}

Ubwo Pawulo yakomezaga kubwira abari bamuteze amatwi bumiwe ko bakwiriye *"kwihana no guhindukirira Imana, bagakora imirimo ikwiriye abihanye"* (Ibyak 26 :20), "yongewe imbaraga maze yemeza Abayahudi bari batuye i Damasiko ko uwo Yesu ari we Kristo. Nyamara abenshi muri bo binangiye imitima banga kwemera ubutumwa bwe. Mu kanya gato ugutangarira uguhinduka kwe byahindutse urwango rukaze nk'urwo bagaragarije Yesu. Kurwanya Pawulo byarakaze cyane ku buryo atemerewe gukomeza umurimo yakoreraga i Damasiko. Intumwa ivuye mu ijuru yamutegetse kuba avuye aho igihe gito, akajya muri Arabiya (Gal 1:17) aho yabaye aturije. {INI 82.2}

Ari wenyine mu butayu bwa Arabiya, Pawulo yahagiriye igihe gihagije cyo kwiga no kwihererana n'Imana mu mutuzo. Yatekereje ku byaranze

imibereho ye ya kera yitonze maze arihana rwose. Yashatse Imana n'umutima we wose ntiyatuza kugeza amenye neza ko kwihana kwe kwemewe kandi ko icyaha cye cyababariwe. Yifuzaga cyane kugira icyizere ko Yesu azabana na we mu murimo yari agiye gukora. Yakuye mu mutima we ibyari bimurimo n'imigenzo yari yaratwaye imibereho ye maze ahabwa ubwenge buvuye ku Isoko y'ukuri. Yasabanye na Yesu maze amushikamisha mu kwizera kandi amusukaho ubwenge n'ubuntu bihebuje. {INI 82.3}

Igihe intekerezo z'umuntu zisabanye n'Imana, umuntu ugira iherezo agasabana n'Uhoraho, umubiri, ibitekerezo, n'ubugingo bigira impinduka zitagereranywa. Muri uko gusabana n'Imana niho tubonera uburere buhanitse. Ubu ni uburyo Imana yihariye ikoresha kugira ngo ikuze ibitekerezo by'umuntu. *"Noneho iyuzuze nayo" ubu nibwo butumwa Imana ibwira abantu* (Yobu 22 :21). {INI 82.4}

Inshingano ikomeye Pawulo yahawe igihe yavuganaga na Ananiya yakomeje kumubera umutwaro utsika umutima we. Ubwo Pawulo yumvaga amagambo ya Ananiya wamubwiye ati: *"Sawuli, Mwenedata, humuka"* (Ibyak 22:13), bwari ubwa mbere Pawulo yitegereza mu maso h'uwo muntu w'umukiranutsi. Ananiya ayobowe na Mwuka Muziranenge yabwiye Sawuli ati, *"Imana ya ba sogokuruza yagutoranirije kera kumenya ibyo ishaka, no kubona wa Mukiranutsi, no kumva ijwi riva mu kanwa ke: Kuko uzaba umugabo we wo guhamiriza abantu bose ibyo wabonye n'ibyo wumvise. None ikigutinza ni iki? Haguruka ubatizwe, wiyuhagire ibyaha byawe, wambaje izina rye."* Ibyak 22:13-16. {INI 82.5}

Aya magambo yari ahuye n'ayo Yesu ubwe yavuze igihe yafatiraga Sawuli mu nzira ijya i Damasiko. Yesu yari yaravuze ati:*"Ariko byuka uhagarare. Igituma nkubonekeye ni ukugira ngo nkugire umugaragu wanjye n'umugabo wo guhamya ibyo ubonye kuri jye, kimwe n'ibyo nzakwereka. Nzagutabara ngukize Abayahudi n'abanyamahanga ngutumyeho. Ngutumye kubahumura amaso kugira ngo ubahindure, bave mu mwijima bagere mu mucyo, bave mu bushobozi bwa Satani bagarukire Imana, kugira ngo nibanyemera bababarirwe ibyaha, kandi bahabwe ku munani wagenewe abantu Imana yagize intore zayo."* Ibyak 26:16-18. {INI 83.1}

Mu gihe yatekerezaga kuri ibi mu mutima we, Pawulo yarushijeho gusobanukirwa neza umuhamagaro we wo *“kuba intumwa ya Yesu Kristo nk’uko Imana yashatse”* (1Kor 1 :1). Umuhamagaro we ntiwari waraturutse ku *“bantu cyangwa umuntu, ahubwo waturutse kuri Yesu Kristo n’Imana Data wa twese.”* Gal 1:1. {INI 83.2}.Umurimo ukomeye wari imbere ye watumye yiga Ibyanditswe Byera abishishikariye kugira ngo ashobore kubwiriza ubutumwa bwiza “atavugisha ubwenge bw*’amagambo, kugira ngo umusaraba wa Kristo udahinduka ubusa”, “ahubwo byari ibigaragaza Umwuka n’imbaraga,” kugira ngo ukwizera kw’abamwumva bose “kudashingira ku bwenge bw’abantu, ahubwo ku mbaraga z’Imana”* 1 Kor 1 :17; 2:4,5. {INI 83.3}

Uko Pawulo yashakishaga mu Byanditswe, yabonye ko uko ibihe byagiye bisimburana *“ntabwo ari ab’ubwenge bw’abantu bahamagawe ari benshi; si abakomeye n’imfura nyinshi. Ahubwo Imana yatoranije abaswa bo mu isi, ngo ikoze isoni abanyabwenge: kandi yatoranije ibinyantege nke byo mu isi, ngo ikoze isoni ibikomeye; kandi n’ibyoroheje byo mu isi n’ibihinyurwa n’ibitariho, Imana yarabitoranije ngo ihindure ubusa ibiriho: kugira ngo hatagira umuntu wirata imbere y’Imana.”* (1 Kor 1:26-29). Yitegereje ubwenge bw’isi mu mucyo w’umusaraba, Pawulo “yagambiriye kutagira ikindi abamenyesha, keretse Yesu Kristo, ari we Yesu Kristo wabambwe” 1 Kor 2 :2. {INI 83.4}

Mu bihe bye bya nyuma by’ivugabutumwa, nta na rimwe Pawulo yigeze yirengagiza isoko y’ubwenge bwe n’imbaraga ze. Nyuma y’imyaka myinshi dore uko yavuze ati: *“Erega, ku bwanjye kubaho ni Kristo.”* (Fil 1:21). Yongeye kuvuga ati: *“Ndetse n’ibintu byose mbitekereza ko ari igihombo ku bw’ubutunzi butagira akagero, ni bwo kumenya Kristo Yesu. Ku bw’uwo nahombye ibyange byose, ndetse mbitekereza ko ari amase, kugira ngo ndonke Kristo, kandi mboneke ko ndi muri we, ntafite gukiranuka kwanjye, kuva mu mategeko, ahubwo mfite ukuzanwa no kwizera Kristo, ariko gukiranuka kuva ku Mana guheshwa no kwizera: kugira ngo mumenye, menye n’imbaraga zo kuzuka kwe, no gufatanya imibabaro ye, no kujya nshushanywa no gupfa kwe.”* Filipi 3:8-10. {INI 83.5}

Pawulo avuye muri Arabiya *“yasubiye i Damasiko”* (Gal 1:7), *“yigisha ashize amanga mu izina rya Yesu.”Abayahudi bananiwe guhangana*

n'ubwenge yavugishaga maze "bajya inama yo kumwica." (Ibyak 9:23). Amarembo y'umudugudu yari arinzwe bikomeye ku manywa na nijoro kugira ngo atabacika. Izi ngorane zatumye abigishwa bashaka Imana babikuye ku mutima maze amaherezo, *"ijoro rimwe, baramujyana bamucisha mu nkike z'amabuye, bamumanurira mu gitebo."* Ibyak 9:25. {INI 84.1}

Amaze kuva i Damasiko acitse, Pawulo yagiye i Yerusalemu. Icyo gihe yari amaze imyaka itatu ahindutse. Umugambi ukomeye watumye akora uru rugendo, nk'uko nyuma y'aho yabyivugiye, ni uko yashakaga *"gusura Kefa [Petero]*." Gal 1:18. Ageze mu mudugudu aho yari azwi mbere nka *"Sawuli watotezaga", yagerageje kwifatanya n'abigishwa: ariko bose baramutinya, ntibemenra ko ari umwigishwa."* Ibyak 9:26. {INI 84.2}

Byakomereye abizera kwemera ko umufarisayo wari uzi ko nta yindi dini ifite ukuri nk'iye kandi wari warakoze ibishoboka ngo arimbure Itorero, ashobora guhinduka umuyoboke nyakuri wa Yesu. *"Maze Barinaba aramujyana, amushyira intumwa, azisobanurira uko yabonye Umwami Yesu mu nzira, kandi uko yavuganye na we, n'uko yavuze ashize amanga mu izina rya Yesu i Damasiko."* Ibyak 9:27. {INI 84.3}

Abigishwa bamaze kumva ibi bamwakiye nka mugenzi wabo. Nyuma y'igihe gito baje kubona ibihamya byinshi cy'uko ari Umukristo nyakuri. Uwari ugiye kuzatumwa ku banyamahanga noneho yari mu mugi aho abenshi mu bari barigeze gufatanya nawe babaga; kandi yifuzaga gusobanurira neza aba bayobozi b'Abayahudi ibyerekeranye n'ubuhanuzi bwerekeye Mesiya bwari bwarasohojwe no kuza kwa mbere k'Umukiza. Pawulo yabonye ko aba bigisha b'Abisiraheli yari yaramenyanye nabo mbere, bari bafite ukuri kandi ari inyangamugayo nk'uko nawe yari kera. Uko Pawulo yatekerezaga bagenzi be b'Abayahudi, yasanze yarabibeshyeho; yizeraga ko nabo bazahinduka vuba ariko siko byaje kugenda bituma yumva acitse intege. {INI 84.4}

Nubwo *" yabwirije mu izina ry'Umwami Yesu ashize amanga akaganira n'Abayahudi bavuga ikigereki ajya impaka na bo, abari bahagarariye idini y'Abayahudi banze kwizera ahubwo "bigeza ubwo bashatse kumwica."* (Ibyak 9:2629). Ibyo byatumye umutima we wuzura agahinda. Aba yaratanze n'ubugingo bwe, iyo ibyo biza kuba byatuma ageza bamwe ku kwakira ukuri. Yari afite ikimwaro atekereza uruhare

yagize mu rupfu rwa Sitefano. Ababajwe no gusibanganya ibinyoma bari barashinje Sitefano, yashyigikiye ukuri Sitefano yari yarazize. {INI 84.5}

Ababajwe n'abanze kwizera, Pawulo yari mu rusengero asenga nk'uko nyuma yabihamije, yabaye nk'urota maze intumwa ivuye mu ijuru iramubonekera iramubwira iti: "Ihute uve i Yerusalemu vuba, kuko batazemera ibyo umpamya." Ibyak 22:18. {INI 85.1}

Pawulo yifuzaga kuguma i Yerusalemu kugira ngo ahangane n'abamurwanyaga. Kuri we guhunga i Yerusalemu byari kugaragara nk'ubugwari. Byari kuba ari ubugwari niba kuhaguma byari gutuma ashobora kwemeza ukuri k'ubutumwa bwiza bamwe mu Bayahudi binangiye ndetse nubwo byari gutwara ubuzima bwe. Bityo yarasubije ati, *"Mwami, nabo ubwabo bazi yuko nashyiraga abakwizeye mu nzu y'imbohe, nkabakubitira mu masinagogi yose. Kandi ubwo bavushaga amaraso ya Sitefano wahamyaga ibyawe, nanjye nari mpari mbyishimiye, ndinda imyenda y'abamwicaga."* (Ibyak 22:19, 20). Nyamara ntibyari bihuje n'ubushake bw'Imana ko umugaragu wayo ashyirira ubuzima bwe mu kaga ubusa; bityo intumwa ivuye mu ijuru iramusubiza iti, *"Genda, kuko nzagutuma kure mu banyamahanga."* Ibyak 22:21. {INI 85.2}

Bamaze kumenya iby'iri yerekwa, abizera bihutiye gucikisha Pawulo ava i Yerusalemu mu ibanga batinya ko yakwicwa. "Bamujyana i Kayisariya, bamwohereza i Taruso" Ibyak 9:30. {INI 85.3} Kugenda kwa Pawulo byahagaritse gatoya imvururu z'Abayahudi ku buryo Itorero ryagize agahenge igihe gito. Muri ako gahenge umubare w'abizera wiyongeyeho abantu benshi. {INI 85.4}

****

IGICE CYA 14 - UMUNTU WASHATSE UKURI

(Iki gice gishingiye mu Byakozwe n'Intumwa 9:32 — 11:8)

Mu rugendo rwe rw'ibwirizabutumwa, intumwa Petero yasuye abizera b'i Luda. Aha niho yakirije Ayineya wari umaze imyaka munani mu buriri bwe yararemaye.Petero yaramubwiye ati: *"Ayineya, Yesu Kristo aragukijije, haguruka, wisasire." "Uwo mwanya arahaguruka. Abatuye i Luda n'i Saroni bose bamubonye bahindukirira Umwami Yesu."* Ibyak 9:34, 35. {INI 86.1} I Yopa, hafi y'i Luda, hari hatuye umugore witwaga Doruka wakundwaga cyane kubera imirimo myiza yakoraga. Yari intumwa ikwiriye ya Yesu kandi imibereho ye yari yuzuye ibikorwa by'ubugwaneza. Yamenyaga umuntu wese ukeneye umwambaro n'uwo ari we wese ukeneye kugirirwa impuhwe kandi yakoreraga abakene n'imbabare nta biguzi abasabye. Amaboko ye yakoraga kurusha kuvugisha ururimi. {INI 86.2}

"Muri iyo minsi ararwara, arapfa." Ibyak 9:37. Itorero ry'i Yopa ribona ko rigize igihombo maze abizera bumvise ko Petero ari i Luda, bamutumaho abantu, " bifuza ko atatinda kuza iwabo." "Petero arahaguruka, ajyana na bo. Asohoyeyo bamujyana muri icyo cyumba cyo hejuru, abapfakazi bose bahagarara iruhande rwe barira, berekana amakanzu n'imyenda Doruka yababoheye akiriho." Ibyak 9:38, 39. Urebye imibereho yo kwita ku bandi Doruka yari yaragize, ntibitangaje kuba bararize, basesa amarira ku ntumbi. {INI 86.3}

Ubwo Petero yarebaga umubabaro wabo umutima we wuzuye impuhwe. Yahereyeko asaba ko incuti za Doruka zari mu cyumba zimuririra zasohoka. Yarapfukamye asaba yinginga Imana gusubiza Doruka ubuzima n'amagara mazima. Yahindukiriye intumbi aravuga ati: *"Tabita haguruka. Arambura amaso, abonye Petero, arabyuka aricara"* Ibyak 9:40. Doruka yari yarakoreye Itorero umurimo ukomeye cyane

maze Imana ibona ko ari byiza kumuzura kugira ngo ubuhanga n'imbaraga ze bikomeze kubera abandi umugisha kandi kugira ngo muri uku kwigaragaza kw'imbaraga yayo bitere umurimo wa Kristo kugira imbaraga. {INI 86.4}

Igihe Petero yari akiri i Yopa, niho yahamagawe n'Imana ngo ajye i Kayisariya kwa Koruneliyo kumubwira ubutumwa bwiza. {INI 86.5} Koruneliyo yari umusirikari w'Umuroma wayoboraga abasirikare 100. Yari umukire, yari yaravutse mu muryango ukomeye kandi yari afite umwanya w'icyubahiro akanagirirwa icyizere. Yavutse ari umupagani, yari yaragize ibyo yiga kandi agira n'uburere yakira biturutse ku guhura n'Abayahudi. Bityo yari yaramenye Imana kandi yayisenganaga umutima w'ukuri akerekana ukuri ko kwizera kwe agirira impuhwe abakene. Hirya no hino yari azwi nk'umugiraneza kandi imibereho ye izira inenge yatumye amenyakana ko ari umuntu mwiza haba mu Bayahudi no mu Banyamahanga. Uko yitwaraga ku bandi byari umugisha ku bantu bose yahuraga nabo. Ibyanditswe bimuvuga nk'umuntu *"w'umunyadini wubahaga Imana n'abo mu rugo rwe bose, wagiriraga abantu ubuntu bwinshi, agasenga Imana ubudasiba."* Ibyak 10:2. {INI 86.6}

Yizeraga Imana Umuremyi w'ijuru n'isi. Koruneliyo yubahaga Imana, akemera ubutware bwayo kandi akayigisha inama mu byo yakoraga byose mu mibereho ye. Yari indahemuka kuri Yehova mu mibereho y'iwe imuhira no mu mirimo y'ubutegetsi yakoraga. Yari yarubatse urutambiro rw'Imana iwe mu rugo kubera ko atatinyukaga kugerageza gushyira mu bikorwa imigambi ye cyangwa gukora inshingano ze adafashijwe n'Imana. {INI 87.1}

Nubwo Koruneliyo yizeraga ibyo ubuhanuzi bwavugaga kandi akaba yari ategereje kuza kwa Mesiya, ntabwo yari azi ubutumwa bwiza nk'uko bwahishuriwe mu mibereho no mu rupfu bya Kristo. Ntabwo yari umwizera wo mu idini y'Abayahudi kandi abigisha bakuru bamubonaga nk'umupagani wanduye. Nyamara Imana yitegereza, ya yindi yavuze kuri Aburahamu iti, "ndamuzi", yari izi na Koruneliyo maze imwohererereza ubutumwa buvuye mu ijuru. {INI 87.2}

Igihe Koruneliyo yasengaga, umumarayika yaramubonekeye. Ubwo umumarayika yamuhamagaraga mu izina, yagize ubwoba ariko amenya

ko iyo ntumwa ivuye ku Mana maze aravuga ati: *“Ni iki Mwami?” Ibyak 10:4. Umumarayika aramusubiza ati: “Gusenga kwawe n’ubuntu bwawe byazamukiye kuba urwibutso imbere y’Imana. Kandi none tuma abantu i Yopa, utumire umuntu witwa Simoni wahimbwe Petero. Acumbitse kwa Simoni w’umuhazi, urugo rwe ruri iruhande rw’inyanja.”* Ibyak 10:4-6. {INI 87.3}

Ugusobanuka neza k’uku kurangirwa, ahavuzwe ndetse n’umurimo w’umuntu wari ucumbikiye Petero, byerekana ko Ijuru rizi amateka n’ibyo abantu bakora muri buri ntambwe y’ubuzima. Uko Imana izi ibyo umuntu woroheje ahura nabyo n’ibyo akora, ni nako izi iby’Umwami wicaye ku ntebe ye ya cyami. {INI 87.4} *“Tuma abantu i Yopa, utumire umuntu witwa Simoni.”* Ibyak 10:5. Muri ubu buryo Imana yatanze igihamya cy’uburyo yitaye ku murimo wo kubwiriza ubutumwa bwiza no ku Itorero ryayo rigendera muri gahunda. Ntabwo umumarayika yoherejwe kubwira Koruneliyo iby’umusaraba. Ahubwo umuntu ugira intege nke kandi akageragezwa nka Koruneliyo ubwe, ni we wagombaga kumubwira iby’Umukiza wabambwe kandi wazutse. {INI 87.5}

Imana ntihitamo abamarayika batigeze bacumura ngo bayihagararire mu bantu. Ahubwo ihitamo abantu basanzwe bameze nk’abo bashaka gukiza. Kristo yambaye ubumuntu kugira ngo abashe gushyikira inyokomuntu. Umukiza wambaye ubumana n’ubumuntu yari akenewe kugira ngo azanire isi agakiza. Na none kandi abagabo n’abagore bagiriwe icyizere kizira amakemwa cyo kubwiriza *“ubutumwa bwiza bw’ubutunzi bwa Kristo butarondoreka.”* Abefeso 3:8. {INI 88.1}

Mu bwenge bwe, Uwiteka atuma abashakisha ukuri bahura na bagenzi babo bakuzi. Ni umugambi w’Imana ko abakiriye umucyo bawugeza ku bari mu mwijima. Abantu bavoma ku Isoko ikomeye y’ubwenge, bahindurwa ibikoresho n’umuyoboro ubutumwa bwiza bugaragarizamo imbaraga yabwo ihindura intekerezo n’imitima. {INI 88.2} .Koruneliyo yumviye ibyo yeretswe. Umumarayika amaze kugenda, uwo mutware uyobora abasirikare ijana *“yahamagaye abagaragu be babiri n’umusirikari w’umunyadini wo mu bamukoreraga iteka: abatuma i Yopa.”* Ibyak 10:7,8. {INI 88.3}

Umumarayika amaze kuvugana na Koruneliyo, yasanze Petero i Yopa. Icyo gihe Petero yariho asengera hejuru y’inzu y’aho yari

acumbitse, kandi dusoma ngo: *” arasonza, ashaka kurya, bakibyitegura aba nk’urota,”* (Ibyak 10:10). Ntabwo Petero yari asonzeye gusa ifunguro ry’umubiri. Kubera ko yari hejuru y’inzu aho yashoboraga kureba umudugudu w’i Yopa no mu nkengero zawo, yifuje ko abantu bo mu gihugu cye bakizwa. Yari afite icyifuzo gikomeye cyo kubamenyesha ubuhanuzi buri mu Byanditswe bwerekeye imibabaro n’urupfu bya Kristo. {INI 88.4}

Mu iyerekwa yagize, Petero *“yabonye ijuru rikingutse, maze ikintu kiramanuka gisa n’umwenda w’umukomahasi, gifashwe ku binyita bine kijya hasi. Harimo inyamaswa z’amoko yose zigenza amaguru ane, n’ibikururuka hasi byose, n’ibiguruka mu kirerere byose. Ijwi riramubwira riti: “Haguruka Petero, ubage urye.” Petero ati: “Oya Mwami, kuko ntigeze kurya ikizira cyangwa igihumanya.” Iryo jwi rimusubiza ubwa kabiri riti: “Ibyo Imana ihumanuye, wibyita ibizira.” Biba bityo gatatu, icyo kintu giherako gisubizwa mu ijuru.”* Ibyak 10:11-16. {INI 88.5}

Iri yerekwa ryaje rije gucyaha Petero no kumwigisha. Ryamuhishuriye umugambi w’Imana ko kubw’urupfu rwa Kristo, abanyamahanga bakwiriye kuba abaraganwa umugisha w’agakiza n’Abayahudi. Nta mwigishwa n’umwe wari warabwirije abanyamahanga ubutumwa bwiza. Mu bitekerezo byabo hari hakiri urusika rwabatandukanyaga n’abanyamahanga kandi rwari rwarasenywe n’urupfu rwa Kristo. Umurimo wabo wari waribanze ku Bayahudi, kubera ko bari barakumiriye Abanyamahanga bakababaheza ku migisha y’ubutumwa bwiza. Ubwo rero Uwiteka yashakaga kwigisha Petero iby’umugambi w’Imana wo kugera ku batuye isi bose. {INI 88.6}

Benshi mu banyamahanga bari barishimiye ukubwiriza kwa Petero n’izindi ntumwa, kandi benshi mu Bayahudi bavuga ikigereki bari baramaze kwizera Kristo, ariko guhinduka kwa Koruneliyo kwagombaga kuba ingenzi cyane mu banyamahanga. {INI 89.1} Igihe cyari gisohoye kugira ngo Itorero rya Kristo ritangire icyiciro gishya cy’umurimo. Urugi Abayahudi benshi bihanye bari barakinze, bakingirana abanyamahanga noneho rwagombaga gukingurwa. Abanyamahanga bari bamaze kwemera ubutumwa bwiza bagombaga gufatwa kimwe n’abigishwa b’Abayahudi bitabaye ngombwa gukurikiza umuhango wo gukebwa. {INI 89.2}

Mbega ukuntu Uwiteka yakoranye ubushishozi kugira ngo akureho urwikekwe rwagirirwaga abanyamahanga rwari rwarabaye akarande mu bitekerezo bya Petero abikuye mu myigire ye ya kiyahudi! Petero yerekwa igishura n'ibyari bikirimo, Imana yashakaga gukura uru rwikekwe mu bitekerezo bya Petero maze ikamwigisha ukuri gukomeye ko mu ijuru batarobanura ku butoni; ko Abayahudi n'abanyamahaga bose bafite agiciro kamwe imbere y'Imana, kandi ko kubwa Kristo abanyamahanga bashobora kuba abaragwa b'imigisha n'amahirwe bitangwa n'ubutumwa bwiza. {INI 89.3}.Petero agitekereza ku busobanuro bw'iryo yerekwa, abantu boherejwe na Koruneliyo basesekara i Yopa, bahagarara imbere y'irembo ry'icumbi rye. Umwuka aramubwira ati: *"Dore, abantu batatu baragushaka. Haguruka umanuke ujyane nabo udashidikanya, kuko ari jye ubatumye."* Ibyak 10:19, 20. {INI 89.4}

Kuri Petero, iri ryari itegeko rikomeye, kandi yatangiye inshingano yari ahawe agenda biguru ntege; nyamara ntiyatinyutse gusuzugura. Petero *"yaramanutse, asanga abo bantu, arababwira ati: "Ni jyewe uwo mushaka: mwazanywe n'iki?" Bamubwiye inshingano ibazanye bagira bati: "Koruneliyo umutware utwara umutwe w'abasirikare ijana, umuntu ukiranuka wubaha Imana, ushimwa n'ubwoko bwose bw'Abayuda, yabwirijwe na marayika wera kugutumira, ngo uze iwe yumve amagambo yawe."* Ibyak 10:21, 22. {INI 89.5}

Mu kubahiriza amabwiriza avuye ku Mana, intumwa yabasezeraniye kujyana na bo. Mu gitondo cyakurikiyeho Petero yerekeje i Kayisariya aherekejwe na bagenzi be batandatu. Aba bose bantu bari kuba abahamya b'ibyo yagombaga kuvuga no gukora mu gihe yasuraga abanyamanga; kubera ko Petero yari azi ko azisobanura ku bijyanye no kudakurikiza inyigisho z'Abayahudi. {INI 89.6}

Petero yinjiye mu nzu y'umunyamahanga, Koruneliyo ntiyamusuhuje nk'umushyitsi usanzwe; ahubwo yamusuhuje nk'umuntu wubahwa n'ijuru kandi yohererejwe n'Imana. Ni umuco w'iburasirazuba wo kunamira igikomangoma cyangwa undi munyacyubahiro ukomeye ndetse n'abana bunamira ababyeyi babo. Nyamara Koruneliyo, yasabwe n'icyubahiro yagombaga guha umuntu wari woherejwe n'Imana kugira ngo amwigishe, yapfukamiye intumwa aranayiramya. Petero yagize ubwoba, aherako afata ukuboko k'uwo mutware utwara

abasirikari ijana, amuhagurutsa avuga ati: *“Haguruka, nanjye ndi umuntu nka we.”* Ibyak 10:26. {INI 89.7}

Igihe intumwa za Koruneliyo zari zagiye gukora inshingano yazo, uwo mutware w’abasirikari ijana, “yari yatumiye ab’umuryango we n’incuti ze za hafi.” kugira ngo nabo bumve ubutumwa bwiza bwabwirizwaga. Petero ahageze yasanze itsinda rinini rifite amatsiko yo kumva ibyo ababwira. {INI 90.1}

Petero yabanje kubwira abari bahateraniye ko mu muco w’Abayahudi byari binyuranyije n’amategeko ko Abayahudi basabana n’abanyamahanga; bityo gukora ibyo byabaga ari ikizira. Yarababwiye ati: *“Muzi yuko kizira ko Umuyuda yifatanya n’uw’ubundi bwoko, cyangwa ko amugenderara: ariko jyeweho Imana yanyeretse ko ntagira umuntu nita ikizira cyangwa igihumanya. Ni cyo cyatumye ntanga kuza, ntumiwe. None ndababaza icyo muntumiriye?”* Ibyak 10:28,29. {INI 90.2}

Koruneliyo abatekerereza ibyamubayeho n’amagambo y’umumarayika aherako asoza agira ati: *“Uwo mwanya ndagutumira, nawe wakoze neza ubwo uje. Nuko none turi hano twese imbere y’Imana, dushaka kumva ibyo Umwami Imana yagutegetse kutubwira.”* Ibyak 10:33. {INI 90.3} Petero aterura amagambo ati: *“Ni ukuri, menye yuko Imana itarobanura ku butoni, ahubwo mu mahanga yose uyubaha agakora ibyo gukiranuka, iramwemera.”* Ibyak 10:34, 35. {INI 90.4}

Iryo koraniro ry’abantu bari bateze amatwi batuje, intumwa Petero yababwirije Kristo: imibereho ye, ibitangaza bye, kugambanirwa kwe no kubambwa, umuzuko we no kujyanwa mu ijuru, ndetse n’umurimo akora mu ijuru nk’umuvugizi n’umurengezi w’abantu. Ubwo Petero yerekezaga abari aho kuri Yesu nk’ibyiringiro byonyine by’umunyabyaha, nawe ubwe yasobanukiwe mu buryo byuzuye ubusobanuro bw’iyerekwa yari yagize maze umutima we ugurumanishwa n’umwuka w’ukuri yababwiraga. {INI 90.5}

Uwo mwanya, ikiganiro cyarogowe no kumanuka kwa Mwuka Muziranenge. *“Petero akivuga ibyo, Umwuka Wera amanukira abumvise ayo magambo bose. Abizeye bo mu bakebwe bajyanye na Petero barumirwa bose, kuko n’abanyamahanga nabo bahawe*

Umwuka Wera, akaba abasutsweho; kuko bumvise bavuga izindi ndimi, bahimbaza Imana." {INI 90.6} *"Maze Petero arababwira ati: "Aba ngaba bahawe Umwuka Wera nkatwe, ni nde ubasha kubima amazi ngo batabatizwa?" Ategeka ko babatizwa mu izina rya Yesu Kristo."* Ibyak 10:44-48. {INI 91.1}

Uko ni ko ubutumwa bwiza bwagejejwe ku bimukira n'abanyamahanga bubahindura abaraganwa n'abera n'abantu bo mu nzu y'Imana. Uguhinduka kwa Koruneliyo n'ab'umuryango we byari umuganura w'umusaruro wagombaga gushyirwa hamwe. Biturutse muri uyu muryango, umurimo w'ubuntu wamamajwe muri uwo mudugudu w'abapagani. {INI 91.2}

Uyu munsi Imana irashaka abantu bakomeye itibagiwe n'aboroheje. Hariho abantu benshi bameze nka Koruneliyo, abantu Uwiteka yifuza gukoresha mu murimo we ku isi. Bagirira impuhwe abantu b'Uwiteka, nyamara baziritswe ku by'isi cyane ku buryo kwiyegurira Kristo bibasaba ubutwari. Hagomba gukoreshwa umwete udasanzwe kuri aba bantu bari mu kaga gakomeye kubera inshingano zabo. {INI 91.3}

Imana ikeneye abakozi b'abanyakuri, bicisha bugufi bazageza ubutumwa bwiza ku bantu bakomeye. Hari ibitangaza bigomba gukorwa igihe hazabaho guhinduka nyakuri - ibyo ni ibitangaza tudashobora kwiyumvisha. Abantu bakomeye bo muri iyi si ntabwo bari kure cyane y'imbaraga y'Imana ikora ibitangaza. Niba abantu bakorana n'Imana bakoresha neza amahirwe bafite, bagakorana umurimo wabo ubutwari n'ubunyangamugayo, Imana izahindura abantu bafite imyanya y'icyubahiro, abanyabwenge n'abantu bafite ijambo mu bandi. Kubw'imbaraga ya Mwuka Muziranenge, abantu benshi bazemera amahame y'ijuru. Nibahindukirira ukuri, bazahinduka ibikoresho biri mu maboko y'Imana kugira ngo bageze umucyo ku bandi. Bazumva bafite umutwaro udasanzwe ku bandi bantu bo muri uru rwego rwirengagijwe. Igihe n'amafaranga bizegurirwa gukoreshwa umurimo w'Uwiteka kandi Itorero rizongererwa ubushobozi n'imbaraga nshya. {INI 91.4}

Kubera ko Koruneliyo yumviraga amabwiriza yose yari yarahawe, Imana mu nyigisho zose yari yarahawe, Imana yatumye hari ibibaho kugira ngo amenye ukuri biruseho. Intumwa ivuye mu ijuru yoherejwe

ku musirikare mukuru w'umuroma no kuri Petero kugira ngo Koruneliyo ashobore guhuzwa n'uwashoboraga kumuyobora ku mucyo mwinshi. {INI 91.5}

Hariho benshi muri iyi si bari hafi y'ubwami bw'Imana kurusha uko tubitekereza. Muri iyi si y'umwijima w'icyaha Uwiteka afite abantu benshi b'abanyacyubahiro azohererereza intumwa ze. Hirya no hino hari abazafata icyemezo cyo guhagararira Kristo. Abantu benshi bazaha agaciro ubwenge bw'Imana kurusha ikintu inyungu y'iby'isi iyo ari yo yose, kandi bazahinduka abatwaramucyo b'indahemuka. Bahaswe n'urukundo rwa Kristo, bazararikira abandi kumusanga. {INI 91.6}

Igihe abavandimwe ba Petero muri Kristo b'i Yudaya bumvaga ko yagiye mu nzu y'umunyamahanga kandi akabwiriza abari bahateraniye, byarabatangaje kandi bibatera ikimwaro. Bagize ubwoba ko ubwo buryo, bwagaragaraga kuri bo nko kwigerezaho, buzagira ingaruka mu kuvuguruza inyigisho ze. Bongeye guhura na Petero, baramugaye bikomeye, baramubwira bati: *" Ko wagendereye abatakebwe, ugasangira na bo ?"*Ibyak 11:3. {INI 92.1}

Petero abasobanurira uko byagenze byose. Yabatekerereje ibyamubayeho byerekeranye n'iyerekwa; abamenyesha ko ryamubuzaga kongera gukurikiza umuhango watandukanyaga abakebwe n'abatakebwe no gufata abanyamahanga nk'abantu banduye. Yababwiye kandi itegeko yahwe ryo kujya ku banyamahanga, ababwira ibyo kuza kw'intumwa, iby'urugendo rw'i Kayisariya ndetse n'uko yahuye na Koruneliyo. Yongeye kubatekerereza ibyo yavuganye n'umuyobozi watwaraga abasirikare ijana aho uyu musirikare yari yaramubwiye iby'iyerekwa yari yarategekewemo gutuma kuri kuri Petero. {INI 92.2}

Ababwira ibyamubayeho yaravuze ati, *"Nteruye amagambo, Umwuka Wera arabamanukira nk'uko natwe yatumanukiye bwa mbere. Nibuka rya jambo ry'Umwami Yesu iryo yavugaga ati : 'Yohana yababatirishaga amazi, ariko mwebweho muzabatirishwa Umwuka Wera.' Nuko, ubwo Imana yabahaye impano ihwanye n'iyo natwe twahawe, ubwo twizeraga Umwami Yesu Kristo, ndi nde wo kuvuguruza Imana?"* Ibyak 11:15-17.{INI 92.3}

Bumvise ibyo Petero avuze, baracecetse. Bamaze kwemera ko ibyo Petero ababwiye byari bihuje no gusohora kw'imigambi y'Imana, kandi ko imyumvire yabo no kwitarura abandi byari bihabanye n'inyigisho y'ubutumwa bwiza, bahimbaje Imana bati: *"Nuko noneho Imana ihaye n'abanyamahanga kwihana, kugira ngo nabo bahabwe ubugingo."* Ibyak 11:18. {INI 92.4}

Bityo nta mpaka zibayeho, urwikekwe rwakuweho, guheza abandi kwari kwarashyizweho n'umuco wabaye akarande byararetswe kandi ubutumwa bwiza bufungurirwa inzira kugira ngo bwamamazwe mu banyamahanga. {INI 92.5}

****

IGICE CYA 15 - GUKURWA MU NZU Y'IMBOHE
(Iki gice gishingiye ku Byakozwe n'Intumwa 12:1-23)

Nuko muri icyo gihe umwami Herode afatira abo mu Itorero bamwe kubagirira nabi." (Ibyak 12:1). Ubutegetsi bwa Yudeya bwari mu maboko ya Herode Agiripa, wakoreraga Kalawudiyo, umwami w'abami w'Abaroma. Herode kandi yari umutegetsi wa Galileya. Yavugwaga ko yari yarahindukiriye imyizerere ya Kiyahudi kandi yasaga nk'umunyamwete mu kwitabira imihango yagenwaga n'amategeko ya Kiyahudi. Mu kwifuza kwemerwa n'Abayahudi, ndetse anafite ibyiringiro byo gukomera ku buyobozi bwe n'icyubahiro cye, Herode yashyize mu bikorwa ibyifuzo byabo atoteza Itorero rya Kristo. Yahinduraga umusaka amazu y'abizera, umutungo wabo akawangiza kandi yafungaga abayobozi b'Itorero. Yashyize mu nzu y'imbohe Yakobo umuvandimwe wa Yohana, kandi yohereza umuntu wo kumwicisha inkota nk'uko Herode wundi yari yaratumye umuhanuzi Yohana acibwa umutwe. Abonye ko abayahudi banejejwe n'ibyo yari yakoze yahereyeko afunga na Petero. {INI 93.1}

Ubwo bugome bwakozwe mu gihe cya Pasika. Igihe Abayahudi bizihizaga umunsi wo kurokorwa bavanwa mu Misiri kandi basa n'abagaragaza umuhati wo kubahiriza amategeko y'Imana, ni naho bicaga ihame ryose ryo muri ayo mategeko batoteza kandi bakica abizera Kristo. {INI 93.2}

Urupfu rwa Yakobo rwateje umubabaro ukomeye n'ubwoba mu bizera. Igihe Petero nawe yafungwaga, Itorero ryose ryiyirije ubusa kandi rirasengera. {INI 93.3} Igikorwa cya Herode cyo kwica Yakobo cyakiriwe neza n'Abayahudi nubwo bamwe bivovoteye uburyo yishwe mu ibanga, bavuga ko iyo yicirwa mu ruhame byari gutera ubwoba abizera n'ababashyigikiye. Bityo, Herode yarekeye Petero mu buroko, ashaka kuzanezeza Abayahudi yicira Petero mu ruhame. Nyamara haje

gutangwa inama ko atari byiza kuzana iyo ntumwa yari inararibonye kugira ngo yicirwe imbere y'abo bantu bose bari bateraniye i Yerusalemu. Bagize ubwoba ko nagaragara imbere y'abantu agiye kwicwa byari gutuma abantu bamugirira impuhwe. {INI 93.4}

Abatambyi n'abakuru bagize ubwoba ko Petero ari busubiremo amwe mu magambo akomeye yari yarakanguriye abantu kenshi kwiga imibereho n'imico bya Kristo. Abatambyi n'abakuru bakoresheje ibitekerezo byabo byose ngo bavuguruze ibyo Petero yavugaga ariko bari barabinaniwe. Ishyaka Petero yarwaniraga Ubutumwa bwa Kristo ryari ryaratumye abantu benshi bakira ubutumwa bwiza ku buryo abategetsi batinye ko niba Petero ahawe amahirwe yo kuvuga ashyigikira ukwizera kwe imbere y'imbaga yari yaje i Yerusalemu gusenga, abantu bari gusaba umwami kurekura Petero. {INI 93.5}

Muri icyo gihe cy'inzitwazo nyinshi, iyicwa rya Petero ryagiye ryigizwa inyuma kugeza Pasika irangiye. Abagize Itorero bafashe igihe cyo kwisuzuma no gusenga bashikamye. Bakomeje gusengera Petero ubudasiba kubera ko biyumvishaga ko adshobora kurokoka. Babonye ko bageze aho Itorero rya Kristo rishobora gutsembwa niba nta bufasha budasanzwe bw'Imana babonye. {INI 94.1}

Muri icyo gihe, abasengaga Imana bo mu bihugu byose bashakishaga urusengero rwari rwareguriwe gusengerwamo Imana. Urwo rusengero rwarabagiranaga izahabu n'amabuye y'agaciro, rwagaragazaga ubwiza n'isumbwe. Nyamara Yehova ntiyari akiboneka muri iyo ngoro y'igikundiro. Ishyanga rya Isiraheli ryari ryaratandukanye n'Imana. Igihe Kristo yari yegereje iherezo ry'umurimo we ku isi, yitereje bwa nyuma imbere h'iyo ngoro maze aravuga ati, *« Dore inzu yanyu muyisigiwe ari umusaka ».* Matayo 23:38. Kuva mbere kugeza icyo gihe, Yesu yari yarise urwo rusengero Inzu ya Se; nyamara ubwo Umwana w'Imana yarusohokagamo, Imana ntiyari ikirangwa muri iyo ngoro yari yarubakiwe icyubahiro cyayo. {INI 94.2}

Umunsi wo kwicwa kwa Petero waje kwemezwa, nyamara kugeza icyo gihe abizera bakerekeza amasengesho yabo mu ijuru, kandi igihe bashyiraga umuhati wabo wose mu gusenga babishyizeho umutima basaba gutabarwa, abamarayika b'Imana bari barinze intumwa yari ifunzwe. {INI 94.3}

Herode yibutse uko intumwa zari zaracitse mu nzu y'imbohe mbere, maze igihe Petero yari afunzwe Herode afata ingamba zikomeye. Kugira ngo birinde uburyo bwose bwatuma atoroka, Petero yari yarindishijwe abasirikari cumi na batandatu bamurindaga amanywa n'ijoro bagasimburana mu masaha atandukanye. Mu kumba gato yari afungiyemo, Petero yari hagati y'abasirikari babiri kandi yari aboheshejwe iminyururu ibiri buri munyururu uziritse ku kaboko ka buri musirikari. Ntiyashoboraga kuva aho ari batabimenye. Inzugi z'inzu y'imbohe zari zifunze bikomeye kandi hari imbere yazo hari abarinzi bakomeye ku buryo nta mahirwe yariho yo kurokorwa cyangwa gutoroka binyuze mu nzira za kimuntu. Nyamara aho ubushobozi bw'umuntu burangirira niho Imana itangirira. {INI 94.4}

Petero yari afungiye mu kumba gato, inzugi zako zifungishije ibyuma kandi abasirikari bari barindishijwe kugira ngo iyo mfungwa irindwe neza. Ibyuma byari bifunze urugi ndetse n'abarinzi b'Abanyaroma byose mu buryo bugaragara byari byakuyeho inzira zose zishoboka z'ubufasha bwa kimuntu. Nyamara ibi nta kindi byari bibereyeho uretse gusa gutuma insinzi y'Imana mu kurokora Petero igaragara mu buryo bwuzuye. Herode yari yahagukiye kurwanya Ishoborabyose, bityo yagombaga gutsindwa bikomeye cyane. Mu kugaragaza ubushobozi bwayo, Imana yari igiye kurokora umuntu w'ingirakamaro Abayahudi bacuriraga umugambi wo kurimbura. {INI 94.5}

Hari mu ijoro ribanziriza umunsi wari wateganyijwe ko Petero ari bwicwe. Umumarayika w'umunyambaraga yoherejwe avuye mu ijuru ngo aze kurokora Petero. Inzugi zikomeye zari zikingiranye umuziranenge w'Imana zafungutse nta bufasha bw'amaboko y'umuntu butanzwe. Umumarayika w'Isumbabyose yarinjiye maze inzugi zongera kwifunga zidasakuje. Yinjiye muri ako kumba maze asanga Petero aryamye asinziriye mu mahoro yahabwaga n'ibyiringiro yari afite. {INI 95.1}

Umucyo wari ugose umumarayika wuzuye ako kumba ariko ntiwabasha gukangura Petero. Ntiyigeze akanguka bihagije kugira ngo abone uko icyumba arimo kimurikirwa n'umucyo mvajuru ndetse ngo anabone umumarayika uhagaze imbere ye afite ubwiza butagereranywa. Yakomeje gusinzira kugeza ubwo yumvise umumarayika amukoraho akamubwira ati, « Byuka n'ingoga ». Yumviye ibyo umumarayika amubwiye nta kubitekerezaho. Ubwo

yabyukaga yazamuye amaboko ye maze yumva iminyururu yavuye ku maboko ye. {INI 95.2}

Ijwi ry'umumarayika watumwe n'ijuru ryongeye kumubwira riti, « Kenyera ukwete inkweto zawe. » maze Petero yongera kumvira atazuyaje akomeza gutumbira uwo mushyitsi yibwira ari mu nzozi cyangwa iyerekwa. Umumarayika yongeye kumutegeka ati, « Wifubike umwitero wawe, unkurikire. » Umumarayika yasohotse akurikiwe na Petero wari usanzwe agira amagambo menshi none ubu akaba yari yacecekeshejwe no kumirwa. Banyuze ku barinzi b'inzu y'imbohe bagera kuri rwa rugi rwari rufunze cyane maze ruhita rwikingura baratambuka rurongera rurikinga.Muri icyo gihe abarinzi baba ab'imbere cyangwa ab'inyuma bari aho batanyeganyega. {INI 95.3}

Bageze ku rugi rwa kabiri narwo rwari rurinzwe imbere n'inyuma, rwikinguye nk'uko byagenze ku rwa mbere, nta rusaku rw'amapata cyangwa ibyuma byari birukinze. Barasohotse maze rwongera kwikinga rudasakuje. Banyuze mu irembo rya gatatu muri ubwo buryo maze bagiye kubona bibona mu nzira. Basohotse batavuga kandi nta jwi ry'intambwe zabo ryumvikanye. Umumarayika yagendaga imbere akikijwe n'umucyo urabagirana maze Petero wari wumiwe kandi acyibwira ko ari mu nzozi akurikira uwo mutabazi we. Bakurikiye inzira imwe maze inshingano ya wa mumarayika iba irarangiye ahita agenda Petero ntiyongera kumubona. {INI 95.4}

Wa mucyo w'ijuru uhita ugenda maze Petero yumva ari mu mwijima ukomeye. Amaso ye yari yamenyeye uwo mwijima ariko utangira kugabanyuka maze yisanga ari mu nzira wenyine ahuhwa mu maso n'akayaga gakonje ka nijoro. Yamenye noneho ko yakuwe mu nzu y'imbohe akaba ari ahantu amenyereye muri uwo mujyi. Yamenye aho hantu nk'aho yari yarageze kenshi kandi ubwo yari ahaherutse yari yarifuje kuhatinda. {INI 95.5}

Yagerageje kwibuka ibyari byamubayeho mu mwanya wari ushize. Yibutse uko yari yasinziriye, abohewe hagati y'abasirikare babiri bamukuyemo inkweto n'imyambaro ye. Yarisuzumye wese asanga yambaye neza. Amaboko ye yari yarabyimbishijwe n'iminyururu y'ibyuma bari bamwambitse yari yabyimbutse. Yabonye ko umudendezo arimo atari ukwibeshya, inzozi cyangwa iyerekwa, ko ahubwo umugisha nyakuri. Icyo gitondo ni cyo yagombaga kwicwamo

ariko umumarayika yari yamuvanye mu nzu y'imbohe amurokora urupfu. Petero agaruye umutima, aribwira ati, *"Noneho menye by'ukuri yuko Umwami Imana yatumye marayika wayo, ikankura mu maboko ya Herode, ikankiza ibyo ubwoko bw'Abayuda bwategerezaga byose"* Ibyak 12:11. {INI 96.1}

Petero yahise afata inzira yerekeza mu nzu abavandimwe be mu kwizera bari bateraniye bamusabira bakomeje. *"Petero akomanga ku rugi rw'irembo; umuja witwaga Rode, ajya kubyumva. Amenya ijwi rya Petero, ibinezaneza bimubuza gukingura, nuko yirukanka asubira mu nzu, ababwira yuko Petero ahagaze ku irembo. Baramusubiza bati "Urasaze!" Ariko akomeza guhamya ko ari byo koko bati: "Ahubwo ni marayika we"* Ibyak 12:13—15. {INI 96.2}

«Ariko Petero akomeza gukomanga; bakinguye, basanga ari we koko, barumirwa. Arabamama, abasobanurira uko Umwami Imana yamukuye mu nzu y'imbohe.». Maze Petero arasohoka ajya ahandi. (Ibyak 12:16,17). Ibyishimo no guhimbaza byuzuye imitima y'abizera kubera ko Imana yari yarumvise kandi igasubiza amasengesho yabo maze ikarokora Petero mu maboko ya Herode. {INI 96.3}

Bukeye bw'aho abantu benshi bazanywe no kureba uko Petero ari bwicwe. Herode yohereje abasirikare bakuru ngo bajye kuzana Petero mu nzu y'imbohe.Bagombaga kumuzana aboshywe amaboko kandi arinzwe atari ukugira ngo atabacika gusa, ahubwo ari n'uburyo bwo gutinyisha abantu bifatanyaga nawe ndetse no kwerekana ubushobozi bw'umwami. {INI 96.4}

Ubwo abarinzi bari bageze mu nzu y'imbohe bafashwe n'ubwoba babonye ko Petero yacitse. Byari byarasobanuwe neza ko uwo barinze nabura nabo bari bubure ubuzima bwabo, bityo kubera ibyo bari babaye maso mu buryo budasanzwe. Igihe abasirikare bakuru bazaga kujyana Petero, basanze abarinzi bakiri ku miryango y'inzu y'imbohe, ingufuri zigifunze kandi n'iminyururu ikiziritse ku bikonjo byabo basirikare bombi nyamara imbohe barinze yagiye. {INI 96.5}

Herode amaze kubwirwa ko Petero yatorotse yahise ahindurirwa arakara cyane. Yategetse ko abari barinze inzu y'imbohe bicwa kubera ko batabaye indahemuka. Herode yari azi ko nta bushobozi bwa

kimuntu bwari bwakijije Petero, nyamara yari yagambiriye kutemera ko imbaraga mvajuru yaburijemo gahunda ye maze yiyemeza kurwanya Imana ashize amanga. {INI 96.6}

Nyuma y'igihe gito Petero akuwe mu nzu y'imbohe, Herode yagiye i Kayisariya. Igihe yari i Kayisariya yakoreye abaho umunsi mukuru ugamije gutuma abantu bamwubaha cyane ndetse bakamukomera amashyi. Uyu munsi mukuru wajemo abantu bakunda ibibanezeza baturutse impande zose, maze habaho kurya cyane no kunywa inzoga nyinshi. Nibwo muri uwo muhango wari uhambaye Herode yaje imbere y'abantu agira icyo ababwira mu mvugo nziza cyane. Yari yambaye ikanzu ishashagiranaho ifeza n'izahabu. Iyo kanzu yoherezaga imirasire y'izuba ku bamurebaga ikabahuma amaso. Yari umuntu ufite ubwiza buhebuje. Uburyo yagaragaranaga icyubahiro ndetse n'imbaraga zari mu mvugo ye nziza byatumye abari aho batwarwa mu buryo bukomeye.Intekerezo zabo zari zaguye ikinya bitewe n'ibiryo n'inzoga. Bari bahumwe amaso n'imitako yari ku myambaro ya Herode kandi batwarwa n'imvugo ye. Bagize umunezero ndengakamere maze bamuvugiriza impundu bavuga ko nta muntu washobora kugaragara nk'uko cyangwa ngo agire imvugo yuzuye ubutyoza nka we. Barakomeje bavuga ko bari basanzwe bamwubaha nk'umutegetsi none kuva ubwo bakaba bagiye kumuramya nk'imana. {INI 97.1}

Bamwe mu bateraga hejuru icyo gihe baha icyubahiro umunyabyaha ruharwa, ni nabo bari barasakuje mu mu myaka mike yari ishize bavuga bati « Ntidushaka Yesu, Nabambwe! Nabambwe!. » Abayahudi bari baranze kwakira Kristo; uwari ufite imyambaro ya gikene kandi akenshi yabaga yandujwe n'urugendo, nyamara iyo myambaro niyo yari ifubitse umutima wuje urukundo mvajuru. Muri uko kwicisha bugufi kwagaragaraga inyuma, amaso yabo ntiyashoboraga kubonamo Umwami w'ubugingo n'icyubahiro nubwo imbaraga ya Kristo yari yarigaragarije mu byo yakoreye imbere yabo bitakorwa n'umuntu uwo ari we wese. Nyamara bari biteguye kuramya Herode nk'imana, umwami wirata, uwari ufite imyambaro myiza y'ifeza na zahabu nyamara itwikiriye umutima wanduye kandi w'ubugome. {INI 97.2}

Herode yari azi ko atari we wari ukwiriye ikuzo n'icyubahiro bari bamuhaye nyamara yemeye ko abantu bamuramya nk'ikigirwamana. Yiyumvisemo insinzi kandi ubwibone bugurumanira mu mutima we

maze bugaragara mu maso ubwo yumvaga batera hejuru bati : *“Yemwe noneho ni ijwi ry’Imana, si iry’umuntu!”* Ibyak 12:22. {INI 97.3}

Nyamara muri uwo mwanya arahindurirwa biteye ubwoba. Mu maso hatangira guhinduka nk’ah’umuntu ugiye gupfa akaba ariho asamba. Nuko atangira kubira ibyuya byinshi umubiri wose. Ahagarara akanya gato nk’umuntu wumiwe kubera uburibwe n’ubwoba. Yahindukiriye incuti ze zari zafashwe n’ubwoba, maze avugana ijwi ry’amarembera ati: “Uwo mwasingizaga nk’imana urupfu ruramujyanye.” {INI 97.4}

Afatwa n’umubabaro w’indengakamere maze bamukura aho yanyweraga kandi yiyerekaniraga. Mu mwanya muto wari ushize, ni we abantu benshi bari aho basingizaga kandi bakamuramya; none ubu asanze ari mu maboko y’Umutegetsi umurusha imbaraga. Yicwa n’agahinda, yibuka uko yatotezaga abayoboke ba Kristo; yibuka itegeko ryuzuye ubugome yatanze ryo kwica Yakobo w’umuziranenge kandi anibuka n’imigambi yari afite yo kwica intumwa Petero. Yibutse ukuntu yatuye uburakari bwe mu kwihorera yakoreye abari barinze inzu y’imbohe atabitekerejeho. Yumvise ko noneho Imana ihanganye nawe, nk’umuntu watotezaga Abakristo. Ntiyashoboye kubona ikimukiza ubwo bubabare bw’umubiri n’intimba yari afite ku mutima, kandi nta n’icyo yari yiringiye kubona. {INI 98.1}

Herode yasobanukiwe n’itegeko ry’Imana rivuga riti : *“Ntukagire izindi mana mu maso yanjye”* Kuva 20:3. Yamenye ko ubwo yemeraga ko abantu bamuramya, yujuje igikombe cyo gukiranirwa kwe maze atuma uburakari bwa Yehova bumusukwaho. {INI 98.2}

Wa mumarayika wari wavuye mu ijuru aje gutabara Petero, ni nawe watumwe gusuka umujinya w’Imana kuri Herode no kumuciraho iteka. Umumarayika wakomanze Petero amukangura mu bitotsi, ni nawe waje akubita uwo mwami w’inkozi y’ibibi, amucisha bugufi kandi amugezaho igihano giturutse ku Ishoborabyose. Herode yapfuye ababazwa cyane mu ntekerezo no ku mubiri, Imana imucira urubanza ruhwanye n’ibyo yakoze. {INI 98.3} Uku kugaragara k’ubutabera mvajuru kwahinduye ikintu gikomeye ku bantu. Inkuru yari yamamaye hose ivuga ko intumwa ya Kristo yari yarokowe mu nzu y’imbohe no mu rupfu mu buryo butangaje mu gihe uwamurenganyaga yari yagezweho n’umuvumo w’Imana. Iyo nkuru yatumye abantu benshi bizera Kristo. {INI 98.4}

Ibyabaye kuri Filipo wayobowe n'umumarayika uvuye mu ijuru akajya aho yahuriye n'umuntu washakaga kumenya ukuri, ibyabaye kuri Koruneriyo wasuwe n'umumarayika amuzaniye ubutumwa buvuye mu ijuru, ibyabaye kuri Petero mu nzu y'imbohe, uko yaciriwe urubanza rwo gupfa ndetse n'uko umumarayika yamusohoye muri ya nzu y'imbohe-ibi byose bigaragaza uburyo ijuru rikurikiranira hafi cyane ibibera ku isi. {INI 98.5}

Ugusurwa n'umumarayika kwa bariya bantu kwari gukwiye gutera imbaraga n'ubutwari umukozi w'Imana. Muri iki gihe nk'uko byari biri mu gihe cy'intumwa, intumwa zivuye mu ijuru zikwiragira ku isi hose zihumuriza abafite umubabaro, zikarinda abatari bihana kandi zikagarurira Kristo abantu. Ntidushobora kubona izo ntumwa amaso ku maso, nyamara zibana natwe, zikatuyobora kandi zikaturinda. {INI 98.6}

Ijuru ryegerejwe isi hifashishijwe urwo rwego rutagaragara rushinze ku isi mu gihe ubushorishori bwarwo bugeze ku ntebe ya cyami y'Uhoraho. Abamarayika bahora bazamuka abandi bamanuka uru rwego rufite ubwiza burabagirana, bashyira Data wo mu ijuru amasengesho y'abantu bakeneye gufashwa n'abababaye, kandi bakazanira abana b'abantu umugisha, ibyiringiro, ubutwari n'ubufasha. Aba bamarayika b'umucyo nibo batuma umuntu yumva asabana n'ijuru, bakatuzamura maze ibitekerezo byacu bikerekezwa ku bintu bitagaragara kandi bihoraho.Ntidushobora kubarebesha amaso ya kimuntu; ahubwo iyo turebesheje amaso ya Mwuka ni ho dushobora gutandukanya tukamenya iby'ijuru. Amatwi y'umwuka yonyine ni yo ashobora kumva injyana y'amajwi yo mu ijuru. {INI 98.7}

"Marayika w'Uwiteka abambisha amahema yo kugota abamwubaha, akabakiza" (Zaburi 34:70. Imana ni yo yohereza abamarayika bayo kugira ngo bakure intore zayo mu kangaratete kandi bazirinde, *"mugiga igendera mu mwijima, cyangwa kurimbura gutsemba ku manywa y'ihangu"* Zaburi 91:6. Incuro nyinshi abamarayika bagiye baganira n'abantu nk'uko umuntu aganira n'incuti ye, kandi barabayoboye babajyana ahantu hari umutekano. Incuro nyinshi kandi amagambo y'abamarayika atera ubutwari yavuguruye imitima igwaguza y'abantu b'indahemuka maze atuma ibitekerezo byabo birenga ibintu byo ku isi. Ayo magambo atera ubutwari yatumye kandi kubwo kwizera, abo bantu bitegereza amakanzu yera azahabwa abaneshi igihe bazaba bakikije intebe yera y'ubwami. {INI 99.1}

Kwegera abageragezwa n’abababaye ni umurimo w’abamarayika. Ntibigera bahwema gukorera abo Kristo yapfiriye. Igihe abanyabyaha bayobowe mu kwiyegurira Umukiza, abamarayika bajyana inkuru nziza mu ijuru maze mu ngabo zo mu ijuru hakaba ibyishimo byinshi. *“Ndababwira yuko mu ijuru bazishimira batyo umunyabyaha umwe wihannye, kumurutisha abakiranuka mirongo urwenda n’icyenda badakwiriye kwihana.”* Luka 15:7. Amakuru avuga ku nsinzi yose twagezeho twirukana umwijima kandi tumenyekanisha Kristo hirya no hino ajyanwa mu ijuru. Iyo icyo gikorwa kivuzwe imbere ya Data wa twese, ibyishimo bisaba ingabo zo mu ijuru zose. {INI 99.2}

Abatware n’abafite ubushobozi bo mu ijuru bitegereza intambara y’ibicantege abagaragu b’Imana barimo. Mu gihe Abakristo bakikije ibendera ry’Umucunguzi wabo bakomeza urugendo bajya kurwana intambara nziza yo kwizera, izindi nsinzi ziragenda zigerwaho kandi n’ amakamba mashya aragenda atsindirwa. Abamarayika bose bo mu ijuru bakorera abicisha bugufi, ari bo bwoko bw’Imana buyizera; kandi uko abakozi b’Uwiteka ku isi baririmba indirimbo zabo zo gusingiza Imana, umutwe w’abaririmbyi bo mu ijuru ufatanya na bo guhimbaza Imana n’Umwana wayo muri izo ndirimbo. {INI 99.3}

Dukeneye gusobanukirwa umurimo w’abamarayika biruseho kurusha uko twari tuwuzi. Byaba byiza kwibuka ko buri mwana w’Imana wese akorana n’ibiremwa byo mu ijuru. Ingabo z’umucyo kandi z’inyambaraga zitagaragara zita ku bicisha bugufi kandi biyoroheje, bizera bakanasaba gusohorezwa amasezerano y’Imana. Abakerubi n’abaserafi ndetse n’abamarayika bafite imbaraga zitagereranywa bahagarara iburyo bw’Imana, *“bose ari imyuka iyikorera, itumwa gukora umurimo wo gufasha abazaragwa agakiza.»*Abaheburayo 1:14. {INI 99.4}

****

IGICE CYA 16 - UBUTUMWA BWIZA MURI ANTIYOKIYA
(Iki gice gishingiye mu Byakozwe n'Intumwa II:19-26;13:I-3)

Nyuma y'aho itoteza ritumye abigishwa bava muri Yerusalemu, ubutumwa bwiza bwakwirakwiye vuba vuba mu turere dukikije Palesitina ku buryo udutsinda duto tw'abizera twagiye dushingwa mu midugudu ikomeye. Bamwe mu bigishwa « bagera i Foyinike n'i Kupuro no muri Antiyokiya babwiriza ubutumwa ». Imirimo yabo yari yibanze cyane cyane ku Baheburayo n'Abayahudi bavuga ikigiriki. Aba bari bafite imiryango migari ku buryo muri icyo gihe wabasangaga hafi mu midugudu yose yo ku isi. {INI 100.1}

Mu hantu havuzwe aho ubutumwa bwiza bwakiranwe umunezero harimo Antiyokiya yari umudugudu munini wo muri Siriya. Ubucuruzi bukomeye bwaberaga muri uwo mujyi wari utuwe cyane bwatumaga abantu benshi baturutse mu bihugu bitandukanye bawuzamo. Uretse ibyo, Antiyokiya wari umudugudu uzwi nk'ahantu harangwa abantu bakunda iraha n'ibibanezeza bitewe n'uko hari ahantu haba ubuzima bwiza, hakikijwe n'ibintu by'uburanga, harangwa ubukire, umuco n'ibindi byarushagaho kuba byiza. Mu bihe by'intumwa uyu mudugudu wari warahindutse uwo kwinezeza n'ingeso mbi. {INI 100.2}

Ubutumwa bwiza bwabwirijwe muri Antiyokiya mu ruhame n'abigishwa bamwe baturutse i Kupuro n'i Kurene baje babwiriza iby'Umwami Yesu. *"Ukuboko kw'Umwami kuba kumwe na bo, abantu benshi barizera, bahindukirira Umwami."* Ibyak 11:21. {INI 100.3} « Iyo nkuru irumwikana, igera mu matwi y'Itorero ry'i Yerusalemu, batuma Barinaba muri Antiyokiya. Asohoyeyo, kandi abonye ubuntu bw'Imama aranezerwa, abahugura bose ati: *"Mugume mu Mwami Yesu mumaramaje mu mitima yanyu."* Ibyak 11:22,23. {INI 100.4}

Ibyo Barinaba yakoreye muri Antiyokiya byahawe imigisha myinshi kandi abantu benshi biyongereye ku bizera. Abonye ko umurimo ujya mbere, Barinaba yumvise akeneye umufasha ukwiriye kugira ngo umurimo waguke kubw'amahirwe Imana itanze. Yahereyeko ajya i Taruso gushaka Pawulo, uwo nyuma yo kuva i Yerusalemu hari hashize iminsi mike akorera i Siriya n'i Kilikiya, yigisha *"iby'ukwizera yarimburaga kera."* Gal 1:21, 23. Barinaba yashoboye kubona Pawulo maze amuhendahendera kugarukana nawe nk'incuti ngo ajye kumufasha umurimo. {INI 100.5} Mu mujyi wari utuwe cyane wa Antiyokiya Pawulo yahabonye ahantu heza cyane ho gukorera. Kwiga kwe, ubwenge n'umwete byatumye haba impinduka ikomeye mu baturage b'uwo mujyi n'abawuzagamo bityo agaragaza ko ari igisubizo cy'ubukene bwa Barinaba. Aba bigishwa bombi bakoranye umurimo bafatanyije mu bunyangamugayo igihe cy'umwaka, bituma abantu benshi bamenya Yesu w'i Nazareti, Umucunguzi w'isi. {INI 100.6}

Muri Antiyokiya niho abigishwa bitiwe Abakirisito bwa mbere. Bahawe iri zina kubera ko Kristo ari we wari insanganyamatsiko y'ibyo babwirizaga, ibyo bigishaga ndetse n'ibiganiro byabo. Bahoraga bavuga ibyari byarabaye mu minsi y'umurimo we akiri ku isi, igihe abigishwa be bari bafite umugisha wo kubana na we. Nta kurambirwa, bibandaga ku nyigisho ze n'ibitangaza bye byo gukiza abantu. Bavuganaga agahinda n'amarira iby'umubabaro we mu gashyamba ka Gitsemane, uko yagambaniwe, uko yaciriwe urubanza, uko yishwe, ukwihangana no kwicisha bugufi yagaragaje ubwo abanzi be bamwicaga urw'agashinyaguro ndetse n'impuhwe nk'iz'Imana yagaragaje ubwo yasabira abamutotezaga. Umuzuko we, kujyanwa mu ijuru kwe n'umurimo we mu ijuru nk'Umuhuza w'Imana n'abantu bacumuye ni byo byigisho bishimiraga gutindaho. Abapagani babitaga Abakristo kubera ko babwirizaga Kristo kandi amasengesho yabo bakayerekeza ku Mana babinyujije muri We. {INI 101.1}

Imana ni yo yabahaye iryo zina ry'Abakristo. Iri ni izina rya cyami rihabwa abantu bose biyegurira Kristo. Iri zina niryo Yakobo yaje kwandikaho nyuma agira ati: *"Ariko dore mwebweho mwasuzuguye umukene. Mbese ye, abatunzi si bo babatwaza igitugu, bakababakurubanira mu nkiko? Si bo batuka rya zina ryiza mwitiririrwa?"* Yakobo 2:6,7. Kandi Petero nawe yaravuze ati : *«Ariko umuntu nababazwa azira kuba Umukristo ntagakorwe n'isoni, ahubwo ahimbaze Imana kubw'iryo zina. » « Ubwo mutukwa babahora izina*

rya Kristo murahirwa, kuko Umwuka w'ubwiza aba kuri mwe, ari we Mwuka w'Imana.» 1Petero 4:16, 14. {INI 101.2}

Abizera bo muri Antiyokiya babonye ko Imana yifuza gukorera mu mibereho yabo *"ikabatera gukunda no gukora ibyo yishimira."*Abafilipi 2:13. Bitewe n'uko bari batuye hagati y'abantu bahaga agaciro gake iby'iteka ryose , bashatse uko bakurura intekerezo z'abantu bicisha bugufi mu mitima, kandi kandi bagatanga ubuhamya bwiza bwerekeye uwo bakundaga kandi bakoreraga. Mu murimo bakoranaga kwicisha bugufi bigiyemo kwishingikiriza ku mbaraga ya Mwuka Muziranenge kugira ngo ijambo ry'ubugingo ryere imbuto. Bityo, mu ngendo zitandukanye bakoraga mu mibereho yabo, buri munsi bagendaga bahamya ukwizera Kristo kwabo. {INI 101.3}

Urugero rw'abayoboke ba Kristo muri Antiyokiya rwagombye kubera icyitegerezo buri mwizera utuye mu mijyi minini yo ku isi muri iki gihe. {INI 101.4} Mu gihe biri muri gahunda y'Imana ko abakozi batoranyijwe, bejejwe kandi bafite impano bagombye gushyirwa mu mijyi ikomeye ituwe cyane kugira ngo bahakorere, ni nako ari umugambi w'Imana ko abagize Itorero batuye muri iyi mijyi, bazakoresha impano Imana yabahaye mu murimo wo gukiza abantu. Hari imigisha itabarika Imana ibikiye abiyeguriye byimazeyo umuhamagaro wayo. Uko aba bakozi bagerageza kugarura imitima ya benshi kuri Kristo, bazabona ko abantu benshi batashoboraga kugerwaho mu bundi buryo biteguye kwemera ibyo umuntu w'umunyamuhati ukorana ubushishozi abigisha. {INI 101.5}

Umurimo w'Imana mu isi muri iki gihe ukeneye abantu bazima bahagarariye ukuri kwa Bibiliya. Abakozi batoranyijwe bonyine ntabwo bahagije kugira ngo basohoze inshingano yo kuburira imijyi minini. Ntabwo Imana iri guhamagara abapasitoro gusa, ahubwo iranahamagara abaganga, abaforomo, ababwiririshabutumwa ibitabo, abigisha ba Bibiliya n'abandi bakorerabushake bafite impano zitandukanye basobanukiwe ijambo ry'Imana kandi bazi imbaraga y'ubuntu bwayo kugira ngo bazirikane ubukene bw'imijyi itaraburiwe. Igihe kirahita vuba kandi hari byinshi bigomba gukorwa. Buri mukozi wese yagombye guhaguruka kugira ngo amahirwe dufite muri iki gihe abashe gukoreshwa neza biruseho. {INI 102.1}

Imirimo Pawulo yakoranye na Barinaba muri Antiyokiya yamukomeje mu kwemera kwe ko Uwiteka yamuhamagariye gukora umurimo udasanzwe mu banyamahanga. Igihe Pawulo yahindukaga, Uwiteka yari yaravuze ko azagirwa umubwiriza ku banyamahanga, *“kugira ngo abahumurire amaso, na bo bahindukire bave mu mwijima bajye mu mucyo, bave no mu butware bwa Satani bajye ku Mana, bahereko bababarirwe ibyaha byabo, baraganwe n’abejejwe no kunyizera.”* (Ibyak 26:18). Umumarayika wabonekeye Ananiya yari yaramubwiye ibya Pawulo ati, *«Genda kuko uwo muntu ari igikoreshwa nitoranirije, ngo yogeze izina ryanjye imbere y’abanyamahanga n’abami n’Abisirayeli»* (Ibyak 9:15). Na nyuma y’aho, mu mibereho ye ya Gikristo, ubwo Pawulo ubwe yasengeraga mu rusengero rw’i Yerusaremu, yari yarasuwe n’umumarayika uvuye mu ijuru wamutegetse ati, *“Genda, kuko nzagutuma kure mu banyamahanga. ”* Ibyak 22:21. {INI 102.2}

Muri ubwo buryo, Uwiteka yari yaratumye Pawulo kwinjira mu murimo wagutse mu banyamahanga. Kugira ngo ategurirwe gukora uyu murimo wagutse kandi ukomeye, Imana yari yaramwiyegereje inamwereka ubwiza n’ikuzo by’ijuru. Yari yarahawe umurimo wo kumenyekanisha *« ibanga » ryahishwe « uhereye kera kose »* (Abaroma 16:25), kubamenyesha - *” ubwiru bw’ibyo ishaka»* (Abefeso 1 :9). Pawulo aravuga ati, *” Ubwo ntibwamenyeshejwe abana b’abantu mu bindi bihe, nk’uko muri iki gihe intumwa ze zera n’abahanuzi babuhishuriwe n’Umwuka: yuko abanyamahanga ari abaraganwa natwe, kandi bakaba ingingo z’umubiri umwe natwe, abaheshejwe n’ubutumwa bwiza kuzagabana natwe muri Kristo Yesu ibyasezeranyijwe. Nanjye nahindutse umubwiriza wabwo…Nubwo noroheje cyane hanyuma y’abera bose, naherewe ubwo buntu kugira ngo mbwirize abanyamahanga ubutumwa bwiza bw’ubutunzi bwa Kristo butarondoreka; njijure bose ngo bamenye uburyo iby’ubwiru bikwiriye kugenda, ari bwo bwahishwe n’Imana yaremye byose uhereye kera kose; kugira ngo muri iki gihe abatware n’abafite ubushobozi bwo mu ijuru mu buryo bw’umwuka bamenyeshwe n’Itorero ubwenge bw’Imana bw’uburyo bwinshi, nk’uko yabigambiriye kera kose muri Kristo Yesu Umwami wacu.”* Abefeso 3:5-11. {INI 102.3}

Imana yahiriye cyane imirimo Pawulo na Barinaba mu gihe cy’umwaka bamaranye n’abizera muri Antiyokiya. Nyamara nta n’umwe muri bo wari warererejwe gukora umurimo w’ibwirizabutumwa bwiza mu buryo buzwi. Mu mibereho yabo ya Gikristo bari bageze aho Imana yari

igiye kubashinga gukomeza umurimo ukomeye aho bagombaga gukenera ubufasha bunyuze mu
Itorero. {INI 103.1}

«Mu Itorero ryo mu Antiyokiya hariho abahanuzi n'abigisha, ari bo Barinaba na Simoni witwaga Nigeru na Lukiyosi w'umunyakurene na Manayeni ... na Sawuli.
Ubwo basengaga Umwami Imana biyiriza ubusa, Umwuka Wera yarababwiye ati: 'Mundobanurire Barinaba na Sawuli, bankorere umurimo mbahamagariye gukora.'

» Ibyak 13 :1, 2. Mbere yuko boherezwa nk'intumwa mu bapagani, izi ntumwa zeguriwe Imana binyuze mu kwiyiriza ubusa, gusenga no kurambikwaho ibiganza. Bityo Itorero ryabahawe uburenganzira, atari ubwo kwigisha ukuri gusa, ahubwo no kubatiza no kuyobora amatorero babifitiye uburenganzira busesuye bw'abavugabutumwa. {INI 103.2}

Itorero rya Gikristo ryari ryinjiye mu gihe gikomeye. Umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza mu banyamahanga wagombaga gutangirana imbaraga, kandi umusaruro wari kuvamo ni uko Itorero ryari kwinjirwamo n'abantu benshi rigakomera. Intumwa zari zarahamagariwe gukora uwo murimo zari guhura n'izi nzitizi: Urwikekwe, kutemerwa n'ishyari. Inyigisho zabo zerekeye gusenya urusika rwari rumaze igihe kirekire rutanduakanya Abayahudi n'abanyamahanga, zari gutuma baregwa ubuyobe maze ububasha bwabo nk'abavugabutumwa bwiza bukagirwaho ikibazo n'Abayahudi benshi b'abanyamuhati kandi bizera. Imana yari yarabonye mbere ingorane abagaragu bayo bari barahamagariwe guhangana nazo, bityo kugira ngo umurimo wabo uzashobore gutsinda ingorane, Imana yahishuriye Itorero iriha amabwiriza yo gutoranya abo bigishwa mu ruhame kugira ngo bakore umurimo w'ubugabura. Ugutoranywa kwabo bwari uburyo bwo kumenyesha abantu muri rusange ko Imana ibashyizeho kugira ngo bajye kubwira abanyamahanga ubutumwa bwiza. {INI 103.3}

Pawulo na Barinaba bari baratumwe n'Imana ubwayo, kandi umuhango wo kubarambikaho ibiganza nta bushobozi bushya byabongereyeho. Ibyo byerekanaga gusa ko umuntu ashyizwe mu murimo kandi byari uburyo bwo kuzirikana ububasha yari afite muri uwo

murimo. Kubw'icyo gikorwa, umurimo w'Imana washyirwagaho ikimenyetso cy'Itorero. {INI 103.4}

Iki gikorwa cyari gisobanuye ibintu bikomeye cyane ku Muyahudi. Igihe umugabo w'Umuyahudi yahaga imigisha abana be, yabarambikaga ibiganza ku mitwe mu buryo bw'icyubahiro. Igihe itungo ryabaga ryahiswemo ngo ritangweho igitambo, umutambyi yarirambikaga ibiganza ku mutwe. Ubwo Barinaba na Pawulo barambikwagaho ibiganza n'abagabura bo mu Itorero rya Antiyokiya, kubera icyo gikorwa, basabye Imana gusuka umugisha wayo ku ntumwa yari yaratoranyije, bayisaba kubafasha kurangiza umurimo wihariye yabashinze. {INI 104.1}

Hashize igihe kirekire umuhango wo kurobanura abantu hakoreshejwe kurambikwaho ibiganza waje guteshwa agaciro cyane. Iki gikorwa cyaje guhabwa agaciro kadafitiwe ubusobanuro, maze gifatwa nk'aho hari imbaraga iza ku bakorewe uwo muhango, maze iyo mbaraga igahita ibaha ubushobozi bwo gukora imirimo iyo ari yo yose yerekeranye n'ubugabura. Nyamara igihe Pawulo na Barinaba batoranywaga, nta kintu na kimwe cyerekana ko hari imbaraga bahawe n'icyo gikorwa cyo kurambikwaho ibiganza. Ikivugwa gusa ni igikorwa cyoroheje cyo gutoranywa kwabo barambitsweho ibiganza ndetse n'icyo byamaze ku murimo wabo mu gihe cyakurikiyeho. {INI 104.2}

Ibintu byabaye bijyaniranye no gutoranywa na Mwuka Muziranenge kwa Pawulo na Barinaba kugira ngo bakore umurimo w'umwihariko, bigaragaza neza ko Uhoraho akorera mu bagaragu be yatoranyirije mu Itorero ryayo rigendera kuri gahunda. Mu myaka yabanje ubwo Umukiza ubwe yahishuriraga Pawulo bwa mbere umugambi Imana imufitiye,Pawulo yahise ahuzwa n'abari bagize Itorero rishya ryari i Damasiko. Ikindi kandi, Itorero ry' i Damasiko ntiryamaze igihe rifite urujijo ku byerekeye ibintu byihariye byabaye kuri uwo mufarisayo wari warahindutse. Noneho ubwo igihe cyari kigeze kugira ngo ya nshingano Pawulo yahawe n'Imana ishyirwe mu bikorwa mu buryo bwuzuye, Mwuka Muziranenge yongeye guhamya ko Pawulo ari igikoresho cyahiswemo kugira ngo abwire abanyamahanga ubutumwa bwiza. Bityo rero Mwuka Muziranenge yahaye Itorero umurimo wo kumutoranya we na mugenzi we barambitsweho ibiganza. Ubwo abayobozi b'Itorero i Antiyokiya *" basengaga Umwami Imana biyiriza ubusa, Umwuka Wera yarababwiye ati: 'Mundobanurire Barinaba na*

Sawuli, bankorere umurimo mbahamagariye gukora.'" Ibyak 13:2. {INI 104.3}.Imana yashyize Itorero ryayo ku isi irigira umuyoboro inyuzamo umucyo kandi binyuze muri uwo muyoboro, Imana imenyesha abantu imigambi n'ubushake byayo. Nta n'umwe mu bagaragu bayo yemerera gukora ibyo yihariye kandi binyuranye n'imibereho y'Itorero ubwaryo. Nta n'ubwo iha umuntu umwe ubwenge bwo kumenya ubushake ifitiye Itorero ryayo ryose, ngo Itorero (umubiri wa Kristo) ryo rirekerwe mu mwijima. Mu burinzi bwayo, Imana ishyiraho abagaragu bayo ngo bakorane n'Itorero ryayo kugira ngo bigirire icyizere gike ahubwo biringire cyane abandi Imana ikoresha kugira ngo bateze umurimo wayo imbere. {INI104.4}

Mu Itorero hagiye habaho abantu bahora bashaka kuba ibyigenge. Aba bantu basa n'abatazi ko uwo mwuka w'ubwigenge uyobora umuntu kwiyishingikirizaho cyane no kwiringira ibitekerezo bye bwite aho kugira ngo yumvire inama ndetse ahe agaciro ibitekerezo by'abavandimwe be mu kwizera ariko by'umwihariko iby'abari mu myanya Imana yabashyiriyemo kugira ngo bayobore ubwoko bwayo. Imana yahaye Itorero ryayo ubutware n'ubushobozi bidasanzwe. Ibyo kandi nta muntu uwo ari we wese ushobora gushimirwa kubyirengagiza cyangwa kubisuzugura kuko ukoze ibyo aba asuzuguye ijwi ry'Imana. {INI 105.1}

Ababona ko ibitekerezo byabo ari byo biruta ibindi bari mu kaga gakomeye ko kurimbuka. Gutandukanya abantu nk'abo n'imiyoboro y'umucyo, ari bo bantu Imana yashyiriyeho kugira ngo bubake kandi bagure umurimo wayo ku isi, ni umugambi wizwe neza wa Satani. Kwirengagiza cyangwa gusuzugura abo Imana yashyiriyeho gukora inshingano z'ubuyobozi mu byerekeye gusakaza ukuri, ni uguhakana abo yereje gufasha, gutera ubutwari no gukomeza ubwoko bwayo. Umuntu wese ukora mu murimo w'Imana akirengagiza bariya batoranyijwe n'Imana kandi agatekereza ko umucyo uzamugeraho nta handi unyuze uretse kuba uturutse ku Mana ako kanya, uwo muntu aba yishyize aho umwanzi yamushukira akanamugusha. {INI 105.2}

Imana mu bwenge bwayo yateguye ko binyuze mu isano ihamye ikwiye gukomezwa n'abizera bose, Umukristo azafatanya n'undi Mukristo kandi n'Itorero rigafatanya n'irindi. Muri ubwo buryo abakozi b'abantu bazashobozwa gukorana n'Imana. Buri mukozi wese azumvira

Mwuka Muziranenge kandi abizera bose bazahuriza imbaraga hamwe muri gahunda kugira ngo babwire isi ubutumwa bwiza bw'ubuntu bw'Imana. {INI 105.3}

Pawulo yafashe umunsi wo gutoranywa arambitsweho ibiganza mu ruhame nk'umunsi uranga intangiriro y'igihe gishya kandi gikomeye mu buzima bwe mu murimo yahawe. Kuva icyo gihe niho yatangiye kubara intangiriro y'imibereho ye nk'intumwa mu Itorero rya Gikristo. {INI 105.4}

Igihe umucyo w'ubutumwa bwiza warasiraga muri Antiyokiya, umurimo ukomeye wakomezwaga gukorwa n'intumwa zari zarasigaye i Yerusalemu. Buri mwaka, mu gihe cy'iminsi mikuru, Abayahudi benshi bavuye impande zose bazaga i Yerusalemu mu rusengero gusenga. Bamwe muri aba bagenzi bari abantu bubahiriza cyane idini yabo kandi biga ubuhanuzi mu buryo bwimbitse. Bari bategereje kandi bifuza kuza kwa Mesiya wasezeranyijwe ari we byiringiro bya Isirayeli. Igihe Yerusalemu yari yuzuyemo abo bantu baturutse hirwa no hino, intumwa zabwirije ibya Kristo zishize amanga nubwo zari zizi ko ziri gushyira ubuzima bwazo mu makuba. Mwuka w'Imana yashyize ikimenyetso cye ku mirimo yabo maze abantu benshi barizera. Aba bizera bashya basubiye iwabo mu bice bitandukanye byo ku isi, maze babiba imbuto z'ukuri mu mahanga yose no mu miryango inyuranye. {INI 106.1}

Mu ntumwa ziyemeje gukora uwo murimo harimo Petero, Yakobo na Yohana, bumvaga bafite ishema ry'uko Imana yabatoranyije kugira ngo babwirize Kristo mu baturanyi babo. Bakoranye ukwizera n'ubushishozi, bahamya ibyo bari barabonye n'ibyo bumvise, bahamagarira abantu kwakira *« ijambo ryahanuwe »* (2 Petero 1 :19), bafite umuhati wo kwemeza abo mu muryango wa Isirayeli bose …ko *"Yesu uwo Abayahudi babambye, Imana yamugize Umwami na Kristo."* (Ibyak 2:36).{INI 106.2}

******

IGICE CYA 17 - INTEGUZA Z'UBUTUMWA BWIZA
(Iki gice gishingiye mu Byakozwe n'Intumwa 13:4-52)

Pawulo na Barinaba bamaze kurambikaho ibiganza n'abavandimwe babo mu kwizera b'i Antiyokiya, *« batumwe n'Umwuka Wera bajya i Selukiya. Batsukiraho barambuka, bafata i Kupuro.»* Ibyak 13:4. Uko niko Pawulo na Barinaba batangiye urugendo rwabo rwa mbere rw'ivugabutumwa. {INI 107.1} Kupuro hari ahantu hamwe muho abizera bari barahungiye bavuye i Yerusalemu bitewe n'itotezwa ryakurikiye urupfu rwa Sitefano. I Kupuro niho abantu bamwe bari baravuye maze bajya muri Antiyokiya, *« babwiriza ubutumwa bwiza bw'Umwami Yesu. »* Ibyak 11:20. Barinaba ubwe yakomokaga i Kupuro, maze we na Pawulo baherekejwe na Yohana Mariko wari mwene wabo wa Barnaba basura iki kirwa.Ibyak 4:36. {INI 107.2}

Nyina wa Yohana Mariko yari yaremeye idini ya Gikristo, kandi urugo rwe i Yerusalemu rwari icumbi ry'abigishwa. Muri urwo rugo niho bahora iteka bizeye kuhakirirwaga neza kandi bakaharuhukira. Rimwe muri uko gusura iwabo nibwo Yohana Mariko yasabye Pawulo na Barinaba ko yabaherekeza mu rugendo rwabo rw'ivugabutumwa. Yumvise ubuntu bw'Imana mu mutima we maze yifuza ko yakwirundurira burundu mu murimo w'ivugabutumwa. {INI 107.3}

Bageze i Salamini *« bamamaje ijambo ry'Imana mu masinagogi y'Abayuda ... Baromboreza muri icyo kirwa cyose bagera i Pafo, basangayo umukonikoni w'Umuyuda, umuhanuzi w'ibinyoma witwa Bariyesu, ari kumwe n'umutware Serugiyo Pawulo wari umunyabwenge. Uwo ahamagaza Barinaba na Sawuli, ashaka kumva ijambo ry'Imana. Ariko Eruma w'umukonikoni (izina rye ni ko*

risobanurwa) abagisha impaka, ashaka kuyobya uwo mutware ngo atizera. ” Ibyak 13:5-8. {INI107.4}

Ntabwo Satani yakwemera ko Ubwami bw’Imana bwimikwa ku isi, atabanje kuburwanya. Ingabo z’umubi zihora ubudacogora ku rugamba rwo kurwanya abakozi bashyiriweho kwamamaza ubutumwa bwiza, kandi izo mbaraga z’umwijima zikunze gukora cyane igihe ukuri kubwirizwa abantu b’ibyamamare kandi b’inyangamugayo. Ibyo nibyo byabaye igihe Serugiyo Pawulo wari umuyobozi w’i Kupuro yumvaga ubutumwa bwiza. Uwo mutware niwe wari watumye ku ntumwa kugira ngo abashe kumenya ubutumwa zigishaga, none ubu imbaraga z’umubi zakoreraga mu mupfumu witwaga Eluma, zagishije abigishwa impaka kugira ngo zibuze Serugiyo kwizera bityo umugambi w’Imana we gusohora. {INI 107.5}

Uko niko umwanzi Satani akora kugira ngo akomeze kugumisha abantu b’abanyacyubahiro mu ruhande rwe, kandi abo bantu baramutse bahindutse bajyaga gukorera Imana umurimo mwiza. Nyamara umubwiriza w’ubutumwa bwiza w’inyangamugayo ntabwo akwiriye gutinya ko ari butsindwe n’umwanzi kubera ko afite amahirwe yo guhabwa imbaraga zivuye mu ijuru kugira ngo ahangane n’ibyo Satani amuteza byose. {INI 108.1}

Nubwo Pawulo yari abangamiwe na Satani, yagize ubutwari bwo gucyaha umuntu umwanzi yakoreragamo. *« Maze Sawuli, ari we Pawulo, yuzuye Umwuka Wera, aramutumbira ati: “Wa muntu we, wuzuye uburiganya n’ububi bwose, wa mwana wa Satani we, wa mwanzi w’ibyo gukiranuka we, ntuzarorera kugoreka inzira z’umwami Imana zigororotse? Nuko dore, ukuboko k’Umwami kuraguhannye, uraba impumyi, utarora izuba, ubimarane iminsi. »* Ibyak 13:9-12. {INI 108.2}

Uwo mupfumu yari yarihumye amaso kugira ngo atareba ibihamya by’ubutumwa bwiza maze Uwiteka mu burakari bwe buzira amakemwa ateza ubuhumyi amaso y’umubiri y’uwo mupfumu. Yatumye atabona umucyo w’izuba. Ntabwo ubwo buhumyi bwabaye ubw’igihe cyose ahubwo bwamaze igihe runaka kugira ngo uwo mupfumu aburirwe yihane kandi asabe Imana imbabazi yari yari yakojeje isoni bibabaje bene ako kageni. Urujijo yarimo rwatumye iby’ubukonikoni bwe bitabasha kubera inkomyi inyigisho za Kristo. Kuba byarabaye

ngombwa ko uyu mupfumu agenda akabakaba bitewe n'ubuhumyi yarimo, ibi byahamije ko ibitangaza byose intumwa zari zarakoze, nyamara Eluma akabisuzugura, byari byarakozwe n'imbaraga y'Imana. Wa mutware yatsinzwe n'ukuri kw'inyigisho z'intumwa yemeye ubutumwa bwiza. {INI108.3}

Ntabwo Eluma yari yarize nyamara yakoraga umurimo wa Satani mu buryo butangaje. Ababwiriza ukuri kw'Imana bazasakirana n'uburyarya bw'umwanzi mu buryo butandukanye. Rimwe na rimwe ubwo buryarya buzigaragariza mu bantu bize ariko cyane cyane mu bantu b'injiji, abo Satani yatoje kuba ibikoresho bye bikomeye byo kuyobya abantu. Ni inshingano y'umukozi wa Kristo guhagarara mu mwanya we nk'indakemwa, yubaha Imana kandi ashikamye mu mbaraga z'ubushobozi bwayo. Bityo azashobora kubuza amahwemo ingabo za Satani kandi azineshe mu izina ry'UmwamiYesu. {INI 108.4}

Pawulo na bagenzi be bakomeje urugendo rwabo bajya i Peruga y'i Pamfiliya. Banyuze mu nzira iruhije, bahura n'ibirushya n'inzitizi kandi bari bugarijwe n'amakuba impande zose. Mu mijyi no mu birorero banyuragamo ndetse no mu mayira bacagamo bonyine, wasangaga bakikijwe n'ingorane zigaragarira amaso n'izitagaragara. Nyamara Pawulo na Barinaba bari barize kwiringira imbaraga ikiza y'Imana. Imitima yabo yari yuzuye urukundo bari batiyite abarimbuka. Nk'abashumba b'indahemuka bashakaga intama zazimiye, ntabwo bigeze bitekerezaho ngo bishakire ubuzima bwiza ubwabo. Baretse inarinjye maze igihe bari barushye, bashonje kandi bahuye n'imbeho ntibacika intege. Bari bagamije ikintu kimwe gusa ari cyo "agakiza k'abantu bari barazimiriye kure y'umukumbi." {INI 108.5}

Aha niho Mariko yagiriye ubwoba acika intege maze amara igihe yarasezeye ku mugambi we wo kwiyegurira umurimo w'Uwiteka n'umutima we wose. Kubera ko atari amenyereye, yaciwe intege n'akaga no kwigomwa byari muri iyo nzira. Yari yarakoze neza mu gihe nta bibazo byari bihari, ariko noneho ubwo akenshi akaga kari kamwugarije, ntiyashoboye kwihanganira izo ngorane nk'umusirikare mwiza wa Kristo. Yagombaga kubanza kwiga guhangana n'ingorane no gutotezwa ndetse no kwangwa afite umutima w'ubutwari. Uko intumwa zakomezaga kandi zikagenda zihura n'ingorane zikomeye cyane

byatumye Mariko agira ubwoba kandi atakaza ubutwari bwose yari afite. Yanze gukomeza urugendo ahubwo agaruka i Yerusalemu. {INI 109.1}

Uku gusubira inyuma kwa Mariko kwatumye Pawulo amutekerezaho nabi ndetse bimara igihe. Ku rundi ruhande Barinaba we yagerageje kumubabarira kubera ko Mariko yari ataramenyera. Barinaba yababajwe n'uko Mariko atagombye kureka gukora umurimo w'ivugabutumwa kubera ko yamubonagamo ubushobozi bumuhesha kuba umukozi w'ingirakamaro wa Kristo. Kwita kuri Mariko kwa Barinaba byatanze umusaruro mu myaka yakurikiyeho kuko uyu musore yiyeguriye Imana n'umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza ahantu hagoye. Bitewe n'umugisha w'Imana no guhugurwa na Barinaba, yahindutse Mariko umukozi w'ingirakamaro. {INI 109.2}

Nyuma y'aho Pawulo yaje kwiyunga na Mariko maze amwakira nk'umukozi mugenzi we. Yanasabye Abanyakolosi kumwakira nk'umukozi mugenzi we *"kubw'ubwami bw'Imana, kandi "wamuhumurije."* Abakolosayi 4:11. Na none kandi mbere gato y'urupfu rwe, Pawulo yavuze ko Mariko *"yamugirira umumaro wo kunkorera."* 2Timoteyo 4:11. {INI 109.3}

Mariko amaze kugenda, Pawulo na Barinaba basuye Antiyokiya i Pisidiya maze ku munsi w'Isabato bajya mu rusengero rw'Abayahudi baricara. *"Bamaze gusoma mu mategeko no mu byahanuwe, abakuru b'isinagogi babatumaho bati, 'Bagabo bene Data, niba mufite amagambo yo guhugura abantu, nimuyatubwire."* (Ibyak 13:15). Pawulo asabwe kugira icyo avuga, *"Arahaguruka arabamama, arababwira ati, 'Bagabo b'Abisirayeli, namwe abubaha Imana, nimwumve."* (Ibyak 13:16).Hakurikiyeho ikiganiro cyiza. Yakomeje kubabwira amateka y'uburyo Uwiteka yagenjereje Abayuda kuva igihe yabavanaga mu buretwa bwo mu Misiri ndetse n'uburyo Umukiza yari yarasezeranwe ko azava mu muryango wa Dawidi. Yavuze ashize amanga ati, *" Mu rubyaro rw'uwo ni ho Imana yakomoreye Abisirayeli Umukiza Yesu, nk'uko yabisezeranije. Yohana yamubanjirije, ataraza, yigisha ubwoko bw'Abasirayeli bwose iby'umubatizo wo kwihana. Nuko Yohana yenda kurangiza urugendo rwe, arababaza ati, 'Mutekereza ko ndi nde?' Ati 'Si ndi we; ahubwo hariho uzaza hanyuma yanjye, ntibinkwiriye ko napfundura udushumi tw'inkweto zo mu birenge bye."* (Ibyak 13:23-25).

Bityo Pawulo afite imbaraga abwiriza ibya Yesu, Umukiza w'abantu ari na we Mesiya wahanuwe. {INI 109.4}

Amaze gutangaza ibi, Pawulo yaravuze ati *"Bene Data, bana b'umuryango wa Aburahamu, namwe abubaha Imana, kuri twe niho ijambo ry'ako gakiza ryatumwe. Kuko abatuye i Yerusalemu n'abakuru babo batamenye uwo, cyangwa amagambo y'ubuhanuzi asomwa ku masabato yose, nicyo cyatumye babusohoza, ubwo bamuciraga urubanza rwo gupfa."* Ibyak 13:26, 27. {INI 110.1}

Pawulo ntiyagingimiranyije kwerura ngo avuge ukuri kwerekeye uko abayobozi b'Abayahudi banze Umukiza. Pawulo yaravuze ati, *" kandi n'ubwo babuze impamvu zo kumwicisha, basaba Pilato kumwica. Bamaze gusohoza ibyanditswe kuri we byose, bamumanura ku giti, bamushyira mu mva. Ariko Imana iramuzura. Iminsi myinshi abonekera abajyanaga na we, ava i Galiliya ajya i Yerusalemu, abo ni bo bagabo bo kumuhamya ubu imbere y'abo bantu."* Ibyak 13:28-31. {INI 110.2}

Intumwa Pawulo yakomeje avuga ati, *" Natwe turababwira inkuru nziza y'isezerano ryasezeranijwe ba sogokuruza, yuko Imana ari twe yabisohorejeho, twebwe abana babo, ubwo yazuraga Yesu; nk'uko byanditswe muri Zaburi ya kabiri, ngo 'Uri Umwana wanjye, uyu munsi ndakubyaye.' Kandi kuko yamuzuye ubutazasubira mu iborero, ni cyo cyatumye avuga atya ati, 'Nzabaha imigisha ya Dawidi itazakuka. 'No muri Zaburi yindi yaravuze ati, 'Ntuzakundire Uwera wawe ko abora.' Kuko Dawidi amaze gukora ibyo Imana yashatse mu gihe cye, arasinzira, ashyirwa kuri ba sekuruza, arabora; ariko uwo Imana yazuye, ntarakabora."* Ibyak 13:32-37. {INI 110.3}

Amaze kubabwira yeruye uko ubuhanuzi bwavugaga kuri Mesiya bwasohoye, Pawulo yababwirije ku kwihana no kubabarirwa ibyaha bibonerwa mu byo Yesu Umukiza wabo yakoze. Yaravuze ati, "Nuko bagabo bene Data, mumenye ko ari muri uwo tubabwira kubabarirwa ibyaha: kandi uwizera wese atsindishirizwa na we mu bintu byose, ibyo amategeko ya Mose atabashaga kubatsindishiriza." Ibyak 13:38, 39. {INI 110.4}

Mwuka w'Imana yaherekeje amagambo yavuzwe maze abantu bumva bakozwe ku mutima. Amagambo ya Pawulo yerekezaga ku buhanuzi bwo mu Isezerano rya Kera kandi akanavuga ko ibyo

byasohoreye muri Yesu w'i Nazareti, yatumye abantu batsindwa mu mitima bifuza ukuza k'Umukiza wasezeranyijwe. Amagambo ya Pawulo atera ibyiringiro avuga ko "inkuru nziza" y'agakiza ari iy'Abayahudi n'abanyamahanga yatumye abatarabarwaga mu rubyaro rwa Aburahamu ku mibiri bagira ibyiringiro n'ibyishimo. {INI 110.5}

Igihe Abayahudi bari basohotse mu rusengero, Abanyamahanga barasabye ngo bazongere kubabwira ayo magambo ku Isabato ikurikiyeho. *"Iteraniro risohotse, benshi mu Bayuda n'ababakurikije bakubaha Imana, bakurikira Pawulo na Barinaba; na bo bavugana na bo, barabahugura ngo bashishikarire kuguma mu buntu bw'Imana."* Ibyak 13:43. {INI 111.1}

Ikangura ryakozwe n'amagambo ya Pawulo ari muri Antiyokiya y'i Pisidiya ryatumye ku Isabato yakurikiyeho, *"ab'umudugudu hafi ya bose bateranira kumva ijambo ry'Imana. Ariko Abayuda babonye ko abantu ari benshi bagira ishyari, bagisha impaka ibyo Pawulo avuga bamutuka."* Ibyak 13:44, 45. {INI 111.2}

"Pawulo na Barinaba bavuga bashize amanga bati "Byari bikwiriye ko muba ari mwe mubanza kubwirwa ijambo ry'Imana, ariko none ubwo muryanze, kandi ntimwirebe ko mukwiriye ubugingo buhoraho, ngaho duhindukiriye abanyamahanga. Kuko uku ari ko Umwami yadutegetse ati, 'Ngushyiriyeho kuba umucyo w'abanyamahanga, ngo ujyane agakiza kurinda ugeza ku mpera y'isi." Ibyak 13:46, 47. {INI 111.3}

"Abanyamahanga babyumvise batyo barishima bahimbaza ijambo ry'Imana, abari batoranirijwe ubugingo buhoraho bose barizera." Ibyak 13:48. Abanyamahanga barishimye cyane kubera ko Kristo yabafashe nk'abana b'Imana maze batega amatwi ijambo ryabwirizwaga buzuye gushima. Abizeye bari bafite umwete wo kubwira abandi ubutumwa bwiza, nuko *"Ijambo ry'Umwami Yesu rikwira muri icyo gihugu cyose."* Ibyak 13:49. {INI 111.4}

Imyaka myinshi mbere y'icyo gihe, ubuhanuzi bwari bwaragaragaje uyu musaruro uzava mu banyamahanga, nyamara abantu ntibari barasobanukiwe ubwo buhanuzi neza. Umuhanuzi Hoseya yari yaravuze ati: *"Ariko iherezo, umubare w'Abisirayeli uzangana*

n'umusenyi wo ku nyanja, utabasha kugerwa haba no kubarika; kandi aho babwirirwaga ngo, 'Ntimuri ubwoko bwanjye', bazahabwirirwa ngo, 'Muri abana b'Imana ihoraho.' Hoseya yari yarongeye aravuga ati, "Nzamubiba ku isi, abe uwanjye, kandi nzababarira utabonye imbabazi. Nzabwira abatari ubwoko bwanjye nti, 'Muri ubwoko bwanjye'. Na bo bazavuga bati 'Uri Imana yacu.'" Hoseya 1:10;2:23. {INI 111.5}

Igihe Umukiza ubwe yari mu murimo we ku isi yaravuze ko ubutumwa bwiza buzamamazwa mu banyamahanga. Mu mugani w'uruzabibu, yabwiye Abayahudi banga kwihana ati: *"Ni cyo gitumye mbabwira y'uko ubwami bw'Imana muzabunyagwa, bugahabwa ishyanga ryera imbuto zabwo."* Matayo 21:43. Bityo, amaze kuzuka yahaye abigishwa be inshingano yo kujya *"ku isi yose" no "kwigisha amahanga yose." Nta muntu bari gusiga batamuburiye, ahubwo bagombaga "kwigisha abaremwe bose ubutumwa bwiza"* Matayo 28:19; Mariko 16:15. {INI 111.6}

Bahindukiriye abanyamahanga muri Antiyokiya ya Pisidiya, Pawulo na Barinaba ntibahwemye gukorera abayahudi aho ari ho hose babonaga amahirwe yo gutegwa amatwi. Nyuma y'aho Pawulo na bagenzi be babwirije ubutumwa bwiza Abayahudi n'Abanyamahanga i Tesalonike, i Korinto, muri Efeso no mu yindi midugudu ikomeye. Nyamara kuva icyo gihe imbaraga zabo bazerekeje ku kubaka Ubwami bw'Imana mu bihugu by'abanyamahanga. Aho hari mu bantu bari baramenye ho gato cyangwa batigeze bamenya Imana y'ukuri n'Umwana wayo. {INI 111.7}

Ibitekerezo bya Pawulo n'abakozi bagenzi be byari byerekejwe ku *"batari bafite Kristo, batandukanijwe n'Ubwisirayeri, ari abashyitsi ku masezerano y'ibyasezeranijwe, nta byiringiro bafite by'ibizaba, ahubwo bari mu isi badafite Imana Rurema." Binyuze mu gukorera abanyamahanga kw'intumwa zidacogora, "abari kure kera" bamenye ko "bigijwe hafi n'amaraso ya Kristo," kandi ko kubwo kwizera igitambo cye gikuraho ibyaha bashobora guhinduka "ubwoko bumwe n'abera, ndetse bakaba abo mu nzu y'Imana."* Abefeso 2:12, 13, 19. {INI 112.1}

Pawulo yakomeje umurimo we afite ukwizera, akora adahwema kugira ngo ubwami bw'Imana bwubakwe mu bari barasuzuguwe n'abigisha b'Abisirayeli. Buri gihe yererezaga Kristo Yesu nk'"Umwami w'abami n'*Umutware urwara abatware."* (1Timoteyo

6:15), kandi akingingira abizeye *“gushorera imizi muri We, bubatswe muri we, kandi bakomejwe no kwizera.”* Kol 2:7. {INI 112.2}

Ku bizera, Kristo ni we rufatiro rw’ukuri. Kuri iri buye rizima, niho Abayahudi n’abanyamahanga bashobora kubaka. Ni ibuye rigari cyane kandi rikomeye bihagije ku buryo rishobora kwihanganira umutwaro n’ingorane z’abatuye isi bose. Iki ni ikintu Pawulo ubwe yari asobanukiwe neza. Mu minsi ya nyuma y’umurimo we, igihe yabwiraga itsinda ry’abanyamahanga b’abizera bari barashikamye mu rukundo bakundaga ukuri k’ubutumwa bwiza, Intumwa Pawulo yaranditse iti: *“Kuko mwubatswe ku rufatiro rw’intumwa n’abahanuzi, ariko Kristo Yesu ni we buye rikomeza imfuruka.”* Abefeso 2:20. {INI 112.3}

Uko ubutumwa bwiza bwamamaraga muri Pisidiya, Abayahudi batizera bo muri Antiyokiya mu buhumyi bwabo *“Boheje abagore b’icyubahiro bubaha Imana n’abakuru b’uwo mudugudu, bagira ngo barenganye Pawulo na Barinaba, babirukane mu gihugu cyabo.”*Ibyak 13:50. {INI 112.4}

Intumwa ntizaciwe intege n’uko gufatwa zityo; ahubwo zibutse amagambo ya Shebuja wari waravuze ati: *“Namwe muzahirwa ubwo bazabatuka bakabarenganya, bakababeshyera ibibi byinshi babampora. Muzanezerwe, muzishime cyane kuko ingororano zanyu ari nyinshi mu ijuru, kuko ari ko barenganyije abahanuzi ba mbere.”* Matayo 5:11, 12.{INI 112.5}

Ubutumwa bwiza bwamamaraga hose maze intumwa zikumva zisabwe n’ubutwari. Umurimo bakoreye mu Banyapisidiya muri Antiyokiya weze imbuto nyinshi, maze abizera bahasize kugira ngo bakomeze umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza bonyine mu gihe gito, “nabo buzura ibyishimo kandi buzura Mwuka Muziranenge.” {INI 112.6}

IGICE CYA 18 - KUBWIRIZA MU BANYAMAHANGA
(Iki gice gishingiye mu Byakozwe n'Intumwa 14:1-26)

Bavuye muri Antiyokiya i Pisidiya, Pawulo na Barinaba bagiye Ikoniyo.Ahangaha nk'uko byagenze muri Antiyokiya, Pawulo na Barinaba batangiye kwigishiriza mu rusengero rw *'Abayahudi. Bahakuye umusaruro mwinshi ku buryo "Abayahudi n'abagiriki benshi cyane bizeye."* (Ibyak 14:1). Nyamara muri Ikoniyo kimwe n'ahandi intumwa zakoreye, *"Abayuda batizeye boheje imitima y'abanyamahanga, bangisha Pawulo abavandimwe be mu kwizera."* Ibyak 14:2. {INI 113.1} Nyamara Intumwa ntizigeze ziteshuka ku nshingano zazo kuko abantu benshi bemeraga ubutumwa bwiza bwa Kristo. Nubwo bari bahanganye no kurwanywa, kugirirwa ishyari no gufatwa uko batari, bakomeje umurimo wabo *"bavuga bashize amanga, biringiye umwami Yesu," kandi " Imana ihamya ijambo ry'ubuntu bwayo, ibaha gukora ibimenyetso n'ibitangaza."* Ibyak 14:3. Ibi bihamya bigaragaza kwemerwa n'ijuru byagize icyo bikora gikomeye ku bantu bari biteguye guhinduka, maze abemeye ubutumwa bwiza bariyongera. {INI 113.2}

Ukwamamara k'ubutumwa bwavugwaga n'intumwa kwatumye Abayahudi batizera buzura ishyari n'urwango maze baherako biyemeza guhagarika umurimo Pawulo na Barinaba bakoraga. Bakoresheje ibinyoma no gukabya maze bituma abategetsi batinya ko umugi wose wajya mu kaga ko kwigomeka n'imvururu. Bavuze ko abantu benshi bari kwifatanya n'intumwa ndetse babereka ko ibyo ari imigambi iri gukorwa mu ibanga kandi yateza akaga. {INI 113.3}

Kubera ibi birego, abigishwa bahoraga bazanwa imbere y'abategetsi; nyamara ukwiregura kwabo kwarumvikanaga, ndetse basobanuraga ibyo bigisha mu buryo busobanutse kandi bwumvikana maze

ababumvaga bakabashyigikira. Nubwo abacamanza bari babafiteho isura mbi bari barabumviseho, ntibigeze batinyuka kubaciraho iteka. Icyo babashije gusobanukirwa gusa ni uko inyigisho za Pawulo na Barinaba zaganishaga abantu ku kuba indakemwa n'abantu bubahiriza amategeko y'igihugu ku buryo amabwiriza na gahunda by'uwo mujyi byari kurushaho kugenda neza mu gihe abantu bari kwemera ukuri intumwa zigishaga. {INI 113.4}

Bitewe n'urwango abigishwa bahuye narwo, byatumye ubutumwa bw'ukuri burushaho kwamamara; Abayahudi babonye ko umuhati wabo wo kubangamira umurimo w'abigisha watumye umubare w'abakira imyizerere mishya biyongera. *"Abantu bo muri uwo mudugudu birema ibice, bamwe bajya ku Bayuda, abandi bajya ku ntumwa."* Ibyak 14:4. {INI 113.5}

Bamaze kubona aho ibintu byerekezaga, abayobozi bo mu Bayahudi bararakaye cyane ku buryo biyemeje kugera ku mugambi wabo bifashishije imidugararo.Bifashishije abantu b'abapfapfa, abantu bazi guteza urusaku bityo bashobora guteza akaduruvayo maze babyitirira inyigisho z'abigishwa.Bibwiraga ko nibifashisha iki kirego cy'ikinyoma, abacamanza bazabafasha kugira ngo bagere ku mugambi wabo. Bagambiriye ko abigishwa batabona amahirwe yo kwiregura kandi ko abantu bazabavumbukira bagatera Pawulo na Barinaba amabuye, bityo imirimo bakoraga igahagarara burundu. {INI 114.1}

Abantu bari incuti z'intumwa nubwo batari abizera, baziburiye iby'imigambi mibisha y'Abayahudi maze bazisaba ko zitigaragaza imbere y'inkozi z'ibibi ko ahubwo zikwiriye guhunga zigakiza ubuzima bwazo. Pawulo na Barinaba bakoze uko basabwe maze bava muri Ikoniyo mu ibanga, bahasiga abizera bonyine kugira ngo babe bakomeje gukora umurimo by'igihe gito. Nyamara ntibagiye burundu ahubwo bagambiriye kuzagaruka imivurungano imaze gucogora kugira ngo basoze umurimo bari baratangiye. {INI 114.2}

Mu bihe byose ndetse n'ahantu hose, intumwa z'Imana zagiye zihamagarirwa guhangana no kurwanywa n'abantu biyemeje kwanga umucyo w'ijuru. Akenshi hifashishijwe kuvugwa uko batari no gushinjwa ibinyoma, abanzi b'ubutumwa bwiza bagiye basa nk'aho batsinze, bagafunga imiryango intumwa z'Imana zashoboraga kunyuramo kugira

ngo zigere ku bantu. Nyamara iyi miryango ntishobora gukingwa burundu, kandi akenshi uko abagaragu b'Imana bagiye bagaruka nyuma y'igihe gito kugira ngo bakomeze imirimo yabo, Uwiteka yabakoreye ibikomeye, abashoboza gushinga inzibutso zihesha izina rye icyubahiro.{INI 114.3}

Intumwa zirukanwe Ikoniyo n'itotezwa maze zijya i Lusitira n'i Derube muri Likawoniya. Iyi mijyi yari ituwe n'abantu b'abapagani kandi b'abapfumu, nyamara muri bo harimo bamwe bifuzaga kumva no kwemera ubutumwa bwiza. Intumwa ziyemeje gukorera umurimo wazo aho hantu ndetse n'ahahakikije, zishaka kwirinda gufatwa nabi no gutotezwa n'Abayahudi. {INI 114.4}

I Lusitira, nta rusengero rw'Abayahudi rwari ruhari nubwo hari Abayahudi bake bari muri uwo mujyi. Abaturage benshi b'i Lusitira basengeraga mu rusengero rweguriwe ikigirwamana cya Zewu. Igihe Pawulo na Barinaba basesekaraga muri uwo mujyi maze abaturage b'i Lusitira barabakikije, babasobanurira ukuri koroheje k'ubutumwa bwiza ku buryo abantu benshi bashatse ukuntu bahuza izi nyigisho n'imyizerere yabo ya gipfumu bakoreshaga baramya Zewu. {INI 114.5}

Intumwa zagerageje kwigisha aba bantu iby'Imana Rurema n'Umwana wayo ari we Mukiza w'inyokomuntu. Icyo bakoze mbere ni ukwereka abantu imirimo itangaje y'Imana ari yo izuba, ukwezi, inyenyeri, uko ibihe byiza bikurikirana, imisozi minini itwikiriwe n'urubura, ibiti birebire n'ibindi bintu bitandukanye kandi bitangaje bidukikije byerekanaga ubuhanga burenze ubwenge bwa kimuntu. Intumwa zifashishije iyi mirimo y'Ushoborabyose, zatumye ibitekerezo by'abapagani biganishwa ku Mutware ukomeye utegeka ibyaremwe byose. {INI 114.6}

Pawulo na Barinaba bamaze gusobanura neza aya mahame shingiro y'ukuri kwerekeye Umuremyi, babwiye Abanyalusitira ibyerekeye Umwana w'Imana wavuye mu ijuru akaza ku isi yacu kubera ko yakunze abana b'abantu. Bavuze ibyerekeye ubuzima bwe n'umurimo yakoze, uko yanzwe n'abo yaje gukiza, uko yaciriwe urubanza, uko yabambwe, umuzuko we n'uko yazamuwe akajya mu ijuru kugira ngo avuganire umuntu. Uko ni ko Pawulo na Barinaba babwirije ubutumwa bwiza i Lusitira buzuye Mwuka n'imbaraga y'Imana. {INI 115.1}

Igihe kimwe ubwo Pawulo yatekererezaga abantu iby'umurimo wa Kristo nk'umuvuzi w'abarwayi n'imbabare, yabonye umuntu umugaye wari wicaye mu bari bamuteze amatwi. Uwo muntu yari amuhanze amaso maze yakira amagambo ye kandi arayemera. Pawulo yagiriye uwo muntu impuhwe, maze abona ko *" afite kwizera kwamuhesha gukizwa."* Ibyak 14:9. Mu maso y'abo bantu basengaga ibigirwamana, Pawulo yategetse uwo muntu umugaye guhagararira ku birenge bye yemye. Mbere y'icyo gihe uwo muntu yashoboraga kwicara gusa ariko ako kanya yahise yumvira ibyo Pawulo amutegetse maze abasha guhagarara bwa mbere mu buzima bwe. Ukwizera yari afite kwamuteye imbaraga maze uwari yararemaye *"Arabandaduka aratambuka."* Ibyak 14:10. {INI 115.2}

"Abahateraniye babonye icyo Pawulo akoze, bavuga ijwi rirenga mu Runyalukayoniya, bati *"Imana zitumanukiyemo zishushanije n'abantu."* Ibyak 14:11.Iyi mvugo yari ihwanye n'umugenzo wabo wemeraga ko rimwe na rimwe ibigirwamana byasuraga isi. Barinaba bamwise Zewu; ari yo Se w'ibigirwamana. Bamwise batyo babitewe n'ubwiza bwe, icyubahiro, ubugwaneza no kugira neza byagaragaraga mu maso ye. Pawulo we biringiye ko ari Herume, *"kubera ko ari we wakundaga gufata ijambo,"* umwizerwa ushabutse w'intyoza uvuga amagambo y'imbuzi kandi abinginga. Ibyak 14:12. {INI 115.3}

Abanyalusitira bifuje gushima intumwa maze basaba umutambyi wa Zewu guha intumwa icyubahiro. *"Nuko azana ku irembo ibimasa bitatse indabyo, kubera ko we na rubanda bashakaga gutura ibitambo izo Ntumwa."* Ibyak 14:13. Pawulo na Barinaba bifuzaga ikiruhuko, ntibari bazi iby'iyi myiteguro. Nyamara nyuma y'akanya gato, Pawulo na Barinaba baje kumva urusaku rw'indirimbo n'urwamo rw'ibyishimo by'abantu benshi bari baje mu nzu bari bacumbitsemo. {INI 115.4}

Igihe intumwa zari zimaze kumenya impamvu y'uko gusurwa n'urusaku rwo guhimbarwa rwari rubiherekeje, *"zashishimuye imyenda yazo, ziturumbukira muri rubanda" zishaka guhagarika ibindi byashoboraga kuba. Mu ijwi rirenga ryarutaga urusaku rw'abo bantu, Pawulo yabasabye ko baceceka maze uwo mwanya bagiceceka aravuga ati, " Mwa bagabo mwe ni iki gitumye mugira mutyo? Natwe turi abantu buntu, tumeze nkamwe, kandi turababwira ubutumwa bwiza*

ngo mureke ibyo bitagira icyo bibamarira, muhindukirire Imana ihoraho, yaremye ijuru n'isi n'inyanja n'ibirimo byose; ari na Yo yakundiye amahanga yose mu bihe byashize kugendera mu migenzo yayo. Ariko ntiyirekera aho itagira icyo kuyihamya, kuko yabagiriraga neza mwese, ikabavubira imvura yo mu ijuru, ikabaha imyaka myiza, ikabahaza ibyokurya, ikuzuza imitima yanyu umunezero." Ibyak 14:15-17. {INI 115.5}

Nubwo intumwa zabahakaniye ko zitari imana, ndetse Pawulo agakoresha umuhati kugira ngo yerekeze ibitekerezo by'abo bantu ku Mana y'ukuri ikwiriye kuramywa yonyine, guhindura ibitekerezo bya bariya bapagani kugira ngo bareke umugambi wabo wo gutamba ibitambo byasaga n'ibidashoboka. Abo bantu bari bamaramaje bizera ko Pawulo na Barinaba ari imana rwose, kandi bari batwawe cyane ku buryo batifuzaga kwemera amakosa yabo. Ibyanditswe bivuga ko,*"byabaruhije cyane."* Ibyak 14:18. {INI 116.1}

Abanyalusitira batekereje ko bari barebesheje amaso yabo imbaraga itangaje yakoreshwaga n'intumwa. Bari barabonye umuntu umugaye utari warigeze ashobora kugenda akizwa maze akishimira kugira amagara mazima n'imbaraga. Pawulo amaze kubahendahenda no kubasobanurira yitonze ibyerekeye umurimo we na Barinaba nk'abahagarariye Imana yo mu ijuru n'Umwana wayo, Imana Umuvugizi mukuru; ni ho abantu batsinzwe maze bareka imigambi yabo.{INI 116.2}

Imirimo ya Pawulo na Barinaba i Lusitira yahagaritswe bitunguranye n'ubugizi bwa nabi bw' "Abayuda bavuye mu Antiyokiya no mu Ikoniyo," bari baramaze kumva uburyo umurimo w'intumwa wajyaga imbere mu Banyakoniya maze biyemeza kuzikurikirana no kuzitoteza. Aba Bayahudi bageze i Lusitira, bahise babiba mu bantu umwuka mubi wari wuzuye ibitekerezo byabo. Hakoreshejwe amagambo yo gusebanya no kunegura, abari bamaze akanya gato bafata Pawulo na Barinaba nk'ibiremwa mvajuru baje kwemezwa ko mu by'ukuri Pawulo na Barinaba ari babi kurenza abicanyi kandi ko bakwiriye gupfa. {INI 116.3}

Gucika intege kwabaye ku Banyalusitira bitewe n'uko bitabashobokeye gutambira intumwa ibitambo, kwabateye kurwanya Pawulo na Barinaba bafite ubwaka nk'ubwo bari barabakiranye

nk’imana. Babishishikarijwe n’Abayahudi, bateguye umugambi wo gukoresha imbaraga bagatera Pawulo na Barinaba. Abayahudi babategetse kutazatuma Pawulo abona umwanya wo kuvuga, bitewe n’uko bemezaga ko Pawulo yayobya abantu aramutse abonye ayo mahirwe. {INI 116.4}

Hashize akanya gato, imigambi mibisha y’abanzi b’ubutumwa bwiza yashyizwe mu bikorwa. Abanyalusitira bemereye imbaraga y’umubi kubakoresha maze buzura uburakari bwa Satani, bafata Pawulo kandi nta mpuhwe bamufitiye bamutera amabuye. Pawulo yatekereje ko ubuzima bwe bugeze ku iherezo. Byatumye uwo mwanya yibuka urupfu rwa Sitefano n’uruhare rwuzuye ubugome we ubwe yari yararugizemo. Afite ibikomere byinshi kandi ahinda umushyitsi kubw’uburibwe, yikubise hasi maze abo bantu bari barakaye *“bamukurubanira inyuma y’umudugudu, bibwira ko yapfuye.”* Ibyak 14:19. {INI 116.5}

Muri iki gihe cy’umwijima kandi cy’ibigeragezo itsinda ry’abizera b’i Lusitira bari barizeye Yesu biturutse ku murimo w’ibwirizabutumwa wakozwe na Pawulo na Barinaba, bakomeje kuba indahemuka n’abanyakuri. Uko kubarwanya kuzuye ubupfapfa no kubatoteza mu bugome bikozwe n’abanzi babo byatumye ukwizera kw’abo Banyalusitira gukomera maze ubwo bari bageze mu makuba no gukwenwa, bagaragaje ubudahemuka bwabo maze bafite agahinda bakikiza uwo batekerezaga ko yapfuye. {INI 117.1}

Igihe bari bari mu maganya, baje gutangazwa no kubona intumwa Pawulo yegura umutwe uwo mwanya ihaguruka isingiza Imana. Ku bizera, uku kusubizwamo imbaraga k’umugaragu w’Imana kwafashwe nk’igitangaza cy’imbaraga mvajuru kandi kiba nk’ikimenyetso Imana ishyize ku guhindura imyizerere kwabo. Banezerewe mu buryo butangaje kandi basingiza Imana bafite ukwizera kwavuguruwe. {INI 117.2}

Muri abo bari barahindukiye i Lusitira, kandi biboneye imibabaro ya Pawulo, harimo umwe wari kuzaba umukozi ukomeye wa Kristo kandi wari kuzafatanya n’intumwa ibigeragezo n’ibyishimo biba bitegereje umurimo utangiye ahantu hakomeye. Uyu uvugwa yari umusore witwaga Timoteyo. Igihe Pawulo yakurubanwaga akajyanwa hanze y’umudugudu, uyu mwigishwa w’umusore yari mu bantu bahagaze iruhande rwe ameze nk’intumbi ndetse anamubona azanzamuka, afite

ibikomere kandi yuzuye amaraso nyamara asingiza Imana kuko yari yemerewe kubabazwa azira Kristo. {INI 117.3}

Umunsi wakurikiye uguterwa amabuye kwa Pawulo, we na Barinaba bagiye i Derube. Umurimo wabo wagiriye umugisha aho i Derube ku buryo abantu benshi bakiriye Kristo nk'Umukiza. Nyamara "bamaze kubwira abantu ubutumwa bwiza muri uwo mudugudu no guhindura benshi," yaba Pawulo cyangwa Barinaba nta n'umwe wishimiye gukomereza umurimo ahandi batabanje gukomeza ukwizera kw'abahindutse bari barasize bonyine aho bari bamaze igihe gito babwirije ubutumwa. Bityo, batitaye ku makuba azababaho "basubiye i Lisitira na Ikoniyo na Antiyokiya, bakomeza abigishwa ba Kristo baho, babatera umwete kugira ngo bakomere ku kwizera." Abantu benshi bari baremeye inkuru nziza y'ubutumwa bwiza bituma batukwa kandi barwanywa. Aba rero nibo Pawulo na Barinaba bashakaga gushikamisha mu kwizera kugira ngo umurimo wakozwe ukomeze kujya mbere. {INI117.4}

Nk'ingingo ikomeye mu mikurire mu by'umwuka y'abantu bashya bahindutse, mu kubayobora kugendera muri gahunda y'ubutumwa bwiza intumwa zabikoranye ubwitonzi. Muri Likawoniya na Pisidiya ahari abizera hose, hari amatorero afite gahunda. Muri buri torero hashyizweho abayobozi, kandi gahunda ikwiye n'uburyo bw'imukorere nabyo bishyirwaho kugira ngo habeho imigendekere ikwiye y'ibintu byose bifitanye isano n'imibereho myiza mu by'umwuka y'abizera. {INI 117.5}

Ibi byari bihuje na gahunda y'ubutumwa bwiza yo guhuriza abizera bose mu mubiri umwe; muri Kristo, kandi Pawulo yitondeye gukurikiza iyi gahunda mu murimo we. Abo kubw'umurimo we yari yaratumye bemera Kristo nk'Umukiza aho babaga bari hose bagiraga igihe bagahangirwaho iterero. Ndetse n'igihe abizera babaga ari umubare muto, ibi byarakorwaga. Abakristo bigishijwe gufashanya, bakibuka isezerano rivuga ngo, *"Kuko aho babiri cyangwa batatu bateraniye mu izina ryanjye, nanjye mba ndi hagati yabo."* Matayo 18:20.{INI 118.1}

Pawulo ntiyigeze yibagirwa amatorero yahanzwe. Mu bitekerezo bye, kwita kuri aya matorero byakomeje kumubera umutwaro wiyongera cyane. Uko itsinda ry'abizera ryabaga ari rito kose, ntibyamubuzaga

guhora arihangayikiye. Pawulo yariyoroshyaga akita ku matorero mato azi ko ayo matorero akeneye kwitabwaho mu buryo bw'umwihariko kugira ngo abayarimo bashikame mu kuri kandi bigishwe kugaragariza ababakikije ubupfura n'umuhati wo kutikunda. {INI 118.2}

Mu mihati yabo yose yo kuvuga ubutumwa, Pawulo na Barinaba bifuzaga gukurikiza urugero rwa Kristo rwo kwitanga mu bushake n'ubudahemuka no gukorera abantu abikuye ku mutima. Bakangutse cyane, bafite umwete, batananirwa, ntibigeze babogama cyangwa ngo bishakire ibiboroheye ahubwo babibye imbuto y'ukuri basenga kandi bakora ubudahwema. Mu gihe intumwa zabibaga imbuto, zakoranaga ubwitonzi mu guha amabwiriza y'ingenzi abajyaga mu ruhande rwabo bakemera ubutumwa bwiza. Uyu mwuka wo gukorana ubwitonzi no kubaha Imana watumye mu bitekerezo by'abigishwa bashya hasigara hazirikana akamaro k'ubutumwa bwiza. {INI 118.3}

Igihe abantu b'abiringirwa kandi bafite ubushobozi nka Timoteyo bahindukaga, Pawulo na Barinaba bashakaga cyane uko babereka akamaro ko gukora mu ruzabibu. Igihe intumwa zabasigaga zikajyaga gukorera ahandi, ukwizera kw'abo bantu ntikwigeraga gucogora ahubwo kwariyongeraga. Bari barigishijwe neza kugendera mu nzira y'Uwiteka kandi baranamenyeshejwe uko bakwiriye gukorana ubwitange, badakebakeba, bafite ukwihangana kubw'agakiza k'abandi bantu. Uku guhugurwa kw'abantu bashya bihanye kwari intambwe ikomeye yafashije Pawulo na Barinaba kugera ku musaruro ushimishije ubwo babwirizaga ubutumwa bwiza mu banyamahanga. {INI 118.4}

Urugendo rwa mbere rw'ivugabutumwa rwari hafi kurangira. Pawulo na Barinaba bamaze kwegurira Imana amatorero mashya, bagiye i Pamfiliya, maze *"bamaze kuvuga ijambo ry'Imana i Peruga, baramanuka bajya mu Ataliya, barambuka bafata muri Antiyokiya."* Ibyak 14:25, 26. {INI 118.5}

******

IGICE CYA 19 - ABAYAHUDI N'ABANYAMAHANGA
(Iki gice gishingiye mu Byakozwe n'Intumwa 15:1-35)



Bageze Antiyokiya muri Siriya aho bari barohererejwe ngo bajye gukora umurimo, Pawulo na Barinaba bahise bagira amahirwe yo guteranya abizera no kubasubiriramo *" ibyo Imana yakoranye nabo byose, n'uko yugururiye abanyamahanga irembo ryo kwizera."*(Ibyak 14:27). Itorero ry'i Antiyokiya ryari rigari kandi ryarakuraga cyane. Antiyokiya yari ihuriro ry'ibikorwa by'ivugabutumwa kandi itsinda ry'abizera baho ryari rimwe mu matsinda akomeye mu matsinda y'abizera. Iryo torero ryari rigizwe n'abantu b'ingeri nyinshi bakomoka mu Bayahudi n'Abanyamahanga. {INI 119.1}

Mu gihe Pawulo na Barinaba bafatanyaga n'abavugabutumwa n'abakorerabushake i Antiyokiya bafite umuhati wo kugarurira abantu benshi Kristo, Abayahudi bamwe bavuye i Yudaya "bo mu gice cy'Abafarisayo" bashoboye kwinjiza ikibazo mu bantu cyaje gutuma mu Itorero haba amakimbirane maze bitera abizera b'abanyamahanga kugira ubwoba no gucika intege. Aba bigisha b'Abayahudi bashimangiraga ko kugira ngo umuntu akizwe agomba gukebwa kandi agakurikiza amategeko yose y'imihango. {INI 119.2}

Pawulo na Barinaba bahise bahangana n'izi nyigisho z'ibinyoma vuba vuba kandi barwanya ko zakwigishwa Abanyamahanga. Ku rundi ruhande, benshi bo mu bizera b'Abayahudi bo muri Antiyokiya bagiye ku ruhande rw'abo bari bavuye i Yudaya. {INI 119.3}

Abayahudi bahindutse ntabwo bari biteguye gukora umurimo vuba nk'uko ubuntu bw'Imana bwafunguraga inzira. Uhereye ku musaruro waturutse ku murimo Pawulo na Barinaba bakoreye mu

Banyamahanga, byagaragaraga ko umubare w'abanyamahanga bihana uzasumba cyane uw'Abayahudi bihana. Abayahudi batinyaga ko niba abanyamahanga badategetswe kubahiriza amabwiriza n'imihango byo mu mategeko yabo kugira ngo babone kwemerwa mu Itorero, ibintu by'umwihariko byarangaga ishyanga ryabo (ari byo kugeza icyo gihe byabatandukanyaga n'abandi bantu) amaherezo bitari kuzongera kugaragara mu bantu bakiriye ubutumwa bwiza. {INI 119.4}

Abayahudi bahoraga birata inshingano bahawe n'Imana. Abenshi mu Bayahudi bari barizeye Kristo bari bacyibwira ko kuva Imana yarashyizeho uburyo Abaheburayo bagomba kuramya, ntibyari gushoboka ko yakwemera impinduka zaba ku byo yavuze. Bashimangiye ko amategeko n'imihango by'Abayahudi bikwiye kwinjizwa mu mihango y'idini ya Gikristo. Ntibumvaga neza ko ibitambo byose nta kindi byashushanyaga uretse urupfu rw'Umwana w'Imana rwagaragaje uwo ibyo bitambo byashushanyaga kandi nyuma yarwo imihango yo mu gihe cya Mose ikaba itari igifite agaciro. {INI 119.5}

Mbere y'uko Pawulo ahinduka yirebaga nk'umuziranenge *"wari inyangamugayo ku byarekeye ubutungane buzanwa n'amategeko"*(Fil 3:6). Nyamara amaze guhinduka mu mutima yasobanukiwe neza intego y'Umukiza nk'Umucunguzi w'abantu bose baba Abanyamahanga n'Abayahudi. Yari yaramenye kandi itandukaniro riri hagati y'ukwizera kuzima n'uburyo bupfuye bwo kugendera mu mihango. Mu mucyo w'ubutumwa bwiza, imigenzo n'imihango ya kera yahawe Abisirayeli yari yaragize ubusobanuro bushya kandi bwimbitse. Icyo byerekezagaho cyari cyararangiye kandi abariho mu gihe cyo kwamamaza ubutumwa bwiza bari barahawe umudendezo wo kudakurikiza iyo mihango. Nyamara ku bijyanye n'amategeko cumi y'Imana adahinduka, Pawulo yayubahirizaga mu mwuka nk'uko yanditswe. {INI 120.1}

Mu Itorero ry'i Antiyokiya ikibazo cyerekeranye no gukebwa cyateje impaka nyinshi n'amakimbirane. Amaherezo abagize Itorero batinye ko izo mpaka nizikomeza zizabazanamo kwirema ibice, bafashe Pawulo na Barinaba hamwe n'abandi bantu bafite inshingano mu Itorero, maze babohereza i Yerusalemu kugira ngo icyo kibazo bakiganire n'intumwa n'abakuru. Aho i Yerusalemu bari kuhahurira n'intumwa zivuye mu

matorero atandukanye ndetse n’abari baje kwizihiza iminsi mikuru yari yegereje. Hagati aho impaka zose zagombaga guhagarara kugeza igihe umwanzuro wa nyuma utangiwe mu nama rusange. Uyu mwanzuro rero wagombaga kwemerwa hose n’amatorero atandukanye mu gihugu cyose. {INI 120.2}

Bari mu nzira berekeje i Yerusalemu, Pawulo na Barinaba basuye abizera bo mu midugudu banyuragamo maze bakabakomeza bifashishije ibyababagaho mu murimo w’Imana ndetse no guhinduka kw’Abanyamahanga. {INI 120.3}

I Yerusalemu ni ho intumwa zituritse muri Antiyokiya zahuriye n’abizera bo mu matorero atandukanye bari baje mu nama rusange. Aba bizera babwiwe uburyo umurimo w’ivugabutumwa mu banyamahanga wageze ku musaruro mwiza. Bityo, babasobanuriye neza iby’urujijo rwari rwaravutse kubera ko Abafarisayo bamwe bihanye bari baragiye i Antiyokiya bakavuga ko kugira ngo abanyamahanga bahindutse bakizwe bagomba gukebwa kandi bakubahiriza amategeko ya Mose. {INI 120.4}

Iki kibazo cyateye impaka ndende mu iteraniro. Ku byerekeranye cyane n’ikibazo cyo gukebwa hariho n’abandi benshi basabaga ko cyakwiganwa ubwitonzi. Ikindi kibazo cyagombaga kwigwaho cyari uburyo abantu bakwifata ku byerekeye kurya inyama zaterekereshejwe. Abenshi mu banyamahanga bihanye bari batuye hagati y’abantu b’injiji kandi b’abapagani bahoraga batura ibigirwamana ibitambo. Abatambyi bakoraga muri uku kuramya kwa gipagani bakoraga ubucuruzi bukomeye bagurisha ku maturo baturwaga, maze Abayahudi batinya ko abanyamahanga bahindutse bagura ibintu byatuwe ibigirwamana maze bigatuma Ubukristo bugira isura mbi. Kubw’ibyo bafatiye ingamba iyo mihango yo gusenga ibigirwamana. {INI 120.5}

Ikindi kandi, abanyamahanga bari bamenyereye kurya inyama z’inyamaswa zanizwe mu gihe Abayahudi bo bari barahawe amabwiriza n’Imana ko igihe bicaga itungo kugira ngo barirye, bagombaga kwitonda bakamenya ko amaraso yarivuyemo. Igihe bitabaye bityo izo nyama ntizafatwaga ko zitunganye. Imana yari yarahaye Abayahudi aya mabwiriza ifite umugambi wo kurinda ubuzima bwabo. Abayahudi babonaga ko kurya ibyokurya birimo amaraso ari icyaha. Bemezaga ko

amaraso ari ubuzima kandi ko kuvusha amaraso byari ingaruka y'icyaha.{INI 121.1}

Ku rundi ruhande, Abanyamahanga bo bafataga amaraso avuye mu itungo batambye maze bakayakoresha mu gutegura ifunguro. Abayahudi ntibashoboraga kwemera guhindura umuco bari bararazwe n'Imana. Kubw'ibyo rero, niba Umuyahudi yari kuzasangirira n'umunyamahanga ku meza amwe, byari gutuma Umuyahudi agwa mu kantu kandi agakozwa isoni n'umunyamahanga. {INI 121.2}

Abanyamahanga ariko cyane cyane Abagiriki, bari bagitwarwa n'irari cyane, kandi hariho ingorane ko bamwe batari barahindutse mu mitima, bari kugaragaza ko bizera ariko batararetse ingeso zabo mbi. Abayahudi b'Abakristo ntibashoboraga kwihanganira ingeso mbi n'abapagani batabonaga ko ari ubugome. Abayahudi rero bafashe ko ari ngombwa ko gukebwa no kubahiriza amategeko y'imihango byakubahirizwa n'Abanyamahanga bihanye kugira ngo bibe igihamya cy'uko bihanye by'ukuri kandi bitanze. Bizeraga ko ibi ngibi byari kurinda ko nyuma y'aho mu Itorero haza abantu bari kuyoboka ukwizera nyamara batahindutse by'ukuri mu mitima, bakazagayisha umurimo kubwo gutwarwa n'irari n'ingeso mbi. {INI 121.3}

Ingingo zitandukanye zatanzwe mu gukemura ikibazo nyamukuru cyari gihari zazaniye ingorane zikomeye abari mu nama. Nyamara mu by'ukuri, Mwuka Muziranenge yari yarakemuye iki kibazo cyabaye intandaro y'umwanzuro umutekano ndetse n'imibereho by'Itorero rya Gikristo byari gushingiraho. {INI 121.4}

"Bamaze umwanya bajya impaka, Petero arahaguruka arababwira ati "Bavandimwe, muzi yuko kera Imana yantoranyije muri mwe ngo ntangaze Ubutumwa bwayo bwiza mu banyamahanga, kugira ngo babwumve babwemere." (Ibyak 15:7). Yaberetse ko Mwuka Muziranenge yari yarakemuye icyo kibazo bajyagaho impaka ubwo yamanukiraga Abanyamahanga batakebwe n'Abayahudi mu mbaraga ingana. Yabibukije iyerekwa yagize ubwo Imana yamushiraga imbere igishura cyari cyuzuye inyamaswa z'amoko zigenza amaguru ane maze imutegeka kuzibaga akarya. Igihe yahakanaga akemeza ko atigeze arya ikintu gisanzwe cyangwa gihumanye, yahawe igisubizo ngo, *"Ibyo Imana ihumanuye, wibyita ibizira."* Ibyak 10:15. {INI 121.5}

Petero yabatekerereje ubusobanuro bwimbitse bw'aya magambo yari yarabwiwe akimara guhamagarirwa kujya ku mutware w'abasirikare ijana kugira ngo amwigishe iby'ukwizera Kristo. Ubu butumwa bwerekanye ko Imana itarobanura ku butoni ko ahubwo yemera abayubaha bose. Petero yababwiye uburyo yatangaye igihe yabwiraga amagambo y'ukuri abantu bari bateraniye kwa Koruneriyo maze akabona Mwuka Muziranenge aza ku bari bamuteze amatwi baba Abayahudi ndetse n'Abanyamahanga. Umucyo n'ubwiza byagaragaye ku Bayahudi bakebwe ni nabyo byagaragaye mu maso y'Abanyamahanga batakebwe. Ibi byose byari umuburo Imana ihaye Petero ko atagomba kugira umuntu afata ko aciye munsi y'undi kubera ko amaraso ya Kristo ashobora kweza umuntu ho inenge yose. {INI 122.1}

Igihe kimwe mbere y'aho, Petero yari yarabwiye abavandimwe be mu kwizera ibijyanye no guhinduka kwa Koruneriyo n'incuti ze anababwira uko yasabanye na bo. Ubwo yabwiraga abo bantu uburyo Mwuka Muziranenge yamanukiye Abanyamahanga, yaravuze ati, *"Nuko, ubwo Imana yabahaye impano ihwanye n'iyo natwe twahawe, ubwo twizeraga Umwami Yesu Kristo, ndi nde wo kuvuguruza Imana?"* (Ibyak 11:17). Yakomeje kuvugana imbaraga ashize amanga ati, *"Imana irondora imitima y'abantu yarabahamije, ubwo yabahaye Umwuka Wera, nk'uko yamuduhaye natwe; ntiyashyiraho itandukaniro ryacu na bo, ahubwo yogesheje imitima yabo kwizera. Nuko ni iki gitumye mugerageza Imana, mwikoreza abigishwa imitwaro, ba sogokuruza batashoboye kwikorera, ndetse natwe ni uko?"*(Ibyak 15:8- 10). Uyu mutwaro ntabwo wari Amategeko Cumi nk'uko abantu bamwe barwanya ibyo ayo mategeko asaba babyemeza. Ahangaha Petero yavugaga ku mategeko y'imihango yari yarakuweho no kubambwa kwa Kristo. {INI 122.2}

Ijambo rya Petero ryatumye abari aho bihangana maze batega amatwi Pawulo na Barinaba. Pawulo na Barinaba bababwiye ibyababayeho igihe bakoreraga mu Banyamahanga. *"Abahateraniye bose barahora, bumva uko Barinaba na Pawulo babatekereza ibimenyetso n'ibitangaza byose Imana yabahaye gukora mu banyamahanga."* Ibyak 15:12. {INI 122.3}

Yakobo nawe yatanze ubuhamya yemeza ko byari umugambi w'Imana guha Abanyamahanga amahirwe n'imigisha bimwe

nk’ibyari byarahawe Abayahudi. {INI 122.4} Mwuka Muziranenge yabonye ko atari byiza guhatira abanyamahanga bahindutse kubahiriza amategeko y’imihango kandi ibyo intumwa zaterezaga kuri iki kibazo byari bihuje n’ibya Mwuka w’Imana. Yakobo yari ayoboye inama maze atanga umwanzuro wa nyuma avuga ati, *” Ni cyo gitumye ku bwanjye ntegeka ko tureka kurushya abo mu banyamahanga bahindukirira Imana.”* Ibyak 15:19. {INI 123.1}

Ibi byatumye impaka zirangira. Duhereye kuri ibi tubona impamvu ivuguruza inyigisho y’Itorero Gatulika ry’i Roma ivuga ko Petero yari umuyobozi w’Itorero. Abagiye bemeza ko ari abasimbura be (abapapa), nta shingiro ry’ibyo bavuga riri mu Byanditswe. Nta na kimwe mu mibere-ho ya Petero gishimangira ibivugwa ko yashyizwe hejuru y’abandi bayoboke ba Kristo nk’umusimbura w’Isumbabyose. Iyaba abo bavugwa ko ari abasimbura ba Petero bari barakurikije urugero rwe, bari guhora iteka baranejejwe no kuringanira n’abavandimwe babo mu kwizera. {INI 123.2} Ahangaha bigaragara ko Yakobo ari we watoranyijwe kugira ngo atangaze umwanzuro iyo nama yafashe. Ni we wemeje ko amategeko y’imihango, ariko cyane cyane iryo gukebwa, atagomba guhatirwa Abanyamahanga cyangwa ngo bategekwe kuyakurikiza. Yakobo yashatse kwemeza abavandimwe be mu kwizera ko igihe Abanyamahanga bahindukiriraga Imana bari baragize uguhinduka gukomeye mu mibereho yabo. Bityo abantu bagombaga kwitonda kugira ngo batabahungabanya bakoresheje ibibazo bifite agaciro gake biteza impagarara no gushidikanya. Bitabaye bityo Abanyamahanga bari gucika intege zo gukurikira Kristo. {INI 123.3}

Nyamara Abanyamahanga bihanye bagombaga kuzibukira imihango yari ihabanye n’amahame ya Gikristo. Intumwa n’abakuru bemeranyije kwandikira Abanyamahanga bababwira ko bakwiriye kwirinda inyama zaterekerejwe ibigirwamana, bakirinda ubusambanyi, kurya amatungo yahotowe cyangwa amaraso. Bagombaga gusabwa gukurikiza amategeko no kugira imibereho itunganye. Bagombaga kumenyeshwa kandi ko abari baravuze ko gukebwa ari ngombwa batabiherewe uburenganzira n’intumwa. {INI 123.4}

Abanyamahanga bohererejwe Pawulo na Barinaba nk’abagabo bari barahaze amagara yabo kubw’Umwami Yesu. Abari mu nama bohereje Yuda na Sila bajyana na Pawulo na Barinaba kugira ngo bajye kubwira Abanyamahanga icyemezo cy’inama imbona nkubone: *“Umwuka Wera*

hamwe natwe twashimye kutabikoreza undi mutwaro wose keretse ibi bikwiriye: kwirinda inyama zaterekerejwe ibishushanyo bisengwa, n'amaraso, n'ibinizwe, no gusambana; ibyo nimubyirinda, muzaba mukoze neza." (Ibyak 15:28, 29). Abo bagaragu bane b'Imana boherejwe Antiyokiya bafite ibaruwa n'ubutumwa bwagombaga guhagarika amakimbirane yose kuko iryo ryari ijwi ry'Imana ryavugiraga ku isi. {INI 123.5}

Inama yafashe umwanzuro kuri iki kibazo yari igizwe n'intumwa n'abigisha bari baragize uruhare mu guhanga amatorero ya Gikristo y'Abayahudi n'Abanyamahanga. Harimo n'abandi bantu batumwe bavuye ahantu hatandukanye. Abakuru baturutse i Yerusalemu n'abahagarariye abandi baturutse Antiyokiya bari bahari, kandi n'amatorero yari akomeye cyane nayo yari ahagarariwe. Inama yayobowe mu buryo bukurikije amabwiriza arimo kumurikirwa ndetse hanagaragara icyubahiro kiranga Itorero ryashyizweho n'ubushake bw'Imana. Mu myanzuro yabo bose babonye ko Imana ubwayo yari yarasubije icyo kibazo ikoresheje guha Abanyamahanga Mwuka Muziranenge. Bityo, babonye ko gukurikiza amabwiriza ya Mwuka ari uruhare rwabo. {INI 124.1}

Abakristo bose ntibahamagawe mu gufatira umwanzuro iki kibazo. "Intumwa n'abakuru b'amatorero," abantu bafite ijambo mu bandi kandi bashyira mu gaciro baranditse maze batanga itegeko ridakuka ryaje kwemerwa n'amatorero ya Gikristo muri rusange. Nyamara, abantu bose siko bashimishijwe n'uwo mwanzuro. Hariho igice kimwe cy'abizera b'abanyeshyari kandi biyemeraga banze uwo mwanzuro. Aba bantu biyemeje kwiha inshingano yo gukora umurimo. Bishoye mu kwivovota no kunegurana, banacura imigambi mishya mu gushaka uburyo bwo kudindiza umurimo w'abo Imana yari yaratoranyirije kwigisha ubutumwa bwiza. Kuva mu Itorero rya mbere, izi nzitizi zagiye zibaho kandi Itorero rizakomeza guhura na zo kugeza ku mperuka. {INI 124.2}

Yerusalemu wari umurwa mukuru w'Abayahudi kandi aho niho harangwaga guheza abandi no kubatekereza uko batari. Abayahudi b'abakristo bari batuye hafi y'urusengero basubizaga ibitekerezo byabo inyuma, bakabona akarusho n'amahirwe bafite nk'ishyanga ry'Abayahudi. Igihe babonaga ko Itorero rya Gikristo rigenda

ryitandukanya n'imihango n'imigenzo bya Kiyahudi kandi bakabona ko mu gihe gito agaciro gakomeye imigenzo ya kiyahudi yari ifite kagiye gutakara bitewe n'umucyo wo kwizera kwadutse, benshi barakariye Pawulo cyane nk'umuntu watumye habaho izo mpinduka. Ndetse n'abigishwa bose ntabwo bari biteguye kwakirana umutima mwiza uwo mwanzuro wafashwe n'inama. Bamwe bari bafitiye ishyaka amategeko y'imihango, kandi barebaga Pawulo nabi kuko batekerezaga ko amahame ye yerekeye kubahiriza amategeko ya kiyahudi yari yoroheje. {INI 124.3}

Ibyemezo byafatiwe mu nama rusange byazaniye icyizere abizera b'abanyamahanga maze umurimo w'Imana urushaho kugenda neza. Itorero ryo muri Antiyokiya ryari rifite amahirwe yo kubana na Yuda na Sira, aba bakaba bari intumwa z'umwihariko zari zagarukanye n'intumwa zivuye mu nama y'i Yerusalemu. *" Yuda na Sira nabo ubwabo bari abahanuzi, bahuguza bene Data amagambo menshi, barabakomeza." (Ibyak 15:32). Aba bagabo bubahaga Imana batinze muri Antiyokiya bahamara igihe gito." "Pawulo na Barinaba na bo baguma mu Antiyokiya, bigisha abantu bababwira ijambo ry'Umwami Yesu bafatanije n'abandi benshi.*" Ibyak 15:35. {INI 124.4}

Nyuma y'aho, ubwo Petero yasuraga Itorero ryo muri Antiyokiya, abantu benshi bamugiriye icyizere bitewe n'ubwitonzi yagaragaje mu kwitwara ku banyamahanga bahindutse. Yahamaze igihe gito ahakorera ibijyanye n'umucyo Imana yamuhaye. Yaje gutsinda imitekereze mibi yari afite ku banyamahanga maze asangira n'abanyamahanga bahindutse. Nyamara igihe Abayahudi bamwe bagiriraga ishyaka amategeko y'imihango bavaga i Yerusalemu, Petero yahereye ko ahindura uko yitwaraga ku banyamahanga bihanye. *"Nuko abandi Bayuda na bo bose baryaryana na we, ndetse ibyo bituma na Barinaba ayobywa n'uburyarya bwabo."* (Abagalatiya 2:13). Izi ntege nke zagaragariye ku bantu b'abayobozi bubahwaga kandi bagakundwa, zasize ishusho ibabaje mu bitekerezo by'abizera b'Abanyamahanga. Itorero ryari rigiye gucikamo ibice. Nyamara Pawulo warebaga ingaruka zigiye kugera ku Itorero bitewe n'imyitwarire mibi ya Petero, yahereyeko amucyahira mu ruhame kubera uko kwiyoberanya kwe. Pawulo yacyahiye Petero imbere y'Itorero amubwira ati, *"Ubwo wowe Uri Umuyuda, ukifata nk'abanyamahanga, ntiwifate nk'Abayuda, ni iki gituma uhatira abanyamahanga kwifata nk'Abayuda?"* Abagalatiya 2:13, 14. {INI 125.1}

Petero amaze kubona ikosa yaguyemo, uwo mwanya yahise akora uko ashoboye kose kugira ngo arikosore. Imana yo imenyera iherezo mu itangiriro, yemeye ko Petero agaragaza intege nke zo mu mico ye kugira ngo uyu Petero wari uhuye n'ikigeragezo abone ko ntacyo yari afite muri we cyo kwiratana. Abantu b'indakemwa kurusha abandi nabo bazibeshya igihe bazaba bari bonyine. Imana yanabonye ko mu gihe kizaza abantu bamwe bazayoba maze bahe Petero, ndetse n'abandi bavuga ko bamukurikiye, icyubahiro n'ububasha bifitwe n'Imana yonyine. Nyamara ibi bivugwa byerekena intege nke za Petero byari gukomeza kuba igihamya kigaragaza ko yashoboraga kwibeshya, akanashukwa kandi ko nta sumbwe yari afite ku zindi ntumwa. {INI 125.2}

Amateka y'uku kuva mu mahame atunganye ni umuburo ukomeye ku bantu bafite imyanya ikomeye mu murimo w'Imana kugira ngo batazateshuka ahubwo bazashikame ku ihame. Uko inshingano zihawe umuntu ziba zikomeye kandi akagira n'umwanya wo gutanga gahunda no gutegeka, ni nako aba afite ingorane zo kugira ibyo yangiza iyo atagendeye mu nzira y'Uwiteka kandi ngo akore akurikiza imyanzuro yafashwe n'inama rusange y'abizera. {INI 125.3}

Nyuma yo gutsindwa kose kwabaye kuri Petero; nyuma yo kugwa akongera akagaruka mu nzira, uko yabanye na Kristo, uburyo yari azi uko Umukiza yakurikizaga amahame y'ukuri adakebakeba; nyuma y'inyigisho zose yari yarahawe, impano zose, ubumenyi ndetse no kwamamara yari yaragize bitewe no kubwiriza no kwigisha ijambo ry'Imana; mbese ntibitangaje kubona uko Petero yari kwirengagiza amahame y'ubutumwa bwiza kubera gutinya abantu cyangwa kugira ngo yibonere icyubahiro? Mbese ntibitangaje kubona uko yashoboraga kugwaguza mu kuyoboka ukuri? Imana ihe buri muntu wese gusobanukirwa n'intege nke ze, no kutishobora kwe kugira ngo ashobore kwiyambutsa agere ku mwaro amahoro. {INI 125.4}

Mu murimo we, akenshi byabaga ngombwa ko Pawulo akora ari wenyine. Yari yarigishijwe n'Imana mu buryo budasanzwe kandi ntiyahangaraga kugira icyo yemera gitesha agaciro amahame y'ukuri. Akenshi umutwaro wabaga umuremereye ariko Pawulo agakomeza gushikama ashyigikiye ukuri. Yabonye ko Itorero ritagomba kuba munsi y'ubuyobozi bw'imbaraga za kimuntu. Imigenzo n'ibihimbano

by’abantu ntibigomba gusimbura ukuri kwahishuwe. Ubutumwa bwiza ntibugomba gukomwa mu nkokora n’ibyo abantu bitekerereza cyangwa ibyo bishakira, hatitawe ku myanya iyo ari yo yose bafite mu Itorero.{IN126.1}

Pawulo yari yariyeguriye gukora umurimo w’Imana n’imbaraga ze zose. Yari yarakiriye ukuri k’ubutumwa bwiza buvuye mu ijuru kandi mu gihe cyose yamaze akora umurimo we, yakomeje gukorana n’ijuru. Yari yarigishijwe n’Imana ku birebana n’inzitizi zidakwiye zo kunaniza Abanyamahanga b’Abakristo. Bityo, igihe abantu bafite imyizerere ya Kiyahudi bazanaga ikibazo kijyanye no gukebwa mu Itorero rya Antiyokiya, Pawulo yamenye icyo Mwuka w’Imana atekereza ku byerekeye iyo nyigisho maze afata icyemezo cyatumye amatorero akurwa mu bubata bw’imigenzo ya Kiyahudi. {INI 126.2}

Nubwo Pawulo ubwe yari yarigishijwe n’Imana, ntiyigeze agira impungenge z’inshingano ye. Igihe yashakaga kuyoborwa n’Imana yabaga yiteguye kumenya ubutware bwahawe abizera basangiye gusabana mu Itorero. Yumvaga akeneye kugirwa inama, kandi igihe havukaga ibibazo bikomeye yanezezwaga no kubishyira imbere y’Itorero kandi akifatanya n’abavandimwe be mu kwizera bagasaba Imana kugira ngo ibahe ubwenge bwo gufata umwanzuro ukwiye. Pawulo yaravuze ati, *“Abahanura nibo bagenga impano bahawe. Imana si iy’umuvurungano, ahubwo ni iy’amahoro. Nk’uko bisanzwe mu matorero yose y’intore za Kristo.”* 1 Kor 14:32,33.[Bibiliya Ijambo ry’Imana]. {INI 126.3} Na Petero, yigishije ko bose bagomba “kubahana.” bafatanyirije imbaraga hamwe mu Itorero. 1Petero 5:5. {INI 126.4}

******

IGICE CYA 20 - KWEREREZA UMUSARABA

(Iki gice gishingiye mu Byakozwe n'Intumwa 15:36-41; 16:1-6)

Nyuma yo kumara iminsi abwiriza ubutumwa i Antiyokiya, Pawulo yasabye mugenzi we bakoranaga ko bafata urundi rugendo bakajya kubwiriza ubutumwa ahandi. Pawulo yabwiye Barinaba ati: *"Dusubire tugenderere bene Data bo mu midugudu yose, aho twavuze ijambo ry'Umwami Yesu, tumenye uko bameze."* Ibyak 15:36. {INI 127.1}

Pawulo na Barinaba bari bafitiye impuhwe abantu bari bamaze igihe gito bemeye ubutumwa bwiza babwirizaga. Bityo bifuje kongera kubona abo bantu. Iki cyifuzo nticyigeraga kiva mu bitekerezo bya Pawulo. Ndetse n'igihe yabaga yagiye kubwiriza ubutumwa kure y'aho yakoreye mbere, mu mutima we yakomezaga kuzirikana umutwaro wo kwingingira aba bahindutse gukomeza kuba abizerwa, *"baba abaziranenge babitewe no gutinya Imana."* (2 Kor 2:1). Yahoraga agerageza kubafasha kugira ngo bahinduke Abakristo bashobora kwifasha ubwabo, bakura, bakomeye mu kwizera, bafite ishyaka kandi bihaye Imana n'umutima wabo wose ndetse biyeguriye umurimo wo gusakaza ubwami bwayo.{INI 127.2}

Barinaba yari yiteguye kujyana na Pawulo ariko yifuzaga ko bajyana na Mariko wari wongeye gufata umwanzuro wo kwiyegurira mu murimo w'ivugabutumwa. Nyamara ibi Pawulo yarabyanze. *"Yatekereje ko atari byiza kujyana n'umuntu wari warabasize igihe bari bamukeneye mu rugendo rwabo rwa mbere rw'ivugabutumwa."* (Ibyak 15:38). Ntabwo Pawulo yashoboye kubabarira Mariko kubw'intege nke yagize zo guta umurimo kugira ngo yibere imuhira amerewe neza. Yababwiye ko umuntu nk'uwo ufite ukwihangana guke adakwiriye mu murimo usaba

kwihangana, kwiyanga, ubutwari, kwiyegurira Imana, ukwizera ndetse no kuba yiteguye kwitanga byaba na ngombwa agatanga ubuzima bwe. Habaye intonganya zikomeye ku buryo Pawulo na Barinaba batandukanye. Barinaba yakomeje gutsimbarara ku gitekerezo cye maze ajyana na Mariko. *“Nuko bagira intonganya nyinshi, bituma batandukana; Barinaba ajyana Mariko, atsukiraho, arambuka, afata i Kupuro. Pawulo na we atoranya Sila, avayo, bene Data bamaze kumuragiza ubuntu bw’Umwami Yesu.”* Ibyak 15:39, 40. {INI 127.3}

Pawulo na Sila bakomeje urugendo bagera i Siriya n’i Silisiya maze bakomeza amatorero yaho. Amaherezo baje kugera i Derube na Lusitira mu ntara ya Likayoniya. I Lusitira niho Pawulo yari yarateresewe amabuye nyamara twongera kumubona ari aho yari yaragiriye amakuba. Yari ahangayikishijwe no kureba ukwihanganira ibigeragezo kw’abari baremeye ubutumwa bwiza binyuze mu murimo we. Ahageze ntiyakozwe n’isoni kuko yasanze abizera b’i Lusitira barashikamye imbere y’ababarwanyaga bikomeye. {INI 127.4}

I Lusitira niho Pawulo yongeye guhurira na Timoteyo wari warabonye imibabaro Pawulo yari yarahagiriye ubwo yasozaga urugendo yahagiriye bwa mbere. Ibyabaye kuri Pawulo byari byarasigaye mu bitekerezo bya Timoteyo ku buryo uko igihe cyahitaga byakomeje gushinga imizi muri we kugeza igihe yemereye ko kwirundurira mu murimo w’ibwirizabutumwa ari inshingano ye. Umutima we wari womatanye n’uwa Pawulo kandi yifuzaga gusangira imiruho nawe amufasha uko inzira ikinguwe. {INI 128.1}

Sila wajyanaga na Pawulo mu murimo, yari umukozi wahuye n’ibigeragezo, yari afite impano y’Umwuka w’ubuhanuzi; nyamara umurimo wagombaga gukorwa wari mugari ku buryo hari hakenewe guhugura abandi bakozi kugira ngo bakorane umurava. Pawulo yabonye ko Timoteyo ari umuntu wemeye umurimo w’ivugabutumwa; umuntu utari ufite ubwoba bwo kubabazwa no gutotezwa kandi wifuzaga kwigishwa. Nyamara Pawulo ntiyigeze afata umwanya wo guhugura Timoteyo ku byerekeye umurimo w’ibwirizabutumwa atabanje gusobanukirwa neza ibijyanye n’imico ye n’imibereho ye ya mbere y’icyo gihe. {INI 128.2}

Se wa Timoteyo yari umugiriki naho nyina akaba umuyahudikazi. Timoteyo yari yaramenye Ibyanditswe kuva mu bwama bwe. Ubupfura

yaboneye imuhira bwaragaragaraga. Ukwizera kwa nyina na nyirakuru kwari gushingiye ku byanditswe byera, kwamubereye urwibutso ruhoraho rumwereka umugisha ubonerwa mu gukora ibyo Imana ishaka. Ijambo ry'Imana niryo aba bagore bubahaga Imana bagendeyeho bayobora Timoteyo. Imbaraga z'umwuka zo mu myigisho bari baramwigishije zatumye agira imvugo itunganye kandi ntiyanduzwa n'ingeso mbi zari zimukikije. Abigisha ba Timoteyo bo mu rugo bari barafatanyije n'Imana mu kumutegura kwihanganira ibirushya. {INI 128.3}

Pawulo yabonye ko Timoteyo ari umwizerwa, ko ashikamye kandi akaba umunyakuri maze aherako aramutoranya kugira ngo ajye afatanya na we mu murimo no mu ngendo. Abigisha ba Timoteyo bo mu bwana bwe banejejwe no kubona umwana bareze afatanya n'intumwa ikomeye. Igihe Timoteyo yahamagarwaga n'Imana kugira ngo abe umwigisha yari umusore kandi amahame yagenderagaho yari yarakomejwe n'uburere yahawe akiri muto ku buryo yari akwiriye kuba umufasha wa Pawulo. Nubwo yari muto, yakoze inshingano ze afite ubwitonzi bwa Gikristo. {INI128.4}

Mu rwego rwo gufata ingamba, Pawulo yaritonze agira Timoteyo inama yo gukebwa; atari uko Imana yabisabye, ahubwo ari ukugira ngo urwikekwe Abayahudi bashoboraga kugira maze bakarwanya umurimo wa Timoteyo ruveho. Mu murimo we, Pawulo yagombaga kuva mu mujyi ajya mu wundi, mu bihugu byinshi kandi akenshi yagiraga amahirwe yo kubwiriza ibya Kristo mu nsengero z'Abayahudi kimwe n'ahandi abantu bateraniraga. Iyo bijya {INI 128.5}

kumenyekana ko uwo bafatanyije umurimo adakebwe, umurimo we wari kugira inkomyi cyane ziturutse ku rwikekwe rw'Abayahudi. Aho Pawulo yajyaga hose yagiye ahura n'impaka no kurenganywa bikomeye. Yifuzaga kumenyesha ubutumwa bwiza Abayahudi basangiye ukwizera kimwe n'abanyamahanga. Bityo yagerageje mu buryo bushoboka bwose bwo gukuraho inzitwazo zose zatuma bamurwanya. Nubwo yahaga agaciro urwikekwe rw'Abayahudi, yizeraga kandi yigishaga ko gukebwa no kudakebwa ntacyo bimaze ko ahubwo ubutumwa bwiza bwa Kristo ari byose. {INI 129.1}

Pawulo yakundaga Timoteyo *"nk'umwana we nyakuri yibyariye mu kwizera."* (1Timoteyo1:2). Akenshi Pawulo nk'intumwa ikomeye

yajyanaga n’uwo mwigisha ukiri muto akamubaza ibyerekeye amateka y’Ibyanditswe, kandi uko bavaga ahantu hamwe bajya ahandi, Pawulo yaritondaga akamwigisha uburyo bwo gukora umurimo ukagenda neza. Uko Pawulo na Sila bakoranaga na Timoteyo, bashimangiraga ibyari byarageze mu bwenge bwe bijyanye no kwera no gukomera k’umurimo w’umubwirizabutumwa bwiza. {INI 129.2}

Mu murimo we, Timoteyo yahoraga agisha Pawulo inama akanakenera inyigisho ze. Ntiyayoborwaga n’amarangamutima; ahubwo yatekerezaga ku bintu yitonze kandi buri ntambwe yose ateye yaribazaga ati, “Mbese iyi ni yo nzira y’Uwiteka?” Mwuka Muziranenge yamubonye nk’umuntu washoboraga kuremwa no guhindurwa urusengero rwo guturwamo n’Imana. {INI 129.3}

Igihe inyigisho za Bibiliya zishingiweho mu mibereho ya buri munsi, zizana impinduka ikomeye kandi izamara igihe mu mico y’umuntu. Izi nyigisho ni zo Timoteyo yize kandi akazishyira mu bikorwa. Nta mpano zihariye zikomeye yari afite nyamara umurimo wari ufite agaciro kubera ko, mu murimo wa shebuja, yakoreshaga ubushobozi yahawe n’Imana. Kuba yari amenyeye kubaha Imana byamutandukanyije n’abandi bizera maze bituma yubahwa. {INI 129.4}

Abantu bakora umurimo wo gukiza imitima bakwiriye kumenya Imana mu buryo bwimbitse, bwuzuye, kandi bwumvikana kuruta uko bayimenya igihe bakora imirimo isanzwe. Bagomba gukoresha imbaraga zabo zose mu murimo wa Databuja. Bemeye umuhamagaro ukomeye kandi utunganye. Igihe bagize abantu bungutse mu murimo wabo bakwiriye gushikama ku Mana, buri munsi bakakira ubuntu n’imbaraga biva ku isoko y’imigisha yose. *“Kuko ubuntu bw’Imana, buzanira abantu bose agakiza, bwabonetse, butwigisha kureka kutubaha Imana, n’irari ry’iby’isi, bukatwigisha kujya twirinda, dukiranuka, twubaha Imana mu gihe cya none, dutegereje ibyiringiro by’umugisha, ni byo kuzaboneka k’ubwiza bwa Yesu Kristo, ni we Mana yacu ikomeye n’Umukiza, watwitangiriye kugira ngo aducungure mu bugome bwose, kandi yuhagirire abantu kugira ngo babe ubwoko bwe bwite, bugira ishyaka ry’imirimo myiza.”* Tito 2:11-14. {INI 129.5}

Mbere yo gukomeza urugendo rwabo bajya ahantu hashya, Pawulo na bagenzi be babanje gusura amatorero yari yarashinzwe i Pisidiya no mu turere tuhakikije. *“Bakinyura mu mudugudu, bagenda babwira*

ab'aho ibyo intumwa n'abakuru b'i Yerusalemu bategetse, ngo babyitondere. Nuko amatorero akomerera mu byo kwizera, umubare wabo ukomeza kugwira iminsi yose." Ibyak 16:4, 5. {INI 130.1}

Pawulo yumvise ko afite inshingano ikomeye ku bantu bihanye mu gihe yamamazaga ubutumwa bwiza. Ibirenze ibindi byose, yifuzaga ko baba abiringirwa. Yaravuze ati, "Mwerekane ijambo ry'ubugingo; kugira ngo mbone uko nzirata ku munsi wa Kristo, yuko ntirukiye ubusa, kandi nkaba ntaruhijwe n'ubundi." Abafilipi 2:16. Yahangayikishwaga n'umusaruro wavuye mu murimo we w'ivugabutumwa. Yumvaga ko n'agakiza ke ubwe kari mu kaga mu gihe ananiwe gisohoza inshingano ye ndetse n'Itorero rikananirwa gukorana nawe mu murimo wo gukiza abantu. Yari azi ko kubwiriza byonyine bidahagije kugira ngo abizera bigishwe gushikama ku ijambo ry'ubugingo. Yari azi ko kubana nabo intambwe ku ntambwe no kwigana nabo itegeko ku itegeko bizatuma bigishwa kujya mbere mu murimo wa Kristo. {INI 130.2}

Ni ihame ryemerwa na bose ko igihe cyose umuntu yanze gukoresha imbaraga yahawe n'Imana, izo mbaraga zigwa umugese maze zikayoyoka. Ukuri kutagaragajwe mu mibereho kandi kutagejejwe ku bandi, gutakaza imbaraga yako itanga ubugingo no gukira. Iyi ni yo mpamvu Pawulo yari afite ubwoba ko yananirwa kumurukira Imana umuntu wese atunganye muri Kristo. Ibyiringiro bya Pawulo byo kuragwa ijuru byaragabanyukaga iyo yabonaga ugutsindwa uko ari ko kose kumubayeho kwazabyara ingaruka zo gutuma Itorero rifata urugero rw'umuntu aho kugendera kurw'Imana. Ubumenyi bwe, kuba intyoza kwe, ibitangaza yakoze, uko yeretswe iby'ibihe bidashira igihe yazamurwaga mu ijuru rya gatatu; byose byari kuba imfabusa iyo abo yakoreraga baza kuva mu buntu bw'Imana bitewe no kutaba umwizerwa mu murimo we. Kubw'ibyo, akoresheje amagambo ye ndetse n'urwandiko, yiginze abari baremeye Kristo abasaba gukurikira inzira izabashoboza agira ati, *"Kugira ngo mutabaho umugayo cyangwa uburyarya, mube abana b'Imana batagira inenge, hagati y'ab'igihe kigoramye cy'ubugoryi, abo mubonekeramo nk'amatabaza mu isi, mwerekane ijambo ry'ubugingo,..."* Abafilipi 2:15,16. {INI 130.3}

Buri mugabura nyakuri w'ijambo ry'Imana yiyumvamo inshingano iremereye yo gutuma abizera ashinzwe bakura mu by'umwuka, akagira icyifuzo gikomeye cy'uko bazaba abakozi bafatanya n'Imana. Amenya ko kugira ngo Itorero rigubwe neza bishingira ku gukora neza umurimo

yahawe n’Imana. Akora ashishikaye kandi atarambirwa ashaka ko abizera bakwifuza kuzana abantu kuri Kristo, yibuka ko umuntu wese wiyongereye mu Itorero agomba kuba umukozi mushya wiyongeye mu murimo wo gushyira inama y’agakiza mu bikorwa. {INI 130.4}

Pawulo, Sila na Timoteyo bamaze gusura amatorero y’i Pisidiya no ku nkengero zaho, barakomeje bagana “i Fuligiya no mu ntara ya Galatiya” maze bahamamaza inkuru nziza y’agakiza bafite imbaraga nyinshi. Abanyagalati bari barirunduriye mu gusenga ibigirwamana; ariko intumwa zababwirije, banezejwe n’ubutumwa bwabasezeranyaga umudendezo wo kubakura mu bubata bw’icyaha. Pawulo na bagenzi be bamamaje inyigisho zo kugirwa intungane kubwo kwizera igitambo cya Kristo gikuraho ibyaha. Bagaragaje Kristo nk’uwabonye uburyo inyokomuntu yaguye igeze ahabi, maze aza gucungura abagabo n’abagore, abaho imibereho yubaha amategeko y’Imana kandi yishyura igihano cyo kutumvira. Bityo binyuze mu mucyo w’umusaraba, abantu benshi batari barigeze bamenya Imana y’ukuri, batangiye gusobanukirwa n’uburemere bw’urukundo rw’Imana Data. {INI 131.1}

Uko niko abanyagalatiya bigishijwe ukuri shingiro kwerekeye, *” Data wa twese” ” n’Umwami wacu Yesu Kristo, witangiye ibyaha byacu, ngo aturokore iki gihe kibi cya none, nk’uko Imana Data wa twese yabishatse.” “Barumvise barizera” bahabwa Mwuka w’Imana maze bahinduka “abana b’Imana babiheshejwe no kwizera Kristo.”* Abagalatiya 1:3, 4; 3:2, 26. {INI 131.2}

Uburyo Pawulo yabayeho ari mu Banyagalatiya bwari buteye ku buryo nyuma y’aho yashoboye kuvuga ati, *“Ndabinginga, mumere nkanjye.”* Abagalatiya 4:12. Iminwa ye yari yarakojejweho ikara ryaka rivuye ku rutambiro, ashobozwa gutsinda ubusembwa bw’umubiri kandi ahabwa imbaraga zo kwerekana Yesu we byiringiro rukumbi by’umunyabyaha. Abamwumvise bamenye ko yari yarabanye na Yesu. Yari afite imbaraga mvajuru kandi yari ashoboye kugereranya iby’umwuka n’ibindi by’umwuka no gusenya indiri za Satani. Imitima y’abantu yashenguwe n’uburyo Pawulo yababwiye iby’urukundo rw’Imana nk’uko rwahishuriwe mu gitambo cy’Umwana wayo w’ikinege maze bituma abantu benshi babaza bati: “Nkore iki ngo nkizwe?” {INI 131.3}

Ubu buryo bwo kwamamaza ubutumwa bwiza ni bwo bwaranze umurimo wa Pawulo igihe cyose yakoreraga mu Banyamahanga. Buri gihe yaberekezaga ku musaraba w'i Kaluvari. Mu myaka yakurikiyeho y'imibereho ye yaravuze ati: *"Kuko tutabwiriza abantu ibyacu, ahubwo tubabwiriza ibya Kristo Yesu ko ari we Mwami, natwe tukaba abagaragu banyu ku bwa Yesu. Imana yategetse umucyo kuva, uturutse mu mwijima, ni yo yaviriye mu mitima yacu, kugira ngo imurikishe ubwenge bwo kumenya ubwiza bw'Imana buri mu maso ha Yesu Kristo."* 2 Kor 4:5, 6. {INI 131.4}

Mu minsi ya mbere y'Ubukristo, intumwa zatoranyijwe zamamaje inkuru nziza y'agakiza ku barimbuka, ntibigeze bagira igitekerezo cyo kwikuza ngo bibangamire kugaragaza Kristo wabambwe. Ntibigeze bararikira ubutware cyangwa kwishyira imbere. Inarinjye yabo bayihishe mu Mukiza, bashyira hejuru inama ikomeye y'agakiza, n'imibereho ya Kristo we Nkomoko n'Umusozo by'iyi nama. Kristo wa wundi uko yari ari ejo ari ko ari uyu munsi kandi akaba ari ko azahora iteka ryose, ni bwo butumwa bwabatsikaga umutima babwirizaga.{INI 131.5}

Iyaba muri iki gihe abigisha ijambo ry'Imana bakomezaga kwerereza umusaraba wa Kristo, umurimo wabo warushaho kugera ku musaruro ushimishije. Iyaba abanyabyaha bayoborwaga ku kureba ku musaraba rimwe bivuye ku mutima, iyaba mu buryo bushyitse bashoboraga gusobanukirwa Umukiza wabambwe, bazamenya uburebure bw'imbabazi z'Imana n'ububi bukomeye bw'icyaha. {INI 132.1}

Urupfu rwa Kristo rwerekana urukundo rw'Imana ruhebuje yakunze umuntu.Urupfu rwe ni ingwate y'agakiza kacu. Kuvana umusaraba mu Mukristo byaba gukura izuba mu kirere. Umusaraba utwegereza Imana, ukatwunga na Yo. Mu mpuhwe nyinshi z'urukundo rw'umubyeyi, Yehova areba umubabaro Umwana we yihanganiye kugira ngo akize inyokomuntu urupfu rw'iteka ryose, maze akatwemera mu Mwana we akunda. {INI 132.2}

Iyo hatabaho umusaraba, nta buryo umuntu yari kungwa na Data wa twese.Ibyiringiro byacu byose niwo bishingiyeho. Kuri wo ni ho umucyo w'urukundo rw'Umukiza umurika uturuka kandi igihe umunyabyaha ari ku birenge by'umusaraba agahanga amaso ye Uwapfuye kugira ngo amukize, ashobora kwishima bitavugwa kubera ko ibyaha bye

bibabariwe. Igihe apfukamye munsi y'umusaraba yizeye, aba ageze ahantu haruta ahandi umuntu ashobora kugera. {INI 132.3}

Binyuze mu musaraba tumenya ko Data wo mu ijuru adukunda urukundo rutarondoreka. Mbese dushobora gutangazwa n'impamvu Pawulo yavuze ati: "Ariko jyeweho sinkiratana ikindi, keretse umusaraba w'Umwami wacu Yesu Kristo"? Abagalatiya 6:14. Ni amahirwe yacu kwiratana umusaraba, ni amahirwe yacu kandi kwiyegurira burundu uwatwitangiye. Bityo, biturutse ku mucyo uva i Kaluvari umurika mu maso yacu, natwe dushobora kugenda tukajya guhishurira uyu mucyo abari mu mwijima. {INI 132.4}

******

IGICE CYA 21 - MU NTARA ZA KURE

(Iki gice gishingiye mu Byakozwen'Itttumwa 16:7-40)



Igihe cyari gisohoye kugira ngo inkuru nziza yamamazwe hakurya y'imipaka ya Aziya Nto. Inzira yategurirwaga Pawulo na bene se kugira ngo bambuke bajye mu Burayi. Bageze i Tirowa ku nkengero z'inyanja ya Mediterane, byageze nijoro Pawulo arerekwa abona umugabo w'umunyamakedoniya, ahagaze amwinginga ati : *"Ambuka, uze i Makedoniya udutabare."* Ibyak 16:9. {INI 133.1} Iryo hamagara ryari itegeko kandi ryasabaga ko adatindiganya. Luka waherekeje Pawulo, Sira na Timoteyo mu rugendo rwose bagiriye mu Burayi, aravuga ati, *"Amaze kurota izo nzozi, uwo mwanya dushaka kujya i Makedoniya, kuko tumenye yuko Imana iduhamagariye kubabwira ubutumwa bwiza. Nuko dutsukira i Tirowa, turaromboreza tujya i Samotirake; bukeye bwaho tugera i Neyapoli; tuvayo, tugera i Filipi, ni umudugudu wa mbere wo mu ntara y'i Makedoniya, wubatswe n'Abaroma bahimukiye."* (Ibyak 16:10-12). Luka akomeza avuga ati: *"Ku munsi w'isabato tuva mu mugi tujya ku mugezi, ahantu twaterezaga ko abantu basengera.*

Nuko turicara tuganira n'abagore bari bahakoraniye. Umwe muri bo witwaga Lidiya wo mu mugi wa Tiyatira, yari umucuruzi w'imyenda itukura ihenda. Yari asanzwe asenga Imana maze adutega amatwi, kuko Nyagasani yamuhaye umutima wo kwita ku byo Pawulo yavugaga." Ibyak 16:13,14. (BII) Lidiya yakiriye ukuri anezerewe. Uwo mugore n'abo mu rugo rwe barahindutse maze barabatizwa, nuko aherako yingingira intumwa gucumbika iwe. {INI 133.2}

Igihe intumwa zamamazaga iby'umusaraba zagendaga zikora umurimo wazo wo kwigisha, umukobwa waraguraga wari uhanzweho

na dayimoni yabakurikiye asakuza ati: *“Aba bantu ni abagaragu b’Imana Isumbabyose, kandi barababwira inzira y’agakiza. Iminsi myinshi akomeza kubigenza atyo.”* Ibyak 16:17,18. {INI 133.3}

Uyu mukobwa yari igikoresho gikomeye cya Satani, wari waratumye ba shebuja bakira cyane kubera ubupfumu bwe. Ibyo yakoraga byari byaratumye gusenga ibigirwamana bigira agaciro. Satani yamenye ko ubwami bwe butewe maze, akoresha uriya mukobwa kugira ngo arwanye umurimo w’Imana, yiringiye ko azavanga uburyarya bwe n’ukuri kwigishwaga n’abamamazaga ubutumwa bwiza. Amagambo uyu mugore yavuze yagaragaraga nk’aho ari meza, nyamara yari igitutsi ku kuri kwigishwaga. Yarangazaga ibitekerezo by’abantu ntibyite ku nyigisho z’intumwa kandi agahesha ubutumwa bwiza agaciro gake, kandi kubw’ayo magambo abantu benshi bizeye ko abantu bavugaga buzuye Mwuka n’imbaraga y’Imana nabo bakoreshwaga n’umwuka umwe nk’uwo wakoreshaga iyo ntumwa ya Satani. {INI 133.4}

Intumwa zamaze igihe zihanganira uku kurwanywa, maze Pawulo akoreshejwe na Mwuka Muziranenge, ategeka uwo mwuka mubi kuva muri uwo mukobwa. Guhita aceceka byemeje abantu ko intumwa ari abagaragu b’Imana kandi na dayimoni yazimenye bityo akaba yumviye itegeko ryazo. {INI 134.1}

Umwuka mubi amuvuyemo kandi yongeye kugarura ubwenge; wa mukobwa yahisemo guhinduka umuyoboke wa Kristo. Ba shebuja bababajwe no kubura inyungu bamubonagaho. Babonye ko ibyiringiro byose byo kubonera amafaranga muri ubwo bupfumu byari bigeze ku iherezo kandi ko aho bakuraga inyungu hagiye gufungwa mu mwanya muto niba intumwa zemerewe gukomeza umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza. {INI 134.2}

Abandi bantu benshi bo muri uwo mujyi bari banezejwe no kunguka amafaranga binyuze mu bushukanyi bwa Satani. Aba bantu batinye imbaraga yari gutuma umurimo wabo uhagarara, barwanyije byimazeyo abagaragu b’Imana. Bajyanye intumwa imbere y’abacamanza barazirega ngo: *«Aba Bayuda, bahagarika imitima cyane y’abo mu mudugudu wacu; kandi bigisha imigenzo tuzira kwemera cyangwa kuyikora, kuko turi Abaroma.»* Ibyak 16:20, 21. {INI 134.3}

Abantu benshi bari aho barasakuje cyane maze bahagurukira kurwanya abigishwa. Urusaku rw'abo bantu benshi rwaganje abategetsi maze baca imyenda y'intumwa, banategeka ko intumwa bazigirira nabi. *"Bamaze kubakubita inkoni nyinshi, babashyira mu nzu y'imbohe, bategeka umurinzi kubarinda cyane. Na we, ategetswe atyo, abajugunya mu nzu yo hagati, akomeza amaguru yabo mu mbago."* Ibyak 16: 23, 24. {INI 134.4}

Intumwa zarababaye cyane bitewe n'uburyo basize zifunzwemo, nyamara ntizigeze zivovota. Ahubwo mu ijoro ry'icuraburindi kandi ribabaje bari muri iyo gereza, bakomezanyaga bakoresheje amasengesho kandi bakaririmba basingiza Imana kubera ko basanzwe ko bakwiriye gukozwa isoni kubw'umurimo w'Imana. Imitima yabo yari inezejwe n'urukundo rw'ukuri kandi rwimbitse bari bafitiye umurimo w'Umucunguzi wabo. Pawulo yatekereje akarengane yateje abigishwa ba Kristo, kandi yashimishijwe n'uko amaso ye yari yarahumuwe ndetse n'umutima ugakangurirwa kumva ukuri gukomeye yasuzuguraga. {INI 134.5}

Izindi mbohe zatangajwe no kumva amajwi y'abasenga bakanaririmba yaturukaga mu cyumba cy'imbere muri gereza. Bari bamenyereye kumva urusaku rwa nijoro rw'imiborogo, kwivovota no kuvuma. Nyamara mbere y'iki gihe ntibari barigeze bumva amasengesho n'indirimbo ziva muri icyo cyumba cyijimye. Abarinzi ba gereza n'imbohe baratangaye kandi bibaza abo bantu abo ari bo. Abantu bari bakonje, bishwe n'inzara kandi bakubiswe cyane nyamara bagashobora kwishima. {INI 135.1}

Muri icyo gihe, abacamanza basubiye iwabo bishimira ko ingamba zihuse n'imyanzuro bafashe byabashije guhagarika umuvurungano. Nyamara bari mu nzira, baje kumva ayandi makuru yerekeye imico n'umurimo by'abantu bari baciriye urubanza rwo gukubitwa no gufungwa. Babonye wa mukobwa wari wabohowe mu mbaraga za Satani kandi batangazwa no guhinduka kwagaragaraga mu maso ye no mu mico ye. Mu gihe cyari cyarashize, uwo mukobwa yari yarateje ibibazo byinshi muri uwo mudugudu none ubu yari atuje kandi afite amahoro. Babonye ko bari bahanishije bariya bantu babiri igihano kibabaje cyashyizweho n'itegeko ry'Abaroma, baricujije maze biyemeza ko mu gitondo barategeka ko intumwa zirekurwa mu ibanga kandi

zikava mu mudugudu ziherekejwe, bakazigeza aho zitahura n'ibyago bitewe n'imvururu za rubanda. {INI 135.2}

Mu gihe abantu bari abagome kandi bafite inzika ndetse batitaye ku nshingano zikomeye bari bafite, Imana yo ntiyari yaribagiwe kugirira abagaragu bayo ubuntu. Ijuru ryose ryari ryitaye ku bantu bagirirwaga nabi kubwa Kristo kandi abamarayika boherezwaga gusura inzu y'imbohe. Igihe bazaga isi yaratigise. Inzugi za gereza zari zifunze cyane zarakingutse; iminyururu yo ku maboko no ku maguru iradohoka iva mu maboko n'amaguru y'intumwa maze umucyo mwinshi wuzura mu nzu y'imbohe. {INI 135.3}

Umurinzi w'inzu y'imbohe yari yarumvise amasengesho n'indirimbo by'intumwa zari zifunzwe maze aratangara. Igihe binjizwaga mu buroko, uwo murinzi yari yarabonye inguma zabo zikibyimbye kandi zivirirana kandi nawe ubwe yari yarashyize ibirenge byabo hagati y'imbago. Yari yaribwiye ko azumva bataka kandi baniha, ariko yumvise indirimbo z'ibyishimo no guhimbaza. Uwo murinzi yari yasinziye ari kumva amajwi y'izo ndirimbo maze aza gukangurwa n'umutingito ndetse no kunyeganyega kw'inkuta z'inzu y'imbohe. {INI 135.4}

Yakangukiye hejuru maze acibwa intege no kubona inzugi zose z'inzu y'imbohe zikinguye. Yatewe ubwoba n'uko imbohe zacitse. Yahereyeko yibuka ukuntu mu ijoro ryabanje yari yarindishijwe Pawulo na Sira, bityo amenya ko ubuhemu bwe buri buhanishwe urupfu. Yuzuye agahinda mu mutima maze yiyumvisha ko icyiza ari uko yakwiyica aho kugira ngo yicwe urw'agashinyaguro. Yakuye inkota ye maze ari hafi yo kwisogota nibwo yumvise ijwi rya Pawulo amubwira amuhumuriza ati: *"Wikwigirira nabi, twese turi hano"* (Ibyak 16:28). Buri muntu yari mu mwanya we, ahagaritswe n'imbaraga y'Imana yari yagaragariye muri iyo mbohe imwe. {INI 135.5}

Ubugome umurinzi w'inzu y'imbohe yari yaragiriye intumwa ntibwatumye zimurakarira. Pawulo na Sira bari bafite umwuka wa Kristo, nta mwuka wo kwihorera bagiraga. Imitima yabo yari yuzuye urukundo rw'Umukiza, bityo nta mwanya yari ifitiye urwango ababarenganyaga. {INI 136.1}

Umurinzi w'inzu y'imbohe yarambitse inkota ye hasi, afata itabaza maze yihutira kujya mu cyumba cy'imbohe cy'imbere. Yifuzaga kureba abo bantu bari baragiriwe ubugome ariko bo bakitura ineza abo ari bo. Ageze aho intumwa zari ziri, yikubise imbere yazo azisaba imbabazi. Yabakuye muri ako kumba kijimye maze abagejeje ahari umucyo arababaza ati, *"Batware nkwiriye gukora nte kugira ngo nkire?"* Ibyak 16:30. {INI 136.2}

Umurinzi w'inzu y'imbohe yari yahinze umushyitsi igihe yabonaga uburakari bw'Imana bwigaragariza mu mutingito. Igihe yatekerezaga ko imbohe zacitse, yari yiteguye kwiyicisha inkota ye; ariko ubu ibi bintu byose byari bifite ingaruka ntoya ugereranyije n'ibintu bishya kandi bitangaje byakoze ku bitekerezo bye, ndetse n'icyifuzo cye cyo kugira amahoro n'ibyishimo byerekanywe n'intumwa nubwo zari mu mubabaro no kugirirwa nabi. Yabonye umucyo w'ijuru mu maso yabo; yamenye ko Imana yari yaje gukiza ubugingo bwabo mu buryo bw'igitangaza kandi n'amagambo ya wa mukobwa wari ufite dayimoni agaruka mu bitekerezo bye. Ayo magambo yari aya ngo: *" Aba bantu ni abagaragu b'Imana Isumbabyose, kandi barababwira inzira y'agakiza."*Ibyak 16:17. {IN136.3}

Afite kwicisha bugufi kwimbitse, yasabye intumwa kumwereka inzira y'ubugingo. Baramusubije bati, *"Izere umwami Yesu, urakira ubwawe n'abo mu rugo rwawe.Bamubwira ijambo ry'Umwami Yesu n'abo mu rugo rwe bose."* (Ibyak. 16:31, 32). Umurinzi w'inzu y'imbohe yogeje inguma z'intumwa, arazigaburira, ibyo birangiye aherako abatizanywa n'abo mu rugo rwe bose. Imbaraga itunganya yasakaye mu zindi mbohe maze intekerezo zabo bose zitegura gutegera amatwi ukuri intumwa zavugaga. Bemeye ko Imana Pawulo na Sira bakoreraga ari yo yababohoye mu buryo bw'igitangaza. {INI 136.4}

Abaturage b'i Filipi bari baratinyishijwe cyane n'umutingito, maze mu gitondo igihe abayobozi b'inzu y'imbohe babwiraga abacamanza ibyari byabaye mu ijoro, baratangaye baherako bohereza abasirikare ngo bajye kurekura intumwa. Ariko Pawulo yaravuze ati: *"Badukubitiye imbere y'abantu, nta rubanza rwadutsinze, kandi turi Abaroma, badushyira mu nzu y'imbohe. None barashaka kudukuramo rwihishwa? Reka da! Ahubwo abe ari bo baza ubwabo, badusohore."* Ibyak 16:37. {INI137.1}

Pawulo na Sila bari abaturage b'Abanyaroma, kandi uretse gusa igihe yabaga yakoze icyaha gikabije ubugome, gukubita umuroma cyangwa kumuvutsa uburenganzira bwe bidaciye mu rubanza, byari binyuranye n'amategeko. Pawulo na Sila bari barashyizwe mu nzu y'imbohe ku mugaragaro, bityo banze kurekurwa mu ibanga abacamanza batagize ubusobanuro bwumvikana batanga. {INI 137.2}

Igihe abatware babwirwaga icyifuzo cy'intumwa, bafashwe n'ubwoba batinya ko intumwa zizarega ku mwami w'abami maze byajya ku nzu y'imbohe basaba Pawulo na Sila imbabazi kubera babarenganyije ndetse n'ubugome babagiriye. Baherako bo ubwabo babavana mu nzu y'imbohe, babasaba no kuva muri uwo mudugudu.
Abacamanza batinye uburyo abantu bemera intumwa kandi batinya n'Imbaraga yari yaje gutabara izi nzirakarengane. {INI 137.3} .Iyo bakurikiza amabwiriza Kristo yari yarabahaye, intumwa ntabwo zagombaga kwihambira ahantu zitifuzwaga. *"Bamaze gusohoka mu nzu y'imbohe, binjira mwa Ludiya, babona bene Data, barabahugura, baragenda."* Ibyak 16:40. {INI 137.4}

Intumwa ntizigeze zicuza ko zaruhiye ubusa i Filipi. Zari zarahuye no kurwanywa kwinshi n'akarengane; ariko uko batabawe n'Imana, bakabona uguhinduka k'umurinzi w'inzu y'imbohe n'abo mu rugo rwe; byasimbuye agasuzuguro n'umubabaro bari barihanganiye. Inkuru yo gushyirwa mu nzu y'imbohe kwabo barenganyijwe no gufungurwa kwabo mu buryo bw'igitangaza byasakaye hose muri iyo ntara. Byatumye umurimo w'intumwa umenyekana mu bantu benshi batari kuzigera bagerwaho n'intumwa. {INI 137.5}

Imirimo Pawulo yakoreye i Filipi yatumye hashingwa Itorero ry'abizera bakomezaga kwiyongera cyane. Umwete we no kwitanga ndetse n'ubushake bwe bwo kubabazwa ku bwa Kristo, byateye impinduka ikomeye mu bantu bari bamaze guhinduka. Bahaye agaciro ukuri intumwa zari zaritangiye cyane kandi biyegurira umurimo w'Umucunguzi wabo byimazeyo. {INI 137.6}

Pawulo mu nyandiko ye yandikiye Abanyafilipi, yerekanye ko Itorero ry'i Filipi ritigeze risimbuka akarengane. Abivuga muri aya magambo ati, "Kuko mutahawe kwizera Kristo gusa, ahubwo mwahawe no kubabazwa ku bwe: mufite kwa kurwana mwambonanaga." Nyamara

bari bashikamye mu kwizera ku buryo Pawulo avuga ati, *“Nshima Imana yanjye iteka, uko mbibutse, kandi uko mbasabiye mwese iteka ryose, mbasabira nezerewe, kuko mwafatanije nanjye umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza, muhereye ku munsi wa mbere, mukageza na n’ubu.”*Abafilipi 1:29-30; 3-5. {INI 138.7}

Mu mijyi ikomeye ahantu hose intumwa z’ukuri zihamagarirwa gukorera, haba intambara ikomeye hagati y’imbaraga z’icyiza n’iy’iz’ikibi. Pawulo yaravuze ati : *“Kuko tudakirana n’abafite amaraso n’umubiri; ahubwo dukirana n’abatware n’abafite ubushobozi n’abategeka iyi si y’umwijima.”* (Abefeso 6:12). Kugeza ku mperuka y’ibihe, hazahoraho intambara hagati y’Itorero ry’Imana n’abayobowe n’abamarayika babi.{INI 138.1}

Abakristo ba mbere bahamagarirwaga kenshi guhangana n’imbaraga z’umwijima imbona nkubone. Yifashishije amayeri n’akarengane, umwanzi yagerageje kubateshura ku kwizera nyakuri. Muri iki gihe ubwo imperuka y’ibintu byose byo ku isi irushaho kwegereza, Satani arakoresha imbaraga zidasanzwe kugira ngo yigarurire isi. Arategura gahunda nyinshi kugira ngo yigarurire intekerezo z’abantu no kubarangaza abavana mu kuri kw’ingenzi kubayobora ku gakiza. Muri buri mujyi, abambari be bakora ubutaruhuka barema udutsiko tw’abarwanya amategeko y’Imana. Umushukanyi ukomeye ari ku murimo kugira ngo ateze urujijo no kwigomeka, kandi abantu bariho buzuzwa umurava udahuje n’ubwenge. {INI 138.2}

Gusayisha mu byaha biragenda bigera ku rwego rwo hejuru bitigeze bigeraho mbere, ariko abavugabutumwa bwiza benshi bararangurura bati : “Amahoro n’umutuzo.” Nyamara intumwa z’Imana z’indahemuka zigomba kujya mbere zishikamye mu murimo wazo. Zambaye ubwiza bw’ijuru, zigomba gukomeza kujya imbere zishize ubwoba kandi zinesha, zitigera zicogora ku rugamba kugeza igihe buri muntu wese uri aho zishobora kugera azakira ubutumwa bw’ukuri bugenewe iki gihe. {INI 138.3}

****

IGICE CYA 22 - TESALONIKE

(Iki gice gishingiye mu Byakozzve n'Intumwa 17:1-10)



Bamaze kuva i Filipi, Pawulo na Sila berekeje i Tesalonike. Aha i Tesalonike bahagiriye amahirwe yo kubwiriza abantu benshi mu masinagogi y'Abayahudi.Ukuntu basaga byagaragazaga ibimenyetso by'uko bari bagiriwe nabi mu mwanya wari ushize bityo byasabaga ko batanga ubusobanuro bw'ibyari byababayeho.Babibasobanuriye batishyira hejuru ahubwo bahesha Imana ikuzo yo yari yabakuye mu nzu y'imbohe. {INI 139.1}
Mu kubwiriza abanyatesalonike, Pawulo yifashishije ubuhanuzi bwo mu Isezerano rya Kera bwerekeye Mesiya. Mu murimo wa Kristo, yari yarafunguye intekerezo z'abigishwa be ku bijyanye n'ubu buhanuzi: *" Atangirira kuri Mose no ku bahanuzi bose, abasobanurira mu byanditswe byose ibyanditswe kuri we."* (Luka 24:27) Mu kubwiriza ibya Kristo, Petero yakuraga ibihamya ibyo yavugaga mu Isezerano rya Kera. Sitefano na we ni uko yari yarabigenje, kandi na Pawulo mu murimo we w'ivugabutumwa yifashishaga ibyanditswe byari byarahanuye ivuka, imibabaro, urupfu, umuzuko no gusubira mu ijuru bya Kristo. Akoresheje ubuhamya bwa Mose n'abahanuzi yerekanye neza ko Yesu w'i Nazareti ari we Mesiya; kandi ko ijwi rya Kristo ari ryo ryavugiraga mu bakurambere n'abahanuzi kuva mu gihe cy' Adamu. {INI 139.2}

Ubuhanuzi bushyitse kandi bufite icyo buganishaho bwari bwaratanzwe buvuga ku kuza k'Uwasezeranwe. Adamu yari yarahawe isezerano ry'uko Umucunguzi azaza. Iteka Satani yari yaraciriweho ngo: *"Nzashyira urwango hagati yawe n'uyu mugore, no hagati y'urubyaro rwawe n'urwe: ruzagukomeretsa umutwe nawe uzarukomeretsa agatsinsino,"* (Itangiriro 3:15) ryari isezerano ryo gucungurwa kwagombaga kubonerwa muri Kristo, ryahawe ababyeyi bacu ba mbere. {INI 139.3}

Aburahamu yari yarahawe isezerano ko mu rubyaro rwe hazakomoka Umukiza w'isi. Yabibwiwe muri aya magambo: " kandi mu rubyaro rwawe ni mo amahanga yose yo mu isi azaherwa umugisha." *"Nyamara Imana ntirakavuga iti, 'Imbyaro', nko kuvuga benshi, ahubwo iti, "Ni urubyaro rwawe", nko kuvuga umwe, ari we Kristo."* Itang. 22:18, Abagalatiya 3:16. {INI 139.4}

Mose ari hafi gusoza umurimo we nk'umuyobozi n'umwigisha w'Abisiraheli, yahanuye mu buryo bwumvikana ibya Mesiya wagombaga kuzaza. Mose yabwiye iteraniro ry'ingabo z'Abisiraheli ati, *"Uwiteka Imana yawe izabahagurukiriza umuhanuzi umeze nkanjye, ukomotse hagati muri mwe, muri bene wanyu, azabe ari we mwumvira."* Kandi Mose yahamirije Abisiraheli ko Imana ubwayo ari Yo yarabimuhishuriye igihe yari ku musozi Horebu. Imana yari yaramubwiye iti, *" Nzabahagurukiriza umuhanuzi umeze nkawe, ukomotse muri bene wabo; nzashyira amagambo yanjye mu kanwa ke, ajye ababwira ibyo mutegetse byose."* Gutegeka 18:15, 18. {INI 139.5}

Mesiya yagombaga kuba uwo mu muryango wa cyami, kuko mu buhanuzi bwa Yakobo Uwiteka yaravuze ati, *" Inkoni y'ubwami ntizava kuri Yuda, inkoni y'ubutware ntizava hagati y'ibirenge bye, Nyirayo ataraza; Uwo ni we amahanga azumvira."* Itangiriro 49:10. {INI 140.1}

Yesaya na we yarahanuye ati: *"Umwami azaba nk'umushibu ushibitse ku gishyitsi cya Yesayi, azaba nk'ishami rirumbutse ryameze ku mizi yacyo."* Ezayi 11:1.(BII) *"Mutege amatwi, muze aho ndi, munyumve, ubugingo bwanyu bubone kubaho; nanjye nzasezerana namwe isezerano rihoraho, ni ryo mbabazi zidahwema Dawidi yasezeranijwe. Dore mutanze ho umugabo wo guhamiriza amahanga, akaba umwami w'amoko n'umugaba wayo. Dore uzahamagara ishyanga utazi, kandi n'iryari ritakuzi rizakwirukiraho kubwo Uwiteka Imana yawe, ku bw'Uwera wa Isirayeli, kuko azaba aguhaye icyubahiro."* Yesaya 55:3-5. {INI 140.2}

Yeremiya na we yahamije Umucunguzi wari kuzaza nk'Igikomangoma cyo mu nzu ya Dawidi ati: *"Dore iminsi izaza, ubwo nzumburira Dawidi Ishami rikiranuka, azima abe umwami, kandi akorane ubwenge, azasohoza imanza zitabera no gukiranuka mu gihugu. Ni ko Uwiteka avuga. Mu gihe cye Yuda azakizwa, kandi*

Isirayeli azibera amahoro; iri ni ryo zina rya Shami rizitwa: ***UWITEKA GUKIRANUKA KWACU****” “Kuko Uwiteka avuze ngo: ‘Ntabwo Dawidi azabura uwo kuraga ingoma ya Isirayeli; n’abatambyi b’Abalewi na bo ntibazabura umuntu imbere yanjye wo gutamba ibitambo byoswa, n’uwo kosa amaturo y’ifu, n’uwo kujya atamba iteka.”* Yeremiya 23:5, 6; 33:17, 18. {INI 140.3}

Ndetse n’aho Mesiya yari kuzavukira hari harahanuwe:
” Ariko wowe, Betelehemu Efurata, uri mutoya mu bihumbi by’i Buyuda, muri wowe ni ho hazava uzaba umwami wa Isirayeli, akansanga, imirambagirire ye ni iy’iteka, uhereye kera kose.” Mika 5:1 {INI 140.4}

Umurimo Umukiza yagombaga gukorera ku isi wari warasobanuwe neza: *“Umwuka w’Uwiteka azaba kuri we, Umwuka w’ubwenge n’uw’ubuhanga, Umwuka wo kujya inama n’uw’imbaraga, Umwuka wo kumenya Uwiteka n’uwo kumwubaha.”. Uwasizwe yagombaga, ” kubwiriza abagwaneza ubutumwa bwiza; kuvura abafite imvune mu mutima, no kumenyesha imbohe ko zibohowe, no gukingurira abari mu nzu y’imbohe, kumenyesha abantu umwaka w’imbabazi z’Uwiteka, n’umunsi Imana izahoreramo inzigo, no guhoza abarira bose, no gushyiriraho itegeko ab’i Siyoni barira, ryo kubaha ikamba mu cyimbo cy’ivu, n’amavuta yo kunezerwa mu cyimbo cy’umutima wihebye, kugira ngo bahereko bitwe ibiti byo gukiranuka byatewe n’Uwiteka ngo bimuheshe icyubahiro.”* (Yesaya 11:2, 3;61:1-3). {INI 140.5}

“Dore umugaragu wanjye ndamiye, uwo natoranije, umutima wanjye ukamwishimira. Mushyizeho Umwuka wanjye; azazanira abanyamahanga gukiranuka. Ntazatongana, ntazasakuza, kandi ntazumvikanisha ijwi rye mu nzira. Urubingo rusadutse ntazaruvuna, kandi n’urumuri rucumba ntazaruzimya; ahubwo azazana gukiranuka by’ukuri. Ntazacogora, ntazakuka umutima, kugeza aho azasohoreza gukiranuka mu isi; n’ibirwa bizategereza amategeko ye.” Yesaya 42:1-4. {INI 141.1}

Akoresheje amagambo afite imbaraga, Pawulo yahereye ku

Byanditswe mu Isezerano rya Kera abemeza ko, ” Kristo yagombaga kubabazwa no kuzuka mu bapfuye.” Mbese Mika ntiyari yarahanuye ko, “Bazakubitisha umucamanza w’Isirayeli inkoni ku itama?” Mbese Yesaya ntiyari yarahanuye iby’Uwasezeranywe, ati, *“Abakubita nabategeye umugongo, n’imisaya nyitegera abampfura uruziga; kandi mu maso hanjye sinahahishe gukorwa n’isoni no gucirwa amacandwe.” Yesaya 50:6. Binyuze mu mwanditsi wa Zaburi, Kristo yari yarahanuye uko abantu bazamugenza ati, “... Ndi ruvumwa mu bantu, nsuzugurwa na bose. Abandeba bose baranseka, bakanshinyagurira; barampema, bakanzunguriza imitwe, bati: ‘Bishyire ku Uwiteka amukize, Abimukuremo, kuko amwishimira.” “Mbasha kubara amagufwa yanjye yose; bandeba bankanuriye amaso. Bagabana imyenda yanjye, bafindira umwambaro wanjye.” “Mpindutse umushyitsi kuri bene Data, n’umunyamahanga kuri bene mama. Kuko ishyaka ry’inzu yawe rindya; ibitutsi by’abagutuka byaguye kuri jye. Ibitutsi byamenaguye umutima, ndarwaye cyane: nashatse uwangirira imbabazi, ariko ntihaboneka n’umwe; nashatse abo kumara umubabaro, ndababura.”* Zaburi 22:6-8, 17,18; 69:8, 9, 20. {INI 141.2}

Mbega uburyo ubuhanuzi bwa Yesaya bwavugaga ku mibabaro n’urupfu rwa Kristo bwari mu kuri! Umuhanuzi Yesya yarabajije ati, *” Ni nde wizeye ibyo twumvise? Kandi ukuboko k’Uwiteka kwahishuriwe nde? Kuko yakuriye imbere ye nk’ikigejigeji, nk’igishyitsi cyumburira mu butaka bwumye; ntiyari afite ishusho nziza cyangwa igikundiro, kandi ubwo twamubonaga, ntiyari afite ubwiza bwatuma tumwifuza. Yarasuzugurwaga, akangwa n’abantu; yari umunyamibabaro wamenyereye intimba; yasuzugurwaga nk’umuntu abandi bima amaso, natwe ntitumwubahe.* {INI 141.3}

“Ni ukuri, intimba zacu ni zo yishyizeho, imibabaro yacu ni yo yikoreye; ariko twebweho twamutekereje nk’uwakubiswe n’Imana, agacumitwa na yo, agahetamishwa n’imibabaro. Nyamara ibicumuro byacu ni byo yacumitiwe, yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu, igihano kiduhesha amahoro cyari kuri we, kandi imibyimba ye ni yo adukirisha.” {INI 141.4}

” Twese twayobye nk’intama zazimiye, twese twabaye intatane; Uwiteka amushyiraho gukiranirwa kwacu twese. Yararenganye, ariko yicisha bugufi, ntiyabumbura akanwa ke, amera nk’umwana w’intama bajyana kubaga, cyangwa nk’uko intama icecekera imbere

y'abayikemura, ni ko atabumbuye akanwa ke. Guhemurwa no gucirwaho iteka ni byo byamukujeho; mu bo igihe cye, ni nde witayeho ko yakuwe mu isi y'abazima, akaba yarakubitiwe ibicumuro by'ubwoko bwe?" (Yesaya 53:1-8.) {INI 141.5}

Ndetse n'uburyo yagombaga gupfa bwari bwaragaragajwe. Nk'uko inzoka y'icyuma yari yaramanitswe mu butayu, ni ko Umucunguzi wari kuzaza yari kuzamanikwa, *"kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho."* Yohana 3:16. *"Kandi bazambaza bati: 'Izo nguma zo mu biganza byawe wazikomerekejwe n'iki?' Na we azabasubiza ati: 'Izi nguma nazikomerekeye mu nzu y'incuti zanjye."* Zakariya 13:6. {INI 142.1} *" Bategetse ko ahambanwa n'abanyabyaha, yari kumwe n'umutunzi mu rupfu rwe; nubwo atagiraga urugomo, kandi ntagire uburyarya mu kanwa ke. Ariko Uwiteka yashimye kumushenjagura, yaramubabaje, ubwo ubugingo bwe buzitambaho igitambo cyo gukuraho ibyaha, azabona urubyaro, azarama, ibyo Uwiteka ashaka bizasohozwa neza n'ukuboko kwe."* Yesaya 53:9-10. {INI 142.2}

Nyamara uwagombaga kwicwa n'amaboko y'abanyabyaha, yanagombaga kuzuka atsinze icyaha n'urupfu. Ahumekewe n'Ishoborabyose, Umuririmbyi waririmbaga neza wo mu ishyanga rya Isiraheli yari yarahamije ibyishimo bizaba mu gitondo cy'umuzuko. Yavuganye ibyishimo ati, *" Ni cyo gituma umutima wanjye unezerwa, ubwiza bwanjye bukishima, kandi n'umubiri wanjye uzagira amahoro. Kuko utazareka ubugingo bwanjye ngo bujye ikuzimu, kandi utazakundira umukunzi wawe ko abona kubora."* Zaburi 16:9, 10. {INI 142.3}

Pawulo yerekanye uburyo Imana yari yarahuje umurimo w'ubutambyi n'ubuhanuzi bwerekezaga ku wagombaga " kujyanwa nk'umwana w'intama bajyana kubaga. *" Mesiya yari gutanga ubugingo bwe nk' "Igitambo cyo gukuraho ibyaha." Yitegereje mu myaka myinshi kugeza ku byari kuzaba igihe Umukiza yari gutambwaho igitambo, umuhanuzi Yesaya yari yarahamije ko Umwana w'intama w'Imana " yasutse ubugingo bwe, akageza ku gupfa, akabaranwa n'abagome, akishyiraho ibyaha bya benshi; kandi agasabira abagome."* Yesaya 53:7, 10, 12. {INI142.4}

Umukiza wavuzwe mu buhanuzi yagombaga kuza, ataje nk'umwami w'igihe gito kugira ngo avane ishyanga ry'Abayahudi mu bubata bw'abatware b'isi babatwazaga igitugu. Ahubwo yaje nk'umuntu mu bandi bantu, agira imibereho ya gikene no kwicisha bugufi, kandi amaherezo arasuzugurwa, arangwa ndetse aricwa. Umukiza wari warahanuwe mu byanditswe mu Isezerano rya Kera yagombaga kwitangaho igitambo mu mwanya w'inyokomuntu yacumuye. Muri we ibitambo byamushushanyaga byahurijwe mu gitambo nyakuri, kandi urupfu rwe ku musaraba rwagombaga guha agaciro ubukungu bw'Abayahudi. {INI 142.5}

Pawulo yabwiye Abayahudi b'i Tesalonike ibyerekeye ishyaka yagiriraga amategeko y'imihango kandi anababwira n'ikintu gitangaje cyamubayeho ageze ku irembo ry'i Damasiko. Mbere yo guhinduka kwe, yirataga ubutungane yakomoraga kuri ba sekuruza, ibyo bikaba byari ibyiringiro bidafite ishingiro. Ukwizera kwe ntikwari kwarigeze gushinga imizi muri Kristo kuko yari yarashyize ibyiringiro bye mu migenzo n'imihango. Ishyaka yari afitiye amategeko ryari ryaratandukanyijwe no kwizera Kristo kandi ntacyo ryari rimaze. Igihe yirataga ko ari intungane mu byo gukora imirimo itegetswe n'amategeko, yari yanze Uwahesheje amategeko agaciro. {INI 142.6}

Igihe Pawulo yahindukaga, ibintu byose byari byarahindutse. Yesu w'i Nazareti, uwo yarenganyaga yibasira abayoboke be bazira inenge, yamubonekeye nka Mesiya wasezeranwe. Uwarenganyaga yamubonye ameze nk'Umwana w'Imana, uwari waraje ku isi mu rwego rwo gusohora k'ubuhanuzi kandi mu mu buzima bwe, akaba ari we wujuje ibintu byose byavuzwe n'Ibyanditswe Byera. {INI 143.1}

Igihe Pawulo yamamazaga ubutumwa bwiza mu rusengero i Tesalonike ashize amanga, umucyo mwinshi warashe ku busobanuro nyakuri bw'imigenzo n'imihango yari ifitanye isano n'imirimo yakorwaga mu rusengero. Yatumye ibitekerezo by'abamwumvaga birenga ibyaberaga ku isi no ku murimo wa Kristo mu ijuru, byerekera ku gihe azaba arangije umurimo we w'ubuhuza maze Kristo akagaruka mu mbaraga no mu ikuzo rihebuje akimika ubwami bwe ku isi. Pawulo yizeraga ukugaruka kwa Kristo; bityo mu buryo busobanutse neza, yavuze ukuri kujyanye no kugaruka kwa Kristo ku buryo uko kuri kwiyanditse mu bitekerezo by'abantu benshi bamwumvise ubutazahanagurika. {INI 143.2}

Pawulo yabwirije Abanyatesalonike ku masabato atatu akurikiranye, ajya impaka na bo mu Byanditswe byerekeranye n'ubuzima, urupfu, umuzuko, umurimo we wo mu ijuru, n'ikuzo ry'igihe kizaza rya Kristo, *"Umwana w'intama watambwe uhereye ku kuremwa kw'isi."* Ibyah 13:8. Yerereje Kristo, uwo ugusobanukirwa neza n'umurimo we ari urufunguzo rukingura Ibyanditswe mu Isezerano rya Kera, rugatuma umuntu agera ku butunzi bukomeye bubirimo. {INI 143.3}

Ubwo ukuri k'ubutumwa bwiza kwamamazwaga i Tesalonike n'imbaraga ikomeye, abantu benshi bakwitayeho. *"Bamwe muri bo barabyemera, bifatanya na Pawulo na Sila, n'Abagiriki bubaha Imana benshi na bo ni uko, n'abagore b'icyubahiro batari bake."* Ibyak 17:4. {INI143.4} Nk'uko byagenze ahandi hantu intumwa zabanje, Pawulo na Sila bahuye no kubarwanya gukomeye. *"Ariko Abayuda batizeraga babagirira ishyari ."* Ibyak 17:5. Abo Bayahudi ntibari bishimiye ubutegetsi bw'i Roma kuko mbere y'aho gato, bari barigaragambije i Roma. Abanyaroma babarebanaga urwikekwe kandi bari babujijwe kugira umudendezo. Babonye amahirwe yo kwisunga ibyo bihe kugira ngo bongere bakundwe kandi banagirire nabi intumwa n'abayobokaga Ubukristo. {INI 143.5}

Bagambiriye kugera kuri ibi bifatanya n' "Abagabo babi b'inzererezi" ari bwo buryo bakoresheje mu "Gutera imidugararo mu mudugudu." Bibwiye ko bari bubone intumwa, "bateye inzu ya Yasoni," ariko ntibashoboye kubona Pawulo na Sila. "Bababuze, bakurubana Yasoni na bene se bamwe, babajyana imbere y'abatwara umudugudu, barasakuza bati: *"Abubitse ibihugu byose baje n'ino, Yasoni arabacumbikira. Aba bose bagomeye amategeko ya Kayisari, bavuga ko hariho undi Mwami witwa Yesu."* Ibyak 17:6,7. {INI 144.1}

Pawulo na Sila badashoboye kuboneka, kugira ngo amahoro aboneke abacamanza baboshye abizera baregwaga. Batinye imidugararo yindi yashoboraga kubaho, *"bene Data bahise bohereza Pawulo na Sila i Beroya."* Ibyak 17:10. Muri iki gihe, abigisha ukuri kutamamaye ntibakwiriye gucika intege, niba rimwe na rimwe batakirwa neza ndetse n'abavuga ko ari Abakristo nk'uko byagendekeye Pawulo na bagenzi be ubwo habonekaga bamwe bavuye mu bo babwirizaga ubutumwa bwiza. Intumwa zamamaza iby'umusaraba zigomba gutwara intwaro yo kuba maso no gusenga kandi zikajya imbere zifite kwizera

n’ubutwari, zikorera iteka mu izina rya Yesu. Zigomba kwerereza Kristo nk’umuvugizi w’umuntu mu buturo bwo mu ijuru.Zikerereza Kristo uwo ibitambo byose byo mu Isezerano rya Kera byerekezagaho, kandi uwo binyuze mu gitambo cye cy’impongano, abishe amategeko y’Imana bashobora kubona amahoro n’imbabazi. {INI 144.2}

******

IGICE CYA 23 - I BEROYA NA ATENE

(Iki gice gishingiye mu Byakozwe n'Intumwa 17:11-34)

I Beroya Pawulo yahabonye Abayahudi bifuzaga gucukumbura ukuri yigishaga. Luka yabavuzeho ati: *"Ariko abo bo bari beza kuruta abo i Tesalonike, kuko bakiranye ijambo ry'Imana umutima ukunze, bashaka mu byanditswe iminsi yose, kugira ngo bamenye yuko ibyo bababwiye ari iby'ukuri koko. Nuko benshi muri bo barizera, n'abagore b'icyubahiro b'Abagiriki, n'abagabo batari bake."* Ibyak 17:11,12. {INI 145.1}.Ntabwo ab'i Beroya bemeye ko intekerezo zibangamirwa n'ibyo batekerezaga ubwabo. Bifuzaga gucukumbura ukuri kw'inyigisho intumwa zabwirizaga. Bigaga Bibiliya bidaturutse ku matsiko, ahubwo bayigaga ari ukugira ngo bamenye ibyari byaranditswe kuri Mesiya wasezeranwe. Bashakishaga mu byanditswe buri munsi, kandi uko bagereranyaga ibyanditswe n'ibindi byanditswe. Abamarayika bo mu ijuru bababaga iruhande, bakamurikira intekerezo zabo kandi bakemeza imitima yabo. {INI 145.2}

Ahantu hose ukuri k'ubutumwa bwiza bwamamazwa, abantu mu by'ukuri bifuza gukora ibitunganye bayoborwa mu gushakashaka kwimbitse mu Byanditswe. Mu bihe bisoza amateka y'iyi si, iyaba ababwirwa ukuri kubakangura bakurikizaga urugero rw'ab'i Beroya, bagashakashaka Ibyanditswe buri munsi kandi bakagereranya ijambo ry'Imana n'ubutumwa babwiwe, ahari abantu bake bubaha amategeko y'Imana haboneka umubare munini. Nyamara igihe ukuri kwa Bibiliya kutazwi na benshi kwigishijwe, abantu benshi ntibemera gukora iri kugenzura. Nubwo badashobora kugisha impaka inyigisho zumvikana zo mu Byanditswe, nta bushake berekana bwo kugenzura ibihamya bahawe. Nubwo izo nyigisho ziba ari ukuri, abantu bamwe bemeza ko kwemera umucyo mushya cyangwa kutawemera ntacyo bitwaye. Bityo

bagakomeza kwihambira ku migani inejejwe y'ibihimbano umwanzi akoresha kugira ngo ayobye abantu. Ibitekerezo byabo byijimishijwe n'ibinyoma kandi bagatandukana n'ijuru. {INI 145.3}

Abantu bose bazacirwa urubanza hakurikijwe umucyo bahawe. Uwiteka yohereza intumwa ze zitwaye ubutumwa bw'agakiza kandi ababwumva bazabazwa uko bafata amagambo y'abagaragu be. Abashaka ukuri babikuye ku mutima bazitonda bagenzure inyigisho bahabwa bayobowe n'ijambo ry'Imana. {INI 145.4}

Abayahudi batizera b'i Tesalonike, buzuye ishyari n'urwango bangaga intumwa, ntibanyuzwe no kuzirukana mu mudugudu wabo. Bazikurikiye i Beroya maze bazitereza rubanda. Abavandimwe b'intumwa mu kwizera batinye ko Pawulo niba agumye i Beroya ashobora kugirirwa nabi, bamwohereje Atene aherekejwe na bamwe mu bantu b' i Beroya bari bamaze kwizera. Nuko akarengane gakurikirana abigisha b'ukuri uko bavaga mu mudugudu bajya mu wundi. Abanzi ba Kristo ntibashoboraga kubuza ubutumwa bwiza kwamamara, ariko bashoboye gutuma umurimo w'intumwa urushako kugora. Nubwo yari yugarijwe no kurwanywa ndetse n'amakimbirane, Pawulo yakomeje gutwaza ajya imbere, yiyemeje gusohoza umugambi w'Imana nkuko yawuhishuriwe mu iyerekwa yagiriye i Yerusalemu: *"Genda kuko nzagutuma kure mu banyamahanga."* Ibyak 22:21. Kuva i Beroya huti huti byavukije Pawulo amahirwe yari yarifuje yo gusura bene se b'i Tesalonike. {INI 145.5}

Ageze Atene, Pawulo yatumye bene se b'i Beroya kuri Sila na Timoteyo kugira ngo bahite bamusanga Atene bidatinze. Timoteyo yari yarageze i Beroya mbere yo kugenda kwa Pawulo kandi we na Sila bari barasigariye gukomeza umurimo wari warahatangiwe ndetse no kwigisha abayoboke bashya amahame yo kwizera. {INI 146.1}

Umugi wa Atene wari umurwa mukuru w'ubupagani. Muri uyu mujyi Pawulo ntiyahuye n'injiji n'abemera gato nk'i Lusitira, ahubwo yahahuriye n'abantu b'ibyamamare kubera ubwenge n'umuco byabo. Aho wageraga hose wahabonaga amashusho y'ibigirwamana byabo n'ay'intwari zo mu mateka yabo n'ubusizi. Wabonaga kandi inyubako nziza n'ibishushanyo by'ubukorokori n'ubugeni byerekanaga ikuzo ry'igihugu no kuramya ibigirwamana by'abapagani byari byaramamaye. Abantu banezezwaga cyane n'ubwiza bw'ibintu by'ubukorokori

n’ubugeni. Ingoro n’insengero binini cyane kandi byubatswe mu bikoresho bihenze cyane byabonekaga ahantu hose. Insinzi n’imirimo by’abantu b’ibirangirire byibukirwaga ku bishushanyo by’ubugeni n’ubukorokori. Ibi byose byatumaga Atene iba ahantu hagaragara cyane ibintu by’ubugeni n’ubukorokori. {INI 146.2}

Igihe Pawulo yitegerezaga ubwiza buhebuje bwari bumukikije kandi akabona uwo mujyi wose wareguriwe gusenga ibigirwamana, ibitekerezo bye byagiriye Imana ishyaka kuko yabonaga ko bayambuye icyubahiro cyayo, kandi umutima we ugirira impuhwe abatuye Atene kuko batari bazi Imana nyakuri nubwo bari abanyabwenge mu muco wabo. {IN146.3}

Intumwa Pawulo ntiyayobejwe n’ibyo yabonye muri uwo mujyi wari ihuriro ry’ubuhanga. Kamere ye mu by’umwuka yari nzima mu gukururwa n’ubutunzi bw’ijuru ku buryo ibyishimo n’icyubahiro by’ubutunzi butazashira byatumye ibyiza byari bimukikije nta gaciro bigira mu maso ye. Ubwo yitegerezaga ubwiza bwa Atene, yabonye imbaraga z’uwo mujyi zareshyaga abakunda ubukorikori n’ubuhanga, bityo ibitekerezo bye bikangukira cyane guha agaciro umurimo ukomeye wari imbere ye. {INI 146.4}

Muri iyu mujyi ukomeye, aho Imana itaramywaga, Pawulo yababajwe n’uko yari wenyine yifuza kugirirwa impuhwe no gufashwa na bagenzi be bakoranaga. Kuko gukenera kuba hamwe n’incuti byari bimuhangayikishije, Pawulo yumvise ari mu bwigunge. Mu rwandiko yandikiye Abanyatesalonike yagaragaje uko amerewe muri aya magambo: *“Twasigaye mu Atenayi twenyine.”* (1Tes 3:1). Inzitizi zagaragaraga nk’aho zimukomereye gusimbuka zari imbere ye, zamucaga intege mu gihe yageragezaga kugera ku mitima y’abantu. {IN147.1}

Igihe Pawulo yari agitegereje Sila na Timoteyo, ntiyicaye ntacyo akora. *“Nuko agira impaka mu isinagogi y’Abayuda n’abubaha Imana, kandi no mu iguriro iminsi yose ajya impaka n’abamusangaga.”* (Ibyak 17:17). Ariko umurimo we w’ingenzi mu Atene wari uwo kubwira inkuru nziza y’agakiza abantu batigeze bamenya Imana n’umugambi ifitiye inyokomuntu yacumuye. Intumwa Pawulo yari hafi guhangana n’ubupagani bwari bwaratwaye intekerezo z’abantu. {INI 147.2}

Abantu bakomeye bo mu Atene ntibifuzaga ko Pawulo, (umwigisha woroheje wabwiraga abantu amahame mashya kandi y'inzaduka), yabigishiriza mu ruhame rw'abatuye uwo mujyi. Bamwe muri abo bantu bashatse Pawulo maze baraganira. Hashize akanya gato abantu benshi barabakikiza baje kubumva. Bamwe bari biteguye guseka Pawulo nk'umuntu wari uciye bugufi cyane kuri bo mu by'imibereho myiza no mu bwenge, bityo bamumwaza bavuga bati: *"Uyu munyamagambo aravuga iki?" Abandi bati, "ubanza ari uwigisha abantu imana z'inzaduka." Babivugiye batyo "kuko yavugaga ubutumwa bwiza bwa Yesu n'ubwo kuzuka."* Ibyak 17:18. {INI 147.3}

Mu bantu bahuriye na Pawulo mu isoko harimo "bamwe mu banyabwenge bitwa Abepikureyo, n'abandi bitwa Abasitoyiko;" ariko abo banyabwenge n'abandi bose bahuye na Pawulo, baje gusanga ko afite ubwenge burenze ubwabo. Imbaraga y'ubwenge bwe yatumaga abanyabwenge bamwubaha; mu gihe imitekerereze ye ishyize mu gaciro n'imbaraga zari mu mvugo nziza ye byakururaga intekerezo z'abantu bose bari bamuteze amatwi. Abamwumvaga baje kumenya ko atari umutangizi, ahubwo yari ashoboye kwemeza abantu b'ingeri zose akoresheje ingingo zishyigikira inyigisho yigishaga. Bityo rero, intumwa Pawulo yahagaze ashikamye, aca bugufi asanga abamugishaga impaka mu mitekerereze yabo, akagenda ahuza imitekerereze yabo n'iye, ubwenge bwabo n'ubwe ndetse n'imvugo nziza. {INI 147.4}

Abapagani bamurwanyaga bamweretse ibyabaye kuri Sokarate, wari waraciriwe urwo gupfa kubera ko yigishaga imana z'inzaduka. Bityo bagiriye Pawulo inama yo kudashyira ubugingo bwe mu makuba nk'uko byagendekeye Sokarate. Nyamara ibyo intumwa Pawulo yavugaga byanyuze abantu, kandi ubwenge bwe bushyitse butuma bamwubaha kandi baramushima. Ntiyigeze acecekeshwa n'ubwenge cyangwa imvugo isobetse by'abanyabwenge. Babonye ko yamaramaje gusohoza umugambi we muri bo wo kubabwira amateka ye, mu buryo bwose, biyemeje kumutega amatwi. {INI 147.5}

Kubw'ibyo, bamujyanye ku musozi w'ikigirwamana cya Marisi (bahitaga "Areyopago"). Aha hantu hari hamwe mu hantu hubahwa cyane muri Atene yose, kandi amakoraniro yahaberaga n'ibitekerezo byahatangirwaga byatumaga abantu bahubaha mu buryo budasanzwe ku buryo abantu bamwe bahatinyaga cyane. Aha niho akenshi ibibazo

bifitanye isano n'iyobokamana byasuzumirwaga n'abantu bakoraga nk'abacamanza barangiza imanza zijyanye n'ibibazo bikomeye byaba iby'imico mbonera n'iby'ubutegetsi. {INI 148.1}

Ara aha hantu aho yari yitaruye urusaku rw'imbaga y'abantu n'impaka zuzuye umuvurungano, intumwa Pawulo yashoboraga kumvwa nta kirogoya. Yari akikijwe n'abasizi, abanyabukorikori ndetse n'abacurabwenge- aribo intiti n'abanyabwenge bo muri Atene. Baramubajije bati: *"Mbese twashobora kumenya izo nyigisho nshya uvuga izo ari zo? Ko uzanye amagambo y'inzaduka mu matwi yacu! Nuko rero turashaka kuyamenya ayo ari yo."* Ibyak 17:19, 20. {INI 148.2}

Muri icyo gihe gikomeye, intumwa Pawulo yari atuje kandi ashikamye. Umutima we wari uremerewe n'ubutumwa bw'ingenzi kandi amagambo yavaga mu kanwa ke yemezaga abamwumvaga ko atari umuntu uvuga ibyo adasobanukiwe. Yarababwiye ati, *"Bagabo b'Abanyatenayi, mbonye muri byose ko mukabije kwibanda mu by'idini. Ubwo nagendagendaga, nitegereza ibyo musenga, nasanze igicaniro cyanditsweho ngo 'ICY'* ***IMANA ITAMENYWA.*** *' Nuko iyo musenga mutayizi ni yo mbabwira."* (Ibyak 17: 22, 23). Nubwo bari abanyabwenge kandi bafite ubumenyi rusange, ntabwo bari bazi Imana yaremye isanzure. Nyamara hariho bamwe bifuzaga gusobanukirwa biruseho. Bageragezaga gushaka Uhoraho. {INI 148.3}

Pawulo yarambuye ukuboko kwe akwerekeza ku ngoro yuzuye ibigirwamana maze ababwira icyari kumuri ku mutima. Yashyize ahagaragara ubuyobe buri mu by'idini y'Abanyatene. Abahanga bakomeye bari mu bantu bari bamuteze amatwi batangajwe n'imitekerereze ye. Yaberetse ko asobanukiwe imirimo yabo y'ubukorikori, inyandiko zabo n'idini yabo. Yatunze urutoki ibishushanyo n'ibigirwamana byabo, maze avuga ko Imana itagereranywa n'ibishusho byahimbwe n'umuntu. Ibi bishushanyo bibajwe ntibyashoboraga kwerekana ikuzo rya Yehova mu myumvire iyo ari yo yose. Yabibukije ko ibyo bishushanyo bitari bifite ubugingo, ko ahubwo byategekwaga n'imbaraga y'umuntu, ko biva aho biri igihe gusa bisunitswe n'amaboko y'abantu; bityo rero ababiramyaga barushaga agaciro cyane ibyo bintu baramyaga. {INI 148.4}

Pawulo yerekeje intekerezo z'abo basengaga ibigirwamana bari bamuteze amatwi hirya y'idini yabo y'ibinyoma abaganisha ku gusobanukirwa Imana neza. Iyo Mana ni yo bari barise *"Imana itamenywa"* Ibyak 17:23. Iyi Mana yababwiraga ntiyari ibeshejweho n'umuntu, ntacyo yari ikeneye kiva mu maboko y'abantu kugira ngo cyongere imbaraga n'icyubahiro byayo. {INI 149.1}

Abantu batwawe no gutangarira ibyo Pawulo yavugaga bijyanye n'imico y *'Imana nyakuri, ibijyanye n'imbaraga yayo yo kurema ndetse no kubaho k'ubutegetsi bwayo. Mu mvugo ye yumvikana intumwa Pawulo yaravuze ati, "Imana yaremye isi n'ibiyirimo byose, Iyo kuko ari yo Mwami w'ijuru n'isi, ntiba mu nsengero zubatswe n'abantu; kandi ntikorerwa n'amaboko y'abantu, nk'ugira icyo akennye, kuko ari yo yahaye bose ubugingo no guhumeka n'ibindi byose."* Ibyak 17:24, 25. Ijuru ntiryari rinini bihagije kugira ngo Imana irikwirwemo, mbega ukuntu ingoro zubatswe n'intoki z'abantu zari ntoya! {INI 149.2}

Muri icyo gihe cy'ivangura hagati y'abantu n'abandi, igihe uburenganzira bwa muntu butubahirizwaga, Pawulo yagaragaje ukuri gukomeye kwerekana ko abantu ari abavandimwe avuga ati, *"Kandi yaremye amahanga yose y'abantu, bakomoka ku muntu umwe, ibakwiza mu isi yose."* (Ibyak 17:26). Mu maso y'Imana abantu bose barareshya, kandi buri muntu wese akwiriye kubaha Umuremyi. Intumwa Pawulo yerekanye uburyo binyuze mu byo Imana ikorera umuntu byose, umugambi wayo w'ubuntu n'imbabazi bimeze nk'urudodo rw'izahabu. *"Ni na yo yashyizeho ibihe by'imyaka ko bikuranwa uko yategetse, igabaniriza abantu ingabano z'aho batuye, kugira ngo bashake Imana, ngo ahari babashe kuyibona bakabakabye; kandi koko ntiri kure y'umuntu wese muri twe."* Ibyak 17:26, 27. {INI 149.3}

Yitanzeho ingero z'ibintu bikomeye biranga umuntu, abivuga akoresheje amagambo atiye ku musizi wabo bwite bemeraga maze asobanura Imana ihoraho nk'Umubyeyi, uwo bari babereye abana. Yaravuze ati: *" Kuko ari muri yo dufite ubugingo bwacu, tugenda, turiho; nk'uko bamwe bo mu bahimbyi b'indirimbo banyu bavuze bati, 'Turi urubyaro rwayo.' Nuko rero ubwo turi urubyaro rw'Imana, ntidukwiriye kwibwira yuko Imana isa n'izahabu cyangwa ifeza, cyangwa ibuye cyangwa ikindi kibajijwe n'ubukorikori bw'abantu n'ubwenge bwabo.* {INI149.4}

“Nuko iyo minsi yo kujijwa Imana yarayirengagije; ariko noneho itegeka abantu bose bari hose kwihana.” (Ibyak 17:28-30). Mu myaka y’umwijima yabanjirije kuza kwa Kristo, Imana yari yarirengagije ugusenga ibigirwamana kw’abapagani; ariko ubu bwo ibinyujije mu Mwana wayo, yoherereje abantu umucyo w’ukuri; kandi yari itegereje ko bihana bakakira agakiza. Abihana ntibagombaga kuva mu bakene n’abacishije bugufi gusa, ahubwo no mu banyabwenge bishyira hejuru ndetse no mu bikomangoma byo ku isi. *“Kuko yashyizeho umunsi wo gucira ho urubanza rw’ukuri rw’abari mu isi bose, izarucisha umuntu yatoranije: kandi ibyo yabihamirije abantu bose ubwo yamuzuye”. Igihe Pawulo yavugaga iby’umuzuko w’abapfuye, “bamwe barabineguye, abandi bati ‘Uzabitubwira ubundi.’*Ibyak 17:31, 32. {INI 149.5}

Uko niko umurimo w’intumwa Pawulo warangiye muri Atene, ahari icyicaro cy’inyigisho za gipagani bitewe n’uko abanyatene biziritse ku gusenga ibigirwamana kwabo bagatera umugongo umucyo w’iyobokamana nyakuri. Igihe abantu banyuzwe mu buryo bwose n’ibyo bigereyeho ubwabo, nta kindi kirenze icyo baba bakeneye. Nubwo biratanaga ubwenge n’amajyambere, Abanyatene barushagaho kuba babi ndetse no kunezezwa n’uruvange rw’amayobera ari mu kuramya ibigirwamana. {INI 150.1}

Mu bantu bumvise amagambo ya Pawulo harimo bamwe imitima yabo yemejwe n’ukuri bagejejweho, nyamara ntibashoboraga kwicisha bugufi kugira ngo bemere Imana n’inama y’agakiza. Nta magambo aboneye, nta n’imbaraga z’ibitekerezo by’umuntu byabasha guhindura umunyabyaha. Imbaraga y’Imana yonyine ni yo ishobora gutuma umutima wakira ukuri. Umuntu ukomeza kwinangira agakerensa imbaraga zayo ntashobora gukizwa. Abagiriki bashakishaga ubwenge, nyamara ubutumwa bw’umusaraba bwari ubupfu kuri bo kuko bahaga agaciro ubwenge bwabo bwite kurusha ubwenge mvajuru. {INI 150.2}

Kwiratana ubuhanga n’ubwenge bya kimuntu bishobora kuba ari byo byabaye impamvu yo gutuma ubutumwa bwiza bugera ku musaruro muke mu Banyatene. Abantu b’isi b’abanyabwenge basanga Kristo nk’abanyabyaha bazimiye, bazahinduka abanyabwenge mu by’agakiza; ariko abamusanga nk’abanyacyubahiro, biratana ubwenge bwabo

bwite, ntibazashobora kwakira umucyo n'ubumenyi Kristo wenyine ashobora gutanga. {INI 150.3}

Uko niko Pawulo yahanganye n'ubupagani bwo mu gihe cye. Umurimo yakoreye muri Atene ntabwo wose yabaye impfabusa. Diyonisiyo, umwe mu baturage bari bazwi cyane, hamwe n'abandi bake bemeye ubutumwa bwiza maze bifatanya n'abizera. {INI 150.4} Ibyahumetswe bitugaragariza imibereho y'Abanyatene. Abo nubwo bari bafite ubumenyi, iterambere n'ubukorikori bari barirunduriye mu ngeso mbi ku buryo byabaye ngombwa ko Imana, ibinyujije mu mugaragu wayo, igaragaza uburyo irwanya kuramya ibigirwamana ndetse n'ibyaha by'ishyanga ryishyiraga hejuru kandi rikumva ryihagije. Amagambo y'intumwa Pawulo, uko imyifatire ye isobanurwa ndetse n'ahari bamuzengurutse nk'uko byavuzwe n'ibyanditswe byera, byagombaga kubwirwa ab'ibihe byose byakurikiyeho, bikababera ibihamya by'ibyiringiro bye bitajegajega, ubutwari bwe mu bwigunge no mu kaga ndetse n'insinzi yagejeje ku Bukristo igihe yari ku cyicaro cy'ubupagani. {INI 150.5}

Amagambo ya Pawulo afite ubutunzi bw'ubwenge Itorero rikeneye. Yari mu mwanya yashoboraga kuba yaravuze amagambo yari kurakaza abari bamuteze amatwi b'abibone kandi bikamuzanira ingorane. Iyo imvugo ye ijya kwahuranya ikarwanya yeruye ibigirwamana byabo ndetse n'abantu bakomeye bo mu mudugudu, aba yaragize ibyago byo kugenzwa nka Sokarate. Ariko kubera ubushishozi buturutse ku rukundo rw'Imana, yayoboye ibitekerezo byabo yitonze abikura ku bigirwamana bya gipagani, abahishurira Imana nyakuri batari barigeze kumenya. {INI 151.1}

Muri iki gihe ukuri ko mu Byanditswe gukwiriye gushyikirizwa abantu bakomeye b'isi kugira ngo bashobore guhitamo kumvira amategeko y'Imana cyangwa kuyoboka umutware w'umwijima. Imana ibashyira imbere ukuri kw'iteka ryose- ari ko kuri kuzatuma baba abanyabwenge mu by'agakiza, ariko ntibahatira kukwemera. Igihe banze ukuri, Imana irabareka kugira ngo bahage imbuto z'ibikorwa byabo. {INI 151.2}

"Ijambo ry'umusaraba ku barimbuka ni ubupfu; ariko kuri twebwe abakizwa, ni imbaraga z'Imana; kuko byanditswe ngo 'Nzarimbura ubwenge bw'abanyabwenge, n'ubuhanga bw'abahanga nzabuhindura ubusa.'" "Ahubwo Imana yatoranije abaswa bo mu isi, ngo ikoze isoni

abanyabwenge: kandi yatoranije ibinyantege nke byo mu isi, ngo ikoze isoni ibikomeye; kandi n'ibyoroheje byo mu isi n'ibihinyurwa n'ibitariho, Imana yarabitoranije ngo ihindure ubusa ibiriho." 1 Abakorinto 1:18,19,27,28. Abantu benshi b'intiti n'abategetsi, abantu b'ibyamamare mu isi, muri iyi minsi iheruka bazanga umucyo kuko ubwenge bw'isi butamenyesha umuntu Imana. Nyamara abagaragu b'Imana bakwiriye gukoresha amahirwe ayo ari yo yose kugira ngo bamenyeshe abo bantu ukuri. Bamwe bazemera ubujiji bwabo mu kumenya iby'Imana, bemere kwicisha bugufi bigire ku birenge bya Yesu we Mwigisha mukuru. {INI 151.3}

Mu muhati wose wo gushaka kugera ku bantu b'inzego zo hejuru, umukozi w'Imana akeneye ukwizera gukomeye. Ibyo arebesha amaso bishobora kugaragara nk'inkomyi nyamara mu gihe cy'umwijima ukomeye nibwo umucyo wo mu ijuru uzamumurikira. Imbaraga z'abakunda Imana kandi bakayikorera zizagenda zihinduka nshya umunsi ku wundi. Ubumenyi bw'Isumbabyose buba hamwe nabo kugira ngo igihe basohoza imigambi yayo be guteshuka. Nimureke aba bakozi bakomeze gushikama ku kwizera batangiranye kugeza ku iherezo, bibuka ko umucyo w'ukuri kw'Imana ukwiriye kurasira mu mwijima ubundikiye iyi si yacu. Nta gucika intege mu murimo w'Imana gukwiriye kubaho. Ukwizera k'umukozi watoranyijwe kugomba gutsinda ikigeragezo cyose ahuye na cyo. Imana ishobora kandi yifuza gusukira abagaragu bayo imbaraga zose bakeneye no kubaha ubwenge kugira ngo barangize neza inshingano zabo. Ku bantu bayiringira, Imana izabakorera ibirenze cyane gusohoza ibyo batekereza. {INI 151.4}

******

IGICE CYA 24 - KORINTO

(Iki gice gishingiye ku Byakozwe n'Intumwa 18:1-18)

Mu kinyejana cya mbere cy'Igihe cy'Ubukristo, Korinto wari umwe mu mijyi minini atari mu Bugiriki gusa; ahubwo no ku isi yose. Abagiriki, Abayahudi, Abanyaroma hamwe n'abagenzi bavuye hirya no hino wasangaga buzuye mu mihanda y'uwo mujyi bazanywe n'ubucuruzi no kwinezeza. Korinto yari ihuriro rikomeye ry'ubucuruzi, wari uri uherereye ahantu horoshye kugera uturutse mu ntara zose z'ubwami bwa Roma kandi hari ahantu h'ingenzi hashingwa inzibutso z'Imana n'ukuri kwayo. {INI 152.1}

Akwila na Purisikila bari bamwe mu Bayahudi bari batuye i Korinto kandi aba baje guhinduka abakozi b'abanyamuhati ba Kristo. Pawulo amaze kunyurwa n'imico yabo *"yabanye nabo."* Ibyak 18:3. {INI 152.2} Mu itangiriro ry'umurimo we muri uru rugendo, Pawulo yabonye ko impande zose hari inzitizi zikomeye ku iterambere ry'umurimo we. Abanyakorinto hafi ya bose bari barirunduriye mu bigirwamana. Venisi cyari ikigirwamana cy'ikigore cyari gikunzwe kandi kukiramya byajyanaga n'imigenzo n'imihango y'urukozasoni. Abanyakorinto bari barahindutse ibyamamare cyane no mu bapagani kubera ibyaha by'urukozasoni. Nta kindi bari bitayeho kirenze kwinezeza no kwishimisha by'icyo gihe. {INI 152.3}

Igihe yabwirizaga ubutumwa bwiza i Korinto, Pawulo yakoresheje uburyo butandukanye n'ubwo yakoresheje ari Atene. Ubwo yari Atene yagerageje kuvugana na bo agendeye ku mico y'abari bamuteze amatwi; yari yaragiye ahera ku mitekerereze yabo nawe akababwira imitererereze ye, agahuza ubumenyi bwabo n'ubwe ndetse n'ubuhanga bwabo n'ubwe. Arebye igihe ahamaze akabona n'ukuntu inyigisho ze muri Atene zageze ku musaruro muke, yiyemeje gufata indi gahunda

y’umurimo muri Korinto, agakoresha imbaraga ze kugira ngo yigarurire intekerezo z’abatari bagize icyo bitaho. Yiyemeje kutababwira amagambo yo kubemeza no kujya impaka na bo ndetse no *” kutagira ikindi amenyesha” abanyakorinto, “keretse Yesu Kristo, ari we Yesu Kristo wabambwe. N’ibyo yababwirizaga “ntibyari amagambo y’ubwenge yo kwemeza abantu, ahubwo byari ibigaragaza Umwuka n’imbaraga.”* 1Kor 2:2, 4. {INI 152.4}

Yesu, uwo Pawulo yifuzaga kuvugira imbere y’Abagiriki mu mujyi wa Korinto ko ari Kristo, yari Umuyahudi wavukiye mu muryango woroheje, arererwa mu mudugudu wari uzwi ho gukabya mu byaha. Yari yaranzwe n’ishyanga rye kandi nyuma aza kubambwa nk’umugizi wa nabi. Abagiriki bizeraga ko inyokomuntu ikeneye kuzahurwa, nyamara bafataga kwiga iby’ubucurabwenge n’ubuhanga nk’aho ari bwo buryo bwonyine bwageza umuntu ku gushyirwa hejuru nyakuri kandi agahabwa icyubahiro. Mbese Pawulo ni we wari kubemeza ko kwizera imbaraga z’uyu Muyahudi bafataga nk’umuswa ari byo byari kuzahura kandi bigahesha icyubahiro imbaraga z’umuntu? {INI 152.5}

Ku bantu benshi bo muri iki gihe, umusaraba w’i Kaluvari ubibutsa ibintu byera. Mu ntekerezo zabo bumva ibyabereye ku musaraba ari ibintu byera. Ariko mu gihe cya Pawulo umusaraba wari ikintu abantu banga kandi giteye ubwoba. Kubwiriza ko Umukiza w’inyokomuntu ari umuntu wapfuye abambwe ku musaraba, byagombaga kumutera gusuzugurwa no kurwanywa. {INI 153.1}

Pawulo yari asobanukiwe neza n’uburyo ubutumwa bwe bwari gufatwa n’Abayahudi n’Abagiriki b’i Korinto. Yaravuze ati: *“Twebweho tubabwiriza ibya Kristo wabambwe: uwo ku Bayuda ni ikigusha, ku banyamahanga ni ubupfu.”* (1Kor 1:23).Mu Bayahudi bamwumvaga harimo benshi bari kurakazwa n’ubutumwa yari agiye kwamamaza. Mu myumvire y’Abagiriki bo, amagambo ye yari ubusazi. Bashoboraga kumubona nk’umuntu ufite ubwenge buke kubwo kugeregeza kwerekana uburyo umusaraba ufitanye isano no kuzahurwa cyangwa agakiza k’inyokomuntu. {INI153.2}

Nyamara kuri Pawulo umusaraba ni wo wari ikintu kimwe gifite agaciro kuruta ibindi. Kuva amaze gufatirwa mu murimo we wo gutoteza abayoboke b’Umunyanazareti wabambwe, ntiyigeze acogora guha umusaraba icyubahiro. Icyo gihe yari yarahishuriwe urukundo

rw'Imana ruhebuje, nk'uko rwagaragarijwe mu rupfu rwa Kristo; kandi uguhinduka gutangaje kwari kwarabaye mu buzima bwe kwatumye inama ze n'imigambi ye yose bihuza n'ijuru. Kuva icyo gihe yahindutse umuntu mushya muri Kristo. Yari azi mu byo yari yaragiye ahura na byo ko iyo umunyabyaha abonye urukundo rwa Data wo mu ijuru, nk'uko rwagaragaye mu gitambo cy'Umwana we, maze akiyegurira imbaraga y'Imana ngo imuyobore, habaho guhinduka k'umutima kandi kuva icyo gihe Kristo akamubera byose muri byose. {INI153.3}

Igihe yahindukaga, Pawulo yuzujwe icyifuzo gikomeye cyo gufasha bagenzi be guhanga amaso Yesu w' i Nazareti nk'Umwana w'Imana nzima, ufite ubushobozi bwo guhindura no gukiza. Kuva icyo gihe ubugingo bwe bwose yabweguriye kwerekana urukundo n'imbaraga by'Uwabambwe. Umutima we wuje impuhwe yawugaragarizaga abantu b'inzego zose. Yaravuze ati: *"Abagiriki n'abatari Abagiriki, abanyabwenge n'abaswa, mbafiteho umwenda."* (Abaroma 1:14). Urukundo yakundaga Imana nyir'icyubahiro, iyo yari yaratotereje intungane atazibabarira, ni rwo rwari ihame riyobora imyitwarire ye, kandi rukaba n'imbaraga imutera gukora. Igihe yacikaga intege ari mu nzira yo gusohoza inshingano ye, guhanga amaso umusaraba n'urukundo rutangaje rwahagaragarijwe byabaga bihagije kugira ngo bikangure ibitekerezo bye kandi ngo ashobore gukomeza mu nzira yo kwiyanga. {INI 153.4}

Nimurebe intumwa Pawulo abwiriza mu rusengero i Korinto, ajya impaka mu nyandiko za Mose n'abahanuzi, kugeza igihe ageze ku ntego yo kubwira abamwumvaga ukuza kwa Mesiya wasezeranwe. Nimumwumve asobanura umurimo w'Umucunguzi nk'umutambyi mukuru w'inyokomuntu, uwo binyuze mu gutanga ubugingo bwe ho igitambo yagombaga kuba icyiru cy'icyaha rimwe by'iteka ryose kandi nyuma agakomereza umurimo we mu buturo bwo mu ijuru. Abari bateze Pawulo amatwi bashobojwe gusobanukirwa ko Mesiya bari barifuje ukuza kwe, yari yaraje; kandi ko urupfu rwe ari rwo ibitambo byose byerekezagaho. Basobanukiwe kandi ko umurimo we mu buturo bwo mu ijuru werekanaga kandi ugasobanura umurimo w'ubutambyi wa Kiyahudi. {INI154.1} Pawulo, yahamirije Abayahudi yuko Yesu ari we Kristo. (Ibyak 18:5).Yahereye mu Byanditswe by'Isezerano rya Kera abereka ko nk'uko ubuhanuzi n'ibyo Abayahudi bari bategereje byavugaga, Mesiya yagombaga kuzaba uwo mu rubyaro rwa Aburahamu na Dawidi. Bityo yerekana ibisekuruza bya Yesu bihereye

ku mukurambere Aburahamu ugakomeza no kuri Dawidi. Yasomye ubuhamya bw'abahanuzi ku byerekeranye n'imico n'umurimo bya Mesiya wasezeranywe, uko azakirwa n'uko azagenzwa ku isi. Yaberetse ko ubwo buhanuzi bwose bwari bwarasohoreye mu buzima, umurimo n'urupfu rwa Yesu w'i Nazareti. {INI 154.2}

Pawulo yerekanye ko Kristo yari yaraje gukiza mbere na mbere ishyanga ryari ritegereje ukuza kwa Mesiya nko kuzura n'icyubahiro by'ishyanga ryabo. Ariko iryo shyanga ryari ryaranze uwari kuba yarabahaye ubugingo, rihitamo undi muyobozi ingoma ye yari kuzarangirira mu rupfu. Yagerageje kumenyesha abari bamuteze amatwi ko kwihana konyine ari ko kwashoboraga gukiza ishyanga ry'Abayahudi kuva mu kurimbuka kwari kubategereje. Yahishuye ubujiji bwabo bwo kudasobanukirwa ibyerekeranye n'ubusobanuro bw'ibyo Byanditswe birataga kandi bakihesha ikuzo ko babisobanukiwe neza. Yamaganye kwitwara nk'ab'isi kwabo, gukunda ibyubahiro, kwiyerekana n'ubugugu bukabije. {INI 154.3}

Pawulo afite imbaraga ya Mwuka, yabatekerereje inkuru yo guhinduka kwe kwabaye mu buryo bw'igitangaza n'icyizere cye mu Byanditswe mu Isezerano rya Kera byari byarasohoreye muri Yesu w'i Nazareti. Pawulo yavuganye ishema, kandi abamwumvaga bashoboye gusobanukirwa ko yakundishaga umutima we wose Umukiza wabambwe kandi akazuka. Babonye ko ibitekerezo bye byari bihurijwe muri Kristo kandi ko imibereho ye yari yomatanye n'Umwami we. Amagambo ye yarashimwaga uretse gusa abangaga urunuka idini ya Gikristo nibo batavanwaga mu byimbo n'ayo magambo. {INI 154.4}

Ariko Abayahudi b'i Korinto birengagije ibihamya byumvikana neza Pawulo aberetse, maze banga kumva irarika rye. Umwuka watumye banga Kristo, ni nawo wabujuje umujinya n'uburakari bagiriye umugaragu we; kandi iyo Imana itaza kumurinda mu buryo bw'umwihariko kugira ngo akomeze yamamaze ubutumwa bwiza mu banyamahanga, bagombaga kuba baramuhitanye. {INI 155.1}
"Na bo bamugisha impaka, batuka Yesu, akunkumura imyenda ye, arababwira ati : 'Amaraso yanyu ababeho; jyeweho ntandiho; uhereye none ngiye ku banyamahanga.' Aherako avayo, yinjira mu nzu y'umuntu witwaga Titiyo Yusito, wubahaga Imana, inzu ye yari iherereye n'isinagogi." Ibyak 18:6,7. {INI 155.2}

Sila na Timoteyo bari bavuye i Makedoniya baje gufasha Pawulo, kandi bafanyirije hamwe bigisha abanyamahanga. Pawulo na bagenzi be babwirije Abapagani n'Abayahudi ko Kristo ari Umukiza w'inyokomuntu yacumuye. Birinze kuvuga ku nyigisho zikomeye maze izo ntumwa zamamazaga iby'umusaraba zibanda ku mico y'Umuremyi w'isi ari we Mutegetsi w'ikirenga w'isanzure. Imitima yabo yagurumanaga urukundo rw'Imana n'Umwana wayo, maze bingingira abapagani gutumbira igitambo gihebuje cyatanzwe mu cyimbo cy'umuntu. Bari bazi ko igihe abo bantu bari bamaze igihe kirekire barindagirira mu mwijima w'ubupagani babonye umucyo uturuka ku musaraba w'i Karuvali, bashoboraga kuzanwa ku Mucunguzi. Umukiza yari yaravuze ati:*"Nanjye nimanikwa hejuru y'isi, nzireherezaho abantu bose."* Yohana 12:32. {INI 155.3}

Muri Korinto, abavugabutumwa bwiza bahabonye ingorane zikomeye zateraga ubwoba abo babwirizaga kandi ni kubwo gusobanukirwa inshingano bari bafite byatumye bavuga ukuri nk'uko kuri muri Yesu. Ubutumwa bwabo bwarumvikanaga, bworoshye kandi burasa ku ntego. Bwari impumuro y'ubugingo itanga ubugingo cyangwa impumuro y'urupfu itanga urupfu. Ubutumwa bwiza ntibwagaragariraga mu mu magambo yabo gusa, ahubwo no mu buzima bwa buri munsi. Abamarayika bafatanyaga na bo; kandi ubuntu n'imbaraga by'Imana bikagaragarira mu bantu benshi bahindukaga. *"Ariko Kirisipo, umutware w'isinagogi, yizerana Umwami Yesu n'abo mu rugo rwe bose; n'Abakorinto benshi bumvise Pawulo na bo barizera barabatizwa."* Ibyak 18:8. {INI 155.4}

Urwango Abayahudi bahoraga bagaragarizaga intumwa rwahereyeko ruriyongera. Aho kugira ngo bemere, aba barwanyaga Pawulo kandi banangiye imitima barakajwe no guhinduka no kubatizwa kwa Kirisipo. Ntibashoboraga kugira ibyo bavuga byavuguruza ibibwirizwa bya Pawulo; maze babibuze bifashisha guhimba ibinyoma no kumurwanya mu ibanga. Batutse ubutumwa bwiza n'izina rya Yesu. Mu burakari bwabo budafite aho bushingiye nta magambo asharira n'uburyo bubi bwose batakoresheje. Ntibashoboraga guhakana ko Yesu yari yarakoze ibitangaza ariko bavugaga ko yabikoreshwaga n'imbaraga ya Satani kandi banemeza bashize amanga ko n'imirimo itangaje Pawulo akora na we ayikoreshwa n'imbaraga yakoreshaga Yesu. {INI 155.5}

Nubwo Pawulo yabonye umusaruro mwiza i Korinto, ubugome yabonye kandi yumvise muri uwo mujyi wari warasaye mu byaha byamucaga intege. Ukwitwara nabi yabonye mu banyamahanga n'agasuzuguro n'ibitutsi Pawulo yatutswe n'Abayahudi byamushenguye umutima cyane. Yashidikanyije ku gitekerezo cyo kugerageza kubaka Itorero ahereye kubyo yari ahasanze. {INI 156.1} Igihe yiteguraga kuva muri uwo mujyi kugira ngo ajye ahandi heza kandi ashaka gusobanukirwa n'inshingano ye, Uwiteka yaramwiyeretse mu iyerekwa aramubwira ati : *"Ntutinye, ahubwo uvuge, we guceceka, kuko ndi kumwe na we, kandi nta muntu uzagutera kukugirira nabi, kuko mfite abantu benshi muri uyu mudugudu."* (Ibyak 18:9, 10). Pawulo yasobanukiwe ko iryo ari itegeko ahawe ryo kuguma i Korinto kandi ko ari n'ubwishingizi Uwiteka amuhaye ko azakuza imbuto zabibwe. Akomejwe kandi atewe ubutwari, yakomeje gukorera i Korinto afite umwete no kwihangana. {INI 156.2}

Imihati y'intumwa ntiyari ihagarariye ku kuvugira mu ruhame; hariho benshi batashoboraga kuba baragezweho muri ubwo buryo. Yamaze igihe kirekire yigisha ava ku rugo ajya ku rundi ari nako yimenyereza kubana n'imiryango. Yasuraga abarwayi n'abashavuye, agakomeza imbabare kandi agaha icyubahiro abakandamijwe. Kandi mu byo yavugaga byose n'ibyo yakoraga yererezaga izina rya Yesu. Uko niko yakoraga, *" afite intege nke, atinya, kandi ahinda umushyitsi mwinshi."* (1Kor 2:3). Yahindishwaga umushyitsi no gutinya ko inyigisho ze zagaragaza ubumuntu aho kugaragaza ubumana. {INI 156.3}

Nyuma y'aho Pawulo yaravuze ati: *"Icyakora, ubwenge tubuvuga mu batunganijwe rwose, ariko ubwo bwenge si ubw'iki gihe, cyangwa ubw'abatware b'iki gihe bashiraho. Ahubwo tuvuga ubwenge bw'ubwiru bw'Imana, ari bwo bwenge bwahishwe, Imana yaringanije ibihe byose bitarabaho, ngo buduheshe icyubahiro. Mu batware b'iki gihe nta wabumenye; kuko iyo babumenya, ntibaba barabambye Umwami w'icyubahiro. Ariko, nk'uko byanditswe ngo; 'Ibyo ijisho ritigeze kureba, n'ibyo ugutwi kutigeze kumva, ibitigeze kwinjira mu mutima w'umuntu, ibyo byose Imana yabyiteguriye abayikunda.' Ariko Imana yabiduhishurishije umwuka wayo: kuko Umwuka arondora byose, ndetse n'amayoberane y'Imana. Mbese ni nde mu bantu wamenya ibyo undi atekereza, keretse Umwuka wa wa wundi umurimo? N'iby'Imana ni ko biri; nta wabimenya keretse umwuka wayo.* {INI 156.4}*.Ariko twebweho ntitwahawe ku mwuka w'iyi si, ahubwo twahawe uwo Mwuka*

uva ku Mana, kugira ngo tumenye ibyo Imana yaduhereye ubuntu, ari byo tuvuga; ariko ntitubivugisha amagambo akomoka mu bwenge bw'abantu, ahubwo tubivugisha akomoka ku Mwuka, dusobanuza iby'Umwuka iby'umwuka bindi." 1Kor 2:6-13. {IN157.1}.Pawulo yabonye ko atari yihagije we ubwe, ahubwo Mwuka Muziranenge wuzuye umutima we niwe watumaga ibitekerezo by'abantu biyoborwa ku kumvira Kristo. Yivuzeho ati: *"Tugendana mu mubiri iteka urupfu rwa Yesu, ngo ubugingo bwa Yesu na bwo bugaragarire mu mibiri yacu."* (2 Kor 4:10). Kristo ni we wari ipfundo ry'inyigisho za Pawulo.Yaravuze ati: *"ndiho; nyamara si jye uriho, ahubwo ni Kristo uriho muri jye."* Gal 2:20. Inarinjye yaratwikiriwe maze Kristo arahishurwa kandi arererezwa. {INI 157.2}

Pawulo yari intyoza. Mbere y'uko ahinduka yahoraga ashaka gukurura abamuteze amatwi akoresheje imvugo ye yuzuye ubutyoza, nyamara ubu bwo ibi byose yarabiretse. Aho kugira ngo akoreshe ibisigo n'ibyo yitekerereje byagombaga kunezeza kandi bikanyura ibitekerezo by'ababyumva nyamara ntibigire icyo bikora ku mibereho y'abantu ya buri munsi. Mu gukoresha imvugo yoroheje, Pawulo yashakaga kugeza ku bantu ukuri guhesha ubugingo. Kuvuga ukuri wifashishije ibitekerezo by'ibihimbano bishobora gutera gutwarwa, ariko ukuri kwigishijwe muri ubu buryo ntigutanga ibyo kurya bikenewe mu gukomeza umwizera mu ntambara ahura na zo mu buzima. Ubukene bwihutirwa n'ibigeragezo by'iki gihe abantu bahura na byo, bigomba kwitabwaho hifashishijwe amabwiriza mazima kandi agomba gushyirwa mu bikorwa aboneka mu mahame shingiro y'Ubukristo. {INI 157.3}

Imihati ya Pawulo muri Korinto yagize umusaruro. Abantu benshi baretse gusenga ibigirwamana biyegurira gukorera Imana nzima maze haboneka Itorero rinini rishingwa munsi y'ibendera rya Kristo. Bamwe barakijijwe bava mu banyamahanga bari barasayishije mu ngeso mbi maze bahinduka inzibutso z'imbabazi z'Imana n'ubushobozi bw'amaraso ya Kristo bwo kweza umunyabyaha. {INI 157.4}
Uko Pawulo yakomezaga gutsinda yamamaza Kristo byatumye Abayahudi batizera bahagurukira kurushaho kwiyemeza kumurwanya. Bahagurukiye hamwe " bahuza inama; nuko batera Pawulo bamujyana imbere y'intebe y'imanza," ya Galiyo wari umutware wo muri Akaya muri icyo gihe. Bizeraga ko nk'uko byari byagenze mbere, abategetsi bazifatanya nabo, maze bavuga mu majwi aranguruye kandi barakaye

batangira kurega intumwa Pawulo bavuga bati: *“Uyu yemeza abantu gusenga Imana mu buryo budahura n’amategeko.”* Ibyak 18:12, 13. {INI 157.5}.Idini ya Kiyahudi yari irinzwe n’ubutegetsi bwa Roma bityo abaregaga Pawulo batekerezaga ko nibamushyiraho icyaha cyo kwica amategeko y’idini yabo, Roma yari kumubaha kugira ngo bamucire urubanza. Bari biringiye kumwicisha. Ariko Galiyo yari inyangamugayo maze yanga guhinduka igikoresho cy’Abayahudi b’abanyeshyari n’amayeri. Arambiwe ubwaka bwabo no kwigira intungane kwabo, yanze kwita ku kirego cyabo. Igihe Pawulo yiteguraga kugira icyo avuga ngo yiregure, Galiyo yamubwiye ko atari ngombwa. Galiyo yahindukiriye abaregaga Pawulo barakaye, aravuga ati : *“Iyo haba hariho igicumuro cyangwa icyaha kibi, haba habonetse impamvu ko mbihanganira kubumva: ariko, ubwo hariho impaka z’amagambo n’iz’amazina n’iz’amategeko yanyu, nimubyirangirize; sinshaka guca urubanza rw’ibyo: ni ibyanyu. Abirukana imbere y’intebe y’imanza.”* Ibyak 18:14- 16. {INI 158.1}

Abayahudi n’Abagiriki bari bategerezanyije amatsiko icyemezo cya Galiyo; bityo guhita yirukana urubanza nk’utitaye ku nyungu z’abantu kandi arakaye, cyari ikimenyetso ku Bayahudi kugira ngo bareke ibyo barimo. {INI 158.2}Icyemezo cy’umutware cyahumuye amaso y’imbaga y’abantu basakuzaga bashyigikiye Abayahudi. Ku ncuro ya mbere ubwo Pawulo yakoreraga imirimo ye mu Burayi, imbaga y’abantu yifatanyije nawe. Bakiri imbere ya Galiyo, kandi nawe ntiyagira icyo abikoraho, bahereye ko bavumbukira abari ku isonga mu kurega Pawulo. *“Abagiriki bose bafata Sositeni, umutware w’isinagogi, bamukubitira imbere y’intebe y’imanza. Ariko Galiyo ntiyabyitaho.”* (Ibyak 18:17). Uko niko Ubukristo bwabonye insinzi. {INI 158.3}

“Nuko nyuma y’ibyo Pawulo amarayo iyindi minsi myinshi.” Ibyak 18:18. Iyo intumwa iza kwirukanwa i Korinto muri icyo gihe, abihanye bakizera Yesu baba barashyizwe mu kaga. Abayahudi baba barakoze ibishoboka byose bagakoresha amahirwe bari babonye, ndetse bakaba banarimbura Ubukristo muri ako gace. {INI158.4}

****

IGICE CYA 25 - INZANDIKO KU BANYATESALONIKE
(Iki gice gishingiye ku Rwandiko rwa 1 n'urwa 2 Abanyatesaloniki)

Igihe Pawulo yari i Korinto, ukuhagera kwa Sila na Timoteyo bavuye i Mekedoniya byaramukomeje cyane. Bamuzaniye "inkuru nziza y'ibyo kwizera n'urukundo" by'abari baremeye ukuri igihe abavugabutumwa bwiza basuraga Tesalonike bwa mbere. Umutima wa Pawulo wagiriye impuhwe abo bizera bari barashikamye ku Mana nubwo babaye mu bigeragezo bikomeye n'amakuba. Yifuje kubasura ku giti cye ariko kuko bitashobokaga, yahisemo kubandikira. {INI 159.1}
Muri uru rwandiko yandikiye Itorero ry'i Tesalonike, intumwa Pawulo yashimiye Imana kubera inkuru nziza yo kwiyongera k'ukwizera kwabo. Yaranditse ati: *"Bene Data, duhumurizwa ku bwanyu no kwizera kwanyu mu mubabaro wacu wose n'amakuba; kuko none turi bazima, ubwo muhagaze mushikamye mu Mwami. Mbese ni shimwe ki twabasha kwitura Imana, kubw'ibyishimo byose tubishimira imbere y'Imana yacu? Dusabira cyane ku manywa na nijoro, kugira ngo tubarebe twuzuze ibyasigaye ku kwizera kwanyu."*1Abatesalonike 3:7-10. {INI 159.2}

"Mwese tubashimira Imana iminsi yose, tubasabira uko dusenze, twibuka iteka imirimo yanyu yo kwizera, n'umuhati w'uruundo mugira, no kwihangana kubwo kwiringira Umwami wacu Yesu Kristo, imbere y'Imana yacu ni yo Data wa twese." 1Tes 1:2-3. {INI 159.3} Abenshi mu bizera b'i Tesalonike *"bari barimuye ibigirwamana bemera gukorera Imana nyakuri kandi nzima."* (1Tes 1:9). Bari barakiriye ijambo ry'Imana mu makuba menshi; *" kandi imitima yabo "yari yuzuye ibyishimo by'Umwuka Wera."* (1Tes 1:6, 7). Intumwa Pawulo yavuze ko mu budahemuka bwabo bayobokaga Uwiteka *"bakaba icyitegererezo cy'abizera bose b'i Makedoniya no mu Akaya."*(1Tes 1:7). Aya

magambo yo kubashima bari bayakwiye. Yaranditse ati : *“Kuko muri mwe ariho havuye ubwaku bw’ijambo ry’Umwami wacu; icyakora, ntibwageze i Makedoniya no mu Akaya honyine, ahubwo hose kwizera kwanyu mwizera Imana kwaramamaye.”* 1Tes 1:8. {INI 159.4}

Abizera b’i Tesalonike bari abavugabutumwa nyakuri. Imitima yabo yari ifite umwete wo gukorera Umukiza wari warabakijije ubwoba bwo gutinya “umujinya uzatera.” Imibereho yabo yari yarabayemo guhinduka gutangaje kubw’ubuntu bwa Kristo, kandi ijambo ry’Uwiteka ryabavugiwemo ryagize imbaraga. Ukuri kwigishijwe kwigaruriye imitima ya benshi maze abantu benshi biyongera ku mubare w’abizera. {INI 159.5}

Muri uru rwandiko rwa mbere, Pawulo yavuze ku buryo yakoze umurimo mu Banyatesalonike. Yavuze ko atashatse kubona abayoboke akoresheje kubeshya cyangwa uburyarya. *“Nk’uko Imana yatwemereye kugira ngo tube abo guhabwa ubutumwa bwiza, ni ko tubuvuga.Ntituvuga nk’abashaka kunezeza abantu, keretse Imana, igerageza imitima yacu. Ntitwigeze tuvuga ijambo ryo gushyeshya, nk’uko mubizi, cyangwa ngo tugire urwiyerurutso rwo kwifuza inyungu muri mwe: Imana ni yo dutanze ho umugabo. Kandi ntitwashatse icyubahiro mu bantu, naho haba muri mwe, cyangwa mu bandi ; nubwo twabashaga kubaremerera kuko turi intumwa za Kristo. Ahubwo twitonderaga muri mwe, nkuko umurezi akuyakuya abana be. Ni cyo cyatumye mudutera imbabazi, tukabakunda cyane, tukishimira kutabaha ubutumwa bwiza gusa, ahubwo no kubaha ubugingo bwacu, kuko mwatubereye inkoramutima cyane.”* 1 Tes 2:4-8{INI 159.6}

Intumwa Pawulo yarakomeje ati: *” Mwebwe n’Imana ni mwe ntanzeho abagabo b’uburyo twameranaga namwe abizera, turi abera, dukiranuka, kandi tutariho umugayo: kandi nk’uko mubizi, twahuguraga umuntu wese muri mwe, tukabahumuriza no kubihanangiriza, nk’uko se w’abana agirira abana be; kugira ngo mugende uko bikwiriye ab’Imana, ari yo ibahamagarira kujya mu bwami bwayo n’ubwiza bwayo.”* 1Tes 2:10-12. “Icyo dushimira Imana ubudasiba, ni uko ubwo twabahaga ijambo ry’ubutumwa bwiza, ari ryo jambo ry’Imana, mutaryemeye nk’aho ari ijambo ry’abantu, ahubwo mwaryemeye nk’ijambo ry’Imana, nk’uko riri koko, kandi rigakorera muri mwe abizera.” *“Ibyiringiro byacu ni iki, cyangwa ibyishimo, cyangwa ikamba ryo kwirata? Si mwebwe se,*

mu maso y'Umwami wacu Yesu ubwo azaza? Kuko ari mwe cyubahiro cyacu n'ibyishimo byacu." 1Tes 2:13, 19. {INI 160.1}

Mu rwandiko rwe rwa mbere yandikiye abizera b'Abanyatesalonike, Pawulo yaharaniye kubahugura ku byerekeye mu by'ukuri uko abapfuye bamera. Yavuze ko abapfuye baba basinziriye ari ntacyo bazi. *"Ariko bene Data, ntidushaka ko mutamenya iby'abasinziriye, mutababara nka ba bandi badafite ibyiringiro. Ubwo twemeye yuko Yesu yapfuye, akazuka, abe ari ko twizera ko Imana izazana na Yesu, asasinziriye muri we. Kuko Umwami ubwe azaza, amanutse ava mu ijuru, aranguruye ijwi rirenga, hamwe n'ijwi rya marayika ukomeye, n'impanda y'Imana; nuko abapfiriye muri Kristo ni bo bazabanza kuzuka. Maze natwe abazaba bakiriho basigaye, duhereko tujyananwe nabo tuzamurwe mu bicu, gusanganira Umwami mu kirere. Nuko rero tuzabana n'Umwami iteka ryose."* 1Tes 4:13, 14, 16. {INI 160.2}

Abanyatesalonike bari barakiranye umunezero igitekerezo kivuga ko Kristo yari agiye kuza guhindura abizera bari bakiri bazima akabajyana. Bari bararinze neza ubuzima bw'incuti zabo kugira ngo badapfa bakabura umugisha bari bategereje kubona igihe cyo kuza k'Umwami wabo. Nyamara babonaga abo bakunda babakurwamo umwe umwe. Bityo Abanyatesalonike bari baragiye basezera ku ncuti zabo zapfuye bafite intimba nyinshi, batiringiye kuzongera kubabona. {INI 160.3}

Igihe urwandiko rwa Pawulo rwafungurwaga kandi rugasomwa, amagambo ahishura uko abapfuye bamera yazaniye abagize Itorero ibyishimo byinshi no guhumurizwa. Pawulo yerekanye ko abazaba bakiriho Yesu aje batazatanga abasinziriye muri Yesu kubona Umwami. Ijwi rya marayika ukomeye n'impanda y'Imana bizagera ku basinziriye; maze abapfiriye muri Kristo babanze kuzuka mbere yuko abazaba bakiriho bahabwa kudapfa. *"Maze natwe abazaba bakiriho basigaye, duhereko tujyananwe na bo tuzamuwe mu bicu, gusanganira Umwami mu kirere. Nuko rero tuzabana n'Umwami iteka ryose. Nuko mumaranishe imibabaro kubwirana ayo magambo."*1Tes 4:17,18. {INI 160.4}

Ibyiringiro n'ibyishimo iki cyizere cyazaniye Itorero rishya ry'i Tesalonike ntidufite uko twabyishimira. Barizeye kandi bakunda cyane urwandiko bohererejwe n'umubyeyi wababyaje ubutumwa bwiza maze imitima yabo irushaho kumukunda. Yari yarababwiye ibyo bintu mbere;

ariko icyo gihe ibitekerezo byari bikirwana no gusobanukirwa inyigisho zasaga n'aho ari nshya kandi zitamenyerewe. Bityo ntibitangaje kuba bimwe mu byo babwiwe bitari byarakoze ku ntekerezo zabo. Nyamara bari basonzeye ukuri maze urwandiko rwa Pawulo rubaha ibyiringiro bishya n'imbaraga, no kwizera gushikamye ndetse n'urukundo rwimbitse mu wazanye ubugingo no kudapfa kubw'urupfu rwe. {INI 161.1}

Ubu noneho banezejwe no kumenya ko incuti zabo zizeraga zizava mu bituro zikazukira kuba mu bwami bw'Imana iteka ryose. Umwijima wari warabuditse ku bituro wavanyweho. Umucyo mushya watamirijwe ukwizera kwa Gikristo maze babona ikuzo rishya mu buzima, urupfu n'umuzuko bya Kristo. {INI 161.2}

Pawulo yaranditse ati : *" Abe ari ko twizera yuko Imana izazanana na Yesu abasinziriye muri we."* (1Tes 4:14). Abantu benshi basobanura uyu murongo bavuga ko abasinziriye bazavana na Kristo mu ijuru; nyamara Pawulo yavugaga ko nk'uko Kristo yazuwe mu bapfuye, ari ko Imana izahamagara intungane zisinziriye zive mu bituro byazo maze izijyane mu ijuru. Mbega guhumurizwa gukomeye n'ibyiringiro bihebuje! Atari ku Itorero ry'i Tesalonike gusa, ahubwo no ku Bakristo bose aho baba bari hose. {INI 161.3}

Igihe Pawulo yakoreraga i Tesalonike, yari yararangije kubasobanurira neza ingingo ijyanye n'ibimenyetso by'ibihe, yerekana ibizabaho mbere yuko Umwana w'umuntu atunguka mu bicu byo mu ijuru ku buryo atatekereje ko ari ngombwa kwandika magambo arambuye ibyerekeye iyi ngingo. Ahubwo yerekeje ku nyigisho yari yarigishije. Yaravuze ati:*"Iby'ibihe n'iminsi, ntimugomba kubyandikirwa, kuko ubwanyu muzi neza yuko umunsi w'Umwami wacu uzaza nk'uko umujura aza nijoro, ubwo bazaba bavuga bati, 'Ni amahoro, nta kibi kiriho?' Ni bwo kurimbuka kuzabatungura."* 1Tes 5:1-3. {INI 161.4}

Muri iki gihe, hari abantu benshi mu isi birengagiza ibimenyetso bigaragara Kristo yatanze kugira ngo biburire abantu ibyerekeye ukuza kwe. Bashaka uko bacecekesha ibyo babona kandi bazi mu gihe ibimenyetso by'imperuka bisohora byihuta kandi isi ikaba isatira igihe Umwana w'umuntu azahishurirwa ku bicu by'ijuru.Pawulo yigisha ko kutita ku bimenyetso bizabanziriza kugaruka kwa Kristo ari icyaha. Abangaba bafiye icyaha cyo kwirengagiza Pawulo abita abana b'ijoro

n’ab’umwijima. Atera ubutwari abari maso muri aya magambo: *” Ariko mwebweho, bene Data, ntimuri mu mwijima, ngo uwo munsi uzabatungure nk’umujura: kuko mwese muri abana b’umucyo n’abana b’amanywa. Ntituri ab’ijoro cyangwa ab’umwijima. Nuko rero twe gusinzira nk’abandi, ahubwo tube maso twirinde ibisindisha.”* 1Tes 5:4-6. {INI 161.5}

Inyigisho za Pawulo kuri iyi ngingo ni ingirakamaro cyane ku iterero ryo muri iki gihe cyacu by’umwihariko. Abantu bariho mu gihe cyegereje ukugaruka kwa Yesu, bari bakwiye kwakirana imbaraga aya magambo ya Pawulo: *“Ariko twebweho, ubwo turi ab’amanywa, twirinde ibisindisha, twambaye kwizera n’urukundo nk’icyuma gikingira igituza, kandi twambaye ibyiringiro byo kuzabona agakiza nk’ingofero. Kuko Imana itatugeneye umujinya, ahubwo yatugeneye guheshwa agakiza n’Umwami wacu Yesu Kristo, wadupfiriye kugira ngo nituba turi maso, cyangwa nituba dusinziriye, tuzabaneho na we.”* 1Tes 5:8-10. {INI 162.1}

Umukristo uri maso ni Umukristo ukora, ushakana umwete gukora icyo ashoboye cyose kugira ngo umurimo w’ivugabutumwa bwiza utere imbere. Uko urukundo afitiye Umucunguzi we rwiyongera, ni nako n’urwo afitiye bagenzi be rumera. Ahura n’ibigeragezo bikomeye nk’ibyo Shebuja yahuye nabyo; nyamara ntiyemerera amakuba kwangiza intekerezo ze cyangwa gusenya amahoro y’umutima we. Azi ko igihe ikigeragezo cyihanganiwe, kizamutunganya kandi kirusheho kumwegereza Kristo. Abafatanyije imibabaro na Kristo ni nabo bahozwa na we kandi amaherezo basangira ikuzo rye. {INI 162.2}

Mu rwandiko yandikiye Abanyatesalonike Pawulo yakomeje agira ati : *” Ariko bene Data, turabingingira kugira ngo mwite ku bakorera muri mwe, babategekera mu Mwami wacu, babahana. Mububahe cyane mu rukundo ku bw’umurimo wabo. Mugirirane amahoro.”* 1 Tes 5:12, 13. {INI 162.3}Abizera b’i Tesalonike bari babangamiwe n’abantu babazaniraga ibitekerezo n’inyigisho byuzuye ubwaka. Bamwe “bakoraga nta gahunda ahubwo ... berekana ko ari ba kazitereyemo.” Itorero ryari ryarahawe gahunda nziza ryakurikizaga kandi hari harashyizweho abayobozi bakoraga ari abavugabutumwa n’abadiyakoni. Nyamara hariho bamwe b’ibyigenge kandi bahubukaga banze kumvira abari mu myanya y’ubuyobozi mu Itorero. Ntabwo basabaga uburenganzira bwo gukurikiza ibitekerezo byabo gusa

ahubwo basabaga no kugaragariza Itorero ibitekerezo byabo mu ruhame. Pawulo abonye ibyo, yakanguriye Abanyatesalonike kubaha abari baratorewe kuba mu myanya y'ubuyobozi mu Itorero. {INI 162.4}

Kubwo kwifuza ko abizera b'i Tesalonike bajya bagenda bubaha Imana, intumwa Pawulo yabingingiye kugaragaza kubaha Imana mu mibereho yabo ya buri munsi. Yaranditse ati: *"Nuko, bene Data, ibisigaye turabinginga tubahugurira mu Mwami Yesu, kugira ngo, nk'uko mwabwiwe natwe uko mukwiriye kugenda no kunezeza Imana, mube ari ko mugenda, ndetse murusheho. Muzi amategeko twahawe n'Umwami Yesu kubategeka, ayo ari yo. Icyo Imana ishaka ni iki: ni ukwezwa kwanyu no kwirinda gusambana." "Imana ntiyaduhamagariye kwanduzwa, ahubwo yaduhamagariye kwezwa."* 1Tes 4:1-3, 7. {INI 163.1}

Intumwa Pawulo yumvaga ko afite inshingano ikomeye ku mibereho myiza y'iby'umwuka y'abari barihanye kubw'umurimo we. Icyo yabifurizaga cyari uko barushaho kumenya Imana imwe nyakuri na Yesu Kristo uwo Imana yohereje. Akenshi mu murimo we w'ivugabutumwa yahuraga n'amatsinda mato y'abagabo n'abagore bakundaga Yesu maze agapfukamana na bo agasenga asaba Imana kubigisha uko bakomatana na Yo. Akenshi yabagiraga inama y'uburyo bwiza bageza ku bandi umucyo w'ukuri k'ubutumwa bwiza. Kandi akenshi igihe yatandukanaga n'abo yabaga yarigishije, yasabaga Imana kubarinda ikibi no kubafasha kugira ngo babe abavugabutumwa badakebakeba kandi bakorana umwete. {INI 163.2}

Ikintu kimwe mu bihamya bikomeye bigaragaza uguhinduka nyakuri ni urukundo dukunda Imana n'umuntu. Abemera Yesu nk'Umucunguzi wabo bakunda abo bahuje uko kwizera urukundo rutari urumamo. Uko ni ko byari bimeze ku bizera b'i Tesalonike. Intumwa Pawulo yaranditse ati: *"Ariko rero, ibyo gukunda bene Data, ntimugomba kubyandikirwa, kuko ubwanyu mwigishijwe n'Imana gukundana; ndetse musigaye mukundana na bene Data bose b'i Makedoniya hose. Ariko bene Data turabahugurira kugira ngo murusheho kugira urukundo rusaze: kandi mugire umwete wo gutuza, mutari ba kazitereyemo, mukoreshe amaboko yanyu, nk'uko twabategetse, kugira ngo mugendane ingeso nziza ku bo hanze, mudafite icyo mukennye."* 1Tes 4:9-12. {INI 163.3}

“Namwe Umwami wacu abuzuze, abasesekaze gukundana no gukunda abandi bose, nk’uko natwe twabakunze: kugira ngo abakomeze imitima, itabaho umugayo, yere mu maso y’Imana yacu, ni yo Data wa twese, ubwo Umwami wacu Yesu azazana n’abera be bose.” 1Tes 3:12,13. {INI 163.4} *” Kandi turabahugura, bene Data, kugira ngo mucyahe abica gahunda, mukomeze abacogora, mufashe abadakomeye, mwihanganire bose. Murebe hatagira uwitura undi inabi yamugiriye, ahubwo mujye mukurikiza icyiza iteka mu byo mugirirana no mu byo mugirira abandi bose. Mwishime iteka; musenge ubudasiba, mu bibaho byose muhore mushima, kuko ari byo Imana ibashakaho muri Kristo Yesu.”* 1Tes 5:14-18. {INI 163.5}

Pawulo yagiriye Abanyatesalonike inama yo kudahinyura impano y’ubuhanuzi muri aya magambo : *” Ntimukazimye Umwuka w’Imana, kandi ntimugahinyure ibihanurwa; ahubwo mugerageze byose, mugundire ibyiza.”* (1Tes 5:19-21). Yaritonze yerekana itandukaniro riri hagati y’ukuri n’ibinyoma. Yabingingiye “kwirinda ikibi n’igisa na cyo cyose; *” maze asoza urwandiko rwe n’isengesho asaba Imana ngo ibeza rwose kugira ngo “umwuka, ubugingo, n’umubiri birindwe, bitazabaho umugayo ubwo Umwami wacu Yesu Kristo azaza. Yongeyeho ati, “Ibahamagara ni iyo kwizerwa; no kubikora izabikora.”* 1Tes 5:23, 24. {INI 163.6}

Inyigisho zerekeranye no kugaruka kwa Kristo Pawulo yohereereje Abanyatesalonike mu rwandiko rwe rwa mbere, zari zihuje rwose n’ibyo yari yarigishije mbere. Nyamara amagambo ye yumviswe nabi na bamwe mu bizera b’i Tesalonike. Bumvise ko avuga ibyiringiro by’uko we ubwe azaba akiriho akibonera ukugaruka k’Umukiza. Kubyizera gutya byabateye umunezero n’ubushyuhe mu mitima. Abari bamaze igihe birengagiza inshingano zabo, bakomeje gushimangira ibitekerezo byabo by’ubuyobe. {INI 164.1}

Mu rwandiko rwe rwa kabiri, Pawulo yashatse gukosora imyumvire yabo mibi ku nyigisho ze ndetse anashaka kubereka neza icyo yashakaga kuvuga. Yongeye kugaragaza ibyiringiro afite mu budahemuka bwabo, ndetse anabashimira ko ukwizera kwari gushikamye kandi ko urukundo bakundanaga n’urwo bakundaga umurimo wa Shebuja rwari rwinshi. Yababwiye ko yagendaga abaratira amatorero yandi abatanga nk’urugero rw’abantu bihangana bafite

ukwizera gukomeye kwihanganira akarengane no kubabazwa. Yazamuye intekerezo zabo azigeza ku gihe cyo kugaruka kwa Kristo, ubwo abantu b'Imana bazaruhuka imihati yabo n'ibibahagarika imitima. Yaranditse ati:

" Ni cyo gituma ubwacu tubirata mu matorero y'Imana, turata kwihangana kwanyu no kwizera mu byo murenganywa byose n'amakuba mushinyiriza... kandi na mwe abababazwa kubitura kuzaruhukana natwe, ubwo Umwami Yesu azahishurwa, ava mu ijuru, azanye n'abamarayika b'ubutware bwe, hagati y'umuriro waka, ahore inzigo abatamenye Imana n'abatumvira ubutumwa bwiza bw'Umwami wacu Yesu. Bazahanwa igihano kibakwiriye, ni cyo kurimbuka kw'iteka ryose, bakoherwa ngo bave imbere y'Umwami no mu bwiza bw'imbaraga ze, ... Ni cyo gituma tubasabira iteka, ngo Imana yacu ibatekereze ko mumeze nk'uko bikwiriye abahamagawe na Yo, kandi isohoreshe imbaraga imyifurize myiza yose n'imirimo yanyu yose iva ku kwizera: kugira ngo izina ry'Umwami wacu Yesu rihimbarizwe muri mwe, namwe mumuhimbarizwe, nk'uko ubuntu bw'Imana yacu n'ubw'Umwami Yesu Kristo buri." 2 Tes 1:4, 7, 8, 9, 11, 12. {INI 164.2}

Nyamara mbere yo kugaruka kwa Kristo, hari ibintu bikomeye mu by'idini byavuzwe n'ubuhanuzi bigomba kubaho. Intumwa Pawulo yaravuze ati, *" Kugira ngo mutanambuka vuba mukava mu bwenge, cyangwa ngo muhagarike imitima, naho mwaba mubitewe n'umwuka cyangwa n'ijambo cyangwa n'urwandiko rukekwa ko ruvuye kuri twe, bihamya yuko umunsi w'Umwami wacu umaze gusohora. Ntihakagire umuntu uboshya uburyo bwose, kuko uwo munsi utazaza, kurya kwimura Imana kutabanje kubaho, kandi urya munyabugome atarahishurwa, ni we mwana wo kurimbuka, ni umubisha wishyira hejuru y'icyitwa imana cyose cyangwa igisengwa, kugira ngo yicare mu rusengero rw'Imana, yiyerekane ko ari Imana."* 2Tes 2:2-4. {INI 164.3}

Amagambo ya Pawulo ntiyagombaga gusobanurwa nabi. Abantu ntibagombaga kwigishwa ko, kubwo guhishurirwa kudasanzwe, Pawulo yari yaraburiye Abanyatesalonike ko Kristo aje ako kanya. Kuvuga atyo byari gutera urujijo mu byo kwizera; kuko iyo habayeho kudasohora kw'icyo umuntu yiteze akenshi bitera ukutizera. Intumwa Pawulo yabagiriye inama yo kutakira ubutumwa bumeze butyo nk'ubuvuye kuri we. Yakomeje ashimangira ko ubutegetsi bw'Ubupapa bwagombaga

kuzaharuka bukarwanya ubwoko bw'Imana. Byari kuba iby'ubusa ku Itorero kwitega ukuza k'Umwami wabo mbere y'uko ubu bubasha bw'ubupapa bukora umurimo wabwo wo kurimbura no gutuka Imana. Pawulo yarababajije ati: *"Ntimwibuka yuko nababwiye ibyo nkiri kumwe namwe?"* 2Tes 2:5. {INI165.1}

Hari ibigeragezo bikomeye byagombaga kugariza Itorero nyakuri. Ndetse n'igihe intumwa Pawulo yandikaga, "amayoberane y'ubugome" yari yaratangiye gukora. Ibintu byari kuzabaho mu bihe byari imbere byari *" kuba mu buryo bwo gukora kwa Satani, gufite imbaraga zose n'ibimenyetso n'ibitangaza by'ibinyoma. ... n'ubuhenzi bwose gukiranirwa ku barimbuka."* 2Tes 2:9, 10. {INI 165.2}

By'umwihariko, ibyo Pawulo yavuze byerekeye abantu banga "gukunda ukuri," bifite agaciro gakomeye. Yavuze ku bantu bose bari kuzanga ubutumwa bw'ukuri nkana ati: *"Ni cyo gituma Imana izabohereza ubushukanyi bukomeye cyane, ngo bizere ibinyoma: kugira ngo abatizeye iby'ukuri bose, bakishimira gukiranirwa, bacirwe ho iteka."* (2Tes 2:11, 12). Abantu ntibashobora kwanga imiburo Imana iboherezanya imbabazi ngo be guhanwa. Imana ikura Mwuka wayo ku bakomeza kwinangira bakirengagiza iyi miburo, maze ikabarekera ibinyoma bakunda. {INI 165.3}

Nukorero Pawulo yerekanye umurimo w'ubugome w'imbaraga y'ikibi wagombaga kuzakomeza mu binyejana byinshi by'umwijima n'akarengane mbere yo kugaruka kwa Kristo. Abizera b'i Tesalonike bari baragize ibyiringiro by'uko bagiye guhita bacungurwa, ubu noneho basabwe gukora umurimo wari imbere yabo bafite ubutwari no kubaha Imana. Intumwa Pawulo yababwiye ko batagomba kwirengagiza inshingano zabo cyangwa ngo babe aho gusa bategereze ntacyo bakora. Nyuma y'ubwuzu bwinshi bari bafite bibwira ko bagiye guhita bacungurwa, ibikorwa byo mu buzima bwa buri munsi no kurwanywa bagombaga guhura nako byari kwikuba kabiri. {INI 165.4}

Bityo, yabasabye gushikama mu kwizera agira ati: *"Nuko rero bene Data, muhagarare mushikamye, mukomeze inyigisho mwigishijwe, n'aho zaba ari izo mwigishijwe, n'amagambo yacu cyangwa n'urwandiko rwacu. Nuko, Umwami wacu Yesu Kristo ubwe, n'Imana Data wa twese yadukunze, ikaduha ihumure ry'iteka ryose n'ibyiringiro byiza, ku bw'ubuntu bwayo, ihumurize imitima yanyu, ibakomereze mu*

mirimo yose myiza, n'amagambo yose meza." " Ariko Umwami ni uwo kwizerwa, ni we uzakomeza mwebwe, abarinde Umubi. Kandi ibyanyu tubyiringijwe n'Umwami, yuko ibyo dutegetse mubikora, kandi muzajya mubikora. Umwami ayobore imitima yanyu, ayerekeze ku rukundo rw'Imana, no ku kwihangana kwa Kristo." 2Tes 2:15- 17; 3:3-5. {INI 166.1}

Umurimo abizera bakoraga bari barawuhawe n'Imana. Kubwo kuyoboka ukuri badakebakeba, umucyo bari barabonye bagombaga kuwushyira abandi. Intumwa Pawulo yabasabye kudacogora gukora neza, maze yitangaho urugero rwo gukora imirimo y'igihe gito yo muri iyi si ashishikariye kandi akanakorana umurimo wa Kristo umwete mwinshi. Yanenze abari barirunduriye mu bunebwe no gutwarwa bidafite umumaro, maze abategeka *" gukorana ituza, ngo babone uko barya ibyo kurya byabo ubwabo."* (2Tes 3:12). Yabwiye Itorero kwitandukanya n'umuntu wese wari gutsimbarara mu kutita ku nyigisho z'abakozi b'Imana. Yongeyeho ati: *"Ariko ntimumutekereze ko ari umwanzi wanyu, ahubwo mumuhugure nka mwene So."* 2Tes 3:15. {INI 166.2}

Pawulo yasoresheje uru rwandiko isengesho asaba ko hagati y'imiruho yo mu buzima n'ibigeragezo, amahoro y'Imana n'ubuntu bw'Umwami Yesu Kristo bibabera ihumure n'inyunganizi. {INI 166.3}

****

IGICE CYA 26 - APOLO ARI KORINTO

(Iki gice gishingiye mu Byakozwe n'Intumwa 18:18-28)

Pawulo amaze kuva i Korinto, yakurikijeho gukomereza umurimo we muri Efeso. Yari mu rugendo yerekeje i Yerusalemu mu munsi mukuru wari wegereje, bityo ntiyagombaga gutinda mu Efeso. Yagiye impaka n'Abayahudi mu rusengero maze baranyurwa ku buryo bamwingingiye gukomeza umurimo we muri bo. Umugambi yari afite wo gusura Yerusalemu wamubujije gutinda ariko abasezeranira kuzagaruka *"Imana nibashaka."* (Ibyak 18:21). Akwila na Purisikila bari baramuherekeje ajya mu Efeso; aherako abasiga yo kugira ngo bakomeze gukora umurimo yari yaratangiye. {INI 167.1}

Muri icyo gihe *"hariho Umuyuda witwaga Apolo, wavukiye mu Alekizanderiya; bukeye agera mu Efeso. Yari umuntu w'intyoza w'umunyabwenge, kandi akaba n'umuhanga mu byanditswe.*" Ibyak 18:24. Apolo yari yarumvise kubwiriza kwa Yohana Umubatiza, yari yarabatijwe umubatizo wo kwihana, kandi yari umuhamya nyakuri ko umurimo w'umuhanuzi utari warapfuye ubusa. Ibyanditswe bivuga ko Apolo yari *" yarigishijwe Inzira y'Umwami Yesu; yagiraga umwete mwinshi mu mutima, avuga ibya Yesu, kandi abyigisha neza: ariko yari azi umubatizo wa Yohana gusa."* Ibyak 18:25. {INI 167.2}

Akiri mu Efeso, Apolo "yatangiye kuvugira mu masinagogi ashize amanga." Mu bantu bari bamuteze amatwi harimo Akwila na Purisikila. Aba bamaze kubona ko atari yarasobanukiwe neza umucyo w'ubutumwa bwiza, *" bamujyanye iwabo, bamusobanurira inzira y'Imana, kugira ngo arusheho kuyimenya neza."* (Ibyak 18:26). Mu kwigisha kwabo yasobanukiwe neza Ibyanditswe maze ahinduka umwe mu bantu bakomeye cyane bamamaza ukwizera kwa Gikristo. {INI

167.3}.Apolo yifuzaga gukomeza akajya mu Akaya, maze abavandimwe be mu kwizera bo mu Efeso ” bandikira abigishwa ngo bamwakire” nk’umwigisha ukurikiza amahame y’Itorero rya Kristo. Yagiye i Korinto, aho yabwiririzaga mu ruhame n’urugo ku rundi, ” *agatsinda Abayuda;... abereka mu byanditswe yuko Yesu ari we Kristo.”* (Ibyak 18:28). Pawulo yari yarabibye imbuto y’ukuri; Apolo nawe arayivomerera. Umusaruro umurimo wa Apolo wagezeho mu kubwiriza ubutumwa bwiza watumye bamwe mu bizera baha isumbwe imirimo ye kurusha iya Pawulo. Uku kugereranya umuntu n’undi byazanye amacakubiri mu Itorero yaje kubera imbogamizi ikomeye iterambere ry’umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza. {INI 167.4}

Mu gihe cy’umwaka umwe n’igice Pawulo yari yaramaze i Korinto, yari yarigishije ubutumwa bwiza mu buryo bworoshye. Yari yaragiye mu Banyakorinto “atari umuhanga w’intyoza yo kuvuga cyangwa ufite ubwenge buhebuje, ahubwo yagiye atinya kandi ahinda umushyitsi, “akavuga ibigaragaza umwuka n’imbaraga” kugira ngo *“kwizera kwabo kudahagararira ku bwenge bw’abantu, ahubwo mu mbaraga z’Imana.”* 1Kor 2:1, 4, 5. {INI 167.5}

Pawulo yari yarakoze ibishoboka agahuza uburyo bw’imyigishirize ye n’uko Itorero rimeze. Nyuma yaje kubasobanurira ati: *“Bene Data, sinabashije kuvugana namwe nk’uvugana n’ab’Umwuka, ahubwo navuganye namwe nk’uvugana n’aba kamere, cyangwa abana b’impinja bo muri Kristo. Nabaramije amata, sinabagaburiye ibyokurya bikomeye: kuko mwari mutarabibasha kandi na none ntimurabibasha.”* (1Kor 3:1, 2). Abenshi mu bizera b’i Korinto bagendaga basobanukirwa buhoro buhoro ibyo yihatiraga kubigisha. Iterambere bari bafite mu bumenyi bw’iby’Umwuka ntiryari bihwanye n’amahirwe bari baragize. Mu gihe bagombaga kuba bari ku rwego rwo hejuru mu by’imibereho ya Gikristo kandi bakaba bashobora gusobanukirwa no gukurikiza ukuri kwimbitse kw’ijambo ry’Imana, bari bari ku rwego nk’urwo abigishwa bari bariho igihe Kristo yababwiraga ati: *“Ndacyafite ibyo kubabwira byinshi, ariko ubu ntimubasha kubyihanganira.”* (Yohana 16:12). Ishyari, urwikekwe no kuregana byari byarahumye imitima y’abizera benshi b’i Korinto bibuza Mwuka Muziranenge gukora umurimo we mu buryo bwuzuye, kandi ari we *“urondora byose, ndetse n’amayoberane y’Imana.”* (1Kor 2:10). Uko bagaragaraga nk’abanyabwenge mu by’isi kose, bari impinja mu kumenya Kristo. {INI 168.1}

Wari umurimo wa Pawulo kwigisha Abanyakorinto bahindutse, akabahugura mu nyigisho zibanze z'ukwizera kwa Gikristo. Byari byaramubereye ngombwa kubigisha nk'abantu batagira icyo bazi ku mikorere y'imbaraga mvajuru mu mutima. Muri icyo gihe ntibashoboye gusobanukurwa n'ubwiru bw'agakiza: kuko *"umuntu wa kamere atemera iby'Umwuka w'Imana: kuko ari ubupfu kuri we akaba atabasha kubimenya, kuko bisobanurwa mu buryo bw'Umwuka."* (1Kor 2 :14). Pawulo yari yarakoresheje imbaraga ze zose abiba imbuto abandi bagombaga kuvomerera. Abamukurikiye bagombaga gukomereza aho yari agereje, bagatanga umucyo wa Mwuka n'ubumenyi mu gihe gikwiye bakurikije uko Itorero ryari rishoboye kuwihanganira. {INI 168.2}

Igihe intumwa Pawulo yatangiraga umurimo we i Korinto, yabonye ko akwiriye gutangirana ubwitonzi mu kuvuga ukuri gukomeye yifuzaga kwigisha. Yari azi ko mu bamuteze amatwi hashobora kubamo abantu biratana inyigisho z'ubuhanga bwa kimuntu, abashyigikiye uburyo bupfuye bwo kuramya, bagendaga bashakisha nk'impumyi, bibwira ko barabona mu byaremwe inyigisho zashoboraga kuvuguruza ukuri k'ubugingo bw'umwuka kandi budapfa nk'uko bwahishuwe mu Byanditswe. Yari azi kandi ko abasesengura inyigisho bazakora uko bashoboye kose bakavuguruza ubusobanuro bwa Gikristo bw'ijambo ryahishuwe, kandi ko abahakanyi bashoboraga gukwena ubutumwa bwiza bwa Kristo. {INI 168.3}

Uko yaharaniraga kuyobora abantu ku musaraba, Pawulo ntiyigeze acyaha mu buryo buziguye abari barishoye mu ngeso y'ubusambanyi cyangwa kubereka uko icyaha cyabo cyari kibi cyane imbere y'Imana Yera. Aho gukora atyo, yabagaragarije umugambi nyakuri w'ubuzima kandi agerageza kwerekeza intekerezo zabo ku nyigisho z'Umwigisha wo mu ijuru. Igihe izo nyigisho zakiriwe zagombaga kubakura mu gutwarwa n'ibinezeza by'isi n'icyaha maze zikabageza mu kubonera n'ubutungane. Yibanze cyane ku kubaha Imana mu myifatire ndetse no ku butungane bugomba kugerwaho n'abazahabwa umwanya mu ngoma y'Imana. Yifuzaga kuzabona umucyo w'ubutumwa bwiza bwa Kristo weyura umwijima wari mu ntekerezo zabo kugira ngo barebe ukuntu imigirire yabo mibi ari urukozasoni mu maso y'Imana. Kubw'ibyo ingingo ikomeye yabigishije yari Kristo wabambwe. Yashakaga kubereka ko icyo bakwiriye kwiga bashishikaye ndetse n'umunezero wabo uruta iyindi ari ukuri gutangaje kw'agakiza kabonerwa mu kwihana ukemera Imana no kwizera Umwami Yesu Kristo. {INI 169.1}

Umunyabwenge ahunga umucyo w'agakiza kuko uwo mucyo ukoza isoni inyigisho yiratana. Umuntu watwawe n'iby'isi yanga kwakira agakiza kubera ko kamutandukanya n'ibigirwamana bye by'iby'isi. Pawulo yabonye ko imico ya Kristo igomba gusobanuka mbere yuko abantu bamukunda kandi bakarebesha umusaraba amaso yo kwizera. Aha niho hagomba gutangirira icyo cyigisho kizaba ubumenyi n'indirimbo by'abacunguwe mu bihe bidashira. Mu mucyo w'umusaraba wonyine niho wabonera agaciro nyakuri k'ubugingo bw'umuntu. {INI 169.2}

Imbaraga itunganya y'ubuntu bw'Imana ihindura kamere y'umuntu. Abantu buzuye irari ry'iby'isi ntibashobora gushimishwa n'iby'ijuru; imitima yabo ya kamere kandi itejejwe ntabwo yakwigera inezezwa n'ibitunganye kandi bizira inenge byo mu ijuru; ku buryo biramutse bishobotse ko abantu nk'abo bahinjira, nta kintu na kimwe cyatuma banezerwa. Ibintu bigenga umutima wa kamere bigomba kwigarurirwa n'ubuntu bwa Kristo mbere yuko umunyabyaha aba akwiriye kujya mu ijuru no kunezerezwa no kuba mu muryango w'abamarayika bazira inenge. Igihe umuntu apfuye ku cyaha akihutira kwakira ubuzima bushya muri Kristo, urukundo mvajuru rwuzura umutima we, imyumvire ye igatunganywa; akanywa ku isoko idakama y'umunezero n'ubwenge, umucyo w'umunsi w'iteka ukarasira mu nzira anyuramo, kuko ahorana n'Umucyo w'ubugingo. {INI 169.3}

Pawulo yari yarashatse gukangurira ibitekerezo bya bene se b'i Korinto ko we n'abavugabutumwa bafatanyije umurimo bari abantu batumwe n'Imana ngo bigishe ukuri; ko bose basenyeraga umugozi umwe kandi ko bose bari bishingikirije ku Mana kugira ngo umurimo wabo ugire umusaruro. Impaka zari zaravutse mu Itorero zerekeye ibyagezweho n'abavugabutumwa batandukanye ntizari ziri muri gahunda y'Imana, ahubwo zari ingaruka zo gukunda imico y'umutima wa kamere. Pawulo yaravuze ati, "Ubwo umuntu umwe avuga ati : *'Jyeweho ndi uwa Pawulo'; undi akavuga ati : 'Jyeweho ndi uwa Apolo'; ntibigaragaza ko muri aba kamere? Mbese ye, Apolo ni iki? Kandi Pawulo ni iki? Si abagaragu batumye mwizera, nk'uko Imana yabahaye umurimo? Ni jye wateye imbuto, Apolo na we arazuhira, ariko Imana ni yo yazikujije. Nuko utera, nta cyo aba ari cyo, cyangwa uwuhira, keretse Imana ikuza."* 1Kor 3:4-7. {INI 169.4}

Pawulo ni we wari warabwirije ubutumwa bwiza i Korinto bwa mbere kandi ni nawe wari warahahanze Itorero. Uyu wari umurimo Imana yari yaramushinze gukora. Nyuma y'aho abandi bakozi barahamusanze bayobowe n'Imana, baza gukora inshingano yabo. Imbuto zabibwe zagombaga kuvomererwa kandi ibi ni byo Apolo yagombaga gukora. Yakurikiye Pawulo mu murimo we, akagenda atanga inyigisho ziruseho kandi agafasha imbuto yabibwe ngo ikure. Yashyikiriye imitima y'abantu ariko Imana ni yo yatumye ikura. Ntabwo ari imbaraga y'umuntu, ahubwo imbaraga y'Imana ni yo ihindura imico. Ababiba n'abavomerera sibo batuma imbuto ikura; bakorera munsi y'ukuboko kw'Imana nk'abakozi bashyizweho nayo, bafatanyije na Yo mu murimo wayo. Icyubahiro n'ikuzo bizana no kugera ku musaruro mwiza biba iby'Umukozi Mukuru. {INI 170.1}

Abagaragu b'Imana bose ntibafite impano zimwe, nyamara bose ni abakozi bayo. Buri wese agomba kwigira ku Mwigisha Mukuru maze agaherako akamenyesha abandi ibyo yamenye. Imana yahaye buri muntu wese mu ntumwa zayo umurimo wihariye. Hari impano zitandukanye nyamara abakozi bose bakwiriye gukorera hamwe bayobowe n'imbaraga itunganya ya Mwuka Muziranenge. Uko bamenyesha abantu ubutumwa bwiza bw'agakiza, benshi bazemera kandi bahindurwe n'imbaraga y'Imana. Igikoresho muntu gihishanywe na Kristo mu Mana, kandi Kristo akagaragara nk'umutware ukomeye hagati y'ibihumbi cumi kuko ari we ufite igikundiro. {INI 170.2}

"Utera n'uwuhira barahwanye, kandi umuntu wese azahembwa nk'uko yakoze umurimo we: kuko twembi Imana ari yo dukorera; namwe mukaba umurima w'Imana, n'inzu yayo." (1Kor 3:8, 9). Muri iri somo intumwa Pawulo agereranya Itorero n'umurima uhinzwe, aho abakozi bakora, bita ku mizabibu yatewe n'Uhoraho no ku nyubako izakura igahinduka ingoro izira inenge y'Uhoraho. Imana ni yo Mukozi Mukuru kandi yahaye buri muntu wese umurimo we. Abantu bose bagomba gukora bahagarikiwe na yo bakayireka igakora kandi igakorera mu bakozi bayo. Ibaha uburyo n'ubuhanga, kandi iyo bumviye guhugura kwayo atuma imihati yabo igera ku nsinzi. {INI 170.3}

Abagaragu b'Imana bagomba gukorera hamwe, bafatanyije mu buryo bwo kwiyoroshya no kubahana, *"kuby'icyubahiro, umuntu wese ashyira imbere mugenzi we.* " Abaroma 12:10. Nta gusebanya gukwiye kubaho,

nta gusenya umurimo w'undi; kandi nta macakubiri akwiriye kubaho. Buri muntu wese Uhoraho yashinze ubutumwa afite umurimo w'umwihariko agomba gukora. Buri wese afite uko ateye yihariye atashobora kwinjizwa mu wundi muntu. Nyamara buri muntu agomba gukora yuzuzanya na bagenzi be. Mu murimo wabo, abakozi b'Imana bagomba kuba umwe. Nta n'umwe ukwiriye kwishyira hejuru ngo yigire icyitegererezo, ngo asebye abakozi bagenzi be cyangwa ngo abafate ko baciye bugufi ye.Ari munsi y'ubutware bw'Imana, buri wese agomba gukora umurimo ashinzwe, akubahwa, agakundwa kandi agaterwa ubutwari n'abandi bakozi. Bose bafatanyije bagomba gukomeza umurimo bakawurangiza.{INI 171.1}

Aya mahame yavuzweho cyane mu rwandiko rwa mbere Pawulo yandikiye Itorero ry'i Korinto. Intumwa Pawulo yerekeza ku "bakozi ba Kristo, " nk' «ibisonga byeguriwe ubwiru bw'Imana,» kandi avuga ku murimo wabo ati: *"Kandi ibisonga bishakwaho ko biba abanyamurava. Ni cyo gituma kuri jye bitagira icyo bintwara rwose gucirwa urubanza namwe cyangwa n'abanyarukiko b'abantu; kuko ndetse nanjye ubwanjye nticira urubanza, kuko ari nta cyo niyiziho; nyamara si icyo kinsindishiriza: ahubwo Umwami ni we unshira urubanza. Ni cyo gituma mudakwiriye guca urubanza rw'ikintu cyose, igihe cyarwo kitarasohora, kugeza ubwo Umwami wacu azaza, agatangaza ibyari byahishwe mu mwijima, kandi akagaragaza n'imigambi yo mu mitima. Ubwo ni bwo umuntu wese azahabwa n'Imana ishimwe rimukwiriye."* 1Kor 4:1; 2-5. {INI 171.2}

Nta muntu n'umwe wahawe inshingano yo gucira urubanza abakozi b'Imana batandukanye. Uhoraho wenyine ni we mucamanza w'umurimo w'umuntu kandi azaha buri wese igihembo kimukwiriye. {INI 171.3} Intumwa Pawulo akomeza yerekeza ku kugereranya imirimo ye n'iya Apolo agira ati, *"Nuko bene Data, ibyo mbyigereranijeho, jyewe na Apolo, ku bwanyu, nk'ubacira umugani; kugira ngo ibyo mvuze kuri twe bibigishe kudatekereza ibirenze ibyanditswe, hatagira umuntu wihimbaza, arwana ishyaka ry'umwe, agahinyura undi. Mbese ni nde wabatandukanije n'abandi? Kandi icyo mufite mutahawe ni igiki? Ariko niba mwaragihawe, ni iki gituma mwirata nk'abatagihawe?* " 1Kor 4:6, 7. {INI 171.4}

Pawulo yagaragarije Itorero akaga n'imiruho we na bagenzi be bagiye bihanganira mu murimo bakoreraga Kristo. Yaravuze ati:

“Kugeza na n’ubu twishwe n’inzara n’inyota, kandi twambaye ubusa, dukubitwa ibipfunsi, turi inzererezi, dukoresha amaboka yacu imirimo y’imiruho. Iyo badututse, tubasabira umugisha; iyo turenganyijwe, turihangana; iyo dushebejwe turinginga. Kugeza ubu twagizwe nk’umwavu w’isi, n’ibiharurwa byose. Ibyo simbyandikiye kubakoza isoni, ahubwo mbyandikiye kubahugura, nk’abana banjye nkunda; kuko nubwo mufite muri Kristo ababayobora inzovu, ntimufite ba so benshi. Ni jye wababyaje ubutumwa bwiza muri Kristo Yesu.” 1Kor 4:11-15 {INI 171.5}

Uwohereza ababwirizabutumwa bwiza nk’intumwa ze arasuzugurwa iyo mu bumva hagaragaye gukundwakaza umuvugabutumwa umwe bigatuma habaho kutemera ibyo undi mwigisha akora. Uhoraho yoherereza abantu be ubufasha, atari igihe cyose babushatse, ahubwo ari uko babukeneye. Ibyo biterwa n’uko abantu bareba hafi kandi bakaba batabasha kumenya icyabagirira umumaro kuruta ibindi. Ntabwo ari kenshi ko umubwiriza w’ibyiza umwe yagira ibyangombwa byose bikenewe byo gutunganya Itorero ngo ryuzuze ibyo Ubukristo busaba byose. Kubw’ibyo, kenshi Imana yoherereza abagize Itorero abandi bavugabutumwa, buri wese afite ubushobobzi bwe abandi batari bafite. {INI 172.1}

Itorero ryari rikwiriye kwakira aba babaragu ba Kristo ribyishimiye nk’uko ryakwakira Kristo ubwe. Abagize Itorero bari bakwiriye kungukira mu buryo bushoboka bwose mu nyigisho buri muvugabutumwa ashobora kubagezaho azikuye mu ijambo ry’Imana. Ukuri kuzanwa n’abagaragu b’Imana gukwiriye kwemerwa no kwakiranwa umutima wo kwicisha bugufi, ariko nta muvugabutumwa ugomba kugirwa ikigirwamana. {INI 172.2}

Binyuze mu buntu bwa Kristo, abakozi b’Imana bagirwa intumwa z’umucyo n’umugisha. Kubera gusenga mu kuri no kwihangana, bahabwa impano ya Mwuka Muziranenge maze bakajya imbere baremerewe n’umutwaro wo gukiza imitima y’abantu, imitima yabo yuzuye ishyaka ryo kwamamaza insinzi y’umusaraba, bazabona umusaruro w’imirimo yabo. Bamaramaje kutagaragaza ubwenge bwa kimuntu no gukwishyira hejuru, bazakora umurimo utazasenywa n’ibitero bya Satani. Abantu benshi bazava mu mwijima bagere mu mucyo kandi amatorero menshi azahangwa. Abantu bazahinduka atari kubw’abantu ahubwo ari kubwa Kristo. Inarinjye izibagirana; Yesu

wenyine, Umuntu w'i Kaluvari, ni we uzagaragara. {INI 172.3} Abakorera Kristo muri iki gihe bashobora kugaragaza ibintu bimwe biboneye byagaragajwe n'abamamaje ubutumwa bwiza mu gihe cy'intumwa. Imana yiteguye guha abagaragu bayo imbaraga uyu munsi nk'uko yari yiteguye kuziha Pawulo na Apolo, Sila na Timoteyo, Petero, Yakobo na Yohana. {INI 172.4}

Mu gihe cy'intumwa, hariho abantu bayobye bavugaga ko bizera Kristo ariko banga guha intumwa ze icyubahiro. Bavuze ko batakurikiye umwigisha w'umuntu; ko ahubwo mu buryo butaziguye bigishijwe na Kristo badafashijwe n'abagabura b'ubutumwa bwiza. Bumvaga bihagije mu bitekerezo kandi badashaka kumvira icyo Itorero rivuga. Abantu nk'abo bari bari mu kaga gakomeye ko gushukwa. {INI 172.5}

Imana yashyize mu Itorero, abantu batandukanyije impano nk'abafasha yitoranyirije, kugira ngo bitewe no guhuza ubwenge bw'abantu benshi igitekerezo cya Mwuka gishobore kugerwaho. Abantu bagendera bishingikirije ku bintu bikomeye biranga imico yabo, bakanga gufatanya n'abandi bagize uburambe mu murimo w'Imana, bazahumishwa no kwiyemera, bananirwe gutandukanya ukuri n'ikinyoma. Si byiza gutoranya abantu nk'abo ngo babe abayobozi mu Itorero; kuko bashobora gukurikira imyumvire n'imigambi yabo ntibite ku bitekerezo by'abavandimwe babo muri Kristo. Byoroheye umwanzi gukorera mu bantu, bakeneye inama buri gihe, nyamara bagakora umurimo wo kuyobora abandi bakoresheje imbaraga zabo bwite, batigeze biga kwicisha bugufi kwa Kristo. {INI 173.1}

Ibyo twibwira ko bitunganye byonyine ntabwo bihagije kugira ngo bituyobore mu nshingano zacu. Kenshi umwanzi yemeza abantu kwizera ko Imana ari yo ibayoboye kandi mu by'ukuri bakurikiye ibyo umuntu yitekerereje. Ariko nituba maso kandi tukajya inama na bagenzi bacu, tuzasobanukirwa n'ubushake bw'Imana; kuko isezerano ari iri ngo, *"Abicisha bugufi azabayobora mu byo gukiranuka. Abicisha bugufi azabigisha inzira ye.* " Zaburi 25:9. {INI 173.2}

Mu Itorero rya Gikristo rya mbere habayeho abantu bamwe banze kwemera yaba Pawulo cyangwa Apolo, ahubwo bemeza ko Petero ari we muyobozi wabo. Bemeje ko Petero yari yarabaye incuti magara ya Kristo igihe yari ku isi; mu gihe Pawulo we icyo gihe yatotezaga abizera. Ibitekerezo byabo n'uko babonaga ibintu byari byarabogamye.

Ntiberekanye ubuntu bushyitse, ubugira neza n'imbabazi byagaragazaga ko Kristo atuye mu mutima. {INI 173.3}

Hariho akaga ko uyu mwuka wo kwiremamo ibice uzazana ingaruka mbi cyane mu Itorero rya Gikristo, maze Pawulo abwirizwa n'Imana kuvuga amagambo y'umuburo ukomeye no kubacyaha. Ku bavugaga bati: "Jyeweho ndi uwa Pawulo. " undi akavuga ati: "Ariko jyewe ho ndi uwa Apolo"; undi akavuga ati : "Jyeweho ndi uwa Kefa"; undi ati : "Jyeweho ndi uwa Kristo," intumwa Pawulo yarababajije ati:"Mbese Kristo yagabanyijwemo ibice? Pawulo ni we wababambiwe? Cyangwa mwabatijwe mu izina rya Pawulo?" Yarabasabye ati: *"Nuko ntihakagira umuntu wirata abantu: kuko byose ari ibyanyu, naho yaba Pawulo, cyangwa Apolo, cyangwa Kefa, cyangwa isi, cyangwa ubugingo, cyangwa urupfu, cyangwa ibiriho, cyangwa ibizaba; byose ni ibyanyu, namwe muri aba Kristo; Kristo na we ni uw'Imana"* 1 Kor 1:12-13; 3:21-23. {INI 173.4}

Pawulo na Apolo barumvikanaga. Apolo yacitse intege kandi agira agahinda kubera amacakubiri yari mu Itorero ry'i Korinto. Ntiyitaye ku gukundwakaza bamugaragarije cyangwa ngo abishigikire, ahubwo yahereyeko ahita ava aho hantu hari ibibazo. Nyuma y'aho ubwo Pawulo yamusabaga kongera gusura i Korinto, yaranze ntiyongera kuhakorera bimara igihe kirekire kugeza ubwo Itorero ryari rimaze kugera ku rwego rwiza mu by'umwuka. {INI 173.5}

******

IGICE CYA 27 - EFESO

(Iki gice gishingiye mu Byakozwe n'Intumwa 19:1-20)



Igihe Apolo yabwirizaga i Korinto, Pawulo yasohoje isezerano rye ryo gusubira mu Efeso. Yari yarasuye i Yesusalemu ahamara igihe gito kandi yari yaramaze iminsi myinshi i Antiyokiya ari ho yabanje gukorera.
Bityo yambukanyije Aziya Ntoya, *"anyura mu gihugu cy'i Galatiya n'i Furugiya"* (Ibyak 18:23), asura amatorero yari yarahanze ubwe anakomereza abizera mu kwizera. {INI174.1}.Mu gihe cy'intumwa igice cy'uburengerazuba cya Aziya Ntoya cyari kizwi nk'intara y'Abaroma yo muri Aziya. Efeso, yari umurwa mukuru w'icyo gice, yari isangano rikomeye ry'ubucuruzi. Icyambu cyaho cyari cyuzuye amato kandi inzira zaho zari zuzuye abantu bavuye mu bihugu byose. Nk'uko i Korinto hari hameze, Efeso hari ahantu hagaragara ko hazatanga umusaruro mu ibwirizabutumwa bwiza. {INI 174.2}

Muri icyo gihe Abayahudi bari batataniye mu bihugu byateye imbere, muri rusange bari bategereje kuza kwa Mesiya. Igihe Yohana Umubatiza yabwirizaga, abantu benshi bari baraje i Yerusalemu mu minsi mikuru y'umwaka, bagiye ku nkengero za Yorodani kumwumva. Aho ngaho bari barahumvise Yesu yamamazwa nk'Uwasezeranywe kandi bari barajyanye iyo nkuru nziza mu mpande zose z'isi. Uko ni ko Imana yateguriye inzira umurimo w'intumwa. {INI 174.3}

Ageze mu Efeso, Pawulo yabonye bene se cumi na babiri, kandi nk'uko byagendekeye Apolo, bari barabaye abigishwa ba Yohana umubatiza ndetse bunguka ubumenyi bwerekeye umugambi wa Kristo. Ntibari bafite ubushobozi nk'ubwa Apolo; ariko bari bafite ukuri kumwe no kwizera kumwe bashaka kwamamaza ubumenyi bari barakiriye.

{IN174.4}.Aba bavandimwe mu kwizera ntacyo bari bazi ku murimo wa Mwuka Muziranenge. Igihe Pawulo yababazaga niba barahawe Mwuka Muziranenge, barasubije bati, “Ntabwo twari twumva yuko Umwuka Wera yaje.” Pawulo ababajije ati, *“Mwabatijwe mubatizo ki? “Baramusubije bati, ni ” Umubatizo wa Yohana.”* Ibyak 19:2, 3. {INI 174.5}

Bityo intumwa Pawulo yabagaragarije ukuri gukomeye kw’ishingiro ry’ibyiringiro bya Gikristo. Yababwiye iby’ubuzima bwa Kristo akiri ku isi n’iby’urupfu rwe rw’agashinyaguro rukojeje isoni. Yababwiye uko Umutware w’ubugingo yari yarashenye ibihindizo by’igituro akazuka atsinze urupfu. Yasubiye mu nshingano Umukiza yahaye abigishwa be ati, *“Nahawe ubutware bwose mu ijuru no mu isi. Nuko mugende muhindure abantu bo mu mahanga yose abigishwa, mubabatiza mu izina rya Data wa twese n’Umwana n’Umwuka Wera.”*(Matayo 28:18, 19). Yababwiye kandi n’isezerano rya Kristo ry’uko azohereza Umufasha, uwo ibimenyetso n’ibitangaza byagombaga gukorwa kubw’imbaraga ze, kandi abatekerereza uko iri sezerano ryari ryarasohoye ku munsi wa Pentekote. {INI 174.6}

Abavandimwe mu kwizera bategeye amatwi amagambo ya Pawulo bayitayeho, babyishimiye kandi banezerewe cyane. Kubwo kwizera, bakiriye ukuri gutangaje kw’igitambo gihongerera ibyaha cya Kristo maze bamwakira nk’Umucunguzi wabo. Bahereyeko babatizwa mu izina rya Yesu, kandi ubwo Pawulo ” yabarambikagaho ibiganza,” banahawe umubatizo wa Mwuka Muziranenge wabashoboje kuvuga indimi z’ayandi mahanga no guhanura. Bityo bari bafite ubushobozi bwo gukora nk’ababwirizabutumwa mu Efeso no mu nkengero zaho, kandi bagakomeza bakajya kwamamaza ubutumwa bwiza muri Aziya Ntoya. {INI 175.1}

Ni kubwo gukunda umutima wo kwicisha bugufi no kwemera kwigishwa byatumye aba bagabo bunguka imibereho yabashoboje kugenda bakajya gusarura imirima yeze. Urugero rwabo rutanga icyigisho gikomeye ku Bakristo. Hari abantu benshi bagira iterambere rito mu mibereho y’iby’Imana kubera ko bumva bihagije ku buryo badaca bugufi ngo bige. Banezezwa n’ubumenyi bw’amajyejuru bw’ijambo ry’Imana. Ntibifuza guhindura ukwizera kwabo cyangwa uko bakora, bityo ntibagire umuhati wo kwakira umucyo urenzeho. {INI

175.2} .Iyaba abayoboke ba Kristo bashakaga ubwenge babikuye ku mutima, bayoborwa mu mirima ikungahaye y'ukuri batigeze bamenya na mba. Umuntu wese uziyegurira Imana burundu azayoborwa n'ukuboko kwayo. Ashobora kuba ari uworoheje kandi bigaragara ko adafite impano; ariko niba yumvira inama yose iva ku bushake w'Imana n'umutima ukunda kandi wiringira, imbaraga ze zizatunganywa, zihabwe icyubahiro, zikomezwe kandi ubushobozi bwe buzongerwa. Uko aha agaciro inyigisho z'ubwenge mvajuru, azahabwa inshingano yera; azashobozwa gutuma imibereho ye ihesha Imana icyubahiro n'umugisha ku batuye isi. "Guhishurirwa amagambo yawe kuzana umucyo, guha abaswa ubwenge." Zaburi 119:130. {INI 175.3}

Muri iki gihe hari abantu benshi batazi umurimo Mwuka Muziranenge akorera mu mitima nk'uko abizera bo muri Efeso bari bameze, nyamara nta kuri kwigishwa mu ijambo ry'Imana mu buryo byumvikana neza nk'uku. Abahanuzi n'intumwa batinze kuri iyi ngingo. Kristo ubwe adukangurira kurebera ku gukura kw'ibimera nk'imfashanyigisho itwereka umurimo wa Mwuka w'Imana mu gukomeza ubuzima bw'ibya Mwuka. Amatembagiti y'umuzabibu azamuka ava mu mizi, agakwirakwizwa mu mashami, bigatuma habaho gukura no kurabya ndetse no kubyara imbuto. Uko ni ko imbaraga itanga ubugingo ya Mwuka Muziranenge iva ku Mukiza, ikuzura umuntu ikavugurura ibitekerezo n'ibyo umuntu akunda, kandi ikanatuma ibitekerezo bigezwa ku kumvira ubushake bw'Imana, igashoboza uyakiriye kwera imbuto z'agaciro kenshi z'imirimo myiza. {INI 175.4}

Umuhanzi w'ubu bugingo bw'ibya Mwuka ntaboneshwa amaso, kandi imbaraga z'ubwenge bwa kimuntu ntizishobora gusobanura uburyo nyabwo ubwo bugingo butangwa kandi bukabungabungwa. Nyamara iteka imikorere ya Mwuka ihuza n'ijambo ryanditswe. Nk'uko bimeze mu mibereho y'iby'umubiri ni nako bimeze mu mibereho y'iby'umwuka. Ubuzima bw'umubiri burindwa buri mwanya n'imbaraga y'Imana nyamara ntibubeshwaho n'igitangaza gihutiyeho ahubwo binyura mu gukoresha imigisha yashyizwe hafi yacu. Uko ni ko imibereho y'iby'umwuka ibeshwaho no gukoresha ubwo buryo Imana yatanze. Niba umuyoboke wa Kristo ashaka gukura ngo abe *" umuntu ushyitse, ugeze ku rugero rushyitse rw'igihagararo cya Kristo,"* (Abefeso 4:13) agomba kurya ku mutsima w'ubugingo no kunywa ku mazi y'agakiza. Agomba kuba maso, agasenga, agakora, kandi mu bintu byose akumvira amabwiriza y'Imana ari mu ijambo ryayo. {INI 176.1}

Hari irindi somo dushobora kwigira ku byabaye kuri bariya Bayahudi bihanye. Igihe babatizwaga na Yohana, ntibari basobanukiwe bihagije n'icyazanye Yesu nk'Uwishyizeho icyaha cy'abantu. Bari batsimbaraye ku mafuti akomeye. Nyamara umucyo urushijeho kumurika, bemeye Kristo nk'Umucunguzi wabo banezerewe, kandi kubw'iyi ntambwe bateye, yazanye guhinduka mu byo bari bashinzwe. Uko bakiraga ukwizera nyakuri ni nako habayeho guhinduka mu mibereho yabo. Kubw'igihamya cy'uku guhinduka, ndetse no kuzirikana ukwizera Kristo kwabo, bahereyeko bongera kubatizwa mu izina rya Yesu. {INI 176.2}

Nk'uko byari umuco we, Pawulo yari yaratangiye umurimo we mu Efeso, atangira abwiriza mu i Sinagogi y'Abayahudi. Yakomeje kuhakorera ahamara amezi atatu "ajya impaka na bo, abemeza iby'ubwami bw'Imana." Mbere yakiranywe ubwuzu; ariko nk'uko n'ahandi byagenze, nyuma y'aho gato, baramurwanyije cyane. *"Bamwe binangiye imitima, banga kwizera batukira inzira ya Yesu imbere y'abantu."* (Ibyak 19:9). Bakomeje kwinangira mu kwanga ubutumwa bwiza, intumwa Pawulo yahagaritse kubwiririza mu isinagogi. {INI 176.3}

Mwuka w'Imana yari yarakoranye na Pawulo kandi amukoreramo mu murimo yakoreraga bene wabo. Ibihamya bihagije byari byaratanzwe kugira ngo byemeze abantu bose bifuzaga kumenya ukuri babikuye ku mutima. Nyamara abantu benshi bemeye kuyoborwa n'ibyo bitekererezaga no kutizera, maze banga kumvira ibihamya bifatika bahawe. Atinye ko ukwizera kw'abari barihanye kwashyirwa mu kaga no gukomeza kwifatanya n'abo barwanyaga ukuri, Pawulo yitandukanyije na bo maze ateranyiriza abigishwa mu itsinda, akomeza kubahugurira mu ruhame mu ishuri rya Turano wari umwigisha w'ikirangirire. {INI 176.4}

Nubwo hari "abamurwanyaga benshi", *Pawulo yabonye ko "yugururiwe irembo rinini rijya mu mirimo ikomeye."* (1Kor 16:9). Efeso ntiwari umugi mwiza kurusha iyindi gusa, ahubwo wari waranasayishije mu byaha kurusha indi mijyi yo muri Aziya. Ubupfumu no kwinezeza kuby'umubiri byari byarabaye gikwira mu baturage. Abagome bo mu nzego zose bari barahawe intebe mu nsengero kandi n'ingeso mbi by'indengakamere zariyongeraga cyane. {INI 177.1}

Efeso wari umugi wari ikimenyabose mu gusenga ikigirwamanakazi cyitwaga Aritemi (Diyane). Ingoro y'icyo kigirwamanakazi cy'Abanyefeso yari ifite ubwiza bwamamaye muri Asiya yose no ku isi. Ubwiza butangaje bw'iyo ngoro, bwayigize icyiratanwa cy'uwo mujyi ndetse n'igihugu cyose. Umuco karande wari waremeje ko ikigirwamana cyari muri iyo ngoro cyaguye kivuye mu kirere. Kuri icyo kigirwamana hari handitsweho inyuguti zanditswe mu buryo bw'ibimenyetso bizeraga ko zifite imbaraga ikomeye. Ibitabo byinshi byari byaranditswe n'abanyefeso bitanga ubusobanuro n'uburyo ibyo bimenyetso bikoreshwa. {INI 177.2}

Mu bantu bacukumburaga muri ibyo bitabo bikomeye harimo abakonikoni benshi bagiraga uruhare rukomeye ku ntekerezo z'abo bantu baramyaga igishushanyo cyari muri iyo ngoro. {INI 177.3} Ari mu murimo we muri Efeso, Pawulo yahawe impano mvajuru z'umwihariko. Imbaraga y'Imana yaherekeje imihati ye maze abantu benshi bakizwa indwara z'imibiri. " *Imana yakoreshaga amaboko ya Pawulo ibitangaza bikomeye. Ndetse bashyiraga ku barwayi ibitambaro n'imyenda bivuye ku mubiri we, bagakira indwara zabo, abadayimoni bakabavamo.*"(Ibyak 19:11, 12). Uko kwigaragaza kw'imbaraga idasanzwe kwari gukomeye cyane mu buryo butigeze bubaho muri Efeso, kandi kwari guteye ku buryo bitashoboraga kwiganwa n'ubuhanga bw'abakonikoni n'abapfumu. Kubera ko ibi bitangaza byakorwaga mu izina rya Yesu w'i Nazareti, abantu bagize amahirwe yo kubona ko Imana yo mu ijuru ifite ubushobozi burenze ubw'abakonikoni baramyaga ikigirwamanakazi Diyane. Uko ni ko Uhoraho yahesheje icyubahiro umugaragu wayo ndetse n'imbere y'abasengaga ibyo bigirwamana, maze imushyira hejuru cyane y'abakonikoni bakomeye kuruta abandi kandi bubashywe. {INI 177.4}

Ariko Ufite ubutware ku myuka mibi kandi akaba yari yarahaye abagaragu ubushobozi kuri iyo myuka, yari hafi gukoza isoni no gutsinda abasuzuguye kandi bagatuka izina Rye ryera. Itegeko rya Mose ryari ryarabujije kuyoboka ubupfumu ku buryo uwarirengagaho yagombaga gupfa. Nyamara uko ibihe byahaga ibindi, ubupfumu bwari bwaragiye bukorerwa mu ibanga n'Abayuda bagomye. Igihe Pawulo yasuraga Efeso, muri uwo mujyi harimo "inzererezi zimwe zo mu Bayuda," zibonye ibitangaza Pawulo yakoraga, "na zo zirukanaga

abadayimoni, zihimbira kuvugira izina ry'Umwami Yesu ku batewe n'abadayimoni." Hari ibyakozwe n'"abahungu barindwi b'umuyuda witwaga Sikewa, umwe mu batambyi bakuru." Babonye umuntu wari uhanzweho na dayimoni, baramubwiye bati, "Turagutegetse mu izina rya Yesu, uwo Pawulo avuga." Ariko dayimoni arabasubiza ati: *"Yesu ndamuzi, na Pawulo ndamumenye, ariko mwebweho muri ba nde? Nuko umuntu warimo dayimoni uwo abasimbukira bombi arababasha, arabanesha, bigeza ubwo bahunga muri iyo nzu bambaye ubusa bakomeretse."* Ibyak 19:13-16. {INI 177.5}

Bityo, igihamya cy'ubutungane bw'izina rya Kristo cyaragaragaye kandi n'ibyago byashoboraga kugwirira umuntu wese uvuga izina rye adafite kwizera ko umurimo w'Umukiza wakomokaga ku Mana. *"Bose baterwa n'ubwoba, kandi izina rya Yesu rishyirwa hejuru."*Ibyak 19:17. {INI 178.1}

Ingingo zari zarahishwe zahise zishyirwa ku mugaragaro. Mu kwemera Ubukristo, bamwe mu bizera ntibari bararetse imigenzo yabo burundu.Bari bagikomeje gukora iby'ubukonikoni ku rwego runaka. Noneho ubu ubwo bari bamaze kwemezwa ikosa ryabo, "benshi mu bizera baraje, batura ibyaha byabo, bavuga n'ibyo bakoze." Uwo murimo mwiza warakomeje ugera no ku bapfumu; maze " *abakoraga iby'ubupfumu batari bake bakoranya ibitabo byabo, maze babitwikira imbere ya rubanda. Babaze agaciro k'ikiguzi cy'ibyo bitabo, basanga gahwanye n'igihembo cy'imibyizi ibihumbi mirongo itanu. Bityo inkuru za Nyagasani zikomeza kwamamara n'imbaraga, zirahama."* Ibyak 19:19, 20. {INI178.2}

Mu gutwika ibitabo byabo by'ubupfumu, Abanyefeso bahindutse berekanye ko bazinutswe ibintu byabashimishaga. Bari barakojeje Imana isoni babinyujije mu bupfumu, maze bashyira ubugingo bwabo mu kaga nyamara bagaragaje kuzinukwa ubwo bupfumu batwika ibyo bitabo. Uko ni ko batanze igihamya cyo guhinduka nyakuri. {INI 178.3} Ibyo bitabo by'ubupfumu byari birimo amategeko n'uburyo bwo kuvugana n'imyuka mibi. Yari amategeko agenga kuramya Satani, akaba n'amabwiriza bakurikizaga bamusaba ubufasha no kugira ibyo bamenya bimuturutseho. Iyo abigishwa bagumana ibyo bitabo bari kuba bishyize mu bishuko; kandi iyo babigurisha bari kuba bashyize igishuko imbere y'abandi. Bari barasezereye ubwami bw'umwijima kandi ntibigeze bashidikanya gusenya imbaraga zabwo uko byari

kumera kose. Uko niko ukuri kwatsinze imyumvire mibi y'abantu ndetse n'urukundo bakundaga amafaranga. {INI 178.4}

Kubwo kwigaragaza kw'imbaraga ya Kristo, Ubukristo bwagiriye insinzi ikomeye mu cyicaro cy'ubupfumu. Ibyari byabaye byamamaye hose cyane ku rwego Pawulo atabitekerezagaho. Inkuru yaturutse mu Efeso ikwira hose ku buryo ibya Kristo byahawe agaciro gakomeye. Nyuma y'igihe kirekire intumwa Pawulo arangije umurimo we, ibyo byabaye byakomeje kuba mu ntekerezo z'abantu kandi byakomeje kwihanisha benshi bemera ubutumwa bwiza. {INI 178.5}

Bitekerezwa ko ibyerekeranye n'ubupfumu byavuyeho mbere y'amajyambere no kujijuka byo mu kinyejana cya makumyabiri. Nyamara ijambo ry'Imana ndetse n'ubuhamya bukomeye bw'ibigaragara bivuga ko ubupfumu bukorwa muri iki gihe rwose nk'uko bwakorwaga mu gihe cya kera cy'abakonikoni. Uburyo bwa kera bw'ubupfumu, mu by'ukuri ni bumwe n'ubw'iki gihe buzwi nk'uburyo bugezweho bwo gukorana n'imyuka y'abapfuye. Satani aragenda yigarurira intekerezo z'abantu batabarika abiyereka yiyoberanyije mu ishusho y'incuti zabo zapfuye.Ibyanditswe bivuga ko " *abapfuye ntacyo bazi.*" Umubwiriza 9:5.Intekerezo zabo, urukundo rwabo, urwango rwabo byose byararangiye. Abapfuye ntibashyikirana n'abazima. Nyamara mu buriganya bwe bwa kera, Satani akoresha aya mayeri kugira ngo yigarurire intekerezo z'abantu. {INI 179.1}

Hifashishijwe gukorana n'imyuka y'abapfuye, benshi mu barwayi, abapfushije ababo n'abanyamatsiko bavugana n'imyuka mibi. Abantu bose barageza kugenza batyo bari mu kaga. Ijambo ry'ukuri ry'Imana rivuga uko Imana ibabona. Mu bihe bya kera Imana yaciriyeho iteka umwami wagiye kugisha inama umupfumu: " *Mbese icyatumye mujya kuraguza Balizebubi, ikigirwamana cya Ekuroni, ni uko nta Mana iri muri Isirayeli? Icyo ni cyo gitumye Uwiteka avuga ngo 'Ntuzabyuka ku gisasiro uryamyeho, ahubwo uzapfa, nta kibuza'* " 2Abami 1:3, 4. {INI 179.2}

Abapfumu bo mu bihe by'ubupagani bafite icyo bahuriraho n'uburyo bwo gukorana n'imyuka y'abapfuye, abaraguza imitwe n'abaragurira abandi ibyiza bizababaho byo muri iki gihe. Amajwi yumvikaniye mu Endori no muri Efeso aracyakomeza kumvikana ayobya abana

b’abantu. Iyaba inyegamo yakurwaga imbere y’amaso yacu, twabona abamarayika babi bakoresha amayeri yabo yose kugira ngo bashuke abantu kandi babarimbure. Ahantu hose hagaragaye gukora kw’imbaraga ituma abantu bibagirwa Imana, Satani aba ahakoreshareza imbaraga ze zo kuriganya. Iyo abantu bemeye kugengwa nawe bisanga bamaze guta ubwenge no guhumana mu mitima. Umuburo intumwa Pawulo yahaye Itorero rya Efeso wagombye kwitabwaho n’ubwoko bw’Imana muri iki gihe. “ *Ntimukifatanye n’imirimo y’ab’umwijima itagira umumaro, ahubwo muyihane.”* Abefeso 5:11. {INI 179.3}

******

IGICE CYA 28 - IMINSI Y'IMIRUHO N'IBIGERAGEZO

(Iki gice gishingiye mu Byakozwe n'Intumwa 19:21-41; 20:1)

Efeso yabaye isangano ry'umurimo wa Pawulo mu gihe cy'imyaka irenga itatu. Itorero yahahanze ryarakuraga cyane, maze ubutumwa bwiza buturuka muri uyu mujyi busakara mu ntara ya Aziya haba mu Bayahudi n'Abanyamahanga. {INI 180.1} Pawulo yari yaratekereje gukora urundi rugendo rwo kwamamaza ubutumwa bwiza. *"Pawulo agambirira mu mutima we kunyura i Makedoniya na Akaya, ngo ajye i Yerusalemu, yibwira ati: 'Nimara kugerayo, nkwiriye kureba n'i Roma na ho." Bihuye n'uyu mugambi "Atuma abamufashaga babiri, ari bo Timoteyo na Erasito, kujya i Makedoniya."* (Ibyak 19:21, 22). Nyamara yumvise ko umurimo wo muri Efeso wari ugikeneye ko ahaba, yafashe icyemezo cyo kuhaguma kugeza umunsi wa Pentekote urangiye. Nyamara hari ikintu cyabaye cyatumye yihutira kugenda. {INI 180.2}

Incuro imwe mu mwaka, hari imihango idasanzwe yabaga mu mujyi wa Efeso yo kubahiriza ikigirwamanakazi cya Aritemi. Iyi mihango yakururaga imbaga y'abantu bavuye impande zose z'intara. Muri iki gihe ibirori byakorwaga mu byishimo birenze kamere. {INI 180.3}

Iki gihe cy'ibirori cyari ikigeragezo ku bari bamaze kwemera ubutumwa bwiza. Itsinda ry'abizera ryari ryarahuriye mu ishuri rya Turano bari imbogamizi muri ibyo birori, bityo barasuzugurwaga, bakanegurwa kandi bakabatuka uko bishakiye. Imirimo ya Pawulo yari yaratesheje agaciro imisengere ya gipagani, maze ingaruka yabyo iba kugabanyuka kugaragara kw'abazaga mu minsi mikuru y'igihugu ndetse haba no kugabanyuka k'ubwuzu bw'abaramyaga Aritemi. Uruhare rw'inyigisho za Pawulo rwaragiye rurenga abayobotse ukwizera bazwi. Abantu benshi batari baremeye inyigisho nshya ku

mugaragaro baje kumurikirwa bigeza ubwo batongeye kwiringira ibigirwamana byabo. {INI 180.4}.Hariho indi mpamvu yo kutanyurwa. Muri Efeso hari hamaze kuvuka ubucuruzi bukomeye kandi buzana inyungu zivuye mu bintu bakoraga by'ibishushanyo bisa n'urusengero n'igishushanyo cya Aritemi. Abari barayobotse ubu bucuruzi, babonye inyungu zabo zigabanyuka maze bose bemeza ko iryo hinduka riturutse ku byo Pawulo yakoraga. {INI 180.5}

Demetiriyo wacuraga ibishushanyo by'urusengero mu ifeza, yateranyirije abo bakoranaga uwo mwuga maze arababwira ati: *"Mwa bagabo mwe, muzi yuko ubutunzi bwacu buva kuri uyu mwuga. Murareba kandi murumva yuko atari mu Efeso honyine ahubwo no mu Asiya hafi ya hose, Pawulo uwo yoheje abantu benshi, akabahindura ati: ' imana zaremwe n'abantu si imana nyakuri.' Nuko uretse ko umwuga wacu wajya mu kaga ugahinyurwa, n'urusengero rw'imanakazi ikomeye Arutemi na rwo rwahinyurwa, kandi iy'abo mu Asiya bose n'abari mu isi yose basenga yakurwaho icyubahiro cyayo gikomeye." Aya magambo yabyukije ubwaka bw'abantu. "Na bo babyumvise batyo bagira umujinya mwinshi, barasakuza bati: 'Arutemi y'Abefeso irakomeye!"* Ibyak 19:25-28. {INI 180.6}

Ibyo Demetiriyo yavuze byahise bimenyekana vuba. " *Maze umudugudu wose uravurungana.*"(Ibyak 19:29). Bashakishije Pawulo ariko ntibashobora kumubona.Abavandimwe be mu kwizera bamaze kumenya akaga kari kibasiye Pawulo, bahise bamucikisha bamukura aho hantu. Abamarayika b'Imana bari boherejwe kugira ngo bamurinde kuko igihe cye cyo gupfa azize ukwizera kwe cyari kitaragera. {INI 181.1}

Uruvunge rw'abatuye uwo mujyi bananiwe kubona uwari wabarakaje, "*bafashe Gayo na Arisitariko b'Abanyamakedoniya, bagendanaga na Pawulo," barabakurubana babajyana mu kibuga cy'ikinamico.*" Ibyak 19:29. {INI 181.2}

Aho Pawulo yari yihishe ntabwo hari kure maze mu kanya gato amenya ko abavandimwe be yakundaga bari mu kaga. Yiyibagije uko umutekano we wari umeze, yifuza guhita ajya mu kibuga cy'ikinamico ngo agire icyo abwira abateye umuvurungano. Ariko "Abigishwa baramubuza." Gayo na Arisitariko ntabwo ari bo abantu bashakishaga; nta n'ubwo babagiriye nabi. Nyamara iyo Pawulo yigaragaza imbere

yabo bakamuca iryera, byari kubyutsa umujinya wabo ku buryo nta muntu wari gushobora gukiza ubugingo bwe. {INI 181.3}

Pawulo yari acyifuza kugaragaza ko ashigikiye ukuri imbere y'imbaga y'abantu; ariko yaje gucibwa intege n'ubutumwa bw'imbuzi buturutse kuri cya kibuga cy'ikinamico. *"Ndetse na bamwe bo mu bategetsi b'incuti ze bamutumaho, bamusaba kudahinguka ku kibuga."* Ibyak 19:31. (BII) {INI 181.4}

Umuvurungano wari ugikomeje muri icyo kibuga. " *Nuko abo mu iteraniro bamwe basakuza ukwabo abandi ukwabo, badahuriye ku kintu kimwe, kuko iteraniro ryari rivurunganye, abenshi batari bazi igitumye baterana.*" (Ibyak 19:32).Kuba Pawulo na bamwe mu bagendanaga nawe barakomokaga mu Baheburayo byarakaje Abayahudi bituma berekana ku mugaragaro ko batamushyigikiye ndetse n'umurimo we. Bihitiyemo umuntu umwe muri bo wo kuvugira icyo kibazo imbere y'abantu. Uwahiswemo kugira ngo avuge ni Alekizanderi, umwe mu bacuzi b'imiringa, uwo Pawulo yaje kuvugaho nyuma y'aho ko " *Yamugiriye inabi nyinshi.*" 2Timoteyo 4:14. Alekizanderi yari umugabo wari ufite ubushobozi maze akoresha imbaraga ze zose kugira ngo yerekeze umujinya w'abantu wose kuri Pawulo na bagenzi be. Nyamara abantu babonye ko ari Umuyahudi baramwamagana, maze *"bose basakuriza icyarimwe, bamara nk'amasaha abiri, bati: 'Arutemi y'Abefeso irakomeye!"* Ibyak 19:34. {INI 181.5}

Amaherezo bananiwe baraceceka, haba ituza ry'akanya gato. Maze umunyamabanga w'umugi acecekesha abantu kandi kubera umurimo yakoraga bituma bamutega amatwi. Yegereye abantu mu bitekerezo byabo maze ababwiye ko nta mpamvu y'iyo mivurungano yariho. Yavuganye nabo yifashishije ibyo bazi aravuga ati: " *Bagabo bo mu Efeso, ni nde utazi yuko umudugudu w'Abefeso ari wo urinda urusengero rw'imanakazi ikomeye Arutemi n'igishushanyo cyamanutse mu ijuru? Nuko kuko ari ntawe ubasha guhakana ibyo, mukwiriye guhora, ntimuhutireho kugira icyo mukora mutitonze: kuko muzanye aba bantu, batibye ibyo mu rusengero, kandi batatutse imanakazi yacu. Nuko Demetiriyo n'abacuzi bari kumwe na we, niba bafite uwo barega, hariho iminsi yagenewe kuburanirwamo, kandi n'abacamanza barahari, baregane. Ariko rero niba hari ikindi mushaka, kizategekerwa mu rukiko rusanzwe. Erega ubu turi mu kaga ko kuregwa ubugome, kuko nta*

mpamvu y'iyi mivurungano ihari, twakwireguza. Avuze ibyo asezerera iteraniro." Ibyak 19:35-41. {INI 182.1}

Mu magambo ye, Demetiriyo yari yavuze ati: "Uyu mwuga wacu uri mu kaga." Aya magambo ahishura impamvu nyakuri yo kuvurungana kwabaye mu Efeso ndetse anerekana intandaro yo gutotezwa kwakurikiranye intumwa mu murimo wazo. Demetiriyo na bagenzi be b'abacuzi babonye ko ubucuruzi bwabo bwo gucura ibishushanyo buri mu kaga bitewe no kwigisha no kwamamaza ubutumwa bwiza. Umutungo abatambyi b'abapagani ndetse n'abanyamyuga binjizaga wari mu kaga bituma bahagurukira kurwanya Pawulo bivuye inyuma. {INI 182.2}

Icyemezo cy'umunyamabanga w'umugi ndetse n'abandi bari bafite imirimo ikomeye muri uwo mugi cyari cyaragaragaje ko Pawulo ari umwere, ko nta kintu yakoze kinyuranyije n'itegeko. Iyi yari indi nsinzi y'Ubukristo butsinda ikinyoma n'ubupfumu. Imana yari yarahagurukije umucamanza ukomeye wo kuburanira intumwa yayo no gucecekesha abantu bigaragambyaga. Umutima wa Pawulo wuziye gushima Imana kuko ubuzima bwe bwarinzwe kandi ko Ubukristo butari bwagayishijwe mu Efeso n'imivurungano. {INI 182.3}

" *Imidugararo imaze gushira, Pawulo atumira abigishwa, arabahugura, abasezeraho, avayo, ajya i Makedoniya.*" (Ibyak 20:1). Mu rugendo rwe yaherekejwe na bene se babiri b'inyangamugayo bo muri Efeso ari bo Tukiko na Tirofimo. {INI 182.4}Imirimo ya Pawulo mu Efeso yari isojwe. Yari yarahakoreye umurimo nta kuruhuka, ahagirira ibigeragezo byinshi n'umubabaro ukomeye. Yari yarigishije abantu mu ruhame no mu ngo, abahugura kandi ababurira n'amarira menshi.

Yakomeje kurwanywa n'Abayahudi batigeze bahwema kumutereza rubanda. {INI 182.5} Mu gihe yari ahanganye n'abamurwanyaga, agakomeza gukora umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza afite umwete udacogora, kandi akarinda inyungu z'Itorero ryari rikiri rito mu kwizera, ni nako yari afite umutwaro uremereye w'amatorero menshi mu mutima we. {INI 183.1}

Amakuru avuga ubuyobe mu matorero yari yarahanze yamuteraga agahinda kenshi. Yatinyaga ko byazagaragara ko yari kuba yararuhiye ubusa. Igihe yamenyaga inzira zakoreshejwe mu kurwanya umurimo we, yararaga amajoro menshi atagohetse, asenga kandi atekereza.

Igihe yabaga abonye uburyo kandi abona ko bikwiye, yandikiraga amatorero akayahana, akayagira inama, akayaburira kandi akayakomeza. Muri izi nzandiko, ntabwo Pawulo atinda ku bigeragezo yahuye na byo, nyamara hari aho yagiye avuga ku miruho n'imibabaro yagize ku bwa Kristo. Gukubitwa no gufungwa, imbeho, inzara n'inyota, ingorane yahuye nabyo ari ku butaka no mu nyanja, ari mu mugi no mu butayu; byose biturutse muri bene wabo, mu bapagani ndetse no bizera b'icyitiriro; ibi byose yabyihanganiye kubw'ubutumwa bwiza. *"Yashinjwe ibinyoma," "akozwa isoni", "asuzugurwa muri byose," " yabujijwe amahoro," "yaratotejwe," "yabujijwe amahwemo impande zose," "aba mu kaga buri gihe, " "agahora atangwa ngo yicwe ku bwa Kristo."* {INI 183.2}

Mu muraba udatuza w'abamurwanyaga, mu rusaku rukomeye rw'abanzi be ndetse no gutereranwa n'incuti ze, iyi ntumwa y'intwari yari igiye gucika intege. Nyamara yasubije amaso inyuma areba i Karuvali, maze n'imbaraga nshya, akomeza kwamamaza Uwabambwe. Yagendaga mu nzira isize amaraso Kristo yari yaranyuzemo mbere. Ntiyigeze areka urugamba kugeza igihe yarambikiye intwaro ze ku birenge by'Umucunguzi. {INI 183.3}

****

IGICE CYA 29 - UBUTUMWA BW'IMBUZI NO KWINGINGA

(Iki gice gishingiye ku Rwandiko rwa 1 nvandikiwe Abanyakorinti)



Urwandiko rwa mbere rwandikwe Itorero ry'i Korinto rwanditswe na Pawulo mu minsi iheruka igihe yamaze muri Efeso. Nta bandi bantu yumvaga yitayeho cyane cyangwa ngo abakorere n'umuhati adacogora nk'abizera b'i Korinto. Pawulo yakoreye mu Banyakorinto mu gihe cy'umwaka n'igice, abaganisha ku Mukiza wabambwe akanazuka nk'inzira yonyine y'agakiza, kandi ababwira ko bagomba kwishingikiriza ku mbaraga ihindura y'ubuntu bw'Umukiza. Mbere yo kwakirwa mu Itorero ababaga bemeye Ubukristo, Pawulo yabaga yarabanje kubahugura ku byerekeye amahirwe n'inshingano z'Umukristo wizeye, kandi yari yarageregeje kubafasha kuba indahemuka ku ndahiro batanze igihe babatizwaga. {INI 184.1}

Pawulo yari azi neza intambara umuntu wese agomba kurwana n'abakozi ba Sekibi bahora bashaka gushuka no kugusha abantu mu mutego. Bityo Pawulo yari yarakoze ubudacogora akomeza abakiri bato mu kwizera. Yari yarabararikiye kwiyegurira Imana burundu kuko yari azi igihe umuntu atitanze atyo, icyaha kiba gihawe intebe, irari n'ibyifuzo bigakomeza kurwanira gutegeka kandi ibigeragezo bigatera umutimanama kuba mu rujijo. {INI 184.2}

Kwitanga kugomba kuba kuzuye. Buri wese w'umunyantege nke, ushidikanya kandi uri ku rugamba wiyegurira Imana burundu, ashyirwa mu mubano utaziguye n'imbaraga zimubashisha gutsinda. Ijuru rimuba hafi kandi mu gihe cyose cyo kugeragezwa no mu bukene, ashyigikirwa kandi agafashwa n'abamarayika b'abanyampuhwe. {INI 184.3}

Abizera b’Itorero ry’i Korinto bari bakikijwe no gusenga ibigirwamana no kwinezeza k’uburyo bukabije. Igihe intumwa Pawulo yari hamwe nabo, ibyo byabakururaga nta bubasha bukomeye byari bibafiteho. Ukwizera gushikamye kwa Pawulo, amasengesho ye yuzuye imbaraga, amagambo akomeye yo guhugura ndetse hakiyongeraho n’imibereho irangwa no kubaha Imana, ibyo byose byari byarabafashije kwanga inarijye kubwa Kristo aho kwishimira ibinezeza by’ibyaha. {INI184.4}

Nyamara Pawulo amaze kugenda, habayeho ibintu bibi; urukungu rwari rwarabibwe n’umwanzi rwaje kugaragara mu ngano, maze bitinze urukungu rutangira kwera imbuto mbi. Iki cyari igihe cyo kugeragezwa gukomeye ku Itorero ry’i Korinto. Pawulo ntiyari akiri hamwe na bo ngo abakangurire kugira umwete kandi ngo abafashe mu mihati yabo yo kubaho imibereho ijyanye n’ubushake bw’Imana. Bityo buhoro buhoro, benshi bagiye batezuka ntibagire icyo bitaho maze bemerera kamere kubategeka. Uwahoraga abashishikariza kugera ku rwego rw’ubutungane ntiyari akiri hamwe na bo maze abantu batari bake bari bararetse ingeso zabo mbi igihe bahindukaga, bisuburira mu byaha bikojeje isoni by’ubupagani. {INI 184.5}

Pawulo yari yarandikiye Itorero mu magambo make, yinginga abizera “kutifatanya” n’abantu bari gutsimbarara mu bikorwa by’urukozasoni; nyamara benshi mu bizera bumvise nabi ibyo Pawulo yavuze, bajya impaka ku byo yavuze baherako basuzugura inama ye. {INI 185.1} Itorero ryohererereje Pawulo urwandiko rimusaba inama ku bintu binyuranye ariko ntibagira icyo bavuga ku byaha bikomeye byari muri bo. Nyamara, Pawulo yamenyeshejwe na Mwuka Muziranenge ko abanditse bahishe imiterere nyakuri y’Itorero kandi ko urwo rwandiko bwari uburyo bwo kumukuramo ingingo abarwanditse bari kwifashisha mu gushigikira imigambi yabo bwite. {INI 185.2}

Muri icyo gihe mu Efeso haje abizera bo mu muryango wa Kilowe, wari umuryango wa Gikristo uzwi cyane i Korinto. Pawulo yababajije uko ibintu byari bimeze maze bamubwira ko Itorero ryigabanyijemo ibice. Ukutumvikana kwari kwarabayeho igihe Apolo yabasuraga kwari kwararushijeho kwiyongera. Abigisha b’ibinyoma bayoboraga abizera gusuzugura inyigisho za Pawulo. Amahame n’amabwiriza bw’ubutumwa bwiza byari byaragoretswe. Ubwirasi, gusenga

ibigirwamana no gutwarwa n'iruba byiyongeraga cyane mu bigeze kuba abantu bagira ishyaka mu mibereho ya Gikristo. {INI 185.3}

Pawulo yumvise ibyo, yabonye ko ibyari bimuteye ubwoba bukomeye byari byararenze urugero. Ariko ibi ntibyigeze bimutera gutekereza ko yaruhiye ubusa. Yasabye Imana inama afite agahinda mu mutima kandi abogoza amarira. Aba yarahise yishimira kujya gusura Korinto, iyo iyi iza kuba inzira y'ubwenge yo gukurikiza. Nyamara yari azi ko ukurikije uko byari bimeze icyo gihe, abizera ntibari kungukira mu murimo we. Bityo yahereye ko yohereza Tito ngo amutegurire inzira yo kuzabasura nyuma y'aho. Bityo, Pawulo yirengagije ibyamubabazaga bitewe n'abo bantu bari barasayishije, maze umutima we awushikamisha ku Mana, bityo yandikira Itorero ry'i Korinto rumwe mu nzandiko zihugura kandi zifite imbaraga kuruta izindi mu nzandiko ze. {INI 185.4}

Yatangiye gusubiza ibibazo bitandukanye byabajijwe n'Itorero abisobanura neza, kandi ashimangira amahame rusange yari kubageza ku rwego rwo hejuru mu by'umwuka baramutse bayitondeye. Bari bari mu kaga kandi ntiyashoboraga kwihanganira igitekerezo cyamubuzaga kugera ku mitima yabo muri icyo gihe gikomeye. N'umutima wiyoroheje, yababuriye ku byerekeranye n'amakuba bari barimo, kandi abacyahira ibyaha byabo. Yongeye kuberekeza kuri Kristo kandi ashaka kongera kubagaruramo ubushyuhe bwo kwitanga nk'uko bari bameze mbere. {INI185.5}

Urukundo rukomeye Pawulo yari afitiye abizera b'i Korinto rwagaragariye mu ndamutso zuzuye ukwiyoroshya yoherereje Itorero. Yerekeje imibereho yabo ku gutera umugongo gusenga ibigirwamana, bakaramya kandi bagakorera Imana nyakuri. Yabibukije impano za Mwuka Muziranenge bari barahawe, kandi abereka ko yari amahirwe yabo gukomeza imibereho ya Gikristo kugeza igihe bazashyikira ubutungane no kwera bya Kristo. Yaranditse ati: "*Kuko muri byose mwatungiwe muri we, mu byo muvuga byose no mu bwenge bwose, kuko ubuhamya twahamije Kristo bwakomejwe muri mwe; bituma mutagira impano yose mubura, mutegereza guhishurwa k'Umwami wacu Yesu Kristo. Ni we uzabakomeza kugeza ku mperuka, kugira ngo mutazabaho umugayo ku munsi w'Umwami wacu Yesu Kristo.* " 1 Kor 1:5-8. {INI 186.1}

Pawulo yavuze ku macakubiri yari yaradutse mu Itorero ry'i Korinto yeruye kandi asaba abizera kuyacikaho. Yongeye kwandika ati: *" Ariko bene Data, ndabingingira mu izina ry'Umwami wacu Yesu Kristo, kugira ngo mwese muvuge kumwe; kandi he kugira ibice biremwa muri mwe, ahubwo muhurize hamwe rwose, muhuje imitima n'inama."* 1Kor 1:10. {INI 186.2} Intumwa Pawulo yumvise afite umudendezo mu kubabwira uburyo ndetse n'umuntu wamubwiye iby'amacakubiri yari mu Itorero. Yaravuze ati, *"kuko, bene Data, nabwiwe ibyanyu n'abo kwa Kilowe, yuko habonetse intonganya muri mwe."* 1Kor 1:11. {INI 186.3}

Pawulo yari intumwa yayoborwaga na Mwuka. Ukuri yigishaga abandi yari yaraguhishuriwe "mu iyerekwa" nyamara igihe cyose Uwiteka ntiyahitaga amuhishurira uko abantu be bari bameze. Muri iki gihe abantu bari bahangayikishijwe n'imibereho myiza y'Itorero ry'i Korinto kandi bakaba barabonye ibibi byinjira mu Itorero, bari barabwiye Pawulo iki kibazo. Biturutse ku guhishurirwa n'Imana yari yarahawe mbere, Pawulo yari yiteguye kugira icyo avuga ku miterere y'urwo rukurikirane rw'ibintu. Nubwo Uwiteka atamuhaye guhishurwa gushya kubw'icyo gihe kidasanzwe yarimo, abashakaga umucyo babikuye ku mutima bemeye ubutumwa bwe nk'ubuvuye kuri Kristo. Uwiteka yari yaramweretse ingorane n'amakuba byari kuzavuka mu matorero, kandi uko ibyo bibi byiyongeraga, Pawulo yamenyaga ubusobanuro bwabyo. Yari yarashyiriweho kurwanirira Itorero. Yagombaga kurinda abantu nk'uzabibazwa n'Imana. None se ntibyari bikwiriye ko akomeza kwita ku byo bamugezagaho byerekeranye no kwikorera ibyo bishakiye n'amacakubiri byari bibarimo? Amagambo yo kubacyaha yabohererejе yari yaranditswe ayobowe na Mwuka w'Imana nk'uko byari byarabaye no ku zindi nzandiko ze izo ari zo zose. {INI 186.4}

Intumwa Pawulo ntacyo yavuze ku bigisha b'ibinyoma bashakaga kurimbura imbuto z'umurimo we. Kubera umwijima n'amacakubiri byari mu Itorero, yirinze kubarakaza avuga abo bigisha b'ibinyoma. Yatinyaga ko bamwe bazazinukwa ukuri burundu. Yaberekeje ku murimo yakoreraga hagati muri bo nk'uw'"umwubatsi mukuru w'ubwenge," wari warashinze urufatiro abandi bubakiyeho. Nyamara ntabwo ubwe yigeze yishyira hejuru; kuko yavuze ati: *"kuko twembi Imana ari yo dukorera."* (1Kor 3:9). Ntiyigeze agaragaza ubwenge bwe bwite ahubwo yazirikanye ko imbaraga mvajuru yonyine ari yo yamushoboje kwigisha ukuri mu buryo bunezeza Imana. Yomatanye na Kristo, Pawulo umwigisha ukomeye mu bigisha bose, yashobojwe

kumenyekanisha inyigisho z'ubwenge mvajuru zahuzaga n'ubukene bw'abantu b'ingeri zose, kandi zagombaga gukoreshwa ibihe byose, ahantu hose no mu mibereho yose. {INI 186.5}

Mu bintu bibi byari bikomeye cyane byari byaragwiriye mu bizera b'i Korinto harimo ugusubira mu mico myinshi ikojeje isoni y'ubupagani. Umuntu umwe wari warihanye yari yarasubiye inyuma cyane ku buryo yanicaga amabwiriza yoroheje y'imyitwarire myiza n'abapagani bubahirizaga. Intumwa Pawulo yasabye Itorero gukura "uwo munyabyaha" hagati muri bo. Yarabahuguye ati: *" Ntimuzi y'uko agasemburo gake gatubura irobe ryose? Nuko nimwiyezeho umusemburo wa kera, kugira ngo mube irobe rishya; mube mutakirimo umusemburo wa kera."* 1Kor 5:6,7. {INI 187.1}

Ikindi kibi gikomeye cyari cyarabyutse mu Itorero ni uko abizera bajyaga kuregana mu butegetsi. Hari harashyizweho uburyo bwinshi bwo gukemura ibibazo bikomeye byari mu bizera. Kristo ubwe yari yaratanze inama zumvikana z'uburyo ibibazo nk'ibyo byagombaga gukemurwa. Umukiza yari yaratanze inama ati: *"Mwene so nakugirira nabi, ugende umumenyeshe icyaha cye mwihere reye: nakumvira, uzaba ubonye mwene so. Ariko natakumvira, umuteze undi cyangwa babiri, ngo 'Ijambo ryose rikomere mu kanwa k'abagabo babiri cyangwa batatu.' Kandi niyanga kumvira abo, uzabibwire Itorero: niyanga kuryumvira na ryo, azakubeho nk'umupagani cyangwa umukoresha w'ikoro. Ndababwira ukuri yuko ibyo muzahambira mu isi bizaba bihambiriwe mu ijuru, kandi ibyo muzahambura mu isi bizaba bihambuwe no mu ijuru."* Matayo 18:15-18. {INI 187.2}

Abizera b'Abanyakorinto bari barirengagije iyi nama igaragara, Pawulo yabandikiye mu buryo bwo kubakangura no kubacyaha. Yarabajije ati: *"Iyo umuntu wo muri mwe afite icyo apfa na mugenzi we, mbese ahangara kuburanira ku bakiranirwa? Ntaburanire ku bera? Ntimuzi yuko abera bazacira ab'isi urubanza? Kandi ubwo ari mwe muzacira ab'isi urubanza, ntimushobora no guca imanza z'ibintu bito hanyuma y'ibindi? Ntimuzi ndetse yuko tuzacira n'abamarayika urubanza? Nkaswe iby'ubu bugingo! Nuko rero niba mufite imanza zo gucibwa zerekeye ku by'ubu bugingo, ni iki gituma mubishyiraho abatagira icyo bahuriyeho n'Itorero, ngo abe ari bo bazica? Ibyo mbivugiye kubakoza isoni. Mbese koko, nta munyabwenge n'umwe uba muri mwe, wabasha gucira bene se urubanza? Ahubwo mwene Data*

akaburana na mwene Data wundi, kandi baburanira ku batizera? Nuko mumaze kubonekaho icyaha rwose, kuko muburana musubiranamo. Mbese ni iki gituma mudahitamo ahubwo kugirirwa nabi?... Ariko ni mwe ubwanyu mugirirana nabi, muhuguzanya, kandi abo mugirira mutyo ni bene Data. Ntimuzi yuko abakiranirwa batazaragwa ubwami bw'Imana. " 1Kor 6:1-9. {INI 187.3}

Satani ahora ashaka kwinjiza kutiringirana, kwirema ibice n'uburyarya mu bwoko bw'Imana. Akenshi tuzahura n'ikigeragezo cyo kumva ko uburenganzira bwacu bwavogewe, ndetse ibyo ntibizabura kuba n'igihe nta mpamvu nyayo yo gutekereza gutyo. Abakunda inarinjye kuruta uko bakunda Kristo n'umurimo we bazashyira inyungu zabo imbere kandi bazakora ibishoboka byose ngo batazivirira kandi ngo ze kubangamirwa. Ndetse benshi bagaragara nk'Abakristo b'inyangamugayo, ubwibone no kwiyemera bibabuza gusanga mu ibanga abo batekereza ko bari mu makosa kugira ngo babaganirize mu mwuka wa Kristo kandi ngo basabirane. Igihe batekereje ko bahemukiwe n'abavandimwe babo mu kwizera, bamwe bazajya kubarega mu butegetsi aho gukurikiza itegeko ry'Umukiza. {INI 188.1}

Abakristo ntibari bakwiriye kwitabaza inkiko mu gukemura ibyo batumvikanaho bishobora kuvuka mu bagize Itorero. Ibyo bibatandukanya bikwiriye gukemurirwa muri bo ubwabo cyangwa bigakemurwa n'Itorero hakurikijwe inama Kristo yatanze. Nubwo hashobora kuboneka kurenganywa, umuyoboke w'Umugwaneza kandi wiyoroshya ari we Yesu, azemera "guhuguzwa" aho kugira ngo agaragarize ab'isi ibyaha bya mwene se bahuje Itorero. {INI 188.2}

Kuregana mu nkiko kuba hagati y'abavandimwe mu kwizera bisebya umurimo wo kwamamaza ukuri. Abakristo bajya kuregana mu mategeko bateza Itorero gusekwa n'abanzi baryo kandi batuma imbaraga z'umwijima zitsinda. Bongera gukomeretsa Kristo kandi bakamukoreza isoni mu ruhame. Igihe birengagije ubuyobozi bw'Itorero, baba basuzuguye Imana yahaye Itorero ubutware rifite. {INI 188.3}

Muri uru rwandiko Pawulo yandikiye Abanyakorinto, yakoze uko ashoboye kose kugira ngo abereke imbaraga ya Kristo yo kubarinda ikibi. Yari azi ko nibemeranya n'ibyo bamenyeshejwe, bajyaga gukomerera mu mbaraga y'Ishoborabyose. Mu buryo bwo kubafasha

gutandukana no kuba mu bubata bw'icyaha bakakira ubutungane bwuzuye bubaha Uwiteka, Pawulo yabashishikarije kumvira amabwiriza y'uwo bari bariyeguriye igihe bahindukaga. Yaravuze ati: "Muri aba Kristo, ntimuri abanyu ... kuko mwaguzwe igiciro. Bityo muhe Imana ikuzo mu mibiri yanyu no mu mwuka wanyu kuko ari iby'Imana." {INI 188.4}

Intumwa Pawulo yerekanye neza ingaruka zo kureka imibereho y'ubutungane no kwera bakajya mu bikorwa bibi bya gipagani. Yaranditse ati: *"Ntimwishuke; abahehesi, cyangwa abasenga ibishushanyo, cyangwa abasambanyi... cyangwa abajura, cyangwa abifuza, cyangwa abasinzi, cyangwa abatukana, cyangwa abanyazi; bene abo ntibazaragwa ubwami bw'Imana." (1Koro 6:9-10). Yabasabye gutegeka ukwifuza kwabo n'ipfa ryabo. Yarabajije ati: "Mbese ntimuzi yuko imibiri yanyu ari insengero z'Umwuka Wera, uri muri mwe, Uwo mufite wavuye ku Mana?"* 1Kor 6:19. {INI 188.5}

Nubwo Pawulo yari umunyabwenge wo mu rwego rwo hejuru, imibereho ye yagaragazaga ubushishozi budasanzwe bwatumaga abona ibintu vuba, akagira impuhwe mu mutima kandi agasabana n'abandi. Ibi byamushobozaga gukangura imico yabo myiza ndetse bikabashishikariza guharanira kugera ku rwego rwo yo hejuru rw'imibereho. Umutima we wari wuzuye urukundo nyakuri yari afitiye abizera b'i Korinto. Yifuzaga ko bagaragaza ubutungane bwo mu mutima bwari kubakomeza bagahangana n'ibigeragezo. Yari azi ko bazabangamirwa n'abayoboke ba Satani kuri buri ntambwe y'urugendo rwa Gikristo kandi ko bazarwana nabo buri munsi. Bagombaga kwirinda ubuhendanyi bw'umwanzi, bakarwanya ingeso za kera n'imigirire ya kamere kandi bakaba maso basenga. Pawulo yari azi ko imibereho yo mu rwego rwo hejuru rwa Gikristo yagerwaho binyuze gusa mu gusenga cyane no gukomeza kuba maso, kandi ibi nibyo yagerageje gucengeza mu bitekerezo byabo. Nyamara nanone Pawulo yari azi ko muri Kristo wabambwe ari ho bahererwa imbaraga ihagije yo guhindura umuntu kandi ko muri we ariho bashobozwa n'Imana gutsinda ibigeragezo byose biganisha mu bibi. Bafite ukwizera Imana nk'ingabo ibakingira ndetse bagatwara ijambo ryayo nk'intwaro yabo ku rugamba, bagombaga guhabwa imbaraga y'imbere mu mutima izabashoboza gutsinda ibitero by'umwanzi . {INI 189.1}

Abizera b’i Korinto bari bakeneye kumenyera ibintu by’Imana mu buryo bwimbitse. Ntabwo bari bazi icyo gutumbira ubwiza bwayo bivuga ndetse no guhindurwa uva mu mibereho imwe ujya mu yindi. Icyo bari barabonye ni imirasire ya mbere y’ubwo bwiza bwayo. Icyo Pawulo yabifurizaga cyari uko bakuzuzwa ubutungane bw’Imana, bagakurikizaho kumenya uwo imirambagirire ye yari imeze nk’umuseke, kandi bagakomeza kumenya ibye kugeza ubwo binjiye mu manywa y’ihangu yo kwizera gutunganye kuva mu butumwa bwiza. {INI 189.2}

****

IGICE CYA 30 - GUHAMAGARIRWA KUGERA KU RUGERO RWO HEJURU

(Iki gice gishingiye ku Rwandiko rwa 1 nvandikiwe Abanyakorinti)



Mu byiringiro byo kwemeza ibitekerezo by'abizera b'i korinto akamaro ko kwitegeka, kwirinda kudakebakeba n'ishyaka ridacogora mu murimo wa kristo, mu rwandiko yabandikiye, pawulo yagereranyije intambara y'umukristo n'isiganwa ry'abiruka n'amaguru ryaberaga hafi y'i korinto. mu mikino yose yakorerwaga mu bagiriki n'abaroma, gusiganwa abantu biruka n'amaguru byari ibya kera cyane kandi byahabwaga agaciro cyane. abami, abanyacyubahiro n'abategetsi bazaga kureba ayo marushanwa. urubyiruko ruturuka mu miryango itandukanye rwarayitabiraga kandi ntirwaburaga gukoresha imbaraga no kwitondera amabwiriza ya ngombwa kugira ngo babone ibihembo. {INI 190.1}

Amarushanwa yagengwaga n'amabwiriza akomeye atarashoboraga kujuririrwa igihe wayishe. abifuzaga ko amazina yabo yashyirwa mu bazarushanirwa igihembo bagombaga kubanza kwitoza bikomeye. gutwarwa n'ipfa ryashoboraga kwangiza umubiri cyangwa ukundi kwinezeza kwashoboraga kugabanya imbaraga z'ubwenge n'iz'umubiri byari bibujijwe cyane. kugira ngo umuntu yizere gutsinda muri iri rushanwa ryasabaga imbaraga n'umuvuduko, imihore y'umubiri yagombaga kuba ifite imbaraga kandi inanutse kandi n'imyakura ikaba ikora neza. umwanya wose wagombaga kuba werekeje ku ntego, intambwe yose ikaba yihuta kandi idakebakeba; imbaraga z'umubiri zagombaga kugera ku rwego rwo hejuru. {INI 190.2}

Igihe abarushanwaga bahagararaga imbere y'imbaga y'abantu yabaga ibategereje, amazina yabo yarasomwaga kandi bagahabwa amabwiriza ajyanye no gusiganwa. batangiriraga rimwe maze guhangwa amaso y'abaje kubareba bikabatera kwiyemeza kubona insinzi. abashinzwe imikino babaga bicaye hafi y'aho batangirira n'aho barangiriza kugira ngo bakurikirane irushanwa kuva mu itangiriro ryaryo kugera ku musozo kandi ngo bashobore guha igihembo uwatsinze nyakuri. igihe umuntu yageraga aho irushanwa rirangirira ari uwa mbere ariko yishe amabwiriza y'isiganwa, ntiyahembwaga. {INI 190.3}

Muri aya marushanwa habagamo ingorane zikomeye. abantu bamwe ntibakiraga ubumuga mu buzima bayakuragamo. byari ibisanzwe ko bamwe bagwa mu nzira, bakava amaraso mu kanwa no mu mazuru kandi rimwe na rimwe hari uwapfaga ari hafi kurangiza ngo ahembwe. nyamara kuba umuntu yahakura ubumuga mu buzima bwe bwose cyangwa urupfu ntibyarebwaga nk'akaga gakomeye umuntu yakwishyiramo igihe arangamiye icyubahiro cyahabwaga uwatsinze irushanwa. {INI 190.4}

Igihe utsinze yageraga aho isiganwa rirangirira, abantu benshi babaga bahari bakomaga mu mashyi amajwi akumvikana mu misozi yabaga ihakikije. mu maso y'ababaga baje kureba ibirori, ushinzwe gutanga ibihembo yaheraga ko akamuha ibimenyetso by'insinzi byabaga ari ikamba ry'icyubahiro cyangwa ishami ry'umukindo yatwaraga mu kuboko kw'iburyo. icyubahiro cy'uwatsinze cyaririmbwaga mu gihugu hose; ababyeyi be nabo bahabwaga icyubahiro ndetse n'umugi yabaga atuyemo warubahwaga kubera wabaga warabyaye umuntu ukomeye mu gusiganwa nk'uwo. {INI 191.1}

Mu kuvuga kuri uko gusiganwa akakugereranya n'intambara ya gikristo, pawulo yashimangiye kwitegura gukenewe kugira ngo abarushanwa bagere ku nsinzi. imyiteguro yabagamo imyitwarire myiza, kurya ibyokurya bikwiriye ndetse no kwirinda. yaravuze ati: *"umuntu wese urushanwa yirinda muri byose"* (1kor 9:25). abasiganwa barekaga ikintu cyose bifuza cyashoboraga guca intege imbaraga z'umubiri, kandi binyuze mu myitwarire idakebakeba batozaga umubiri ngo ugire imbaraga kandi wihangane bityo umunsi w'irushanwa nugera bazashobore gukoresha imbaraga zabo zose. mbega uburyo ari ingenzi cyane ko umukristo ubona ko inyungu z'iteka ryose agamije

zibangamiwe akwiriye kwegurira ipfa n'irari rye mu bushake bw'imana! ntakwiriye na rimwe kwemera kurangazwa n'ibishimisha n'ibinezeza n'imibereho yoroheje. ingeso ze zose n'ibyo akunda bigomba kugengwa n'imyifatire idakebakeba. intekerezo zimurikiwe n'inyigisho ziva mu ijambo ry'imana kandi zikayoborwa na mwuka wayo nizo zihinduka umugenga w'imikorere yacu. {INI 191.2}

Mu gihe ibi byose bimaze gukorwa, umukristo agomba gukoresha imbaraga zishoboka zose kugira ngo agere ku nsinzi. mu mikino y'i korinto, igihe byabaga bigeze mu minota mike iheruka irushanwa, abarushanwaga bakoreshaga imbaraga nyinshi cyane kugira ngo umuvuduko utagabanyuka. ni ko bimeze no ku mukristo. uko yegera aho irushanwa rirangirira niko azakomezanya ishyaka riruseho no kwiyemeza kurusha igihe yatangiriye isiganwa. {INI 191.3}

Pawulo yerekana itandukaniro riri hagati y'ikamba ry'icyubahiro gishira rihabwa umuntu watsinze irushanwa ryo gusiganwa n'ikuzo ryo kudapfa rizahabwa umuntu uzatsinda isiganwa rya gikristo. aravuga ati, *"bagenzereza batyo kugira ngo bahabwe ikamba ryangirika, naho twebwe tugenzereza dutyo kugira ngo duhabwe iritangirika"* (1 kor 9:25). kugira ngo umuntu atsindire igihembo cyangirika, abagiriki basiganwaga ntibinubiraga gukoresha umubiri imyitozo inaniza no gukurikiza imyitwarire basabwa. turaharanira guhabwa igihembo gifite agaciro kanini, ari cyo kamba ry'ubugingo buhoraho. mbega uburyo urugamba rwacu rwari rukwiye kwitonderwa kurutaho, mbega uburyo twari dukwiye kwitanga no kwiyanga! {INI 191.4}

Mu rwandiko pawulo yandikiye abaheburayo agaragaza umugambi umwe rukumbi wari ukwiriye kuranga isiganwa ry'umukristo uharanira ubugingo buhoraho. yaranditse ati: *"twiyambure ibituremerera byose n'icyaha kibasha kutwizingiraho vuba, dusiganirwe aho dutegekwa twihanganye dutumbira yesu wenyine, ari we banze ryo kwizera kandi ari we ugusohoza rwose."* (heb 12:1, 2). irari, uburyarya, gutekereza nabi, kuvuga nabi no kwifuza kubi, ni imitwaro umukristo akwiriye kwiyambura kugira ngo azatsindire ukudapfa. icyo byadusaba cyose, buri ngeso cyangwa akamenyero bijyana umuntu mu cyaha kandi bigasuzuguza kristo bigomba kurekwa.ntabwo umugisha w'ijuru ushobora kugera ku muntu uwo ari we wese wica amahame y'iteka yo gukora ibitunganye. icyaha kimwe gikomeje gukorwa kirahagije kugira

ngo cyonone imico kandi kikayobya abandi. {INI 192.1}.Umukiza yaravuze ati: *“ukuboko kwawe nikugucumuza uguce. ibyiza ni uko wakwinjira mu bugingo usigaranye ukuboko kumwe, biruta ko wajya muri gehinomu y’umuriro utazima ufite amaboko yombi. n’ikirenge cyawe, nikigucumuza, ugice: ibyiza ni uko wakwinjira mu bugingo usigaranye ikirenge kimwe, biruta ko wajugunywa muri gehinomu ufite ibirenge byombi.”* mariko 9:43-45. {INI192.2}

Niba kugira ngo umubiri ukire urupfu, ukuguru cyangwa ukuboko bikwiriye gucibwa, cyangwa ijisho rikanogorwa, mbega uburyo birushijeho ko umukristo yari akwiriye kuzibukira icyaha kirimbura ubugingo! {INI 192.3}

Abarushanwaga bari mu mikino ya kera, ighe babaga bamaze kwitanga no gukurikiza imyitwarire ihamye, ntabwo babaga bizeye insinzi. pawulo yarabajije ati: *“ntimuzi yuko mu birori abasiganwa biruka bose, ariko ugororerwa akaba umwe?”* (1kor 9:24). nyamara, uko abasiganwa bashyiraga imbaraga zabo zose n’umutima wabo mu irushanwa, igihembo cyahabwaga umuntu umwe gusa. ukuboko kumwe gusa niko kwakiraga ikamba ritatse. bamwe bakoresha imbaraga zishoboka zose kugira ngo bahabwe igihembo, ariko igihe babaga bagiye kugisingira, undi yabasigagaho akanya gato cyane akacyegukana. {INI 192.4}

Uko si ko bimeze mu ntambara ya gikirsto. ku iherezo ry’irushanwa, nta muntu n’umwe ukurikiza amabwiriza uzigera abura igihembo yari arangamiye. nta n’umwe uri mu kuri kandi wihangana utazagera ku nsinzi. isiganwa ntiritsinda uzi kwiruka cyane cyangwa ngo urugamba rutsinde umunyambaraga gusa. umukiranutsi w’umunyantege nke kuruta abandi kimwe n’umunyambaraga ukomeye, bashobora kwambara ikamba ry’ikuzo ryo kudapfa. binyuze mu mbaraga z’ubuntu bw’imana, abantu bose begurira imibereho yabo kugendera mu bushake bwa kristo bashobora gutsinda. gushyira mu bikorwa amahame ari mu ijambo ry’imana, mu bintu byose umuntu ahura nabyo mu mibereho ye, akenshi bifatwa nk’aho nta gaciro bifite bigafatwa nk’ikintu kidafite akamaro cyo kwitabwaho. nyamara twitegereje uko biri, nta kintu kizafasha cyangwa ngo kibe intaza gikwiye kwitwa gitoya. buri gikorwa cyose cyongera uburemere ku munzani ugaragaza gutsinda cyangwa gutsindwa mu mibereho yacu kandi igihembo

gihabwa abatsinze kizaba gihwanye n'imbaraga n'ubwitange bazaba barakoresheje. {INI 192.5}

Intumwa pawulo yigereranyije n'umuntu usiganwa, akananiza buri rugingo rw'umubiri kugira ngo abone igihembo. aravuga ati: *"nuko nanjye ndiruka, ariko si nk'utazi aho ajya, nkubitana ibipfunsi ariko si nk'uhusha. ahubwo mbabaza umubiri wanjye nywukoza uburetwa, ngo ahari ubwo maze kubwiriza abandi nanjye ubwanjye ntaboneka ko ntemewe."* (1kor 9:26, 27). kugira ngo atiruka atazi iyo ajya cyangwa ngo apfe kwiruka mu isiganwa rya gikiristo, pawulo yagize kwitoza gukomeye. amagambo ngo "mbabaza umubiri wanjye," asobanuye kwifata cyane cyangwa kwigomwa ibyifuzo by'umubiri, irari n'ibyo umuntu akunda. {INI 193.1}

pawulo yatinyaga ko yasigara agaragara ko ataboneye kandi amaze kubwiriza abandi. yabonye ko niba mu mibereho ye adashyize mu bikorwa amahame yizeraga kandi yabwirizaga, ibyo yari gukorera abandi byari kumubera imfabusa. ibiganiro bye, uko abantu bamwemeraga, kuba yaranze gutegekwa n'irari rye, byagombaga kwerekana ko idini ye itari amagambo gusa, ko ahubwo ari umubano muzima agirana n'imana buri munsi. intego imwe rukumbi yari imbere ye kandi yaharaniraga kugeraho yari *"ugukiranuka kuva ku mana kuzanwa no kwizera kristo."* abafilipi 3:9. {INI 193.2}

Pawulo yari azi ko intambara yarwanaga n'ikibi itazarangira akiriho. yabonye ko akeneye kwirinda bikomeye kugira ngo ibyifuzo by'isi bitanesha ishyaka ry'umwuka. yakomeje kurwanya ibya kamere n'imbaraga ze sose. yakomeje gutumbira icyo yashakaga guhabwa kandi yaharaniraga kugera kuri iyi ntego yubahiriza itegeko ry'imana. amagambo ye, ibyo yakoraga n'irari rye byose byagengwaga na mwuka w'imana. {INI 193.3}

Uyu mugambi umwe rukumbi wo guharanira gutsindira ubugingo buhoraho ni wo pawulo yifuzaga ko wagaragarira mu mibereho y'abizera b'i korinto. yari azi ko kugira ngo bagere ku rugero kristo abifuriza, bari bafite urugamba mu mibereho yabo bagombaga kurwana badatezuka. yabingingiye kurwana bakurikije amategeko, bagaharanira ubutungane n'imyitwarire myiza buri munsi. yabasabye kwiyambura

ikibaremereye cyose no gukomeza berekeza ku ntego y'ubutungane bubonerwa muri kristo. {INI 193.4}

Pawulo yeretse abanyakorinto imibereho y'abisirayeli ba kera, abereka imigisha bahawe kubwo kubaha kwabo ndetse n'ibihano byakurikiye kutumvira kwabo. yabibukije uburyo butangaje abaheburayo bayobowe bavanwa mu misiri barinzwe n'igicu ku manywa n'inkingi y'umuriro nijoro. uko ni ko bambukijwe inyanja itukura mu mahoro mu gihe abanyamisiri bose barohamye ubwo bageragezaga kwambuka muri ubwo buryo.kubera ibi bikorwa imana yari yarazirikanye isirayeri nk'itorero ryayo. *"bose bagasangira bya byokurya by'umwuka na bya byokunywa by'umwuka, kuko banywaga ku gitare cy'umwuka cyabakurikiraga, kandi icyo gitare cyari kristo."* (1 kor 10:3, 4). mu ngendo zabo zose, abaheburayo bari bayobowe na kristo. igitare cyakubiswe cyashushanyaga kristo wagombaga kuzavushwa amaraso kubera ibyaha kugira ngo umugezi w'agakiza utembe ku bantu bose. {INI 194.1}

Nubwo imana yagaragarije abaheburayo ineza, nyamara kubera kurarikira ibinezeza bari barasize mu misiri kandi kubera icyaha cyabo no kwigomeka, bagezweho n'urubanza rw'imana. intumwa pawulo yashishikarije abizera b'i korinto kwigira ku byabaye kuri isirayeri. yaravuze ati: *"ariko ibyo byababereyeho kugira ngo bitubere akabarore, ngo tutifuza ibibi nk'uko bo babyifuje"* (1 kor 10:6). yaberetse uko gukunda kwinezeza mu by'isi byari byarateguriye inzira ibyaha byatumye imana ibahana. igihe abana ba isirayeri bicaraga bakarya kandi bakanywa, nyuma bagahagurutswa no gukina, nibwo baretse ubwoba bwo gutinya imana bari baragize igihe bumvaga itanga amategeko, maze bacura inyana y'izahabu yo gusimbura imana, baherako barayiramya. nyuma yo gukora umunsi mukuru wo kwinezeza wajyanye no kuramya baari, niho abenshi mu baheburayo bishoye mu busambanyi.uburakari bw'imana bwarakongejwe, maze ku itegeko ryayo "bituma abantu" ibihumbi makumyabiri na bitatu" bicwa n'icyorezo umunsi umwe. {INI 194.2}

Intumwa pawulo yabwiye abanyakorinto ati: "nuko rero uwibwira ko ahagaze, yirinde atagwa." iyo birata kandi bakiyiringira, bakirengagiza kuba maso no gusenga, bari kugwa mu cyaha gikomeye bakihamagarira kugubwaho n'uburakari bw'imana. nyamara pawulo ntiyari kubemerera kudohoka cyangwa gucika intege. yabahaye

icyizere ati: *“imana ni iyo kwizerwa kuko itazabakundira kugeragezwa ibiruta ibyo mushobora, ahubwo hamwe n’ikibagerageza izabacira akanzu, kugira ngo mubone uko mubasha kucyihanganira “*1 kor 10:13 {INI 194.3}.Pawulo yingingiye abavandimwe be mu kwizera kwibaza icyo amagambo n’ibikorwa byabo bishobora gukora ku bandi no kutagira icyo bakora, kabone nubwo cyaba ari cyiza, cyasa n’aho gishyigikira gusenga ibigirwamana cyangwa kigakomeretsa ugushidikanya kw’abashobora kuba ari abanyantege nke mu kwizera. yaravuze ati: *“namwe iyo murya cyangwa munywa cyangwa mukora ikindi kintu cyose, mujye mukorera byose guhimbaza imana. ntimukabere abayuda ikigusha, cyangwa abagiriki cyangwa itorero ry’imana.”* 1 kor 10: 31, 32. {INI 195.1}

Amagambo y’imbuzi intumwa pawulo yabwiye itorero ry’i korinto ni ay’ibihe byose kandi by’umwihariko aratureba muri iki gihe cyacu. igihe yavugaga ibyo gusenga ibigirwamana, ntibyari bisobanuye kubiramya gusa, kwiyitaho gusa, gukunda ibinezeza, gutwarwa n’umururumba n’irari. kwizera kristo gusa, kwirata kumenya ukuri ntibigira umuntu umukristo. idini rishaka gusa gushimisha umuntu mu byo abona, mu byo yumva, n’ibyo arya, cyangwa rikemerera abantu gukora ibyo bishakiye ntabwo ari idini rya kristo. {INI 195.2}

Mu kugereranya itorero n’umubiri w’umuntu, intumwa pawulo yagaragaje isano ikomeye kandi irimo gukora mu bwuzuzanye yagombye kuba hagati y’abagize itorero rya gikristo bose. yaranditse ati: *“kuko mu mwuka umwe twese ari mo twabatirijwe kuba umubiri umwe, naho twaba abayuda cyangwa abagiriki, naho twaba imbata cyangwa ab’umudendezo. kandi twese twujujwe umwuka umwe. umubiri si urugingo rumwe ahubwo ni nyinshi. ikirenge cyavuga kiti ‘ko ntari ikiganza sindi uwo ku mubiri’, ibyo ntibyatuma kiba kitari icyo ku mubiri. kandi ugutwi kwavuga kuti ‘ ko ntari ijisho, sindi uwo ku mubiri’, ibyo ntibyatuma kuba kutari uko ku mubiri. mbese iyo umubiri wose uba ijisho, kumva kwabaye he? iyo wose uba kumva, kunukirwa kwaba he? ariko imana yashyize ingingo mu mubiri izigenera aho ishatse zose uko zingana. mbese noneho iyo zose ziba urugingo rumwe, umubiri uba warabaye he? ariko noneho ingingo ni nyinshi, naho umubiri ni umwe. ijisho ntiribasha kubwira ikiganza riti ‘nta cyo umariye’, cyangwa umutwe ngo ubwire ibirenge uti ‘nta cyo mumariye.’… imana yateranije umubiri hamwe, urugingo rukennye icyubahiro iruha icyubahiro kiruta izindi, kugira ngo umubiri utirema ibice, ahubwo ingingo zigirirane.*

urugingo rumwe iyo rubabaye, ingingo zose zibabarana na rwo, cyangwa iyo urugingo rumwe ruhawe icyubahiro ingingo zose zishimana narwo. nuko rero muri umubiri wa kristo, kandi umuntu wese wo muri mwe ni urugingo rwawo. " 1 kor 12:13-27 {INI 195.3}

Nuko rero, mu magambo yabereye abagabo n'abagore isoko y'ibitekerezo no kubakomeza kuva igihe cy'intumwa pawulo kugeza n'ubu, pawulo yagaragaje akamaro k'urukundo rukwiriye kugirwa n'abayoboke ba kristo agira ati: *"nubwo navuga indimi z'abantu n'iz'abamarayika, ariko singire urukundo, mba mpindutse nk'umuringa uvuga cyangwa icyuma kirenga. kandi nubwo nagira impano yo guhanura, nkamenya ibihishwe byose n'ubwenge bwose, kandi nubwo nagira kwizera kose nkabasha gukuraho imisozi, ariko singire urukundo, nta cyo mba ndi cyo. kandi nubwo natanga ibyanjye byose, ngo ngaburire abakene, ndetse nkitanga ubwanjye ngo ntwikwe ariko singire urukundo, nta cyo byamarira."* 1 kor 13:1-3. {INI 196.1}

Urwego rwo hejuru mu kwizera umuntu yakwirata uko rwaba rumeze kose, niba umutima we utuzuye gukunda imana na bagenzi be, uwo ntabwo ari umwigishwa nyakuri wa kristo. nubwo yagira kwizera gukomeye ndetse n'imbaraga yo gukora ibitangaza ariko adafite urukundo, ukwizera kwe kuba nta gaciro gufite. ashobora kwerekana ko afite ubugwaneza bwinshi, ariko niba ashobora no gutanga ibyo atunze byose kugira ngo agaburire abakene nyamara abitewe n'indi mpamvu itari urukundo nyakuri, iki gikorwa nticyatuma yemerwa n'imana. ashobora kugira ishyaka ryo gupfa azize ukwizera kwe, nyamara niba bidatewe n'urukundo, imana izamureba nk'umuntu ufite ubwaka watwawe cyangwa indyarya ifite icyo igamije. *"Urukundo rurihangana rukagira neza, urukundo ntirugira ishyari, urukundo ntirwirarira, ntirwihimbaza."* (1 kor 13:4). {INI 196.2}

Ibyishimo biboneye bituruka mu gucishwa bugufi. imico idakebakeba kandi y'ubupfura yubatse ku rufatiro rwo kwihangana, urukundo no kwiyegurira ubushake bw'imana.urukundo "ntirukora ibiteye isoni, ntirushaka ibyarwo, ntiruhutiraho, ntirutekereza ikibi ku bantu." urukundo rumeze nk'urwa kristo rwishimira imigambi n'ibikorwa by'abandi. ntabwo rugaragaza amakosa yabo atari ngombwa; ntirwumva amazimwe, ahubwo rutekereza ibyiza by'abandi. {INI 196.3}

Urukundo *“ntirwishimira gukiranirwa kw’abandi, ahubwo rwishimira ukuri; rubabarira byose, rwizera byose, rwiringira byose, rwihanganira byose.”* (1 kor 13:6, 7). uru rukundo “ntirwigeze rutsindwa.” ntirushobora guta agaciro karwo; ni umuco mvajuru. nk’ubutunzi butagira akagero, nyirarwo azarwinjirana mu marembo y’umurwa w’imana. {INI 196.4}

“Ariko noneho hagumyeho kwizera n’ibyiringiro n’urukundo, ibyo uko ari bitatu, ariko ikiruta ibindi ni urukundo.” 1 kor 13:13. {INI 196.5} Mu guta agaciro kw’imico mbonera kwabaye mu bizera b’i korinto, habayeho bamwe bari bararetse amahame shingiro yo kwizera kwabo. bamwe bari barakabije bageza ubwo bahakana umuzuko. pawulo yahanganye n’ubu buyobe akoresheje igihamya kigaragara kidashidikanywaho cy’umuzuko wa kristo. yavuze ko nyuma yo gupfa rwe, kristo *“yazutse ku munsi wa gatatu nk’uko ibyanditswe byari byarabivuze.” kandi amaze kuzuka “yabonekeye kefa maze akabonekera abo cumi na babiri, hanyuma akabonekera bene data basaga magana atanu muri abo benshi baracyariho n’ubu ariko bamwe barasinziriye. yongeye kubonekera yakobo, abonekera n’izindi ntumwa zose. kandi nyuma ya bose nanjye arambonekera.”* 1 kor 15:4-8 {INI 197.1}

Intumwa pawulo afite imbaraga zemeza abamwumva, yagaragaje ukuri gukomeye k’umuzuko. yaravuze ati: *“niba ntawe uzuka, na kristo ntarakazuka, kandi niba kristo atazutse ibyo tubwiriza ni iby’ubusa, no kwizera kwanyu kuba kubaye uk’ubusa. ndetse natwe tuba tubonetse ko turi abagabo bo guhamya imana ibinyoma, kuko twayihamije yuko yazuye kristo, uwo itazuye niba abapfuye batazuka. niba abapfuye batazuka, na kristo ntarakazuka, kandi niba kristo atazutse kwizera kwanyu ntikugira umumaro, ahubwo muracyari mu byaha byanyu. kandi niba bimeze bityo, n’abasinziriye muri kristi bararimbutse. niba muri ubu bugingo kristo ari we twiringiye gusa, tuba duhindutse abo kugirirwa impuhwe kuruta abandi bantu bose. ariko noneho kristo yarazutse, ni we muganura w’abasinziriye. ”* 1 kor 15:13-20. {INI 197.2}

Pawulo yerekeje intekerezo z’abavandimwe be mu kwizera b’i korinto ku nsinzi yo mu gitondo cy’umuzuko ubwo intungane zisinziriye zizakanguka, kuva ubwo zikabana n’umwami iteka ryose. yaravuze ati: *“dore mbamenere ibanga: ntituzasinzira twese, ahubwo twese tuzahindurwa mu kanya gato, ndetse mu kanya nk’ako guhumbya, ubwo impanda y’imperuka izavuga.impanda izavuga koko, abapfuye*

*bazurwe ubutazongera kubora natwe duhindurwe, kuko uyu mubiri ubora ukwiriye kwambikwa kutabora, kandi uyu mubiri upfa ukwiriye kuzambikwa kudapfa. ariko uyu ubora numara kwambikwa kutabora, n'uyu upfa ukambikwa kudapfa, ni bwo hazasohora rya jambo ryanditswe ngo, 'urupfu rumizwe no kunesha.' 'wa rupfu we, kunesha kwawe kuri he? wa rupfu we urubori rwawe ruri he?....imana ishimwe iduha kunesha kubw'umwami wacu yesu kristo"*1 kor 15:51-57. {INI 197.3}

Insinzi itegereje indahemuka ni iy'icyubahiro cyinshi. intumwa pawulo abonye ibyari imbere y'abizera b'i korinto, yashatse kubashyira imbere ibibazahura bikabakura mu kwikunda n'irari, maze aberekeza ku kugira imibereho ifite ibyiringiro byo kuzabaho ubudapfa. yabashishikarije kuba indahemuka ku muhamagaro wabo uruta iyindi muri kristo. yarabinginze ati: *"nuko bene data bakundwa, mukomere mutanyeganyega murushaho iteka gukora imirimo y'umwami, kuko muzi yuko umuhati wanyu atari uw'ubusa ku mwami. "*1kor 15:58. {INI 197.4}

Noneho intumwa pawulo, mu buryo bunonosoye kandi bwumvikana, yakoze ibishoboka byose ngo akosore ibitekerezo n'imigirire bipfuye kandi bibi byari byarahawe icyicaro mu itorero ry'i korinto. yababwiye yeruye nyamara abafitiye urukundo. mu miburo ye no kubacyaha, umucyo uturutse ku ntebe y'imana warabamurikiraga kugira ngo uhishure ibyaha bihishwe byangizaga imibereho yabo. mbese uwo mucyo wari kwakirwa ute? {INI 198.1}

Amaze kohereza urwandiko, pawulo yatinye ko ibyo yari yaranditse byazakomeretsa cyane abo yifuzaga gukiza. yagiraga ubwoba bwatumaga rimwe na rimwe yifuza cyane kuba yakuraho amagambo yari yaravuze. abameze nka pawulo bumva ko bafite inshingano ku matorero cyangwa ibigo bakunda, bashobora gushima agahinda ke no kumva hari icyo yishinja. {INI 198.2}

Abagaragu b'imana bikoreye umutwaro wo gukora umurimo wayo muri iki gihe hari icyo bazi ku mibereho nk'iyo y'umurimo, intambara no guhangayika byabaye ku ntumwa nkuru. pawulo yababajwe n'amacakubiri yari mu itorero, asakirana no kudashimwa no kugambanirwa guturutse kuri bamwe yatekerezaga ko bazamugirira

impuhwe kandi bakamushyigikira. yabonaga akaga k’amatorero yari yarahaye icyaha intebe, byamubereye ngombwa ko ashaka ibihamya byo gucyaha, kandi muri ibi byose yanagiraga ubwoba ko ashobora kuba yakoranye ubukana bwinshi. yabaga atengurwa n’ubwoba ategereje kubona inkuru ivuga ukuntu ubutumwa bwe bwakiriwe. {INI 198.3}

******

IGICE CYA 31 - UBUTUMWA BWAKIRIWE

(Iki gice gishingiye ku Rwandiko rwa 2 rwandikiwe Abanyakorinti)



Avuye mu Efeso, Pawulo yafashe urundi rugendo rw'ivugabutumwa. Muri urwo rugendo yari yizeye kongera gusura aho yari yarigeze gukorera mu Burayi. Yatinze i Tirowa igihe gito "abwiriza ubutumwa bwiza bwa Kristo" maze abona abantu bamwe bari biteguye gutera amatwi ubutumwa bwe. Nyuma y'aho yaje kuvuga iby'umurimo yahakoreye agira ati: *"Nakinguriwe urugi n'Umwami wacu."* (2 Kor 2:12). Nyamara nubwo umurimo we i Tirowa wagendaga neza, ntiyashoboraga kuhatinda. "Guhagarika umutima kubera amatorero yose", ariko by'umwihariko Itorero ry'i Korinto, byari bimuremereye mu mutima. Yari yariringiye ko azabona Tito i Tirowa kandi akamubaza uko abavandimwe be mu kwizera b'i Korinto bakiriwe amagambo y'inama no gucyaha yari yarabandikiye nyamara ntibyamushobokeye. Yanditse ku byamubayeho agira ati: *"Nabuze uko nduhura umutima wanjye kuko ntasanzeyo Tito mwende Data."*(2 Kor 2:13). Yahereye ko ava i Tirowa arambuka ajya i Makedoniya, aho yahuriye na Timoteyo i Filipi. {INI 199.1}

Muri iki gihe yari ahagaritse umutima kubera Itorero ry'i Korinto, Pawulo yiringiraga ko bizagenda neza cyane, nyamara incuro nyinshi yagiraga agahinda kenshi mu mutima atekerezaga ko inama n'imiburo bye bitumvikanye neza. Yaje kwandika ati: *"Imibiri yacu ntirakaruhuka na hato, ahubwo twababajwe uburyo bwose. Inyuma hari intambara, imbere hari ubwoba. Ariko Imana ihumuriza abicisha bugufi, yaduhumurishije kuza kwa Tito."* 2 Kor 7:5, 6. {INI 199.2}

Iyi ntumwa y'indahemuka yazanye inkuru inejeje ko hari uguhinduka gutangaje kwari ryarabaye mu bizera b'i Korinto. Benshi bari baremeye inama zari mu rwandiko rwa Pawulo kandi bari barihanye ibyaha byabo. Imibereho yabo ntiyari ikiri igisebo ku Bukristo, ahubwo yari yaragize uruhare runini mu gutuma habaho kubaha Imana. {INI 199.3}

Intumwa Pawulo yuzuye ibyishimo, yoherereje abizera b'i Korinto urundi rwandiko rwerekana ibyishimo yari afite mu mutima bitewe n'umurimo mwiza wabakorewemo. Yarababwiye ati: *"Nubwo urwandiko nabandikiye rwaba rwarabateye agahinda, sinicuza ko narwanditse. Nari ngiye kubyicuza igihe mbonye ukuntu rwabateye agahinda akanya gato.*2 Kor 7:8 {INI 199.4}

Igihe yari ahagaritswe umutima n'uko amagambo ye atazahabwa agaciro, rimwe na rimwe Pawulo yicuzaga impamvu yabandikiye yeruye kandi abashaririye. Yakomeje agira ati: *"None ndishimye. Icyakora sinishimishijwe n'uko mwagize agahinda, ahubwo ni uko ako gahinda kabateye kwihana, kuko mwagize agahinda ko mu buryo bw'Imana ngo mutagira icyo mubura ku bwacu. Agahinda ko mu buryo bw'Imana gatera kwihana kuticuzwa."* (2 Kor 7:9, 10). Uko kwihana kuzanwa mu mutima n'ubuntu mvajuru, kuzatuma habaho kwicuza icyaha no kukireka. Izo ni zo mbuto intumwa yavuze ko zari zarabonetse mu mibereho y'abizera b'i Korinto. Pawulo yarabandikiye ati: *"Mbega ibyiza mwazaniwe n'agahinda gahuje n'ibyo Imana ishaka! Mbega umwete kabateye wo kwita ku byabaye ngo mwiregure! Mbega ukuntu kabateye kurakara no guhagarika umutima! Mbega ibyifuzo n'ishyaka kabateye ngo mwemere guhana uwagize nabi! ..."*2 Kor 7:11 (Bibiliya Ijambo ry'Imana). {INI 200.1}

Pawulo yamaze igihe afite umutwaro ku mutima we kubera amatorero. Uwo mutwaro wari uremereye cyane ku buryo kuwihanganira byari bimukomereye. Abigisha b'ibinyoma bari barageregeje kumwangisha abizera no gushimangira inyigisho zabo bwite zigasimbura ukuri k'ubutumwa bwiza. Impungenge no gucika intege byari bigose Pawulo bigaragarira muri aya magambo: *"...Twaremerewe cyane kuruta ibyo dushobora ndetse bigatuma twiheba ko tuzapfa."* 2 Kor 1:8. {INI 200.2}

Ariko noneho ubu impamvu imwe yo kugira impungenge yakuweho. Igihe Pawulo yumvaga inkuru nziza ko urwandiko yandikiye Abanyakorinto barwemeye, yavuze aya magambo yo kwishima ati: *“Hashimwe Imana y’Umwami wacu Yesu Kristo ari yo na Se, ari na yo Data wa twese w’imbabazi n’Imana nyir’ihumure ryose, iduhumuriza mu makuba yacu yose kugira ngo natwe tubone uko duhumuriza abari mu makuba yose, tubahumurisha ihumure twahawe n’Imana, kuko nk’uko ibyo Kristo yababajwe byadusesekayeho cyane, ni ko no guhumurizwa kwatugwijijwemo na Kristo. Iyo tubabazwa tuba tubabarizwa kugira ngo muhumurizwe no gukizwa, kandi iyo duhumurizwa, tuba duhumurijwe no kugira ngo muhumurizwe namwe, mubone uko mwihanganira imibabaro imwe n’iyo natwe tubabazwa. Ni cyo gituma ibyo tubiringiyeho bishikamye, kuko tuzi yuko ubwo mufatanije imibabaro mufatanije no guhumurizwa. ”* 2 Kor 1:3-7. {INI 200.3}

Mu kugaragaza ibyishimo yatewe no kongera guhinduka kw’Abanyakorinto no gukurira mu buntu kwabo, Pawulo yashimiye Imana uku guhinduka k’umutima n’imibereho. Yaravuze ati: *“Ariko Imana ishimwe kuko ihora iturangaje imbere, ikaduha kuneshereza muri Kristo no gukwiza hose impumuro nziza yo kuyimenya, kuko turi impumuro nziza ya Kristo ku Mana hagati y’abakira n’abarimbuka.”* 2 Kor 2:14, 15. {INI 200.4}

Byari umuco w’icyo gihe ko umusirikari mukuru utsinze urugamba atahukana abo yafasheho iminyago. Icyo gihe hateganywaga abagomba gutwara imibavu kandi igihe abasirikari bagarukanaga insinzi bagenda kuri gahunda, impumuro y’imibavu ku bafashweho iminyago yari impumuro y’urupfu yerekanaga ko igihe cyo kwicwa kwabo cyegereje. Ariko ku bafashwe nk’imbohe bababariwe n’ababafashe, batagomba kwicwa, iyo yari impumuro y’ubugingo kubera ko yaberekaga ko bari hafi kubohorwa. {INI 201.1}

Icyo gihe Pawulo yari yuzuye ukwizera n’ibyiringiro. Yiyumvisemo ko Satani atashoboraga gutsinda umurimo w’Imana i Korinto, bityo mu magambo yo gushima, yagaragaje ishimwe ryari mu mutima we. Pawulo n’abakozi bagenzi be bari kwizihiza insinzi yabo ku banzi ba Kristo n’ukuri, bagendana umwete mushya bakajya kwamamaza Umukiza. Nk’umubavu uhumura neza, impumuro y’ubutumwa bwiza yagombaga gukwirakwizwa ku isi yose. Ubutumwa bwari kubera impumuro y’ubugingo itanga ubugingo abari kwemera Kristo; ariko ku

bari gukomeza kwinangira mu kutizera, ubutumwa bwari kubabera impumuro y'urupfu izana urupfu. {INI 201.2}

Amaze kubona ukuntu umurimo wagukaga, Pawulo yaratangaye ati: "Kandi ibyo ni nde ubikwiriye." Ni nde ushobora kubwiriza ibya Kristo ku buryo abanzi be batabona impamvu igaragara yo gusebya intumwa cyangwa ubutumwa itwaye? Pawulo yifuje gushishikariza abizera inshingano ikomeye y'umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza. Ubudakemwa mu kubwiriza Ijambo ry'Imana bifatanije n'imibereho itunganye kandi idakebakeba, ni byo byonyine bishobora gutuma imihati y'abagabura b'ijambo ry'Imana yemerwa n'Imana kandi ikagirira abantu akamaro. Abagabura b'ijambo ry'Imana b'iki gihe cyacu bumva ko umurimo ubaremereye cyane, bashobora kuvuga nka Pawulo bati: "Kandi ibyo ni nde ubikwiriye?" {INI 201.3}

Hari bamwe bari barashinje Pawulo ko mu rwandiko rwe rwa mbere yisingizaga we ubwe. Pawulo yavuze kuri iyi myumvire abaza abagize Itorero niba barasobanukiwe n'icyabimuteye. Yarababajije ati: *"Mbese noneho dutangiye kongera kwiyogeza? Cyangwa dukwiriye inzandiko zo kutwogeza mwandikiwe cyangwa zanditswe na mwe nk'uko abandi bamwe bajya bazishaka?"* (2 Kor 3:1). Abizera bajyaga ahandi hantu akenshi batwaraga inzandiko z'ubuhamya zivuye mu Itorero bari basanzwe babarizwamo; ariko abayobozi, abahanze ayo matorero bo ibi ntibyabarebaga. Abizera b' i Korinto bari barakuwe mu gusenga ibigirwamana bakayoboka ukwizera kuvugwa n'ubutumwa bwiza, ubwabo nibo bari inzandiko zo guhamya Pawulo yari akeneye. Kuba barakiriye ukuri ndetse no guhinduka kwari kwarabaye mu mibereho yabo, byari ubuhamya bugaragaza ubudakemwa bw'imirimo ye n'ubushobozi bwe bwo gutanga inama, gucyaha no guhendahenda abantu nk'umubwiriza watumwe na Kristo. {INI 201.4}

Pawulo yafataga abavandimwe be mu kwizera b'i Korinto nk'abahamya be. Yaravuze ati: *"Ni mwe rwandiko rwacu rwanditswe mu mitima yacu, urwo abantu bose bamenya bakarusoma. Kandi koko biragaragara ko muri urwandiko rwa Kristo rwanditswe natwe, rutandikishijwe wino ahubwo rwandikishijwe Umwuka w'Imana Ihoraho, rutanditswe ku bisate by'amabuye ahubwo rwanditswe ku by'inyama, ni byo mitima yanyu."* 2 Kor 3:2, 3. {INI 202.1}

Guhinduka kw'abanyabyaha no kwejeshwa ukuri kwabo ni cyo gihamya gikomeye umubwiriza w'ijambo ry'Imana ashobora kugira cyerekana ko Imana yamuhamagariye uwo murimo. Icyerekana ko ari intumwa cyanditswe ku mitima y'abo bahindutse kandi bigahamywa n'imibereho yabo yahinduwe mishya. Kristo we byiringiro by'ikuzo, atura muri bo. Umubwiriza w'ijambo ry'Imana akomezwa n'ibi bimenyetso by'umurimo we. {INI 202.2}

Muri iki gihe abagabura batowe na Kristo bakwiriye kugira ubuhamya nk'ubwo Itorero ry'i Korinto ryagaragarije mu mirimo ya Pawulo. Ariko nubwo muri iki gihe hari ababwiriza benshi, habuze cyane abagabura bashoboye kandi bera- abantu buzuye urukundo rwabaga mu mutima wa Kristo. Ubwibone, kwiyemera, gukunda iby'isi, gushakisha amakosa mu bandi, gusharira n'irari ni imbuto zerwa n'abantu benshi bavuga ko bemera idini ya Kristo. Imibereho yabo, ihabanye cyane n'imibereho y'Umukiza, akenshi yerekana ubuhamya buteye agahinda bw'imiterere y'umurimo w'ivugabutumwa watumye bahinduka. {INI 202.3}

Nta cyubahiro gikomeye umuntu yagira cyaruta kwemerwa n'Imana nk'umubwiriza w'ubutumwa bwiza. Nyamara abo Uwiteka aha umugisha w'imbaraga no guhirwa mu murimo we ntabwo birata. Bazi ko bagomba kumwishingikirizaho rwose, basobanukiwe ko bo ubwo nta mbaraga bafite. Bifatanyije na Pawulo baravuga bati: *"Si uko twihagije ubwacu ngo dutekereze ikintu cyose nk'aho ari twe cyaturutseho, ahubwo tubashishwa n'Imana. Ni yo yatubashishije kuba ababwiriza b'isezerano rishya."* 2 Kor 3:5, 6. {INI 202.4}

Umubwiriza nyakuri akora umurimo wa Shebuja. Yumva umumaro w'umurimo we, akabona ko, haba ku Itorero no ku isi, asegagaseye isano nk'iyo Kristo yasegagaseye. Akora atadohoka ngo ayobore abanyabyaha ku buzima bw'igiciro kandi buhebuje kugira ngo bazahabwe ingororano y'umuneshi. Iminwa ye ikozwaho ikara ryaka umuriro ryo ku rutambiro, kandi yerereza Yesu we byiringiro rukumbi by'umunyabyaha. Abamwumva bamenya ko yiyegereje Imana mu isengesho rivuye ku mutima kandi rifite icyo rihindura. Mwuka Muziranenge abana na we, umutima we ukumva umuriro ubeshaho, uva mu ijuru kandi agashobora kugereranya iby'umwuka n'iby'umwuka bindi. Ahabwa imbaraga zo gusenya ibihome bya Satani. Igihe abwira abantu urukundo rw'Imana, imitima irameneka maze benshi bakabaza bati: *"Nkore iki kugira ngo nkizwe?"* {INI 202.5}

“Nuko rero, ubwo dufite uwo murimo wo kugabura iby’Imana kubw’imbabazi twagiriwe, ntiducogora ahubwo twanga ibiteye isoni bikorwa rwihishwa, tutagendera mu buriganya kandi tutagoreka ijambo ry’Imana, ahubwo tuvuga ukuri tweruye bigatuma umuntu wese adushimisha umutima we imbere y’Imana. Ariko niba ubutumwa bwiza twahawe butwikiriwe, butwikiriwe abarimbuka ari bo batizera, abo imana y’iki gihe yahumiye imitima, kugira ngo umucyo w’ubutumwa bw’ubwiza bwa Kristo, ari we shusho y’Imana utabatambikira. Kuko tutabwiriza abantu ibyacu, ahubwo tubabwiriza ibya Kristo Yesu ko ari we Mwami, natwe tukaba abagaragu banyu ku bwa Yesu. Imana yategetse umucyo kuva uturutse mu mwijima, ni yo yaviriye mu mitima yacu, kugira ngo imurikishe ubwenge bwo kumenya ubwiza bw’Imana buri mu maso ha Yesu Kristo.” 2Kor 4:1-6. {INI 203.1}

Muri ubwo buryo, intumwa Pawulo yerekanye ubuntu n’imbabazi by’Imana bigaragarira mu cyizere mvajuru yagiriwe nk’umubwiriza wa Kristo. Kubw’imbabazi nyinshi z’Imana zitagira akagero, Pawulo na bene se bari barakomejwe mu ngorane, mu byago no mu makuba. Ntabwo bigeze bashaka guhuza kwizera n’inyigisho byabo n’ibyifuzo by’ababumvaga, cyangwa ngo bareke kuvuga ukuri kwa ngombwa kwerekezaga ku gakiza kugira ngo batume inyigisho zabo zikundwa b’abantu. Bari baragaragaje ukuri mu buryo bworoshye kandi bwumvikana, bagasenga kugira ngo abantu bemezwe mu mitima kandi bahinduke. Kandi bari barakoze ibishoboka byose ngo imyitwarire yabo ibe ihuye n’inyigisho zabo kugira ngo ukuri bigishaga gushobore kwigaragariza intekerezo z’umuntu wese. {INI 203.2}

Pawulo yakomeje agira ati: *“Ariko dufite ubwo butunzi mu nzabya z’ibumba, kugira ngo imbaraga zisumba byose zibe iz’Imana zidaturutse kuri twe.”* (2Kor 4:7). Imana yashoboraga kuba yaramamaje ukuri kwayo ikoresheje abamarayika batacumuye; nyamara uyu ntabwo ari wo mugambi wayo. Ihitamo abantu, abantu bafite ubusembwa ngo babe ibikoresho mu gusohoza imigambi yayo. Ubutunzi butagereranywa bwashyizwe mu nzabya z’ibumba. Imigisha y’Imana igomba kugezwa ku batuye isi binyuze mu bantu. Binyuze muri bo kandi, ikuzo ryayo rigomba kumurika mu mwijima w’icyaha bantu. Mu ivugabutumwa ryuje urukundo, bagomba gusanga abanyabyaha n’abakene bakabayobora ku musaraba. Mu murimo wabo wose, bakwiriye guha ikuzo, icyubahiro no gusingiza usumba byose. {INI

203.3}.Pawulo yerekeje ku mibereho ye bwite, yerekana ko mu guhitamo umurimo wa Kristo atari yarawujyanywemo n'impamvu zo kwikunda kuko inzira ye yari yaragiye yugarizwa n'ingorane n'ibigeragezo. Yaranditse ati: *"Dufite amakuba impande zose, ariko ntidukuka imitima, turashobewe ariko ntitwihebye, turarenganywa ariko ntiduhanwa, dukubitwa hasi ariko ntidutsindwa rwose. Tugendana mu mubiri iteka urupfu rwa Yesu, ngo ubugingo bwa Yesu na bwo bugaragarire mu mibiri yacu."* 2 Kor 4:8-10. {INI 203.4}

Pawulo yibukije abavandimwe be mu kwizera ko we n'abakozi bagenzi be nk'intumwa za Kristo, bahoraga mu kaga. Imiruho bihanganiye yagendaga igabanya imbaraga zabo. Yaranditse ati: *"Kuko twebwe abazima dutangwa iteka ngo dupfe baduhora Yesu, kugira ngo ubugingo bwa Yesu na bwo bugaragarire mu mibiri yacu izapfa. Nuko rero urupfu ni rwo rukorera muri twe, naho muri mwebwe ubugingo ni bwo bubakoreramo."* (2 Kor 4:11, 12). Muri uko kubabazwa umubiri binyuze mu bukene n'imiruho, imibereho y'aba bakozi ba Kristo yahamanyaga n'urupfu rwa Kristo. Nyamara icyabateraga urupfu nicyo cyazaniraga ubugingo bw'umwuka n'ubuzima Abanyakorinto bizeraga ukuri bakagirwa abaragwa b'ubugingo buhoraho. Kubera ibyo, abayoboke ba Kristo bagombaga kwigengesera kugira ngo kubwo gusuzugura no kudakundana, batongera imiruho n'ibigeragezo by'abakozi ba Kristo. {INI 204.1}

Pawulo yakomeje agira ati: *"Ariko dufite uwo mutima wizera uvugwa mu byanditswe ngo ' Nizeye, ni cyo cyatumye mvuga', natwe turizeye nicyo gituma tuvuga."* (2 Kor 4:13). Pawulo yari yaremeye rwose ko ukuri yashinzwe kwamamaza ari ukuri nyako, bityo nta kintu na kimwe cyashoboraga gutuma agoreka ijambo ry'Imana cyangwa ngo ahishe ibyo yemeraga mu mutima we. Ntiyishakiraga ubutunzi, icyubahiro no kwinezeza yemeranya n'imitekerereze y'isi. Nubwo yari mu kaga ko kwicwa azira ukwizera yari yarabwirije Abanyakorinto, ntabwo yigeze atinya kuko yari azi ko Uwari warapfuye hanyuma akazuka ari we uzamuzura mu bapfuye kandi akazamwerekana imbere ya Data wa twese. {INI 204.2}

Yaravuze ati: *"Burya ibyo byose bibaho ku bwanyu, kugira ngo uko ubuntu bw'Imana burushaho gusaga, abe ari ko n'ishimwe rya benshi*

rirushaho gusaga ngo Imana ihimbazwe." (2 Kor 4:15). Ntabwo intumwa zabwirije ubutumwa bwiza kugira ngo zishyire hejuru. Ahubwo ibyiringiro byo gukiza abantu ni byo byatumye barundurira imibereho yabo mu gukora uyu murimo. Kandi ibi byiringiro ni byo byatumye badacika intege bitewe n'akaga kabatinyishaga cyangwa umubabaro barimo. {INI 204.3}

Pawulo yaravuze ati: *"Ni cyo gituma tudacogora, kandi nubwo umuntu wacu w'inyuma asaza, umuntu wacu w'imbere ahora ahinduka mushya uko bukeye."* (2 Kor 4:16). Pawulo yumvaga imbaraga y'umwanzi, nyamara nubwo imbaraga ze z'umubiri zagendaga zigabanyuka, yavuze ubutumwa bwiza bwa Kristo zidahemuka kandi zitagamburura. Iyi ntwari y'umusaraba, yambaye intwaro zose z'Imana, yakomeje kujya imbere mu ntambara. Amagambo ye y'ubutwari yamuhinduye umuneshi mu rugamba. Yahanze amaso ye ku ngororano izahabwa indahemuka, maze atera hejuru mu ijwi ryo gutsinda ati: *" Kuko kubabazwa kwacu kw'igihwayihwayi kw'akanya ka none kwiyongeranya, kuturemera ubwiza bw'iteka ryose bukomeye. Natwe ntitureba ku bitaboneka kuko ibiboneka ari iby'igihe gito, naho ibitaboneka bikaba iby'iteka ryose."* 2Kor 4:17, 18.
{INI 204.4}

Amagambo y'irarika rya Pawulo yari ay'ukuri kandi akora k mutima ku buryo yatumye abizera b'i Korinto bongera kuzirikana urukundo rutagira akagero rw'Umucunguzi wabo. Yaranditse ati: *"Kuko muzi ubuntu bw'Umwami wacu Yesu Kristo uko yari umutunzi, maze agahinduka umukene ku bwanyu kugira ngo ubukene bwe bubatungishe."* (2 Kor 8:9). Muzi aho yamanutse ava, no gucishwa bugufi yamanutse akageraho. Amaze kuyoboka inzira yo kwiyanga no kwitanga, ntabwo yigeze areba impande kugeza igihe yatangiye ubugingo bwe. Ntabwo yigeze agira ikiruhuko na kimwe hagati y'umusaraba n'ikamba. {INI 205.1}

Incuro nyinshi Pawulo yasubiye mu magambo yagiye avuga kugira ngo abazasoma urwandiko rwe bazashobore gusobanukirwa neza uburyo butangaje Umukiza yicishije bugufi ku bwabo. Pawulo yerekanye Kristo nk'uko yari ari igihe yari ku rwego rumwe n'Imana ndetse agahabwa ikuzo n'abamarayika. Intumwa yavuze inzira Kristo yanyuzemo kugeza ubwo yageze ku rwego rwo hasi cyane rwo

gucishwa bugufi. Pawulo yari azi ko Abanyakorinto nibasobanukirwa igitambo gitangaje cyatanzwe na Nyiricyubahiro wo mu ijuru, ukwikunda kose kwari guhezwa mu mibereho yabo. Yerekanye ukuntu Umwana w'Imana yiyambuye ikuzo rye, yihitiramo kwambara kamere muntu maze yicisha bugufi nk'umugaragu, arumvira yemera gupfa *"ndetse urupfu rwo ku musaraba,"* (Abafilipi 2:8) kugira ngo akure umuntu mu gusyigingira maze amugeze mu byiringiro, ibyishimo n'ijuru. {INI 205.2}

Iyo twize imico y'Imana mu mucyo w'umusaraba tubona impuhwe, kwiyoroshya n'imbabazi bivanze n'ubutungane n'ubutabera. Ku ntebe y'ubwami tuhabona Ufite inkovu mu biganza, ku birenge no mu rubavu. Izo nkovu ni ibimenyetso by'imibabaro yihanganiye kugira ngo yunge umuntu n'Imana. Tubona Data wa twese, Uhoraho, utuye mu mucyo utegerwa nyamara utwakira binyuze mu byo Umwana we yakoze. Igicu cyo kwihorera cyagaragazaga umubabaro no kubaho nta byiringiro gusa, mu mucyo umurikaga uva ku musaraba iki gicu gihishura amagambo y'Imana ivuga iti: "Urakabaho, munyabyaha, urakabaho! Mwe abicuza, bantu bizera, murakabaho! Natanze incungu! {INI 205.3}

Iyo twitegereje Kristo, twishingikiriza ku rukundo rutagereranywa. Tugira umuhati wo kuvuga iby'uru rukundo ariko ntitubone uko turuvuga. Tuzirikana imibereho ye ku si, igitambo yadutangiye, umurimo akorera mu ijuru nk'umuvugizi wacu n'amazu ari gutegurira abamukunda, bityo tugaherako dutangara tuti, 'Mbega uburebure bw'igihagararo n'uburebure bw'ikijyepfo by'urukundo rwa Kristo!' "Muri iki ni mo urukundo ruri: si uko twebwe twakunze Imana, ahubwo ni uko Imana ari yo yadukunze, igatuma Umwana wayo kuba impongano y'ibyaha byacu." *"Nimurebe urukundo ruhebuje Data wa twese yadukunze, rwatumye twitwa abana b'Imana."* 1Yohana 4:10; 3:1. {INI 206.1}

Uru rukundo rugereranywa n'umuriro wera, rugurumana ku rutambiro rw'umutima wa buri mwigishwa nyakuri wese. Ku isi ni ho urukundo rw'Imana rwahishuriwe muri Kristo. Ku isi kandi ni ho abana b'Imana bagomba kugaragariza uru rukundo binyuze mu mibereho izira amakemwa. Bityo abanyabyaha bazayoborwa ku musaraba kugira ngo bitegereze Umwana w'Intama w'Imana. {INI 206.2}

******

IGICE CYA 32 - ITORERO RITANGANA UBUNTU

Mu rwandiko rwe rwa mbere yandikiye Itorero ry'i Korinto, Pawulo yahaye abizera amabwiriza agendana n'amahame rusange agenga gushyigikira umurimo w'Imana ku isi. Igihe yandikaga ku by'imirimo yabakoreye, yarabajije ati: {INI 207.1}

" Ni nde wigeze kuba umusirikare akitunga? Ni nde utera uruzabibu ntarye imbuto zarwo? Cyangwa se ni nde uragira ishyo ntarikame? Mbese ibyo mbivuze nk'umuntu gusa, cyangwa amategeko na yo ntavuga atyo? Byanditswe mu mategeko ya Mose ngo "Ntugahambire umunwa w'inka ihonyora ingano." Mbese inka ni zo Imana yitaho gusa, cyangwa se yabivuze ku bwacu? Yee, si ugushidikanya byanditswe ku bwacu, kuko umuhinzi akwiriye guhinga afite ibyiringiro, kandi umuhuzi akwiriye guhura yiringira ko azahabwaho." {INI 207.2}

Intumwa Pawulo yakomeje kubaza agira ati: *"Mbese ubwo twababibyemo iby'Umwuka, ntibikwiriye ko tubasaruramo ibyo gutunga umubiri? Abandi ko bafite ubwo butware kuri mwe, nkanswe twebwe? Ariko ntituragakoresha ubwo butware, ahubwo twihanganira byose kugira ngo tutabera inkomyi ubutumwa bwiza bwa Kristo. Ntimuzi yuko abakora imirimo yo mu rusengero batungwa n'iby'urusengero, kandi abakora imirimo y'igicaniro bakagabana iby'igicaniro? N'Umwami wacu ni ko yategetse, ko abavuga ubutumwa bwiza batungwa n'ubutumwa. "* 1 Kor 9:7-14. {INI 207.3}

Hano intumwa Pawulo yerekezaga kuri gahunda y'Uwiteka yo kwita ku batambyi bakoraga mu ngoro y'Imana. Ababaga baratoranyirijwe uyu murimo wera, bafashwaga n'abo basangiye kwizera bagejejeho imigisha y'iby'umwuka. *"Abo mu rubyaro rwa Levi ni bo beguriwe umurimo wo gusohoza ibitambo, ni na bo bonyine Amategeko yashinze kwaka rubanda kimwe cya cumi."* Heb 7:5. (Bibiliya Ijambo ry'Imana). Umuryango wa Lewi watoranyijwe n'Uwiteka kugira ngo ukore imirimo

yera ijyanye n'ingoro y'Imana n'ubutambyi. Umutambyi yari yaravuzweho atya: *"Kuko ari we Uwiteka Imana yawe yatoranirije mu miryango yawe yose guhagarara, agakora umurimo wera mu izina ry'Uwiteka we n'urubyaro rwe iteka ryose."* (Guteg 18:5). Icyacumi cy'ibyungutswe byose cyasabwaga n'Uwiteka ko ari icye bwite, kandi Uwiteka yafataga kutagitanga nk'ubujura. {INI 207.4}

Iyi gahunda yo gushyigikira umurimo w'Imana ni yo Pawulo yerekezagaho igihe yavugaga ati: *"N'Umwami wacu ni ko yategetse, ko abavuga ubutumwa bwiza batungwa n'ubutumwa."* Na nyuma yaho igihe yandikiraga Timoteyo, Pawulo yaravuze ati: *"Umukozi akwiriye guhembwa"* 1 Timoteyo 5:18. {INI 207.5}

Gutanga icyacumi wari umugabane umwe muri gahunda y'Imana yo gushyigikira umurimo wayo. Impano nyinshi n'amaturo byari byarasobanuwe neza n'Imana. Mu mikorere ya Kiyuda, abantu bari barigishijwe kugira umutima wo kuba abanyabuntu mu gushyigikira umurimo w'Imana no guha ubufasha ababukeneye. Mu bihe bimwe by'umwihariko hatangwaga amaturo y'ubushake. Mu gihe cy'isarura n'imiganura, imbuto zeze mbere mu murima -zaba ibinyampeke, imizabibu, n'amavuta- byari byareguriwe kuba ituro riturwa Uwiteka. Guhumba no gusarura ibyasigaraga mu mpera z'umurima byarekerwaga abakene. Imiganura y'ubwoya bw'intama bwabonekaga igihe intama zakemurwaga n'imiganura y'impeke mu gihe cy'isarurwa ry'ingano byahabwaga Uwiteka. Uko ni nako byari bimeze ku buriza bw'amatungo yose kandi habagaho ikiguzi cyo gucungura umuhungu w'imfura. Imbuto z'umuganura zagombaga gushyirwa Uwiteka mu buturo bwera kandi zari zigenewe abatambyi. {INI 208.1}

Muri iyi gahunda yo gutanga icyacumi, Uwiteka yashakaga kwigisha Abisirayeli ko agomba kuba nyambere muri byose. Muri ubwo buryo bibukijwe ko Imana ari Yo nyiri imirima yabo, imikumbi n'amashyo byabo ; ko ari Yo ibavushijiriza izuba kandi akabavubira imvura byatumaga imyaka yabo ikura ndetse ikeza umusaruro. Ikintu cyose bari batunze cyari icy'Imana; naho bo bakaba ibisonga by'umutungo wayo. {INI208.2}

Si umugambi w'Imana ko Abakristo bafite amahirwe arenze cyane ay'ishyanga rya Isirayeli ryari rifite batanga ibiri hasi y'ibyo Abisirayeli batangaga. Umukiza yaravuze ati: *"Uwahawe byinshi wese, azabazwa*

byinshi; n'uweguriwe byinshi, ni we bazarushaho kwaka byinshi." (Luc 12:48). Kugira ubuntu byasabwaga Abaheburayo bwari uburyo bwo gutuma ishyanga ryabo ryunguka, ariko muri iki gihe umurimo w'Imana ukorwa ku isi yose. Kristo yashyize ubutunzi bw'ubutumwa bwiza mu biganza by'abayoboke be kandi yabahaye inshingano yo kwamamaza inkuru nziza y'agakiza ku batuye isi bose. Ni iby'ukuri ko inshingano zacu ziruta iz'Abisirayeli ba kera. {INI 208.3}

Uko umurimo w'Imana ugenda waguka ni ko guhamagarirwa kuwitabira biziyongera. Kugira ngo iri hamagarwa risubizwe, Abakristo bakwiriye kumvira itegeko rivuga riti, *"Nimuzane imigabane ya kimwe mu icumi ishyitse, mubishyire mu bubiko, inzu yanjye ibemo ibyokurya."* (Malaki 3 :10). Iyaba abiyita Abakristo bazaniraga Imana icyacumi n'amaturo byabo bakiranutse, inzu yayo y'ubutunzi yakuzura. Ntabwo habaho ibiterane byo kumurika ibintu bitandukanye, ibitaramo bya tombora n'ibirori byo kwishimisha kugira ngo haboneke amafaranga yo gushyigikira ubutumwa bwiza. {INI 208.4}

Abantu bashukishwa gukoresha umutungo wabo mu kwinezeza, mu guhaza ipfa, kwirimbisha no gutunganya neza aho batuye. Abizera benshi ntibazuyaza gutanga byimazeyo no gusesagura amafaranga bayatanga kuri ibi. Nyamara igihe basabwe gutanga ibijya mu mutungo w'Uwiteka kugira ngo umurimo we kuri iyi si ujye mbere, bashaka urwitwazo. Ahari kubera gutekereza ko nta kundi bashobora gukora, batanga udufaranga duke cyane ugereranyije n'ayo batanga binezeza mu bitagira umumaro. Ntiberekana urukundo nyakuri bafitiye umirimo wa Kristo kandi ntibashishikajye n'agakiza k'abantu. Mbega uburyo bitangaje ko imibereho ya Gikristo ya bene abo bantu irangwa n'ubugwingiri no kurwaragura! {INI 209.1}

Umuntu ufite umutima ugurumana urukundo rwa Kristo, gufasha mu iterambere ry'umurimo uruta iyindi kandi wera wahawe umuntu wo kugaragariza isi ubutunzi bw'ubugwaneza, imbabazi n'ukuri, ntabwo azabifata ko inshingano ye gusa ahubwo azabifata nk'umunezero. {INI 209.2}

Umwuka w'ubugugu ni wo uyobora abantu gukoresha umutungo w'Imana mu kunezeza irari ryabo, kandi uyu mwuka Imana iwanga urunuka muri iki gihe nk'uko yabinyujije mu muhanuzi wayo igacyaha

ubwoko bwayo igira iti: *“Mbese umuntu yakwima Imana ibyayo? Ariko mwebwe mwarabinyimye. Nyamara murabaza muti ‘Twakwimye iki?’ Mwanyimye imigabane ya kimwe mu icumi n’amaturo. Muravumwa wa muvumo; kuko ishyanga ryose uko mungana mwanyimye ibyange.”* Malaki 3:8,9. {INI 209.3}

Umwuka wo gutangana ubuntu ni umwuka w’ijuru. Uyu mwuka ugaragarira cyane mu gitambo cya Kristo ku musaraba. Data wo mu ijuru yatanze Umwana we w’ikinege ku bwacu; kandi Kristo amaze gutanga ibyo yari afite byose, yaritanze ubwe kugira ngo umuntu akizwe. Umusaraba w’i Kaluvari ukwiriye gutera umuyoboke wese w’Umukiza gutangana ubuntu. Ihame ryagaragarijwe ku musaraba ni ugutanga, gutanga. *“Kuko uvuga ko ahora muri we, akwiriye na we kugenda nk’uko yagendaga.”* 1 Yohana 2:6 {INI 209.4}

Ku rundi ruhande, umwuka w’ubugugu ni umwuka wa Satani. Ihame rigaragarira mu mibereho y’ab’isi ni uguhabwa. Biringira kugira umunezero no kumererwa neza; ariko basarura ubutindi n’urupfu. {INI 209.5} Igihe cyose Imana igiha abana bayo imigisha, bategetswe kuyigarurira umugabane isaba. Ntabwo bakwiye kugarurira Uwiteka umugabane abasaba gusa, ahubwo bakwiriye kuzana mu bubiko bwe n’ituro ryo gushima, ari ryo turo ry’ubushake. Bakwiriye gutura umuremyi wabo imiganura y’impano zabo batanganye ubuntu- ari zo ibyo batunze by’inyamibwa n’umurimo mwiza bakoreye Imana bitanze bafite imitima inezerewe. Ubwo nibwo bazabona imigisha myinshi. Imana ubwayo izatuma imitima yabo imera nk’umurima uvomererwa ufite amazi adakama, kandi igihe umusaruro mwinshi wa nyuma uzaba uhunikwa, imiba bazaba barashobojwe kuzanira Shebuja izaba igihembo cy’uburyo bakoresheje impano bahawe batikubira. {INI 210.1}

Intumwa z’Imana zatoranyijwe ziri mu murimo ukomeye, ntizikwiriye na rimwe guhatwa kujya ku rugamba bifashishije umutungo wabo batabonye ubufasha burimo impuhwe no kunganirwa by’abo bahuje kwizera. Ni ishingano y’abagize Itorero kugirira neza abareka imirimo yabo kugira ngo bashobore kwitangira gukora umurimo w’ivugabutumwa. Igihe abavugabutumwa bashyigikiwe n’abazera, umurimo urushaho kujya mbere. Nyamara igihe abantu badatanga ubufasha bwabo bitewe n’ubugugu bwabo, amaboko

y’abavugabutumwa aratentebuka kandi akenshi umurimo w’ingirakamaro bagombaga gukora uradindira. {INI 210.2}

Imana ntiyishimira abiyita abayoboke bayo nyamara bagatuma abakozi bayo batoranyirijwe gukora umurimo wayo bababara kubera kubura ibyo bakeneye mu mibereho yabo igihe bari gukora umurimo wayo. Abo banyabugugu bazabibazwa, atari uko bakoresheje umutungo w’Uwiteka gusa ahubwo n’uko baciye intege kandi imikorere yabo igatera agahinda abagaragu b’Imana bakiranuka. Abahamagariwe gukora umurimo w’ivugabutumwa, maze mu kwitaba iryo rarika bakareka byose kugira ngo birundurire mu murimo w’Imana, bakwiriye kubona ibihembo bihagije byo kwitanga kwabo kugirango bashobore kwitunga kandi batunge n’imiryango yabo. {INI 210.3}

Mu mirimo itandukanye ikorwa ku isi, yaba iy’ubwenge cyangwa iy’amaboko, abakozi badahemuka bashobora kubona ibihembo byiza. Mbese umurimo wo kwamamaza ukuri no kuyobora abantu kuri Kristo ntufite agaciro kanini kurusha undi murimo wose usanzwe? Ese abiyeguriye gukora uyu murimo ntibakwiriye kugenerwa ibihembo bikwiriye? Iyo tugereranyije ibyiza biba ku bwenge no ku mubiri bikomoka ku murimo dukora, dusanga ko iby’ijuru bifite agaciro gahabanye n’ak’iby’isi. {INI 210.4}

Kugira ngo mu bubiko habemo umutungo wo kunganira umurimo w’ivugabutumwa, ndetse no kugira ngo ibikenewe mu gufasha uyu murimo bigerweho, ni ngombwa ko abantu b’Imana batanga banezerewe kandi badahatwa. Abagabura b’ijambo ry’Imana bafite inshingano ikomeye yo guhora bereka amatorero ibikenewe mu murimo w’Imana kandi bakayigisha gutangana ubuntu kandi badahatwa. Igihe ibi byirengagijwe kandi amatorero ntashobore gutanga kugira ngo afashe abandi, ntabwo bituma umurimo w’Uwiteka uhazaharira gusa; ahubwo n’abizera bavutswa imigisha bagombaga kubona. {INI 211.1}

Ndetse n’abakene bakwiye kuzanira Imana amaturo yabo. Bagomba kugabana ku buntu bwa Kristo bigomwa kugira ngo bafashe abafite ubukene bwinshi kurusha ubwabo. Impano y’umukene, imbuto yo kwiyanga kwe igera imbere y’Imana nk’umubavu uhumura neza. Buri gikorwa cyose cyo kwitanga gikomeza umwuka wo kugira ubuntu mu mutima w’utanze, bigatuma yomatana n’Uwari umukire ariko agahinduka umukire ku bwacu kugira ngo ku bw’ubukene bwe

duhinduke abakire. {INI 211.2}.Igikorwa cy'umupfakazi watuye uduceri tubiri ari natwo twonyine yari afite, cyanditswe kugira ngo gitere ubutwari abifuza gukoresha impano zabo kugira ngo bafashe umurimo w'Imana n'ubwo bahanganye n'ubukene. Kristo yakanguriye abigishwa be kuzirikana uyu mugore wari waratanze "icyo yari atezeho amakiriro." (Mariko 12:44). Yahaye agaciro impano y'uwo mugore kurusha amaturo menshi y'abo batangaga nta kwigomwa. Mu butunzi bwabo bwinshi bari batanze umugabane mutoya. Kugira ngo atange ituro rye, uyu mupfakazi yigomwe n'ibyagombaga kumubeshaho, yizera ko Imana ari yo izamuha ibyo akeneye. Umukiza yamuvuzeho ati, *"Ndababwira ukuri, yuko uriya mupfakazi atuye byinshi kuruta ibyo abandi bose batuye."* (Mariko 12:43). Muri ubwo buryo Yesu yigishije ko agaciro k'impano katabarirwa ku kuntu ingana, ahubwo gaterwa n'igitanzwe ndetse n'impamvu iteye umuntu gutanga. {INI 211.3}

Intumwa Pawulo mu ivugabutumwa rye mu matorero, ntiyigeze acogora mu mihati ye yo gutera kwifuza gukora ibintu bikomeye mu murimo w'Imana mu mitima y'abahindutse. Incuro nyinshi yabashishikarizaga gutangana umutima ukunze. Igihe yabwiraga abakuru b'Itorero bo mu Efeso ibyerekeye imirimo yari yarakoreye muri bo, yaravuze ati, *"Nababereye ikitegererezo muri byose, yuko ariko namwe mukwiriye gukora imirimo, ngo mubone uko mufasha abadakomeye, no kwibuka amagambo Umwami Yesu yavuze ati "Gutanga guhesha umugisha kuruta guhabwa."* (Ibyak 20:35). Yandikiye Abanyakorinto ati *"Ubiba nke, azasarura bike; naho ubiba nyinshi, azasarura byinshi. Umuntu wese atange nk'uko abigambiriye mu mutima we, atinuba kandi adahatwa, kuko Imana ikunda utanga anezerewe."* 2Kor 9:6, 7. {INI 211.4}

Hafi y'abizera bose b'i Makedoniya bari abakene mu butunzi bw'iyi si, nyamara imitima yabo yari yuzuye gukunda Imana n'ukuri kwayo kandi mu gushyigikira ubutumwa bwiza batangaga bishimye. Igihe amaturo ya rusange yakusanyirizwaga mu matorero y'abanyamahanga kugira ngo bafashe abizera b'Abayahudi, gutangana ubugwaneza kw'abizera b'i Makedoniya kwatanzweho urugero ku yandi matorero. Igihe yandikiraga abizera b'i Korinto, Pawulo yakanguriye intekerezo zabo *"ubuntu bw'Imana amatorero y'i Makedoniya yahawe. Bakigeragezwa cyane n'amakuba menshi, umunezero wabo uhebuje n'ubukene bwabo bwinshi byasesekariyemo ubutunzi, ku bw'iby'ubuntu batanze. Babutanze ku bwende bwabo, ... ndetse no kurenza ibyo bashoboye,*

batwingingira cyane kugira ngo twakire ubuntu bwabo batanze, babone uko bafatanya umurimo wo gukenura abera." 2 Kor 8:1-4. {INI 212.1}

Ubwo bushake bwo kwitanga abizera b'i Makedoniya bagaragaje bwaje ari ingaruka yo kwitanga kwabo n'umutima wose. Bayobowe na Mwuka w'Imana *"babanza kwitanga ubwabo biha Umwami"* (2 Kor 8:5), maze hanyuma bagira ubushake bwo gufata ku butunzi bwabo batangana umutima ukunze bashyigikira ubutumwa bwiza. Ntabwo byari ngombwa kubahatira gutanga ahubwo banezejwe no kugira ayo mahirwe yo kwigomwa ndetse n'ibyari kubabeshaho kugira ngo bashobore gufasha abandi. Igihe Pawulo yageragezaga kubabuza bamwingingiraga kwemera ituro ryabo. Mu kwiyoroshya kwabo no kuba indahemuka n'urukundo bari bafitiye bene se, bishimiye kwigomwa maze buzuzwa gutangana ubuntu. {INI 212.2}

Igihe Pawulo yoherezaga Tito i Korinto kugira ngo ajye gukomeza abizera baho, yamushishikarije kwigisha iryo Torero kugira ubuntu bagatanga, kandi mu rwandiko rwe yandikiye abizera yongeyeho kubibasaba ubwe. Yarabinginze ati: *"Nuko rero, nk'uko musaga muri byose, ari ukwizera, no kuvuga neza, no kumenya, no kugira umwete, no kudukunda, mube ariko murushaho kugirira umwete uwo murimo wo kugira ubuntu nawo." "Nuko rero mubirangize, kugira ngo, nk'uko mwakunze kubyemera, abe ariko mubisohoza mukurikije ibyo mufite; kuko iyo umuntu yemeye gutanga akurikije ibyo afite, ibyo birahagije; nta we ukwiriye gutanga ibyo adafite." "Kandi rero Imana ishobora kubasazaho ubuntu bwose, kugira ngo murusheho gukora ibyiza byose, mufite ibibahagije muri byose; …muzatungishwa muri byose, ngo mugire ubuntu bwose, butume Imana ihimbazwa."* 2Kor 8:7, 11, 12; 9:8-11. {INI 212.3}

Kugira ubuntu butikanyiza byashyize Itorero rya mbere mu byishyimo; kuko abizera bari bazi ko imihati yabo yafashaga mu gutuma ubutumwa bwiza bugera ku bakiri mu mwijima. Gutangana ubuntu kwabo kwahamije ko bataherewe ubuntu bw'Imana ubusa. Ni iki cyashoboraga gutuma bagira ubwo buntu bwo gutanga uretse kwezwa na Mwuka? Mu maso y'abizera ndetse n'abatizera cyari igitangaza cy'ubuntu. {INI 213.1}

Kugubwa neza mu by'umwuka byomatanye no gutangana ubuntu kwa Gikristo. Abayoboke ba Kristo bakwiriye kunezezwa n'amahirwe

bafite yo kugaragariza mu mibereho yabo ineza y'Umucunguzi wabo. Uko baha Uwiteka bagira icyizere ko ubutunzi bwabo bubabanziriza mu bikari by'ijuru. Mbese abantu bashobora gutuma umutungo wabo ugira umutekano? Reka bawushyire mu biganza by'Uwabambwe. Mbese bashobora kunezezwa n'ubutunzi bwabo? Reka babukoreshe mu guhesha imigisha abaneke n'abababaye. Mbese bifuza kongera umutungo wabo? Reka bumvire icyo ijuru ribategeka riti, *"Wubahishe Uwiteka ubutunzi bwawe n'umuganura w'ibyo wunguka byose. Ni bwo ibigega byawe bizuzuzwa, kandi imivure yawe izasendera imitobe."* (Imigani 3:9, 10). Reka bifuze kugundira ubutunzi bwabo bitewe n'ubugugu, ibyo bizaba igihombo cy'iteka ryose. Nyamara reka umutungo wabo uhabwe Imana bityo kuva uhabwa ikimenyetso cyayo. Ushyirwaho ikimenyetso cyo kudahinduka kwayo. {INI 213.2}

Imana iravuga iti, *" Murahirwa, mwa babiba mu nkuka z'amazi yose mwe."* (Yesaya 32:20). Gukomeza gutanga impano z'Imana aho ari ho hose mu murimo w'Imana cyangwa gukemura ubukene bw'inyokomuntu ntabwo bikenesha. *"Hari umuntu utanga akwiragiza, nyamara akarushaho kunguka; kandi hari uwimana birenza urugero, ariko we bizamutera ubukene gusa."* (Imigani 11:24). Umubibyi yongera imbuto ze igihe abiba. Ni nako bimeze ku bantu b'indahemuka mu gutanga impano z'Imana. Iyo batanga biyongerera imigisha. Imana yatanze isezerano iti, *"Mutange namwe muzahabwa; urugero rwiza rutsindagiye, rucugushije, rusesekaye, ni rwo muzagererwa."* Luka 6:38. {INI 213.3}

******

IGICE CYA 33 - GUKORA MU GIHE KIRUHIJE

Nubwo Pawulo yitondaga akabwira abo yari yarihanishije imyigisho zishyitse zo mu Byanditswe zerekeye uburyo bukwiye bwo gushigikira umurimo w'Imana, kandi nubwo we nk'umuvugabutumwa bwiza yavugaga ko "atemerewe kuruhuka" (1 Kor 9:6) ngo akore imirimo isanzwe kugira ngo yitunge, mu bihe bitandukanye igihe yabwirizaga ubutumwa mu mijyi minini, yakoze imirimo y'ubukorikori kugira ngo yitunge. {INI 214.1}

Mu Bayuda gukoresha amaboko ntabwo byafatwaga nk'ikintu kidasanzwe cyangwa gitesha agaciro. Binyuze muri Mose, Abaheburayo bari barategetswe kumenyereza abana babo gukoresha amaboko yabo kandi kwemerera urubyiruko gukura rusuzugura gukora imirimo y'amaboko, byafatwaga nk'icyaha. Nubwo umwana yagombaga kwigishwa ngo ategurirwe gukora umurimo wera, yagombaga kumenya ko ubuzima bwo gukora ari ingenzi. Umusore wese yaba afite ababyeyi b'abakire cyangwa b'abakene, hari imyuga yigishwaga. Ababyeyi birengagizaga iyi nshingano ku bana babo bafatwaga ko bagomeye Uwiteka. Nk'uko uyu muco wabisabaga, Pawulo yari yarize umwuga wo kuboha amahema. {INI 214.2}

Mbere yo guhinduka umwigishwa wa Kristo, Pawulo yari afite umwanya wo hejuru ku buryo atari akeneye gukoresha amaboko kugira ngo abone ibimutunga. Nyamara nyuma y'aho amaze gukoresha ibyo yari afite byose mu guteza umurimo wa Kristo imbere, rimwe na rimwe yifashishaga umwuga we kugira ngo abone uko abaho. By'umwihariko uku niko yabigenzaga igihe yabaga akorera ahantu bashoboraga kutamwumva neza. {INI 214.3}

I Tesalonike ni ho hambere dusoma ko Pawulo yakoresheje amaboko ye kugira ngo yitunge igihe yabwirizaga ijambo ry'Imana. Igihe yandikiraga Itorero ry'abizera b'aho, yabibukije ko "ashobora kuba yarababereye umutwaro" ndetse yongeyeho ati: *"Bene Data, mwibuke*

umuhati wacu n'imiruho, nk'uko twababwirije ubutumwa bwiza bw'Imana, dukora ku manywa na nijoro, kugira ngo hatagira uwo muri mwe turemerera." (1 Tes 2:6, 9). Na none kandi mu rwandiko rwa kabiri yabandikiye, yavuze ko igihe bari hamwe nabo, we n'umukozi mugenzi we wari hamwe nawe "batigeze bagira uwo barya iby'ubusa." Yaranditse ati, *" Twakoraga ku manywa na nijoro kugira ngo tutagira umuntu muri mwe turemerera. Icyakora, si uko tudafite ubutware, ahubwo ni ukugira ngo tubiheho icyitegererezo, ngo mugere ikirenge mu cyacu."* 2 Tes 3:8,9. {INI 214.4}

Pawulo yari yarasanze abantu banze gukoresha amaboko yabo i Tesalonike. Iri tsinda ry'aba bantu niryo Pawulo yaje kwandikaho nyuma agira ati: *"Twumvise yuko hariho bamwe bo muri mwe bagenda bica gahunda, batagira icyo bakora, ahubwo bakaba ba kazitereyemo. Nuko rero, abameze batyo turabategeka tubihanangiriza mu Mwami Yesu Kristo, gukorana ituza, ngo babone uko barya ibyo kurya byabo ubwabo." Igihe yakoreraga i Tesalonike, Pawulo yari yaritondeye kugaragariza bene abo bantu urugero rukwiriye. Yaranditse ati, "Kuko iki ari cyo twabategetse tukiri kumwe namwe, ngo umuntu wese wanga gukora ntakarye."* 2 Tes 3:11, 12, 10. {INI 214.5}

Mu bihe byose, Satani yagerageje kugwabiza imihati y'abagaragu b'Imana akoresheje kwinjiza umwuka w'ubwaka mu Itorero. Uko ni ko byari bimeze mu gihe cya Pawulo, kandi ni nako byagenze mu binyejana byakurikiyeho mu gihe cy'Ubugorozi. Wycliffe, Luther ndetse n'abandi benshi bahesheje isi umugisha kubera ibyo bakoraga no kwizera kwabo, bahuye n'amayere umwanzi yakoreshaga kugira ngo ayobore mu bwaka abantu bagiraga umwete w'indengakamere, abantu batari ku rugero rukwiriye kandi batejejwe. Abantu bayobye bigishije ko kugera ku butungane nyakuri bijyana intekerezo z'umuntu maze bikazirenza ibitekerezo by'isi maze bikayobora abantu ku kwirinda kugira umurimo bakora. Abandi bakabyaga ku masomo amwe yo mu Byanditswe, bigishije ko gukora ari icyaha; bakigisha ko Abakristo badakwiriye gutekereza ibyerekeranye imibereho yabo n'imiryango yabo by'igihe gito, ko ahubwo bakwiriye kurundurira imibereho yabo yose mu by'Umwuka. Inyigisho n'icyitegererezo by'intumwa Pawulo bicyaha iyo mitekerereze ikabije. {INI 215.1}

Igihe Pawulo yari i Tesalonike ntabwo yakuraga ibimwunganira mu murimo w'amaboko ye gusa. Nyuma yaho ubwo yavugaga ku

byamubayeho muri uwo mujyi yandikiye abizera b'i Filipi abashimira impano bamwohereje igihe yari i Tesalonike avuga ati, *"Ndetse n'i Tesalonike, mwoherejeyo ibyo kunkenura, si rimwe risa."* (Abafilipi 4:16). Nubwo yakiriye ubu bufasha, yaritondaga agatanga urugero rwo kwihangana imbere y'Abanyatesalonike kugira ngo hatagira umuntu n'umwe wabona impamvu yo kumurega kwifuza, kandi ngo n'abari bafite inyigisho z'ubwaka zerekeye gukoresha amaboko bacyahwe mu buryo bufatika. {INI 215.2}

Igihe Pawulo yasuraga i Korinto bwa mbere, yisanze ari hagati y'abantu bagiraga urwikekwe ku mpamvu zigenza abantu batahasanzwe. Abagiriki babaga ku nkengero y'inyanja bari abacuruzi babikundaga. Igihe kirekire bari barimenyereje uko ubucuruzi bukorwa, ku buryo bari barageze aho bemera ko inyungu ikomoka ku Mana, kandi ko kunguka haba hakoreshejwe uburyo bwiza cyangwa uburiganya byari byemewe. Pawulo yari amenyereye imiterere yabo, bityo ntiyashoboraga kubaha icyuho cyo kuvuga ko yabwirizaga ubutumwa bwiza kugira ngo yikirire. Yashoboraga kuba yaratse ubufasha abari bamuteze amatwi b'i Korinto; nyamara ubwo burenganzira yari afite ntiyabukoresheje kugira ngo umumaro we n'insinzi yari agamije nk'umubwiriza bitangizwa no kumutekereza nabi ko yabwirizaga ubutumwa bwiza kugira ngo abone inyungu. Yashatse gukuraho inzitizi zose kugira ngo batamwumva nabi, kandi ngo ubutumwa bwe budatakaza imbaraga. {INI 215.3}

Pawulo amaze igihe gito ageze i Korinto, yahasanze *"Umuyuda witwaga Akwila, wavukiye i Ponto, wari uvanye mu Italiya vuba n'umugore we Purisikila."* (Ibyak 18:24). Aba "bari bahuje umwuga na Pawulo." Kubera ko Kilawudiyo yari yarategetse
Abayahudi bose kuva i Roma, Akwila na Purisikila bari baraje i Korinto bahashinga ubucuruzi bwabo bwo kuboha amahema. Pawulo yagenzuye imibereho yabo maze amaze kumenya ko bubahaga Imana kandi bashakaga kwirinda ibyabakururira kwifatanya n'abari babakikije, *"yabanye nabo, bakorana imirimo…Agira impaka mu isinagogi amasabato yose, yemeza Abayuda n'Abagiriki."* (Ibyak 18:2-4). {INI 216.1}

Nyuma y'aho, Sila na Timoteyo basanze Pawulo i Korinto. Aba bavandimwe be mu kwizera bazanye ubufasha bwo gushyigikira

umurimo buturutse mu matorero y'i Makedoniya. {INI 216.2} Mu rwandiko rwa kabari yandikiye abizera b'i Korinto, akaba yararwanditse amaze kuhashinga Itorero rikomeye, Pawulo yagiye asubira mu buryo yitwaraga muri bo. Yarabajije ati, *"Nabagejejeho Ubutumwa bwiza nta gihembo mbaka, nicishije bugufi kugira ngo mwe mushyirwe hejuru. Mbese icyo ni icyaha? Natungwaga n'amatorero ya Kristo y'ahandi-kwari nko kuyasahura kugira ngo mwebwe mbone uko mbakorera. Iyo nagiraga icyo nkenera igihe nari iwanyu, nta muntu n'umwe nigeze ndushya ngira icyo mwaka. Abavandimwe baturutse muri Masedoniya nibo bamaze ubukene bwose nari mfite. Bityo ku buryo bwose nirinze kubarushya kandi nzakomeza kubyirinda. Nshingiye ku kuri kwa Kristo kundimo, nta wuzambuza kwiratana ibyo ngibyo mu karere kose ka Akaya."* 2 Kor 11:7-10. (Bibiliya Ijambo ry'Imana). {INI 216.3}

Pawulo avuga impamvu yari yaritwaye atya igihe yari i Korinto. Kwari ukugira ngo atazaha urwaho "abashaka impamvu" zo kumugaya. (2 Kor 11:12). Igihe yabohaga amahema yakomezaga kwamamaza ubutumwa bwiza. We ubwe avuga iby'imirimo ye ati, "Ni ukuri nakoze ibimenyetso byerekana ko ndi intumwa, mbikorera hagati yanyu nihangana cyane, ni byo bimenyetso n'ibitangaza n'imirimo ikomeye." Kandi arongera akavuga ati, *"Mbese ayandi matorero yabarushije iki keretse yuko ubwanjye ntababereye ikirushya: mumbabarire iryo futi. Dore ubu ni ubwa gatatu nitegura kuza iwanyu: kandi sinzababera ikirushya. Si ibyanyu nshaka, ahubwo ni mwe … Ku bwanjye nanezezwa cyane no gutanga ibyanjye, ndetse no kwitanga rwose, nitangira ubugingo bwanyu."* 2 Kor 12:12-15. {INI 216.4}

Mu gihe kirekire cy'umurimo we w'ivugabutumwa mu Efeso, aho yakomeje gukora umurimo muri iyo ntara yose mu myaka itatu, Pawulo yongeye gukora umwuga we. Muri Efeso kimwe n'i Korinto, intumwa Pawulo yanezejwe no kubona Akwila na Purisikila bari baramuherekeje igihe yasubiraga muri Aziya asoje urugendo rwe rwa kabiri rw'ivugabutumwa. {INI 216.5}

Hari bamwe barwanyije gukoresha amaboko kwa Pawulo, bavuga ko bitajyanye n'umurimo w'umubwirizabutumwa bwiza. Ni mpamvu ki Pawulo, umubwiriza wo mu rwego rwo hejuru, yagombaga gufatanya gukoresha amaboko no kubwiriza ijambo ry'Imana. Mbese umukozi ntiyari akwiriye gutungwa n'umurimo we? Kuki yagombaga kumara

igihe aboha amahema agakoresha igihe yagombye gukoresha mu bifite akamaro kurutaho? {INI 217.1}.Nyamara Pawulo we ntiyigeze abona ko icyo gihe cyari imfabusa. Ubwo yakoranaga na Akwila, yakomeje komatana n'Umwigisha Mukuru, ntapfushe ubusa amahirwe yo guhamya Umukiza no gufasha abari bakeneye ubufasha. Ibitekerezo bye buri gihe byashakaga iby'Umwuka.Yahuguye abakozi bagenzi be mu by'umwuka kandi anatanga urugero rwo gukora. Yari umukozi ukora vuba, agakorana ubuhanga n'umuhati, *"ahirimbana mu mutima, kandi akorera Umwami."* (Abaroma 12:11). Igihe Pawulo yakoraga umwuga we, yahuraga n'abantu atari kuzashobora guhura nabo. Yerekaga bagenzi be ko ubuhanga mu mirimo y'ubukorikori isanzwe ari impano itangwa n'Imana, yo itanga impano n'ubwenge bwo kuyikoresha mu buryo bukwiriye. Yigishije ko no mu mihati ya buri munsi Imana igomba guhabwa icyubahiro. Imiganza bye byari byarakomejwe n'imihati yo gukora ntibyigeze bigira icyo bitwara imbaraga zo kurarika kwe kuje impuhwe nk'umubwiriza w'Umukristo. {INI 217.2}

Rimwa na rimwe Pawulo yakoraga amanywa n'ijoro atari ukugira ngo yifashe gusa, ahubwo ari ukugira ngo afashe bagenzi be bakoranaga. Yagabanaga ibyo yungukaga na Luka, kandi agafasha Timoteyo. Ibihe bimwe yarasonzaga kugira ngo ashobore kumara ubukene bw'abandi. Ntabwo yari umunyabugugu. Ari hafi gusoza umurimo we, mu gihe yasezeraga ku bakuru b'amatorero bo mu Efeso, i Mileto, yashoboraga kuzamura ibiganza bye bifite amabavu imbere yabo akavuga ati, *"Sinifuje ikintu cy'umuntu wese, ari ifeza cyangwa izahabu cyangwa imyenda. Ubwanyu muzi yuko aya maboko yanjye ari yo yankenuraga ibyo nkennye n'abo twari turi kumwe. Nababereye ikitegererezo muri byose, yuko ariko namwe mukwiriye gukora imirimo, ngo mubone uko mufasha abadakomeye, no kwibuka amagambo Umwami Yesu yavuze ati 'Gutanga guhesha umugisha kuruta guhabwa.'"* Ibyak 20:33-35. {INI 217.3}

Niba abagabura bumva ko bahanganye n'imiruho n'ubukene kubw'umurimo wa Kristo, reka barebe kure mu bitekerezo byabo basure aho Pawulo yakoreraga. Reka bazirikane ko igihe uyu muntu watoranyijwe n'Imana yabaga aboha amahema, yabaga akorera ibyokurya yungutse mu mirimo ye nk'intumwa. {INI 217.4}

Umurimo ni umugisha ntabwo ari umuvumo. Umwuka w'ubunebwe ukuraho kubaha Imana kandi ukababaza Mwuka w'Imana. Ikidendezi kidatemba giteza akaga, ariko isoko nziza itemba ikwirakwiza ubuzima n'umunezero ku butaka. Pawulo yari azi ko abirengagiza umurimo w'amaboko badatinda kugira intege nke.Yifuje kwigisha abagabura bakiri abasore ko mu gukoresha amaboko yabo bagatoza imihore y'umubiri wabo, bizatuma bakomera bagashobora kwihanganira ingorane n'ubukene byari bibategereje aho bazamamariza ubutumwa bwiza. Yabonye kandi ko inyigisho ze bwite zari kubura gukomera n'imbaraga iyo adakoresha ingingo zose z'umubiri mu buryo bukwiriye. {INI 218.1}

Abantu b'abanebwe bahomba imibereho itagereranywa ibonerwa mu gukora neza imirimo y'ubuzima busanzwe. Uretse bake gusa, abantu benshi baberaho gusa kurya inyungu Imana ibaha mu mbabazi zayo. Bibagirwa kuzanira Imana amaturo yo gushima ava mu bintu yabashinze. Bibagirwa ko mu gukoresha neza itaranto Imana yabahaye bagomba kuba abakozi batanga umusaruro kandi bakawukenera. Iyaba basobanukirwaga umurimo Uwiteka yifuza ko bakora nk'abafasha be ntibakwanze inshingano. {INI 218.2}

Akamaro k'abasore bumva ko bahamagarirwa n'Imana kubwiriza, gashingiye cyane ku buryo binjira mu mirimo yabo. Abatoranyijwe n'Imana ngo bakore umurimo w'ivugabutumwa bazagaragaza ko guhamagarwa kwabo gufite agaciro kandi mu buryo bwose bushoboka bazifuza guhinduka abakozi babishoboye. Bazaharanira kunguka imibereho izatuma bategura, bakagira gahunda kandi bakabishyira mu bikorwa. Mu rwego rwo guha agaciro umuhamagaro wabo wera, binyuze mu kwiyubaha, bazarushaho guhinduka nka Shebuja bagaragaza ubugwaneza bwe, urukundo rwe n'ukuri kwe. Kandi uko berekana ukuri mu guteza imbere itaranto bashinzwe, Itorero ryagombye kubafasha mu buryo bukwiye. {INI 218.3}

Ntabwo abantu bose bumva ko bahamagariwe umurimo wo kubwiriza bakwiriye gushimishwa n'uko bo n'imiryango batungwa n'Itorero ibihe byose. Hari ingorane ko bamwe badafite uburambe mu murimo bashobora kwangizwa n'ibihendo by'abababahamagarira kwishimira gutungwa n'Itorero batagize icyo bakora ku ruhande rwabo. Umutungo wagenewe kwamamaza umurimo w'Imana ntugomba kumarwa

n’abantu bifuza kubwiriza gusa kugira ngo babone ubufasha bityo bakuze ingeso yo kwikunda babaho ubuzima bworoshye. {INI 218.4}

Abasore bifuza gukoresha impano zabo mu murimo w’ivugabutumwa, bazabona inyigisho yo kubafasha mu rugero rwa Pawulo ari i Tesalonike, i Korinto, Efeso n’ahandi. Nubwo Pawulo yari intyoza mu kuvuga, kandi yaratoranyijwe n’Imana kugira ngo akore umurimo wihariye, nta na rimwe yigeze areka umurimo w’amaboko, cyangwa ngo yigere ananirwa kwitangira umurimo yakundaga. Yandikiye Abanyakorinto ati, *« Kugeza na n’ubu twishwe n’inzara n’inyota, kandi twambaye ubusa, dukubitwa ibipfunsi, turi inzererezi, dukoresha amaboko yacu imirimo y’imiruho. Iyo badututse, tubasabira umugisha, iyo turenganijwe turihangana.»* 1 Kor 4:11, 12. {INI 219.1}

Pawulo nk’umwe mu bigisha bakomeye, yakoze imirimo icishije bugufi ndetse n’imirimo y’icyubahiro yishimye. Mu murimo yakoreraga Shebuja, hari igihe byabaga ngombwa agakora umwuga we abikunze. Nyamara, yahoraga yiteguye kureka uwo murimo we kugira ngo ahangane n’abanzi b’ubutumwa bwiza cyangwa ngo arusheho kubona uburyo budasanzwe bwo kugarura abantu kuri Yesu. Umwete we no gukora byari ugucyaha abashaka ubuzima bw’ubunebwe kandi bifuza kwiberaho mu buryo bworoshye. {INI 219.2}

Pawulo yatanze urugero rurwanya imyumvire ivuga ko ubutumwa bwiza bushoboraga kwamamazwa neza gusa n’abadafite indi mirimo y’amaboko. Yaje kumvwa n’abagize Itorero. Yatanze urugero mu buryo bufatika yerekana icyagombaga gukorwa n’abakorerabushake bitanze bari bari ahantu hatandukanye, aho abantu batari bamenyereye ukuri k’ubutumwa bwiza. Ibyo yakoraga byashishikarije abantu benshi biyoroheje bakora maze bagira icyifuzo cyo gukora icyo bashoboye kugira ngo umurimo w’Imana ujye mbere kandi banibesheho bakora imirimo yabo ya buri munsi. Ntabwo Akwila na Purisikila bigeze bahamagarirwa gutanga igihe cyabo cyose ngo bagikoreshe mu murimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza, nyamara aba bakozi bicishije bugufi bakoreshejwe n’Imana maze bayobora neza Apolo mu nzira y’ukuri. Uwiteka akoresha abantu batandukanye kugira ngo umugambi we usohozwe, kandi igihe bamwe bafite impano z’umwihariko batoranyijwe kugira ngo bakoreshe imbaraga zabo zose mu murimo wo kwigisha no kubwiriza ubutumwa bwiza, abandi benshi

batigeze barambikwaho ibiganza bya kimuntu batoranywa, bahamagarirwa kugira uruhare rukomeye mu murimo wo gukiza abantu. {INI 219.3}.Hariho umurimo munini uri imbere y'umukozi wamamaza ubutumwa bwiza kandi yifasha. Benshi bashobora kunguka imibereho ifite agaciro kanini mu ivugabutumwa mu gihe bakora igihe gito cyo gukoresha amaboko, kandi hifashishijwe ubu buryo abakozi bakomeye bashobora gutezwa imbere kugira ngo bakore umurimo ukomeye ahantu hakenewe.{INI 220.1}

Umugaragu w'Imana witanga ukora atarambirwa, avuga ijambo ryayo n'amahame yayo, aba afite umutwaro uremereye ku mutima we. Ntabwo abarira umurimo we ku masaha. Ntabwo ibihembo bye ari byo bimutera uko yifata mu murimo we, cyangwa ngo areke inshingano ye kubera ibihe bitameze neza. Yahawe inshingano n'ijuru kandi ategereza igihembo azahabwa igihe umurimo yashinzwe uzaba urangiye. {I220.2}

Ni umugambi w'Imana ko abakozi nk'abo batandukanywa no guhangayika kutari ngombwa, kugira ngo bagire amahirwe yuzuye yo kumvira ibyo Pawulo yasabye Timoteyo ati, *"Ibyo ujye ubizirikana, kandi abe ari byo uhugukiramo."* (1Timoteyo 4:15). Nubwo bakwiye kwitonda bagakoresha intekerezo n'umubiri bihagije kugira ngo bikomeze kugira imbaraga, ntabwo ari umugambi w'Imana ko bamara igihe cyabo kirekire bakora umurimo w'iby'isi. {INI220.3}

Aba bakozi b'indahemuka nubwo bifuza gutanga ibyabo ndetse nabo bakitanga kubw'ubutumwa bwiza, ntabwo bakingiwe ibigeragezo. Mu gihe bahuye n'ingorane bakaremererwa n'umubabaro kubera ko Itorero ritashoboye kubaha ubufasha bukwiriye mu by'ubukungu, bamwe muri bo bibasirwa n'umushukanyi. Iyo babonye ko ibyo bakora bihawe agaciro gake, bacika intege. Mu by'ukuri bategereza igihe bazabona igihembo gikwiranye n'ibyo bakora kandi bikabashimisha; nyamara muri icyo gihe imiryango yabo igomba kurya no kwambara. Iyaba bashoboraga kwibwira ko inshingano bahawe n'ijuru bayikuweho, bajya gukoresha amaboko yabo bafite ubushake. Nyamara babona ko igihe bafite ari icy'Imana nubwo abagombaga gutanga ibibafasha bihagije batabibona neza. Birinda ibigeragezo byatuma bagera ahantu bifuza ibya mirenge kandi bagakomeza gukora kugira ngo bateze imbere umurimo bakunda kurusha ubuzima ubwabwo. Ariko kugira ngo babigereho, bashobora kwihatira gukurikiza urugero rwa Pawulo maze

bagakoresha igihe gito bakoresha amaboko ari nako bakomeza gukora umurimo wabo w'ivugabutumwa. Ntabwo bakora ibi kugira ngo bateze imbere inyungu zabo bwite, ahubwo ni inyungu z'umurimo w'Imana ku si. {INI 220.4}

Hariho ibihe bimwe bigaragara ko umugaragu w'Imana adashobora gukora umurimo ukenewe gukorwa bitewe no kubura ibyo kumwunganira kugira ngo akomeze gukora umurimo ukomeye. Bamwe batinya ko bifashishje ibyo bafite batashobora gukora ibyo batekereza byose ko ari inshingano bagomba gusohoza. Nyamara nibajya mbere mu kwizera, agakiza k'Imana kazahishurwa kandi no kugumbwa neza bizaherekeza imihati yabo. Uwabwiye abayoboke be kujya mu mpande zose z'isi ni nawe uzakomeza buri mukozi wumvira itegeko rye ashaka kwamamaza ubutumwa bwe. {INI 221.1}

Mu guteza imbere umurimo we, ntabwo igihe cyose Uwiteka ahishurira ibintu byose abagaragu be mu buryo bwuzuye. Rimwe na rimwe agerageza icyizere cy'abantu be atuma habaho ibibatera gukomeza bajya imbere mu kwizera. Akenshi abashyira mu nzira zifunganye kandi zo kugeragezwa maze akabategeka gukomeza no mu gihe ibirenge byabo bisa n'aho bikandagiye mu mazi ya Yorodani. Ni mu bihe nk'ibi, ubwo amasengesho y'abagaragu b'Imana aba azamuka ajya kuri yo mu kwizera kutajegajega, nibwo Imana ibafungurira inzira ikabazana ahantu hagari. {INI 221.2}

Igihe intumwa z'Imana zisobanukiwe n'inshingano yazo mu bijyanye n'ahantu hakennye mu ruzabibu rw'Uwiteka, ndetse no mu mwuka wa Shebuja zigakora zitarambirwa ngo abantu bahinduke, abamarayika b'Imana bazazitegurira inzira kandi n'ibikenewe kugira ngo umurimo ukomeze ujye mbere bizatangwa. Abakiriye umucyo bazatangana ubuntu kugira ngo bashyigikire umurimo wakozwe mu cyimbo cyabo. Bazasubiza buri hamagara ryose risaba ubufasha batangana umutima ukunze kandi Mwuka w'Imana azagenderera imitima yabo kugira ngo bashigikire umurimo w'Uwiteka atari hafi y'iwabo gusa ahubwo no mu turere twa kure. Muri ubwo buryo abakorera ahandi hantu bazahabwa imbaraga, kandi umurimo w'Uwiteka uzajya mbere binyuze mu nzira yateganyije ubwe. {INI 221.3}

******

IGICE CYA 34 - UMURIMO WERA

Mu buzima n'inyigisho bye Kristo yatanze urugero ndakemwa rw'umurimo ukoranywe kutikanyiza ufite isoko yawo ku Mana. Mu mibereho yayo, Imana ntiyihugiraho. Mu kurema isi, no kubeshaho ibintu byose, Imana ihora yita ku bantu. *"Kuko ategeka izuba rye kurasira ababi n'abeza, kandi abakiranuka n'abakiranirwa abavubira imvura."* (Matayo 5:45). Umurimo nk'uyu ni wo Data wa twese yahaye Umwana we. Yesu yahawe kuyobora inyokomuntu, maze yitangaho urugero rwigisha icyo gukorera abandi bisobanuye. Imibereho ye yose yarangwaga no kwitangira umurimo. Yafashije bose kandi akorera bose. {INI 222.1}

Kenshi na kenshi Yesu yagerageje gushyira iri hame mu bigishwa be. Igihe Yakobo na Yohana basabaga guhabwa isumbwe, Yesu yaravuze ati, *"Ahubwo ushaka kuba mukuru muri mwe ajye aba umugaragu wanyu, kandi ushaka kuba uw'imbere muri mwe, ajye aba imbata yanyu: nk'uko Umwana w'Umuntu ataje gukorerwa, ahubwo yaje gukorera abandi no gutangira ubugingo bwe kuba incungu ya benshi."* Matayo 20:26-28. {INI 222.2}

Kuva Yesu asubiye mu ijuru, yakomeje umurimo we ku isi akoresheje intumwa yatoranyije. Akoresha izo ntumwa akabwira abana b'abantu kandi akabakorera ibyo bakeneye. Umuyobozi ukomeye w'Itorero ahagarikira umurimo we akoresheje abantu bejejwe n'Imana kugira ngo bayihagararire. {INI 222.3}

Umwanya w'abahamagawe n'Imana kugira ngo bakore bakurikije ijambo ry'Imana n'amahame yayo bityo bubake Itorero ryayo, ni umwanya ujyana n'inshingano ikomeye. Mu cyimbo cya Kristo, bagomba kwingingira abagabo n'abagore kwiyunga n'Imana, kandi bashobora gusoza inshingano yabo gusa igihe babonye ubwenge n'imbaraga mvajuru. {INI 222.4}

Abagabura ba Kristo ni abarinzi mu by'Umwuka ku bantu bashinzwe. Umurimo wabo wagereranyijwe n'uw'abarinzi. Mu bihe bya kera, akenshi abarinzi bashyirwaga ku nkike z'imidugudu ahirengeye bakitegereza ahantu hakomeye hagombaga kurindwa, kandi bakaburira abantu ko umwanzi ari hafi. Umutekano w'abari imbere mu mudugudu bose wabaga ushingiye ku budahemuka bw'abarinzi. Mu bihe bitandukanye bizwi, abarinzi bari bategetswe guhamagarana kugira ngo bamenye ko bose bari maso kandi ko nta waba yagwiririwe n'amakuba. Urusaku rw'ibyishimo cyangwa urwo gutanga umuburo rwavaga ku muntu rujya ku wundi, buri wese agasubira mu byo undi avuze kugeza ubwo urusaku rusakaye umudugudu wose. {INI 222.5}

Uhoraho abwira buri mugabura wese w'ijambo rye ati: *"Nuko rero, mwana w'umuntu, nagushyiriyeho kuba umurinzi w'umuryango wa Isirayeli; nuko wumve ijambo riva mu kanwa kanjye, ubanyihanangirize. Nimbwira umunyabyaha nti 'Wa munyabyaha we, gupfa ko uzapfa', maze nawe ntugire icyo uvuga cyo kuburira umunyabyaha ngo ave mu nzira ye, uwo munyabyaha azapfa, azize ibyaha bye, ariko amaraso ye ni wowe nzayabaza. Ariko nuburira umunyabyaha ngo ahindukire ave mu nzira ye,…uzaba ukijije ubugingo bwawe."* Ezekiyeli 33:7-9. {INI 223.1}

Amagambo y'umuhanuzi agaragaza inshingano ikomeye y'abantu bashyizweho nk'abarinzi b'Itorero ry'Imana, ibisonga by'ubwiru bw'Imana. Bagomba guhagarara nk'abarinzi ku nkike za Siyoni kugira ngo bavuze impuruza ko umwanzi ari hafi. Abantu bari mu kaga ko kugwa mu bigeragezo kandi bazarimbuka keretse gusa abakozi b'Imana nibaba indahemuka ku nshingano yabo. Niba kubera impamvu runaka barabaye ibipfamatwi mu by'umwuka ku buryo badashobora kumenya amakuba; kandi abantu bakarimbuka bitewe n'uko batashoboye kubaburira, Imana izababaza amaraso y'abo barimbutse. {INI 223.2}

Kuba hafi y'Imana no kumvira Mwuka wayo, ni amahirwe y'abarinzi bo ku nkike za Siyoni kugira ngo Imana ishobore gukorera muri bo maze bamenyeshe abagabo n'abagore akaga bashobora guhura nako kandi babayobore aho bagomba guhungira. Baba indahemuka mu kubaburira ibyerekeye ingaruka zo gucumura kwabo kandi bakaba n'indahemuka mu kurinda inyungu z'Itorero. Nta na rimwe bakwiriye gucogora kuba maso. Umurimo wabo ni umurimo usaba gukoresha ubushobozi bwabo bwose., Amajwi yabo akwiriye kurangurura bavuza impanda kandi ntibakwiriye kuvuza n'ijwi na rimwe ryo gushidikanya. Ntibagomba gukorera igihembo, nyamara nta kundi babigenza kuko babona ko bazagusha ishyano niba batabwirije ubutumwa bwiza. Batoranyijwe n'Imana kandi bejeshejwe amaraso bityo bagomba gutabara abantu bakabakiza kurimbuka kwegereje. {INI 223.3}

Umubwiriza ukorana na Kristo azazirikana ukwera k'umurimo we, anahangayikishwe n'umuruho n'igitambo gikenewe kugira ngo awukore neza. Ntabwo yishakira ibyo kwinezeza cyangwa kumererwa neza ubwe. Ntabwo yikanyiza. Iyo ashaka intama zazimiye ntabona ko we ubwe ananiwe, akonje cyangwa afite inzara. Imbere ye ahafite intego imwe yo gukiza icyazimiye. {INI 223.4}

Umuntu ukorera munsi y'ibendera risize amaraso rya Emanweli azasabwa gukora ibintu bizasaba umuhati w'ubutwari no kwihangana. Nyamara umusirikari w'umusaraba ahagarara ashikamye ku ruhembe rw'imbere ku rugamba. Iyo umwanzi amurwanyije, uwo musirikare ahungira ku gihome gikomeye kugira ngo afashwe, kandi uko abwira Uwiteka amasezerano yo mu ijambo rye, ahabwa imbaraga mu nshingano agomba gukora. Abona ko akeneye imbaraga ziva mu ijuru. Insinzi agenda ageraho ntabwo zituma yishyira hejuru, ahubwo bimutera kurushaho kwishingikiriza cyane ku Ushoborabyose. Igihe yishingikirije kuri iyo Mbaraga, ashobozwa kuvuga ubutumwa bw'agakiza afite imbaraga ku buryo bukora ku mitima y'abandi. {INI 223.5}

Uwigisha ijambo ry'Imana agomba buri gihe gusabana n'Imana asenga kandi yiga Ijambo ryayo, kuko muri byo ari ho hari isoko y'imbaraga. Gusabana n'Imana bizatuma imirimo y'umubwiriza igira imbaraga irenze iy'ibyo abwiriza. Ntabwo akwiriye kwemera kuvutswa iyi mbaraga. Mu kuri kudashidikanywaho, agomba gusaba Imana

kumuha imbaraga no kumukomeza mu mirimo no mu bigeragezo kandi ikamukoza ikara ryaka ku munwa. Kenshi intumwa za Kristo zifata iby'ijuru nk'ibintu byoroheje. Abantu nibagendana n'Imana izabahisha mu Rutare. Igihe bahishe bashobora kubona Imana nk'uko Mose yayibonye. Kubw'imbaraga n'umucyo Imana itanga bashobora kurushaho gusobanukirwa no gukora ibirenze ibyo ibitekerezo byabo bigira aho bigarukira byabonaga ko bishoboka. {INI 224.1}

Uburiganya bwa Satani bukoreshwa cyane mu kurwanya abacitse intege. Igihe umubwiriza ahuye n'ibikangisho bimuca intege, niyereke Imana ibyo akeneye byose.Pawulo yiringiye Imana byuzuye igihe ijuru ryahinduka nk'irimukingirijwe n'umuringa. Pawulo yari asobanukiwe n'ibijyanye n'imibabaro kurenza abantu benshi; nyamara nimwumve ukuntu yavugije impundu zo gutsinda atera intambwe yerekeje mu ijuru kandi yari yugarijwe n'ibigeragezo n'intambara. Yaravuze ati, *"Kuko kubabazwa kwacu kw'igihwayihwayi kw'akanya ka none kwiyongeranya kuturemera ubwiza bw'iteka ryose bukomeye. Natwe ntitureba ku biboneka, ahubwo tureba ku bitaboneka: kuko ibiboneka ari iby'igihe gito, naho ibitaboneka bikaba ari iby'iteka ryose."* (2 Kor 4:17, 18). Amaso ya Pawulo yahoraga atumbiriye ibitaboneka kandi by'iteka ryose. Abonye ko yarwanaga n'imbaraga zidasanzwe, yishyize mu maboko y'Imana kandi aha niho imbaraga ze zari zishingiye. Mu kureba Itabonwa niho hakomoka imbaraga n'ubutwari by'umutima kandi imbaraga z'isi zirwanya intekerezo n'imico zigatsindwa. {INI 224.2}

Umupasitoro akwiye gusabana n'abantu ashinzwe kugira ngo namenyerana nabo ashobore kumenya uburyo ahuza inyigisho ze n'ubukene bwabo. Igihe umubwiriza abwirije, ni ho umurimo we uba utangiye. Hari umurimo yihariye agomba gukora. Akwiriye gusura abantu mu ngo zabo, aganira kandi asengana nabo mu kuri no kwicisha bugufi.Hari abantu bari mu miryango itazagezwaho ukuri kw'ijambo ry'Imana keretse gusa ibisonga by'ubuntu bwayo nibyinjira mu ngo zabo bikabaganisha mu nzira ijya mu ijuru. Ariko imitima y'abakora uyu murimo ikwiriye gukangukira mu gusabana n'umutima wa Kristo. {INI 224.3}

Hari byinshi bisobanukira muri iri tegeko rivuga riti: *"Sohoka ugende mu nzira nyabagendwa no mu mihora, ubahate kwinjira, kugira ngo urugo rwanjye rwuzure."* (Luka 14:23). Reka abagabura b'ijambo ry'Imana bigishe ukuri mu miryango, begera abo bashinzwe kandi uko

bakorana n’Imana, ni ko izabambika imbaraga y’umwuka. Kristo azabayobora mu murimo wayo, abahe amagambo bavuga azashinga imizi mu mitima y’ababatega amatwi. Ni amahirwe ya buri mugabura wese gushobora kuvuga nka Pawulo ati, *“Kuko ntikenze mbabwira ibyo Imana yagambiriye byose.” “Kandi muzi yuko ari nta jambo ribafitiye akamaro nikenze kubabwira cyangwa kubigishiriza imbere ya rubanda no mu ngo zanyu rumwe rumwe, … kwihana imbere y’Imana, no kwizera Umwami Yesu Kristo.”* Ibyak 20:27, 20, 21. {INI 225.1}

Umukiza yagendaga ava ku rugo ajya rundi, avura abarwayi, ahoza abarira, ahumuriza abababaye, abwira ubutumwa bw’amahoro abihebye. Yafataga abana bato mu maboko ye akabaha umugisha kandi akabwira amagambo y’ibyiringiro kandi akomeza ababyeyi b’abagore barushye. Mu kwiyoroshya no mu bugwaneza adacongora yahuye n’umubabaro n’ingorane by’uburyo bwose by’abantu. Yari umugaragu w’abantu bose. Ibyokurya bye n’ibyo kunywa bye byari uguha ibyiringiro n’imbaraga abo yahuraga nabo bose. Uko abagabo n’abagore bumvaga ukuri kwavaga mu kanwa ke gutandukanye n’imigenzo n’amahame byigishwaga n’abigisha bakuru, ibyiringiro byasabaga imitima yabo. Mu nyigisho ze harimo ukuri kwatumaga amagambo ye agira imbaraga yemeza imitima.{INI 225.2}

Abagabura b’iby’Imana bagomba kwiga uburyo Kristo yakoreshaga kugira ngo bavome mu nzu y’ububiko bw’ijambo rye ibizamara ubukene mu by’umwuka bw’abo bashinzwe. Ubwo nibwo buryo bwonyine bashobora gusohoza inshingano yabo. Umwuka umwe nk’uwari muri Kristo igihe yahuguraga abantu ababwira inyigisho yahoraga ahabwa, ugomba kuba isoko y’ubumenyi bw’abagabura n’ibanga ry’imbaraga zabo mu gukora umurimo w’Umukiza ku isi. {INI 225.3}

Abantu bamwe bakora mu ivugabutumwa bananiwe kugera ku nsinzi bitewe n’uko batigeze biyegurira umurimo w’Uwiteka burundu. Abagabura b’ijambo ry’Imana ntibakwiriye kugira izindi nyungu ku ruhande zinyuranye n’umurimo ukomeye wo kuyobora abantu ku Mukiza. Abarobyi Kristo yahamagaye bahise bata inshundura zabo baramukurikira. Abagabura b’ijambo ry’Imana ntibashobora gukorera Imana umurimo wemewe kandi ngo bikorere umutwaro uremereye wo gukora ibijyanye n’inyungu zabo bwite. Ayo maharakubiri y’ibyo umuntu agamije yijimisha imyumvire yabo y’iby’Umwuka. Intekerezo n’umutima biba byuzuyemo iby’isi maze umurimo wa Kristo ugafata umwanya wa

kabiri. Bakora umurimo w'Imana bashingiye ku bibabaho mu mibereho yabo aho kugira ngo ibibabaho byose bigendere kubyo Imana ibasaba. {INI 225.4}

Imbaraga z'umugabura w'ijambo ry'Imana zose zirakenewe kubw'umuhamagaro we ukomeye. Imbaraga ze ziruta izindi ni iz'Imana. Ntabwo akwiriye kujya mu bimurangaza cyangwa mu nyungu zindi zizamuteshura ku murimo we ukomeye. Pawulo yaravuze ati: *"Nta waba umusirikari, kandi ngo yishyire mu by'ubu bugingo, ngo abe akinejeje uwamwandikiye ubusirikare."* (2 Timoteyo 2:4). Uko niko intumwa Pawulo yashimangiye uko umubwiriza akeneye kwitanga byimazeyo mu murimo wa Shebuja. Umugabura w'Ijambo ry'Imana wiyeguriye Imana burundu yanga gukora undi murimo ushobora kumubera inkomyi mu kwitangira kuzuza inshingano ye yera.Ntaharanira icyubahiro cyangwa ubutunzi by'isi; ahubwo umugambi we rukumbi ni ukubwira abandi iby'Umukiza witanze kugira ngo aheshe abantu ubutunzi bw'ubugingo buhoraho. Icyifuzo cye gikomeye si ukurunda ubutunzi muri iyi si, ahubwo ni ukugaragariza ukuri kw'iteka ryose abatagira icyo bitaho n'abatubaha. Ashobora gukururirwa kujya mubintu bimusezeranya inyungu y'ikirenga y'iby'isi, ariko kuri ibyo bigeragezo akwiriye gusubiza ati: *"Kandi umuntu byamumarira iki gutunga ibintu byose byo mu isi, niyakwa ubugingo bwe?"* Mariko 8:36.{INI 226.1}

Satani yashyize ubu bushukanyi imbere ya Kristo, azi yuko niyemera, isi itazigera icungurwa. Na none kandi mu kwiyoberanya kunyuranye, muri iki gihe ashyira icyo kigeragezo imbere y'abagabura azi yuko abarashukwa na cyo batazasohoza
inshingano yabo. {INI 226.2}

Ntabwo ari ubushake bw'Imana ko abagabura b'ijambo ryayo bamaranira kugira ubutunzi. Ku byerekeye iyi ngingo Pawulo yandikiye Timoteyo ati: *"Kuko gukunda impiya ari umuzi w'ibibi byose. Hariho abantu bamwe bazirarikiye, barayoba, bava mu byo kwizera, bihandisha imibabaro myinshi. Ariko wehoho, muntu w'Imana, ujye uhunga ibyo: ahubwo ukurikize gukiranuka, kubaha Imana, kwizera, urukundo, kwihangana, n'ubugwaneza." Mu byo akora no mu byo avuga, intumwa ya Kristo ikwiriye "kwihanangiriza abatunzi bo mu by'iki gihe, kugira ngo be kwibona, cyangwa kwiringira ubutunzi butari ubwo kwizigirwa, ahubwo biringire Imana, iduha byose itimana, ngo*

tubinezererwe; kandi bakore ibyiza, babe abatunzi ku mirimo myiza, babe abanyabuntu bakunda gutanga, bibikire ubutunzi buzaba urufatiro rwiza mu gihe kizaza, kugira ngo babone uko basingira ubugingo nyakuri." 1 Timoteyo 6:10,11,17-19. {INI 226.3}

Imibereho y'intumwa Pawulo n'inyigisho ze zijyanye no kwera k'umurimo w'umubwiriza ni isoko y'ubufasha no kugambirira by'abari mu murimo w'ivugabutumwa. Umutima wa Pawulo wagurumanaga urukundo yakundaga abanyabyaha kandi imbaraga ze zose yazishyize mu murimo wo gukiza abandi. Ntihigeze habaho umukozi umurusha kwiyanga no kwihangana. Imigisha yabonye yayihaye agaciro mu kuyikoresha ahesha abandi umugisha. Nta na rimwe yigeze atakaza amahirwe yari afite yo kuvuga iby'Umukiza cyangwa gufasha abari mu kaga. Yavaga ahantu ajya ahandi, abwiriza ubutumwa bwiza bwa Kristo kandi agahanga amatorero. Igihe cyose yahuraga n'abashobora kumwumva yageragezaga kurwanya ikibi kandi akagarura abantu mu nzira y'ubutungane. {INI 226.4}

Pawulo ntiyibagiwe amatorero yari yarahanze. Igihe yabaga amaze gukora urugendo rw'ivugabutumwa, we na Barinaba basubiraga inyuma bagasura amatorero bari barahanze, bagatoranya abantu muri ayo matorero bo gutoza kugira ngo babafashe kwamamaza ubutumwa bwiza. {INI 227.1}

Ibi byerekeranye n'umurimo wa Pawulo bifite inyigisho y'ingenzi ku bavugabutumwa bo muri iki gihe. Guhugurira urubyiruko umurimo w'ivugabutumwa Pawulo yabigize umugabane umwe w'umurimo we. Yajyanaga nabo mu ngendo z'ivugabutumwa maze muri ubwo buryo bakagira icyo bunguka cyabashobozaga kuzuza inshingano y'ubuyobozi nyuma yaho. Igihe yatandukanaga nabo, yakomezaga kumenya uko umurimo wabo ugenda kandi inzandiko yandikiye Timoteyo na Tito ni ibihamya byerekana ukuntu yabifurizaga cyane ko batera imbere. {INI 227.2}

Abakozi b'iki gihe bafite uburambe mu kazi bakora umurimo w'icyubahiro iyo batoza abakozi bakiri bato bakabikoreza imitwaro aho kugira ngo bagerageze kuyikorera yose bonyine. {INI 227.3} Pawulo nta gihe na kimwe yigeze yibagirwa inshingano ze nk'umubwiriza wa Kristo. Nta n'ubwo yigeze yibagirwa ko niba abantu bashobora kuzimira biturutse ku kutiringirwa kwe, Imana yari kuzabimubaza. Yavuze ku

butumwa bwiza ati: *“Iryo nahindukiye umubwiriza, nkurikije ubusonga Imana yampaye ku bwanyu, kugira ngo mbwirize abantu ijambo ry’Imana ryose, ari ryo bwa bwiru bwahishwe, uhereye kera kose n’ibihe byose, ariko none bukaba bwarahishuriwe abera bayo, abo Imana yishimiye kumenyesha ubutunzi bw’ubwiza bw’ubwo bwiru bwageze mu banyamahanga; ni bwo Kristo uri muri mwe, ni byo byiringiro by’ubwiza. Ni we twamamaza, tuburira umuntu wese, tumwigisha ubwenge bwose; kugira ngo tumurikire Imana umuntu wese, amaze gutunganiriza rwose muri Kristo: icyo ni cyo gituma nkora cyane, ndwanana umwete, nk’uko Imbaraga ze ziri zinkoreramo cyane.”* Abakolosayi 1:25-29. {INI 227.4}

Aya magambo agaragariza Umukozi wa Kristo intego yo hejuru akwiye kugeraho. Nyamara iyi ntego ishobora kugerwaho n’abemera kuyoborwa n’Umwigisha Mukuru kandi bigira mu ishuri rya Kristo buri munsi. Imbaraga iturutse ku Mana nta rubibi igira, kandi umuvugabutumwa ufite ibyo akeneye cyane maze akihererana n’Uwiteka, ashobora kwizezwa ko azahabwa ikizabera abamwumva impumuro y’ubugingo itanga ubugingo.{INI 227.5}

Inyandiko za Pawulo zerekana ko umubwirizabutumwa bwiza akwiriye kuba urugero rw’ukuri yigisha, “ntagire igisitaza ashyira mu nzira y’umuntu wese, kugira ngo umurimo utagira umugayo.” Ku byerekeye umurimo we bwite, Pawulo yadusigiye ishusho yawo mu rwandiko yandikiye abizera b’i Korinto. Yaranditse ati: *“Ahubwo ku kintu cyose twihe agaciro, nk’abakozi b’Imana bagabura ibyayo; twihangana cyane mu makuba, mu mibabaro, mu byago, mu biboko, mu mazu y’imbohe, mu midugararo, no mu mihati; tuba maso, twirirwa ubusa, dufite umutima uboneye, dufite ubwenge, tutarambirwa, tugira neza, dufite Umwuka Wera, dufite n’urukundo rutaryarya; tuvuga ijambo ry’ukuri, dufite imbaraga z’Imana, kandi dufite intwaro zo gukiranuka z’iburyo n’iz’ibumoso; mu cyubahiro no mu buhemu, mu mugayo no mu ishimwe. Dutekerezwa ko turi abashukanyi, ariko turi ab’ukuri; dutekerezwa ko turi abatamenyekana, nyamara turi ibirangirire; imbere y’Imana, dusa n’abagiye gupfa, ariko dore turi bazima; dusa n’abahanwa, ariko ntitwicwa; dusa n’abababara ariko twishima iteka; dusa n’abakene, nyamara dutungisha benshi, dusa n’abatagira icyo bafite nyamara dufite byose. ”* 2 Kor 6:3, 4-10. {INI 228.1}

Yandikiye Tito ati: *“N’abasore ni uko, ubahugure kudashayisha; wiyerekane muri byose nk’ikitegererezo cy’imirimo myiza, kandi mu*

iyigisha ryawe, ugaragaze uko uboneye, udapfa gutera waraza; n'ijambo ryawe ribe rizima ritariho umugayo, kugira ngo umuntu uri mu ruhande rw'ababisha amware, atabonye ikibi yakuvuga." Tito 2:6-8. {INI 228.2}

Nta kintu na kimwe gifite agaciro gakomeye mu maso y'Imana kuruta abagabura bayo bagenda ahantu hasuzuguritse ku isi babiba imbuto z'ukuri, barindiriye umusaruro. Uretse Kristo, nta muntu n'umwe ushobora gupima uguhangayika kw'abagaragu be mu gihe bashaka inzimizi. Abaha Mwuka we, kandi kubw'imihati yabo, abantu bakurwa mu cyaha bakajya mu butungane. {INI 228.3}

Imana irahamagara abantu bifuza kureka imirima yabo, ubucuruzi bwabo ndetse byaba ngombwa bagasiga n'imiryango yabo kugira ngo bahinduke abavugabutumwa bayo kandi guhamagara kwayo kuzasubizwa. Mu bihe byahise habayeho abantu barehejwe n'urukundo rwa Kristo n'ubukene bw'abazimiye maze bareka kumererwa neza mu miryango yabo no kubana n'incuti zabo, ndetse n'abagore n'abana babo, bajya mu bindi bihugu mu basengaga ibigirwamana n'abari batuye mu mashyamba kugira ngo bamamaze ubutumwa bw'imbabazi. Mu kugerageza gukora uwo murimo, benshi batakaje ubuzima bwabo; nyamara abandi bagiye bahagurutswa kugira ngo bakomeze umurimo. Muri ubwo buryo, buhoro buhoro, umurimo wa Kristo wakomeje kujya imbere kandi imbuto yabibanwe agahinda yatanze umusaruro mwinshi cyane.Kumenya Imana byaramamajwe bigera kure cyane kandi ibendera ry'umusaraba ryazamuwe mu bihugu by'abapagani. {INI 228.4}

Kugira ngo umunyabyaha umwe ahinduke, umubwiriza agomba gukoresha ibyo afite byose mu buryo bwimazeyo. Umuntu Imana yaremye kandi Kristo yacunguye, afite agaciro kanini kubera ubushobozi buri imbere ye, amahirwe mu by'Umwuka yagenewe, ubushobozi abasha igihe asubijwemo ubugingo n'ijambo ry'Imana, ndetse no kudapfa ashobora kubonera mu byiringiro biri mu butumwa bwiza. Kandi niba Kristo yararetse intama mirongo cyenda n'icyenda kugira ngo ashake kandi akize intama imwe yazimiye, twebwe dushobora kugaragazwa ko turi mu kuri dute igihe dukora ibiri munsi y'ibyo? Mbese ntabwo ari ukwirengagiza gukora nk'uko Kristo yakoze,

kwitanga nk’uko yitanze, mbese si ugutatira inshingano yera, mbese si igitutsi ku Mana? {INI 229.1}

Umutima w’umugabura nyakuri wuzuyemo kwifuza gukiza abantu. Akoresha igihe n’imbaraga, ntabwo ahunga umuhati wuzuye imiruho kubera ko abona ko abandi bagomba kumva ukuri kwatumye agira ibyishimo, amahoro n’umunezero. Mwuka wa Kristo amubaho. Arinda abantu nk’ugomba kuzababazwa. Ahanga amaso ku musaraba w’i Kaluvari, akitegereza Umukiza wabambwe, akishingikiriza ku buntu bwe yizeye ko Kristo azabana nawe kugeza ku iherezo kandi ko azamubera ingabo imukingira, imbaraga ze n’ubushobozi bwe maze agakorera Imana abikuye ku mutima. Ashaka uko yakiriza Yesu imitima agahamagara abazimiye afite kwinginga kuvanze n’amasezerano y’urukundo rw’Imana, kandi mu ijuru ashyirwa mu mubare w’ *“abahamagawe, batoranyijwe kandi bakiranuka.”* Ibyahishuwe 17:14. {INI 229.2}

****

IGICE CYA 35 - AGAKIZA KU BAYAHUDI.
(Iki gice gishingiye ku Rwandiko rwandikiwe Abanyaroma)

Nyuma yo gutinda cyane kudatewe n'ubushake bwe, amaherezo Pawulo yaje kugera i Korinto; ahantu kera yari yarakoreye umurimo umugoye, kandi igihe kimwe akaba yari yarahitayeho cyane. Yabonye ko benshi mu bizera ba mbere bamukundaga nk'umuntu wa mbere wari warabazaniye umucyo w'ubutumwa bwiza. Igihe yaramutsaga aba bigishwa kandi akabona ubunyangamugayo n'umwete byabo; yashimishijwe n'uko umurimo yari yarakoreye i Korinto utari warabaye imfabusa. {INI 230.1}

Abizera b'i Korinto, bari barigeze guta umurongo w'umuhamagaro wabo muri Kristo, noneho bari bariyongereye imbaraga z'imico ya Gikristo. Amagambo yabo n'ibikorwa byabo byagaragazaga imbaraga ihindura y'ubuntu bw'Imana kandi icyo gihe noneho bari barahindutse imbaraga ikomeye ihagarariye icyiza muri uwo mujyi wari icyicaro cy'ubupagani n'ubupfumu. Muri bagenzi be yakundaga no muri aba bari barahindutse b'abizerwa; niho Pawulo wari unaniwe kandi ahagaritse umutima yaboneye ikiruhuko. {INI 230.2}

Mu gihe yari i Korinto, Pawulo yabonye umwanya wo gushaka ahantu hashya kandi hagutse ho gukorera umurimo. Urugendo yagombaga gukora ajya i Roma rwagize umwanya ukomeye mu bitekerezo bye. Kubona kwizera kwa Gikristo gushora imizi mu mujyi ukomeye nk'uwo wari icyamamare muri icyo gihe, byari bimwe ku byiringiro n'imigambi ikomeye yahozaga ku mutima. Itorero ryari ryaramaze guhangwa i Roma; kandi Pawulo yifuzaga gufatanya n'abizera baho mu murimo wagombaga gukorwa muri Italiya no mu bindi bihugu. Kugira ngo ategurire inzira imirimo yari azakorera muri aba bavandimwe be mu kwizera kandi n'abenshi muri bo yari atabazi, yabohereje urwandiko

rubamenyesha umugambi we wo gusura Roma ndetse n'ibyiringiro yari afite byo kuzamura ibendera ry'umusaraba muri Esipanye. {INI 230.3} Mu rwandiko yandikiye Abanyaroma, Pawulo agaragaza amahame akomeye y'ubutumwa bwiza. Yaberetse uruhande ahagazemo ku bijyanye n'ibibazo byabuzaga amahwemo amatorero y'Abayahudi n'abatari Abayahudi; maze abereka ko ibyiringiro n'amasezerano byari byaragenewe Abayahudi byaje guhabwa n'abatari Abayahudi. {INI 230.4}

Mu buryo bwumvikana cyane kandi bwuzuye imbaraga, intumwa Pawulo yabagejejeho inyigisho zo kugirwa intungane binyuze mu kwizera Kristo. Yizeraga ko ayandi matorero azafashwa n'izo nyigisho yoherereje Abakristo b'i Roma. Mbega ukuntu atashoboraga kubona neza impinduka zikomeye zizaterwa n'amagambo ye! Mu bihe byose ukuri gukomeye ko kugirwa intungane kubwo kwizera kwagiye guhagarara nk'umucyo uri mu mpinga y'umusozi kugira ngo uyobore mu nzira y'ubugingo abanyabyaha bihana. Uyu mucyo ni wo wirikanye umwijima wari mu bitekerezo bya Maritini Luteri maze umuhishurira imbaraga y'amaraso ya Kristo yo kweza icyaha. Uyu mucyo wayoboye imbaga y'abantu bari baremerewe n'ibyaha ubaganisha ku isoko nyakuri y'imbabazi n'amahoro. Buri Mukristo wese akwiye gushima Imana kubera urwandiko rwandikiwe Itorero ry'i Roma. {INI 230.5}

Muri uru rwandiko, Pawulo yisanzuye avuga ubutumwa bwari bumuremereye yari afitiye Abayahudi. Kuva yahinduka, yari yarifuje gufasha abavandimwe be mu kwizera b'Abayahudi kugira ngo basobanukirwe neza n'ubutumwa bwiza. Yaravuze ati: *"Ibyo umutima wanjye wifuza, n'ibyo nsabira Abisirayeli ku Mana, ni ukugira ngo bakizwe."* Abaroma 10:1. {INI 231.1}

Ntabwo icyifuzo Pawulo yari afite cyari icyifuzo gisanzwe. Yahoraga asaba Imana ngo igire icyo ikorera Abisirayeli bari baranze kwemera Yesu w'i Nazareti nka Mesiya wasezeranwe. Yahamirije abizera b'i Roma ati: *"Ndavuga ukuri muri Kristo, simbeshya, kuko umutima wanjye uhamanya nanjye mu Mwuka Wera, yuko mfite agahinda kenshi n'umubabaro udatuza mu mutima wanjye. Ndetse nakwiyifuriza kuvumwa no gutandukanywa na Kristo ku bwa bene wacu, ari bo b'umuryango wanjye ku mubiri; kuko ari Abisirayeli, umugabane wabo ukaba uwo guhinduka abana b'Imana, no guhabwa icyubahiro, n'amasezerano, n'amategeko, n'imihango yo gukorera Imana; ni bo*

bakomotse kuri ba sogokuruza ndetse ni bo Kristo yakomotseho ku mubiri; niwe utegeka byose, ni nawe Mana ishimwe iteka ryose. ” Abaroma 9:1-5. {INI 231.2}

Abisirayeri bari abantu batoranyijwe n’Imana kugira ngo ibakoreshe maze ihe umugisha inyokomuntu yose. Imana yari yaratoranyije abahanuzi benshi muri bo. Aba bahanuzi bari baravuze ukuza k’Umucunguzi wari kuzangwa kandi akicwa n’abari bakwiye kumumenya mbere nk’Uwasezeranwe. {INI 231.3}

Umuhanuzi Yesaya, yitegereje mu binyejana byashize kandi ahamya uko abahanuzi bagiye bangwa maze amaherezo Umwana w’Imana nawe akangwa. Yesaya yanahumekewemo kugira ngo yandike ibyerekeye kwemera Umucunguzi kw’abatari barigeze na rimwe babarirwa mu bana ba Isirayeli. Pawulo yifashishije ubu buhanuzi aravuga ati: “Kandi Yesaya ashira amanga cyane, aravuga ati, *“Nabonywe n’abatanshatse, neretswe abatambaririje.” Ariko ku Bisirayeli aravuga ati, “Ubwoko butumva kandi butongana nabutegeraga amaboko umunsi ukira.”* Abaroma 10:20, 21. {INI 231.4}

Nubwo Isirayeli yanze Umwana wayo, Imana yo ntiyigeze ibanga. Umva uko Pawulo akomeza avuga kuri iyi ngingo: *“Nuko ndabaza nti ‘Mbese Imana yaciye ubwoko bwayo?’ Reka da! Kuko nanjye ndi Umwisirayeli wo mu rubyaro rwa Aburahamu, wo mu muryango wa Benyamini. Imana ntiyaciye ubwoko bwayo yamenye kera. Ntimuzi icyo ibyanditswe bivuga kuri Eliya, uburyo yivovoteye Abisirayeli, abarega ku Mana? Ati, “Mwami, bishe abahanuzi bawe, basenya n’ibicaniro byawe, nanjye nsigaye jyenyine, kandi barashaka kunyica.” Mbese Imana yamushubije iki? Yamushubije iti: “Nisigarije abantu ibibumbi birindwi batarapfukamira Bali.” Nuko rero uko ni ko bikimeze no muri iki gihe; hariho abantu bakeya basigaye batoranijwe kubwo ubuntu.”* Abaroma 11:1-5. {INI 232.1}

Isirayeli yari yarasitaye maze iragwa; nyamara ibi ntibyatumye idashobora kongera kubyuka. Ku kibazo Pawulo yabajije ati *“Mbese basitariye kugwa rwose?”, yaje gusubiza ati:“Ntibikabeho! Ahubwo kugwa kwabo kwatumye agakiza kagera ku banyamahanga, kugira ngo bitere Abisirayeli ishyari. Ariko, ubwo kugwa kwabo kwabereye abari mu isi ubutunzi, kandi gutuba kwabo kukabera abanyamahanga ubutunzi, nkanswe kugwira kwabo! Ariko ndababwira mwebwe*

abanyamahanga, yuko nubahiriza umurimo wanjye, kuko ndi intumwa ku banyamahanga, kugira ngo ahari nteze ishyari kuri bene wacu, mbone uko nkiza bamwe muri bo. Ubwo gucibwa kwabo guhesheje abari mu isi kwiyunga n'Imana, kugarurwa kwabo ntikuzaba kuzuka?" Abaroma 11:11-15. {INI 232.2}

Wari umugambi w'Imana ko ubuntu bwayo bwahishurirwa abanyamahanga kimwe n'Abisirayeli. Ibi byari byaravuzwe neza mu buhanuzi bwo mu Isezerano rya Kera. Mu byo Pawulo avuga akoresha bimwe mu bivugwa muri ubu buhanuzi. Yarabajije ati: *"Mbese umubumbyi ntategeka ibumba, ngo mu mugoma umwe abumbemo urwabya rumwe rwo gukoresha iby'icyubahiro, n'urundi bwo gukoresha ibiteye isoni? None se bitwaye iki, niba Imana, nubwo yashatse kwerekana umujinya wayo no kugaragaza imbaraga zayo, yihanganiranye imbaraga zayo nyinshi inzabya z'umujinya zari zikwiriye kurimbuka; kugira ngo yerekanire ubutunzi bw'ubwiza bwayo ku nzabya z'imbabazi, izo yiteguriye ubwiza uhereye kera, ari zo twebwe abo yahamagaye, atari mu Bayuda bonyine, ahubwo no mu banyamahanga? Nk'uko yavugiye no mu kanwa ka Hoseya, iti : 'Abatari ubwoko bwanjye nzabita ubwoko bwanjye, kandi uwari inyungwakazi nzamwita inkundwakazi. Kandi aho hantu babwiriwe ngo: 'Ntimuri ubwoko bwanjye', ni ho bazitirirwa abana b'Imana ihoraho."* Abaroma 9:21-26.Hoseya 1:10. {INI 232.3}

Nubwo Isirayeli nk'ishyanga yaguye, muri bo hasigaye bamwe b'indakemwa bagombaga gukizwa. Mu gihe Umukiza yazaga hariho abagabo n'abagore b'indahemuka bari barakiranye umunezero ubutumwa bwa Yohana Umubatiza, kandi bari barayobowe kongera kwiga ubuhanuzi bwerekeye Mesiya. Igihe Itorero rya mbere rya Gikristo ryashingwaga, ryari rigizwe n'abo bayahudi b'abizerwa bamenye ko Yesu w'i Nazareti ari we bari barategereje ukuza kwe. Aba basigaye ni bo Pawulo aba avugaho iyo yandika ati: *"Ubwo ifu y'umuganura ari iyera, n'irobe na ryo ni ko riri: kandi ubwo igishyitsi ari icyera, n'amashami ni ko ari."* Abaroma 11:16. {INI 232.4}

Pawulo agereranya abasigaye mu Bisirayeli n'igiti cy'umunzenze cyiza cyahwanyuweho amwe mu mashami yacyo. Agereranya abanyamahanga n'amashami yavuye ku giti kinini cy'umunzenze cyo mu gasozi yatewe ku giti cy'umwimerere. Yandikiye abizera bo mu banyamahanga ati: *"Ariko niba amashami amwe yarahwanyuwe, nawe*

*uri umunzenze wo ku gasozi, ukaba waratewe nk'ingurukira hagati y'amashami, ugasangira nayo amakakama y'igishyitsi cya elayo, ntukirarire ngo ugaye ayo mashami. Niba wirarira uyagaya, wibuke yuko atari igishyitsi kimeze kuri wowe, ahubwo ni wowe umeze ku gishyitsi. Ahari wavuga uti: 'Amashami yahwanyuriwe kugira ngo nterweho.' Ni koko: kutizera ni ko kwayahwanyuje, none nawe kwizera ni ko kuguteyeho. Ntukibone, ahubwo utinye; kuko ubwo Imana itababariye amashami ya kavukire, nawe ntizakubabarira. Nuko urebe kugira neza kw'Imana kandi no kutabera kwayo: ku baguye ni ukutabera; ariko kuri wowe ni ukugira neza, nuguma muri uko kugira neza kwayo: kuko nutagira utyo, nawe uzahwanyurwa."*Abaroma 11:17-22. {INI 233.1}

Binyuze mu kutizera no kwanga umugambi Imana yari ibafitiye, Isirayeli nk'ishyanga yari yaratandukanye n'Imana. Nyamara Imana yari ishoboye kongera guhuza amashami yari yarahanyuwe ku giti cy'umwimerere ikayafatanya n'igiti cy'ukuri cya Isirayeli-ari bo bitwa abasigaye baranambye ku Mana ya ba sekuru. Intumwa Pawulo avuga kuri aya mashami yahwanyuwe ati: *"Kandi ba bandi na bo, nibatagundira kutizera kwabo, bazaterwa nk'ingurukira: kuko Imana ishobora kubagaruraho. Ko wahwanyuwe ku giti cyavutse ari umunzenze, ugaterwa nk'ingurukira kuri elayo nziza utavutseho, nkaswe ba bandi bene yo, ntibazarushaho cyane guterwa mu elayo yabo? Bene Data, kugira ngo mutabona uko mwirata, ndashaka ko mumenya iby'iri banga: Abisirayeli bamwe banangiwe imitima, ariko si bose, kugeza ubwo abanyamahanga bazinjira mu Itorero, bakagera ku mubare ushyitse."*Abaroma 11:23-25. {INI 233.2}

"Nibwo Abisirayeli bose bazakizwa, nk'uko byanditswe ngo, 'Umukiza azava i Siyoni, azakura muri Yakobo kutubaha Imana.' Iryo ni ryo sezerano mbasezeranije, ubwo nzabukuraho ibyaha.' Ku by'ubutumwa bwiza, babaye abanzi b'Imana ku bwanyu; ariko ku byo gutoranywa n'Imana, bayifiteho igikundiro ku bwa ba sekuruza: kuko impano z'Imana no guhamagara kwayo bitavuguruzwa. Nk'uko mwebwe mwagomeraga Imana kera, ariko none mukaba mubabariwe kubw'ubugome bwabo; ni ko na bo bagomye ubu, kugira ngo imbabazi mwagiriwe zibaheshe na bo kubabarirwa: *kuko Imana yabumbiye hamwe abantu bose mu bugome, kugira ngo ibone uko ibababarira bose.* {INI 233.3}

“Mbega uburyo ubutunzi n’ubwenge n’ubumenyi by’Imana bitagira akagero! Imigambi yayo ntihishurika, n’inzira zayo ntizirondoreka. Ni nde wamenya ibyo Uwiteka atekereza? Cyangwa ngo abe umujyanama we? Ni nde wabanje kumuha, ngo azamwiture? Kandi byose ari we bikomokaho, akabibeshaho, akaba ari na we tubikesha? Icyubahiro kibe icye iteka ryose.” Abaroma 11:26-32, 33-36. {INI 234.1}

Bityo Pawulo yerekana ko Imana ishoboye ryose guhindura imitima y’Abayahudi n’iy’abanyamahanga, no guha umuntu wese wizera Kristo imigisha yasezeraniwe Isirayeli. Pawulo asubira mu byavuzwe na Yesaya byerekeye ubwoko bw’Imana agira ati: *“Umubare w’abana ba Isirayeli, naho waba nk’umusenyi wo ku nyanja, igice gito kizaba gisigaye ni cyo kizarokoka: kuko Umwami azasohoza ijambo rye mu isi, akarirangiza bidatinze, kandi akarigabanya. Kandi nk’uko Yesaya yavuze kera ati, ‘Iyaba Umwami Nyiringabo atadushigarije imbuto, tuba twarabaye nk’i Sodomu, tukagereranywa n’i Gomora.”* Abaroma 9:27-29.{INI 234.2}

Igihe Yerusalemu yasenywaga n’urusengero rugahindurwa amatongo, Abayahudi benshi barajyanywe bajya gukora nk’abacakara mu bihugu by’abapagani. Bari baratatanyirijwe mu mahanga nk’ibintu bidafite agaciro byatawe iruhande rw’ubutayu. Mu myaka igihumbi na magana inani Abayahudi bajarajaye bava ahantu hamwe bajya ahandi mu isi yose, kandi nta na hamwe bahawe amahirwe yo kongera gusubirana icyubahiro bahoranye nk’ishyanga. Bakinwe ku mubyimba, baranzwe kandi baratotezwa kandi uko ikinyejana cyashiraga ikindi kikaza, umurage wabo wagiye uba umubabaro. {INI 234.3}

Nubwo Abayahudi nk’ishyanga bavumwe igihe bangaga Yesu w’i Nazareti, mu bihe byose hari abagabo n’abagore b’Abayahudi b’indahemuka babayeho bubaha Imana kandi banyuze mu bihe biruhije batuje. Imana yahumurije umitima yabo mu mibabaro kandi yabarebanye impuhwe mu bihe by’akaga bari barimo. Imana yumvise amasengesho y’umubabaro y’abayishakanaga umutima wabo wose kugira ngo basobanukirwe ijambo ryayo. Bamwe bigishijwe kubona ko Umunyanazareti ucishije bugufi abakurambere babo banze kandi bakabamba ari we Mesiya nyakuri wa Isirayeli. Igihe intekerezo zabo zasobanukirwaga n’ubuhanuzi bari bamenyereye bwari bumaze igihe bwarijimishijwe n’imigenzo n’ubusobanuro bwabwo bufuditse, imitima

yabo yuzujwe gushima Imana kubw'impano itabona uko ivugwa iha buri muntu wese uhitamo kwemera Kristo nk'Umukiza we bwite. {INI 234.4}

Iri tsinda ry'abantu niryo Yesaya yerekezagaho mu buhanuzi bwe avuga ati, *"Igice gito kizaba gisigaye ni cyo kizarokoka." Kuva mu gihe cya Pawulo kugeza ubu, Imana yagiye ihamagara Umuyahudi kimwe n'umunyamahanga ikoresheje Mwuka Muziranenge. Pawulo yaravuze ati: "Kuko Imana itarobanura abantu ku butoni."* Abaroma 2 :11. Intumwa Pawulo yitekerejeho nk'"urimo umwenda Abagiriki n'abatari Abagiriki" kimwe n'Abayahudi; nyamara ntiyigeze areka kuzirikana amahirwe Abayahudi barushaga abandi, by'umwihariko kubera ko *"babikijwe ibyavuzwe n'Imana."* Abaroma 3 :2. Yaravuze ati, *"Ubutumwa bwiza ni imbaraga y'Imana ihesha uwizeye wese gukizwa, uhereye ku Muyuda, ukageza ku Mugiriki: Kuko muri bwo ari na mo gukiranuka kuva ku Mana guhishurirwa, guheshwa no kwizera, kugakomezwa na ko, nk'uko byanditswe ngo. 'Ukiranuka azabeshwaho no kwizera.' "* (Abaroma 1:16, 17). Ubu butumwa bwiza bwa Kristo, buhwanye ku muyuda no ku munyamahanga, ni bwo Pawulo yavuzeho mu rwandiko yandikiye Abaroma ahamya ko butamukoza isoni. {INI 234.5}

Igihe ubu butumwa bwiza uko bwakabaye buzabwirwa Abayahudi, benshi bazemera ko Kristo ari Mesiya. Mu bagabura b'Abakristo harimo bake gusa bumva ko bahamagariwe kwigisha Abayahudi; nyamara abo bagiye birengagizwa kenshi kimwe n'abandi bose, bagomba kugezwaho ubutumwa bw'imbabazi n'ibyiringiro muri Kristo. {INI 235.1}

Mu isozwa ryo kwamamaza ubutumwa bwiza, igihe hari umurimo udasanzwe ugomba gukorerwa amatsinda y'abantu basanzwe basuzugurwa, Imana yiteze ko intumwa zayo zita by'umwihariko ku Bayahudi zisanga mu mpande zose z'isi. Kubera ko Ibyanditswe mu Isezerano rya Kera bihuza n'Isezerano Rishya mu gusobanura umugambi uhoraho w'Imana, ibi bizabera benshi mu Bayahudi nk'umuseke w'irema rishya, bibabere umuzuko w'ubugingo. Uko bitegereza Kristo wo mu gihe cy'itangira ryo kwamamaza ubutumwa bwiza avugwa mu Byanditswe mu Isezerano rya Kera, kandi bakabona uburyo Isezerano Rishya risobanura neza Ibyanditswe mu Isezerano rya Kera, ibitekerezo byabo bisinziriye bizakanguka kandi bazamenya ko Kristo ari Umukiza w'isi. Kubwo kwizera, benshi bazakira Kristo nk'Umucunguzi wabo. Aya magambo azasohorezwa kuri bo ngo:

“Icyakora abamwemeye bose, bakizera izina rye, yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b’Imana.” Yohana 1:12. {INI 235.2}

Mu Bayahudi hariho bamwe nka Sawuli w’i Taruso bakomeye mu byanditswe, kandi aba ni bo bazamamazanya imbaraga ikomeye ko itegeko ry’Imana ridahinduka. Imana ya Isirayeli izatuma ibi bibaho mu bihe byacu. Ukuboko kwayo ntikwaheze ngo ananirwe gukiza. Uko abagaragu bayo bakora mu kwizera bakita kuri abo birengagijwe kandi basuzuguwe igihe kirekire, agakiza kayo kazahishurwa. {INI 235.3} “Ni cyo gituma Uwiteka wacunguye Aburahamu avugira inzu ya Yakobo ati: *‘Noneho Yakobo ntazakorwa n’isoni; kandi mu maso he ntihazasuherwa. Kandi we n’abana be nibabona ibyo nkorera muri bo, bazeza izina ryanjye; ni koko bazeza Uwera wa Yakobo, kandi bazatinya Imana ya Isirayeli, n’abayoba mu mitima na bo bazahinduka abajijutse, n’abinuba bazemera kubwirizwa.”* Yesaya 29:22-24. {INI 235.4}

****

IGICE CYA 36 - UBUHAKANYI I GALATIYA
(Iki gice gishingiye kn Rzvandiko rwandikiwe Abanyagalati)



Igihe Pawulo yari agitinze i Korinto, yari afitiye impungenge amatorero amwe yari yarahanzwe. Bitewe n'uruhare rw'abigisha b'ibinyoma bari barabonetse mu bizera b'i Yerusalemu; amacakubiri, ubuyobe no kwinezeza byarushagaho kwiyongera mu bizera b'i Galatiya. Aba bigisha b'ibinyoma bavangavangaga imigenzo ya kiyahudi n'ukuri k'ubutumwa bwiza. Birengagije icyemezo cy'inama rusange yabereye i Yerusalemu maze basaba ko abanyamahanga bahindutse bakubahiriza amategeko y'imihango. {INI 236.1}

Ibintu byari bigeze iwa ndabaga. Ibibi byari byarinjijwe mu matorero y'i Galatiya byarushijeho kongera umurego mu kuyasenya. {INI 236.2} Pawulo yashengutse umutima kandi abuzwa amahoro n'ubwo buyobe bwari mu bantu yari yarigishije neza amahame y'ubutumwa bwiza. Yahereyeko yandikira abizera bari barayobejwe, yerekana inyigisho z'ibinyoma bari baremeye kandi acyaha cyane abarekaga ukwizera. Amaze kuramutsa Abanyagalatiya muri aya magambo ati, *"Ubuntu bube muri mwe n'amahoro, biva ku Mana Data wa twese no ku Mwami wacu Yesu Kristo", yakomeje abacyaha muri aya magambo:* {INI 236.3}

"Ndatangazwa n'uko mwimuye vuba mutyo, mukareka uwabahamagariye guhabwa ubuntu bwa Kristo, mukajya ku bundi butumwa: nyamara si ubundi, ahubwo ni ikindi. Hariho abantu babahagarika umutima, bagashaka kugoreka ubutumwa bwiza bwa Kristo. Ariko nihagira ubabwiriza ubutumwa butari ubwo twababwirije, ari twe, cyangwa ndetse marayika uvuye mu ijuru, avumwe." (Gal 1:68).

Inyigisho za Pawulo zari zihuje n'Ibyanditswe kandi Mwuka Muziranenge yari yarahamije imirimo ye bityo aburira abavandimwe be kwirinda gutegera amatwi inyigisho zinyuranye n'ukuri yari yarabigishije. {INI 236.4}

Intumwa Pawulo yasabye abizera b'i Galatiya kuzirikana imibereho yabo ya mbere mu buzima bwa Gikristo. Yaravuze ati: *"Yemwe Bagalatiya b'abapfapfa, ni nde wabaroze, mweretswe Yesu Kristo nk'ubambwe ku musaraba mu maso yanyu? Ibi byonyine ni byo nshaka ko mumbwira. Mbese imirimo itegetswe n'amategeko ni yo yabahesheje Umwuka, cyangwa se ni uko mwumvise mukizera? Muri abapfapfa mutyo? Mwatangiye iby'Umwuka, none mubiherukije iby'umubiri? Ya mibabaro myinshi mwayibabarijwe ubusa? Niba yari iy'ubusa koko.Mbese ibaha Umwuka, igakora ibitangaza muri mwe, ibikoreshwa n'uko mukora imirimo itegetswe n'amategeko cyangwa ni uko mwumvise mukizera?"* Gal 3:1-5. {INI 236.5}

Bityo Pawulo yaregeye abizera b'i Galatiya imitimanama yabo bwite kandi ashaka uko yabahagarika mu byo bari barimo. Yishingikirije ku mbaraga y'Imana ikiza kandi yanga kwemera inyigisho z'abigisha bayobye. Intumwa Pawulo yagerageje kwereka abahindutse ko bayobejwe cyane; ariko ko nibagarukira kwizera kwa mbere bari bafite mu butumwa bwiza bashobora gutsinda umugambi wa Satani. Yashikamye mu ruhande rw'ukuri n'ubutungane; kandi ukwizera kwe gukomeye n'icyizere yari afitiye ubutumwa yabwirizaga, byafashije benshi bari baracogoye mu kwizera maze bagarukira kumvira Umukiza. {INI 237.1}

Mbega uko uburyo Pawulo yandikiye Itorero ry'i Korinto butandukanye n'ubwo yakoresheje yandikira Abanyagalati! Itorero ry'i Korinto yaricyahanye ubwitonzi n'ubugwaneza, ariko ku matorero y'i Galati yo yakoresheje amagambo akarishye yo gucyaha. Abanyakorinto bari baratsinzwe n'ibigeragezo. Bayobejwe n'ubucakura bwuzuye ubuhanga bw'abigisha bigishaga ibinyoma byari byihishe mu kuri. Bari baraguye mu rujijo kandi barataye umutwe. Kubigisha gutandukanye ikinyoma n'ukuri byasabaga ubwitonzi no kwihangana. Iyo Pawulo ajya gukoresha ubukana no guhubuka aba yarashenye icyizere yari yiteze mu bo yifuzaga gufasha. {INI 237.2}

Mu matorero y'i Galatiya, ikinyoma kigaragara cyagendaga gihabwa intebe kigasimbura ubutumwa bwiza. Kristo we rufatiro nyakuri rwo kwizera yarirengagijwe maze agaciro gahabwa imihango ya Kiyahudi yari itakijyanye n'igihe. Intumwa Pawulo yabonye ko abizera b'i Galatiya nibakizwa ako kaga kari kabugarije, hagombaga gufatwa ingamba zikomeye ndetse n'imiburo irushijeho gukomera igatangwa. {INI 237.3}

Icyigisho gikomeye kiri aha ni uko buri mugabura wa Kristo akwiriye gushingira ibikorwa bye ku mibereho y'abo ashaka kugarurira Kristo. Ubugwaneza, kwihangana, gufata ibyemezo no kudahuzagurika byose bikenewe mu buryo bumwe; nyamara ibi bigomba gukoreshwa mu buryo butandukanye. Gukorana neza n'abantu bafite ibitekerezo binyuranye, ukorera mu bihe bitandukanye, ni umurimo usaba ubwenge n'ibitekerezo bimurikiwe kandi byejejwe na Mwuka w'Imana. {INI 237.4}

Mu rwandiko Pawulo yandikiye abizera b'i Galatiya, yabagejejeho muri make ibijyanye no guhinduka kwe ndetse n'imibereho ye ya Gikristo ya mbere. Mu kwifashisha ubu buryo, yifuzaga kwerekana ko yayobowe ku kubona no gusobanukirwa ukuri gukomeye k'ubutumwa bwiza binyuze mu kwigaragaza kudasanzwe kw'imbaraga mvajuru. Pawulo yifashishije amabwiriza yahawe n'Imana ubwayo kugira ngo aburire Abanyagalati kandi anabahane mu buryo bwiza. Ntabwo yanditse ategwa kandi ashidikanya, ahubwo yari afite kwizera gushikamye n'ubumenyi bushyitse. Yagaragaje neza itandukaniro riri hagati yo kwigishwa n'umuntu no kwakira inyigisho ziturutse kuri Kristo mu buryo butaziguye. {INI 237.5}

Intumwa Pawulo yashishikarije Abanyagalati kwitandukanya n'abayobozi b'abanyabinyoma bari barabayobeje bityo bagahindukirira ukwizera kwari kwaraherekejwe n'ibihamya bitabeshya byo kwemerwa n'Imana. Abantu bari barageragejе kubavana mu kwizera ubutumwa bwiza kwabo, bari indyarya, abanduye mu mutima kandi bangiritse mu mibereho yabo. Idini yabo yari igizwe n'imihango myinshi biringiraga ko barakura kwemerwa n'Imana mu kuyikora. Ntibifuzaga ubutumwa bwiza bwasabaga abantu kumvira ijambo ry'Imana. *"… umuntu utabyawe ubwa kabiri, ntabasha kubona ubwami bw'Imana."* (Yohana 3:3). Biyumvishaga ko idini ishingiye ku ihame nk'iryo ribasaba kwitanga birenze urugero bityo batsimbarara ku binyoma byabo, bishuka bagashuka n'abandi. {INI 238.1}

Nk’uko byari bimeze mu minsi y’aba bigisha b’Abayahudi, gusimbuza ubutungane bw’umutima n’ubw’imibereho imihango igaragarira amaso y’idini, biracyashimisha kamere itarahindutse. Nk’uko byari bimeze kera, ubu hariho abayobozi mu by’umwuka b’abanyabinyoma abo abantu benshi bategera amatwi inyigisho zabo babishishikariye. Kuyobya intekerezo z’abantu akazivana ku byiringiro by’agakiza kabonerwa mu kwizera Kristo no kumvira amategeko y’Imana, ni umugambi Satani yateguye neza. Mu bihe byose byabayeho, umwanzi mukuru agerageza guhuza ibigeragezo n’ibintu abo ashaka gushuka bakunda kubogamiramo. Mu bihe by’intumwa, yashoye Abayahudi guha isumbwe amategeko y’imihango banga Kristo. Muri iki gihe turimo, atera benshi bitwa ko ari Abakristo (bagaragaza ko bubaha Kristo) gusuzugura amategeko y’Imana no kwigisha ko ashobora kwirengagizwa ntihabeho guhanwa. Ni inshingano ya buri mugaragu w’Imana wese kuvuguruza abo bagoreka ukwizera ashikamye kandi adakebakeba ndetse akagaragaza ibinyoma byabo akoresheje ijambo ry’ukuri adatinya. {INI238.2}

Mu muhati we wo kongera kwigarurira icyizere ku bavandimwe be b’i Galatiya, Pawulo yashimangiye umwanya yari afite nk’intumwa ya Kristo. Yavuze ko we ubwe ari intumwa “itari iy’abantu cyangwa iy’umuntu ahubwo yashyizweho na Yesu Kristo n’Imana Data yamuzuye mu bapfuye.” Inshingano ye ntiyari yarayihawe n’abantu ahubwo yatumwe n’Umutware usumba bose wo mu ijuru. Uyu mwanya yari afite wari waremejwe n’inteko rusange yabereye i Yerusalemu kandi ibyemezo byayivuyemo ni byo Pawulo yari yaragendeyeho mu mirimo yose yari yarakoreye mu banyamahanga. {INI 238.3}

Igihe Pawulo yatangaga igihamya ko *“atari arutwa n’intumwa zikomeye”, ntabwo yabikoreye kwishyira hejuru ahubwo yashakaga kwerereza ubuntu bw’Imana.”* (2Abakorinto 11:5). Abashakaga kudaha agaciro umuhamagaro n’umurimo we barwanyaga Kristo nyir’ubuntu n’imbaraga byagaragariye muri Pawulo. Kurwanywa n’abanzi be kwatumye Intumwa Pawulo yihatira gufata icyemezo cyo gukomera ku mwanya we n’ubutware bwe. {INI 239.1}

Pawulo yasabye abari barigeze kumenya imbaraga y’Imana mu mibereho yabo guhindukirira urukundo rwa mbere bari bafitiye ukuri k’ubutumwa bwiza. Yifashishije ingingo zidashidikanywaho, ababwira amahirwe bari bafite yo guhinduka abagabo n’abagore bafite

umudendezo muri Kristo, uwo abiyegurira Imana burundu bose bambikwa ikanzu y'ubutungane bwe binyuze mu buntu bwe bukuraho ibyaha.Yemeje ko umuntu wese uzakizwa agomba kumenya iby'Imana by'ukurikandi ku giti cye. {INI 239.2}

Amagambo akomeye yo kwinginga y'intumwa Pawulo ntiyapfuye ubusa. Mwuka Muziranenge yakoranye imbaraga ikomeye ku buryo abari barayobye bagarutse ku kwizera ubutumwa bwiza kwabo kwa mbere. Kuva ubwo bakomerejwe mu mudendezo Kristo yari yarabahaye. Imbuto za Mwuka zatangiye kugaragara mu mibereho yabo. Izo mbuto ni *"urukundo, ibyishimo, amahoro, kwihangana, kugira neza, ingeso nziza, kwizera, gukiranuka, kugwa neza no kwirinda."* (Abagalatiya 5 :22-23). Izina ry'Imana ryahawe icyubahiro kandi muri iyo ntara yose abantu benshi biyongereye ku mubare w'abizera. {INI 239.3}

****

IGICE CYA 37 - PAWULO AJYA I YERUSALEMU BWA NYUMA
(Iki gice gishingiye ku Byakozwe n'Intumwa 20:4-21:16).



Pawulo yifuzaga cyane kugera i Yerusalemu mbere ya Pasika kugira ngo ashobore guhura n'abantu baturukaga hirya no hino ku isi baje muri uwo munsi mukuru. Yari yaragize icyizere ko igihe kimwe azahinduka igikoresho cyo gukuraho imyumvire ya bene wabo batizeraga kugira ngo bayoborwe ku kwemera umucyo ukomeye w'ubutumwa bwiza. Yifuzaga kandi guhura n'Itorero ry'i Yerusalemu kugira ngo abashyikirize impano zoherejwe n'amatorero y'abanyamahanga ngo zihambwe abavandimwe babo mu kwizera b'abakene b'i Yudaya. Muri uku gusura yiringiraga gutuma habaho ubumwe bukomeye hagati y'Abayahudi n'abanyamahanga bahindukiriye kwizera. {INI 240.1}

Arangije umurimo we w'i Korinto, yiyemeje kwambuka yerekeza ku cyambu kimwe cyo ku nkengero za Palesitina. Imyiteguro yose yari yarakozwe kandi igihe yari hafi kwinjira mu bwato nibwo yamenyeshejwe iby'imigambi mibisha y'Abayahudi bashakaga kumwica. Mu bihe byari byarashize, aba bantu barwanyaga ukwizera bari barageregeje mu buryo bwose gutuma umurimo w'intumwa Pawulo uhagarara. {INI 240.2}

Iterambere ryabaga mu murimo w'ibwirizabutumwa ryongeye kubyutsa uburakari bw'Abayahudi. Hirya no hino haturukaga inkuru zivuga ku gukwirakwira kw'inyigisho nshya zatumaga Abayahudi babohorwa ku kubahiriza imigenzo y'amategeko y'imihango kandi n'abanyamahanga bagahabwa uburenganzira bungana nk'abana ba Aburahamu. Igihe Pawulo yabwirizaga i Korinto, yavuze ingingo zimwe

nk’izo yakoresheje mu nzandiko yabandikiye. Amagambo ashimangira yavuze agira ati, *“ntihariho Umugiriki cyangwa Umuyuda, uwakebwe cyangwa utarakebwe,”* (Abakolosayi 3:11) yafashwe n’abanzi be ko ari ugutuka Imana maze baherako biyemeza kumucecekesha. {INI 240.3}

Pawulo amaze kuburirwa ibyerekeye uwo mugambi mubisha, yafashe umwanzuro wo kujya i Makedoniya. Umugambi we wo kugera i Yerusalemu mbere ya Pasika kugira ngo ayitabire yagombaga kuwureka nyamara yari yizeye ko Pentekote izaba ahari. {INI 240.4} Abajyanaga na Pawulo na Luka ni *“Sopatero w’i Beroya, na Arisitariko na Sekondo b’i Tesalonike, na Gayo w’i Derube, na Timoteyo na Tukiko na Tirofimo bo mu Asiya.”* (Ibyak 20:4). Pawulo yari yitwaje amafaranga menshi cyane yahawe n’amatorero y’abanyamahanga. Pawulo yari afite umugambi wo gushyikiriza aya mafaranga abari bashinzwe ivugabutumwa i Yudaya. Kubera iyi mpamvu yakoze gahunda yo kujyana na ziriya ntumwa zari zihariye abandi ziturutse mu matorero atandukanye yatanze izi mpano kugira ngo bamuherekeze i Yerusalemu. {INI 240.5}

Pawulo ageze i Filipi, yarahatinze kugira ngo yubahirize Pasika. Luka wenyine ni we wasigaranye na we maze abandi bari kumwe na we barakomeza bajya i Tirowa aba ari ho bamutegerereza. Mu bantu Pawulo yari yaratumye bahinduka, Abanyafilipi nibo bari bafite urukundo ruhebuje n’umutima w’ukuri kandi mu gihe cy’iminsi munani Pawulo yamaranye na bo mu minsi mikuru yanezejwe no kubana na bo mu mahoro no mu busabane. {INI 241.1}

Pawulo na Luka barambutse bava i Filipi bagera i Tirowa aho basanze bagenzi babo nyuma y’iminsi itanu maze bamarana iminsi irindwi n’abizera baho. {INI 241.2} Bigeze ku mugoroba wa nyuma wo kuba i Tirowa abavandimwe mu kwizera *“bateraniye hamwe bamanyagura imitsima.”* (Ibyak 20:7). Kubera ko umwigisha wabo bakundaga yari hafi gutandukana na bo, byatumye haza abantu benshi birenze uko byari bidasanzwe. Bateraniye mu ” cyumba cyo hejuru” mu igorofa rya gatatu. Kubera urukundo no kubitaho cyane byatumye Pawulo abwiriza kugeza mu gicuku. {INI 241.3}

Muri rimwe mu madirishya yari akinguye hari hicaye umusore witwaga Utuko. Utuko yari yicaye aho hantu hateje akaga arasinzira aza kugwa hasi ku mbuga. Muri uwo mwanya ibintu byabaye induru

n’urujijo. Utuko yazamuwe mu nzu yo hejuru yapfuye maze abantu benshi bamukikiza bavuza induru kandi bamuririra. Ariko Pawulo anyura mu bantu bari bafite ubwoba, aramuhobera maze asengana umutima ushengutse asaba Imana kugira ngo imugarurire ubuzima. Gusaba kwe kwarasubijwe. Ijwi ry’intumwa ryumvikanye riruta amarira n’imiborogo y’abari aho. Yaravuze ati: *“Mwiboroga, kuko ubugingo bwe bumurimo.” Abizera bongeye guteranira mu cyumba cyo hejuru banezerewe. Basangiye ifunguro maze Pawulo “akomeza kubaganiriza byinshi kugeza mu museso.”* Ibyak 20:11. {INI 241.4}

Ubwato Pawulo na bagenzi be bari bagiye gukomezanya urugendo bwari hafi kugenda maze bahereyeko bihutira kubujyamo. Nyamara intumwa Pawulo we yahisemo gukurikira inzira y’ubusamo yo ku butaka iva i Tirowa ijya Aso aho yahuriye na bagenzi be. Ibyo byatumye abona igihe gito cyo kuvugana n’Imana no gusenga.Ibijyanye n’ingorane n’akaga bijyana n’igihe cyo gusura yari agiye kugirira i Yerusalemu, uko amatorero yaho yamubonaga n’umurimo we kimwe n’uko amatorero yari ameze ndetse n’inyungu z’umurimo wo kubwiriza ubutumwa bwiza mu tundi turere; ibyo byose byari bimuhagaritse umutima maze abona amahirwe yo gukoresha uyu mwanya udasanzwe wo gusaba Imana imbaraga ngo imuyobore. {INI 241.5}

Igihe abagenzi bamanukaga mu bwato bava Aso bahitaga ku mujyi wa Efeso aho Pawulo yari yarakoreye umurimo. Pawulo yari yarifuje cyane gusura Itorero ryaho kuko yari afite amabwiriza n’inama by’ingenzi yagombaga kubagezaho. Amaze kubitekerezaho yiyemeje kwihuta kuko yifuzaga ko ” *niba bishoboka, umunsi wa Pentekote wazaba ari i Yerusalemu.”* Ibyakozwe 20:16. Nyamara bageze i Mileto nko mu birometero mirongo ine n’umunani uvuye mu Efeso, yabwiwe ko bishoboka ko yavugana n’abizera mbere y’uko ubwato butsuka. Uwo mwanya yahise atuma ku bakuru b’amatorero abasaba kwihutira kuza i Mileto kugira ngo babonane mbere yo gukomeza urugendo rwe. {IN242.1}

Bahereye ko baza maze ababwira amagambo akomeye, amagambo akora ku mutima yo kubahugura no kubasezeraho. Yarababwiye ati: *“Ubwanyu muzi uko nabanaga namwe iteka ryose, uhereye umunsi natangiriye kujya mu Asiya, nkorera Umwami nicisha bugufi cyane, kandi ndira, nterwa ibingerageza n’inama z’Abayuda. Kandi muzi y’uko ari nta jambo ribafitiye akamaro nikenze kubabwira cyangwa*

kubigishiriza imbere ya rubanda no mu ngo zanyu rumwe rumwe. Nahamirije Abayuda n'Abagiriki kwihana imbere y'Imana, no kwizera Umwami Yesu Kristo." Ibyak 20:18-21. {INI 242.2}

Pawulo yari yarerereje amategeko y'Imana. Yari yarerekanye ko muri yo nta mbaraga irimo yo gukiza abantu ngo ibakure mu gihano cyo kutumvira. Abantu b'inkozi z'ibibi bagomba kwihana ibyaha byabo kandi bakicisha bugufi imbere y'Imana, Iyo batumye uburakari bwayo bubazaho kubera kutubahiriza amategeko yayo. Bagombaga kandi kwizera amaraso ya Kristo nk'uburyo bwonyine rukumbi bwo kubabarirwa. Umwana w'Imana yapfuye ari igitambo cyabo kandi yari yarazamuwe mu ijuru kugira ngo ahagarare imbere ya Data wa twese nk'umuvugizi wabo. Kubwo kwihana no kwizera bashoboraga gukurwaho gucirwaho iteka kubera icyaha kandi kubw'ubuntu bwa Kristo bagashobozwa kumvira amategeko y'Imana kuva ubwo. {INI 242.3}

Pawulo yakomeje avuga ati: *"None dore, ngiye i Yerusalemu, mboshwe mu mutima; ibizambaho ngezeyo simbizi; keretse yuko Umwuka Wera ampamiriza mu midugudu yose, yuko ingoyi n'imibabaro bintegererejeyo. Ariko sinita ku bugingo bwanjye, ngo nibwire ko ari ubw'igiciro kuri jye, kuko nkwiriye kurangiza urugendo rwanjye n'umurimo nahawe n'Umwami Yesu wo guhamya ubutumwa bwiza bw'ubuntu bw'Imana. None dore, nzi yuko mutazongera kumbona, abo nanyuzemo mwese mbabwiriza iby'ubwami bw'Imana. "*
Ibyak 20:22-25. {INI 242.4}

Pawulo ntiyari yiteguye gutanga ubu buhamya; ariko igihe yavugaga, Mwuka Muziranenge yamujeho amwemeza iby'ubwoba yari afite ko ubwo bwari ubwa nyuma abonanye n'abavandimwe be mu kwizera bo mu Efeso. {INI 242.5} *"Ni cyo gituma mbahamiriza uyu munsi yuko amaraso ya bose atandiho, kuko ntikenze mbabwira ibyo Imana yagambiriye byose."*(Ibyak 20:26, 27). Pawulo ntiyatewe ubwoba no kuba yakomeretsa abantu mu magambo, cyangwa ngo yifuze gukundwa no gushimagizwa ku buryo byamutera kwirinda kuvuga amagambo Imana yamuhaye ngo abigishe, ababurire cyangwa abahugure. Muri iki gihe, Imana yifuza ko abagaragu bayo babwiriza ijambo ryayo kandi bagashyira mu bikorwa ibyo iryo jambo risaba badatinya. Umugabura wa Kristo ntakwiriye kwigisha abantu ukuri

kubanezeza gusa ngo ye kubabwira ukundi kuri gushobora kubatoneka. Akwiriye kuba maso akita ku buryo imico y'abantu igenda itera imbere.

Igihe abonye ko bamwe mu mukumbi bagundiriye icyaha, nk'umwungeri udahemuka agomba kubabwira impanuro ziva mu ijambo ry'Imana zihuje n'ikibazo bafite. Igihe abaretse ngo bakomeze mu kwiyemera kwabo atababuriye, azabazwa ubugingo bwabo. Umugabura usohoza inshingano ye ikomeye agomba kwigisha abantu ashinzwe inyigisho nyazo zigendanye na buri ngingo yose y'ukwizera kwa Gikristo, akabereka icyo bagomba kuba cyo n'icyo bagomba gukora kugira ngo ku munsi w'Imana bazahagarare ari intungane. Uwigisha ukuri w'indahemuka gusa ni we ku iherezo ry'umurimo we uzasobora kuvuga nka Pawulo ati, *"Amaraso ya bose ntandiho."* Ibyak 20:26. {INI 243.1}

Intumwa Pawulo yagiriye inama abavandimwe be mu kwizera ati: *"Mwirinde ubwanyu, murinde n'umukumbi wose Umwuka Wera yabashyiriyeho kuba abarinzi, kugira ngo muragire Itorero ry'Imana, iryo yaguze amaraso yayo."* (Ibyak 20:28).Iyaba abagabura b'ubutumwa bwiza bahoraga bazirikana ko abo babwiriza ari abaguzwe amaraso ya Kristo, basobanukirwa byimbitse n'agaciro k'umurimo wabo. Bagomba kwirinda ubwabo bakarinda n'umukumbi baragijwe. Urugero rwabo bwite rugomba kwerekana no gushimangira inyigisho zabo. Nk'abigisha b'iby'inzira y'ubugingo, ntibakwiye gutanga icyuho cyo gutuma ukuri gutukwa. Nk'abahagarariye Kristo, bakwiriye gukomeza guhesha izina rye icyubahiro. Kubwo gusenga kwabo, imibereho yabo itunganye n'ibiganiro byabo birangwa no kubaha Imana bakwiriye kugaragaza ko bahamagariwe umurimo w'agaciro kanini babikwiriye. {INI 243.2}

Intumwa Pawulo yahishuriwe akaga kari kuzibasira Itorero rya Efeso. Yaravuze ati: *"Nzi yuko, nimara kuvaho, amasega aryana azabinjiramo, ntababarire umukumbi. Kandi muri mwe ubwanyu hazaduka abantu bavugira ibigoramye kugira bakururire abigishwa inyuma yabo."* (Ibyak 20:29, 30). Pawulo yarebye ahazaza maze ahindishwa umushitsi n'ibitero Itorero ryari rigiye kuzahangana na byo biturutse ku banzi b'imbere muri ryo n'abandi b'inyuma yaryo. Pawulo ashize amanga, yasabye abavandimwe be mu kwizera kuba maso bakarinda icyizere Imana yabagiriye. Mu rwego rwo kubaha urugero yaberekeje ku mirimo yakoreye muri bo atadohoka. Yaravuze ati: "Nuko rero mube maso,

mwibuke yuko namaze imyaka itatu ndahwema ku manywa na nijoro guhugura umuntu wese muri mwe, ndira. {INI 243.3}

Pawulo yakomeje avuga ati: *“Kandi none mbaragije Imana n’ijambo ry’ubuntu bwayo ribasha kububaka no kubahana ibiragwa n’abejejwe bose. Sinifuje ikintu cy’umuntu wese, ari ifeza cyangwa izahabu cyangwa imyenda.”* (Ibyak 20:31-33). Bamwe mu bizera bo mu Efeso bari abakungu, nyamara Pawulo ntiyari yarigeze na rimwe kubashakamo inyungu ye bwite. Mu butumwa bwe ntiyigeze agaragaza ibyo akenye kandi ngo ashishikarize abantu kwita ku nyungu ze bwite. Yaravuze ati: *“Ubwanyu muzi yuko aya maboko yanjye ari yo yankenuraga ibyo nkennye n’abo twari turi kumwe.”* (Ibyak 20:34). Mu mirimo ye iruhanije n’ingendo nyinshi yagenze kubw’umurimo wa Kristo, ntiyashoboraga kwimara ubukene gusa ahubwo yagiraga icyo azigamira gufasha bagenzi be bakoranaga ndetse n’abakene babikwiriye. Ibi yabishobojwe gusa no kwitanga cyane mu gukora ndetse n’ubutunzi yari yarizigamiye. Yashoboraga rwose kwitangaho urugero avuga ati, *« Nababereye icyitegererezo muri byose, yuko ari ko namwe mukwiriye gukora imirimo, ngo mubone uko mufasha abadakomeye, no kwibuka amagambo Umwami Yesu yavuze ati: ‘Gutanga guhesha umugisha kuruta guhabwa.’*{INI 244.1}

“Amaze kuvuga atyo, arapfukama, asengana na bo bose. Bose bararira cyane, Pawulo bamugwa mu ijosi, baramusoma. Cyane cyane bababajwe n’ijambo yababwiye yuko batazongera kumubona. Nuko baramuherekeza, bamugeza ku nkuge.” Ibyak 20:35-37. {INI 244.2} Pawulo na bagenzi be bavuye i Mileto batsukiraga mu *“nkuge baromboreza bajya i Kosi, maze ku munsi ukurikiyeho bafata i Rodo, bavayo bafata i Patara,” ku nkombe y’amajyepfo y’iburengerazuba bwa Asiya Ntoya, aho basanze “inkuge yendaga kwambuka ijya i Foyinike bayikiramo, baratsuka baragenda.”* (Ibyak 21:1,2). Bageze i Tiro aho inkuge yakurirwagamo imitwaro n’abantu, bahasanze abigishwa bamwe bemerewe kumarana nabo iminsi irindwi. Biturutse kuri Mwuka Muziranenge, aba bigishwa baburiwe ibijyanye n’akaga Pawulo yari agiye kuzagirira i Yerusalemu, maze bamusaba *“ko adakwiriye kujya i Yerusalemu.”* (Ibyak 21:4.) Nyamara intumwa Pawulo ntiyigeze yemerera ubwoba bwo gutinya imibabaro no gushyirwa mu nzu y’imbohe bumuteshura ku mugambi we. {INI 244.3}

Ku iherezo ry'icyumweru yamaze i Tiro, abavandimwe mu kwizera bose hamwe n'abagore babo n'abana babo baherekeje Pawulo bamugeza ku bwato maze mbere yuko yinjiramo, bapfukama ku mwaro barasenga. Yarabasabiye nabo baramusabira. {INI 244.4} Bakomeje urugendo rwabo bagana mu majyepfo, maze bageze i Kayisariya *"binjira mu nzu ya Filipo umubwiriza w'ubutumwa bwiza, n'umwe muri ba bandi barindwi, bacumbika iwe."* (Ibyak 21:8). Muri uru rugo Pawulo yahamaze iminsi mike afite amahoro kandi yishimye. Uwo ni wo wabaye umudendezo nyawo wa nyuma yagombaga kwishimira igihe kirekire. {INI 244.5}

Luka avuga ko igihe Pawulo yari agitinze i Kayisariya, *"haje umuhanuzi witwaga Agabo avuye i Yudaya." Luka aravuga ati, "Ageze aho turi, yenda umushumi wa Pawulo, awibohesha amaguru n'amaboko, aravuga ati: 'Umwuka Wera avuze ngo 'Nyir'uyu mushumi ni ko Abayuda bazamubohera i Yerusalemu, bamutange mu maboko y'abapagani."* Ibyak 21:10, 11. {INI 245.1}

Luka akomeza avuga ati: *"Tubyumvise, twebwe n'abantu b'aho turamwinginga ngo atajya i Yerusalemu." Ariko Pawulo ntiyashoboraga kureka inzira y'umurimo we.Yagombaga gukurikira Kristo byaba ngombwa akajya mu nzu y'imbohe ndetse akanapfa. Yaravuze ati: "Ni iki gitumye murira mukamena umutima? Uretse kuboherwa i Yerusalemu gusa, niteguye no gupfirayo kubw'izina ry'Umwami Yesu."* (Ibyak 21:13). Babonye ko bamubabaje kandi nta cyo byahinduye ku mugambi we, abavandimwe be mu kwizera bahagaritse kumwinginga maze baravuga bati: *"Ibyo Umwami ashaka bibeho."* Ibyak 21:14. {INI 245.2}

Igihe cyarageze maze umwanya muto yagombaga gutinda i Kayisariya uba urarangiye maze Pawulo na bagenzi be bava aho berekeza i Yerusalemu baherekejwe na bamwe mu bavandimwe babo mu kwizera. Imitima yabo yari ihangayikishijwe cyane no gutekereza ingorane zari zibategereje. {INI 245.3}

Mbere y'icyo gihe, nta na rimwe Pawulo yari yarigeze ajya i Yerusalemu n'umutima ufite agahinda atyo. Yari azi ko azahura n'incuti nke n'abanzi benshi. Yari hafi kwinjira mu mujyi wari waranze kandi warishe Umwana w'Imana; umudugudu wari urindirijwe umujinya

w’Imana. Yibutse uko we ubwe yagiriraga urwango rukomeye abayoboke ba Kristo, yagiriye impuhwe bene wabo bayobejwe. Mbega uburyo atiringiraga cyane ko ashobora kubafasha! Umujinya wuzuye ubuhumyi wari warigeze kugurumanira mu mutima we ubwe, ni wo noneho wagurumanaga mu mitima y’ishyanga ryose ryahagurukiye kumurwanya n’imbaraga zitagereranywa. {INI 245.4}

Nta n’ubwo Pawulo yashoboraga kwishingikiriza ku mpuhwe n’ubufasha by’abavandimwe be mu kwizera. Abayahudi batigeze bahinduka bari baragiye bamukurikirana, ntibigeze bahwema gukwirakwiza amakuru mabi i Yerusalemu bakoresheje kwivugira ubwabo cyangwa kwandika inzandiko ku byerekeye Pawulo n’umurimo we. Abantu bamwe ndetse bo mu ntumwa n’abakuru b’amatorero bari barafashe ayo makuru nk’ukuri ntibagerageza kuyavuguruza kandi ntibanerekane ko bifuza gukorana na we. {INI 245.5}

Nubwo Pawulo yari hagati y’ibimuca intege, ntiyigeze yiheba. Yizeraga ko Ijwi ryari ryaravuganye n’umutima we bwite ryari kuvugana n’imitima ya bene wabo, kandi ko Umutware wakundwaga n’abigishwa bagenzi be kandi bakamukorera azahuriza imitima yabo n’uwe mu murimo wo kwigisha ubutumwa bwiza. {INI 245.6}

IGICE CYA 38 - PAWULO ARI IMFUNGWA

(Iki gice gishingiye mu Byakozwe n'Intumwa 21:17-23:35)

Tugeze i Yerusalemu, bene Data batwakirana umunezero. *"Bukeye bwaho Pawulo yinjirana natwe kwa Yakobo; abakuru bose bari bahari."* Ibyak 21:17. {INI 246.1} Iki gihe niho Pawulo na bagenzi be bashikirije ku mugaragaro abayobozi b'umurimo b'i Yerusalemu inkunga yatanzwe n'amatorero y'Abanyamahanga kugira ifashe abakene bo mu bavandimwe babo mu kwizera b'Abayahudi. Guteranya iyi nkunga byatwaye igihe kinini Pawulo n'abakozi bagenzi be, bibasaba guhangayika n'umurimo uruhije. Ingano y'iyo nkunga yari irenze kure ibyo abakuru b'amatorero b'i Yerusalemu bari biteze, yagaragazaje ukwitanga no kwigomwa bikomeye cyane ku ruhande rw'abanyamahanga bizera. {INI 246.2}

Aya maturo y'ubushake yerekanaga urukundo abanyamahanga bahindutse bari bafitiye umurimo w'Imana wakorwaga muri gahunda ku isi yose kandi yagombaga kwakirwa na bose bishimye. Nyamara byagaragariraga Pawulo na bagenzi be ko no mu bo bari bahagaze imbere harimo bamwe batashoboraga kunezezwa n'umwuka w'urukundo rwa kivandimwe rwatumye izo mpano zitangwa. {INI 246.3}

Mu myaka yabanje y'umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza mu banyamahanga, bamwe mu bayobozi b'abizera b'i Yerusalemu bihambiriye ku myumvire yabo n'imitekerereze bari basanganywe, ntabwo bigeze bafatanya na Pawulo na bagenzi be. Mu mpungenge zo gukomeza imigenzo n'imihango imwe yabo idafite agaciro, bari baratakaje umugisha bagombaga kugira ndetse n'uwari kuba ku murimo bakundaga binyuze mu muhati wo guhuriza hamwe ibyiciro byose by'umurimo w'Uwiteka. Nubwo bifuzaga cyane kubungabunga

inyungu z’Itorero rya Gikristo, bari barananiwe kugendana n’igihe mu kwakira imigisha Imana yatangaga ndetse mu myumvire yabo ya kimuntu, bagerageje gushyira inzitizi nyinshi zitari ngombwa ku bakozi b’Imana. Bityo hahagurutse agatsiko k’abantu batari bamenyereye impinduka zariho n’ubukene bwihariye bwari bufitwe n’abakoreraga mu turere twa kure, nyamara bakomezaga kuvuga ko bafite ubushobozi bwo gutegeka abavandimwe babo mu kwizera bo muri utwo turere gukurikiza uburyo bumwe bwihariye bwo gukora umurimo. Biyumvishaga ko umurimo wo kubwiriza ubutumwa bwiza ugomba gukorwa hakurikijwe uko batekereza. {INI 246.4}

Hari hashize imyaka myinshi abizera b’i Yerusalemu, hamwe n’intumwa zavuye mu matorero yandi yari ku isonga, basuzumanye ubwitonzi ibibazo byateraga impungenge byari byaravutse byerekeranye n’uburyo bwakoreshwaga n’ababwirizaga mu banyamahanga. Ibyari byaravuye muri iyi nama ni uko abavandimwe mu kwizera bari barahurije hamwe mu gushyiraho amabwiriza yumvikana neza yerekeye imihango n’imigenzo imwe harimo no gukebwa, maze bayoherereza amatorero. Muri iyi nama rusange ni ho abavandimwe mu kwizera bari barahurije hamwe ku kohereza amatorero ya Gikristo Barinaba na Pawulo nk’abakozi bakwiye kwemerwa na buri mwizera wese. {INI 246.5}

Mu bantu bari muri iyi nama hariho bamwe bari baranenze cyane imikorere y’izi ntumwa zari zifite inshingano ikomeye wo kwamamaza ubutumwa bwiza mu banyamahanga. Ariko muri iyo nama, ibitekerezo byabo ku byerekeye umugambi w’Imana byari byaragutse maze bafatanya n’abavandimwe babo mu kwizera gufata imyanzuro myiza yatumye abizera bose bashyira hamwe. {INI 247.1}

Nyuma y’aho, ubwo byagaragaraga ko abihanye bo mu banyamahanga biyongera cyane, habayeho bamwe mu bizera bakomeye b’i Yerusalemu bongeye gutsimbarara ku myumvire yabo ya mbere yarwanyaga imikorere ya Pawulo na bagenzi be. Iyi myumvire yagiye igira imbaraga uko imyaka yahitaga indi igataha kugeza igihe bamwe mu bayobozi bemeje ko kuva ubwo umurimo wo kubwiriza ubutumwa bwiza ugomba gukorwa hakurikijwe ibitekerezo byabo bwite. Iyo Pawulo ahuza uburyo yakoreshaga na gahunda y’imikorere bashakaga bari gushyigikira umurimo we bitaba bityo ntibawurebe neza cyangwa ngo bawutere inkunga. {INI 247.2}

Aba bantu bari barirengagije ko Imana ari yo mwigisha w'abantu bayo. Ntibari bakizirikana ko buri mukozi wayo wese agomba kubona icyigisho cye bwite mu gukurikira Umuyobozi wavuye mu ijuru, atagombye gukenera kuyoborwa n'abantu; kandi ko abakozi ba Kristo batagomba guhindurwa hakurikijwe ibitekerezo by'umuntu ko ahubwo basanishwa n'Imana. {INI 247.3}

Mu murimo we w'ivugabutumwa, intumwa Pawulo yari yarigishije abantu *"ibitari amagambo y'ubwenge yo kwemeza abantu, ahubwo byari ibigaragaza Umwuka n'imbaraga."* (1Kor 2:4). Ukuri yamamazaga yari yaraguhishuriwe na Mwuka Muziranenge, "kuko Umwuka arondora byose, ndetse n'amayoberane y'Imana. Mbese ni nde mu bantu wamenya ibyo undi atekereza, keretse umwuka wa wa wundi umurimo? N'iby'Imana ni ko biri; nta wabimenya keretse Umwuka wayo….". Pawulo yaravuze ati, *"Ibyo ni byo tuvuga; ariko ntitubivugisha amagambo akomoka mu bwenge bw'abantu, ahubwo tubivugisha akomoka ku Mwuka, dusobanuza iby'Umwuka iby'Umwuka bindi."* 1 Kor 2:10-13.{INI 247.4}

Mu murimo we w'ivugabutumwa, Pawulo yayoborwaga n'Imana. Muri icyo gihe na none, yaritondaga cyane agakora akurikije imyanzuro y'inama rusange yabereye i Yerusalemu maze umusaruro uba uw'uko amatorero " *yakomereye mu byo kwizera, umubare wabo ukomeza kugwira iminsi yose."* (Ibyak 16:5). Nubwo hari bamwe batifatanyije na we, yahumurijwe mu mutima we ko yari yarakoze umurimo we wo gushimangira umwuka wo kubaha, kugira ubuntu, n'urukundo rwa kivandimwe mu bo yahinduje ubutumwa bwiza nk'uko byagaragaye uwo munsi mu nkunga zatanganye ubushake yashyikirije abakuru b'amatorero b'Abayahudi. {INI 247.5}

Amaze kwerekana za mpano, Pawulo *"yabatekerereje ibyo Imana yamuhaye gukora mu banyamahanga." Uku kurondora uko ibintu byagenze byatumye ababyumvaga bose, ndetse n'abashidikanyaga, bemera ko umugisha wo mu ijuru wari warabanye nawe mu mirimo yakoze. "Na bo babyumvise bahimbaza Imana."* (Ibyak 21:20). Babonye ko uburyo Pawulo yakoragamo umurimo we bwari bwaremejwe n'Imana. Inkunga zari zaratanganwe umutima ukunze zari imbere yabo yongereye agaciro ubuhamya Pawulo yabahaga bujyanye

n’ubunyangamugayo bw’amatorero mashya yari yarahanzwe mu banyamahanga. Hari abantu, nubwo babarirwaga mu bashinzwe umurimo i Yerusalemu, bari baravuze ko hafatwa ingamba zo kugenga imikorere. Babonye umurimo w’ivugabutumwa wa Pawulo mu buryo bushya kandi bemera ko bari baranyuze mu nzira itari iy’ukuri. Bemeye ko bari barabaswe n’imico n’imigenzo ya Kiyahudi kandi ko umurimo wo kubwiriza ubutumwa bwiza wari waradindijwe no kudasobanukirwa kwabo ko urusika rwatandukanyaga Umuyahudi n’Umunyamahanga rwari rwarasenywe n’urupfu rwa Kristo. {INI 248.1}

Aya yari amahirwe adasanzwe ku bayobozi bose b’abizera kugira ngo mu by’ukuri bature ko Imana yari yarakoreye muri Pawulo kandi ko ibihe byinshi bari barayobye bemera ko inkuru zavaga ku banzi be zibyutsa ishyari n’urwikekwe byabo. Nyamara aho kugira ngo bahurize hamwe umuhati wo kurengera uwari waragiriwe nabi, bamugiriye inama yerekanaga ko bari bagikomeje kwihambira ku kumva ko Pawulo ari we wari ufite uruhare mu rwikekwe rwariho. Ntabwo bigeze bahagarara ngo bajye ku ruhande rwa Pawulo bityo bakore ibishoboka byose kugira ngo bereke abatari baragezweho n’urwo rwikekwe aho bari baribeshye. Ahubwo bashatse kumvikana bamugira inama yo gukomeza inzira bumvaga ko yari gukuraho impamvu iyo ari yo yose yo kutumvikana. 248.2}

Ku buhamya bwa Pawulo baravuze bati: *“Urareba, nawe mwene Data, uburyo abo mu Bayuda bizeye ari ibihumbi byinshi, kandi bose bagira ishyaka ry’amategeko. Babwiwe ibyawe, yuko wigisha Abayuda bose bari mu banyamahanga kureka gukurikiza Mose, ukavuga yuko badakwiriye gukeba abana babo cyangwa gukomeza imihango y’Abayuda. None tugire dute, ko batari bubure kumva yuko waje? Nuko genza utya, nk’uko tukubwira. Dore dufite abagabo bane bahize umuhigo. Ubajyane, mwerezwe hamwe, ubatwerere ibikwiriye, mwiyogosheshe. Nuko bose bazamenya yuko ibyo bumvaga bakuvuga ari ibinyoma: ahubwo ko na we ugenza neza witondera amategeko yose. Ariko abizeye bo mu banyamahanga bo, twanditse ibyo twanoganije, ko birinda ibiterekerejwe ibishushanyo bisengwa, n’amaraso, n’ibinizwe n’ubusambanyi.”* Ibyak 21:20-25. {INI 248.3}

Abavandimwe mu kwizera ba Pawulo bizera ko nakurikiza inama bamuhaye, aragaragaza ibitandukanye rwose n’amakuru mabi yamuvuzweho. Bamwemeje ko umwanzuro w’inama yari yarabereye i

Yerusalemu werekeye iby'abanyamahanga bahindutse ndetse n'amategeko y'imihango wari ugifatwa ko ari mwiza. Nyamara icyo gihe inama bamugiriye ntiyari ihuye n'uwo mwanzuro. Mwuka w'Imana si we watanze iyi nama ahubwo yari ingaruka y'ubwoba. Abayobozi b'Itorero b'i Yerusalemu bari bazi ko nihabaho kutubahiriza amategeko y'imihango, Abakristo bari kwikururira urwango rw'Abayahudi kandi bakihamagarira akarengane. Urukiko rukuru rw'Abayahudi rwakoraga ibishoboka byose kugira ngo rubangamire kwamamara k'ubutumwa bwiza. Hatoranyijwe abantu bo gukurikirana intumwa, ariko Pawulo by'umwihariko, kandi na none kugira ngo barwanye umurimo wazo mu buryo bwose. Iyo abizera Kristo bahamwa n'icyaha imbere y'urukiko rukuru rw'Abayahudi ko bica amategeko, bari kubona byihuse igihano gikomeye nk'abantu bahakana imyizerere ya Kiyahudi.{INI249.1}

Benshi mu Bayahudi bari baremeye ubutumwa bwiza bari bakinambye ku kubahiriza amategeko y'imihango kandi ntibapfaga kwemera kuyihara mu buryo bworoshye kuko bifuzaga kurebwa neza na bene wabo, bagakuraho urwikekwe rwariho no kubayobora ku kwizera Kristo nk'Umucunguzi w'isi. Pawulo yabonye ko mu gihe cyose benshi mu bayobozi b'Itorero i Yerusalemu bakomeje kumugiraho urwikekwe, bari gukomeza gukora babangamira impinduka yateraga mu bantu. Yumvise ko aramutse abonye uburyo abemeza bagahindukirira ukuri; yari gukuraho inzitizi ikomeye yari ibangamiye iterambere ry'ubutumwa bwiza mu bindi bice. Nyamara Imana ntiyamwereye kubakorera ibyo bamusabaga byose. 249.2}

Iyo dutekereje ku cyifuzo gikomeye cya Pawulo cyo kumvikana n'abavandimwe mu kwizera, tugatekereza ukwiyoroshya yagaragarizaga abanyantege nke mu kwizera, icyubahiro yahaga intumwa zari zarabanye na Kristo, ndetse na Yakobo mwene se wa Yesu Kristo, tugatekereza umugambi we wo gihinduka byose kuri bose atagize ihame ryo kwizera kwe yishe; mu gihe dutekereje kuri ibi byose, ntabwo bitangaje kubona ko yahatirwaga kureka inzira ihamye kandi idakebakeba yari yarakurikiye kugeza icyo gihe. Nyamara aho kugira ngo asohoze umugambi yifuje, icyo imihati ye yo kuzana amahoro yagezeho ni uguhagurutsa imvururu, byihutisha imibabaro yari yaramuvuzweho maze atandukana n'abavandimwe be mu kwizera bituma Itorero ribura imwe mu nkingi zikomeye, kandi bitera agahinda imitima y'Abakristo aho bari bari hose. {INI 249.3}

Ku munsi wakurikiyeho Pawulo yatangiye gukurikiza inama y'abakuru b'amatorero. Abagabo bane bari bahize umuhigo w'Umunaziri (Kubara 6), iby'uyu muhigo byari bisa n'ibyasibanganye, bajyanywe na Pawulo mu rusengero, "avuga igihe iminsi yo kwezwa izashirira, ari bwo igitambo cy'umuntu wese muri bo kizatangwa." (Ibyak 21:26). Ibitambo bimwe bikomeye byo kwezwa byagombaga kuzatangwa. {INI 250.1}

Abagiriye Pawulo inama yo gukora atyo, ntabwo bigeze batekereza amakuba akomeye yari guhura nayo. Muri icyo gihe, Yerusalemu yari yuzuye abantu bari baje kuramya baturutse impande zose. Mu gusohoza inshingano Imana yari yaramuhaye, Pawulo yari yagejeje ubutumwa bwiza ku Banyamahanga, yari yarasuye myinshi mu mijyi minini cyane y'icyo gihe kandi yari azwi neza n'abantu ibihumbi byinshi bari baraturutse mu bice bindi byo mu mahanga bari baraje i Yerusalemu mu munsi mukuru. Muri abo harimo abangaga Pawulo urunuka, kandi kuri we kwinjira mu rusengero rubanda rwose rwateranye byari ugushyira ubuzima bwe mu kaga. Iminsi myinshi yarinjiraga kandi agasohoka anyuze mu babaga baje gusenga ntihagire umumenya; ariko mbere yuko basoza icyo gihe cyihariye ubwo yaganiraga n'umutambyi ibyerekeye ibitambo byagombaga gutangwa, yaje kumenywa n'Abayahudi bamwe bari baravuye muri Asiya. {INI 250.2}

N'uburakari nk'ubw'abadayimoni aba Bayahudi baramusumiye barasakuza bati, *"Bagabo ba Isirayeli, nimudutabare! Uyu ni wa muntu wigisha hose abantu bose gusuzugura ubu bwoko n'amategeko n'aha hantu."* (Ibyak 21:28). Mu gihe abantu bari baje gutabara, hiyongeyeho ikindi kirego ngo, *"kandi yazanye n'Abagiriki mu rusengero, ahumanya aha hantu hera."* Ibyak 21:28 {INI 250.3}

Hakurikijwe itegeko rya Kiyahudi, kwinjira mu bikari by'ingoro y'Imana k'umuntu utarakebwe cyari icyaha gihanishwa urupfu. Abantu bari barabonye Pawulo mu mudugudu ari hamwe na Tirofimo wo muri Efeso, kandi baje guhwihwisa ko yari yamwinjije mu rusengero. Ariko ibi byavugwaga ntiyari yabikoze kandi kuba Pawulo yari Umuyahudi, kwinjira mu rusengero kwe nta tegeko yari yishe. Nyamara nubwo icyo kirego cyari ikinyoma gisa, cyabyukije urwikekwe n'urwango bya rubanda. Igihe urusaku rwasakaraga ruvuye mu rusengero, abantu benshi bari aho baravurunganye. Amakuru yasakaye vuba muri

Yerusalemu, *“umurwa wose uravurungana, abantu baterana birukanka.”*(Ibyak 21:30). {INI 250.4}Kuba umuntu wayobye ukomoka mu Bisirayeli yarahumanyije urusengero mu gihe ibihumbi by’abantu bari baravuye mu mpande zoze z’isi baje aho kuramya, ibyo byabyukije uburakari bukomeye bw’abari aho. *” Bafata Pawulo, baramukurubana bamukura mu rusengero: uwo mwanya bakinga inzugi.”* Ibyak 21:30. {INI 250.5}

“Bagishaka kumwica, inkuru igera ku mutware w’ingabo z’abasirikare, yuko i Yerusalemu hose hari hagize imidugararo.” (Ibyak 21:31). Uwo mutware witwaga Kilawudiyo Lusiya yari azi neza ko abo bantu barakaye cyane agomba guhangana na bo maze ” *Muri ako kanya ajyana abasirikari n’abatwara imitwe, amanuka yirukanka, abirohamo. Na bo babonye umutware w’ingabo n’abasirikare, barorera gukubita Pawulo.”* (Ibyak 21:32). Ntabwo yari azi impamvu yateye iyo mivurungano, ariko abonye ko abantu benshi bari aho bari barakariye Pawulo, uwo musirikare mukuru w’Umunyaroma yafashe umwanzuro ko Pawulo agomba kuba ari Umunyamisiri wigometse yari yarumvise wari waracitse ngo adafatwa. Yahereyeko *“aramufata, ategeka ko bamubohesha iminyururu ibiri, abaza uwo ari we, n’icyo akoze icyo ari cyo.”* (Ibyak 21:33). Amajwi menshi yatereye hejuru icyarimwe arakaye amurega; *“bamwe bavuga bimwe, abandi ibindi: ananizwa n’urusaku kumenya ukuri, ategeka ko bamujyana mu rugo rw’igihome. Ageze ku rwurириro, umujinya w’abantu utuma abasirikari bamuterura; kuko abantu benshi babakurikiraga basakuza bati ‘Mukureho!’”* Ibyak 21:34-36. {INI 251.1}

Igihe Pawulo yari hagati muri iyo mivurungano, yari atuje. Intekerezo ze zari zirangamiye Imana kandi yari azi ko abamarayika bo mu ijuru bamukikije. Yumvaga adashaka kuva mu rusengero atagerageje kubwira bene wabo ukuri. Igihe bendaga kumwinjiza mu kigo cy’abasirikare yabwiye umutware w’abasirikare ati, “Ntiwakwemera ko nkubwira ijambo?” Kilawudiyo Lusiya yaramubajije ati,*“Mbese uzi Urugiriki? Si wowe wa Munyegiputa wagomesheje abantu mu gihe gishize, ukajyana mu butayu b’abicanyi ibihumbi bine?” Pawulo yaramusubije ati, “Ndi Umuyuda w’i Taruso, ni wo mudugudu w’i Kirikiya w’ikimenywabose: kandi ndakwinginze, unkundire mbwire abantu.”* Ibyak 21:37-39. {INI 251.2}

Ugusaba kwa Pawulo kwarasubijwe maze *“Pawulo ahagarara ku rwurirriro, amama abantu.”* (Ibyak 21:40). Uko kubamama kwatumye bamurangarira ku buryo ibyo yababwiraga babyitayeho. “Barahora rwose. Ababwira mu ruheburayo ati, *‘Yemwe bagabo bene Data na ba data, nimwumve amagambo nireguza kuri mwe.’” “Bumvise ababwiye mu Ruheburayo, barushaho guceceka,” maze akomeza ashize amanga aravuga ati:* {INI 251.3}

“Ndi Umuyuda wavukiye i Taruso y’i Kirikiya, ariko nakuriye muri uyu murwa, nigishizirizwa ku birenge bya Gamaliyeri kwitondera cyane amategeko ya ba sogokuruza yose, ngira ishyaka ry’Imana, nk’uko namwe mwese murigira none.” (Ibyak 22:3). Nta n’umwe washoboraga guhakanya ibyo Pawulo avuze kubera ko ibyo yerekezagaho byari bizwi neza n’abantu benshi bari bakiri i Yerusalemu.Yababwiye ibyerekeranye n’ishyaka rye rya mbere mu gutoteza abigishwa ba Kristo ndetse no kubica. Yabatekerereje ibijyanye no guhinduka kwe abwira abamwumvaga ukuntu umutima we w’ubwibone wari waracishijwe bugufi ukemera Umunyanazareti wabambwe. Iyo ajya kugerageza kujya impaka n’abamuhakanyaga, bari kwanga nkana kumva ibyo yababwiraga; nyamara uku kuvuga ibyamubayeho kwaherekejwe n’imbagara yemezaga imitima y’abantu ku buryo icyo gihe yasaga n’uwatumye bacururuka kandi yigaruriye imitima yabo. {INI 251.4}

Yagerageje kwerekana ko umurimo yakoreye mu banyamahanga utari warakozwe bitewe n’uko yabihisemo. Yari yarifuje gukorera ishyanga rye; ariko muri urwo rusengero ni ho ijwi ry’Imana ryari ryaravuganye nawe mu iyerekwa rimwereka inzira akwiriye kunyura riti: *“Nzagutuma kure mu banyamahanga.”* Ibyak 22:21. {INI 252.1}

Kugeza ubwo abantu bari bakimuteze amatwi, ariko igihe Pawulo yari ageze ku byamubayeho ubwo yashyingwaga kuba intumwa ya Kristo mu banyamahanga, uburakari bwabo bwongeye kubyuka. Kubera ko bari baramenyereye kwiyumvamo ko ari bo bwoko bonyine bwatoranyijwe n’Imana, ntibifuzaga kwemerera abanyamahanga b’insuzugurwa gufatanya nabo amahirwe yari ayabo bonyine kuva kera. Bavuza urwamu rurenze ijwi rya Pawulo, barasakuza bati: “Kura icyo kigabo mu isi, ntigikwiriye kubaho.” Ibyak 22:22. {INI 252.2}

“Barasakuza, kandi bajugunya hejuru imyenda yabo, batumurira umukungugu mu kirere, bigeza aho umutware w’ingabo abategeka kumwinjiza mu rugo rw’igihome, ababwira kumutatisha ibiboko, kugira ngo amenye icyateye abantu ku muvugiriza iyo nduru. {INI 252.3}

“Bamaze kumubohesha imishumi, Pawulo abaza umutware utwara umutwe wari uhagaze aho ati: ‘Mbese amategeko yemera ko mukubita umuntu w’Umuroma, ari nta rubanza rwamutsinze?’ Uwo mutware abyumvise ajya kubibwira umutware w’ingabo, aramubaza ati, ‘Urenda gukora iki, ko uyu muntu ari Umuroma?’ Umutware w’ingabo araza aramubaza ati: ‘Mbwira, mbese uri Umuroma koko?’ Na we ati ‘Yee.’ Umutware w’ingabo aramusubiza ati “Jyeweho nagombye kugura Uburoma impiya nyinshi.’ Pawulo ati ‘Ariko jyeweho narabuvukanye.’ Nuko abari bagiye kumukubita baherako baramureka; kandi umutware w’ingabo aratinya, amenya yuko ari Umuroma kandi yamuboshye. {INI 252.4}

“Bukeye bw’aho, ashatse kumenya neza icyo Abayuda bamurega icyo ari cyo, aramubohora, ategeka abatambyi bakuru guterana n’abanyarukiko bose, amanura Pawulo, amushyira imbere yabo.” Ibyak 22:23-30. {INI 252.5}

Intumwa Pawulo noneho yagombaga gucirwa urubanza n’urukiko we ubwe yari yarakozemo mbere y’uko ahinduka. Ubwo yahagararaga imbere y’abategetsi b’Abayahudi yari atuje kandi mu maso he hagaragazaga ko afite amahoro ya Kristo. *“Pawulo atumbira abanyarukiko, arababwira ati: ‘Bagabo bene Data, nahoranye umutima utagira ikibi undega imbere y’Imana kugeza kuri uyu munsi.’”* (Ibyak 23:1, 2). Bumvise ayo magambo, urwango rwabo rwongeye kwenyegezwa maze *“Ananiya umutambyi mukuru ategeka abamuhagaze iruhande kumukubita ku munwa.”* (Ibyak 23:2). Kubera iri tegeko rya kinyamaswa, Pawulo yaratangaye aramubwira ati, *“Imana izagukubita, wa rusika rwasizwe ingwa we. Wicajwe no kuncira urubanza nk’uko amategeko ategeka, maze ugategeka ko bankubita, uca mu mategeko?” “Abahagaze aho bati ‘Uratuka umutambyi mukuru w’Imana?’”* Pawulo mu kwiyoroshya yari asanganwe arasubiza ati, *“Bene Data, sinari nzi ko ari we mutambyi mukuru; kuko byanditswe ngo ‘Ntukavuge nabi umutware w’ubwoko bwawe.’*{INI 252.6}

“Maze Pawulo, amenye yuko igice kimwe cyabo ari icy’Abasadukayo, ikindi akaba ari icy’Abafarisayo, avuga cyane mu rukiko, ati ” Bagabo bene Data, ndi Umufarisayo, ndi umwana w’Abafarisayo; ibyanzanye muri izi manza, ni ibyo niringira kuzabona, ari byo kuzuka kw’abapfuye. {INI 253.1}

“Amaze kuvuga atyo, habaho intonganya z’Abafarisayo n’Abasadukayo; abantu birema ibice; kuko Abasadukayo bahakanaga ko ntawe uzuka, cyangwa ko habaho marayika n’umwuka: ariko Abafarisayo babyemeraga byose.” Utwo dutsiko twombi twatangiye kujya impaka maze imbaraga zo kurwanya Pawulo ziradohoka. “Abanditsi bamwe bo mu gice cy’Abafarisayo barahaguruka bajya impaka bati: ‘Nta kibi twabonye kuri uyu muntu. Niba umwuka cyangwa marayika yaravuganye na we, ibyo bidushishikajeho iki?” Ibyak 23:3-9. {INI 253.2}

Mu mvururu zakurikiyeho, Abasadukayo barwaniraga cyane gufata Pawulo kugira ngo bamwice; mu gihe Abafarisayo bo bageragezaga kumurinda. *“Komanda yatinye ko bari butanyaguze Pawulo. Ni cyo cyatumye ategeka abasirikari be ngo bamanuke, bamuvane muri abo bantu bamujyane mu kigo cy’abasirikari.”* Ibyak 23:10.(Bibiliya Ijambo ry’Imana). {INI 253.3} Bishize kera igihe Pawulo yatekerezaga ku ngorane yahuye nazo uwo munsi, yatangiye gutinya ko ibyo yari yakoze bishobora kuba bitashimishije Imana. Mbese bishoboka ko gusura i Yerusalemu ryari ikosa yari yakoze?Mbese kwifuza gukomeye yagize ko guhura n’abavandimwe be mu kwizera si ko kwamuzaniye izi ngaruka mbi? {INI 253.4}

Umwanya Abayahudi nk’ubwoko bw’Imana bari bafite imbere y’abantu batizera, watumye intumwa Pawulo agira agahinda kenshi. Mbese abo bakuru b’abapagani bari kubareba bate? Abo bakuru bavugaga ko baramya Yehova kandi ko bakora umurimo wera nyamara bakiyegurira gutwarwa n’ubuhumyi, umujinya udafite ishingiro. Bashakaga gukuraho umuvandimwe wabo wahangaye gutandukana nabo mu myizerere y’iby’idini maze bateza imvururu mu rukiko rwabo rwubahwaga bafatiragamo imyanzuro. Pawulo yiyumvisemo ko izina ry’Imana ye ryateshejwe agaciro imbere y’abapagani. {INI 253.5}

Noneho ubwo yari mu nzu y’imbohe, yari azi ko abanzi be, mu buryarya bwabo bazakoresha uburyo ubwo ari bwo bwose kugira ngo

bamwice. Mbese byashobokaga ko umurimo yagombaga gukorera amatorero wari urangiye ku buryo igihe cyari kigeze ngo ibirura byinjire? Pawulo yahozaga umurimo wa Kristo ku mutima kandi yatekerezanyaga umubabaro ingorane amatorero atandukaniye hirya no hino azagira kuko yari arindirijwe gutotezwa n'abantu nk'abo yahuriye nabo mu rukiko rukuru rw'Abayahudi. Yararize kandi asenga afite umubabaro no gucika intege. {INI 254.1}

Muri iki gihe cy'umwijima, Umwami Yesu ntiyari yibagiwe umugaragu we. Yari yaramurinze abantu bashakaga kumwicira mu mbuga y'urusengero; yari yarabanye na we mu rukiko rukuru rw'Abayahudi; yari hamwe nawe mu nzu y'imbohe kandi mu rwego rwo gusubiza amasengesho ya Pawulo wasabaga kuyoborwa, Umwami Yesu yihishuriye umuhamya we w'indahemuka. *"Mu ijoro ry'uwo munsi, Umwami Yesu amuhagarara iruhande, aramubwira ati: 'Humura; uko wampamirije i Yerusalemu, ni ko ukwiriye kumpamiriza n'i Roma'"*Ibyak 23:11. {INI 254.2}

Pawulo yari yaramaze igihe kirekire ategereje gusura i Roma. Yifuzaga cyane guhamya Kristo i Roma; ariko yumvise ko imigambi ye yakomwe mu nkokora n'urwango rw'Abayahudi. N'icyo gihe ntiyatekerezaga ko azagenda kandi ari imbohe. {INI 254.3}

Igihe Umwami Yesu yakomezaga umugaragu we, abanzi ba Pawulo bashakaga imigambi mibisha yo kumukuraho. *" Bukeye Abayuda baraterana, bararahira bahiga yuko batazarya ntibanywe batarica Pawulo. Abahuje inama yo kurahira batyo basagaga mirongo ine."* (Ibyak 23:12, 13).Uku kwari ukwiyiriza ubusa nk'uko Uwiteka yari yaravugiye mu muhanuzi Yesaya ko guciriweho iteka. *"Dore icyo mwiyiririza ubusa ni ugutongana no kujya impaka no gukubitana ibipfunsi by'abanyarugomo."* Yesaya 58:4. {INI 254.4}

Abahuje inama "bajya ku batambyi bakuru n'abakuru bati: *"Twarahiye, twahize ibikomeye, yuko tutazarya tutarica Pawulo. Nuko mwebwe n'abanyarukiko mubwire umutware w'ingabo, amumanure amubagezeho, maze mwigire nk'abashaka kurushaho kumenya ibye neza. Natwe turaba twiteguye kumwica atarabageraho."* Ibyak 23:13-

15. {INI 254.5} Aho gucyaha uyu mugambi mubisha, abatambyi n'abatware bawemeranye ibyishimo. Pawulo yari yaravuze ukuri igihe yagereranyaga Ananiya n'imva isize ibara ryera. {INI 254.6}

Nyamara Imana yarahagobotse kugira ngo ikize ubugingo bw'umugaragu wayo. "Mwishywa wa Pawulo yumva ko bagiye kumucira igico, nuko araza yinjira mu rugo rw'igihome, abibwira Pawulo. Pawulo ahamagara umwe mu batwara imitwe, aramubwira ati: *'Jyana uyu muhungu ku mutware w'ingabo, kuko afite icyo amubwira.' Na we aramujyana, amushyira umutware w'ingabo ati "Imbohe Pawulo yampamagaye, aranyinginga ngo nkuzanire uyu muhungu, kuko afite icyo ashaka kukubwira.'"* Ibyak 23:16-18. {INI 254.7}

Kilawudiyo Lusiya yakiranye uyu muhungu urugwiro, aramwihererana aramubaza ati: "Icyo ushaka kumbwira ni iki?" Umusore yaramusubije ati: *" Abayuda bahuje inama yo kukwinginga ngo ejo uzamanure Pawulo, umujyane mu rukiko, na bo bigire nk'abashaka kumubaza ibye, ngo barusheho kubimenya neza. Ariko ntubumvire, kuko abantu babo basaga mirongo ine bamwubikiye, barahiye bahize yuko batazarya ntibanywe bataramwica; kandi none biteguye, bategereje isezerano ryawe."* Ibyak 23:19-21. {INI 255.1} *"Umutware w'ingabo asezerera uwo muhungu, amaze kumwihanangiriza ati, "Ntugire uwo ubwira yuko umburiye ibyo.'"* Ibyak 23:22. {INI 255.2}

Uwo mwanya Kilawudiyo afata icyemezo cyo kohereza Pawulo kwa Feliki umutegeka mukuru. Abayahudi nk'ubwoko bari bari mu mivurungano n'uburakari kandi imidugararo yakundaga kubaho. Kuguma i Yerusalemu kw'intumwa Pawulo byari guteza ingaruka mbi mu mujyi ndetse no ku musirikare mukuru ubwe.Bityo *"yahamagaye abatwara imitwe babiri, arababwira ati 'Mwitegure abasirikari magana abiri bo kujya i Kayisariya, n'abagendera ku mafarashi mirongo irindwi, n'abafite amacumu magana abiri, bagende nijoro isaha eshatu. Kandi bashake inyamaswa ziheka, kugira ngo bazitwareho Pawulo, bamushyikirize Feliki umutegeka mukuru, ari muzima.'"*Ibyak 23:23, 24. {INI 255.3}

Ntibagombaga gutinda kohereza Pawulo. *"Nuko nijoro abasirikare bajyana Pawulo nk'uko bategetswe, bamujyana mu Antipatiri."*(Ibyak

23:31). Kuva ahongaho, abagenderaga ku mafarashi barakomeje bajyana Pawulo i Kayisariya ari imbohe maze abasirikare magana ane basubira i Yerusalemu. {INI 255.4}

Umusirikare mukuru wari washinzwe kujyana iyo mbohe yayishyikirije Feliki kandi amuha n'urwandiko yari yahawe n'umutware w'ingabo. Urworwandiko rwaravugaga ruti, *"Nyakubahwa Feliki, Mutegeka mukuru, jyewe Kilawudiyo Lusiya ndagutashya cyane. Ndakumenyesha yuko uyu muntu yari amaze gufatwa n'Abayuda bari bagiye kumwica; mpubukana n'ingabo turamukiza, menye ko ari Umuroma. Nuko nshatse kumenya icyo bamurega icyo ari cyo, mujyana mu rukiko rwabo. Mbona yuko aregwa impaka zo mu mategeko yabo, ariko ntacyo yarezwe gikwiriye kumwicisha cyangwa kumubohesha. Bukeye mburiwe yuko benda kumwubikira, mukoherereza uwo mwanya, kandi ntegeka abarezi be ko bamuregera imbere yawe. Nuko murabeho."* Ibyak 23:26-30. {INI 255.5}

Amaze gusoma iyo baruwa, Feliki yabajije intara iyo mbohe yakomokagamo kandi amenyeshejwe ko ari Umunyakirikiya, yaravuze ati: *"Abarezi bawe nibamara kuza, nzumva ibyawe byose… Ategeka ko bamurindira mu rukiko rwa Herode."* Ibyak 23:35. {INI 256.1} Ibi byabaye kuri Pawulo ntabwo bwari bwo bwa mbere umugaragu w'Imana abona ubuhungiro mu banyabyaha ahunze ubugome bw'abantu biyitaga ubwoko bw'Imana. Mu burakari bukabije bari bafitiye Pawulo Abayahudi bari barongeye ikindi cyaha gikomeye ku mateka mabi yaranze ubwo bwoko. Bari barakomeje kwinangira imitima banga ukuri kugeza ubwo igikombe cyabo cyo gucirwaho iteka cyarushijeho kuzura.
{INI 256.2}

Abantu bake nibo bumvise ubusobanuro bwuzuye bw'amagambo Kristo yavugiye mu rusengero rw'i Nazareti aho yatangarije ko ari Uwasizwe. Yavuze ko umurimo we wari uwo guhumuriza, guha umugisha, no gukiza imbabare n'abanyabyaha. Bityo abonye ko ubwibone no kutizera byigaruriye imitima y'abamwumvaga, yabibukije ko mu bihe byahise Imana yari yarateye umugongo ubwoko bwayo yatoranyije bitewe no kutizera no kwigomeka byabo, kandi yari yarihishuriye ababaga mu bihugu by'abapagani batari baranze umucyo w'ijuru. Umupfakazi w'i Serafati na Namani Umunyasiriya, bagendeye

mu mucyo wose bari barahawe; kubw'ibyo babarwagaho kuba intungane kuruta ubwoko bw'Imana bwatoranyijwe bwari barayiteye umugongo bukaguranisha ukuri kumererwa neza n'icyubahiro cy'isi. {INI 256.3}

Kristo yabwiye Abayahudi b'i Nazareti ukuri guteye ubwoba igihe yavugaga ko nta buruhukiro bw'intumwa y'indahemuka y'Imana buhari bitewe no gusubira inyuma kwa Isirayeli. Ntibashoboraga kumenya agaciro ke cyangwa gushima imirimo ye. Mu gihe abayobozi b'Abayahudi biyitiriraga ko bafite ishyaka rikomeye ry'icyubahiro cy'Imana n'ibyiza bya Isirayeli, bari abanzi b'Imana n'ibyiza bya Isirayeli. Mu mvugo no mu ngiro bayoboraga abantu kure yo kubaha Imana; bakabayobora aho Imana itazabarengera mu gihe cy'amakuba. {INI 256.4}

Ku byerekeye ibyabaye kuri Pawulo, amagambo yo gucyaha Umukiza yabwiye Abanyanazareti, ntabwo yarebanaga gusa n'Abayahudi batizeye, ahubwo yarebaga n'abavandimwe ba Pawulo mu kwizera. Iyo abayobozi b'Itorero baba bararetse kugirira nabi Pawulo maze bakamwemera nk'uwahamagawe n'Imana by'umwuhariko kugira ngo ageze ubutumwa bwiza ku banyamahanga, Uwiteka aba yaramubarekeye. Ntabwo Imana yari yarateguye ko imirimo ya Pawulo yari kurangira vuba; nyamara ntabwo yakoze igitangaza cyo kubangamira imvururu abayobozi b'Itorero ry'i Yerusalemu bari bateje. {INI 256.5}

Umwuka nk'uwo ukomeza kuyobora abantu ku ngaruka nk'izabaye. Kwirengagiza kwakiza no gukoresha neza ibiva ku buntu bw'Imana byavukije Itorero imigisha myinshi. Mbega ukuntu Uwiteka aba yaratumye umurimo w'umugabura w'indahemuka ukomeza kujya mbere iyo ibyo akora biza kuba byarashimwe! Nyamara iyo Itorero ryemereye umwanzi w'abantu kugoreka imyumvire yabo kugira ngo bagaragaze nabi kandi basobanure nabi amagambo n'ibikorwa by'umugaragu wa Kristo; iyo bo ubwabo biyemeje kwitambika mu nzira ye kandi bakabangamira akamaro yajyaga kugira, rimwe na rimwe Uwiteka abaka umugisha yabahaye. {INI 257.1}

Satani akorera mu bambari be ubutitsa kugira ngo ace intege kandi asenye abo Imana yatoranyirije gukora umurimo ukomeye kandi mwiza. Bashobora kuba biteguye gutanga n'ubuzima bwabo ubwabwo kugira

ngo umurimo wa Kristo ujye mbere, ariko umushukanyi mukuru azatuma abavandimwe babo mu kwizera babashidikanyaho ku buryo ibyo nibiba byakiriwe, bizasenya niruto niruto icyizere abantu bari bafitiye ubudakemwa bw'imico yabo maze ibyo bigwabize umumaro bari bafite. Akenshi akoresha abavandimwe babo mu kwizera maze akabateza agahinda mu mutima ku buryo Imana mu buntu bwayo itabara maze ikaruhura abagaragu bayo batotezwa. Nyuma yuko amaboko y'abagaragu b'Imana arambitswe mu gituza umutima utagitera, igihe ijwi ry'umuburo no gukomeza riba ryacecetse, niho abinangiye bashobora gukanguka kugira ngo barebe kandi bahe agaciro imigisha bivukije. Urupfu rw'abagaragu b'Imana rushobora gukora byinshi ubuzima bwabo butashoboye gukora. {INI 257.2}

****

IGICE CYA 39 - URUBANZA RWABEREYE I KAYISARIYA
(Iki gice gishingiye mu Byakozwe n'Intumwa 24)



Hashize iminsi itanu Pawulo ageze i Kayisariya, abamuregaga baturutse i Yerusaremu baherekejwe na Teritulo, umuburanyi bari baragize umujyanama wabo. Urubanza rwemewe ko ruhita ruburanishwa. Pawulo yazanwe imbere y'inteko y'abantu maze Teritulo *" atangira kumurega."* Amaze gutekereza ko amagambo yo gushimagiza yagira icyo ahindura ku mutegeka mukuru w'Umuroma kurusha gukoresha amagambo yoroshye, y'ukuri n'ubutabera, Teritulo yatangiye kogeza Feliki ati: *"Nyakubahwa Feliki, ni wowe dukesha aya mahoro, kandi n'ibindi byatunganirijwe ubu bwoko ku bw'umwete wawe. Nuko turabyakira hose iminsi yose, tugushima cyane."* Ibyak 24:2, 3. {INI 258.1}

Teritulo yatangiranye ikinyoma kigaragara kuko imyifatire ya Feliki yari isuzuguritse. Feliki yavuzweho ko: "Mu bintu byose bijyanye n'irari n'ubugome, yabikoraga nk'umwami afite ishusho y'imbata." Abumvise Teritulo avuga bamenye ko amagambo ye yo kogeza ari ibinyoma, ariko icyifuzo cyabo cyo guciraho iteka Pawulo cyarutaga urukundo bakundaga ukuri. {INI 258.2}

Mu magambo ye Teritulo yashinje Pawulo ibyaha byari gutuma afatwa nk'uwagambaniye ubutegetsi mu buryo bukomeye iyo biza kumuhama. Teritulo yaravuze ati: *"Twabonye uyu muntu ari icyago, agomesha abantu bo mu Bayuda bose bari mu bihugu byose; kandi ni we mutware w'igice cyitwa icy'Abanyanazareti. Ndetse yagerageje guhumanya urusengero."* (Ibyak 24:5, 6). Teritulo yakomeje avuga yuko Kilawudiyo Lusiya, umuyobozi w'ikigo cy'abasirikare b'i Yerusalemu,

yari yarakoresheje imbaraga yaka Pawulo Abayahudi igihe bari hafi yo kumuburanisha bifashishije itegeko ry'idini yabo maze abahatira kuzanira Feliki ikirego. Ibi byose byavuzwe bafite umugambi wo gutuma umutegeka mukuru yohereza Pawulo mu rukiko rwa Kiyahudi. Ibirego byose bamuregaga byashyigikiwe cyane n'Abayahudi bose bari aho; ntibageregeza gutwikira urwango bari bafitiye iyo mbohe. {INI 258.3}

Feliki yarebaga kure cyane agashobora kumenya umugambi n'imico by'abaregaga Pawulo. Yamenye impamvu yari yatumye bamwogeza kandi yabonye ko bari barananiwe kwerekana ko ibyo bamurega ari ukuri. Ahindukiriye uwaregwaga, yamuciriye amarenga ngo yiregure. Nta magambo Pawulo yavuze yo kumutaka ahubwo yahereye ko avuga ko anezejwe no kwiregura imbere ya Feliki kubera ko Feliki yari amaze igihe kirekire ari umutegeka mukuru bityo akaba asobanukiwe neza n'amategeko n'imigenzo by'Abayahudi. Yifashishije ibyo bamureze maze yerekana neza ko nta na kimwe cyari ukuri. Yavuze ko atigeze ateza imvururu mu gace ako ari ko kose k'i Yerusalemu cyangwa ngo abe yarahumanyije urusengero. Pawulo yaravuze ati: *"Kandi ntibasanze njya impaka n'umuntu wese, cyangwa ngo nteranye abantu kubatera imidugararo, naho haba mu rusengero cyangwa mu masinagogi cyangwa mu murwa. Kandi ibyo bandeze none ntibashobora kubihamya imbere yawe ko ari iby'ukuri."* Ibyak 24:12, 13. {INI 258.4}

Igihe yavugaga ko " inzira abamuregaga bitaga iy'ubuyobe" ari iyo yagenderagamo akorera Imana ya ba sekuruza, yahamije ko atigeze areka kwizera "ibyanditwe mu mategeko byose no mu byahanuwe;" kandi ko yizeraga umuzuko w'abapfuye nk'uko inyigisho z'Ibyanditswe zabivugaga zeruye. Yarakomeje avuga ko icyo yari agamije mu buzima bwe ari *" ukugira umutima utamurega ikibi agirira Imana cyangwa abantu iminsi yose."* Ibyak 24:14-16. {INI 259.1}

Mu buryo bwumvikana kandi buboneye yerekanye impamvu yamuteye gusura i Yerusalemu ndetse anavuga uko gufatwa no gucirwa urubanza kwe kwagenze. Yaravuze ati, *"Nuko imyaka myinshi ishize, ndaza nzanira ab'ubwoko bwacu iby'ubuntu, kandi ntura amaturo. Nkiri muri ibyo bansanga mu rusengero nezwa, ari nta bantu nteranije, kandi nta n'urusaku ruriho. Ariko hariho Abayuda bamwe bavuye mu Asiya, ni bo bari bakwiriye kukuzaho, bakandega, iyo babona ikibi kuri jye. Cyangwa aba na bo nibavuge icyaha bambonyeho, ngihagaze imbere y'urukiko, uretse ijambo rimwe navuze mpagaze muri bo nti: 'Kuzuka kw'abapfuye*

ni ko kunzanye muri izi manza zanyu uyu munsi.'" (Ibyak 24:17-21). {IN259.2}.Intumwa Pawulo yavuze ashize amanga kandi avugisha ukuri kugaragara kandi amagambo ye yari afite imbaraga yatsindaga imitima y'abamwumva. Mu rwandiko Kilawudiyo Lusiya yari yandikiye Feliki, yari yatanzemo ubuhamya nk'ubwo ku byerekeye imyitwarire ya Pawulo. {INI 259.3}

Ikindi kandi Feliki ubwe yari asobanukiwe neza iby'idini ya Kiyahudi kurusha uko benshi babitekerezaga. Ibyo Pawulo yavuze mu kwiregura byabashishije Feliki kurushaho gusobanukirwa neza n'impamvu Abayahudi bagerageje guhamya intumwa Pawulo guteza ubwigomeke no kugambanira ubutegetsi. Umutegeka mukuru ntiyari kubanezeza akoresheje guciraho iteka umwenegihugu w'umunyaroma mu mafuti. Nta n'ubwo yari kumubaha kugira ngo bamwice adaciriwe urubanza mu buryo bukurikije amategeko. Nyamara Feliki nta kindi cyamukoreshaga uretse guharanira inyungu ze bwite kandi yari yaratwawe no gukunda gushimwa no kwifuza kuzamurwa mu ntera. Gutinya gukoza isoni Abayahudi byamubujije gucira urubanza rukwiye uwo yari azi ko ari umwere. Bityo yahisemo gusubika urubanza kugeza igihe Lusiya yari kuzazira. Yaravuze ati: *"Lusiya umutware w'ingabo namara kuza, nzaca urubanza rw'amagambo yanyu."* Ibyak 24:22. {INI 259.4}

Pawulo yakomeje kuba mu nzu y'imbohe ariko Feliki ategeka umutware uyobora abasirikari ijana wari warashinzwe kurinda Pawulo ko areka Pawulo akishyira akizana kandi ntabuze incuti ze kumuha icyo akeneye. {INI 260.1} Nyuma y'ibi ntihashize igihe kirekire maze Feliki n'umugore we Dirusila batumira Pawulo kugira ngo baganire nawe bihereye bumve icyo avuga ku byerekeye *" kwizera Yesu."* (Ibyak 24:24). Bifuzaga kandi bari bafite inyota yo kumva uku kuri gushya. Kwari ukuri ahari batari kuzongera kumva kandi mu gihe kwirengagijwe, kwari kuzaba igihamya cyo kubashinja ku munsi w'Imana. {INI 260.2}

Pawulo yabonye ko ibi byari amahirwe Imana itanze maze ayakoresha neza. Yari azi ko ahagaze imbere y'uwari afite ububasha bwo kumwicisha cyangwa kumurekura nyamara ntiyigeze avugisha Feliki na Dirusila akoresheje amagambo yo kubasingiza no kubashimisha. Yari azi ko amagambo ye ashobora kubabera impumuro y'ubugingo cyangwa iy'urupfu maze yirengagiza ibyajyaga kumuzanira inyungu, ashaka uko abakangurira gusobanukirwa n'akaga bari bafite. {INI 260.3}

Intumwa Pawulo yari azi ko ubutumwa bwiza buzabazwa umuntu wese washoboraga kumutega amatwi. Yari azi ko umunsi umwe abamwumvise bazahagarara mu ntungane n'abaziranenge bakikije intebe ikomeye yera y'ubwami cyangwa bagahagarara mu bo Kristo azabwira ati : *"Nimumve imbere, mwa nkozi z'ibibi mwe."* (Matayo 7:23). Yari azi ko azahurira na buri wese wamwumvise imbere y'urukiko rw'ijuru kandi ko muri urwo rukiko atagomba kuzasobanura ibyo yavuze n'ibyo yakoze byose gusa ko ahubwo azasobanura impamvu n'umwuka byayoboye ijambo n'ibikorwa bye. {INI 260.4}

Feliki yahutiragaho kandi yari umugome bikabije ku buryo nta muntu wari waratinyutse kumwegera ngo amubwire ko imico n'imyitwarire ye bidatunganye. Nyamara Pawulo we nta muntu yatinyaga. Yavuze iby'ukwizera Kristo kwe yeruye, avuga n'impamvu z'uko kwizera, bityo ashobora kuvuga by'umwihariko ku ngeso nziza z'imyitwarire ya Gikristo abo bantu babiri bishyiraga hejuru bari imbere batagiraga na mba. {INI 260.5}

Pawulo yagaragarije imbere ya Feliki na Dirusila imico y'Imana ari yo: gukiranuka, ubutabera no gutungana kwayo kandi anabagaragariza kamere y'amategeko yayo. Yerekanye mu buryo bwumvikana ko umuntu afite inshingano yo kubaho ubuzima burangwa no kwifata no kwirinda mu mirire, gutuma imbaraga imurimo imuhatira gukururwa n'ibyo abona iyoborwa n'ubwenge, gukora ibihuje n'itegeko ry'Imana no kurinda imbaraga z'umubiri n'iz'ibitekerezo bikaba bizima. Yababwiye ko byanze bikunze hazabaho umunsi w'urubanza ubwo abantu bose bazahembwa hakurikijwe ibyo bakoze bakiri bazima, n'igihe bizagaragazwa neza ko ubutunzi, imyanya, cyangwa icyubahiro bidashobora gutuma umuntu ahabwa ubuntu bw'Imana cyangwa ngo bimukize ingaruka z'icyaha. Yerekanye ko ubu buzima ari igihe Imana iba ihaye umuntu kugira ngo yitegura ubuzima bw'ahazaza. Umuntu aramutse yirengagije uburyo n'amahirwe afite muri iki gihe, yazababazwa n'igihombo cy'iteka ryose kandi nta yandi mahirwe mashya ashobora kuzabona. {INI 260.6}

Pawulo yibanze by'umwihariko ku bintu by'ingenzi amategeko y'Imana asaba. Yerekanye uko amategeko y'Imana agera mu mabanga yimbitse ya kamere y'umuntu kandi akamurikira ibyari bihishwe amaso n'ubwenge bw'umuntu. Ibyo amaboko ashobora gukora cyangwa ibyo ururimi rubasha kuvuga (ibyo imibereho igaragara ihishura) ariko mu buryo budatunganye byerekana imico ya kamere y'umuntu. Itegeko

rikurikirana ibitekerezo by’umuntu, impamvu n’imigambi. Ibyifuzo bibi bihishwe amaso y’abantu: ishyari, urwango, irari n’ibyifuzo bibi, ibikorwa bibi bigambirirwa ahahishe mu mutima w’umuntu nyamara bitashyizwe mu bikorwa kubera kubura uburyo- ibyo byose amategeko y’Imana abiciraho iteka. {INI 261.1}

Pawulo yagerageje kwerekeza ibitekerezo by’abamwumvaga ku Gitambo gikomeye cy’icyaha. Yerekeje ku bitambo byashushanyaga ibyiza bizaza maze yerekana ko Kristo ari we imigenzo yose yashushanyaga, kandi ko ari we iyo migenzo yerekanaga ko ari we soko yonyine y’ubugingo kandi akaba ibyiringiro by’umuntu wacumuye. Abantu b’intungane ba kera bakizwaga no kwizera amaraso ya Kristo. Igihe babonaga ibitambo bisambagurika barebaga kure mu bihe byinshi bakabona Umwana w’intama w’Imana wagombaga gukuraho ibyaha by’abari mu isi. {INI 261.2}

Imana ishaka ko ibiremwa byayo byose biyikunda kandi bikayubaha. Mu mategeko yayo, Imana yahaye abantu urugero ngenderwaho rutunganye rw’icyiza. Nyamara benshi bibagirwa Umuremyi wabo maze bagahitamo kwiyobora binyuranye n’ubushake bw’Imana. Urukundo ruhebuje kandi rutagerwa nk’isanzure bakunzwe bo barwitura urwango. Imana ntishobora gucisha bugufi ibyo amategeko yayo asaba kugira ngo ishobore guhuza n’urwego rw’abantu b’abanyabyaha; kandi n’umuntu mu mbaraga ze bwite ntashobora kugera ku byo amategeko asaba. Kubwo kwizera Kristo gusa ni ho umunyabyaha ashobora guhanagurwaho icyaha kandi agashobozwa kubaha amategeko y’Umuremyi we. {INI 261.3}

Muri ubwo buryo Pawulo wari imbohe, yasabye Abayuda n’Abanyamahanga kubahiriza ibyo amategeko y’Imana asaba, kandi yerekana ko Yesu, umunyanazareti wasuzuguwe, ari Umwana w’Imana akaba n’Umucunguzi w’isi. {INI 261.4} Umugore wa Feliki yasobanukiwe neza kamere itunganye y’ayo mategeko yari yarishe yihandagaje ariko imyumvire mibi yari afite ku wabambwe i Karuvali yatumye umutima we winangirira kurwanya ijambo ry’ubugingo. Nyamara Feliki ntiyari yarigeze yumva ukuri kandi ubwo Mwuka w’Imana yemezaga umutima we yumvise akozwe ku mutima. Umutimanama warakangutse maze wumvikanisha ijwi ryawo bityo Feliki yumva ko amagambo ya Pawulo ari ukuri. Yasubije amaso inyuma areba ibyo yakoze bimuciraho iteka. Imbere ye higaragaje mu

buryo bukomeye amabanga yo mu buzima bwe bwa kera bwaranzwe no gusayisha mu busambanyi no kumena amaraso ndetse hagaragara n'ibintu bibi cyane byo mu minsi mike yari ishize mu mibereho ye. Yibonye ko ari umuntu wakundaga ibinezeza by'umubiri, umugome n'umunyamururumba. Nta na rimwe mbere y'icyo gihe yari yarigeze yumva ubutumwa bwakabakabye umutima we nk'icyo gihe. Nta na rimwe ibitekerezo bye byari byarigeze bigira ubwoba nk'icyo gihe. Gutekereza ko amabanga ye yose y'ibyo yakoze mu bugome byagaragaye imbere y'Imana kandi ko agomba gucirwa urubanza hakurikijwe ibyo yakoze, byatumye ahinda umushitsi afite ubwoba. {INI 262.1}

Nyamara aho kugira ngo ibyo umutima wamwemeje bimutere kwihana, yagerageje kubyirengagiza. Ikiganiro yari afitanye na Pawulo cyahise kirangirira aho. Yaravuze ati: *"None genda; nimbona uburyo, nzagutumira."* Ibyak 24:25. {INI 262.2}.Mbega itandukaniro rinini riri hagati ya Feliki n'umurinzi w'inzu y'imbohe w'i Filipi! Abagaragu b'Uwiteka bazanirwaga uwo murinzi baboshye nk'uko Pawulo yazaniwe Feliki. Igihamya batanze cy'uko barinzwe n'imbaraga mvajuru, kunezerwa kwabo kandi bababazwa kandi basuzugurwa ,ugutinyuka kwabo igihe isi yatigitaga, ndetse n'umwuka wo kubabarira nk'uwa Kristo, byatumye umutima w'umurinzi w'imbohe ukabakabwa maze ahinda umushitsi yicuza ibyaha bye arababarirwa. Feliki yahindaga umushitsi nyamara ntiyigeze yihana. Umurinzi w'imbohe yakiriye Mwuka w'Imana mu mutima we no mu rugo rwe anezerewe; nyamara Feliki yasabye Intumwa y'ijuru kugenda. Umwe yahisemo kuba umwana w'Imana n'umuragwa w'ijuru mu gihe undi yiyeguriye kwifatanya n'inkozi z'ibibi. {INI 262.3}

Pawulo yamaze indi myaka ibiri nta gikorwa cyo kumugirira nabi akorewe nyamara akomeza kuba imbohe. Feliki yasuraga Pawulo kenshi kandi agatega amatwi ibyo yamubwiraga. Nyamara impamvu nyayo y'ubwo bucuti ni inyungu yari ategereje kuko yumvaga ko ahawe amafaranga menshi Pawulo yarekurwa. Nyamara intumwa Pawulo yari afite kamere itunganye ku buryo atashoboraga gutanga ruswa kugira ngo arekurwe. Nta cyaha icyo ari cyo cyose cyamuhamaga bityo ntiyashoboraga guca bugufi ngo akore icyaha kugira ngo arekurwe. Byongeye kandi Pawulo ubwe yari umukene ku buryo atashoboraga kwishyura icyo kiguzi. N'iyo aba yiteguye gutanga ibyo biguzi, aba

yarasabye abo yahinduje ubutumwa bwiza bakamugirira neza bakabitanga nyamara ntiyabikoze. Ikindi kandi, yumvaga ko ari mu maboko y'Imana bityo ntiyashoboraga kwivanga mu migambi Imana imufitiye. {INI 262.4}

Amaherezo Feliki yaje guhamagarwa i Roma kubera ibibi bikomeye byakorewe Abayahudi. Mbere y'uko ava i Kayisariya ngo yitabe iryo hamagarwa, yatekereje *"kunezeza Abayuda" asiga Pawulo mu nzu y'imbohe.* (Ibyak 24:27). Nyamara Feliki ntiyageze ku ntego yo kugerageza gutuma Abayahudi bamugarurira icyizere. Yakuwe ku nshingano ye mu buryo bubi maze hashyirwaho Porukiyo Fesito ngo amusimbure akorera i Kayisariya. {INI 263.1}

Imirasire y'umucyo uvuye mu ijuru yari yaramurikiye Feliki igihe Pawulo yaganiraga na we ibyerekeye ubutungane, kwirinda n'urubanza ruzaza. Ayo yari amahirwe ahawe n'Imana kugira ngo abone kandi areke ibyaha bye. Ariko yabwiye intumwa y'Imana ati: *"None genda; nimbona uburyo, nzagutumira."* (Ibyak 24:25). Yari yirengagije amahirwe ya nyuma ahawe y'imbabazi. Nta kindi gihe yari kuzongera kumva guhamagara kw'Imana. {INI 263.2}

****

IGICE CYA 40 - PAWULO AJURIRIRA KAYISARI
(Iki gice gishingiye ku Byakozwe n'Intumwa 25:1-12)

Fesito ageze mu butware bwe, amara iminsi itatu, maze ava i Kayisariya, ajya i Yerusalemu. Abatambyi bakuru n'abakomeye mu Bayuda bamuregera ibya Pawulo, baramwinginga, bamusaba kubagirira neza, ngo atumire Pawulo aze i Yeruselemu." (Ibyak 25:1-3). Mu gusaba batya bari bagambiriye kubikirira Pawulo mu nzira ajya i Yerusalemu ngo bamwice. Ariko Fesito yubahaga inshingano zijyana n'umwanya w'ubuyobozi yari afite bityo akoresha amagambo y'ikinyabupfura yanga kohereza Pawulo. Yaravuze ati: *"Si umuhango w'Abaroma gutanga umuntu ngo apfe, abamurega batari imbere ye, akemererwa kwiregura ibirego."* (Ibyak 25:16).Yababwiye ko nawe ubwe mu gihe gito agiye kujya i Kayisariya. "Nuko abakomeye muri mwe bamanuke tujyane, bamurege niba hari icyaha yakoze." {INI 264.1}

Ibi si byo Abayahudi bifuzaga. Ntabwo bari baribagiwe uko bari baratsindiwe i Kayisariya. Ibihabanye no kwihangana kwe atuje n'ingingo zikomeye Pawulo yagiye yisobanuraho, umutima wuzuye ubugome Abayahudi bari bafite n'ibirego bidafatika byabo byari kurushaho kugaragara nabi. Bongeye gusaba ko Pawulo azanwa i Yerusalemu kugira ngo abe ari ho aburanira ariko Fesito akomera ku mugambi we w'uko Pawulo yacirwa urubanza rutabera ari i Kayisariya. Imana mu kugira neza kwayo yayoboye icyemezo cya Fesito kugira ngo ubuzima bw'intumwa Pawulo bwiyongereho iminsi. {INI 264.2}

Abayobozi b'Abayahudi babonye ko imigambi yabo itagezweho, bahereyeko bitegura kumushinja mu rukiko rw'umutegeka mukuru. Nyuma y'iminsi mike yamaze i Yerusalemu, Fesito yaje gusubira i Kayisariya maze *"bukeye bwaho yicara ku ntebe y'imanza, ahamagaza Pawulo." "Abayuda bavuye i Yerusalemu baramugota, bamurega ibirego*

byinshi kandi bikomeye, ibyo batabasha guhamya ko ari iby'ukuri." (Ibyak 25:6). Kubera ko Abayahudi batari bafite ubaburanira, bahisemo gutanga ibirego byabo ubwabo. Ubwo urubanza rwakomezaga, Pawulo waregwaga yari atuje kandi avuga ashize amanga maze yerekana ko ibyo bavuga ari ibinyoma. {INI 264.3}

Fesito yaje kubona ko ikibazo bagiragaho impaka cyari gifitanye isano n'inyigisho za Kiyahudi, kandi amaze kubisobanukirwa neza, yabonye ko nta kintu na kimwe mu byo baregaga Pawulo cyari kugaragazwa ko ari ukuri ngo bitume acirwa urwo gupfa cyangwa ngo ashyirwe mu nzu y'imbohe. Nyamara yabonye neza uburakari bukaze bwari kuvuka iyo Pawulo adacirwaho iteka cyangwa ngo amuhe Abayahudi. "Nuko Fesito ashatse kwikundisha Abayuda" ahindukirira Pawulo amubaza niba ashaka kujya i Yerusalemu arinzwe nawe kugira ngo acirwe urubanza n'urukiko rukuru rw'Abayahudi. {INI 264.4}

Intumwa Pawulo yari azi ko adashobora kubonera ubutabera mu bantu bihamagariraga umujinya w'Imana kubera ubugome bwabo. Nk'uko byagendekeye umuhanuzi Eliya, Pawulo yari azi ko yari kugirira amahoro mu bapagani kurusha kuyabonera mu bantu bari baranze umucyo wo mu ijuru kandi bari barinangiye imitima bakanga ubutumwa bwiza. Arambiwe izo mpagarara, byagoye umutima we wagiraga ubutwari gushobora kwihanganira guhora atinzwa, gusubika urubanza rwe ndetse no kuba mu nzu y'imbohe. Nk'umuturage w'Umunyaroma, yahisemo gukoresha amahirwe yari afite yo kujuririra kuri Kayisari. {INI 265.1}

Ku kibazo umutegeka mukuru yamubajije, Pawulo yarasubije ati: *"Mpagaze imbere y'intebe y'imanza ya Kayisari, ni ho nkwiriye gucirirwa urubanza. Nta kibi nagiriye Abayuda, kandi na we urabizi neza. Nuko niba narakiraniwe, cyangwa narakoze ibikwiriye kunyicisha, sinanga gupfa. Ariko niba ari ibinyoma ibyo aba bandeze, nta muntu ubasha kubampa. Njuririye kuri Kayisari."* Ibyak 25:10, 11. {INI 265.2}

Fesito we ntacyo yari azi cyerekeranye n'ubugambanyi bw'Abayahudi bwo kwica Pawulo maze atangazwa n'uko kujuririra kuri Kayisari. Nyamara, amagambo y'intumwa Pawulo yahagaritse ibyo urukiko rwagombaga gukurikizaho. "Fesito amaze kujya inama n'abanyarukiko, aramusubiza ati *"Ujuririye kuri Kayisari; nuko rero urajyeyo."* Ibyak 25:12. {INI 265.3}

Bityo byongeye kuba ngombwa ko umugaragu w'Imana ahitamo kubonera uburinzi ku bapagani bitewe n'urwango ruturutse ku kugira ishyaka ry'imyizerere ya Kiyahudi no ku kwigira intungane kw'Abayahudi. Uru rwango nirwo rwatumye umuhanuzi Eliya ahungira ku mupfakazi w'i Sarefati; kandi ni narwo rwatumye integuza zamamazaga ubutumwa bwiza zireka Abayahudi zigahindukirira abanyamahanga. Nyamara kandi abantu b'Imana bo muri iki gihe bagomba guhura n'urwango nk'urwo. Mu bantu benshi bavuga ko ari abayoboke ba Kristo, hari ubwibone nk'ubw'Abayahudi, kwizirika ku mihango, kwihugiraho n'umwuka wo kurenganya wari warahawe icyicaro mu mitima y'Abayahudi. Mu gihe kizaza, abantu bavuga ko bahagarariye Kristo bazakora nk'uko abatambyi n'abayobozi b'Abayahudi bagenje Kristo n'intumwa. Mu gihe cy'akaga gakomeye abagaragu b'Imana b'indahemuka bari hafi kunyuramo, bazahura no kwinangira umutima, umugambi wuzuye ubugome ndetse n'urwango rutava ku izima (nk'ibyo mu gihe cya Pawulo). {INI 265.4}

Muri icyo gihe kibi abazakorera Imana bose badatinya bakurikije ibyo umutimanama ubabwira, bazakenera ubutwari ndetse no kumenya Imana n'ijambo ryayo. Kubera ko abantu b'indahemuka ku Mana bazarenganywa, imigambi yabo izashidikanywaho, imihati yabo myiza izahabwa isura mbi kandi amazina yabo azavugwa nabi. Satani azakoresha imbaraga z'uburiganya bwe bwose kugira ngo ayobye umutima kandi yijimishe intekerezo atume ikibi kigaragara nk'icyiza n'icyiza gifatwe nk'ikibi. Uko ukwizera kw'abantu b'Imana kuzarushaho gukomera no gutungana, ndetse n'uko icyemezo cyabo cyo kumvira Imana kizaba gishikamye, ni ko Satani azabateza imvururu ziturutse ku bantu basuzugura amategeko y'Imana kandi bavuga ko ari intungane. Kugira ngo hazabeho gushikama ku kwizera kwahawe intungane, bizasaba kwiringira kutanyeganyega n'umugambi ukomeye w'ubutwari. {INI 266.1}

Imana yifuza ko ubwoko bwayo bwitegura akaga kegereje. Bwaba bwiteguye cyangwa butiteguye; bose bagomba guhura n'ako kaga kandi abeguriye imibereho yabo gukurikiza amabwiriza y'Imana bonyine ni bo bazahagarara bashikamye mu gihe cy'ishungurwa n'igeragezwa. Igihe abategetsi b'isi bazifatanya n'abayobozi b'idini kugira ngo bakoreshe igitugu mu bijyanye n'umutimanama, ubwo nibwo hazagaragara abubaha Imana kandi bayikorera mu kuri. Igihe umwijima wabuditse

nibwo umucyo w’Imana uzarushaho kurabagirana. Igihe ibyiringirwa bindi byose bizaba bitsinzwe, nibwo hazagaragara ufite kwiringira Yehova kudashira. Kandi igihe abanzi b’ukuri bazaba bagose impande zose, bagenza abagaragu b’Imana kugira ngo babagirire nabi, Imana yo izabahozaho ijisho kugira ngo ibakorere ibyiza. Imana izababera nk’igicucu cy’igitare gikomeye mu gihugu cyumye. {INI 266.2}

******

IGICE CYA 41 - HABUZE GATO UKANYEMEZA

(Iki gice gishingiye mu Byakozwe n'Intumva 25:13-27; 26)

Pawulo yari yarajuririye Kayisari kandi Fesito nta kindi yagombaga gukora uretse kumwohereza i Roma. Ariko hashize igihe kugira ngo haboneke ubwato bukwiye kumujyana; kandi kubera ko hari izindi mbohe zagombaga koherezanywa na Pawulo, kubanza kwiga ku bibazo byazo nako kwatumye habaho gutinda. Ibi byahesheje Pawulo amahirwe yo kuvuga impamvu zo kwizera kwe imbere y'abantu bakomeye b'i Kayisariya n'imbere y'umwami Agiripa wa kabiri ari we mwami wa nyuma mu muryango wa Herode. {INI 267.1}

"Hashize iminsi, Umwami Agiripa na Berenike bajya i Kayisariya, baramutsa Fesito. Bamazeyo iminsi myinshi, Fesito atekerereza Umwami ibya Pawulo, ati *'Hariho umuntu, Feliki yasize ari imbohe. Ubwo nari i Yerusalemu, abatambyi bakuru n'abakuru b'Abayuda bandegeye ibye, bashaka ko muciraho iteka."* (Ibyak 25:13-15). Yavuze icyatumye Pawulo ajurira kuri Kayisari, avuga ku rubanza Pawulo yari aherutse kuburanira imbere ye ndetse n'uko Abayahudi nta kintu bashinje Pawulo mu byo yakekaga ko bari bumurege, uretse *"impaka zo mu idini yabo, n'iz'umuntu witwa Yesu wapfuye, uwo Pawulo yavugaga ko ari muzima."* Ibyak 25:19. {INI 267.2}

Igihe Fesito yavugaga igitekerezo cya Pawulo, Agiripa yagize amatsiko aravuga ati : *"Nanjye ubwanjye ndashaka kumva uwo muntu."* (Ibyak 25:22). Bihuye n'icyifuzo cye, ku munsi wakurikiyeho hateganijwe inama. *"Bukeye bw'aho Agiripa na Berenike bazana icyubahiro cyinshi, binjirana mu rukiko n'abatwara ingabo n'abakomeye bo muri uwo mudugudu; Fesito ategeka ko bazana Pawulo."*Ibyak 25:23. {INI 267.3}

Mu rwego rwo kwakira abashyitsi be, Fesito yashatse gukoresha uwo mwanya ngo yerekane icyubahiro cye. Ibishura bihenze by'umutegeka

mukuru n’abashyitsi be, inkota z’abasirikare ndetse n’intwaro zirabagirana z’abasirikare babo bakuru byakwije umucyo aho hantu. {INI 267.4}

Pawulo wari ucyambaye iminyururu mu maboko, yahagaze imbere y’imbaga yari iteraniye aho. Mbega itandukaniro ryagaragaye aha hantu! Agiripa na Berenike bari bafite ubushobozi kandi bari ku butegetsi bityo kubw’iyi mpamvu abantu barabakundaga. Nyamara nta biranga imico Imana ikunda bari bafite. Bicaga amategeko yayo, bari banduye mu mitima no mu mibereho yabo. Imikorere yabo yangwaga urunuka n’ijuru. {INI 267.5}

Pawulo wari imfungwa ageze mu za bukuru, yari azirikishijwe umunyururu ku musirikare wamurindaga, nta kintu cyagaragaraga mu maso he cyari gutuma abantu bamwubaha. Nyamara ijuru ryose ryari ryitaye kuri uyu muntu wagaragaraga ko nta ncuti agira cyangwa ubutunzi cyangwa umwanya w’icyubahiro ndetse akaba yari afungiwe kwizera Umwana w’Imana kwe. Abamarayika bari bamuri iruhande. Iyo ubwiza bw’umwe muri izo ntumwa zirabagirana umurika, ukurabagirana n’ubwibone bya cyami byari kuzima. Umwami n’ibyegera bye bari kwikubita hasi nk’uko byagendekeye abarinzi b’Abanyaroma bari ku mva ya Kristo. {INI 268.1}

Fesito ubwe yeretse Pawulo abari bateranye aho muri aya magambo: *“Mwami Agiripa, namwe mwese abo turi kumwe hano, murareba uyu, uwo Abayuda bose bansabiraga i Yerusalemu n’ino, basakuza ngo ntagikwiriye kubaho. Ariko menya yuko atakoze igikwiriye kumwicisha, kandi na we ubwe ajuririye kuri Awugusito, ngambirira kumumwohereza. None mbuze ijambo rigaragara ryo kwandikira umwami wanjye, ni cyo gitumye muzana imbere yanyu, kandi cyane cyane imbere yawe, Mwami Agiripa, kugira ngo, nitumara kumubaza, mbone icyo nandika; kuko ngira ngo ni icy’ubwenge buke kohereza imbohe, sinsobanure ibyo irezwe.”* Ibyak 25:24-27. {INI 268.2}

Umwami Agiripa yahereye ubwo aha Pawulo uburenganzira bwo kwisobanura. Intumwa Pawulo ntiyigeze ahungabanywa n’ibyari bimuzengurutse cyangwa abategetsi bakuru bamwumvaga kuko yari azi uburyo ubutunzi bw’isi n’icyubahiro cyayo ari iby’agaciro gake. Ubwiza burabagirana bw’iby’iy’isi n’ubushobozi bwayo ntibyashoboraga gucogoza na gato ubutwari bwe cyangwa ngo bitume adashobora

kwikomeza. {INI 268.3}.Yaravuze ati: *“Ibyo narezwe n’Abayuda byose, Mwami Agiripa, ndishimye ko ari wowe ngiye kubyiregurirahо: kandi cyane cyane kuko uzi imigenzo n’impaka byo mu Bayuda byose: ni cyo gitumye nkwinginga ngo wihanganire kunyumva.”* Ibyak 26:23. {INI 268.4} Pawulo yabatekerereje uburyo yahindutse akava mu kwinangira maze akizera Yesu w’i Nazareti nk’Umucunguzi w’isi. Yabarondoreye iby’iyerekwa yahawe n’Imana ryabanje kumutera ubwoba bitavugwa ariko nyuma rikamubera isoko y’ihumure ritagereranywa. Ryari iyerekwa ry’ubwiza bw’ijuru aho yabonye wa wundi yasuzuguraga kandi yangaga ndetse akaba yarashakaga kurimbura abayoboke be. Kuva icyo gihe Pawulo yari yarahindutse umuntu mushya, umwizera nyakuri wa Yesu abitewe n’imbabazi zihindura. {INI 268.5}

Imbere ya Agiripa, Pawulo yavuze mu magambo yumvikana kandi avugana imbaraga yerekana ingingo zikomeye zaranze imibereho ya Kristo ku isi. Yahamije ko Mesiya wavuzwe n’ubuhanuzi yari yaragaragariye muri Yesu w’i Nazareti. Yerekanye ukuntu Ibyanditswe byo mu Isezerano rya Kera byari byaravuze ko Mesiya yagombaga kugaragara nk’umuntu mu bantu, ndetse n’uburyo imibereho ya Yesu yari yarasohoreyemo ibyari byaravuzwe na Mose n’abahanuzi byose. Kubw’umugambi wo gucungura isi yacumuye, Umwana w’Imana yari yarihanganiye umusaraba, ntiyita ku gukozwa isoni, kandi yari yarazamuwe mu ijuru anesheje urupfu n’imva. {INI 269.1}

Pawulo yarabajije ati: “Kuki byashidikanywaho ko Kristo yaba yarazutse mu bapfuye?” Igihe kimwe niko byari byaragaragariye Pawulo ariko byashobokaga bite kutizera ibyo we ubwe yiboneye kandi yiyumviye? Ku irembo ry’i Damasiko, yari yariboneye Kristo wabambwe kandi wazutse; wa wundi wagendaga mu mihanda y’i Yerusaremu, agapfira i Karuvali, akamena imbaraga z’urupfu kandi akazamuka mu ijuru. Nk’uko byari byaragendekeye Kefa, Yakobo, Yohana cyangwa abandi bo mu bigishwa, Pawulo yari yarabonye Kristo kandi yari yaravuganye na we. Ijwi ryari ryaramutegetse kwamamaza ubutumwa bwiza bw’Umukiza wazutse, none se yashoboraga ate kutumvira? I Damasiko, i Yerusalemu, i Yudaya hose n’intara za kure, yari yarahatanze ubuhamya bwa Yesu wabambwe, akereka abantu bo mu nzego zose ko *“bagomba kwihana no guhindukirira Imana, kandi bagakora imirimo ikwiriye abihannye.”* Ibyak 26:20. {INI 269.2}

Intumwa Pawulo yaravuze ati: *“Ni cyo cyatumye Abayuda bamfatira mu rusengero, bakagerageza kunyica. Ariko mbona gutabarwa kwavuye ku Mana, na n’ubu ndacyariho, mpamiriza aboroheje n’abakomeye; icyakora nta cyo mvuga keretse ibyo abahanuzi na Mose bavuze ko bizaba, yuko Kristo atazabura kubabazwa, kandi ko ari we uzabanza kuzuka no kubwira ubwoko bwacu n’abanyamahanga ubutumwa bw’umucyo.”* Ibyak 26:21-23. {INI 269.3} Abantu bose bari aho bateze amatwi ibyamubayeho bitangaje bumiwe. Intumwa Pawulo yatindaga ku ngingo yakundaga cyane. Nta muntu n’umwe wamwumvise washoboraga gushidikanya ukuri yavugaga. Ariko igihe yavugaga ashize amanga abemeza, Fesito yaramurogoye aramubwira ati: *“Urasaze, Pawulo; ubwenge bwawe bwinshi buragusajije.”* {INI 269.4}

Pawulo yarasubije ati: *“Sinsaze, nyakubahwa Fesito, ahubwo ayo magambo nyavuganye ukuri no kwitonda. Ndetse n’umwami azi ibyo neza, kandi ndabimubwira nshize amanga; kuko nzi ko ari nta cyo muri byo ayobewe; kuko bitakozwe rwihishwa.”* (Ibyak 26:24-26). Pawulo yahindukiriye Agiripa, aramubwira ati: *“Mbese,Mwami Agiripa, wemeye ibyahanuwe? Nzi y’uko ubyemeye.”* Ibyak 26:27. {INI 270.1}

Umwami Agiripa yakozwe ku mutima amara umwanya muto yiyumvira atitaye ku bari bamukikije n’icyubahiro yari afite. Yatekerezaga gusa ku kuri yari yumvise, yitegereza imbohe yicishije bugufi yari imbere ye nk’intumwa y’Imana maze asubiza atabitekerejeho ati: *“Ubuze gato ukanyemeza kuba Umukristo!”* Ibyak 26:28. {INI 270.2}

Intumwa Pawulo yaravuze ati: “Ndasaba Imana kugira ngo, haba hato, haba hanini, uretse wowe wenyine, ahubwo n’abanyumva uyu munsi bose, bamere nkanjye,” *maze azamura amaboko ye yari aboshye n’iminyururu yongeraho ati: “keretse iyi minyururu.”* Ibyak 26:29. {INI 270.3} Ukurikije ubutabera, Fesito, Agiripa na Berenike bashoboraga kuba ari bo bambaye iminyururu yari iboshye intumwa Pawulo. Bose bahamwaga n’ibyaha bikomeye. Uwo munsi izo nkozi z’ibibi zari zumvise ukurarikirwa kwakira agakiza kabonerwa mu izina rya Yesu. Nibura umwe muri bo yari hafi kwemera ubuntu n’imbabazi ahawe. Ariko Agiripa yirengagije ubwo buntu, yanga kwemera umusaraba w’Umucunguzi wabambwe. {INI 270.4}

Amatsiko umwami yari afite yarashize maze ahaguruka mu ntebe ye avuga ko ibyo babazaga Pawulo birangiye. Ubwo abantu bari bateraniye aho batandukanaga, bagiye bavugana bati: “Nta cyo uyu munsi yakoze gikwiriye kumwicisha cyangwa kumubohesha.” Ibyak 26:31. {INI 270.5}Nubwo Agiripa yari Umuyahudi, ntiyari afite ishyaka ridafite ishingiro ndetse n’imyumvire yuzuye ubuhumyi by’Abafarisayo. Agiripa yabwiye Fesito ati: *“Uyu muntu aba arekuwe, iyaba atarajuririye kuri Kayisari.”* (Ibyak 26:32). Nyamara urubanza rwari rwarajuririwe muri urwo rukiko rw’ikirenga bityo icyo gihe rwari rurenze ubushobozi bwa Fesito na Agiripa. {INI 270.6}

******

IGICE CYA 42 - URUGENDO NO KUROHAMA
(Iki gice gishingiye mu Byakozwe n'Intumwa 27; 28:1-10)

Amaherezo Pawulo yari mu nzira agana i Roma. Luka yanditse agira ati: *"Bamaze gutegeka ngo dutsuke tujye muri Italiya, Pawulo n'izindi mbohe babaha Yuliyo, umutware utwara umutwe wo mu ngabo zitwa iza Awugusito. Twikira mu nkuge yavuye mu Adaramutiyo, yendaga gutsuka ngo ijye mu bihugu byo muri Aziya; turatsuka. Twari turi kumwe na Arisitariko, Umunyamakedoniya w'i Tesolonike."* Ibyak 27:1, 2. {INI 271.1}

Mu kinyejana cya mbere cy'igihe cy'Ubukristo kugendera mu nyanja byari birimo ingorane kandi biruhije. Abasare bagendaga bakurikiye izuba n'inyenyeri kandi igihe bitabonekaga maze hakaboneka ibimenyatso by'umuraba, abasare bagiraga ubwoba bw'uko bari burohame mu nyanja. Igihe kimwe cy'umwaka, kugenda mu nyanja byasaga n'ibidashoboka. {INI 271.2}

Intumwa Pawulo yari ahamagariwe kwihanganira ibikomeye byari bigiye kumugeraho nk'imfungwa iboheshejwe iminyururu mu rugendo rurerure kandi rugoye agana muri Italiya. {INI 271.3} Hari ikintu kimwe cyabaye cyamworohereje umuruho cyane.Yemerewe guherekezwa na Luka na Arisitariko. Mu rwandiko yandikiye Abanyakolosi yaje kuvuga kuri Arisitariko amwita "imbohe mugenzi we." (Kol 4:10); nyamara Arisitariko ni we wihitiyemo kwifatanya na Pawulo kugira ngo ashobore kumufasha mu mibabaro ye. {INI 271.4}

Urugendo rwatangiye neza. Ku munsi wakurikiyeho baruhukiye ku cyambu cy'i Sidoni. Ahangaha Yuliyo, umutware utwara abasirikare ijana, "yagiriye Pawulo neza," kandi yumvise ko aho hantu hari Abakristo, "yamuhaye umudendezo wo gusura incuti ze kugira ngo zimuhe icyo akeneye. Pawulo yanezejwe cyane n'urwo ruhusa kuko ubuzima bwe bwari bufite intege nke. {INI 271.5}

Bamaze guhaguruka i Sidoni ubwato bwahuye n'imiyaga igana mu kindi cyerekezo maze ubwato buteshejwe inzira yabwo bituma bugenda buhoro. I Mira mu ntara ya Lisiya, umuyobozi w'abasirikare ijana yahabonye ubwato bunini bwavaga muri Alekizanderiya bwari buziritse ku nkombe yerekezaga mu Italiya maze ahita abushyiramo imbohe ze. Nyamara imiyaga yari ikiri kwa kundi ku buryo gukomeza k'ubwato byari bikomeye. Luka yanditse agira ati: *"Tumara iminsi itari mike tugenda buhoro, tugera ahateganye n'umugi wa w'i Kinida bitugoye. Umuyaga utubujije gukomeza, nibwo dukikiye ikirwa cya Kireti, ahateganye na Salumoni kugira ngo kidukingire umuyaga. Tumaze kuhakikira bituruhije, tugera ku cyambu cyitwa Myaromyiza hafi y'umugi wa Lasaya."* Ibyak 27:7, 8. (Bibiliya Ijambo ry'Imana). {INI 271.6}

Bageze myaro-myiza, byabaye ngombwa ko bahamara iminsi bategereje ko imiyaga yatuza. Itumba naryo ryari ryegereje "kandi kunyura mu nyanja kwari gufite akaga;" bityo abasare batakaje icyizere cyo kugera aho bashaka kujya mbere y'uko itumba ritangira kubera ko kunyura mu nyanja byarangiranaga n'itangira ry'itumba ry'umwaka. Ikibazo cyonyine bagombaga gufatira umwanzuro cyari ukuba baguma ku Myaro-myiza cyangwa bakagerageza kugera ahantu hatekanye bashoboraga kwikinga itumba. {INI 272.1}

Iki kibazo cyateye impaka cyane maze amaherezo umutware w'abasirikare agishyikiriza Pawulo wubahwaga n'abasare ndetse n'abasirikare. Intumwa Pawulo nta kugingimiranya yabagiriye inama yo kuguma aho bari bari. Yaravuze ati: *"Mbonye yuko uru rugendo rugiye kubamo ibyago no gupfusha byinshi, si iby'inkuge n'ibiyirimo gusa, ahubwo n'ubugingo bwacu nabwo,"* (Ibyak 27:10). Ariko "umwerekeza na nyir'inkuge" na benshi mu bagenzi n'abandi bari hamwe ntibashatse kwemera iyi nama. kubera ko icyo cyambu bari baziritseho ubwato « *kitari kiboneye ku buryo bari kuhamara amezi y'imbeho n'umuyaga, ni cyo cyatumye abenshi bahuza inama yo kuvayo, biringira kugera ahitwa Fenike, kugira ngo baharangirize ayo mezi y'imbeho. Fenike ni icyambu cyo muri Kireti cyerekeje aho imiyaga ituruka, uwo mu majyepfo y'iburengerazuba n'uwo mu majyaruguru y'uburengerazuba.»* Ibyak 27:12. (Bibiliya Ijambo ry'Imana). {INI 272.2}

Umutware w'abasirikare yafashe umwanzuro wo gukurikiza igitekerezo cya benshi. Kubw'ibyo, "umuyaga woroshye uva mu

majyepfo utangiye guhuha," bikiye mu bwato bava ku Myaro-myiza bafite ibyiringiro byo kugera ku mwaro bifuzaga kugeraho vuba. "Ariko bidatinze ishuheri y'umuyaga itangira guhuha;" *"ikubita ubwato bananirwa kuyirwanya, ni ko kubureka bujya iyo umuyaga ushaka."* Ibyak 27:14,15.(Bibiliya Ijambo ry'Imana). {INI 272.3}

Bateraganwa n'umuraba, ubwato bugera hafi y'akarwa ka Kilawuda maze bageze mu gicucu cyako karwa abasare bitegura akaga gakomeye. Akato kari kaziritse ku bwato bunini, ni ko buryo bwonyine bari bafite bwo kubatabara igihe ubwato bunini burengewe n'amazi. Ako kato kashoboraga kumenagurika igihe icyo ari cyo cyose. Umurimo wabo w'ingenzi wabaye uwo gukurura ako kato bakagashyira mu bwato bunini. Ingamba zose zishoboka zarafashwe kugira ngo batsike ubwato kandi batume budahungabanywa n'umuraba. Umutekano w'akanya gato bagiriye kuri ako karwa ntiwamaze igihe kirekire kuko mu kanya gato bongeye guhura n'umuraba ukomeye. {INI 272.4}

Ijoro ryose umuraba ntiwigeze utuza kandi nubwo ingamba zari zafashwe, ubwato bwarasomye. *«nuko bukeye bwaho baroha imitwaro mu nyanja»* (Ibyak 27:18). Bwongeye kwira ariko incubi y'umuyaga ntiyatuje. Ubwato bwari mu muraba bwangiritse bwakozwaga hirya no hino n'umuhengeri wari ukaze. Buri gihe byagaragaraga ko imbaho z'ubwato zigiye kumeneka mu gihe ubwato bwakomwaga hirya no hino n'umuraba. Gusoma k'ubwato kwarakomeje cyane ku buryo abagenzi n'abo bari bafatanije urugendo bayadahaga amazi ubutaruhuka. Buri muntu wese wari mu bwato nta n'umwe wabonaga akanya na gato ko kuruhuka. Luka yaranditse ati: *«Ku munsi wa gatatu, abasare ubwabo bafata ibikoresho by'ubwato nabyo barabiroha. twamaze iminsi myinshi tutareba izuba n'inyenyeri, umuyaga n'umuhengeri bikomeza guhorera kugeza ubwo tutari rwiringiye ko hari ubasha kurokoka."* (Ibyak 27:19, 20). {INI 272.5}

Bamaze iminsi cumi n'ine nta zuba cyangwa inyenyeri bigaragara. Nubwo intumwa Pawulo yababaraga mu mubiri, yari afite amagambo y'ibyiringiro muri icyo gihe cy'umwijima kandi agafasha abandi mu gihe cyose gitunguranye. Kubwo kwizera yafashe ukuboko gukomeye kw'Isumbabyose kandi umutima we wari ushikamye ku Mana. Nta bwoba yari afitiye ubuzima bwe kuko yari azi ko Imana yari kumurinda kugira ngo azashobore guhamya ukuri kwa Kristo i Roma. Nyamara

umutima we wagiriye impungenge abantu bari bamukikije, bari abanyabyaha bangiritse kandi batari biteguye gupfa. Igihe yasabaga Imana kugira ngo ikize ubuzima bwabo abikuye ku mutima, yahishuriwe ko isengesho rye ryasubijwe. {INI 273.1}

Umuraba utuje, Pawulo yahagaze hejuru mu bwato maze aherako arangurura ijwi ati: *“Yemwe bagabo, mwari mukwiriye kunyumvira ntimuve i Kerete, ngo mutabona ibi byago no gupfusha ibyanyu. Kandi none ndabakomeza, nimuhumure kuko muri mwe hatazapfa n’umwe keretse inkuge, kuko iri joro iruhande rwanjye hahagaze marayika w’Imana, ndi uwayo nyikorera akambwira ati ‘Pawulo, witinya ukwiriye guhagarara imbere ya Kayisari, kandi dore Imana iguhaye n’abo mugendana bose.’ Nuko nimuhumure mwa bagabo mwe, kuko nizeye Imana yuko bizaba uko nabwiwe. ariko dukwiriye gusukwa ku kirwa.”* Ibyak 27:21-26. {INI 273.2}

Abantu bumvise aya magambo bagaruye ibyiringiro. Abagenzi n’abo bari kumwe bavuye mu majune, nyamara hari hasigaye byinshi byo gukora kandi bagombaga gukora uko bashoboye kose kugira ngo batarohama. {INI 273.3}Bageze mu ijoro rya cumi n’ane ricuze umwijima kandi bagiteraganwa hirya no hino n’umuraba, *“mu gicuku” abasare bumvise guhorera k’umuraba maze “bibwira ko bari hafi kugera imusozi. Bamanurira mu mazi umugozi uziritse icyuma kugira ngo bapime uko hareshya, basanga ari metero mirongo itatu z’ubujyakuzimu. Bicumye gato bongera gupima, babona ari metero makumyabiri n’umunani.” Luka yaranditse ati, “Batinya ko ubwato bwasekura ku ntaza, niko kumanurira mu mazi ibitsikabwato bine by’ibyuma bifashwe n’imigozi, ngo ahari byafata hasi bikabuhagarika, maze basaba Imana ko bucya vuba.”* Ibyak 27:2729.(Bibiliya Ijambo ry’Imana). {INI 273.4}

Umuseke utambitse inkengero z’umwaro zari zitangiye kugaragara buhoro ariko umwaro ntiwashoboraga kuboneka. Aho barebaga hari hijimye ku buryo abasare b’abapagani bacitse intege *“bashaka guhunga ngo bave mu bwato,” kandi bamaze kurekurira ka kato mu mazi bari no kwitegura kujugunya ibitsikabwato nibwo Pawulo yamenye umugambi wabo maze abwira umutware w’abasirikari ati, “Aba nibataguma mu bwato, mwebwe ntimushobora gukira.” abasirikari bahita “baca imigozi iziritse ako kato, barakareka amazi aragatwara.”* Ibyak 27:31, 32. (Bibiliya Ijambo ry’Imana). {INI 274.1}

Imbere yabo hari hakiri isaha y'akaga karushijeho kuba kabi cyane. Intumwa Pawulo yongeye kuvuga amagambo yo kubakomeza, anasaba bose ari abasare n'abagenzi kurya. Yaravuze ati, "None uyu munsi ni uwa cumi n'ine mutegereza mutarya, mudakoza intoki ku munywa. Ni cyo gitumye mbinginga ngo murye kuko ari byo biri bubakize, kandi hatazagira agasatsi kamwe gapfuka ku mitwe yanyu." (Ibyak27:33, 34). {INI 274.2}

"Amaze kuvuga atyo afata umugati, ashimira Imana imbere yabo bose, arawumanyura, atangira gufungura." Iri tsinda ry'abantu magana abiri na mirongo irindwi na batanu bari bananiwe kandi bacitse intege ndetse baba barabuze ibyiringiro iyo Pawulo atahaba, baherako bafatanya nawe gufungura. "Umuntu wese amaze guhaga bajugunya ingano zasigaye mu nyanja, kugira ngo borohereze ubwato." Ibyak 27:38. {INI 274.3}.Bwari bumaze gucya nyamara nta kintu babonaga cyerekanaga aho bageze.Ariko *"babonye ikigobe kiriho umusenyi, bajya inama y'uko bashobora komoreraho inkuge. Bahambura imirunga yari ifashe ibyuma bitsitse inkuge, babisiga mu nyanja; bakibikora, bahambura imirunga yakomeje ibyerekeza inkuge, bazamura umwenda w'imbere uyigendesha, berekeza ku musenyi. Ariko bageze mu ihuriro ry'amazi, basekura inkuge ku butaka bwo hasi y'amazi; nuko umutwe w'inkuge w'imbere urashinga, ntiwanyeganyega; maze uw'inyuma umenagurwa n'imbaraga y'umuraba."*Ibyak 27:39-41. {INI 274.4}

Pawulo n'izindi mbohe bari bahangayikishijwe n'akandi kaga karenze kurohama. Abasirikare babonye ko bitazabashobokera gukomeza kurinda imbohe bashinzwe igihe bari kugerageza kwambuka ngo bagere ku nkombe. Buri muntu wese yari gukora icyo ashoboye kugira ngo yikize. Ariko kandi iyo hagira imbohe n'imwe ibura, abari bazishinzwe bajyaga kuziryozwa. Bityo abasirikare bashatse kwica izo mbohe zose. Itegeko ry'Abaroma ryabemereraga gukora ubu bugome kandi uyu mugambi uba warahise ushyirwa mu bikorwa nyamara bihagarikwa kubera umwe muri bo.Yuliyo, umutware w'abasirikare ijana, yari azi ko Pawulo yagize akamaro mu gukiza ubuzima bw'abantu bose bari mu bwato, kandi kuba yari azi neza ko Imana iri hamwe na Pawulo, yatinye kumugirira nabi.Yahereyeko *"ategeka yuko abazi koga biroha mu mazi, kugira ngo abe ari bo babanza kugera ku nkombe; n'abandi na bo, bamwe bagenda ku mbaho, abandi ku bindi bivuye mu*

nkuge. nuko muri ubwo buryo bagera ku nkombe bose, barakira." Ibyak 27:43, 44. Bahamagawe nta n'umwe wabuze. {INI 274.5}

Itsinda ry'abari barokotse kurohama mu nyanja bakiriwe neza n'abaturage b'i Melita. Luka yaranditse ati: *"Baducanira umuriro, batwakira twese, kuko hari imvura n'imbeho"* (Ibyak 28:2). Pawulo yari umwe mu bakoranaga umuhati mu guhumuriza abandi. Pawulo amaze gusakuma "inkwi ngo azishyire mu muriro," inzoka isosokamo "kubera ubushyuhe maze imusumira ikiganza." Abari bahagaze aho bagize ubwoba; kandi babonye ko ari imbohe kubera umunyururu yari yambaye baravuganye bati *"ni ukuri uyu muntu ni umwicanyi; nturora n'ubwo yakize mu nyanja, idaca urwa kibera ntimukundira kubaho!" Ariko Pawulo akunkumurira iyo nzoka mu muriro ntiyagira icyo aba. Kubera bari bazi ko iyo nzoka igira ubumara, abo bantu bategereje ko Pawulo ari bwikubite hasi ababazwa cyane. "Ariko bamaze umwanya munini bakibitegereje, babona ntacyo abaye, barahindura bati, ni imana.'"* Ibyak 28:4, 6. {INI 275.1}

Mu gihe cy'amezi atatu abari mu nkuge bamaze i Milita, Pawulo n'abavugabutumwa bagenzi be bagize amahirwe menshi yo kubwiriza ubutumwa bwiza. Imana yabakoreyemo mu buryo bukomeye. Abantu bose bari bamenekeweho n'inkuge bafashwe neza cyane kubera Pawulo; ibyo bari bakeneye byose barabihawe, kandi bavuye i Melita abaturage baho babapfunyikiye ibyo bari gukenera byose mu rugendo rwabo. Luka arondora mu ncamake ibintu bikomeye byabaye igihe bari i Melita. Abivuga muri aya magambo: {INI 275.2}

"Hafi aho hakaba amasambu y'umutware w'icyo kirwa witwa Pubuliyo. Na we atwakira neza tumara iminsi itatu. Se wa Pubuliyo yari mu kirago ari indembe, arwaye amacinya ahinda n'umuriro. Pawulo ajya kumureba, amaze gusenga amurambikaho ibigamnza aramukiza. Ibyo bimaze kuba, abandi barwayi b'icyo kirwa nabo baraza abakiza indwara. Abaho baherako baduha icyubahiro cyinshi, kandi ubwo twari twuriye ubwato ngo tugende, badupakirira ibyo twari dukeneye mu rugendo." Ibyak 28:7-10. (Bibiliya Ijambo ry'Imana).{INI 275.3}

****

IGICE CYA 43 - PAWULO ARI I ROMA

(Iki gice gishingiye mu Byak. 28:11-31 n'Urwandiko rwandikiwe Filemoni)

Igihe cyo kuvugama kigeze, umutware w'abasirikare n'imbohe yari ajyanye nazo bakomeje urugendo rwabo berekeza i Roma. Ubwato bwari buvuye Alekizanderiya bwitiriwe imana z'impanga bwari bumaze amezi y'imbeho n'umuyaga bwikinze ku kirwa cya Melita bwerekezaga iburengerazuba maze abagenzi babwinjiramo. Nubwo bakererejwe n'imiyaga yahuhaga ituruka iyo berekezaga, urugendo rwasojwe amahoro maze ubwo bwato babutsika ku mwaro wa Puteyoli ku nkengero ya Italiya. {INI 276.1}.Aho ngaho hari Abakristo bake maze basaba Pawulo kumarana na bo iminsi irindwi. Umutware uyobora abasirikare yemeye iki cyifuzo n'umutima mwiza. Kuva igihe Abakristo bo mu Italiya baboneye urwandiko Pawulo yandikiye ab'i Roma, bategereje gusurwa n'intumwa Pawulo bafite ubwuzu. Ntibigeze batekereza y'uko bazamubona aje ari imbohe; ariko imibabaro ye yatumye barushaho kumukunda. Kuva i Puteyoli ukagera i Roma hari intera ya kirometero 225 kandi amakuru yahoraga ava ku mwaro akagera mu murwa mukuru. Ibyo byatumye Abakristo b'i Roma bamenya ko Pawulo ari hafi maze bamwe muri bo batangira kujya kumusanganira no kumuha ikaze. {INI 276.2}

Ku munsi wa munani bamaze kugera ku nkombe, Yuliyo, umutware w'abasirikare n'imbohe ze berekeje i Roma. Mu byo yari afitiye ubushobozi byose, Yuliyo yemereye Pawulo kwishyira akizana; ariko ntiyashoboraga kugira icyo ahindura ku mibereho ya Pawulo nk'imbohe cyangwa ngo abe yamubohora umunyururu wari umufatanyije n'umusirikare wari umurinze. Igihe Pawulo yakoraga urugendo (yari

yariteze igihe kirekire) rwo kujya gusura Umurwa mukuru w'isi yari afite umutima uremerewe. Mbega ukuntu yagize ibihe bitandukanye n'uko yari yarabitekereje! Yashoboraga kwamamaza ubutumwa bwiza ate aboshye kandi yaraharabitswe? Ibyiringiro bye byo kwemeza abantu benshi ukuri i Roma byasaga n'ibitazasohora. {INI 276.3}

Amaherezo abagenzi bageze ku Isoko rya Apiyo ahari ku birometero 64 uturutse i Roma. Igihe banyuraga mu mbaga y'abantu bari buzuye inzira, umusaza w'imvi [Pawulo] wari ubohanywe n'itsinda ry'abagome barebanaga umutima unangiye, ni we abantu bakwenaga bakamugira urwa amenyo. {INI 276.4} Urusaku rw'ibyishimo rwumvikanye bitunguranye maze umuntu umwe ava muri iyo mbaga y'abantu agwa mu ijosi rya Pawulo, amuhoberana amarira n'ibyishimo nk'uko umwana yakwakira umubyeyi badaherukana. Abantu bakomeje kujya bamuhobera, bamwitegerezanya amatsiko maze abantu benshi babona ko uwo muntu uboshywe ari wa wundi wari warababwiye amagambo y'ubugingo ari i Korinto, i Filipi na Efeso. {INI 276.5}

Igihe abo bigishwa bari banezerewe mu mitima bazaga ari benshi bakazenguruka umubyeyi wababyaje ubutumwa bwiza, abantu bose bari kumwe na Pawulo baje guhagarara. Abasirikare barambiwe n'uko gutinda aho ngaho nyamara nta mutima wo kurogoya uko kubonana kwari kunejeje kubera ko na bo bari bamaze kumva ko bakwiriye kumwubaha no kumuha agaciro. Nubwo mu maso ha Pawulo hari hananutse kandi hashenguwe n'umubabaro, abigishwa bamurebanaga ishusho ya Kristo. Bagaragarije Pawulo ko batamwibagiwe cyangwa ngo babe bararetse kumukunda; kandi ko bamufitiye umwenda kubera ibyiringiro by'umunezero byari byuzuye imibereho yabo kandi bikababahesha amahoro ku Mana. Kubera urukundo bari bamufitiye, iyo babihererwa uburenganzira, bari kumuheka ku bitugu inzira yose bakamugeza mu mujyi. {INI 277.1}

Abantu bake ni bo basobanukirwa n'amagambo ya Luka avuga ko igihe Pawulo yabonaga abavandimwe, *" yashimye Imana kandi biramukomeza cyane."* (Ibyak 28:15). Igihe itsinda ry'abizera bariraga, bamugaragariza urukundo kandi badakojejwe isoni n'iminyururu ye, intumwa Pawulo yasingije Imana mu ijwi rirenga. Igicu cy'agahinda cyari mu mutima we cyaratamurutse. Mu mibereho ye ya Gikristo yahoraga mu bigeragezo, mu mibabaro no guhemukirwa, ariko muri

uwo mwanya yiyumvisemo ko ahumurijwe bikomeye. Yakomeje urugendo rwe akomeye kandi anezerewe mu mutima. Ntiyashoboraga kwicuza ibyamubayeho mu gihe cyashize cyangwa ngo atinye ahazaza. Yari azi ko iminyururu no kubabazwa byari bimutegereje nyamara yari azi ko afite inshingano yo gukura abantu mu bubata burushijeho kuba bubi maze anezezwa no kubabazwa ku bwa Kristo. {INI 277.2}

Bageze i Roma Yuliyo wayoboraga abasirikare ijana yashyikirije imbohe yari azanye umusirikare wayoboraga abarinzi b'umwami w'abami. Amakuru meza yavuze kuri Pawulo n'urwandiko rwari rwaturutse kuri Fesito byatumye uwo musirikare mukuru afata Pawulo neza kandi aho kugira ngo yohereze Pawulo mu nzu y'imbohe yamuhaye uburenganzira bwo kuba mu nzu yikodeshereje. Nubwo Pawulo yari akiziritswe ku musirikare, yari afite umudendezo wo gusurwa n'incuti ze no gukora kugira ngo umurimo wa Kristo ujye mbere. {INI 277.3}

Abenshi mu Bayahudi bari barabujijwe kuza i Roma, mu myaka mike yari ishize bari baremerewe kuhagaruka ku buryo wahabasangaga benshi. Mbere ya byose, Pawulo yiyemeje kumenyesha abo bantu ibimwerekeyeho ndetse n'umurimo we. Yagambiriye kubikora mbere y'uko abanzi be babona akito ku kumwangisha abo bantu. Nyuma y'iminsi itatu ageze i Roma, Pawulo yateranyije abakuru bo mu Bayahudi, maze mu mvugo yoroheje kandi itaziguye, abamenyesha impamvu yatumye azanwa i Roma ari imbohe. {INI 277.4}

Yaravuze ati: *"Bagabo bene Data, nubwo ntagize ikibi nagiriye ubwoko bwacu cyangwa imigenzo ya ba sogokuruza, nabohewe i Yerusalemu, bankurayo, bampa Abaroma. Na bo bamaze kumbaza, bashaka kundekura, kuko nta mpamvu yambonetseho yo kunyicisha. Ariko Abayuda bagiye impaka, mpatwa kujuririra Kayisari, icyakora si uko mfite icyo ndega ubwoko bwacu. Ni cyo nabatumiriye ngo tuvugane duhanganye: kuko ibyo Abisirayeli biringira kuzabona, ari byo byatumye mboheshwa uyu munyururu."* Ibyak 28:17-20. {INI 278.1}

Ntacyo yigeze avuga ku kuntu Abayahudi bamugiriye nabi cyangwa ngo avuge ku bico bahoraga bamucira kugira ngo bamwice. Amagambo ye yarangwaga n'ubwitonzi n'ubugwaneza. Ntabwo yashakaga kwikururiraho cyangwa kwikundisha abantu, ahubwo

yashakaga kurwanirira ukuri no gutuma ubutumwa bwiza bukomeza kubahwa. {INI 278.2}.Mu gusubiza, abamwumvaga bavuze ko batari barigeze bagezwaho ibirego bye haba mu mabaruwa yandikiwe abantu muri rusange cyangwa ay'umwihariko; kandi ko mu Bayahudi bari baje i Roma nta n'umwe wari waramureze ubugome ubwo ari bwo bwose. Bagaragaje icyifuzo gikomeye bari bafite cyo kwiyumvira ubwabo impamvu atanga zo kwizera Kristo kwe. Baravuze bati: *" Kuko icyo gice tuzi ko bakivuga nabi hose."* Ibyak 28:22. {INI 278.3}

Kubera ko bo ubwabo babyifuzaga, Pawulo yabasabye gushaka umunsi yazabagezaho ukuri k'ubutumwa bwiza. Igihe bemeranyijeho kigeze, bamusanze ari benshi, *"arabibasobanurira, ahamya ubwami bw'Imana, abemeza ibya Yesu, abikuye mu mategeko ya Mose no mu byahanuwe, ahera mu gitondo ageza nimugoroba."* (Ibyak 28:23). Yabarondoreye ibyamubayeho kandi yerekana ingingo zo mu Byanditswe mu Isezerano rya Kera mu buryo bworoheje, avugisha ukuri kandi afite imbaraga. {INI 278.4}

Intumwa Pawulo yerekanye ko idini idashingiye ku migenzo n'imihango, amahame n'ibivugwa mu magambo gusa. Iyo biba bimezwe bityo, umuntu wa kamere yashoboraga kuyisobanukirwa yifashishije gucukumbura nk'uko asobanukirwa ibintu by'isi. Pawulo yigishaga ko idini ari imbaraga ikora, imbaraga ikiza, ihame riva ku Mana yonyine, ukumenya imbaraga y'Imana itera umutima kuba mushya k'umuntu ku giti cye. {INI 278.5}

Yerekanye ukuntu Mose yari yarerekeje Isirayeli kuri Kristo nka wa Muhanuzi bagombaga kumva; abereka ukuntu abahanuzi bose bari baramuhamije nk'umuti ukomeye Imana yatanze wo gukiza icyaha, Umuziranenge wagombaga kwishyiraho ibyaha by'abanyabyaha. Pawulo ntiyigeze yerekana ko ikosa ryabo riri mu kuziririza imigenzo n'imihango, ahubwo yerekanye ko mu gihe bakomeje kuziririza imihango bakayitondera cyane, babaga birengagiza uwo ibyo bakoraga byose byashushanyaga. {INI 278.6}

Pawulo yavuze ko ubwo yari atarahinduka yari yaramenye Kristo, atari uko bari baribonaniye, ahubwo nk'uko yari abihuriyeho n'abandi, byari byaraturutse ku myumvire yari yihambiyeho yerekeye imibereho n'umurimo wa Mesiya wari kuzaza. Yari yaranze kwemera Yesu w'i Nazareti amufata nk'uwiyitirira icyo atari cyo kuko atuzuzaga uko

bamutekerezaga. Ariko ubu noneho, uko Pawulo yumvaga Kristo n'umurimo we byari birushijeho kwimbika mu by'umwuka kandi byagutse kubera ko yari yarahindutse. Intumwa Pawulo yemeje ko atabagaragarije Kristo akurikije umubiri. Herode yari yarabonye Kristo mu gihe cy'ubumuntu bwe; Ana yari yaramwiboneye, Pilato, abatambyi n'abatware bari baramubonye; abasirikare b'Abanyaroma bari baramubonye nabo. Nyamara ntibari baramurebesheje amaso yo kwizera. Ntabwo bari baramubonye nk'Umucunguzi wahawe icyubahiro. Gusobanukirwa Kristo bitewe no kwizera, kumumenya mu buryo bw'umwuka byagombaga kurushaho kwifuzwa kurusha kwibonanira nawe imbona nkubone igihe yari ku isi. Gusabana na Kristo Pawulo yari yishimiye ubu, kwari kurushijeho gukomera kandi gushikamye kurusha kubana no kugirana ubucuti bisanzwe byo ku isi kandi bya kimuntu. {INI 279.1}

Igihe Pawulo yavugaga ibyo azi kandi agahamya ibyo yari yarabonye byerekeye Yesu w'i Nazareti we wari ibyiringiro bya Isirayeli, abashakaga kumenya ukuri babikuye ku mutima baranyuzwe. Mu bitekerezo bya bamwe, amagambo ye yabinjiyemo ku buryo atigeze ahanagurika. Ariko abandi barinangiye banga kwemera ubuhamya bugaragara bw'Ibyanditswe ndetse n'igihe babugezwagaho n'uwabaga yaramurikiwe mu buryo bwihariye na Mwuka Muziranenge. Ntibashoboraga guhakanya ibyo yababwiraga, ariko banze kwemera imyanzuro ye. {INI 279.2}

Pawulo amaze kugera i Roma, hashize amezi menshi mbere yuko Abayahudi b'i Yerusalemu baza kumurega. Aba Bayahudi bari baragiye batsindwa incuro nyinshi mu migambi yabo ariko noneho ubu Pawulo yagombaga gucirirwa urubanza mu rukiko rw'ikirenga rw'ingoma y'Abanyaroma. Bityo ntabwo bifuzaga kongera gutsindwa. Lisiya, Feliki, Fesito na Agiripa bose bari baremeje ko Pawulo ari umwere. Abanzi be bibwiraga ko bazatsinda gusa bakoresheje uburyarya bwo kwiyegereza umwami w'abami kugira ngo azabashyigikire. Gutinda kujya mu rubanza byari gutuma bagera ku mugambi wabo kuko byari kubaha igihe cyo kunoza no gusohoza imigambi yabo. Bityo bategereje igihe gihagije mbere yuko batanga ibirego baregaga Pawulo. {INI 279.3}

Mu mbabazi z'Imana, uku gutinda kwatumye ubutumwa bwiza bwamamara. Binyuze mu buntu bw'abari bashinzwe Pawulo, yahawe uburenganzira bwo kuba mu nzu yagutse aho yashoboraga kubonana

n’incuti ze mu mudendezo ndetse buri munsi akabwira ukuri abazaga kumwumva. Bityo yakomeje umurimo we mu gihe cy’imyaka ibiri, *“akabwiriza iby’ubwami bw’Imana, akigisha ibyo Umwami Yesu Kristo ashize amanga rwose, kandi nta wamubuzaga.”* Ibyak 28:31. {INI 280.1}

Muri icyo gihe ntabwo yibagiwe amatorero yari yarahanze mu bihugu byinshi. Amaze kubona amakuba yari yugarije abahindukiriye ukwizera gushya, Pawulo yashatse gukora uko ashoboye kose kugira ngo akemure ubukene bwabo akoresheje inzandiko zo kubaburira no kubaha amabwiriza bagomba gukurikiza. Pawulo yoherereje aya matorero abakozi bejejwe bavuye i Roma atari ukugira ngo bakore umurimo muri ayo matorero gusa ahubwo banakorere aho we ubwe atari yarasuye. Aba bakozi, nk’abungeri b’abanyabwenge, bateye imbaraga umurimo Pawulo yari yaratangiye; kandi intumwa Pawulo yakomeje kujya abwirwa amakuru y’uko ayo matorero ameze ndetse n’ingorane zayo bityo binyuze mu guhora aherererekanya amakuru na yo yashoboye gukurikirana ibyayo neza. {INI 280.2}

Bityo mu gihe byagaragaraga ko umurimo we wahagaritswe, ni ho Pawulo yateje impinduka zikomeye kandi zimara igihe kurusha ubwo yari kuba afite umudendezo wo kuyasura nk’uko byari byaragenze mu myaka yabanje. Nk’imbohe y’Umwami Yesu, Pawulo yarushijeho gukundwa n’abavandimwe be mu kwizera; kandi amagambo ye (yanditswe n’uwari uboshywe azira Kristo) yatumye abantu bayitaho cyane kandi bayaha agaciro kurusha igihe yabanaga na bo. Abizera baje gusobanukirwa neza uburemere bw’umutwaro yari yarihanganiye ku bwabo igihe yari atakiri hamwe na bo. Kuva mbere kugeza icyo gihe, bari baranze gusohoza inshingano no kwihanganira ibirushya kubera ko batari bafite ubwenge nk’ubwe, ubushishozi n’imbaraga itadohoka; ariko ubu noneho basigaye bahuzagurika biga ibyigisho bari barirengagije. Bahaye agaciro imiburo ye, inama ze n’amabwiriza ye kuruta uko bari barahaye agaciro umurimo yari yarakoreye muri bo we ubwe. Maze bamaze kumenya ubutwari bwe no kwizera yagize mu gihe kirekire yamaze mu nzu y’imbohe, byatumye bashishikarira kugira ubudahemuka n’umwete mu gukora umurimo wa Kristo. {INI 280.3}

Mu bantu bafashije Pawulo ari i Roma harimo benshi bari baragendanye na we mbere ndetse n’abakozi bagenzi be. Luka,

“umuganga ukundwa” wari waramubaye hafi mu rugendo rw’i Yerusalemu, mu myaka ibiri yamaze mu nzu y’imbohe i Kayisariya ndetse no mu rugendo ruruhije ajya i Roma, yari akiri kumwe nawe. Timoteyo na we yakoraga ibyo kumuhumuriza. Tukiko, *“umuvandimweukundwa kandi akaba umufasha w’indahemuka wari ufatanyije umurimo wa Nyagasani na Pawulo” yamubaye bugufi ashikamye. Dema na Mariko nabo bari bari hamwe na we. Arisitariko na Epafura bari ” imbohe bagenzi be.”*Kol 4:7-14. {INI 280.4}

Kuva mu myaka ya mbere yo kwizera kwe, imibereho ya Gikristo ya Mariko yari yarimbitse. Kubera ko yari yarize neza imibereho n’urupfu bya Kristo, yari yarasobanukiwe neza umurimo w’Umukiza, imiruho ndetse n’intambara bijyana nawo. Mariko asomye mu nkovu zo mu biganza no mu birenge bya Kristo akabonamo ibimenyetso by’umurimo yakoreye inyokomuntu, ndetse n’uburyo bukomeye kwitanga kwe kwamuteye gukiza abazimiye kandi barimbuka, yari yarahisemo gukurikira Shebuja mu nzira yo kwitanga. Noneho ubu ubwo yari afatanyije imibabaro na Pawulo wari imbohe, yasobanukiwe neza kurusha mbere yaho ko kuronka Kristo ari inyungu ihebuje naho kuronka iby’isi bikaba igihombo gikabije no kubura ubugingo bw’umuntu Kristo yaseseye amaraso kugira ngo amucungure. Mu bigeragezo bikomeye no kurwanywa, Mariko yakomeje ashikamye, aba umufasha w’umunyabwenge kandi ukundwa w’intumwa Pawulo. {INI 281.1}

Dema wari ushikamye igihe kimwe, yaje kureka umurimo wa Kristo. Igihe Pawulo yavugaga kuri ibi yaranditse ati: *“Kuko Dema yantereranye abitewe no gukunda iby’iyi si.”* (2Tim 4:10). Ibintu byose bikomeye kandi byubahwa [by’ubwami bwa Kristo] Dema yabiguranye inyungu z’iby’isi. Mbega ukugurana kwe kurangwa no kureba hafi! Dema yari umukene wo kubabarirwa kubwo kugira ubutunzi n’icyubahiro by’isi byonyine nubwo yashoboraga kubyirata abyita ibye. Ariko Mariko we wari warahisemo kubabazwa ku bwa Kristo, yari afite ubutunzi buhoraho kuko yabarwaga mu ijuru nk’ufite umurage w’Imana ndetse akaba umuraganwa n’Umwana wayo. {INI 281.2}

Mu bantu beguruye Imana imitima binyuze mu murimo Pawulo yakoreye i Roma harimo Onesimo, akaba yari inkoreragahato y’umupagani yari yarahemukiye shebuja witwaga Filemoni wari Umukristo w’i Kolosi. Uyu Onesimo yari yarahungiye i Roma. Mu

bugwaneza bw'umutima we, Pawulo yashatse kugabanya ubukene n'umubabaro bya Onesimo wari ubabaye, kandi Pawulo akora uko ashoboye kose kugira ngo ageze umucyo w'ukuri mu bitekerezo bye byari byijimye. {INI 281.3}

Onesimo yategeye amatwi amagambo y'ubugingo yicuza ibyaha bye maze ahereko ahindukirira kwizera Kristo. Onesimo yakunzwe na Pawulo bitewe n'ubugwaneza bwe no kuba umunyakuri, utaretse n'uko yahumurizaga intumwa Pawulo ndetse n'ishyaka yagiraga mu guteza imbere umurimo w'ubutumwa bwiza. Pawulo yamubonyemo ingeso zari gutuma amubera umufasha w'ingirakamaro mu murimo w'ivugabutumwa kandi amugiriye inama yo guhita asubira kwa Filemoni, akamusaba imbabazi maze akabona gutegura ibyo azakora mu gihe kizaza. Pawulo yamusezeranije ko yishingiye kuzishyura agaciro kose k'ibyo yari yaramwibye. Igihe yari hafi kohereza Tukiko ngo ashyire inzandiko amatorero atandukanye yo muri Aziya ntoya, yamwohereje ari hamwe na Onesimo. Kwitanga mu maboko ya shebuja yari yarahemukiye, cyari ikigeragezo gikomeye kuri uyu mugaragu; ariko yari yarahindutse by'ukuri bityo ntabwo yigeze yanga gusohoza iyi nshingano. {INI 281.4}

Urwandiko Pawulo yandikiye Filemoni yaruhaye Onesimo ngo abe ari we urujyana kandi mu buhanga n'ubugwaneza bwe busanzwe, Pawulo yingingiye uyu mugaragu wari warihannye kandi yerekana ko yifuza kumukoresha mu gihe kizaza. Urwo rwandiko rutangirana n'indamutso y'urukundo kuri Filemoni nk'incuti ndetse nk'umukozi mugenzi we: {INI 282.1}

"Ubuntu bube muri mwe n'amahoro, biva ku Mana Data wa twese no ku Mwami Yesu Kristo. Nshima Imana yanjye iteka ngusabira uko nsenze, kuko numvise iby'urukundo rwawe no kwizera kwawe ugirira Umwami Yesu n'abera bose; kugira ngo gusangira ko kwizera kwawe kubabere ukugira akamaro, kubwo kumenya ikiza cyose kiri muri twe, duheshwa no kuba muri Kristo." (Filemoni 1:3-6). Intumwa Pawulo yibukije Filemoni ko buri mugambi mwiza wose n'ingeso nziza z'imibereho myiza yari afite zaturukaga ku buntu bwa Kristo; kandi ubwo buntu bwonyine bwamutandukanyaga n'abanyabibi n'abanyabyaha. Ubwo buntu bwashoboraga gutuma umugome ucishije bugufi cyane ahinduka umwana w'Imana n'umukozi w'ingirakamaro mu murimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza. {INI 282.2}

Pawulo yashobora kuba yarasabye Filemoni gukora inshingano ye nk'Umukristo; nyamara yahisemo gukoresha imvugo yo kumwinginga. Yaravuze ati, *"Pawulo umusaza, kandi none ndi n'imbohe ya Kristo Yesu. Ndakwingingira umwana wanjye nabyariye mu minyururu yanjye, Onesimo utakugiriraga umumaro kera, ariko none akaba awutugirira twembi."* Filemoni 1:9-11. {INI 282.3}

Pawulo ahereye ku guhinduka kwa Onesimo, yasabye Filemoni kwakira uwo mugaragu wihannye nk'umwana we bwite, amwereka urwo rukundo kugira ngo yongere ahitemo kubana na shebuja we wa mbere, "ariko ubu bwo ntamufate nk'imbata ye, ahubwo aruta imbata, ari mwene Se ukundwa." (Filemoni 1:16). Yagaragaje icyifuzo cye cyo kugumana Onesimo nk'uwari kumufasha mu kuba imbohe kwe nk'uko Filemoni ubwe yari kubikora, nubwo atifuje ko yakorana na Onesimo keretse Filemoni ubwe ahaye umudendezo uwo mugaragu. {INI 282.4} Intumwa Pawulo yari izi neza ukuntu ba shebuja bashaririraga abagaragu babo, kandi yari azi ko Filemoni yari yarababaye cyane bitewe n'imyitwarire y'umugaragu we. Yagerageje kumwandikira mu buryo bwashoboraga gukangura amarangamutima y'ubugwaneza nk'Umukristo. Guhinduka kwa Onesimo kwari kwaramugize umuvandimwe we mu kwizera kandi igihano cyose cyari guhabwa uyu muntu mushya wari uhindutse, Pawulo yari kugifata nk'aho ari we gihanwe. {INI 282.5}

Pawulo ubwe kubw'ubushake bwe yishyizeho umwenda wa Onesimu kugira ngo uwahamwaga n'icyaha akurweho igisebo cyari gutuma ahanwa, kandi ngo yongere anezerezwe n'amahirwe yari yarivukije. Yandikiye Filemoni ati: *"Nuko rero, niba wemera ko dufatanije umurimo, umwakire nk'uko wanyakira. Kandi niba hari icyo yagucumuyeho, cyangwa akaba afite umwenda wawe ubimbareho. Ni jye Pawulo wanditse n'ukwanjye kuboko yuko nzabyishyura."* Filemoni 1:17-19. {INI 283.1}

Mbega imfashanyigisho nyayo yerekana urukundo rwa Kristo ku munyabyaha wihannye! Umugaragu wari waribye shebuja nta kintu na kimwe yari afite cyo kwishyura ibyo yibye. Umunyabyaha wamaze imyaka myinshi adakorera Imana ntacyo afite cyo kwishyura uwo umwenda. Yesu ahagarara hagati y'umunyabyaha n'Imana akavuga ati, "Nzishyura umwenda." "Reka umunyabyaha ye kwishyuzwa; nzababazwa mu cyimbo cye." {INI 283.2}

Pawulo amaze kwemera ko azishyura umwenda wa Onesimo, yibukije Filemoni uburyo we ubwe amubereyemo umwenda ukomeye. Uwo mwenda yari Filemoni ubwe kuko Imana yari yarakoresheje Pawulo mu guhindura Filemoni. Bityo mu kwinginga kuzuye ubugwaneza no kwiyoroshya, Pawulo yinginze Filemoni amubwira ko nk'uko kubera gutangana ubuntu kwe yari yararuhuye intore z'Imana, bityo yashoboraga kuruhura umutima wa Pawulo agatuma anezerwa. Pawulo yongeyeho ati, *"Nkwandikiye niringiye ko uzanyumvira, nzi yuko uzakora n'ibiruta ibyo mvuze."* Filemoni 1:21. {INI 283.3}

Urwandiko Pawulo yandikiye Filemoni rwerekana uburyo ubutumwa bwiza bugira icyo buhindura ku isano iba hagati y'umugaragu na shebuja. Kugira inkoreragahato yari gahunda yari yarashinze imizi mu Bwami bw'Abanyaroma bwose ku buryo ari ba shebuja n'inkoreragahato babonekaga mu matorero menshi Pawulo yabwirizaga. Mu mijyi, aho inkoreragahato zarutaga cyane abaturage bafite umudendezo, babonye ko gushyiraho amategeko akomeye cyane ari ngombwa kugira ngo bazigumishe mu buretwa. Umunyaroma w'umukungu kenshi yatungaga inkoreragahato nyinshi z'ingeri zose, zikomotse impande zose kandi zishobora gukora ibintu by'uburyo bwose. Umuntu w'umukungu, kubera ko yabaga afite ububasha bwose ku mitima n'imibiri y'izo nkoreragahato zitagiraga kirengera, yashoboraga kuzibabaza mu buryo bwose yihitiyemo. Igihe umwe muri izo nkoreragahato yageragezaga kwiganzura shebuja, umuryango wose w'uwo wabaga yivumbuye washoboraga guhanwa mu buryo butari ubwa kimuntu. Agakosa gatoya cyane, impanuka cyangwa kutita ku bintu kenshi byahanwaga nta mbabazi. {INI 283.4}

Ba shebuja bamwe b'abanyambabazi kurusha abandi, bagiriraga neza inkoreragahato zabo; ariko umugabane munini w'abakire n'abanyacyubahiro bakoreshwaga n'irari no kwifuza n'ubusambo, bakoreraga inkoreragahato zabo iby'ubugome bukabije no kubakandamiza. Iyo mikorere yose yo gutunga inkoreragahato yaziteshaga agaciro bikabije. {INI 284.1}

Ntabwo wari umurimo wa Pawulo guhita ahindura gahunda yari yarashyizweho mu bwami bw'Abanyaroma. Kugerageza gukora ibi byari ukudindiza umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza. Ariko yigishije amahame yototeraga urufatiro rwo gukoresha abantu agahato,

kandi iyo aya mahame akurikizwa yari gutuma iyo mikorere yose isenyuka buhoro buhoro. Pawulo yaravuze ati, *“Kandi aho Umwuka w’Umwami ari, ni ho haba umudendezo.”* (2Kor 3:17). Iyo inkoreragahato yabaga yihanye, yahindukaga urugingo rw’umubiri wa Kristo kandi kubera ibyo yagombaga gukundwa no gufatwa nk’umuvandimwe, umuragwa w’imigisha y’Imana n’amahirwe atangwa n’ubutumwa bwiza nka shebuja mugenzi we. Ku rundi ruhande, inkoreragahato zagombaga gusohoza inshingano zabo, *“badakorera ijisho bakibahagarikiye gusa, ngo bamere nk’abanezeza abantu, ahubwo bamere nk’imbata za Kristo, bakora ibyo Imana ishaka, babikuye ku mutima.”* Abefeso 6:6. {INI 284.2}

Ubukristo ni umurunga ukomeye uhuza umugaragu na shebuja, umwami n’uwo ayobora, umuvugabutumwa bwiza n’umunyabyaha w’insuzugurwa wabonye guhanagurwaho icyaha muri Kristo. Bose buhagiwe mu maraso amwe, bayoborwa na Mwuka umwe; kandi bagizwe umwe muri Kristo Yesu. {INI 284.3}

****

IGICE CYA 44 - MU RUGO RWA KAYISARI



Ubutumwa bwiza bwagize umusaruro ukomeye cyane mu bantu boroheje. *“Ab’ubwenge bw’abantu bahamagawe si benshi; abakomeye bahamagawe si benshi; n’imfura zahamagawe si nyinshi.”* (1Kor 1:26). Ntibyatekerezwaga ko Pawulo, umukene n’imbohe itagira incuti, yari gutegwa amatwi n’abakire n’abanyacyubahiro bo mu Banyaroma. Imibereho y’icyaha yaberekaga ibishashagirana ikabagira imbata. Nyamara mu ndushyi, mu bakeneshejwe no gukandamiza kwabo, ndetse no mu nkoreragahato zitagiraga icyo zitunze, abenshi muri bo bategeraga amatwi amagambo ya Pawulo banezerewe kandi mu kwizera Kristo baboneyemo ibyiringiro n’amahoro byababashishaga kwihanganira imiruho yabo. {INI 285.1}

Nyamara nubwo umurimo wa Pawulo watangiranye n’abicishaga bugufi n’abiyoroshyaga, imbaraga yawo yarakwiriye igera no mu ngoro y’Umwami w’abami. {INI 285.2} Icyo gihe Roma wari umurwa mukuru w’isi. Ba Kayisari b’abibone bategekaga hafi amahanga yose yo ku isi. Umwami n’ibyegera bye ntibari bazi Umunyazareti wari wicishije bugufi cyangwa bamurebanaga urwango n’agasuzuguro. Nyamara mu gihe kitageze ku myaka ibiri ubutumwa bwiza bwabonye inzira buva mu icumbi ricirirtse ry’imbohe bugera ibwami. Pawulo yari aboheshejwe iminyururu nk’umugizi wa nabi; ariko *“ijambo ry’Imana ryo ntirishyirwa ku ngoyi.”* 2Timoteyo 2:9. {INI 285.3}

Mu myaka yabanje intumwa Pawulo yari yaramamaje ukwizera Kristo mu ruhame afite imbaraga yatsindaga, kandi kubera ibimenyetso n’ibitangaza yakoze, yari yaratanze igihamya kidashidikanywaho cy’imico ye mvajuru. Yari yarahagurukanye gushikama gukomeye imbere y’abahanga b’Abagiriki kandi kubw’ubwenge bwe n’ubutyoza bwe yari yaracecekesheje ibyo ubucurabwenge bwiratwaga bwavugaga.

Yari yarahagaze imbere y'abami n'abategetsi avuga ashize amanga nta mususu maze avuga ku bijyanye n'ubutungane, kwirinda n'urubanza ruzaza kugeza ubwo abategetsi b'abibone bahinze umushitsi nk'aho bitegerezaga ibiteye ubwoba byo ku munsi w'Imana. {INI 285.4}

Ubu noneho Pawulo nta mahirwe nk'ayo yari yaragize kuko yari afungiye aho yari acumbitse wenyine kandi yashoboraga kubwira ukuri abazaga kumushaka aho gusa.Nk'uko byagendekeye Mose na Aroni ntabwo Pawulo yari afite itegeko mvajuru rimubwira kujya imbere y'umwami w'inkozi y'ibibi bityo ngo mu izina rya NDIHO ukomeye abashe gucyaha ubugome bwe n'ikandamiza yakoraga. Nyamara iki gihe ubwo umuvugizi w'ubutumwa bwiza yasaga n'uwabujijwe gukorera mu ruhame, ni ho ubutumwa bwiza bwagize insinzi ikomeye; kubera ko mu rugo rw'umwami ubwe havuyemo abizeye biyongera mu Itorero. {INI 285.5}

Nta handi hantu hari umwuka utaberanye n'Ubukristo kurusha i Roma mu rugo rw'ibwami. Nero yagaragaraga ko yari yarahanaguye mu mutima we udusigisigi tw'ishusho y'Imana ndetse n'ubumuntu ku buryo yasaga na Satani. Abafasha be n'ibyegera bye muri rusange bari bafite imico nk'iye mu burakari bukaze, agasuzuguro no gukora ibibi bikabije. Uko byagaragariraga abantu bose ntibyari gushobokera Ubukristo guhabwa umwanya mu rugo no mu ngoro y'umwami Nero. {INI 286.1}

Nyamara muri iki gihe nk'uko n'ikindi gihe cyinshi byari byaragenze, ukuri kw'ibyo Pawulo yavugaga kwagaragaje ko intwaro yarwanishaga *"imbere y'Imana zagiraga imbaraga zo gusenya ibihome no kubikubita hasi."* (2 Kor 10:4). Ndetse no mu rugo rwa Nero, amakamba y'umusaraba yarambawe. Mu bafashaga umwami w'inkozi y'ibibi bikomeye havuyemo abahindutse baba abana b'Imana. Aba ngaba ntabwo bari Abakristo mu ibanga ahubwo barabigaragazaga. Ntabwo bakozwaga isoni no kwizera kwabo. {INI 286.2}

Ni ubuhe buryo bwakoreshejwe kugira ngo Ubukristo bwinjire kandi bushikame ahantu hagaragaraga ko kubwemera bitashobokaga? Mu rwandiko rwe yandikiye Abanyafilipi, Pawulo avuga ko gufungwa kwe ari ko kwamushoboje kubona abihana bakizera bo mu rugo rwa Nero. Mu rwego rwo gutinya ko hatekerezwa ko imibabaro ye yaba

yarakomye mu nkokora iterambere ry'umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza, Pawulo yarabahumurije ati: *"Bene Data, ndashaka ko mumenya yuko ibyambayeho bitabereye ubutumwa bwiza inkomyi, ahubwo byabushyize imbere."* Abafilipi 1:12. {INI 286.3}

Igihe amatorero ya Gikristo yamenyaga bwa mbere ko Pawulo yari agiye gusura i Roma, bahanze amaso ikimenyetso cy'insinzi y'ubutumwa bwiza muri uwo mujyi.Pawulo yari yaramamaje ukuri ahantu henshi; yari yarakwamamaje mu mijyi minini. Mbese iyi ntwari yo kwizera ntiyari kubona umusaruro mwiza agarurira Kristo abantu ndetse no muri uyu mujyi mukuru w'isi? Nyamara ibyiringiro byabo byaciwe intege no kumva ko Pawulo yajyanywe i Roma ari imbohe. Bari bafite ibyiringiro bikomeye ko, igihe ubutumwa bwiza bushinze imizi muri uyu mujyi ukomeye, bazabona bwamamara vuba vuba mu mahanga yose kandi bugahinduka imbaraga itsinda mu isi yose. Mbega ukuntu bacitse intege cyane! Ibyo abantu bari biteze byari byananiranye, nyamara si ko byabaye ku mugambi w'Imana. {INI 286.4}

Ntabwo ibibwirizwa bya Pawulo ari byo byarehereje abatuye ibwami kuyoboka Ubukristo, ahubwo babitewe n'ingoyi yarimo. Igihe Pawulo yari imbohe niho yaciye iminyururu yari iboheye imitima y'abantu benshi mu bubata bw'icyaha. Si n'ibyo byonyine. Yaravuze ati: *"Nuko ibyo bituma abenshi bo muri bene Data bari mu Mwami Yesu na bo biringizwa n'ingoyi zanjye, bakarushaho gutinyuka no kuvuga ijambo ry'Imana bashize amanga."* Abafilipi 1:14. {INI 286.5}

Kwihangana no kwikomeza kwa Pawulo mu gihe kirekire yamaze afunzwe kandi arengana, ubutwari bwe no kwizera, ubwabyo byari ikibwirizwa gihoraho. Umwuka we wari utandukanye n'uw'ab'isi, wari igihamya cy'uko imbaraga yari muri we yasumbaga iyari mu b'isi. Kubera urugero yatanze, Abakristo bahawe imbaraga ikomeye baba abavugizi b'umurimo Pawulo yakoreraga mu ruhame ariko akaba yari yarawukuwemo. Ni muri ubu buryo kuba imbohe kw'intumwa Pawulo kwateye impinduka ku buryo igihe imbaraga ye no kuba ingirakamaro kwe byasaga n'ibyakuweho ndetse uko byagaragariraga bose akaba ntacyo yari ashoboye gukora, ubwo nibwo yasaruye imiba mu mirima yasaga n'uwabujijwe kugeramo rwose maze ayizanira Kristo. {INI 287.1}

Mbere y'uko iyo myaka ibiri yo kuba mu nzu y'imboye irangira, Pawulo yashoboraga kuvuga ati: "Kuko byamenyekanye mu basirikare

barinda Kayisari bose, no mu bandi bose, yuko ari ku bwa Yesu naboshywe," kandi mu bantu bohererereje indamutso Abanyafilipi avuga cyane ko ari *" abo kwa Kayisari."* Abafilipi 1:13;4:22. {INI 287.2}

Kwihangana n'ubutwari bifite insinzi yabyo. Kubwo kugiraneza mu bigeragezo, kimwe no gushira ubwoba mu byo umuntu agambirira gukora, abantu bashobora kugarurirwa Kristo. Umukristo wihangana kandi akikomeza mu gihe cy'ibyago no mu kababaro, ndetse agasakirana n'urupfu ubwarwo afite amahoro no gutuza bikomoka ku kwizera kudahuzagurika, uwo ashobora gutuma ubutumwa bwiza bugera kuri byinshi kurusha ibyo yashoboraga kuba yarakoze kubw'imibereho ye y'igihe kirekire cy'umurimo ukozwe mu budahemuka. Akenshi igihe umugaragu w'Imana ahagaritswe gukora yisanzuye, ubushobozi budasanzwe bw'Imana twakagombye gusaba ngo bube hafi yacu, Imana iraburatanga kugira ngo hakorwe umurimo utari gukorwa uwo mugaragu wayo akiri mu murimo. {INI 287.3}

Reka he kugira umuyoboke wa Kristo utekereza ko igihe atagishoboye gukorera Imana n'ukuri kwayo ku mugaragaro kandi ashishikaye ko nta wundi murimo yakora cyangwa nta yindi ngororano yakorera. Abahamya nyakuri ba Kristo nta na rimwe bibagirana. Igihe bafite amagara mazima n'igihe barwaye, ari bazima cyangwa mu rupfu, Imana ikomeza kubakoresha. Iyo abagaragu ba Kristo barenganywaga binyuze mu buriganya bwa Satani, umurimo bari bagikora ugakomwa mu nkokora, igihe bashyirwaga mu nzu y'imbohe cyangwa bagakurubanwa bajyanwa kwicwa, niho ukuri kwashoboraga kugera ku nsinzi ikomeye cyane. Igihe ubuhamya bw'aba bagaragu b'indahemuka bwashimangirwaga n'amaraso yabo, nibwo abantu bashidikanyaga bemeye kwizera Kristo kandi bahagararana ubutwari kubwa Kristo. Mu ivu ry'abatwitswe bazira kwizera Imana havuyemo umusaruro mwinshi cyane w'abiyeguriye Imana. {INI 287.4}

Umwete n'ubudahemuka bya Pawulo n'abakozi bagenzi be ndetse no kwizera no kumvira kw'aba bayobotse Ubukristo mu bihe byari bigoye, bikebura ubunebwe no kubura kwizera mu murimo wa Kristo. Intumwa Pawulo n'abakozi bagenzi be bashobora kuba baribwiye ko byari impfabusa guhamagarira abagaragu ba Nero kwihana no kwizera Kristo kubera ko bari bugarijwe n'ibigeragezo bikaze, bakikijwe n'inzitizi zikomeye kandi bahanganye no kurwanywa byimazeyo. Ariko se n'iyo bemera ukuri bari kugukurikiza bate? Nyamara Pawulo ntiyigeze

atekereza atyo; yabwirije abo bantu ukuri afite kwizera kandi mu bamwumvise habonetsemo bamwe biyemeje kumvira uko byagenda kose. Batitaye ku nzitizi n'amakuba, bari kwemera umucyo kandi bakiringira ko Imana izabashoboza kumurikishiriza abandi umucyo wabo. {INI 288.1}

Ntabwo mu rugo rwa Kayisari abahindutse bemeye ukuri gusa, ahubwo nyuma yo guhinduka kwabo bagumye muri urwo rugo. Ntabwo bumvise babonye umudendezo wo kureka inshingano z'imirimo yabo kubera ko abari babazengurutse batari bakibarebana umutima mwiza. Ukuri kwari kwarabasanze aho maze baguma aho. Bahamyaga imbaraga ihindura iri mu mu kwizera gushya bakoresheje imibereho yabo yahindutse n'imico yabo. {INI 288.2}

Mbese hari abantu bagwa mu gishuko cyo gufata ibyo bahura nabyo maze bakabigira urwitwazo rubabuza guhamya Kristo? Reka bitegereze ibyari bikikije abigishwa bo mu rugo rwa Kayisari: ubugome bw'umwami no kwangirika kw'imico kw'ab'ibwami. Ntabwo dushobora gutekereza ibyo abantu bahura nabyo bibabera imbogamizi mu mibereho y'iby'iyobokamana kandi bibasaba kwitanga cyangwa kurwanywa nk'ibyo aba bahindutse bo mu rugo rwa Kayisari bari barimo. Nubwo bari bari mu ngorane no mu makuba bakomeje ubudahemuka bwabo. Bitewe n'imbogamizi zisa nk'aho nta wazirenga, Umukristo ashobora gushaka gutanga urwitwazo rwo kutumvira ukuri nk'uko kuri muri Yesu; nyamara ntashobora gutanga urwitwazo rufite ireme. Aramutse abigenje atyo, yaba agaragaje ko Imana yashyiriyeho abana bayo ibyangombwa biruhije kubahiriza ngo bahabwe agakiza. {INI 288.3}

Umuntu ufite umutima urangamiye gukorera Imana azabona amahirwe yo kuyivugira. Umuntu wese uzaba yiyemeje gushaka mbere na mbere ubwami bw'Imana n'ubutungane bwayo, ingorane azahura nazo zizaba ubusa ze kumuzitira. Mu mbaraga azakomora mu gusenga no kwiga ijambo ry'Imana, azashaka iby'ukuri kandi areke ingeso mbi. Iyo umwizera ahanze amaso Yesu we Banze ryo kwizera akaba ari nawe ugusohoza, Yesu wihanganiye kuvuguruzwa n'abanyabyaha, uwo mwizera azatsinda agasuzuguro no gukwenwa. Nyir'ijambo ry'ukuri ni we wasezeranye ubufasha n'ubuntu bihagije mu kibazo cyose. Amaboko ye ahoraho agose umuntu umusanga amushakaho ubufasha. Mu burinzi bwe, dushobora kwiruhukira mu mahoro tuvuga tuti: *"Uko ntinya kose*

*nzakwiringira.”*Zaburi 56:3. Abiringira Imana bose izabasohoreza isezerano ryayo. {INI 288.4}

Akoresheje urugero rwe bwite, Umukiza yerekanye ko abayoboke be bashobora kuba mu isi nyamara ntibabe ab’isi. Ntiyazanywe no kwifatanya n’ibinezeza byayo biyobya, ngo aze kujyanwa hirya no hino n’imigenzo yayo no gukurikiza imikorere yayo; ahubwo yaje gukora ibyo Se ashaka, aza gushaka no gukiza icyazimiye. Igihe Umukristo afite iyi ntego imbere ye, ashobora guhagarara atandujwe n’ibimukikije. Uko azaba ameze kose cyangwa ibyo azaba arimo byose, yaba afite icyubahiro cyangwa acishijwe bugufi, azerekana imbaraga y’idini nyakuri mu gukorana ubudahemuka inshingano ye. {INI 289.1}

Imibereho ya Gikristo ntikura bitewe n’uko atari mu bigeragezo ahubwo ikura ari hagati muri byo. Guhangana no kwangwa no kurwanywa bituma umuyoboke wa Kristo arushaho kuba maso kandi agashishikarira gusenga yiyegereza Umufasha ukomeye. Ikigeragezo gikomeye cyihanganiwe kubw’ubuntu bw’Imana gituma habaho kwihangana, kuba maso, ubutwari ndetse n’ibyiringiro byimbitse bishikamye mu Mana. Insinzi y’ukwizera kwa Gikristo ni yo ibashisha umuyoboke wako kubabara no gukomera; kwitanga no gutsinda; kwicwa umunsi ukira ndetse no kubaho; kwihanganira umusaraba bityo agatsindira ikamba ry’icyubahiro. {INI 289.2}

****

IGICE CYA 45 - INZANDIKO ZANDIKIWE I ROMA

(Iki gice gishingiye ku Nzandiko zandikiwe Abanyakolosi n'Abanyafilipi).

Mu myuzo ya mbere mu mibereho ye ya Gikristo, intumwa Pawulo yahawe amahirwe yihariye yo gusobanukirwa ubushake bw'Imana ku byerekeranye n'abayoboke ba Kristo. *" Yarazamuwe ajyanwa mu ijuru rya gatatu," "muri Paradizo, yumva ibitavugwa, ibyo umuntu adakwiriye kuvuga ." Pawulo ubwe yamenye ko ibyinshi « yeretswe n'ibyo yahishuriwe » yabihawe "n'Umwami ." Uko yasobanukiwe n'amahame y'ukuri k'ubutumwa bwiza byanganaga n'iby'intumwa zikomeye cyane.* (2 Kor 12:2, 4, 1, 11). Yari asobanukiwe bihagije ibyerekeranye n' *"ubugari, n'uburebure bw'umurambararo, n'uburebure bw'ikijyepfo, n'ubureburure bw'igihagararo by'urukundo rwa Kristo ruruta uko rumenywa."*Abefeso 3:18-19. {INI 290.1}

Pawulo ntiyashoboraga kurondora ibyo yari yareretswe byose kuko mu bamwumvaga harimo bamwe bashoboraga gukoreshaga amagambo ye mu buryo butari bwo. Nyamara ibyo yari yarahishuriwe byamushoboje gukora nk'umuyobozi n'umwigisha w'umunyabwenge; kandi biha isura nziza ubutumwa yaje kohererereza amatorero mu myaka yaje gukurikiraho. Ibyo yabonye mu iyerekwa byamugumyemo igihe cyose, binamushoboza kugaragaza imico nyakuri ya Gikristo. Mu magambo yavugaga n'ibyo yandikaga yatangaga ubutumwa bwafashije kandi buha imbaraga Itorero ry'Imana. Ku bizera bo muri iki gihe ubu butumwa buvuga bweruye amakuba azugariza Itorero utaretse n'inyigisho z'ibinyoma rizahura nazo. {INI 290.2}

Icyo intumwa Pawulo yifurizaga abo yagiye yoherereza inzandiko ze zo kubagira inama no kubahwitura ni uko bagombaga “kudakomeza kuba abana, bateraganwa n’umuraba, bakajyanwa hirya no hino n’imiyaga yose y’imyigishirize;” ahubwo yuko bose bari bakwiye gusohora *“mu bumwe bwo kwizera no kumenya Umwana w’Imana, kugeza ubwo bazasohora kuba abantu bashyitse, bageze ku rugero rushyitse rw’igihagararo cya Kristo.” Yasabye abari abayoboke ba Kristo bari batuye mu bapagani kutitwara “nk’uko abapagani bagenda, bakurikiza ibitagira umumaro byo mu mitima yabo, ubwenge bwabo buri mu mwijima,… batandukanijwe n’ubugingo buva ku Mana kubera kwinangira kw’imitima yabo,” ahubwo yarabinginze ngo “be kugenda nk’abatagira ubwenge, ahubwo bagende nk’abanyabwenge, bacunguze uburyo umwete kuko iminsi ari mibi.”* (Abefeso 4 :14,13,17,18 ; 5 :15,16). Yashishikarije abizera gutegereza igihe Kristo, (wakunze Itorero akaryitangira), *“yari kuzaryishyira rifite ubwiza, ridafite ikizinga cyangwa umunkanyari cyangwa ikintu cyose gisa gityo.” Ni ukuvuga Itorero “ryera ridafite inenge.”* Abefeso 5:25, 27. {INI 290.3}

Ubu butumwa, bwanditswe bushorewe n’imbaraga itari iy’umuntu ahubwo y’Imana, bufite inyigisho zikwiriye kwigwa n’abantu bose kandi kubera inyungu bubafitiye bakagenda babusubiramo. Muri ubwo butumwa havugwamo imibereho itunganiye Imana, hagatangwamo amahame agomba gukurikizwa muri buri torero kandi n’inzira igana ku bugingo buhoraho ikagaragazwa neza. {INI 291.1}

Mu rwandiko yanditse igihe yari imbohe i Roma akarwandikira *” bene Se bo muri Kristo bera bo kwizerwa, bari i Kolosayi,” Pawulo avuga iby’ibyishimo bye bitewe no gushikama kwabo mu kwizera. Iyo ni inkuru nziza yari yarazaniwe na Epafura uwo intumwa Pawulo yanditse avuga ati, “yatubwiye iby’urukundo rwanyu muheshwa na Mwuka.” Yakomeje avuga ati, “Ni cyo gituma tudasiba kubasabira, uhereye igihe twabyumviye, twifuza ko mwuzuzwa ubwenge bwose bw’Umwuka no kumenya kose, ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka, mugende nk’uko bikwiriye ab’Umwami wacu, mumunezeze muri byose, mwere imbuto z’imirimo myiza yose kandi mwunguke kumenya Imana, mukomereshejwe imbaraga zose nk’uko ubushobozi bwayo bw’icyubahiro bungana, ngo mubone uko mwiyumanganya muri byose, mukihanganana ibyishimo.”* Abakolosayi 1:8, 9-11. {INI 291.2}

Ni muri ubwo buryo Pawulo yavuze ibyo yifuriza abizera b'i Kolosayi. Mbega agaciro gakomeye aya magambo afite imbere y'abayoboke ba Kristo! Yerekana ubushobozi butangaje bw'imibereho ya Gikristo kandi akagaragaza neza ko nta mupaka uri ku migisha abana b'Imana bashobora kubona. Mu guhora bunguka kumenya Imana, bashobora gukomeza bunguka bava ku mbaraga bajya ku yindi, bava ku rwego rumwe bajya ku rundi mu mibereho ya Gikristo kugeza ubwo *"kubw'imbaraga y'Imana ihebuje" "bahabwa kuraganwa n'abera umurage wo mu mucyo."* Abakolosayi 1: 12. {INI 291.3}

Imbere y'abavandimwe be, intumwa Pawulo yererezaga Kristo nk'Uwo Imana yaremesheje ibintu byose kandi akaba ari nawe yazanishije gucungurwa kwabyo. Yavuze ko ukuboko k'uwababambiwe ku musaraba ari ko gufatiye imibumbe mu kirere kandi ibintu byose byo mu isanzure ryaremwe n'Imana bikomerezwa kuri gahunda yabyo ndetse bigakora ubudacogora bishyigikiwe n'uko kuboko. Pawulo yaranditse ati, *"Kuko muri we ari mo byose byaremewe, ari ibyo mu ijuru cyangwa ibyo mu isi, ibiboneka n'ibitaboneka, intebe z'ubwami n'ubwami bwose, n'ubutware bwose, n'ubushobozi bwose. Ni we wabiremye byose, kandi rero ni na we byaremewe. Yabanjirije byose, kandi byose bibeshwaho na we."* (Kol 1:16, 17). *"Namwe abari baratandukanijwe n'Imana kera, mukaba mwari abanzi bayo mu mitima yanyu no kubw'imirimo mibi, none yiyungishije namwe urupfu rw'umubiri we, ngo abashyire imbere yayo muri abera n'abaziranenge mutagawa."* Abakolosayi 1:21, 22. {INI 291.4}

Umwana w'Imana yaciye bugufi kugira ngo azahure abaguye. Kubera iyi mpamvu, yavuye ahatararangwaga icyaha, asiga mirongo icyenda n'icyenda zamukundaga aza kuri iyi si *"gucumitirwa ibicumuro byacu no gushenjagurirwa gukiranirwa kwacu."* (Yesaya 53:3). Yahinduwe nka bene se muri byose. Yahindutse umubiri nk'uko natwe turi. Yari azi icyo gusonza byavugaga, kugira inyota no kunanirwa. Yakomezwaga no gufungura kandi agasubizwamo intege no gusinzira. Yari umwimukira n'umucumbitsi ku isi, yari ku isi nyamara atari uw'isi; yarashutswe kandi ageragezwa nk'uko abagabo n'abagore bo muri iki gihe bashukwa kandi bakageragezwa nyamara yagize imibereho itarangwamo icyaha. Yagiye yarekana imico y'Imana ari yo: ubugwaneza, impuhwe, kubabarira abandi no kubitaho. *"Jambo uwo yabaye umuntu, abana na twe…, yuzuye ubuntu n'ukuri."* Yohana 1:14. {INI 291.5}

Bitewe no kuba bari bakikijwe n'imikorere n'imibereho ikurura bya gipagani, abizera b'Abanyakolosi bari bari mu kaga ko kureka kwicisha bugufi kuvugwa mu butumwa bwiza maze Pawulo mu rwego rwo kubaburira ngo bareke ibyo, yaberekeje kuri Kristo nk'Umuyobozi nyakuri rukumbi. Yaranditse ati: *"Ndashaka ko mumenya uburyo mbarwanira intambara, mwebwe n'ab'i Lawodikiya, ndetse n'abatarambona ku mubiri bose kugira ngo imitima yabo ihumurizwe, ubwo bafatanirije hamwe mu rukundo, ngo bahabwe ubutunzi bwose bwo kumenya neza mu mitima yabo, bamenye ubwiru bw'Imana, ni bwo Kristo. Muri we ni mo ubutunzi bwose bw'ubwenge no kumenya byahishwe.* {INI 292.1}

"Mvugiye ibyo kugira ngo hatagira ubashukisha amagambo yoshya, … Nuko rero nk'uko mwakiriye Kristo Yesu Umwami wacu, abe ari ko mugendera muri we, mushoreye imizi muri we, kandi mwubatswe muri we, mukomejwe no kwizera nk'uko mwigishijwe, mufite ishimwe ryinshi risesekaye. Mwirinde, hatagira umuntu ubanyagisha ubwenge bw'abantu n'ibihendo by'ubusa bikurikiza imihango y'abantu, iyo bahawe na ba sekuruza ho akarande, kandi bigakurikiza imigenzereze ya mbere y'iby'isi, bidakurikiza Kristo. Nyamara muri we ni ho hari kuzura k'Ubumana kose mu buryo bw'umubiri. Kandi mwuzuriye muri we, ari we Mutwe w'ubutware bwose n'ubushobozi bwose." Abakolosayi 2:1-10. {INI 292.2}

Kristo yari yarahanuye ko ababeshyi bazaduka maze bitewe nabo *"ubugome bukagwira n'urukundo rwa benshi rugakonja."* (Matayo 24:12). Yari yaraburiye abigishwa ko ibi bizatuma Itorero riba mu kaga karuta gutotezwa n'abanzi baryo. Incuro nyinshi Pawulo yaburiye abizera kwirinda aba bigisha b'ibinyoma. Bagombaga kwirinda iki cyago kuruta ibindi kubera ko kwemera abigisha b'ibinyoma byari gutuma bakingurira ibinyoma urugi ibyo umwanzi yari gukoresha mu kubahuma amaso mu by'Umwuka kandi agahungabanya ibyiringiro by'abantu bashya bari barayobotse ukuri k'ubutumwa bwiza. Kristo ni we wari urugero ngenderwaho bagombaga kugenzuza inyigisho zitanzwe. Inyigisho zose zitari zihuye n'inyigisho za Kristo bagombaga kutazemera. Ubumenyi bw'agakiza bagombaga kwiga no kwigisha ni Kristo wabambiwe icyaha, Kristo wazutse mu bapfuye, Kristo wazamutse akajya mu ijuru. {INI 292.3}

Imiburo y’ijambo ry’Imana yerekeye ku kaga kugarije Itorero rya Gikristo natwe ni iyacu muri iki gihe. Nk’uko byabaye mu gihe cy’intumwa, abantu bageragezaga gusenya kwizera Ibyanditswe bakoresheje imigenzo n’ubwenge bwa kimuntu. Bityo no muri iki gihe, umwanzi wo gukiranuka ashakisha uko ayobora abantu mu nzira zabuzanyijwe akoresheje ibitekerezo binyuze amatwi byo guhinyura ko mu rwego rwo hejuru, agakoresha imyizerere y’uko ibiriho byakomotse ku ihindagurika, imyizerere y’uko imyuka y’abapfuye ivugana n’abazima, ubwenge bwo gusobanura iby’Imana mu buryo bw’amayoberane ndetse n’inyigisho zivuga ko Imana ihwanye n’imbaraga n’amategeko agenga ibiba mu isanzure. Ku bantu benshi Bibiliya ni nk’itara ritarimo amavuta bitewe n’uko berekeje ibitekerezo byabo mu miyoboro yo kwizera kurangwa no gukekeranya gutera gusobanukirwa nabi ndetse n’urujijo. Umurimo wo gusobanura ufite aho ubogamiye, gutandukanyamo imigabane, gukekeranya cyangwa gufinda no kongera kuremarema ibintu mu bwenge, ni ugusenya kwizera Bibiliya yahishuwe n’Imana. {INI293.1}

Ni ukwambura ijambo ry’Imana imbaraga yo kugenga, kuzahura, gukangura no kuyobora imibereho y’umuntu. Kubera imyizerere y’uko imyuka y’abapfuye ivugana n’abazima imbaga y’abantu yigishwa kwizera ko kwifuza ari itegeko ry’ikirenga, ko uburenganzira bwo gukora ibyo ushaka ari umudendezo kandi ko umuntu ari we urebwa n’ibye ku giti cye. {INI 293.2}

Umuyoboke wa Kristo azahura “n’amagambo y’amoshya” ayo intumwa Pawulo yaburiye abizera b’Abanyakolosi ngo birinde. Azahura n’ubusobanuro bw’ibyanditswe bushingiye ku myizerere y’ubushobozi bw’imyuka ariko ntabwo agomba kuzemera. Ijwi rye rikwiriye kumvikana ahamya ukuri guhoraho kw’Ibyanditswe. Ahanze amaso ye kuri Kristo, akwiriye kujya mbere ashikamye mu nzira yabigenewe, yitandukanya n’intekerezo zose zihabanye n’inyigisho ya Kristo. Ukuri kw’Imana ni ko kugomba kuba ingingo atekerezaho kandi azirikana. Agomba gufata Bibiliya nk’ijwi ry’Imana rivugana na we mu buryo butaziguye. Muri ubwo buryo azabona ubwenge mvajuru. {INI 293.3}

Kumenya Imana nk’uko yahishuriwe muri Kristo ni bwo bumenyi abakijijwe bagomba kugira. Ubu ni bwo bumenyi buhindura imico y’umuntu. Iyo ubu bumenyi bwakiwe mu bugingo bwongera kurema umuntu mo ishusho ya Kristo. Ubu ni bwo bumenyi Imana ihamagarira

abana bayo kwakira kuko hirya yabwo ibindi byose ari ubusa gusa ndetse nta n'icyo biri cyo. {INI 293.4}

Mu bihe byose no mu bihugu byose, urufatiro nyakuri rwo kubaka imico rwagiye ruba rumwe. Urwo rufatiro ni amahame ari mu ijambo ry'Imana. Itegeko rimwe gusa nyakuri ni ugukora ibyo Imana ivuga. *"Amategeko y'Uwiteka atungana rwose" kandi "ugenza atyontabwo azanyeganyezwa."* (Zaburi 19:8; 15:5). Ijambo ry'Imana ni ryo intumwa zakoresheje zihangana n'inyigisho z'ibinyoma zo mu gihe cyazo zivuga ziti, *"Kuko nta rundi rufatiro umuntu abasha gushyiraho keretse urwashyizweho, ari rwo Yesu Kristo."* 1 Abakorinto 3 :11. {INI 293.5}

Igihe cyo guhinduka kwabo no kubatizwa, abizera b'Abanyakolosi barahiriye kureka imyizerere n'imihango byari byarabaye umugabane w'imibereho kugeza icyo gihe maze bakaba abanyakuri ku budahemuka bwabo kuri Kristo. Mu rwandiko Pawulo yandikiye abizera b'Abanyakolosi, yabibukije ibi kandi abasaba kutibagirwa ko kugira ngo bakomeze indahiro yabo bagomba gukoresha imbaraga zidacogora barwanya ibibi byashakaga kubabata. Yaravuze ati: *"Nuko rero niba mwarazuranywe na Kristo, mujye mushaka ibiri hejuru aho Kristo ari, yicaye iburyo bw'Imana. Mujye muhoza umutima ku biri mu ijuru atari ku biri mu isi, kuko mwapfuye kandi ubugingo bwanyu bukaba bwarahishanywe na Kristo mu Mana."* Abakolosayi 3 :1-3. {INI 294.1}

"Umuntu wese iyo ari muri Kristo, aba ari icyaremwe gishya: ibya kera biba bishize, dore byose biba bihindutse bishya." (2 Kor 5 :17). Binyuze mu mbaraga ya Kristo, abagabo n'abagore baciye iminyururu y'ingeso y'icyaha. Basezereye kwikunda. Abatukanaga bahindutse abantu bubaha, abasinzi bahindutse abirinda, inzererezi zahindutse abantu baboneye. Abantu bari bafite ishusho ya Satani bahinduwemo ishusho y'Imana. Uku guhinduka muri ko ubwako ni igitangaza mu bitangaza. Guhinduka kwakozwe n'ijambo ry'Imana, ni rimwe mu mabanga akomeye cyane y'ijambo ry'Imana. Ntidushobora kubisobanukirwa; dushobora gusa kwizera nk'uko Ibyanditswe byabivuze ngo, *"Ni Kristo uri muri mwe, ibyiringiro by'ubwiza."* Abakolosayi 1:27. {INI 294.2}

Iyo Mwuka w'Imana ayoboye intekerezo n'umutima, umuntu wahindutse araturagara akaririmba indirimbo nshya; bitewe n'uko abona ko isezerano ry'Imana ryasohoreye mu mibereho ye, ko igicumuro cye cyababariwe, icyaha cye kigatwikirwa. Yihannye ku Mana kubwo kuba yarishe itegeko ryayo, kandi yizera Kristo wapfuye kugira ngo umuntu agirwe intungane. Bitewe n'uko *"yatsindishirijwe kubwo kwizera, afite amahoro ku Mana kubw'Umwami wacu Yesu Kristo."* Abaroma 5 :1. {INI 294.3}

Ariko kubera ko iyi mibereho ari iye, Umukristo ntakwiriye kwipfumbata, ngo anezezwe gusa n'ibyo yakorewe. Umuntu wiyemeje kwinjira mu bwami bw'Umwuka azabona ko imbaraga zose n'irari bya kamere itaragizwe nshya burundu byiteguye kumurwanya bitijwe umurindi n'imbaraga z'ubwami bw'umwijima. Agomba kuvugurura kwitanga kwe kandi akarwana n'ikibi buri munsi. Ingeso za kera na kamere iganisha mu gukora ikibi bizarwanira kumubata kandi agomba kubyirinda, akarwanira kugera ku nsinzi yishingikirije ku mbaraga ya Kristo. {INI 294.4}

Pawulo yandikiye Abanyakolosi ati: *"Nuko noneho mwice ingeso zanyu z'iby'isi; gusambana, gukora ibiteye isoni, no kurigira, no kurarikira, n'imyifurize yose, ni yo gusenga ibigirwamana: ibyo nibyo bizanira umujinya w'Imana abatumvira. Kandi namwe mwabigenderagamo kera, ubwo mwahoraga muri byo. Ariko none mwiyambure ibi byose, umujinya, uburakari, igomwa, no gutukana, kandi ntihakagire amagambo ateye isoni aturuka mu kanwa kanyu… Nuko, nk'uko bikwiriye intore z'Imana zera kandi zikundwa, mwambare umutima w'imbabazi n'ineza, no kwicisha bugufi, n'ubugwaneza, no kwihangana; mwihanganirana kandi mubabarirana ibyaha, uko umuntu agize icyo apfa n'undi. Nk'uko Umwami wacu yababababariye, abe ari ko namwe mubabarirana. Ariko ibigeretse kuri ibyo byose, mwambare urukundo, kuko ari rwo murunga wo gutungana rwose. Mureke amahoro ya Kristo atwarire mu mitima yanyu, ayo mwahamagariwe kuba umubiri umwe: kandi mugire imitima ishima."* Abakolosayi 3 :5-15. {INI 295.1}

Urwandiko rwandikiwe Abanyakolosi rwuzuye inyigisho zifite agaciro gakomeye ku bantu bari mu murimo wa Kristo. Ni inyigisho zerekana umugambi umwe rukumbi n'intego ihanitse bizagaragarira mu mibereho y'umuntu uhagarariye Umukiza by'ukuri. Umwizera nareka ibintu byose

byamubuza gukomeza inzira ajya mbere cyangwa ibiteshura undi kugendera mu nzira ifunganye, mu mibereho ye ya buri munsi azagaragaza imbabazi, ineza, kwiyoroshya, ubugwaneza, kwihangana n'urukundo rwa Kristo. {INI 295.2}.Imbaraga y'imibereho ihanitse, iboneye rwose, imibereho yiyubaha ni yo dukeneye cyane. Iby'isi bifite umwanya munini mu ntekerezo zacu ariko ubwami bw'ijuru bwo bufite umwanya muto cyane. {INI 295.3}

Mu mihati ye yo kugera ku cyo Imana imuhamagarira kugeraho, nta na kimwe gikwiriye gutera Umukristo kwiheba. Ubutungane bwo mu mutima no mu mwuka byasezeraniwe abantu bose binyuze mu buntu n'imbaraga bya Kristo. Yesu ni isoko y'imbaraga, isoko y'ubugingo. Atugeza ku jambo rye kandi akura ku giti cy'ubugingo ibibabi byo gukiza abanyabyaha akabiduha. Atuyobora ku ntebe y'ubwami y'Imana kandi agashyira mu kanwa kacu isengesho rituma twegera hafi ye. Ku bwacu yohereza abamalayika bakomeye bo mu ijuru kugira ngo badufashe. Buri ntambwe yose dutera, duhabwa imbaraga ye ikomeye. {INI 295.4} Nta mupaka Imana ishyira ku kujya mbere kw'abifuza *"kuzuzwa ubwenge bwose bw'Umwuka no kumenya kose, no kumenya ibyo Imana ishaka."* (Kol 1:9). Mu gusenga, mu kuba maso, mu gukurira mu kumenya no gusobanukirwa, bagomba *"gukomereshwa imbaraga zose, nk'uko ubushobozi bwayo bw'icyubahiro bungana."* (Kol 1:11). Muri ubwo buryo baba biteguye gukorera abandi. Ni umugambi w'Umukiza ko abantu batunganyijwe kandi bejejwe, bagomba kumubera abafasha. Kubera aya mahirwe akomeye, reka dushimire Data wa twese *"waduhaye kuraganwa n'abera umurage wo mu mucyo. Ni we wadukijije ubutware bw'umwijima, akadukuramo, akatujyana mu bwami bw'Umwana we akunda."* Abakolosayi 1:12,13. {INI 295.5}

Urwandiko Pawulo yandikiye Abanyafilipi, kimwe n'urwo yandikiye Abanyakolosi, rwanditswe igihe yari afungiwe i Roma. Itorero ry'i Filipi ryari ryaherereje Pawulo impano rizinyujije kuri Epafuradito, uwo Pawulo yita *"mwene Data, dufatanije umurimo n'ubusirikare, ni we ntumwa yanyu kandi ni we unkorera ibyo nkennye."* (Fili 2:25). Igihe Epafuradito yari i Roma, yararwaye, " ndetse yari agiye gupfa, ariko Imana iramubabarira." Pawulo yaranditse ati, *"Nyamara si we wenyine, ahubwo nanjye, ngo ntongerwaho undi mubabaro ku uwo nsanganywe." Abizera b'i Filipi bumvise iby'uburwayi bwa Epafuradito, bahagaritse umutima kubwe, ibyo bituma agaruka kubasura. Pawulo yanditse agira ati: "Kuko yabakumburaga mwese , agahagarikwa*

umutima n'uko mwumvise yuko yarwaye….Ni cyo gituma mutumye mbikunze cyane, kugira ngo nimwongera kumubona muzishime, nanjye ngabanye umubabaro. Nuko rero, mumwakire mu Mwami Yesu mwishimye; kandi abasa n'uwo mujye mububaha, kuko yagarukiye hafi yo gupfa ku bw'umurimo wa Kristo; ntiyita ku magara ye, kugira ngo asohoze ibyasigaye byo kumfasha kwanyu." Abafilipi 2:26-30. {INI 296.1}

Pawulo yahaye Epafuradito urwandiko ngo arushyire abizera b'i Filipi, muri urwo rwandiko yabashimiye impano bamwoherereje. Mu matorero yose iry'i Filipi ni ryo ryarushije andi gutangana ubuntu rimufasha mu byo yari akeneye. Mu rwandiko rwe Pawulo yaravuze ati: *"Kandi mwa Bafilipi mwe, namwe ubwanyu muzi yuko ubutumwa bwiza bugitangira kubwirizwa, ubwo navaga i Makedoniya, nta rindi Torero ryafatanije nanjye mu byo gutanga no guhabwa, keretse mwebwe mwenyine.Ndetse n'i Tesalonike mwoherejeyo ibyo kunkenura, si rimwe risa, ahubwo ni kabiri. Nyamara burya si impano nshaka, ahubwo nshaka ko imbuto zongerwa kuri mwe. Dore mfite ibinkwiriye byose, ndetse mfite n'ibisaga: ndahaze, ubwo maze guhabwa na Epafuradito ibyo mwohereje, bimbereye nk'umubabwe uhumura neza, n'igitambo cyemewe gishimwa n'Imana. "* Abafilipi 4:15-18. {INI 296.2}

"Ubuntu bube muri mwe n'amahoro, biva ku Mana Data wa twese no ku Mwami Yesu Kristo. Nshima Imana yanjye iteka, uko mbibutse, kandi uko mbasabiye mwese iteka ryose, mbasabira nezerewe, kuko mwafatanije nanjye umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza, muhereye ku munsi wa mbere, mukageza na n'ubu. Icyo nzi neza rwose ntashidikanya, ni uko Iyatangiye umurimo mwiza muri mwe izawurangiza rwose, kugeza ku munsi wa Yesu Kristo: kandi birankwiriye ko mbatekereza ntyo mwese, kuko mu ngoyi zanjye, no mu mpaka ngira kurwanira ubutumwa bwiza, mpamya ko ari ubw'ukuri, mbahoza ku mutima, nibuka ko musangiye nanjye ubuntu bw'Imana. Imana niyo ntanze ho umugabo yuko mbakumbura mwese mu mbabazi za Kristo Yesu. Kandi iki ni cyo mbasabira, ni ukugira ngo urukundo rwanyu rurusheho kugwiza ubwenge no kumenya kose, mubone uko murobanura ibinyuranye, kandi mubone uko muba abataryarya n'inyangamugayo kugeza ku munsi wa Kristo, mwuzuye imbuto zo gukiranuka ziheshwa na Yesu Kristo, kugira ngo Imana ishimwe kandi ihimbazwe." Abafilipi 1:2-11. {INI 296.3}

Ubuntu bw'Imana bwakomeje Pawulo mu gufungwa kwe, bunamushoboza kwishima mu mibabaro. Yandikiye abavandimwe be b'i Filipi afite kwizera n'ibyiringiro ababwira ko gufungwa kwe kwatumye ubutumwa bwiza bwamamara. Yaravuze ati: *"Bene Data, ndashaka ko mumenya yuko ibyambayeho bitabereye ubutumwa bwiza inkomyi, ahubwo byabushyize imbere; kuko byamenyekanye mu basirikare barinda Kayisari bose, no mu bandi bose, yuko ari ku bwa Yesu naboshywe; nuko ibyo bituma abenshi bo muri bene Data bari mu Mwami Yesu na bo biringizwa n'ingoyi zanjye, bakarushaho gutinyuka no kuvuga Ijambo ry'Imana bashize amanga."*Abafilipi 1:12-14. {INI 297.1}

Muri ibi byabaye kuri Pawulo harimo icyigisho kuri twe kuko bihishura uko Imana ikora. Imana ishobora kuduha insinzi mu byo twe tubona byatubereye urujijo kandi twaneshejwe. Turi mu kaga ko kwibagirwa Imana no guhanga amaso ku bintu bigaragara aho kurebesha amaso yo kwizera tugatumbira ibitagaragara. Iyo akaga cyangwa amakuba bije, tuba twiteguye kubihererereza ku Mana ko itatwitayeho cyangwa ko ari ingome. Iyo Imana ibona bikwiye ko ihagarika umumaro twari tumaze mu cyerekezo runaka, tugira agahinda, ntidutekereze ko mu kugenza ityo, Imana ishobora kubikora ku nyungu zacu. Dukwiriye kumenya ko igihano kiducyaha ari umugabane umwe mu mugambi wayo ukomeye kandi ko igihe Umukristo ari kubabazwa ashobora gukorera Umwami ibiruta ibyo yakora igihe ari gukora mu bwisanzure. {INI 297.2}

Pawulo yerekeje Abanyafilipi kuri Kristo nk'urugero rwabo mu mibereho ya Gikristo agira ati; *" uwo nubwo yabanje kugira akamero k'Imana, ntiyatekereje yuko guhwana n'Imana ari ikintu cyo kugundirwa; ahubwo yisiga ubusa ajyana akamero k'umugaragu w'imbata, agira ishusho y'umuntu: kandi amaze kuboneka afite ishusho y'umuntu, yicisha bugufi, araganduka, ntiyanga no gupfa, ndetse urupfu rwo kumusaraba."* Abafilipi 2:6-8. {INI 297.3}

Yakomeje agira ati: "Nuko, abo nkunda, nk'uko iteka ryose mwajyaga mwumvira, uretse igihe mpari gusa, ahubwo cyane cyane ntahari, mube ari ko musohoza agakiza kanyu, mutinya muhinda imishitsi. Kuko Imana ari yo ibatera gukunda no gukora ibyo yishimira. Mukore byose mutitotombana, mutagishanya impaka, kugira ngo mutabaho umugayo cyangwa uburyarya, mube abana b'Imana batagira inenge, hagati

y'ab'igihe kigoramye cy'ubugoryi, abo mubonekeramo nk'amatabaza mu isi, mwerekana ijambo ry'ubugingo; kugira ngo mbone uko nzirata ku munsi wa Kristo, yuko ntirukiye ubusa, kandi nkaba ntaruhijwe n'ubundi." Abafilipi 2:12-16. Aya magambo yandikiwe kugira ngo azafashe umuntu wese uri mu kaga. Pawulo yerekana urugero rw'ubutungane n'uko rushobora kugerwaho. Aravuga ati: *"musohoze agakiza kanyu. Kuko Imana ari yo ibatera gukunda no gukora ibyo yishimira."*Abafilipi 2:12, 13. {INI 297.4}

Umurimo wo guhabwa agakiza ni uwo gufatanya no gukorera hamwe. Hagomba kubaho ugukorana hagati y'Imana n'umunyabyaha wihana. Ibi ni ngombwa kugira ngo amahame nyakuri yinjizwe mu mico y'umuntu. Umuntu agomba gukoresha umwete kugira ngo aneshe ibimubuza kugera ku butungane. Nyamara anesha yishingikirije ku Mana yonyine. Umuhati wa kimuntu ubwawo ntabwo uhagije. Hatabayeho gufashwa n'imbaraga mvajuru umuhati w'umuntu ntacyo wageraho. Imana irakora n'umuntu agakora. Umuntu ubwe niwe ugomba kurwanya ibigeragezo akomoye imbaraga ku Mana. Ku ruhande rumwe hari ubwenge butagerwa, impuhwe n'imbaraga, mu gihe ku rundi ruhande hari intege nke, ubunyacyaha no kuba nta bufasha na bumwe. {INI 298.1}

Imana yifuza ko tugaragaza ubushobozi bwo kwitegeka. Nyamara ntishobora kudufasha tutayemereye kandi ngo dukorane na yo. Mwuka w'Imana akorera mu mbaraga no mu bushobozi Imana yahaye umuntu. Ku bwacu twenyine ntidushobora gutuma imigambi, ibyifuzo n'aho tubogamiye bigendana n'ubushake bw'Imana; ariko niba *"twifuza kugirwa abantu bafite ubushake," Umukiza azabidusohoreza, "dukubita hasi impaka n'ikintu cyose kishyiriye hejuru kurwanya kumenya Imana, dufata mpiri ibitekerezwa mu mitima byose, ngo tubigomororere Kristo."* 2 Abakorinto 10:5. {INI 298.2}

Ushaka kubaka imico ikomeye kandi iboneye, ushaka kuba Umukristo utunganye, agomba gutanga byose kandi agakora byose ku bwa Kristo; kuko Umucunguzi atazemera uwitanga igice. Buri munsi agomba kumenya icyo kwitanga bisobanuye. Agomba kwiga ijambo ry'Imana, akamenya icyo risobanuye kandi akumvira amabwiriza yaryo. Bityo ashobora kugera ku rwego ruhanitse rwa Gikristo. Imana ikorana na we umunsi ku munsi, igatunganya imico ye ngo izashikame mu gihe cy'igeragezwa riheruka. Umunsi ku munsi umwizera akomeza

kugaragariza abantu n’abamarayika icyo ubutumwa bwiza bushobora gukorera abantu bacumuye. {INI 298.3}.Pawulo yaranditse ati: *“Bene Data, sinibwira yuko maze kugifata, ariko kimwe cyo, nibagirwa ibiri inyuma, ngasingira ibiri imbere, ndamaranira kugera aho dutanguranwa, ngo mpabwe ingororano zo guhamagara kw’Imana muri Kristo Yesu kwavuye mu ijuru.”*Abafilipi 3:13, 14. {INI 298.4}

Pawulo yakoze ibintu byinshi. Kuva igihe yiyeguriraga kuyoboka Kristo, imibereho ye yuzuye umwete wo gukora adacogora. Yagendaga ava mu mujyi ajya mu wundi, akava mu gihugu ajya mu kindi, akagenda avuga amateka y’umusaraba, abantu bagahindukirira ubutumwa bwiza kandi agahanga amatorero. Yahoraga yita cyane kuri aya matorero kandi yayandikiye inzandiko nyinshi zo kubahugura. Rimwe na rimwe yakoraga umwuga we kugira ngo ashobore kubona ikimutunga buri munsi. Nyamara Pawulo mu byo yakoraga byose mu mibereho ye, ntiyigeze yibagirwa umugambi ukomeye wo gukomeza urugendo ngo asingire ingororano y’umuhamagaro we ukomeye. Intego imwe yari atumbiriye imbere ye ni ukuba indahemuka ku wari yaramwihishuriye ku irembo ry’i Damasiko. Nta kintu na kimwe cyari gifite ubushobozi bwo kumuteshura kuri iyi ntego. Kwerereza umusaraba w’i Kaluvari ni byo byari impamvu iruta izindi yabaga isoko y’amagambo ye n’ibikorwa bye. {INI 298.5}

Umugambi ukomeye wahatiraga Pawulo gukomeza ajya imbere ahanganye n’imiruho n’ingorane wari ukwiye gutuma umukozi wese w’Umukristo yirundurira mu murimo w’Imana. Azahura n’ibintu by’isi bimukurura kugira ngo bimubuze gutumbira Umukiza, ariko agomba gukomeza agana ku ntego, akereka isi, abamarayika ndetse n’abantu ko ibyiringiro byo kureba mu maso y’Imana bisaba umuhati wose no kwitanga bikenewe kugira ngo ibi byiringiro bizagerweho. {INI 299.1}

Nubwo Pawulo yari imbohe, ntiyacitse intege. Ahubwo amagambo y’insinzi yumvikanira mu nzandiko yandikiye amatorero ari i Roma. Yandikiye Abanyafilipi ati: *“Mujye mwishimira mu Mwami wacu iminsi yose: yewe, nongeye kubivuga nti ‘Mwishime!’…Ntimukagire icyo mwiganyira, ahubwo ibyo mushaka byose bimenywe n’Imana, mubisabiye, mubyingingiye, mushima. Nuko amahoro y’Imana, ahebuje rwose ayo umuntu yamenya, azarindire imitima yanyu n’ibyo mwibwira muri Kristo Yesu. Ibisigaye, bene Data, iby’ukuri byose, ibyo kubahwa*

byose, ibyo gukiranuka byose, ibiboneye byose, iby'igikundiro byose, n'ibishimwa byose, nihaba hariho ingeso nziza, kandi hakabaho ishimwe, abe ari byo mwibwira." {INI 299.2}

"Kandi Imana yanjye izabamara ubukene bwanyu bwose, nk'uko ubutunzi bw'ubwiza bwayo buri muri Kristo Yesu.… Ubuntu bw'Umwami Yesu Kristo bubane n'imitima yanyu." Abafilipi 4:4, 6-8, 19, 23. {INI 299.3}

****

IGICE CYA 46 - PAWULO AHABWA UMUDENDEZO

Ubwo Imana yahaga imigisha umurimo wa Pawulo mu murwa wa Roma ku buryo abantu benshi bihanaga kandi abizera bagakomezwa ndetse bakagira ubutwari, abandi benshi barikusuganyaga atari ukugira ngo babangamire umutekano we bwite ahubwo no kwishyira ukizana kw'Itorero. Ageze i Roma yashyizwe mu maboko y'umusirikare wayoboraga abarindaga ibwami. Uwo musirikare yari umugabo utabera kandi w'inyangamugayo. Kubera impuhwe uyu musirikare yagiraga, yaje guha Pawulo umudendezo wo gukomeza umurimo wo kuvuga ubutumwa bwiza. Ariko mbere yuko imyaka ibiri yo gufungwa kwa Pawulo irangira, uyu mugabo yasimbuwe n'undi Pawulo atari yiteze kugiriraho amahirwe. {INI 300.1}

Abayahudi bari bashishikariye kurwanya Pawulo kurusha ikindi gihe, maze bahera ko babona umufasha ushoboye. Uwo yari umugore wuzuye ubugome umwami Nero yari yaragize umugore we wa kabiri, kandi kuko yari yarayobotse idini ya Kiyahudi, yabemereye gukoresha ubushobozi bwe bwose kugira ngo abafashe gusohoza imigambi yabo mibisha bari bafitiye icyamamare mu Bukristo. {INI 300.2}

Pawulo ntiyiringiraga kubonera ubutabera imbere ya Kayisari yari yarajuriyeho. Nero yari yarangiritse cyane mu mico mbonera, ntacyo yahaga agaciro mu mico ye, kandi yari afite ubugome bukomeye kurusha abayobozi bamubanjirije. Ntabwo ubutegetsi bwagombaga guhabwa umutegetsi wakandamizaga nkawe. Umwaka wa mbere w'ingoma ye waranzwe no kuroga murumuna we muto wo ku mugore wa se kuko ari we wagombaga kuzamusimbura ku ngoma. Nero yari yaragiye ava ku rwego rumwe rw'ingeso n'ubugome akajya ku rundi

kugeza igihe yishe nyina wamubyaye nyuma akurikizaho umugore we. Nta kibi na kimwe cyangwa igikorwa kibi bikabije atakoraga. Umuntu wese ushyira mu gaciro yaramwishishaga kandi akamuzinukwa. {INI 300.3}

Ibyaha byakorerwaga iwe byari bikojeje isoni cyane kandi biteye ubwoba ku buryo ntawashoboraga kubisobanura. Ubugome bwe bukabije bwateye na benshi mu bari barahatiwe gufatanya na we kumuzinukwa no kumwanga urunuka. Bahoraga batewe ubwoba n'ibibi bikomeye yashoboraga kubabwira gukora. Nyamara ubwo bugome bwa Nero ntibwigeze buhungabanya ubudahemuka bw'abo yayoboraga. Yari azwi nk'umwami w'ikirenga mu isi yose yari yarateye imbere y'icyo gihe. Ikirenze ibyo yari yarahawe icyubahiro cy'ijuru kandi bakamuramya nk'ikigirwamana. {INI 300.4}

Ukurikije uko umuntu yabibonaga, byagaragaraga ko Pawulo azacirirwa iteka imbere y'umucamanza nk'uwo. Nyamara intumwa Pawulo yiyumvagamo ko nta na kimwe yagombaga gutinya igihe cyose yari indahemuka ku Mana. Uwari yaramurinze mu bihe byashize ni nawe wari kumukingira ubugome bw'Abayahudi n'imbaraga za Kayisari. {INI 300.5}

Imana yakingiye umugaragu wayo. Igihe hagenzurwaga ibya Pawulo, ibyo yaregwaga ntibashoboye kubimushinja ngo bimuhame, bityo mu buryo bunyuranye n'uko muri rusange byari byitezwe ndetse n'ubutabera bunyuranye n'umuco we, Nero yamugize umwere. Pawulo yakuwe mu minyururu yari imuboshye maze yongera kuba mu mudendezo. {INI 301.1}

Iyo urubanza rwe rujya gutinzwa cyangwa hakaba impamvu ituma akomeza gufungirwa i Roma kugeza mu mwaka wari gukurikiraho, nta gushidikanya yari kuba yaraguye mu itotezwa ryabayeho icyo gihe. Igihe Pawulo yari afunzwe, abantu bayobotse Ubukristo bari barabaye benshi cyane ku buryo byakanguye intekerezo kandi bibyutsa urwango rw'abategetsi. Umujinya w'umwami w'abami wabyukijwe by'umwihariko no guhinduka kw'abo mu rugo rwe bwite, bityo ahita abona urwitwazo rwo gutoteza Abakristo mu buryo bukomeye cyane. {INI 301.2}

Muri icyo gihe umuriro ukaze wadutse mu murwa wa Roma maze utwika hafi kimwe cya kabiri cy'umujyi. Byaje kuvugwa ko Nero ubwe ari we yatumye ibibatsi by'umuriro bicanwa, ariko kugira ngo akureho urwikekwe, yitwaje kugaragaza ubugwaneza afasha abatari bafite aho bikinga n'abatindi nyakujya. Nyamara yaje gushinjwa ubwo bugome. Abantu baravurunganye kandi bararakara kandi kugira ngo Nero yigire umwere kandi ngo akize umujyi itsinda ry'abantu yatinyaga kandi yangaga, icyo kirego yagishyize ku Bakristo. Amayere ye yageze ku ntego, kandi ibihumbi byinshi by'abayoboke ba Kristo (abagabo, abagore n'abana) bicwa urw'agashinyaguro. {INI 301.3}

Pawulo yasimbutse ako karengane kuko nyuma gato yo kurekurwa yahise ava i Roma. Iki gihe cya nyuma yari afite umudendezo yarushijeho gukora neza abwiriza amatorero. Yashakaga gutuma habaho ubumwe bukomeye hagati y'amatorero y'Abagiriki n'ay'iburasirazuba no gukomeza ibitekerezo by'abizera bakarwanya inyigisho z'ibinyoma zinjiraga mu matorero kugira ngo zimunge ukwizera. {INI 301.4}

Ibigeragezo n'amakuba Pawulo yari yarihanganiye byari byaraciye intege imbaraga ze z'umubiri. Yari afite intege nke ziturutse ku bukure. Yumvaga ko ariho akora umurimo we uheruka, kandi uko igihe cy'umurimo we cyagendaga kiba gito niko yarushagaho kugira umuhati. Byagaragaraga ko umwete yari afite nta mbibi wari ufite. Pawulo yari yaramaramaje mu migambi ye, ntazuyaze mu mikorere kandi akomeye mu kwizera. Yagiye ava ku Itorero rimwe ajya ku rindi, akagera ahantu henshi kandi agakoresha uburyo bwose bushoboka mu mbaraga yabaga afite mu gukomeza abizera kugira ngo babashe gukora umurimo utunganye bazana abantu kuri Kristo; kandi ngo mu bihe by'ibigeragezo bari bagiye kugeramo bazashobore gukomeza gushikama ku butumwa bwiza baba abahamya ba Kristo b'inyangamugayo. {INI 301.5}

****

IGICE CYA 47 - PAWULO AFATWA UBUHERUKA

Nyuma y’uko Pawulo arekuwe i Roma, umurimo yakoreye mu matorero ntiwashoboraga kwihisha abanzi be bamugenzaga. Kuva itoteza rwatangizwa na Nero, ahantu hose Abakristo bari barabaye agatsiko kahawe akato. Nyuma y’igihe gito, Abayahudi batizeraga bagize igitekerezo cyo gushyira kuri Pawulo icyaha cyo kuba ari we watumye Roma itwikwa. Nta n’umwe muri bo watekerezaga ko icyo cyaha bamurega kimuhama; nyamara bari bazi ko ikirego nk’icyo, gitanganwe ubwitonzi, cyari gutuma ibye birangira. Biturutse ku muhati wabo, Pawulo yongeye gufatwa maze ahita ajyanwa gufungwa ubuheruka. {INI 302.1}

Mu rugendo rwe rwa kabiri ajya i Roma, Pawulo yari aherekejwe n’abantu benshi b’incuti ze za kera. Abandi benshi bifuzaga cyane gufatanya na we umubabaro ariko yanze kubemerera ngo ubuzima bwabo butajya mu kaga. Ibyiringiro byari imbere ye byari bike cyane ugereranyije n’igihe yari aherutse gufungwa. Itotezwa ryayobowe na Nero ryari ryaragabanyije cyane umubare w’Abakristo i Roma. Abantu ibihumbi byinshi bari barapfuye bazira ukwizera kwabo, abandi benshi bari baravuye mu mujyi kandi abari barasigaye bacibwaga intege kandi bagakangishwa cyane. {INI 302.2}

Ageze i Roma, Pawulo yashyizwe muri gereza yijimye, aho yari kuguma kugeza ku iherezo ryo kubaho kwe. Yarezwe gukorera umujyi n’igihugu ubugome bukomeye cyane kurusha ubundi bityo aba uwo gushyirwaho umuvumo na bose. {INI 302.3}.Abantu bake b’incuti ze bari barafatanyije imibabaro nawe, bahise batangira kwigendera, bamwe baramuhana abandi bajya mu murimo mu matorero atandukanye. Fijelo na Harimojene nibo bafashe iya mbere

barigendera. Dema ni we wakurikiyeho, atewe ubwoba n'icuraburindi ry'ingorane n'amakuba maze atererana Pawulo warenganywaga. Kiresikenti yoherejwe na Pawulo mu matorero y'i Galatiya; Tito amwohereza i Dalumatiya; Tukiko ajya mu Efeso. Igihe yandikiraga Timoteyo amumenyesha ibi byamubayeho, Pawulo yaravuze ati: *"Luka ni we wenyine ukiri kumwe nanjye."* (2Timoteyo 4:11). Nta kindi gihe intumwa Pawulo yigeze akenera gufashwa n'abavandimwe be mu kwizera nk'iki kuko yari afite intege nke bitewe n'imyaka y'ubukuru, gukora cyane n'ubumuga kandi akaba yari afungiye ahantu hakonje kandi hijimye muri gereza y'i Roma. Ibyo Luka (umwigishwa ukundwa kandi akaba incuti y'indahemuka ya Pawulo) yakoreraga Pawulo byaramukomeje cyane bimubashisha guhana amakuru n'abavandimwe be mu kwizera ndetse n'abandi bantu bari hanze ya gereza. {INI 302.4}

Muri iki gihe gikomeye umutima wa Pawulo waterwaga ubutwari no guhora asurwa na Onesiforo. Uyu Munyefeso wari ufite ubwuzu yakoresheje imbaraga ze zose kugira ngo agabanye umutwaro wo gufungwa wari kuri Pawulo. Umwigisha we yakundaga yari mu minyururu azira ukuri mu gihe we yari mu mudendezo bityo ntiyabura gukoresha umuhati we wose kugira ngo atume Pawulo yoroherwa n'umubabaro yarimo. {INI 303.1}

Mu rwandiko rwe ruheruka Pawulo yanditse, avuga kuri uyu mwigishwa w'indahemuka ati: "Umwami wacu agirire imbabazi abo kwa Onesiforo, kuko yanduhuraga kenshi, kandi ntaragakorwa n'isoni z'umunyururu wanjye, ahubwo ageze i Roma, agira umwete wo kunshaka, arambona. Umwami amuhe kuzabona imbabazi z'Umwami kuri urya munsi." 2Timoteyo 1:16-18. {INI 303.2}

Imana ubwayo ni yo ishyira mu mutima w'umuntu icyifuzo cy'urukundo n'impuhwe. Kristo, mu isaha y'umubabaro mwinshi i Gitsemane, yifuzaga ko abigishwa be bamukomeza. Na Pawulo nubwo yasaga n'utitaye ku miruho n'umubabaro, yari akeneye gukomezwa no kubona abamuba hafi. Gusura kwa Onesiforo kwagaragaje ubudahemuka bwe mu gihe cy'ubwigunge no gutereranwa, kwazaniye ibyishimo n'ihumure uwari yarakoresheje ubuzima bwe mu gukorera abandi. {INI 303.3}

****

IGICE CYA 48 - PAWULO IMBERE YA NERO.

Igihe Pawulo yahamagarirwaga kwitaba Umwami w'abami Nero kugira ngo acirwe urubanza, yabonaga ko urupfu rumusatiriye. Ikirego gikomeye bamuregaga n'ubugome bw'indengakamere bwagirirwaga Abakristo, byamusigiye ibyiringiro bike cyane byo kuva mu rubanza amahoro. {INI 304.1}

Abagiriki n'Abanyaroma bari bafite umuco wo guha uregwa amahirwe yo kwishakira umwunganizi kugira ngo amuburanire mu rukiko. Umwunganizi watangaga ingingo ze n'imvugo nziza yuzuye amarangamutima cyangwa kwinginga, gusaba n'amarira; uwo mwunganizi akenshi yatumaga imbohe ifatirwa umwanzuro mwiza. Igihe yabaga atabigezeho, yatumaga boroshya igihano. Ariko igihe Pawulo yahamagarirwaga kujya imbere ya Nero nta muntu n'umwe wahangaye kumugira inama cyangwa kumubera umwunganizi; nta n'incuti yari hafi aho nibura kugira ngo yandike ibyo yashinjwaga cyangwa ingingo yatangaga yiregura. Mu Bakristo b'i Roma nta n'umwe wigeze aza aho ngaho kugira ngo amube hafi muri icyo gihe gikomeye. {INI 304.2}

Amakuru nyayo y'ibyabaye icyo gihe atangwa na Pawulo ubwe mu rwandiko rwa kabiri yandikiye Timoteyo. Yaranditse ati: *"Mu iburana ryanjye rya mbere nta wampagarikiye, ahubwo bose barampanye: ntibakabibarweho. Nyamara Umwami wacu yarampagarikiye, arankomeza, kugira ngo ubutumwa bubwirizwe n'akanwa kanjye butagabanije, abanyamahanga bose babwumve. Nuko nkira akanwa k'intare."*2Timeteyo 4:16, 17. {INI 304.3}

Pawulo ari imbere ya Nero! Mbega abantu batandukanye! Uyu mwami w'umunyagasuzuguro umuntu w'Imana yagombaga gusubiza ibyo kwizera kwe amuhagaze imbere, yari akomeye cyane ku isi, afite

ubushobozi, ubukungu utibagiwe no gusayisha mu bugome bukabije n'ibyaha. Nta muntu n'umwe wanganyaga na we imbaraga no gukomera. Nta n'umwe washoboraga kuvuguruza ubushobozi bwe, kandi nta n'umwe washoboraga kwanga gukora ibyo ashaka. Abami barambikaga amakamba yabo ku birenge bakamuramya. Abasirikare bakomeye biyerekaga bagenda kuri gahunda kubw'itegeko rye, kandi ibimenyetso byarangaga ingabo ze byerekanaga ko nta wazitsinda. Ishusho ye yari iteretswe mu nzu zicirirwamo imanza kandi amateka yacibwaga n'abasenateri n'imyanzuro yafatwaga n'abacamanza byabaga ari ugusubiramo ubushake bwe gusa. Miliyoni nyinshi z'abantu zumviraga amategeko ye. Izina rya Nero ryahindishaga isi umushyitsi. Kumutera kubabara byatumaga umuntu anyagwa umutingo we, akamburwa umudendezo ndetse n'ubuzima; kandi igitsure cye cyateraga ubwoba kurusha mugiga. {INI 304.4}

Pawulo wari imfungwa kandi ashaje yahagaze imbere ya Nero nta mafaranga, nta ncuti, n'umugira inama. Mu maso ha Nero hagaragaraga umunya utewe n'umujinya wamugurumaniragamo; ariko mu maso ha Pawulo hagaragazaga umutima ufite amahoro akomoka ku Mana. Imibereho ya Pawulo yari iy'ubukene, kwitanga no kubabara. Nubwo abanzi be bageragezaga kumutera ubwoba bakoresheje kumuvuga nabi, kumutesha agaciro no kumuharabika, ntiyigeze atinya kwerereza umusaraba. Nk'uko Shebuja yari ameze, Pawulo yari yarabaye umugenzi utagira aho yikinga kandi yari yarabereyeho guhesha inyokomuntu umugisha. Bishoboka bite ko Nero wahindagurikaga, warakaraga ubusa kandi wari umunyagitugu w'inkozi y'ibibi, yari gusobanukirwa cyangwa agashima imico n'icyasunikiraga uyu mwana w'Imana gukora? {INI 305.1}

Icyumba kinini Pawulo yari ahagazemo cyari cyuzuyemo abantu benshi cyane bari bafite amatsiko kandi batari bahagaze hamwe, babyiganiraga kujya imbere kugira ngo barebe kandi bumve ibyari kubaho byose. Abakomeye n'aboroheje bari aho, abakire n'abakene, abize n'abatarize, abirasi n'abiyoroheje bose kimwe ntibari bafite ubumenyi nyakuri bw'inzira y'ubugingo n'agakiza. {INI 305.2}

Abayahudi bashinje Pawulo ibirego bya kera byo guteza ubwigomeke no kuyobya abantu, kandi Abayahudi n'Abanyaroma bose hamwe bamureze ko ari we watumye umujyi wa Roma ushya. Ubwo ibi birego byose bwamugerekwagaho Pawulo yari yiturije. Abantu bari aho

n’abacamanza bamwitegerezaga batangaye. Bari barakurikiranye imanza nyinshi kandi bari barabonye abagome benshi, nyamara ntibari barigeze babona umuntu ufite mu maso hatuje ubutungane hatyo nk’ah’iyi mbohe yari imbere yabo. Amaso y’abacamanza yari amenyereye gusoma indoro z’imbohe, yagerageje kureba mu maso ha Pawulo kugira ngo bamuboneho icyaha nyamara ntacyo babonye. Igihe yemererwaga kwiregura, abantu bose bamuteze amatwi bafite amatsiko. {INI 305.3}.Ku yindi nshuro, Pawulo yari afite amahirwe yo kuzamura ibendera ry’umusaraba imbere y’imbaga y’abantu bari bumiwe. Ubwo Pawulo yitegereza iyo mbaga y’abantu bari imbere ye, (Abayahudi, Abagiriki, Abanyaroma n’abanyamahanga bava mu bihugu byinshi), umutima we wasabwe ko kwifuza cyane ko bakizwa. Ntiyitaye ku gihe yarimo n’ingorane zari zimwugarije ndetse n’iherezo riteye ubwoba ryasaga n’irimwegereye. Yabonaga Yesu gusa, Umurengezi uvuganira abanyabyaha imbere y’Imana. Akoresheje imvugo nziza n’imbaraga birenze iya kimuntu, Pawulo yavuze ukuri k’ubutumwa bwiza. Yerekeje abamwumvaga ku gitambo cyatambiwe inyokomuntu yacumuye. Yavuze ko igiciro kitagereranywa cyishyuwe kugira ngo umuntu acungurwe kandi ko ibyangombwa byari byaratanzwe kugira ngo azashobore kwicarana n’Imana ku ntebe ya cyami. Hakoreshejwe intumwa z’abamalayika, isi ihuzwa n’ijuru kandi ibikorwa byose by’abantu, byaba byiza cyangwa bibi bigaragarira Nyir’ubutabera butagerwa. {INI 306.4}

Ayo niyo yari amagambo y’uwaburaniraga ukuri. Yari umwizera mu batizera, uwumvira mu batumvira, ahagarara nk’intumwa y’Imana kandi ijwi rye rimeze nk’ijwi rituruka mu ijuru. Mu magambo no mu ndoro ye nta bwoba, nta gahinda cyangwa gucika intege byaharangwaga. Yari akomeye afite umutimanama utagira icyo umushinja, yambaye intwaro z’ukuri, anezejwe n’uko ari umwana w’Imana.Amagambo ye yari ameze nk’urusaku rw’insinzi mu nduru yo ku rugamba. Yavuze ko umurimo yari yararunduriyemo ubuzima bwe ari wo murimo wonyine utazigera utsindwa. Nubwo we yashoboraga kurimbuka, ubutumwa bwiza ntibwashoboraga kuvaho. Imana ihoraho kandi ukuri kwayo kuzatsinda. {INI 306.1}

Abantu benshi bamurebaga uwo munsi “babonye mu maso he hasa n’ah’umumarayika.” Ibyak 6:15. {INI 306.2} Mbere y’icyo gihe nta na rimwe iyo mbaga yari yarumvise amagambo nk’aya. Aya magambo yakabakabye no ku mitima y’abari binangiye kurusha abandi. Ukuri

kumvikanaga kandi kukemeza abantu kwirukanye ikinyoma. Umucyo wamuritse mu ntekerezo z'abantu benshi baje gukurikira imirasire yawo banezerewe. Ukuri kwavuzwe uwo munsi kwari kugenewe gutigisa amahanga kandi kukabaho iteka ryose, kukazatera impinduka mu mitima y'abantu igihe iminwa yari yarakubabwiye yari kuzaba yaracecekeye mu gituro cy'uwari kuzira ukwizera kwe. {INI 306.3}

Nta na rimwe mbere y'aho Nero yari yarigeze yumva ukuri nk'uko yumvise iki gihe. Nta na rimwe yari yarigeze ahishurirwa ibyaha bikomeye byo mu mibereho bene ako kageni. Umucyo w'ijuru wahuranyije ibyumba by'ubugingo bwe byahindanyijwe n'icyaha maze ahindishwa umushyitsi no gutekereza urukiko we nk'umutegetsi w'isi amaherezo azahagara imbere, kandi ibikorwa bye bigahabwa igihembo kibikwiriye. Yatinye Imana y'intumwa maze ntiyatinyuka gucira Pawulo urubanza we utarabashije guhamywa ibyo bamuregaga. Ubwoba bwamaze umwanya bwahagaritse umutima we wagiraga inyota yo kumena amaraso. {INI 306.4}

Ijuru ryamaze umwanya rikingukiye Nero wari umunyabyaha kandi winangiye ndetse amahoro n'ubutungane by'ijuru byasaga n'ibyifuzwa. Icyo gihe ubutumire bw'imbabazi byageze no kuri we. Nyamara yakiriye igitekerezo cyo gusaba imbabazi agahe gato. Hanyuma yatanze itegeko ko Pawulo asubizwa mu Kumba yafungirwagamo; maze ubwo urugi rwakingiranaga intumwa y'Imana, urugi rwo kwihana rwakingiwe umwami w'abami w'i Roma by'iteka ryose. Nta murasire w'umucyo uvuye mu ijuru wari kongera kwinjira mu mwijima wari umukikije. Bidatinze yari hafi kubona igihano cy'Imana. {INI 306.5}

Nyuma y'aho gato, Nero yagiye mu bwato agana mu Bugiriki aho yitesheje agaciro ubwami bwe bitewe n'imyifatire ye. Agarutse i Roma asingizwa, yashagawe n'abambari be maze biroha mu birori byo kuvuyarara. Bakiri hagati muri ibyo birori, mu mihanda yose humvikanye urusaku ry'umuvurungano. Intumwa yoherejwe kujya kumenya impamvu maze igarukana inkuru y'incamugongo ko Galuba ayoboye igitero kandi ko yihutiraga cyane gutera i Roma, ko kwigomeka kwari kwamaze kuboneka mu mujyi kandi ko imihanda yose yari yuzuye ibitero bikaze byihutiraga kugera ku ngoro y'umwami bigamije kwica umwami n'abambari be bose. {INI 307.1}

Muri iki gihe cy’akaga, Nero ntiyari afite Imana ikomeye kandi y’inyambabazi yari kwisunga nka Pawulo w’indahemuka. Atinye kubabazwa no kwicwa urw’agashinyaguro byashoboraga kumubaho ari mu maboko y’izo ngabo zimuteye, iyo ntagondwa yari yugarijwe n’ibyago yatekereje kwiyica, ariko muri icyo gihe gikomeye cyane acika intege. Yataye umutwe maze mu buryo bukojeje isoni ahunga mu mujyi ajya kwihisha mu cyaro hirya y’umujyi ariko ntacyo byamumariye. Ahantu yari yihishe haje kuvumburwa bidatinze maze abonye ingabo zagenderaga ku mafarasi zimusatiriye, yahamagaye umugaragu kumufasha maze arisogota arapfa. Uko niko intagondwa Nero yapfuye akiri muto afite imyaka mirongo itatu n’ibiri. {INI 307.2}

****

IGICE CYA 49 - URWANDIKO RWA NYUMA PAWULO YANDITSE
(Iki gice Gishingiye Ku Rwandiko Rwa 2 Rwandikiwe Timoteyo)



Pawulo avuye mu rukiko rwa Kayisari, yahereyeko asubizwa mu kumba yari afungiyemo, abona ko yihesheje akaruhuko gato. Yari azi ko abanzi be batazigera baruhuka bataramwicisha. Ariko na none Pawulo yari azi ko hari igihe ukuri kwatsinze. Kuba yari yaramamaje Umukiza wabambwe kandi akazuka imbere y'imbaga nini yari yaramuteze amatwi, ibi ubwabyo byari insinzi. Uwo munsi umurimo wari watangiye wagombaga gukura kandi ugakomera. Uwo murimo Nero n'abandi banzi ba Kristo bari kuzifuza kuwubangamira cyangwa kuwusenya nyamara ntibabigereho. {INI 308.1}

Umunsi ku wundi Pawulo yabaga yicaye mu kumba gacuze umwijima yafungirwagamo. Kuba Pawulo yari azi ko ubuzima bwe bushobora gushyirwaho iherezo biturutse ku cyemezo cya Nero, yatekereje kuri Timoteyo kandi yiyemeza kumutumaho. Timoteyo yari yarahawe inshingano yo kwita ku Itorero rya Efeso; kandi ni we wari warahasigaye ubwo Pawulo yajyaga i Roma ubwa nyuma. Pawulo na Timoteyo bari bafatanyijwe n'urukundo rudasanzwe rwimbitse kandi rukomeye. {INI 308.2}

Kuva Timoteyo yahinduka, yari yarafatanyije imirimo n'imibabaro na Pawulo, kandi ubucuti hagati yabo bwari bwarakomeye cyane burimbika kandi burushaho gutungana kugeza ubwo ibintu byose umwana yashoboraga gukorera umubyeyi akunda kandi yubaha, Timoteyo yabikoreye intumwa yari igeze mu za bukuru kandi yarashenguwe n'umuruho. Ntibitangaje kuba Pawulo mu gihe yari wenyine no mu bwigunge yarifuje kubona Timoteyo. {INI 308.3}

Mu buryo bwiza, nta nzitizi zihari, hari guhita amezi menshi mbere y'uko Timoteyo agera i Roma avuye muri Aziya Ntoya. Pawulo yari azi ko ubuzima bwe buri mu kaga maze atinya ko Timoteyo ashobora kuzaza atinze cyane ntamusange. Yari afitiye uwo musore inama n'amabwiriza by'ingirakamaro kubera ko yari yarahawe inshingano ikomeye cyane; kandi igihe yamusabaga ngo atebuke, ubwo yari hafi gupfa yamwandikiye amagambo yabonaga ko atazashobora kumubwirisha akanwa. Umutima we wari wuzuye urukundo yari afitiye umwana we yabyaje ubutumwa bwiza ndetse n'urwo yari afitiye Itorero yari ashinzwe, bityo Pawulo yifuje kumenyesha Timoteyo akamaro k'ubudahemuka ku nshingano ye yera. {INI 308.4}

Pawulo yatangije urwandiko rwe iyi ndamutso: *"Ndakwandikiye Timoteyo, umwana wanjye nkunda. Ubuntu n'imbabazi n'amahoro bibe kuri wowe, biva ku Mana Data wa twese no kuri Kristo Yesu Umwami wacu. Imana nkorera nkurikije ba sogokuruza, mfite umutima utancira urubanza, ni yo nshimira yuko nkwibuka ubudasiba uko nsenze, ku manywa na nijoro."* 2 Timoteyo 1:2, 3. {INI 308.5}

Intumwa yeretse Timoteyo impamvu akeneye gushikama mu kwizera. Yaranditse ati: *"Ni cyo gituma nkwibutsa gusesa impano y'Imana ikurimo ngo yake, iyo waheshejwe no kurambikwaho ibiganza byanjye. Kuko Imana itaduhaye Umwuka w'ubwoba: ahubwo yaduhaye uw'imbaraga n'urukundo no kwirinda. Nuko ntukagire isoni zo guhamya Umwami wacu, cyangwa izanjye, imbohe ye. Ahubwo ufatanye nanjye kurenganyirizwa ubutumwa bwiza, ufashijwe n'imbaraga z'Imana."* (2Timoteyo 1:6-8). Pawulo yingingiye Timoteyo kwibuka ko yari yarahamagawe *"guhamagara kwera" kugira ngo yamamaze imbaraga y' "uwerekanishije ubugingo no kudapfa ubutumwa bwiza." Yaravuze ati, "Ubwo butumwa ni bwo nashyiriweho kuba umubwiriza wabwo n'intumwa n'umwigisha w'abanyamahanga. Ni cyo gituma mbabazwa*

ntya, nyamara singira isoni, kuko nzi uwo nizeye uwo ari we, kandi nzi neza yuko abasha kurinda ikibitsanyo namubikije, kugeza kuri urya munsi." 2 Timoteyo 1:11, 12. {INI 309.1}

Igihe kirekire Pawulo yamaze mu murimo, nta na rimwe yigeze agingimiranya mu kumvira Umukiza we. Aho yabaga ari hose, haba imbere y'Abafarisayo bamukwenaga, haba imbere y'abategetsi b'i Roma; haba imbere y'imbaga y'abamurakariye b' i Lusitira cyangwa abari barahamwe n'icyaha bari bari mu nzu y'imbohe i Makedoniya, haba igihe yajyaga impaka n'abasare bari bafite ubwoba bwinshi igihe ubwato bwarohamaga cyangwa igihe yahagararaga wenyine imbere ya Nero kugira ngo arengere ubuzima bwe, nta na rimwe yigeze aterwa isoni z'ibyo yari ashyigikiye. Umugambi umwe ukomeye cyane w'imibereho ye ya Gikristo wari uwo gukorera uwo yari yarigeze gusuzugura kandi nta kurwanywa cyangwa gutotezwa byigeze bituma areka intego yari afite. Kwizera kwe, kwakomejwe n'umuhati kandi kugatunganywa n'igitambo, kwamuteye gushikama kandi kuramukomeza. {INI 309.2}

Pawulo yakomeje agira ati: *"Nuko rero, mwana wanjye, ukomerere mu buntu bubonerwa muri Kristo Yesu, kandi ibyo wanyumvanye imbere y'abahamya benshi, ubimenyeshe abantu bo kwizerwa bazashobora kubyigisha abandi. Ujye ufatanya nanjye kwihanganira imibabaro, nk'uko bikwiriye umusirikari mwiza wa Kristo Yesu."* 2Timoteyo 2:1-3. {INI 309.3}

Umukozi nyakuri w'Imana ntazigera yihunza imiruho cyangwa inshingano. Ushaka by'ukuri imbaraga mvajuru, akura mu isoko idakama imbaraga zimushoboza guhangana no kunesha ibigeragezo kandi akuzuza neza inshingano Imana yamuhaye. Ubuntu ahabwa burushaho kwagura ubushobozi bwe bwo kumenya Imana n'Umwana wayo. Umutima we usabwa no kwifuza gukorera Shebuja umurimo ushimwa. Uko ateye intambwe mu nzira ya Gikristo "akomerera mu buntu bubonerwa muri Kristo." Ubu buntu bumushoboza kuba umuhamya nyakuri w'ibyo yumvise. Ntabwo asuzugura cyangwa ngo yirengagize ubumenyi yahawe n'Imana; ahubwo abugeza ku bantu bizerwa ngo nabo babumenyeshe abandi. {INI 309.4}

Muri uru rwandiko ruheruka yandikiye Timoteyo, Pawulo yamweretse intego yo hejuru, amwereka inshingano afite nk'umukozi wa Kristo. Intumwa Pawulo yaranditse ati: "Ujye ugira umwete wo kwishyira Imana nk'ushimwa, umukozi udakwiriye kugira ipfunwe, ukwiriranya neza ijambo ry'ukuri." *"Nuko uhunge irari rya gisore, ahubwo ukurikize gukiranuka no kwizera n'urukundo n'amahoro, ufatanije n'abambaza Umwami wacu bafite imitima iboneye. Nyamara ibibazo by'ubupfu n'iby'abaswa ntukabyemere, uzi nawe ko bibyara amahane. Ariko umugaragu w'Umwami wacu ntakwiriye kuba umunyamahane, ahubwo akwiriye kugira ineza kuri bose, agakunda kwigisha, akihangana, agahanisha ubugwaneza abamugisha impaka, ngo ahari, nibishoboka, Imana ibahe kwihana ngo bamenye ukuri."*2 Timoteyo 2:15, 22-25 {INI 310.1}

Intumwa Pawulo yaburiye Timoteyo kwirinda abigisha b'ibinyoma bari gushaka kwinjira mu Itorero. Yaravuze ati: *"Umenye yuko mu minsi y'imperuka hazaza ibihe birushya, kuko abantu bazaba bikunda, bakunda impiya, birarira, bibona, batukana, batumvira ababyeyi babo, indashima, batari abera;... Bafite ishusho yo kwera, ariko bahakana imbaraga zako: abameze batyo ujye ubatera umugongo."*2Timoteyo 3:1- 5. {INI 310.2}

Yakomeje agira ati: *"Kandi abantu babi n'abiyita uko batari bazarushaho kuba babi, bayobya bakayobywa. Ariko wehoho ugume mu byo wize, ukabyizezwa kuko uzi uwakwigishije, kandi uzi yuko uhereye mu buto bwawe wamenyaga ibyanditswe byera bibasha kukumenyesha ubwenge, bwo kukuzanira agakiza,…Ibyanditswe byera byose byahumetswe n'Imana kandi bigira umumaro wo kwigisha umuntu, no kumwemeza ibyaha bye no kumutunganya, no kumuhanira gukiranuka: kugira ngo umutu w'Imana abe ashyitse, afite ibimukwiriye byose, ngo akore imirimo myiza yose."* (2 Timoteyo 3:13-17). Imana yatanze ibyangombwa bihagije kugira ngo umuntu abashe gutsinda ikibi kiri mu isi. Bibiliya ni ububiko bw'intwaro aho dushobora gukura intwaro dukoresha mu ntambara. Tugomba gukenyera ukuri. Icyuma kidukingira igituza kigomba kuba ubutungane. Tugomba gutwara ingabo yo kwizera, tukambara ingofero y'agakiza kandi tugatwara n'inkota y'Umwuka ari yo jambo ry'Imana. Igihe dutwaye izo ntwaro, tugomba guca inzira yacu mu nzitizi n'imitego by'icyaha. {INI 310.3}

Pawulo yari azi ko imbere y'Itorero hari igihe cy'akaga gakomeye. Yari azi ko umurimo utunganye kandi mwiza wagombaga gukorwa n'abasigaye bashinzwe amatorero; maze yandikira Timoteyo ati: *"Ndagutongerera mu maso y'Imana no mu ya Kristo Yesu uzaciraho iteka abazima n'abapfuye, ubwo azaboneka aje kwima ingoma ye. Ubwirize abantu ijambo ry'Imana ugire umwete mu gihe kigukwiriye no mu kitagukwiriye, uhane, uteshe, uhugure, ufite kwihangana kose no kwigisha."* 2 Timoteyo 4:1, 2. {INI 310.4}

Iyi nshingano ikomeye yahawe umuntu w'umunyamwete kandi w'umwizerwa nka Timoteyo ni igihamya gikomeye kitwereka akamaro n'inshingano by'umurimo w'umubwiriza w'ubutumwa bwiza. Pawulo yihanangiriza Timoteyo imbere y'intebe y'Imana, akamwihanangiriza kubwiriza ijambo ry'Imana atari amagambo n'imigenzo by'abantu; agahora yiteguye guhamya Imana igihe icyo ari cyo cyose abonye uburyo haba mu iteraniro ry'abantu benshi no mu matsinda yihariye, mu nzira n'aho abantu bota umuriro, ku ncuti no ku banzi, haba hari umutekano cyangwa mu birushya n'akaga, yaba ari mu gihe cyo gusuzugurwa no mu gihombo.Pawulo agize impungenge ko ubugwaneza bwa Timoteyo bwazatuma yirengagiza umugabane ukomeye w'umurimo we, yamwihanangirije kuba umwizerwa agacyaha icyaha ndetse agacyaha yihanukiriye abahamwaga n'ibyaha bikomeye. Nyamara yagombaga kubikora *"afite kwihangana kose no kwigisha"* (2Timoteyo 4:2). Yagombaga kwerekana ukwihangana n'urukundo bya Kristo, agasobanura kandi agashimangira gucyaha kwe akoresheje ukuri kw'Ijambo ry'Imana. {INI 311.1}

Kwanga no gucyaha icyaha ndetse ari nako werekana umunyabyaha impuhwe n'ubugwaneza biragorana. Uko turushaho kugira umuhati wo kugera ku butungane bw'umutima n'ubugingo, ni ko tuzarushaho kubona icyaha kandi ni ko tuzanarushaho kwanga ikintu icyo ari cyo cyose kiduteshura mu nzira y'ukuri. Tugomba kwirinda gukabya gushariririra uwakoze ikibi; nyamara tugomba kwirinda kugira ngo tutirengagiza ugukabya kw'icyaha. Abayoba bakeneye kugaragarizwa ukwihangana n'urukundo bya Kristo, nyamara hari ingorane mu kwihanganira cyane amakosa yabo ku buryo bazafata ko badakwiriye gucyahwa no kwibwira ko bacyashwe baba barenganyijwe. {INI 311.2}

Rimwe na rimwe abagabura b'ubutumwa bwiza bakora ikibi gikomeye cyane iyo bemera ko ukwihanganira abayobye kwabo kubyara

kubererekera ibyaha ndetse no kubigiramo uruhare. Muri ubwo buryo, bagera n'aho babererekera kandi bagafata mu buryo bworoheje ibyo Imana iciraho iteka; kandi nyuma y'igihe runaka, bahinduka impumyi ntibashobore kwita ku bo Imana ibategeka gucyaha. Uwigira impumyi mu mirebere y'iby'umwuka agirira impuhwe mbi abo Imana iciraho iteka, bidatinze azakora icyaha gikomeye asharirira kandi ahutaza abo Imana ishima. {INI 311.3}

Bitewe n'ubwirasi bw'ubwenge bwa kimuntu, gusuzugura uruhare rwa Mwuka Wera ndetse no kutita ku kuri kw'Ijambo ry'Imana, abantu benshi biyita Abakristo kandi biyumva ko bashoboye kwigisha abandi, bazayoba bave mu by'Imana ibasaba gukora. Pawulo yabwiye Timoteyo ati: *"Kuko igihe kizaza batazihanganira inyigisho nzima, ahubwo kuko amatwi yabo azaba abarya yifuza kumva ibibanezeza, bazigwiriza abigisha bahuje n'irari ryabo; kandi baziziba amatwi ngo batumva ukuri, bazayoba bakurikize imigani y'ibinyoma."* 2Timoteyo 4:3, 4. {INI 311.4}

Ahangaha ntabwo Pawulo yerekeza ku bantu berura ku mugaragaro ko batitaye ku kuyoboka Imana, ahubwo avuga ku biyita Abakristo bayoborwa n'ibyo bifuza, bityo bakabatwa n'inarijye. Bene abo bifuza kumva gusa inyigisho zidacyaha ibyaha byabo cyangwa ngo zicireho iteka ibibanezeza. Bababazwa n'amagambo aboneye y'abagaragu b'indahemuka ba Kristo maze bagahitamo abigisha babashimisha kandi bakabashyeshya. No mu bavuga ko ari abagabura harimo bamwe babwiriza ibitekerezo by'abantu aho kubwiriza ijambo ry'Imana. Kubera ko ari abahemu ku cyizere bagiriwe, bituma bayobya ababareba kugira ngo babayobore no mu by'Umwuka. {INI 312.1}

Mu mabwiriza y'amategeko yayo yera, Imana yatanze itegeko ritunganye ry'imibereho; kandi yavuze ko kugeza ku mperuka y'ibihe, aya mategeko azakomeza kugenga abantu nta n'akanyuguti kayo gahindutse. Kristo yazanywe no kwerereza amategeko no gutuma yubahwa. Yerekanye ko amategeko ashingiye ku rufatiro rwagutse rwo gukunda Imana n'umuntu, kandi ko kumvira ibyo asaba bikubiye mu nshingano y'umuntu. Mu mibereho ye bwite yatanze urugero rwo kumvira amategeko y'Imana. Mu kibwirizwa cyo ku musozi yerekanye ukuntu ibyo amategeko asaba birenga ibikorwa bigaragara inyuma, ahubwo bikagera kubyo umuntu atekereza ndetse n'ibyo umutima ugambirira. {INI 312.2}

Iyo amategeko yumviwe, ayobora abantu ku *“kureka kutubaha Imana n’irari ry’ibyisi, bakirinda, bakiranuka, bubaha Imana mu gihe cya none.”* (Tito 2:12).Nyamara umwanzi w’ubutungne bwose yigaruriye isi maze ayobora abagabo n’abagore gusuzugura amategeko. Nk’uko Pawulo yari yarabibonye, abantu benshi bateye umugongo gushakisha ukuri kw’ijambo ry’Imana maze bahitamo abigisha bababwira imigani y’imihimbano bifuza. Abenshi mu bagabura n’abantu basanzwe bakandagira amategeko y’Imana. Muri ubwo buryo Umuremyi w’isi aratukwa, kandi Satani akanezezwa n’insinzi y’uburiganya bwe. {INI 312.3}.Kubwo kwiyongera ko gusuzugura amategeko y’Imana, hariho kwiyongera kuzinukwa iby’iyobokamana, ubwibone, gukunda ibinezeza, kutumvira ababyeyi no gutwarwa n’irari. Kubw’ibyo, hirya no hino abafite imitima itekereza cyane barahangayitse bibaza bati, “Ni iki gishobora gukorwa kugira ngo ibi bibi byakwiriye hose bikosorwe?” Igisubizo kiboneka mu magambo Pawulo yabwiye Timoteyo amwihanangiriza ati, “Ubwirize abantu ijambo ry’Imana.” (2Timoteyo 4:2). Muri Bibliya hari amahame amwe nyayo agenga umurimo. Ni inyandiko ivuga ubushake bw’Imana, imvugo y’ubwenge mvajuru. Iyi nyandiko ifungura imyumvire y’umuntu kugira ngo asobanukirwe ingorane zikomeye z’ubuzima, kandi abantu bose bita ku mabwiriza y’iyo nyandiko izababera umuyobozi utayoba, ibarinde gupfusha imibereho yabo ubusa bagendera mu bidatunganye. {INI 312.4}

Imana yamenyekanishije ubushake bwayo, kandi kujya impaka ku byavuye mu kanwa kayo ni ubupfapfa. Nyuma y’imvugo ya Nyir’ubwenge butaderwa, nta bibazo byo gushidikanya umuntu akwiye kubaza, kandi nta buryo bundi bwo kugoragoza akwiye gukoresha. Ibyo umuntu usabwa byose ni ukuri kwemeranywa rwose n’ubushake bw’Imana. Kumvira ni itegeko rihebuje ayandi mu byo dukereza kimwe n’ibyo umutimanama wibwira. {INI 313.1}

Pawulo yakomeje kumubwira ati: *“Ariko wehoho wirinde muri byose, wemere kurengana, ukore umurimo w’umubwirizabutumwa bwiza, usohoze umurimo wawe wo kugabura iby’Imana”* (2Timoteyo 4:5). Pawulo yari hafi kurangiza umurimo we maze yifuza ko Timoteyo yamusimbura akarinda Itorero inyigisho z’ibihimbano by’abantu n’ubuhakanyi umwanzi yari kuzakoresha uko ashoboye kose mu buryo butandukanye kugira ngo ateshure abantu ku kwicisha bugufi kwigishwa n’ubutumwa bwiza. Yamugiriye inama yo kuzibukira iby’igihe gito n’ibindi byamubuza kwirundurira mu murimo akorera Imana;

akihanganira kurwanywa anezerewe, akihanganira gusuzugurwa no kurenganywa byari kuzamubaho bitewe n'ubudahemuka bwe. Yanamugiriye inama yo guhamya umurimo we akoresheje uburyo bwose afite bwo kugirira neza abo Kristo yapfiriye. {INI 313.2}

Imibereho ya Pawulo yari icyitegererezo cy'ukuri yigishaga kandi aho niho imbaraga ye yari ishingiye. Umutima we wari wuzuye ubwuzu bw'inshingano ye kandi yakoraga yomatanye na Soko y'ubutabera, imbabazi n'ukuri. Yashikamye ku musaraba wa Kristo nk'ubwishingizi bwe rukumbi bumubashisha gutsinda. Urukundo rw'Umukiza rwari impamvu ihoraho yamuteraga gukora, ikamukomeza mu kurwana na kamere no mu rugamba rwe ahangana n'ikibi igihe mu murimo wa Kristo yajyaga imbere ahanganye n'urwangano rw'ab' isi ndetse no kurwanywa n'abanzi be. {INI 313.3}

Icyo Itorero rikeneye muri ibi bihe biruhije, ni ingabo z'abakozi, nka Pawulo, bitoje kuba ingirakamaro, bafite uburambe bukomeye mu bintu by'Imana kandi buzuye ukuri n'umwete. Abantu bejejwe kandi bitanga barakenewe; abantu batazahunga ibigeragezo n'inshingano; abantu b'intwari kandi b'abanyakuri; abantu bafite Kristo mu mitima yabo we *"byiringiro by'ubwiza"* (Abakolosayi 1:27) kandi bazabwiriza "ijambo ry'Imana" bafite iminwa yakojejweho umuriro wera. Umurimo w'Imana ukeneye abakozi nk'abo, kandi amakosa akomeye ameze nk'uburozi bwica aramunga ibitekerezo kandi agakuraho ibyiringiro by'imbaraga nini y'abagize inyokomuntu.{INI 313.4}

Mu gihe abatwaramucyo bizerwa kandi bashenguwe n'umuruho batanga ubuzima bwabo kubwa Kristo, ni bande bazitanga kugira ngo babasimbure? Mbese abasore bacu bazemera inshingano yera yahawe ababyeyi babo? Mbese bari mu myiteguro yo gusiba icyuho giterwa n'urupfu rw'intungane? Mbese gutongera kw'intumwa kuzubahirizwa, mbese guhamagarirwa inshingano bizumvirwa hagati mu gukururwa n'ubugugu no kurarikira bireshya abasore? {INI 314.1}.Pawulo yasoje urwandiko rwe atanga ubutumwa bwe bwite ku bantu batandukanye kandi yongeye gusaba byihutirwa ko Timoteyo yamugeraho vuba, byashoboka akaza mbere y'itumba. Yavuze ku kugira irungu kwe yatewe n'uko bamwe mu ncuti ze bamutereranye no kuba abandi batari

bahari. Yabwiye Timoteyo ko atagombaga gushidikanya atinya ko Itorero rya Efeso ryari kumukenera kuko Pawulo yari yaramaze kohereza Tukiko kugira ngo asigare mu mwanya we. {INI 314.2}

Pawulo amaze kuvuga uko byagenze mu rubanza rwe imbere ya Nero, akababwira uko abavandimwe be mu kwizera bamutereranye, n'ubuntu bukomeza bw'Imana itica isezerano, Pawulo yasoje urwandiko rwe ashyira Timoteyo yakundaga mu burinzi bw'Umwungeri Mukuru wari gukomeza kwita ku mukumbi nubwo abungeri bato bakwicwa. {IN 314.3}

******

IGICE CYA 50 - PAWULO ACIRWA URWO GUPFA

Mu gihe cy'urubanza ruheruka rwa Pawulo imbere ya Nero, umwami w'abami yari yaranyuzwe cyane n'imbaraga y'amagambo y'intumwa ku buryo yasubitse gufata icyemezo cy'urubanza, ntiyarekura cyangwa ngo acireho iteka umugaragu w'Imana warengwaga. Nyamara umugambi mubisha Nero yari afitiye Pawulo wongeye kubyuka bidatinze. Nero arakajwe n'uko atashoboraga guhungabanya kwamamara kw'idini ya Gikristo, ndetse no mu rugo rw'ibwami, yafashe icyemezo ko niharamuka habonetse impamvu y'urwitwazo, intumwa Pawulo yagombaga kwicwa. Nyuma y'aho bidatinze Nero yatangaje icyemezo cyaciriyeho iteka Pawulo ngo yicwe kubwo kwizera. Kubera ko umuturage w'Umuroma atagombaga kwicwa urubozo, Pawulo yaciriwe urubanza rwo gucibwa umutwe. {INI 315.1}

Pawulo yajyanywe rwihishwa aho ari bwicirwe. Abantu bake ni bo bemerewe kureba uko yishwe; kubera ko abamurenganyaga, batangajwe n'uko yari azwi cyane, batinye ko hashobora kuboneka abayoboka Ubukristo bitewe n'ibyari kuba mu rupfu rwe. Ariko n'abasirikare bari binangiye bamurindaga bumvise amagambo ye kandi batangazwa no kubona anezerewe ndetse yishimye nubwo yari ategereje urupfu.Umwuka we wo kubabarira abamwicaga ndetse no kwizera Kristo kwe kudahungabana kugeza ku iherezo byabaye impumuro y'ubugingo izana ubugingo ku bantu bamwe biboneye urupfu rwe. Abantu barenze umwe bemeye Umukiza Pawulo yabwirizaga, kandi bidatinze bahamishije amaraso yabo kwizera kwabo badatinya. {INI 315.2}

Kugeza ku isaha iheruka, ubuzima bwa Pawulo bwahamyaga ukuri kw'amagambo yabwiye Abanyakorinto ati: *"Imana yategetse umucyo kuva uturutse mu mwijima, ni yo yaviriye mu mitima yacu, kugira ngo*

imurikishe ubwenge bwo kumenya ubwiza bw'Imana buri mu maso ha Yesu Kristo. Ariko dufite ubwo butunzi mu nzabya z'ibumba, kugira ngo imbaraga zisumbabyose zibe iz'Imana zidaturutse kuri twe. Dufite amakuba impande zose ariko ntidukuka imitima, turashobewe ariko ntitwihebye; turarenganywa ariko ntiduhanwa, dukubitwa hasi ariko ntidutsindwa rwose. Tugendana mu mubiri iteka urupfu rwa Yesu, ngo ubugingo bwa Yesu na bwo bugaragarire mu mibiri yacu." (2Kor 4:6-10).Ubushobozi bwe ntibwakomokaga muri we ahubwo bwakomokaga kuri Mwuka w'Imana wari hamwe nawe akamukoresha akuzura umutima we kandi agatuma intekerezo zose zigandukira kumvira ubushake bwa Kristo. Umuhanuzi aravuga ati : *"Ugushikamijeho umutima uzamurinda abe amahoro masa, kuko akwiringiye."* (Yesaya 26:3). Amahoro akomoka mu ijuru yagaragaraga mu maso ha Pawulo yatumye abantu benshi bemera ubutumwa bwiza. {INI 315.3}

Pawulo yagendanaga umwuka w'ijuru. Abantu bose bakoranye nawe babonaga imbaraga yo komatana na Kristo kwe. Kuba imibereho ya Pawulo yaremeranyaga n'ukuri yamamazaga, byongeraga uburemere bw'ibibwiriza bye. Aha niho imbaraga y'ukuri iri. Ubuhamya bukomoka ku mibereho itunganye ni ikibwirizwa kirusha ibindi gukora ku mutima gishobora kubwirizwa kigashyigikira Ubukristo. Ingingo zavugwa nubwo zaba zitavuguruzwa, icyo zishobora kuzana ni impaka gusa; nyamara urugero rwiza rufite imbaraga idashobora gutsindwa na rimwe. {INI 316.1}

Igihe Pawulo yazirikanaga abo yari agiye gusiga bahanganye n'urwikekwe, kwangwa no gutotezwa, yirengagije imibabaro yari imwegereye. Pawulo yakoze uko ashoboye akomeza kandi atera ubutwari Abakristo bake bamuherekeje ubwo yajyanwaga aho yagombaga kwicirwa. Yabasubiriyemo amasezerano yahawe abatotezwa kubw'ubutungane. Yabahamirije ko nta na kimwe kitazasohora mu byo Uwiteka yavuze byose byerekeranye n'abana be bageragezwa kandi bizerwa. Mu gihe gitoya bashoboraga kuremererwa n'ibigeregezo by'uburyo bwinshi; bashoboraga kutabona ibibahumuriza byo mu isi, ariko bagombaga gutera ubutwari imitima yabo bifashishije ubwishingizi bw'ubudahemuka bw'Imana bavuga bati: *"Nzi uwo nizeye uwo ari we, kandi nzi neza yuko abasha kurinda ikibitsanyo namubikije kugeza kuri urya munsi."* (2Timoteyo 1:12). Ijoro ry'igeragezwa n'umubabaro ryari kurangira bidatinze hanyuma umuseso w'igitondo gishimishije cy'amahoro n'umunsi uboneye bigatangaza. {INI 316.2}

Pawulo yarebaga kure cyane, adashidikanya cyangwa ngo ahangayike, ahubwo yari afite ibyiringiro n'umunezero by'ahazaza. Ubwo Pawulo yari ahagaze aho yagombaga kwicirwa ntiyabonaga inkota y'uwari kumwica cyangwa ubutaka bwari bugiye kwakira amaraso ye mu kanya gato; ahubwo amaso ye yahuranyaga ijuru ritamurutse ry'uwo munsi wo mu mpeshyi akitegereza intebe y'ubwami y'Ihoraho. {INI 316.3}

Uyu muntu wari ufite kwizera yabonaga urwego Yakobo yarose. Urwo rwego rwashushanyaga Kristo wahuje ijuru n'isi, kandi ahuza umuntu ugira iherezo n'Imana ihoraho iteka ryose. Ubwo Pawulo yibukaga ukuntu abakurambere n'abahanuzi bagiye bishingikiriza ku wamukomezaga kandi akamuhumuriza ndetse akaba yari agiye gutanga ubugingo bwe kubera we, ukwizera kwe kwarakomejwe. Aba bantu b'intungane bagiye bahamya kwizera kwabo uko ibihe byahaga ibindi, yabumviyeho ubutumwa bw'ibyiringiro ko Imana ari inyakuri. Kugira ngo babwirize ubutumwa bwiza bwa Kristo, intumwa bagenzi be bagiye bakomeza bagahangana no kwishyira imbere mu by'idini, bahangana n'ubupfumu, ugutotezwa no gusuzugurwa, ntibigera baha ubuzima bwabo agaciro kugira ngo bashobore gushyira hejuru umucyo w'umusaraba mu mwijima wo kutizera. Pawulo yarabibukaga asaga n'ubumva bahamya ko Yesu ari Umwana w'Imana akaba n'Umukiza w'abari mu isi. Yibukaga uburyo bishwe urw'agashinyaguro, bagatwikirwa ku mambo, bagashyirwa mu nzu z'imbohe, mu masenga y'inyamaswa n'ubuvumo bwo ku isi, maze bigatuma mu matwi ye asa n'uwumva ijwi ryo gutsinda ry'upfa azira kwizera kwe. Yumvise ubuhamya bw'abantu bashikamye, abo nubwo bari abakene, bababazwa bikomeye, batanze ubuhamya bukomeye bwo kwizera kwabo bashize ubwoba bavuga bati: "Nzi uwo nizeye uwo ari we." Mu kurundurira ubuzima bwabo mu kwizera, aba bose bamenyesha abatuye isi ko uwo bizeye ashobora gukiza ku rugero ruhanitse. {INI 316.4}

Pawulo wacungujwe igitambo cya Kristo, akezwaho ibyaha n'amaraso ye, kandi akambikwa ubutungane bwe, afite ubuhamya muri we ko ubugingo bwe ari ubw'agaciro mu maso y'Umucunguzi. Ubugingo bwe buhishanywe na Kristo mu Mana, kandi yemera adashidikanya ko uwatsinze urupfu ashoboye kurinda icyo yabikijwe. Ibitekerezo bye bisingira isezerano ry'Umukiza rivuga riti, *"Nanjye*

nzamuzura ku munsi w'imperuka." (Yohana 6:40). Ibitekerezo n'ibyiringiro bye byerekejwe ku kugaruka k'Umwami Yesu. Ubwo inkota y'uwamwicaga yamanukaga n'igicucu cy'urupfu kikagota Pawulo wicwaga azira kwizera kwe, igitekerezo cye giheruka cyarazamutse nk'uko bizamumerera igihe cyo gukanguka gukomeye kugira ngo asanganire Umutangabugingo uzamwakira mu munezero w'abahiriwe. {INI 317.1}

Hashize ibinyejana byinshi uhereye igihe Pawulo wari ugeze mu za bukuru asheshe amaraso ye nk'umuhamya w'ijambo ry'Imana no guhamya kwa Yesu Kristo. Nta kintu gifatika cyandikiwe ab'ibihe bizaza kijyanye n'ibintu biheruka byabaye mu buzima bw'uyu muntu w'intungane, nyamara Ibyanditswe byatubikiye ubuhamya bw'urupfu rwe. Nk'uko impanda irangurura, ijwi rya Pawulo ryagiye ryumvikana mu myaka yose yashize, yakomeje ibihumbi byinshi by'abahamya ba Kristo kandi abyutsa abandi benshi bishwe n'agahinda kubw'ijwi ry'umunezero w'insinzi ye bwite ati: *"Kuko jyeweho maze kumera nk'ibisukwa ku gicaniro, igihe cyo kugenda kwanjye gisohoye. Narwanye intambara nziza, narangije urugendo, narinze ibyo kwizera. Ibisigaye mbikiwe ikamba ryo gukiranuka, iryo Umwami wacu, umucamanza utabera azampa kuri urya munsi, nyamara si jye jyenyine, ahubwo ni abakunze kuzaboneka kwe bose."* 2 Timoteyo 4:6-8. {INI 317.2}

****

IGICE CYA 51 - MWUNGERI UDAHEMUKA

(Iki gice gishingiye ku Rwandiko rwa 1 Rwanditswe na Petero)

Mu gitabo cy'ibyakozwe n'intumwa harimo bikeya bivugwa ku byo intumwa petero yakoze mu bihe bye biheruka. mu myaka y'ivugabutumwa yakurikiye isukwa rya mwuka Muziranenge ku munsi wa pantekote, petero yari mu bantu bakoze byimazeyo kugira ngo bagere ku bayahudi bari baje i yerusalemu gusenga mu gihe cy'iminsi mikuru y'umwaka. {INI 318.1}.Uko umubare w'abizera wiyongeraga i yerusalemu ndetse n'ahandi hasurwaga n'intumwa z'umusaraba, ubushobozi bwihariye petero yari afite bwagaragariye itorero rya mbere rya gikristo ko ari ubw'agaciro katarondoreka. uruhare rw'ubuhamya bwe bwerekeye yesu w'i nazareti bwamamaye hirya no hino. petero yari yarahawe inshingano ebyiri. yahamije ibijyanye na mesiya imbere y'abantu batizera, akorana umwete kandi abikuye ku mutima kugira ngo bahinduke; kandi ari nako akorera abizera umurimo wihariye, akabakomereza mu kwizera kristo. {INI 318.2}

Petero yahamagariwe gukora nk'umwungeri muto nyuma yuko yiyanze akiyegurira imbaraga mvajuru. kristo yari yarabwiye petero mbere y'uko amwihakana ati: *"nawe numara guhinduka ukomeze bagenzi bawe."* (luka 22:32). aya magambo yari afite icyo avuga ku murimo mugari kandi utanga umusaruro iyi ntumwa yagombaga kuzakorera abajyaga kuzizera. petero yari yarateguriwe uyu murimo binyuze mu mibereho ye bwite y'icyaha, umubabaro no kwihana. amaze kumenya intege nke ze ni bwo yasobanukiwe uko umwizera akeneye kwishingikiriza kuri kristo. igihe yari hagati mu muraba w'ibigeragezo nibwo yaje gusobanukirwa ko umuntu ashobora kugenda neza gusa iyo aretse kwiyiringira ubwe akisunga umukiza {INI 318.3}.Ubwo abigishwa bahuraga na kristo bwa nyuma ku nyanja, ubwo petero yageragezwaga abazwa ikibazo kimwe incuro eshatu ngo, *"urankunda?"* (yohana 21:15-17), yasubijwe mu mwanya we mu bigishwa cumi na babiri. yahawe

umurimo we; yagombaga kuragira umukumbi w'uwiteka. ubu noneho ubwo yari amaze guhinduka no kwemerwa, ntabwo yagombaga gushaka uko yakiza abari hanze y'umukumbi gusa, ahubwo yanagombaga kuba umwungeri w'intama. {INI 318.4}

Kristo yamenyesheje petero ikintu kimwe cya ngombwa kugira ngo amukorere- "urankuda?" iki ni cyo cy'ingenzi akwiye kugira. nubwo petero yari kugira ibindi byose ariko ntagire urukundo rwa kristo ntiyashoboraga kuba umwungeri wizerwa wo kuragira umukumbi w'imana. ubumenyi, kugira neza, imvugo inoze n'umwete byose ni ingezi mu murimo mwiza; nyamara nta rukundo rwa kristo ruri mu mutima, umurimo w'umubwiriza w'umukristo uba ari imfabusa. {INI 318.5}

Urukundo rwa Kristo ntabwo ari ibyo umuntu yiyumvamo bihindagurika, ahubwo ni ihame rizima rigomba kugaragazwa nk'imbaraga iba mu mutima. Igihe imico n'imyifatire y'umwungeri ari urugero rufatika rw'ukuri yamamaza, Uwiteka azashyira ikimenyetso ku murimo akora ahamye ko awemera. Umwungeri n'umukumbi bazaba umwe, bahujwe n'ibyiringiro bahuriyeho muri Kristo.{INI 319.1}

Uburyo umukiza yakoranye na petero, byahaye icyigisho petero n'abavandimwe be. nubwo petero yari yarihakanye umwami we, urukundo kristo yamukundaga ntirwigeze rucogora. mu gihe petero yagombaga gukora umurimo wo kugeza ku bandi ijambo ry'imana, yagombaga guhangana n'umwanzi yihanganye, afite impuhwe, imbabazi n'urukundo rubabarira. mu kwibuka intege nke ze no gutsindwa kwe, yagombaga kwita ku ntama n'abana bazo nk'uko kristo yari yaramugenjereje. {INI 319.2}

Abantu biyeguriye gukora icyaha, babogamira gufata nabi abageragezwa n'abayoba. ntibashobora gusoma ibiri mu mutima kandi ntibazi intambara n'umubabaro byawo. bakeneye kwiga ibyo gucyaha kuje urukundo, iby'igihano gikomeretsa kikomora n'umuburo utanga ibyiringiro. {INI 319.3}

Mu gihe cyose cy'umurimo we, petero yaragiye neza umukumbi yashinzwe maze muri ubwo buryo agaragaza ko ashoboye gusohoza inshingano yahawe n'umukiza. buri gihe yererezaga yesu w'i nazareti nk'ibyiringiro bya isiraheli, akaba n'umukiza w'inyokomuntu. ubuzima

bwe yabweguriye kugengwa na shebuja. mu buryo bwose bushoboka yashakaga uko amenyereza abizera gukora umurimo bagombaga gushishikarira. urugero rwe rwiza no gukora adacogora byatumye abasore benshi basezerana kwitangira gukora umurimo w'ivugabutumwa. uko igihe cyahiga, ni ko uruhare rwa petero nk'umwigisha n'umuyobozi rwiyongeraga; kandi nubwo atigeze arambika umutwaro yari afite wo gukorera abayahudi by'umwihariko, yatanze ubuhamya bwe mu bihugu byinshi kandi akomereza ukwizera kw'imbaga y'abantu mu butumwa bwiza. {INI 319.4}

Mu myaka iheruka y'umurimo we, petero yabwiwe n'imana kwandikira abizera *"batataniye i ponto, i galatiya, i kapadokiya, mu aziya n'i bituniya."* (1 petero 1:1). inzandiko ze zari uburyo bwo kongera kubyutsa ubutwari no gukomeza ukwizera kw'abo bihanganiraga ibigeragezo n'ingorane, ndetse no kugarura ku mirimo myiza abari mu kaga ko kuva ku mana bitewe n'ibigeregezo binyuranye. izi nzandiko zigaragaza ko zanditswe n'umuntu wahuye n'imibabaro ya kristo no guhumurizwa na we; umuntu ubuzima bwe bwose bwari bwarahinduwe n'ubuntu, kandi wari ufite ibyiringiro nyakuri ndetse bihamye by'ubugingo buhoraho. {INI 319.5}

Ku itangiriro ry'urwandiko rwe rubanza, umugaragu w'imana wari usheshe akanguhe yasingije umwami we kandi aramushima. yaravuze ati: *"imana y'umwami wacu yesu kristo, ni yo na se, ishimwe, kuko yatubyaye ubwa kabiri, nk'uko imbabazi zayo nyinshi ziri, kugira ngo tugire ibyiringiro bizima, tubiheshejwe no kuzuka kwa yesu kristo, tuzabone umurage utabasha kubora cyangwa kwandura, cyangwa kugajuka, ni wo na mwe mwabikiwe mu ijuru, mwebwe abarindwa n'imbaraga z'imana ku bwo kwizera, murindirwa agakiza kiteguwe kuzahishurwa mu gihe cy'imperuka."* 1petero 1:3-5. {INI 320.1}

Abakristo ba mbere bishimiraga muri ibi byiringiro by'umurage nyakuri mu isi izagirwa nshya, ndetse n'igihe babaga bari mu bihe by'ibigeragezo bikomeye no mu makuba. petero yanditse agira ati: *"ni cyo gituma mwishima, nubwo ahari mukwiriye kumara igihe gito mubabazwa n'ibibagerageza byinshi; kugira ngo kwizera kwanyu kugaragare ko kurusha izahabu igiciro cyinshi (kandi izahabu, nubwo ishira, igeragereshwa umuriro), kandi kugira ngo kwizera kwanyu kugaragare ko ari uk'ukuri, amaherezo kuzabahesha ishimwe n'ubwiza n'icyubahiro, ubwo yesu kristo azahishurwa. uwo mumukunda*

mutaramubona, kandi nubwo none mutamureba, ni cyo gituma mwishima ibyishimo byiza bitavugwa, kuko muhabwa agakiza k'ubugingo bwanyu, ni ko ngororano yo kwizera kwanyu." 1 petero 1:6-9. {INI 320.2}

Amagambo y'intumwa petero yandikiwe kugira ngo ahugure abizera bo mu bihe byose, kandi afite ubusobanuro budasanzwe ku bariho mu gihe *"iherezo rya byose riri bugufi."* (1 petero 4:7). uguhugura n'imiburo bye, amagambo ye yo kwizera n'ubutwari bikenewe n'umuntu wese wifuza gushikama ku kwizera kwe "ngo gukomere kugeza ku mperuka." abaheburayo 3:14. {INI 320.3}

Intumwa petero yashatse kwigisha abizera uburyo ari ingenzi kwirinda kwerekeza ibitekerezo byabo ku nyigisho zibuzanijwe cyangwa ngo bakoreshe imbaraga zabo bavuga ku ngingo zidafite agaciro. abadashaka kugwa mu mutego w'uburiganya bwa satani bagomba kurinda mu buryo bwose inzira ibyinjira mu bugingo binyuramo; bagomba kwirinda gusoma, kureba cyangwa kumva ibyabatera kugira intekerezo zanduye. ibitekerezo ntibikwiriye kurekwa ngo bitinde ku ngingo yose ibonetse umwanzi w'abantu ashobora kubishyira imbere. umutima ugomba kurindwa neza, nibitaba bityo ibibi bivuye hanze bizabyutsa ibiri imbere ku buryo umuntu azarindagirira mu mwijima. petero yaranditse ati: *"nuko mukenyere mu mitima yanyu, mwirinde ibisindisha, mwiringire rwose impano y'ubuntu muzazanirwa, ubwo yesu kristo azahishurwa;… ntimwishushanye n'irari mwagiraga kera mukiri injiji. ahubwo, nk'uko uwabahamagaye ari uwera, abe ari ko namwe muba abera mu ngeso zanyu zose. kuko byanditswe ngo 'muzaba abera kuko ndi uwera.'"* {INI 320.4}

"Mumare iminsi y'ubusuhuke bwanyu mutinya. kuko muzi yuko ibyo mwacungujwe ngo muve mu ngeso zanyu zitagira umumaro mwatojwe na ba sekuruza banyu, atari ibyangirika nk'ifeza cyangwa izahabu, ahubwo mwacungujwe amaraso y'igiciro cyinshi, nk'ay'umwana w'intama utagira inenge cyangwa ibara, ni yo ya kristo, wamenywe n'imana kera, isi itararemwa, ariko akerekanwa ku mperuka y'ibihe ku bwanyu, abo yahaye kwizera imana yamuzuye, ikamuha icyubahiro; kugira ngo kwizera kwanyu n'ibyiringiro byanyu bibe ku mana." 1 petero 1:13-21. {INI 321.1}

Iyo ifeza n'izahabu biza kuba bihagije kugira ngo bigure agakiza k'umuntu, mbega ukuntu kari gusohozwa mu buryo bworoshye n'uwavuze ati: *"ifeza ni izanjye, n'izahabu na zo ni izanjye."* (hagayi 2:8). {INI 321.2} Nyamara amaraso y'igiciro cyinshi y'umwana w'imana ni yo gusa yari gutuma umunyabyaha acungurwa. inama y'agakiza yagaragariye mu gitambo. intumwa pawulo yaranditse ati: *"kuko muzi ubuntu bw'umwami wacu yesu kristo, uko yari umutunzi, maze agahinduka umukene ku bwanyu, kugira ngo ubukene bwe bubatungishe."* (2 kor 8:9). kristo ubwe yaratwitangiye kugira ngo aducungure mu bicumuro byose. kandi nk'umugisha w'agakiza uhebije indi yose "impano y'imana ni ubugingo buhoraho muri yesu kristo umwami wacu." abaroma 6:23. {INI 321.3}

Petero yakomeje agira ati: *"nuko rero ubwo mwiyejejesheje imitima kumvira ukuri kugira ngo mubone uko mukunda bene data mutaryarya, mukundane cyane mu mitima."* (1 petero 1:22). ijambo ry'imana ari ryo "kuri" ni umuyoboro uwiteka yerekaniramo mwuka we n'imbaraga ye. kumvira ijambo ry'imana kwera imbuto y'icyo umuntu akeneye ari cyo- "gukundana bya kivandimwe nta buryarya." (1petero 1 :22). uru rukundo ruturuka mu ijuru kandi ruyobora ku mpamvu nyazo zihanitse no ku bikorwa bitarimo kwikubira. {INI 321.4}

Iyo ukuri guhindutse ihame rituye mu bugingo, umuntu aba " abyawe ubwa kabiri, atabyawe n'imbuto ibora, ahubwo abyawe n'imbuto itabora, abiheshejwe n'ijambo ry'imana rizima rihoraho." (1 petero 1 :23). uku kuvuka gushya ni ingaruka yo kwakira kristo-jambo w'imana. iyo ukuri kw'imana kwinjiye mu mutima bitewe na mwuka muziranenge, ibitekerezo bishya birakanguka, imbaraga zisanzwe zisinziriye zikabyukirizwa gufatanya n'imana. {INI 321.5}

Uku ni ko byagendekeye petero n'abigishwa bagenzi be. kristo niwe wahishuriye ukuri abatuye isi. ni we wabibye imbuto itabora (ari ryo jambo ry'imana) mu mitima y'abantu. nyamara nyinshi mu nyigisho z'ingenzi z'umwigisha mukuru zabwiwe abantu batazumvise. nyuma yo gusubira mu ijuru kwa yesu, mwuka muzizranenge yagiye yibutsa abigishwa inyigisho ze ku buryo bavuye mu bitotsi. ubusobanuro bw'uku kuri bwaje mu bitekerezo byabo nk'ihishuriwa rishya kandi ukuri kuboneye kandi kutavanze kwihaye icyicaro. bityo imibereho y'ubuzima bwe butangaje yahindutse iyabo. jambo yatanze ubuhamya

abubanyujijemo, maze abo yitoranyirije baherako bamamaza ukuri gukomeye bati, *“jambo uwo yabaye umuntu abana natwe,… yuzuye ubuntu n’ukuri.” “kandi ibimwuzuye akaba ari byo twahaweho twese, ni ubuntu bukurikira ubundi.”* yohana 1:14-16. {INI 322.1}

Intumwa petero yahuguriye abizera kwiga ibyanditswe, bityo binyuze mu kubisobanukirwa neza, bazashobore gukora umurimo nyawo w’iteka ryose. petero yabonye ko mu mibereho y’umuntu wese uzatsinda hazabamo ibimutera guhangayika ndetse n’ibigeragezo; ariko kandi yari azi ko gusobanukirwa ibyanditswe bizashoboza ugeragezwa kwibuka amasezerano azahumuriza umutima kandi agakomeza kwizera ushobora byose. {INI 322.2} Yaravuze ati: *“kuko abafite imibiri bose bahwanye n’ibyatsi; ubwiza bwabo bwose bumeze nk’uburabyo bw’ibyatsi. ibyatsi biruma, uburabyo bwabyo bugahunguka: ariko ijambo ry’uwiteka ryo rihoraho iteka. kandi iri ni ryo jambo ry’ubutumwa bwiza mwabwirijwe.” ” nuko mwiyambure igomwa ryose n’uburiganya bwose n’uburyarya n’ishyari no gusebanya kose, mumere nk’impinja zivutse vuba, mwifuze amata y’umwuka adafunguye, kugira ngo abakuze, abageze ku gakiza: niba mwarasogongeye mukamenya yuko umwami wacu agira neza.”* 1 petero 1:24, 25;2:1-3. {INI 322.3}

Abenhi mu bizera petero yandikiye bari batuye mu bapagani, kandi benshi bishingikirizaga ku kuba indahemuka ku muhamagaro wabo ukomeye wo kwizera kwabo. petero yabamenyesheje amahirwe bafite nk’abayoboke ba kristo yesu. yaranditse ati: *“ariko mwebweho muri ubwoko bwatoranijwe, abatambyi b’ubwami, ishyanga ryera, n’abantu imana yaronse, kugira ngo mwamamaze ishimwe ry’iyabahamagaye, ikabakura mu mwijima, ikabageza mu mucyo wayo w’itangaza. kera ntimwari ubwoko, ariko none muri ubwoko bw’imana: kera ntimurakababarirwa ariko none mwarababariwe.” “bakundwa, ndabahugura ubwo muri abasuhuke n’abimukira, kugira ngo mwirinde irari ry’umubiri ry’uburyo bwinshi rirwanya ubugingo. mugire ingeso nziza hagati y’abapagani, kugira ngo, nubwo babasebya nk’abakora nabi, nibabona imirimo yanyu myiza, izabatere guhimbaza imana ku munsi wo kugendererwamo.”* 1 petero 2:9-12. {INI 322.4}

Intumwa petero yavuze yeruye uko abizera bakwiriye kwifata imbere y’ubutegetsi bw’isi. aravuga ati: *“mugandukire ubutware bwose bw’abantu kubw’umwami wacu: naho yaba umwami, kuko ari we*

usumba bose, cyangwa abatware, kuko ari bo batumwe na we guhana inkozi z'ibibi, no gushima abakora neza. kuko ibyo imana ishaka ari uko mujibisha abantu b'abapfapfa, batagira icyo bamenya, gukora neza kwanyu: mumeze nk'ab'umudendezo koko, ariko uwo mudendezo mutawutwikiriza ibibi, ahubwo mugenze nk'imbata z'imana. mwubahe abantu bose, mukunde bene data, mwubahe imana, mwubahe umwami." 1 petero 2:13-17. {INI 322.5}

Abari abagaragu bagiriwe inama yo gukomeza kugandukira ba shebuja "babubashye rwose, atari abeza n'abagira ineza gusa, ahubwo n'ibigoryi. petero yarasobanuye ati: *"kuko igishimwa ari uko umuntu yakwihanganira imibabaro bamuhoye ubusa, azize umutima utunganiye imana. ariko se, niba mwihanganira gukubitwa ibipfunsi babahora icyaha, muzashimwa iki? icyakora, niba mukora neza, akaba ari byo mubabarizwa, mukabyihanganira, ibyo ni byo imana ishima: kandi ibyo ni byo mwahamagariwe, kuko na kristo yababababarijwe, akabasigira icyitegererezo, kugira ngo mugere ikirenge mu cye: nta cyaha yakoze, nta n'uburiganya bwabonetse mu kanwa ke: yaratutswe, ntiyabasubiza; yarababajwe, ntiyabakangisha; ahubwo aritanga yiha idaca urwa kibera. ubwe yikoreye ibyaha byacu mu mubiri we, abibambanwa ku giti; kugira ngo dupfe ku byaha, duhereko tubeho ku gukiranuka. imibyimba ye ni yo yabakijije. kuko mwari nk'intama zizimiye, ariko none mukaba mwaragarukiye umwungeri w'ubugingo bwanyu, ni we murinzi wabwo.* "1 petero 2:19-25. {INI 323.1}

Petero yahuguriye abagore bizera kwirinda mu biganiro bagira no kudakabya mu myambarire no mu myifatire. yatanze inama ati, *"Umurimbo wanyu we kuba uw'inyuma, uwo kuboha umusatsi, cyangwa uwo kwambara izahabu, cyangwa uwo gukanisha imyenda : ahubwo ube uw'imbere, uhishwe mu mitima, umurimbo utangirika w'umwuka ufite ubugwaneza n'amahoro: ni wo w'igiciro cyinshi mu maso y'imana."*1 petero 3 :3, 4. {INI 323.2}

Iki cyigisho kireba abizera bo mu bihe byose. " nuko muzabamenyera ku mbuto zabo." (matayo 7 :20). umurimbo w'imbere urangwa n'umwuka wo kwiyoroshya no gutuza ni uw'igiciro gihebuje. mu mibereho y'umukristo nyakuri umurimbo w'inyuma iteka uba ujyaniranye n'amahoro no gutungana by'imbere mu mutima. kristo yaravuze ati: *"umuntu nashaka kunkurikira, yiyange, yikorere umusaraba we, ankurikire."* (matayo 16:24). kwiyanga no kwitanga

bizaranga imibereho ya gikristo. igihamya cy'uko ibyo umuntu ashyira imbere byahindutse kizagaragarira mu myambarire y'abantu bose bagendera mu nzira yaharuriwe abacunguwe n'uwiteka. {INI 323.3}

Birakwiriye gukunda ibyiza no kubyifuza; ariko imana yifuza ko dukunda kandi tugashaka ubwiza burutaho aribwo butangirika. nta murimbo w'inyuma ushobora kugereranywa mu gaciro cyangwa ubwiza *"n'umutima w'ubugwaneza n'amahoro," "imyenda y'ibitare myiza, yera, kandi itanduye" , iyo abera bo ku isi bose bazambara.* (ibyahishuwe 19:14). uyu mwambaro uzatuma bagaragara neza kandi bagire igikundiro, kandi hanyuma uzababera ikimenyetso kibahesha kwinjira mu ngoro y'umwami. isezerano rye ni iri ngo: *"bazagendana nanjye bambaye imyenda yera, kuko babikwiriye."* ibyahishuwe 3:4. {INI 323.4}

Yitegereje imbere, mu iyerekwa rya gihanuzi maze akareba ibihe biruhije itorero rya kristo ryagombaga kunyuramo, intumwa petero yasabye abizera gushikama mu gihe cy'ibigeragezo n'imibabaro. yabandikiye agira ati: *"bakundwa, mwe gutangazwa n'ikome ryo kubagerageza riri hagati yanyu, ngo mumere nk'abagushije ishyano."* 1 petero 4:12. {INI 324.1}

Ibigeragezo ni umugabane umwe mu nyigisho zitangwa mu ishuri rya kristo kugira ngo bitunganye abana b'imana bibakureho inkamba z'iby'isi. kubera ko imana ari yo iyiboye abana bayo bituma bahura n'ibibagerageza. ibigeragezo n'inzitizi ni uburyo imana yatoranyije kugira ngo itunganye imyifatire y'abana bayo kandi babashe kunesha. usoma imitima y'abantu ni we uzi neza intege nke zabo kurusha uko bashobora kuzimenya. abona ko bamwe bafite ibyangombwa bishobora gutuma umurimo we utera imbere igihe biramutse bikoreshejwe mu nzira nyayo. mu bwenge bwe, ashyira aba bantu mu myanya itandukanye no mu bihe bitandukanye, kugira ngo bavumbure inenge batashoboraga kumenya ubwabo. abaha amahirwe yo gutsinda izo nenge kugira ngo ubwabo bashobore kumukorera. kenshi yemera ko umuriro w'imibabaro ikomeye ugurumana kugira ngo babashe gutunganywa. {INI 324.2}

Imana ntihwema kwita ku murage wayo. imana ntiyemera ko abana bayo banyura mu mibabaro keretse iyo ibonye ko ari ngombwa kubw'ibyiza by'igihe barimo cyangwa iby'iteka ryose. izatunganya

itorero ryayo, ndetse nk'uko kristo yatunganyije urusengero igihe yakoreraga umurimo we ku isi. ibyo yemera byose ko biba ku bantu bayo mu bibazo n'ibigeragezo, biberaho kugira ngo bagire ubutungane bwimbitse n'imbaraga zihagije zo kwamamaza insinzi y'umusaraba. {INI 324.3}

Hari igihe kimwe mu byo petero yanyuzemo ubwo atifuzaga kubona umusaraba mu murimo wa kristo. ubwo umukiza yamenyeshaga abigishwa imibabaro n'urupfu byari bimutegereje, petero yariyamiriye ati:*"biragatsindwa, mwami; ibyo ntibizakubaho na hato."* (matayo 16:22). kwibabarira kwa petero gukomotse ku kwifatanya na kristo mu kababaro kwamuteye guhubuka yamagana ibyajyaga kuba kuri yesu. kuri petero ryari isomo risharira kandi yarisobanukiwe buhoro buhoro, amenya ko inzira ya kristo ku isi yanyuraga mu kubabazwa cyane no gucishwa bugufi. nyamara mu bushyuhe bw'itanura ry'umuriro niho petero yagombaga kwigira isomo ry'inzira ya kristo. ubwo imbaraga ze zari zimaze kudohorwa n'ubusaza n'imirimo, yabashije kuvuga ati, *"bakundwa, mwe gutangazwa n'ikome ryo kubagerageza riri hagati yanyu, ngo mumere nk'abagushije ishyano. ahubwo munezezwe n'uko mufaganije imibabaro ya kristo, kugira ngo muzanezerwe mwishima bihebuje, ubwo ubwiza bwe buzahishurwa."* 1 petero 4:12, 13. {INI 324.4}

Abwira abakuru b'amatorero ibyerekeranye n'inshingano zabo nk'abungeri b'umukumbi wa kristo, intumwa petero yaranditse ati: *"muragire umukumbi w'imana wo muri mwe, mutawurinda nk'abahatwa, ahubwo muwurinde mubikunze, nk'uko imana ishaka; atari ku bwo kwifuza indamu mbi, ahubwo kubw'umutima ukunze; kandi mudasa n'abatwaza igitugu abo mwagabanijwe, ahubwo mube ibyitegererezo by'umukumbi. kandi umutahiza naboneka, muzahabwa ikamba ry'ubugingo ritangirika."* 1petero 5:2-4. {INI 325.1}

Abahamagariwe kuba abungeri bakwiriye kurinda cyane umukumbi w'umwami. ibi ntabwo bigomba kuba umurimo wo kuwuhozaho ijisho bawutwaza igitugu, ahubwo ni ugutera ubutwari, gukomeza no kuzahura. ivugabutumwa rirenze kubwiriza; bisobanura umurimo umuntu ku giti cye akora ashishikariye. itorero ku isi rigizwe n'abagabo n'abagore b'abanyantege nke bakeneye ubihanganira, ubafata neza kugira ngo batozwe kandi banagurirwe gukora bemerwa muri ubu buzima no mu buzima buzaza buzambikwa icyubahiro no kudapfa.

hakenewe abapasitoro (abashumba b'abizerwa) bazabwizanya abantu b'imana ukuri, batababwizanya umushiha, ahubwo bakabagaburira umutsima w'ubugingo. abo ni abantu mu mibereho yabo ya buri munsi bahora biyumvamo imbaraga ihindura ya mwuka muziranenge kandi bafitiye abo bashinzwe urukundo rutikanyiza. {INI 325.2}

Hari umurimo ugomba gukoranwa ubushishozi umwungeri akwiye gukora igihe ahamagariwe kurwanya kwitandukanya, gusharira, irari n'ishyari mu itorero, kandi kugira ngo ashyire ibintu kuri gahunda azaba akwiriye gukora afite umwuka wa kristo. imiburo nyakuri igomba gutangwa, ibyaha bigacyahwa, ibibi bigakosorwa, atari ku ruhimbi gusa, ahubwo kubw'umurimo we wihariye. umutima winangiye ushobora guhinyura ubutumwa, kandi umugaragu w'imana agafatwa uko atari ndetse akanengwa. reka yibuke ko *"ubwenge buva mu ijuru, irya mbere buboneye kandi bukaba ubw'amahoro, ni ubw'ineza, bwemera kugirwa inama, bwuzuye imbabazi n'imbuto nziza, butarobanura ku butoni, kandi butagira uburyarya. kandi ko imbuto zo gukiranuka zibibwa mu mahoro n'abahesha abandi amahoro."* yakobo 3:17, 18. {INI 325.3}

Umurimo w'umubwiriza w'ubutumwa bwiza ni *"ukujijura bose ngo bamenye uburyo iby'ubwiru bikwiriye kugenda, ari bwo bwahishwe n'imana."* (abefeso 3:9). umuntu winjiye muri uyu murimo agahitamo kwitanga igice gito, akishimira kubwiriza maze umurimo wo kuvuga ubutumwa mu buryo bwihariye akawurekera undi muntu, ntabwo imirimo ye izemerwa n'imana. abantu kristo yapfiriye baragenda barimbuka kubera kubura k'umurimo uboneye, umurimo agomba gukora ku giti cye, kandi uwo mugabura winjiye mu murimo w'imana akaba adashaka gukora umurimo wihariye umukumbi usaba, ntaba azi icyo yahamagariwe. {INI 325.4}

Umwuka w'umwungeri nyakuri ni uwo kwiyibagirwa. ntiyirebaho ubwe kugira ngo ashobore gukora umurimo w'imana. iyo abwiriza ijambo ry'imana kandi agasura abantu mu miryango, amenya ibyo bakeneye, agahinda kabo, ibigeragezo banyuramo; kandi afatanyije na yesu kristo, afatanya nabo mu mibabaro yabo, akabahumuriza mu majune yabo, akabamara inzara y'umutima kandi agatuma imitima yabo igarukira imana. muri uyu murimo umubwiriza afashwa n'abamarayika bo mu ijuru, kandi we ubwe arahugurwa ndetse akamenyeshwa ukuri kumuhesha ubwenge bumuyobora ku gakiza. {INI 326.1}

Ku bijyanye n’amabwiriza yahaye abari mu myanya y’ingenzi mu itorero, petero yatanze amahame amwe rusange yagombaga gukurikizwa n’abagize itorero bose. abakiri bato bo mu mukumbi bagiriwe inama yo gukurikiza urugero rw’ababakuriye bafite kwicisha bugufi nka kristo. *“namwe basore, mugandukire abakuru. mwese mukenyere kwicisha bugufi kugira ngo mukorerane: kuko imana irwanya abibone, naho abicisha bugufi ikabahera ubuntu. nuko mwicishe bugufi muri munsi y’ukuboko gukomeye kw’imana, kugira ngo ibashyire hejuru mu gihe gikwiriye. muyikoreze amaganya yanyu yose, kuko yita kuri mwe. mwirinde ibisindisha, mube maso; kuko umurezi wanyu satani azerera nk’intare yivuga, ashaka uwo aconshomera. mumurwanye mushikamye, kandi mufite kwizera gukomeye…”*1 petero 5:5-9. {INI 326.2}

Uko ni ko petero yandikiraga abizera mu gihe cy’ibigeragezo bikomeye ku itorero. abenshi bari baramaze gusogongera ku mibabaro ya kristo, kandi bidatinze itorero ryari rigiye kujya mu karengane gakomeye. mu gihe cy’imyaka mike benshi mu bari barabaye abigisha n’abayobozi mu itorero, bari bagiye kubura ubuzima bwabo bazize ubutumwa bwiza. bidatinze ibirura byari bigiye kwinjira, ntibibabarire umukumbi. nyamara nta na kimwe muri ibi cyari guca intege abari bafite ibyiringiro muri kristo. petero akoresheje amagambo yo kubakomeza no kubatera umunezero, yakuye ibitekerezo by’abizera ku bigeragezo byari bibugarije n’imibabaro yari ibari imbere, maze abyerekeza ku “murage utabasha kubora cyangwa kwandura cyangwa kugajuka.” yabasabiye agira ati: *“imana igira ubuntu bwose yabahamagariye ubwiza bwayo buhoraho buri muri kristo, izabatunganya rwose ubwayo, ibakomeze, ibongerere imbaraga, nimumara kubabazwa akanya gato. icyubahiro n’ubutware bibe ibyayo iteka ryose. amen! ”* 1 petero 1:4.1 petero 5:10-11. {INI 326.3}

******

IGICE CYA 52 - GUSHIKAMA KUGEZA KU GUPFA

(Iki gice gishitigiye ku Rwandiko rwa 2 rwanditswe na Petero)



Mu rwandiko rwa kabiri Petero yandikiye abari barakiriye *" kwizera kw'igiciro cyinshi"* nka we, intumwa Petero yerekana gahunda y'Imana yo gutuma imico ya Gikristo ijya mbere. Yaranditse ati: {INI 327.1} *"Ubuntu n'amahoro bigwire muri mwe, mubiheshwa no kumenya Imana na Yesu Umwami wacu : kuko imbaraga z'ubumana bwayo zatugabiye ibintu byose bizana ubugingo no kubaha Imana, tubiheshejwe no kumenya neza uwaduhamagarishije ubwiza bwe n'ingeso ze nziza. Ibyo ni byo byatumye aduha ibyo yasezeranije by'igiciro cyinshi, bikomeye cyane, kugira ngo bibatere gufatanya na kamere y'Imana, mumaze guhunga no gukira kononekara kwazanywe mu isi no kwifuza.* {INI 327.2}

" Ibyo abe ari byo bituma mugira umwete wose; kwizera mukongereho ingeso nziza; ingeso nziza muzongereho kumenya; kumenya mukongereho kwirinda; kwirinda mukongereho kwihangana; kwihangana mukongereho kubaha Imana; kubaha Imana mukongereho gukunda bene Data; gukunda bene Data mukongereho urukundo. Kuko ibyo nibiba muri mwe, bikabagwiriramo, bizatuma mutaba abanyabute cyangwa ingumba ku byo kumenya neza Umwami wacu Yesu Kristo." 2 Petero 1 :2-8. {INI 327.3}

Aya magambo yuzuyemo guhugura kandi atanga urufunguzo rw'insinzi. Intumwa Petero ashyira imbere y'abizera urwego rw'amajyambere ya Gikristo aho buri ntambwe yarwo ihagarariye kujya mbere mu kumenya Imana kandi mu kuruzamuka akaba ari nta hantu ho guhagarara hahari. Kwizera, ingeso nziza, kumenya, kwirinda, kwihangana, kubaha Imana, gukunda bene Data n'urukundo byose ni ingazi zigize uru rwego. Dukizwa no kuzamuka ingazi ku yindi, Tuzamuka intambwe ku ntambwe kugeza tugeze ku rugero Kristo

atwifuriza. Bityo Kristo arema muri twe ubwenge, ubutungane, kwezwa no gucungurwa. {INI 327.4} Imana yahamagariye abantu bayo ikuzo n'imico myiza, kandi ibi bizagaragarira mu mibereho y'abantu bose bomatanye na yo mu kuri. Iyo bamaze guhabwa umugabane ku mpano y'ijuru, bakwiriye gukomeza kuba intungane, *"bakarindwa n'imbaraga z'Imana ku bwo kwizera."* (1 Petero 1 :5). Ni ikuzo ry'Imana guha abana bayo imico yayo myiza. Imana yifuza kubona abagabo n'abagore bageze ku rwego rwo hejuru; kandi igihe ku bwo kwizera bishingikirije ku mbaraga ya Kristo, igihe basabye amasezerano ye adakuka, kandi bagasaba kuyasohorezwa nk'ayabo bwite, iyo bakomeje kwinginga bashaka imbaraga ya Mwuka Muziranenge, bazuzurizwa muri we. {INI 327.5}

Umwizera umaze kwakira ukwizera kuva ku butumwa bwiza, icyo akwiriye gukurikizaho ni ukongera ingeso nziza ku mico ye, bityo umutima we ukezwa kandi agategurira intekerezo kwakira ubumenyi bw'Imana. Ubu bumenyi ni urufatiro rw'inyigisho nyakuri zose n'umurimo wose utunganye. Ubu bumenyi ni bwo burinzi bwonyine nyakuri burinda ibishuko; kandi ni bwo bwonyine bushobora gutuma umuntu asa n'Imana mu mico. Kubwo kumenya Imana n'Umwana wayo Yesu Kristo, umwizera ahabwa "ibintu byose bijyanye n'ubugingo no kugira neza." Nta mpano nziza ivutswa umuntu wifuza guhabwa ubutungane bw'Imana abikuye ku mutima. {INI 328.1}

Kristo yaravuze ati: *"Ubu ni bwo bugingo buhoraho, ko bakumenya, ko ari wowe Mana y'ukuri yonyine, bakamenya n'uwo watumye, ari we Yesu Kristo."* (Yohana 17:3). N'umuhanuzi Yeremiya yaravuze ati : *"Umunyabwenge ye kwirata ubwenge bwe, n'intwari ye kwirata ubutwari bwayo, umutunzi ye kwirata ubutunzi bwe; ahubwo, uwirata yirate ibi, yuko asobanukiwe, akamenya yuko ari jye Uwiteka, ugirira imbabazi no kutabera, no gukiranuka mu isi: kuko ibyo ari byo nishimira."* (Yeremiya 9 :23, 24). Birakomeye kugira ngo ibitekerezo by'umuntu bishobore gusobanukirwa ubugari, uburebure bw'ikijyepfo n'uburebure bw'igihagararo bw'ibyo umuntu ubonye ubu bumenyi ageraho mu by'umwuka. {INI 328.2}

Nta n'umwe udakeneye kugera ku butungane n'imico ya Gikristo uko ari kose. Kubera igitambo cya Kristo, amahirwe yaratanzwe kugira ngo uwizera wese ahabwe ibintu byose bijyanye n'ubugingo no kubaha

Imana. Imana iduhamagarira kugera ku rwego rw'ubutungane kandi ikatwereka urugero rw'imico ya Kristo. Mu bumuntu bwe bwatunganijwe n'imibereho yahoraga irwanya ikibi, Umukiza yerekanye ko binyuze mu gufatanya n'Ubumana, abantu bashobora kugera ku mico itunganye muri ubu buzima. Ubu ni ubwishingizi Imana yaduhaye ko natwe dushobora gutsinda rwose. {INI 328.3}

Imbere y'umwizera hari ubushobozi butangaje bw'uko ashobora kumera nka Kristo, akubahiriza amahame yose y'amategeko. Nyamara kubwe umuntu ntashobora ryose kubyigezaho. Ubutungane ijambo ry'Imana rivuga ko akwiriye kugeraho mbere y'uko akizwa, bukomoka ku murimo w'ubuntu bw'Imana igihe umuntu yicishije bugufi akemera kugororwa no kuyoborwa na Mwuka w'ukuri. Kubaha k'umuntu gushobora gutungana gusa ku bw'umubavu w'ubutungane bwa Kristo, ari nabwo bwuzuza impumuro mvajuru buri gikorwa cyo kumvira. Uruhare rw'Umukristo ni ukwihanganira gutsinda buri kosa. Buri gihe akwiriye gusaba Umukiza kuvura ibidatunganye mu buzima bwe burwaye icyaha. Nta bwenge cyangwa imbaraga zo gutsinda afite; ibi byose ni iby'Imana kandi ibiha abayishaka ngo ibafashe biyoroheje kandi bihana. {INI 328.4}

Umurimo wo guhindura umunyabyaha akaba intungane ni umurimo ukomeza. Imana ikora ubudasiba kugira ngo umuntu yezwe kandi nawe akwiriye gukorana na yo afite umuhati udacogora kugira ngo akuze ingeso zikwiriye. Agomba kongera ubuntu ku bundi; kandi uko yongera, Imana na yo iramukubira. Umukiza wacu ahora yiteguye kumva no gusubiza isengesho ry'umutima umenetse, kandi ubuntu n'amahoro byongererwa abamwizera. Yishimira kubaha imigisha bakeneye mu ntambara barwana n'ibibi bibugarije. {INI 329.1}

Hariho bamwe bagerageza kuzamuka urwego rw'iterambere rya Gikristo; ariko uko bakomeza kujya mbere batangira kwiringira imbaraga z'umuntu, maze mu kanya gato bakareka guhanga amaso kuri Yesu we Nkomoko n'Iherezo ryo kwizera kwabo. Ikivamo ni ugutsindwa bakabura ibyo bari barungutse byose. Imibereho ibabaje cyane ni iy'abarushwa n'inzira maze bakemerera umwanzi wabo kubanyaga ubuntu bwa Gikristo bwagiye bukurira mu mutima yabo no mu mibereho yabo. Intumwa Petero yaravuze iti : *« Kandi rero utagira ibyo aba ari impumyi, ireba ibiri hafi gusa, akibagirwa yuko yejejweho*

ibyaha bye bya kera." 2 Petero 1 :9. {INI 329.2} .Intumwa Petero yari ifite uburambe mu murimo w'Imana. Kwizera imbaraga z'Imana kwe, kwari kwaragiye gukomera uko imyaka yahitaga kugeza ubwo yemeje nta gushidikanya ko nta buryo bushoboka bwo gutsindwa buri imbere y'umuntu utera intambwe mu kwizera, akazamuka ingazi ku ngazi yerekeza ku ngazi ya nyuma y'urwego rugera ku marembo y'ijuru. {INI 329.3}

Imyaka myinshi Petero yagiye ashishikariza abizera uko bakeneye guhora bakurira mu buntu no kumenya ukuri. Abonye ko igihe cye cyegereje cyo kwicwa azira kwizera kwe, Petero yongeye kuzirikana amahirwe akomeye buri mwizera yari afite imbere ye. Mu byiringiro bishyitse byo kwizera kwe, umwigishwa wari ugeze mu za bukuru yihanangirije bene Se gushikama ku mugambi wabo mu mibereho ya Gikristo. Yarabasabye ati : *« Mukwiriye kurushaho kugira umwete wo gukomeza guhamagarwa no gutoranywa kwanyu; kuko nimukora ibyo ntabwo muzasitara na hato, ahubwo bizabaha rwose kwinjira mu bwami butazahanguka bwa Yesu Kristo, ni we Mwami n'Umukiza wacu. »* (2Petero 1 :10, 11). Mbega icyizere gihebuje! Mbega uburyo ibyiringiro by'umwizera bihebuje uko kubwo kwizera ajya imbere asatira uburebure bw'ubutungane bwa Gikristo! {INI 329.4}

Petero yarakomeje ati: *« Ni cyo gituma nanjye iminsi yose ntazagira ubwo nirengagiza kubibutsa ibyo, nubwo musanzwe mubizi mugakomera mu kuri kuri muri mwe ubu. Kandi rero ndibwira ko binkwiriye ko mbatera umwete mbibutsa, nkiri muri iyi ngando; kuko nzi yuko igihe cyo kunyagwa ingando yanjye kigiye gusohora vuba, nk'uko Umwami wacu Yesu Kristo yamenyesheje. Ariko nzajya ngira umwete, kugira ngo nimara gupfa muzabashe guhora mwibuka ibyo, iminsi yose. »* 2 Petero 1 :12-15. {INI 329.5}

Intumwa Petero yari ishoboye kuvuga ku migambi Imana ifitiye inyokomuntu kubera ko mu murimo wa Kristo ku isi, Petero yari yarabonye kandi yarumvise byinshi bijyanye n'ubwami bw'Imana. Yibukije abizera ati, *« Burya ntitwakurikije imigani yahimbwe n'ubwenge, ubwo twabamenyeshaga imbaraga z'Umwami wacu Yesu Kristo no kuzaza kwe; ahubwo twiboneye n'amaso yacu icyubahiro cye gikomeye. Kuko yahawe n'Imana Data wa twese ishimwe n'icyubahiro, ubwo ijwi ryavugiraga mu bwiza bukomeye cyane, rimubwira riti: 'Nguyu Umwana wanjye nkunda nkamwishimira.' Iryo jwi twaryumvise rivugira*

mu ijuru, ubwo twari kumwe na we kuri wa musozi wera." 2Petero 1 :16-18. {INI 330.1}.Nubwo hari icyemezo cy'ukuri cy'ibyiringiro by'abizera, hariho n'ikindi gihamya kiruseho kiri mu buhanuzi cyari gutuma ukwizera kwa bose gukomezwa kandi kugashikama. Petero yaravuze ati: *«Nyamara rero dufite ijambo ryahanuwe, rirushaho gukomera, kandi muzaba mukoze neza nimuryitaho, kuko rimeze nk'itabaza rimurikira ahacuze umwijima rigakesha ijoro, rikageza aho inyenyeri yo mu ruturuturu izabandurira mu mitima yanyu. Ariko mubanze kumenya yuko ari nta buhanuzi bwo mu byanditswe bubasha gusobanurwa uko umuntu wese yishakiye, kuko ari nta buhanuzi bwazanywe n'ubushake bw'umuntu, ahubwo abantu b'Imana bavugaga ibyavaga ku Mana bashorewe n'Umwuka Wera.»* 2 Petero 1 :19-21. {INI 330.2}

Mu gihe yererezaga « ijambo ryahanuwe rirushaho kuba impamo» nk'umuyobozi nyawe mu bihe by'akaga, Petero yaburiye Itorero kwirinda umucyo w'ubuhanuzi bw'ibinyoma bwari kwamamazwa « n'abigisha b'ibinyoma ," bari kwinjiza rwihishwa «inyigisho z'ubuyobe bukomeye, ndetse bakihakana n' Uwiteka. » Aba bigisha b'ibinyoma badutse mu Itorero kandi bakemerwa na benshi mu bavandimwe babo mu kwizera, intumwa Petero yabagereranyije n' *«amasoko akamye, n'ibihu bijyanwa n'inkubi y'umuyaga kandi bakaba barindiwe umwijima w'icuraburindi."* (2 Petero 2 :17). Petero yaravuze ati : *«… Ibya nyuma byabo biba birushije ibya mbere kuba bibi. Icyajyaga kubabera cyiza, iyaba batigeze kumenya inzira yo gukiranuka, biruta ko basubira inyuma bamaze kuyimenya, bakareka itegeko ryera bahawe."* 2 Petero 2:20, 21. {INI 330.3}

Yitegereje uko ibihe byagiye bisimburana maze arareba ageza ku mperuka, Petero yahumekewemo kwerekana uko ibintu bizaba ku isi mbere yo kugaruka kwa Kristo. Yaranditse ati: *«Mubanze kumenya iki, yuko mu minsi y'imperuka hazaza abakobanyi bakobana, bakurikiza irari ryabo, babaza bati, 'Isezerano ryo kuza kwe riri he? Ko uhereye aho ba sogokuruza basinziririye, byose bihora uko byahoze uhereye ku kuremwa kw'isi.»* (2 Petero 3 :3,4). Ariko *« ubwo bazaba bavuga bati 'Ni amahoro, nta kibi kiriho' , ni bwo kurimbuka kuzabatungura.»* (1 Abatesalonike 5 :3).Nyamara ntabwo ari bose bari kugwa mu mutego w'uburiganya bw'umwanzi. Mu gihe imperuka y'ibintu byose by'isi izaba yegereje, hazaba hariho indahemuka zizashobora gusobanukirwa ibimenyetso by'ibihe. Ubwo umubare munini w'abavuga ko bizera

bazahakana ukwizera kwabo mu byo bakora, hazaba hariho abasigaye bazihangana kugeza ku mperuka. {INI 330.4}

Petero yakomeje mu mutima we kuzirikana ibyiringiro byo kugaruka kwa Kristo maze ahamiriza Itorero ibyerekeye gusohora gutazabura kw'isezerano ry'Umukiza rivuga riti, *«Kandi ubwo ngiye kubategurira ahanyu, nzagaruka mbajyane iwanjye.»* (Yohana 14 :3). *Ku bageragezwa n'indahemuka, kugaruka k'Umukiza kwasa n'aho gutinze, ariko intumwa Petero yarabahamirije ati : «Umwami Imana ntitinza isezerano ryayo, nk'uko bamwe batekereza yuko iritinza. Ahubwo itwihanganira idashaka ko hagira n'umwe urimbuka, ahubwo ishaka ko bose bihana. Ariko umunsi w'Umwami wacu uzaza nk'umujura, ubwo ijuru rizavaho, hakaba n'umuriri ukomeye, maze iby'ishingiro, ibyo byose biremeshwa, bikayengeshwa no gushya cyane, isi n'imirimo iyirimo bigashirira.* {INI 331.1}

« Nuko ubwo ibyo byose bizayenga bityo, yemwe uko dukwiriye kuba abantu bera, kandi twubaha Imana mu ngeso zacu, twebwe abategereza tugatebutsa umunsi w'Imana uzatuma ijuru rigurumana rikayenga, kandi iby'ishingiro, ibyo byose biremeshwa, bigashongeshwa no gushya cyane ! Kandi nk'uko yasezeranije, dutegereje ijuru rishya n'isi nshya, ibyo gukiranuka kuzabamo. {INI 331.2}

Ni cyo gituma bakundwa, ubwo mutegereje ibyo, mukwiriye kugira umwete wo kuzasangwa mu mahoro, mutagira ikizinga, mutariho umugayo mu maso ye.Mumenye yuko kwihangana k'Umwami wacu ari agakiza, nk'uko mwene Data ukundwa Pawulo yabandikiye,… Nuko rero bakundwa, ubwo muburiwe hakiri kare, mwirinde mutayobywa n'uburiganya bw'abanyabyaha mukareka gushikama kwanyu. Ahubwo mukurire mu buntu bw'Imana no kumenya Yesu Kristo Umwami wacu n'Umukiza.» 2 Petero 3 :9-18. {INI 331.3}

Imana mu burinzi bwayo, yemereye Petero kurangiriza umurimo yakoreraga i Roma aho umwami w'abami Nero yategekeye ko afungwa igihe Pawulo yendaga gufatwaga bwa nyuma. Bityo, izo ntumwa ebyiri z'intwari zari zigeze mu za bukuru zari zaratandukanyijwe mu myaka myinshi mu mirimo zakoraga, zagombaga guhamiriza Kristo ubuheruka mu mujyi wari ukomeye kurusha indi muri icyo gihe, kandi muri uyu mujyi ni ho zagombaga gusesa amaraso yazo nk'imbuto izera umusaruro mwinshi w'intungane n'abazahorwa ukwizera kwabo. {INI

331.4}.Uhereye igihe Petero yisubiragaho nyuma yo kwihakana Kristo, yari yarahanganye n'ingorane atadohoka kandi yari yarerekanye ubutwari abwiriza Umukiza wabambwe, akazuka, kandi akazamurwa mu ijuru. Igihe yari aryamye mu kumba yari afungiwemo, yibutse amagambo Kristo yari yaramubwiye ati : *«Ni ukuri, ni ukuri, ndakubwira yuko ukiri umusore wikenyezaga, ukajya aho ushaka hose, ariko nusaza uzarambura amaboko undi agukenyeze, akujyane aho udashaka."* (Yohana 21 :18). Uko niko Yesu yari yaramenyesheje Petero uburyo azapfa, ndetse amuhanurira ko azarambura amaboko ye ku musaraba. {INI 332.1}

Nk'Umuyahudi kandi akaba n'umwimukira, Petero yaciriwe urubanza rwo gukubitwa cyane no kubambwa. Atekereje ibyo urupfu ruteye ubwoba yagombaga gupfa, Petero yibutse icyaha cye gikomeye cyo kwihakana Yesu ubwo bamuciraga urubanza. Icyo gihe ntiyari yiteguye kuzirikana umusaraba, ariko ubu bwo yabonye ko ari ibyishimo gutanga ubugingo bwe kubera ubutumwa bwiza. Yiyumvishije ko gupfa nk'uko Shebuja yapfuye byari icyubahiro gikomeye kuri we wari warigeze kwihakana Umwami we. Petero yari yaricujije icyo cyaha abikuye ku mutima kandi Kristo yari yarakimubabariye nk'uko bigaragazwa n'inshingano ikomeye Kristo yamuhaye yo kuragira intama n'abana bazo bo mu mukumbi. Ariko we ntiyigeze na rimwe yibababarira. Nta n'ubwo gutekereza umubabaro we wa nyuma byigeze bicogoza agahinda yari afite no kwihana kwe. Nk'amahirwe ya nyuma yihaye, yasabye abagombaga kumwica ko bamubamba bamucuritse. Gusaba kwe kwarumviwe, bityo intumwa ikomeye Petero ipfa muri ubu buryo. {INI 332.2}

****

IGICE CYA 53 - YOHANA UKUNDWA



Yohana atandukanywa cyane n’izindi ntumwa no kwitwa *“Umwigishwa Yesu yakundaga.”* (Yohana 21:20). Agaragara ko yanezejwe n’ubucuti yagiranye na Kristo ku rugero rutagereranywa, ku buryo yari yarabonye ibimenyetso byinshi by’uko Umukiza amwiringira kandi amukunda. Yari umwe mu bigishwa batatu bagize amahirwe yo kubona ubwiza bwa Kristo ku musozi yahindukiyeho ishusho irabagirana, kandi yabonye n’umubabaro ukomeye yagiriye mu gashyamba ka Getsemani. Ni nawe Umwami Yesu yashinze kwita kuri nyina ubwo yari mu masaha y’umubabaro ukomeye ku musaraba. {INI 333.1}

Urukundo Umukiza yakundaga Yohana ukundwa, Yohana yaje kurwitura yitanga n’imbaraga ze zose. Yomatanye na Kristo nk’uko ishami ry’umuzabibu ryomatana n’igiti. Ku bwa Shebuja yatinyutse akaga kari kumuberaho mu cyumba Kristo yaciriwemo urubanza ndetse yagumye hafi y’umusaraba, kandi amaze kumva inkuru nziza ko Kristo yazutse yihutiye kujya ku mva ndetse bitewe n’ishyaka yari afite ahatanga Petero wahubukaga. {INI 333.2}

Urukundo rutagajuka no kwitanga atizigamye byagaragariye mu mibereho no mu mico ya Yohana, byigisha Itorero rya Gikristo inyigisho zifite agaciro katarondoreka. Yohana ntiyari asanganwe imico yo gukunda yaje kumugaragaraho mu mibereho ye ya nyuma. Mu bisanzwe yari umunyamakosa. Ntiyirataga cyangwa ngo yiyemere gusa, cyangwa ngo aharanire kugira icyubahiro ahubwo yarahubukaga kandi akihorera. We n’umuvandimwe we bitwaga “abana b’inkuba.” Kurakazwa n’ubusa, kwifuza kwihorera ndetse n’umwuka wo kugaya abandi byose byarangaga Yohana. Nyamara munsi y’ibi byose Umwigisha mvajuru

yakuyemo umutima w'ukuri kandi w'urukundo. Yesu yacyashye ukwikunda kwe, aca intege irari rye kandi agerageza kwizera kwe. Ariko yamuhishuriye ibyo umutima we wifuzaga ari byo: ubwiza bw'ubutungane n'imbaraga ihindura y'urukundo. {INI 333.3}

Inenge zo mu mico ya Yohana zagiye zigaragara cyane ibihe byinshi mu mibanire ye yihariye n'Umukiza. Umunsi umwe Kristo yohereje integuza mu kirorero cy'Abanyasamariya, asaba abaho ko bamutegurira aho we n'intumwa ze bari buruhukire. Nyamara igihe Umukiza yari hafi kugera muri uwo mujyi yifuje gukomeza ajya i Yerusalemu. Ibi byatumye Abanyasamariya bagira ishyari maze aho kugira ngo bamusabe gutindana na bo, banze kumuha ikaze nk'iryo bahaga umugenzi usanzwe. Nta n'umwe Yesu yigeze ahatira kumwakira, bityo Abanyasamariya babuze umugisha bari guhabwa iyo bajya kumwakira ngo ababere umushyitsi. {INI 333.4}

Abigishwa bari bazi ko Kristo afite umugambi wo kubana n'Abanyasamariya akababaha umugisha. Batangajwe kandi baterwa agahinda n'ukuntu Abanyasamariya bakiranye Shebuja ubukonje, ishyari n'agasuzuguro. By'umwihariko Yohana na Yakobo byarababababaje cyane. Kuba uwo bubahaga cyane yari asuzuguwe ako kageni, kuri bo byari icyaha gikomeye kitakwirengagizwa ngo habure igihano gihita gitangwa. Bahereye ko bavugana ishyaka bati : *"Databuja, urashaka ko dutegeka umuriro, ngo uve mu ijuru, ubarimbure nk'uko Eliya yabikoze?"* (Luka 9:54). Babivuze berekeza ku kurimbuka kw'abasirikare b'Abanyasamariya n'ingabo zabo zari zoherejwe gufata umuhanuzi Eliya. Baje gutangazwa no kubona Yesu ababajwe n'amagambo yabo, kandi barushaho kubabara bumvise abacyashye avuga ati: *"Ntimuzi umwuka ubarimo uwo ari wo, kuko Umwana w'umuntu ataje kurimbura abantu, ahubwo yaje kubakiza."*bLuka 9:55. {INI 334.1}

Ntabwo guhatira abantu kumwemera biri mu murimo wa Kristo. Satani n'abakoreshwa n'umwuka we ni bo bashaka guhata umutimanama. Mu rwego ryo kwitwaza kugira ishyaka ry'ubutungane, abantu bifatanyije n'abadayimoni bajya bateza abandi bantu imibabaro kugira ngo babahindure bemere ibitekerezo byabo by'idini. Nyamara Kristo we ahora yerekana impuhwe, ashaka kubiyegereza abahishurira urukundo rwe. Ntiyemera kugira uwo abangikanywa nawe mu bugingo, cyangwa ngo umuntu amukorere by'igice; ahubwo yifuza gusa umurimo

ukoranywe ubushake bw'umutima witanze urehejwe n'urukundo. {INI 334.2} .Ikindi gihe Yakobo na Yohana banyujije gusaba kwabo kuri nyina basaba ngo bazahabwe imyanya yo hejuru y'icyubairo mu bwami bwa Kristo. Nubwo Kristo yagiye asubiramo amabwiriza yerekeranye na kamere y'ubwami bwe, aba bigishwa bari bakiri bato bari bacyiringiye Mesiya wari kwima ingoma ye n'imbaraga ya cyami nk'uko abantu babyifuzaga. Nyina wabifurizaga umwanya w'icyubahiro muri ubu bwami yarasabye ati: "Tegeka ko aba bana banjye bombi bazicara mu bwami bwawe, umwe iburyo bwawe undi ibumoso." Matayo 20:21. {INI 334.3}

Ariko Umukiza yarasubije ati: "Ntimuzi icyo musaba. Mwashobora kunywera ku gikombe nzanyweraho, cyangwa kubatizwa umubatizo nzabatizwa ?" (Mariko 10 :38). Bibutse amagambo ye atangaje yaganishaga ku rubanza azacirwa ndetse no ku mubabaro we ariko bahereyeko basubiza bashize amanga bati: *"Turabishobora." Babibonaga ko guhamya ko bazaba indahemuka mu gufatanya n'Umwami wabo mu byari kumubaho byose ari icyubahiro gihebuje. Kristo yaravuze ati: "Koko igikombe nzanywereho muzakinyweraho, kandi n'umubatizo nzabatizwa, ni nawo muzabatizwa namwe."* (Mariko 10:39). Imbere ye yaharebaga umusaraba mu mwanya w'intebe ya cyami, akanahabona ibisambo bibiri bizaba bimukikije kimwe iburyo ikindi ibumoso bwe. Yakobo na Yohana bagombaga gufatanya na Shebuja mu mibabaro: umwe yari agiye kwicishwa inkota bidatinze; undi nawe —wari muremure kurusha abandi bigishwa- yari gukurikira Shebuja mu murimo, mu gukwenwa ndetse no gutotezwa. Yesu yakomeje agira ati: *"Ariko kwicara iburyo bwanjye n'ibumoso si jye ubigaba, keretse aboData yabitunganyirije."* {INI 334.4}

Yesu yamenye impamvu yateye uko gusaba bityo acyaha ubwibone n'icyufuzo by'abo bigishwa bombi ati: *"Muzi yuko abami b'abanyamahanga babatwaza igitugu, n'abakomeye babo bahawe kubategeka. Ariko muri mwe si ko biri. Ahubwo ushaka kuba mukuru muri mwe ajye aba umugaragu wanyu, kandi ushaka kuba uw'imbere muri mwe, ajye aba imbata yanyu: nk'uko Umwana w'umuntu ataje gukorerwa, ahubwo yaje gukorera abandi no gutangira ubugingo bwe kuba incungu ya benshi."* Matayo 20:25-28. {INI 335.1}

Mu bwami bw'Imana, umwanya ntuboneka binyuze mu gutonesha. Ntukorerwa cyangwa ngo umuntu apfe kuwuhabwa. Ni ingaruka y'imico

y’umuntu. Guhabwa ikamba n’ubwami bw’Imana ni ingororano z’urugero umuntu yagezeho; ni ingororano zo kuba yaratsinze kamere abiheshejwe n’ubuntu bw’Umwami wacu Yesu Kristo. {INI 335.2}

Nyuma y’igihe kirekire ubwo Yohana yababazwaga binyuze mu gusangira imibabaro na Kristo, Umwami Yesu yamuhishuriye igikenewe kugira ngo umuntu yegere ubwami bwe. Kristo yaravuze ati: *“Unesha, nzamuha kwicarana nanjye ku ntebe yanjye y’ubwami, nk’uko nanjye nanesheje nkicarana na Data ku ntebe ye.”* (Ibyahishuwe 3:21). Uzahagarara iruhande ya Kristo ni umuntu uzaba yaranyoye byimazeyo ku mwuka we w’urukundo rwitanga, *(” urukundo rutihimbaza, rutirarira,…rutishakira ibyarwo, rudahutiraho, ntirutekereze ikibi ku bantu »* (1Kor 13:4-5), urukundo rwakoreshaga umwigisha, nk’uko rwakoresheje Umukiza wacu agatanga byose, akabaho, agakora kandi akitanga ndetse kugera ku gupfa kugira ngo akize inyokomuntu. {INI 335.3}

Ikindi gihe ubwo bari mu mirimo yabo ya mbere y’ivugabutumwa, Yakobo na Yohana bahuye n’umuntu wirukanaga abadayimoni mu izina rya Kristo kandi atari umuyoboke uzwi wa Kristo. Aba bigishwa bamubujije gukomeza gukora kandi batekereza bari mu kuri. Ariko igihe babibwiraga Kristo, yabacyashye avuga ati : *“Ntumumubuze, kuko umuntu ukora igitangaza mu izina ryanjye atabasha kunsebya bitamuruhije.”* (Mariko 9:39). Nta bantu na bamwe biyerekanye mu buryo ubwo ari bwo bwose ko ari incuti za Kristo bagombaga gusubizwa inyuma. Abigishwa ntibari bakwiriye kugira umwuka wo kuba nyamwigendaho no guheza abandi, ahubwo bagombaga kugaragaza impuhwe zidafite umupaka bari barabonanye Shebuja. Yakobo na Yohana bari baratekereje ko mu guhagarika uyu muntu baharaniraga icyubahiro cy’Umwami wabo; ariko batangiye kubona ko bari bifitiye ishyari ryabo ubwabo. Bamenye amakosa yabo kandi bemera no gucyahwa. {INI 335.4}

Ibyigisho bya Kristo byagaragazaga ko ubugwaneza, kwiyoroshya n’urukundo ari ibintu by’ingenzi kugira ngo habeho gukurira mu buntu no kuba umuntu ashyitse ngo akore umurimo we. Ibi bintu byari iby’agaciro gakomeye kuri Yohana. Yahaye agaciro buri cyigisho kandi yahoraga ashaka ko imibereho ye ihuza n’urugero rw’ijuru. Yohana yari yaratangiye gusobanukirwa n’icyubahiro cya Kristo —kitari

ibirabagirana no gukomera byo mu isi yari yarigishijwe kwiringira, ahubwo cyari *“ubwiza bwe busa n’ubw’Umwana w’ikinege wa Se, wuzuye ubuntu n’ukuri.”* Yohana 1:14. {INI 336.1} .Urukundo rwimbitse kandi rukomeye Yohana yari afitiye Shebuja si rwo rwateraga Kristo kumukunda ahubwo rwari ingaruka y’urwo Kristo yamukundaga. Yohana yifuzaga guhinduka nka Yesu, kandi bitewe n’imbaraga ihindura y’urukundo rwa Kristo yahindutse umugwaneza kandi wiyoroheje. Inarijye ye yahishwe muri Kristo. Muri bagenzi be bose, Yohana ni we wenyine wiyeguriye imbaraga y’ubwo bugingo butangaje. Yaravuze ati: *« Ubwo Bugingo bwarerekanywe, turabubona. » « Kandi ibimwuzuye akaba ari byo twahaweho twese, ni ubuntu bukurikira ubundi.»* (1Yohana 1:2 ; Yohana 1:16). Yohana yamenyeye Umukiza mu mibereho yamubonanaga. Ibyigisho Shebuja yamwigishije byiyanditse mu mutima we. Igihe yahamyaga ubuntu bw’Umukiza, imvugo ye yoroheje yarangururaga urukundo rwari rwarasabye imibereho ye yose. {INI 336.2}

Urukundo rwimbitse Yohana yari afitiye Kristo ni rwo rwatumaga yifuza kumuhora iruhande. Umukiza yakundaga abigishwa be bose uko ari cumi na babiri; ariko urwa Yohana rwo rwari ruhebuje. Ni we wari muto kurusha abandi, kandi kuko yari afite kwiringira kurenze uk’umwana, yakinguriye Yesu umutima we. Bityo yarushijeho gusabana na Kristo ku buryo ibyigisho by’Umukiza byimbitse mu by’umwuka byabwirwaga abantu binyuze kuri we. {INI 336.3}

Yesu akunda aberekana Data wa twese kandi Yohana yashoboraga kuvuga iby’urukundo rwa Data kurusha abandi bigishwa. Yahishuriye bagenzi be ibyari mu mutima we, agaragariza ingeso z’Imana mu mico ye. Ubwiza bw’Imana bwagaragariraga mu maso ye. Ubwiza bw’ubutungane bwari bwaramuhinduye bwerekanaga kurabagirana nk’ukwa Kristo mu maso ye. Yitegerezaga Umukiza mu mwuka wo kuramya n’urukundo kugeza ubwo gusa na Kristo no gusabana na we byamuhindukiye icyifuzo cye kimwe rukumbi, kandi mu imico ya Shebuja yagaragariraga muri we. {INI 336.4}.Yaravuze ati: *“Nimurebe urukundo ruhebuje Data wa twese yadukunze, rwatumye twitwa abana b’Imana. Bakundwa, ubu turi abana b’Imana, ariko uko tuzamera ntikurerekanwa. Icyakora icyo tuzi ni uko, Yesu niyerekanwa, tuzasa nawe, kuko tuzamureba uko ari.”*1Yohana 3:1,2. {INI 336.5}

******

IGICE CYA 54 - UMUHAMYA W'INDAHEMUKA

(Iki gice gishingiye ku Rwandiko rwa 1 Rwanditswe na Yohana)

Kristo amaze gusubira mu ijuru, Yohana yabaye umukozi wizerwa kandi nyakuri mu murimo yakoreraga Shebuja. Kimwe n'abandi bigishwa, na we yanezejwe no gusukwa kwa Mwuka Muziranenge ku munsi wa Pentekote, kandi yaje gukomezanya ishyaka n'imbaraga abwira abantu amagambo y'ubugingo, agashaka kuyobora intekerezo zabo k'Utaboneshwa amaso. Yari umubwiriza ukomeye, umunyamwete kandi uvugisha ukuri. Mu mvugo nziza ifite ijwi rimeze nk'indirimbo, yavuze ku magambo n'imirimo bya Kristo, akavuga mu buryo bwatumaga imitima y'abamuteze amatwi ikabakabwa. Koroha kw'amagambo ye, imbaraga ikomeye y'ukuri yavugaga ndetse no gushira amanga byarangaga inyigisho ze byatumye agera ku bantu b'inzego zose. {INI 337.1}

Imibereho y'intumwa Yohana yari ihuje n'inyigisho ze. Urukundo yari afitiye Kristo rwagurumanaga mu mutima we rwamuyoboye gukorera bagenzi be abishishikariye kandi adacogora ariko by' umwihariko abavandimwe be bo mu Itorero rya Gikristo. {INI 337.2}

Kristo yari yarategetse abigishwa ba mbere gukundana nk'uko yabakunze. Muri ubwo buryo bagombaga guhamiriza isi ko Kristo ari muri bo, we byiringiro by'ubwiza. Kristo yari yaravuze ati: *"Ndabaha itegeko rishya ngo mukundane; nk'uko nabakunze, mube ari ko namwe mukundana."* (Yahana 13:34). Igihe ayo magambo yavugwaga, abigishwa ntibashoboye kuyasobanukirwa; ariko ubwo bari bamaze kubona imibabaro ya Kristo, nyuma yo kubambwa kwe, kuzuka no gusubira mu ijuru na nyuma y'aho Mwuka Muziranenge abamanukiye ku munsi wa Pentekote, bahereyeko basobanukirwa neza urukundo

rw’Imana bagombaga gukundana kandi basobanukirwa na kamere yarwo. Bityo, Yohana yashoboraga kubwira abigishwa bagenzi be ati: {INI 337.3}

*“Iki ni cyo kitumenyesha urukundo icyo ari cyo, ni uko Yesu yatanze ubugingo bwe ku bwacu: natwe ikidukwiriye ni uko twatanga ubugingo bwacu ku bwa bene Data. “*1Yohana 3:16. {INI 337.4} Nyuma yo kumanuka kwa Mwuka Muziranenge ubwo abigishwa bajyaga kwamamaza Umukiza uriho, icyifuzo cyabo rukumbi cyari agakiza k’abantu. Bishimiraga uko basabanye n’abizera. Bari abagwaneza, bazirikana, ntibikundaga, kandi bifuzaga gutanga icyo ari cyo cyose kubera ukuri. Mu mikoranire yabo ya buri munsi, bagaragazaga urukundo Kristo yari yarabategetse. Bakoresheje amagambo n’ibikorwa bitarangwamo inarijye baharanira gukongeza uru rukundo mu bandi. {INI 337.5}

Uru ni rwo rukundo abizera bagombaga guhorana. Bagombaga kujya mbere bubahiriza itegeko rishya. Muri ubwo buryo bagombaga komatana na Kristo kugira ngo babashishwe gusohoza ibyo yabasabaga byose. Imibereho yabo yagombaga kugaragaza imbaraga y’Umukiza washoboraga kubagira intungane kubw’ubutungane bwe. {INI 338.1}

Nyamara impinduka yaje buhoro buhoro. Abizera batangiye gushakisha amakosa ku bandi. Batsimbaraye ku makosa, baha icyicaro kunegurana, bibagirwa Umukiza n’urukundo rwe. Barushijeho gukabya ku bijyanye n’imihango igaragara, bita cyane ku bumenyi bw’amagambo kurusha gushyira ukwizera mu bikorwa. Mu mwete bari bafite wo gucira abandi imanza, birengagije amakosa yabo ubwabo. Batakaje urukundo rwa kivandimwe Kristo yari yarabategetse, kandi ikintu giteye agahinda muri byose ni uko batari bazi igihombo bari bafite. Ntibigeze babona ko ibyishimo n’umunezero byavaga mu mibereho yabo kandi ko nyuma yo gukingiranira urukundo rw’Imana hanze y’imitima yabo, bari bagiye kugendera mu mwijima. {INI 338.2}

Yohana amaze kubona ko urukundo rwa kivandimwe rugenda rugajuka mu Itorero, yabwiye abizera ko bakeneye uru rukundo buri gihe. Inzandiko yandikiye amatorero zuzuyemo iki gitekerezo. Yandika avuga ati: *“Bakundwa dukundane; kuko urukundo ruva ku Mana. Umuntu wese ukunda yabyawe n’Imana, kandi azi Imana. Udakunda ntazi Imana, kuko Imana ari urukundo. Iki ni cyo cyerekanye urukundo*

rw'Imana muri twe, ni uko Imana yatumye Umwana wayo w'ikinege mu isi, kugira ngo tubone uko tubeshwaho na we. Muri iki ni mo urukundo ruri, si uko twebwe twakunze Imana, ahubwo ni uko Imana ari yo yadukunze, igatuma Umwana wayo kuba impongano y'ibyaha byacu. Bakundwa, ubwo Imana yadukunze ityo, natwe dukwiriye gukundana." 1 Yohana 4:8-11. {INI 338.3}

Intumwa Yohana yanditse ivuga ku buryo bwihariye uru rukundo rwagombaga kugaragazwa n'abizera. Yaranditse ati: *"Ariko ndababwira itegeko rishya, ni ryo ry'ukuri kuri we no kuri mwe: kuko umwijima ushize, umucyo w'ukuri ukaba umaze kurasa. Uvuga ko ari mu mucyo, akanga mwene Se, aracyari mu mwijima na bugingo n'ubu. Ukunda mwene Se, aguma mu mucyo, nta kigusha kiri muri we: naho uwanga mwene Se ari mu mwijima, kandi agendera mu mwijima; ntazi aho ajya, kuko umwijima wamuhumye."* (1 Yohana 2:8-11). *"Ubu ni bwo butumwa mwumvise uhereye mbere na mbere, ngo dukundane." "Twebwe tuzi yuko twavuye mu rupfu tukagera mu bugingo, kuko dukunda bene Data. Udakunda aguma mu rupfu. Umuntu wese wanga mwene Se ni umwicanyi: kandi muzi yuko ari nta mwicanyi ufite ubugingo buhoraho muri we. Iki ni cyo kitumenyesha urukundo icyo ari cyo, ni uko Yesu yatanze ubugingo bwe ku bwacu: natwe ikidukwiriye ni uko twatanga ubugingo bwacu ku bwa bene Data."* 1 Yohana 3:11;14 -16. {INI 338.4}

Ntabwo kurwanywa n'ab'isi ari byo cyane biteza ingorane Itorero rya Kristo. Icyaha kigundiriwe mu mitima y'abizera ni cyo kibateza ingorane ziteje agahinda kandi mu by'ukuri ni cyo kidindiza umurimo w'Imana. Nta buryo nyabwo buca intege imibereho y'iby'umwuka kurusha kugundira irari, urwikekwe, kubona amakosa mu bandi no kunegurana. Ku rundi ruhande, igihamya gikomeye ko Imana yohereje Umwana wayo mu isi ni ubwumvikane n'ubumwe mu bantu b'imico itandukanye bari mu Itorero ryayo. Gutanga ubu buhamya ni amahirwe ku bayoboke ba Kristo. Nyamara kugira ngo babutange, bagomba kuba munsi y'itegeko rya Kristo. Imico yabo igomba guhwana n'iye kandi ubushake bwabo nabwo bugahwana n'ubwe. {INI 339.1}

Kristo yaravuze ati: *"Ndabaha itegeko rishya ngo mukundane; nk'uko nabakunze, mube ari ko namwe mukundana."* (Yahana 13 :34). Mbega imvugo nziza; ariko, mbega ukuntu ikoreshwa nabi! Muri iki gihe urukundo rwa kivandimwe rubuze mu Itorero ry'Imana mu buryo bubabaje. Abantu benshi bavuga ko bakunda Umukiza ntibakundana

ubwabo. Abatizera bitegereza niba ukwizera kw'abavuga ko ari Abakristo hari icyo guhindura ku mibereho yabo; kandi bihutira kubona ibidatunganye mu mico no guhuzagurika mu bikorwa. Reka Abakristo be guha umwanzi icyuho cyo kubatunga agatoki ngo ageze ubwo avuga ati: Dore uko ba bandi bahagaze munsi y'ibendera rya Kristo bangana ubwabo. Abakristo bose ni abavandimwe b'umuryango umwe, bose ni abana basangiye Se wo mu ijuru kandi basangiye n'ibyiringiro by'umugisha byo kuzabaho iteka. Umurunga ubahuza wagombye kuba ukomeye kandi wuje ineza. {INI 339.2}

Urukundo mvajuru rukabakaba ku mutima iyo ruduhamagariye kugaragaza impuhwe Kristo yagiraga. Umuntu ufitiye mugenzi we urukundo rutikanyiza ni we ufitiye Imana urukundo nyakuri. Umukristo nyakuri ntazigera areka umuntu uri mu kaga kandi ufite icyo akeneye ngo agende atamuburuye cyangwa ngo amwiteho. Ntazigera yirengagiza abayoba, ngo abareke baheneberere mu mubabaro no gucika intege cyangwa ngo bagwe mu ruhande rwa Satani mu ntambara barwana. {INI339.3}

Abantu batigeze bagira urukundo rwuje ineza rwa Kristo ntibashobora kuyobora abandi ku isoko y'ubugingo. Urukundo rwe mu mutima ni imbaraga ihata abantu, ikabayobora kumugaragaza mu biganiro, mu mwuka w'ubugwaneza n'impuhwe no mu kuzahura ubuzima bw'abo babana nabo. Abakozi b'Abakristo bagera ku ntego yabo mu mihati bagira bagomba kumenya Kristo; kandi kugira ngo bamumenye, bagomba kumenya urukundo rwe. Ukuba bakwiriye mu murimo wabo nk'abakozi, mu ijuru gupimirwa ku bushobozi bwabo bwo gukunda nk'uko Kristo yakundaga no gukora nk'uko yakoraga. {INI 339.4}

Intumwa Pawulo iravuga iti: *"Twe gukundana urumamo mu magambo cyangwa ku rurimi, ahubwo dukundane mu byo dukora no mu by'ukuri."* (1 Yohana 3:18). Ukuzura kw'imibereho ya Gikristo kugerwaho iyo imbaraga ihatira umuntu gufasha abandi no kubahesha umugisha ihora itemba imuturukamo. Umwuka urangwa n'uru rukundo rugose umutima w'umwizera ni wo utuma aba impumuro y'ubugingo izana ubugingo kandi ugatuma Imana ihira umurimo we. {INI 340.1}

Urukundo ruhebuje dukunda Imana n'urukundo rutikanyiza dukunda bagenzi bacu: iyi ni yo mpano iruta izindi Data wa twese wo mu ijuru

ashobora gutanga. Uru rukundo si ibyo umuntu yiyumvamo by'umwanya muto; ahubwo ni ihame mvajuru, ni imbaraga ihoraho. Umutima utejejwe ntushobora kugira uru rukundo. Ruboneka gusa mu mutima Yesu atuyemo nk'umwami. *"Turayikunda, kuko ari yo yabanje kudukunda."* (1 Yohana4:19). Mu mutima wagizwe mushya n'ubuntu bw'Imana, urukundo ni ihame rigenga imikorere. Ruhindura imico, rukayobora imbaraga imutera gukora, rutegeka ibyifuzo kandi rugatuma umuntu akunda ibyo kubahwa. Iyo uru rukundo ruri mu mutima w'umuntu rutuma ubuzima bwe bugubwa neza kandi rugakwiza imbaraga itunganya mu bamukikije bose. {INI 340.2}

Yohana yaharaniraga kuyobora abizera ku gusobanukirwa amahirwe akomeye bari kuzagira binyuze mu kwimenyereza kugira umwuka w'urukundo. Iyi mbaraga icungura, iyo yuzura umutima yari kugenga buri mpamvu yose kandi ikazamura abayifite bakiganzurira imbaraga z'isi ziganisha mu bibi. Kandi uko uru rukundo rwari gutangwa ku buryo bwuzuye kandi rukaba imbaraga iyobora mu buzima, ibyiringiro byabo no kwizera Imana, ndetse n'uko yakoranaga na bo byari kuba bishyitse. Bashoboraga kuza ku Mana bafite ibyiringiro byo kwizera gushyitse, bazi ko bazahabwa ikintu cyose bakeneye mu gihe cyabo ndetse n'ibyiza by'iteka ryose. Yanditse agira ati: *"Ibyo ni byo bimaze gutunganya rwose urukundo muri twe, kugira ngo tuzatinyuke ku munsi w'amateka, kuko uko ari, ari ko turi muri iyi si. Mu rukundo ntiharimo ubwoba, ahubwo urukundo rutunganijwe rwose rumara ubwoba." "Kandi iki ni cyo kidutera gutinyuka imbere ye, ni uko atwumva, iyo dusabye ikintu nk'uko ashaka,…tuzi n'uko duhawe ibyo tumusabye."* 1Yohana 4:17, 18; 5:14,15. {INI 340.3}

"Bana banjye bato, mbandikiriye ibyo, kugira ngo mudakora icyaha. Icyakora, nihagira umuntu ukora icyaha, dufite Umurengezi kuri Data wa twese, ni we Yesu Kristo ukiranuka. Uwo ni we mpongano y'ibyaha byacu, nyamara si ibyaha byacu gusa, ahubwo ni iby'abari mu isi bose." "Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu, no kutwezaho gukiranirwa kose." (1 Yohana 2:1, 2 ; 1:9). Ibyagomba bikenewe kugira ngo umuntu agirirwe imbabazi n'Imana biroroshye kandi birumvikana. Uwiteka ntabwo adusaba gukora ikintu kitubabaza kugira ngo tubabarirwe. Ntabwo dukeneye gukora ingendo ndende kandi ziruhije cyangwa ngo twibabaze cyane, ngo twogeze imitima yacu imbere y'Imana cyangwa ngo duhongerere ibicumuro byacu. *"Uwatura ibicumuro bye akabireka, azababarirwa."*

Imigani 28:13. {INI 340.4}.Mu ijuru, Kristo asabira Itorero rye- asabira abo yishyuriye igiciro cy'incungu cy'amaraso ye. Imyaka amagana menshi ntishobora kugabanya ubushobozi bw'igitambo cye cy'impongano. Bwaba ubugingo cyangwa urupfu, uburebure bw'igihagararo cyangwa uburebure bw'ikijyepfo ntibishobora kudutandukanya n'urukundo rw'Imana ruri muri Kristo Yesu; bidatewe n'uko tumufata tukamukomeza cyane; ahubwo bitewe n'uko ari we udufata akadukomeza. Iyaba agakiza kacu katurukaga ku mihati yacu bwite, ntitwashoboraga gukizwa; ahubwo gashingiye ku watanze amasezerano yose. Kumufata kwacu gushobora kugaragara ko gutentebutse; ariko urukundo rwe ni urwa mukuru wacu.
Igihe cyose dukomeje komatana na we, nta n'umwe ushobora kudukura mu kiganza cye. {INI 341.1}

Uko imyaka yahitaga indi igataha kandi n'umubare w'abizera ukiyongera, Yohana yakoranye ubunyangamugayo n'ukuri akorera abavandimwe be. Ibyo bihe byari ibihe by'ingorane ku Itorero. Ibinyoma bya Satani byari ahantu hose. Hifashishijwe kwerekana ibintu uko bitari ndetse n'ibinyoma, abambari ba Satani bashatse kurwanya inyigisho za Kristo bityo haba ingaruka z'uko kwirema ibice n'ubuyobe bishyira Itorero mu makuba. Abantu bamwe bagaragazaga ko ari abayoboke ba Kristo, bavugaga ko urukundo rwe rubabohora ku kumvira amategeko ry'Imana. Ku rundi ruhande, abandi benshi bigishaga ko byari ngombwa kubahiriza imihango n'imigenzo bya kiyahudi; bakigisha ko kubahiriza amategeko gusa nta kwizera amaraso ya Kristo byari bihagije kugira ngo umuntu akizwe. Bamwe bavugaga ko Kristo yari umuntu mwiza; ariko bagahakana ubumana bwe. Abantu bamwe bishushanyaga bagasa n'abashyigikiye umurimo w'Imana, bari ababeshyi, kandi mu byo bakoraga bahakanaga Kristo n'ubutumwa bwe bwiza. Binjizaga ubuyobe mu Itorero biberaho mu bicumuro. Muri ubwo buryo abantu benshi bayoborwaga mu gushidikanya no mu buyobe. {INI 341.2}

Igihe Yohana yabonaga izi nyigisho z'ibinyoma zigenda zinjira mu Itorero, yuzuye agahinda kenshi. Yabonaga ingorane zari zugarije Itorero maze ahangana n'icyo kibazo adatindiganyije kandi amaramaje. Inzandiko za Yohana zirimo umwuka w'urukundo. Bisa nk'aho yandikishaga ikaramu yinitswe mu rukundo. Ariko igihe yahuraga n'abantu batumviraga amategeko y'Imana nyamara bemezaga ko ari intungane, ntiyigeze agingimiranya kubaburira ku byerekeye ubushukanyi bwabo buteye ubwoba. {INI 341.3}

Igihe yandikiraga umuntu wafashaga mu murimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza, akaba yari umugore washimwaga n'abantu kandi wari ufitiwe icyizere cyane, yaravuze ati: *"Kuko abayobya benshi badutse bakaza mu si, batemera ko Yesu Kristo yaje afite umubiri. Uvuga atyo ni we uyobya, kandi ni we Antikristo. Mwirinde, mutabura iby'imirimo mwakoze, ahubwo ngo muzahabwe ingororano itagabanije. Umuntu wese urengaho, ntagume mu byo Kristo yigishije, ntafite Imana: naho uguma mu byo yigishije, ni we ufite Data wa twese n'Umwana we. Nihagira uza iwanyu, atazanye iyo nyigisho, ntimuzamucumbikire, kandi ntimuzamuramutse muti "Ni amahoro"; kuko uzamuramutsa atyo azaba afatanije na we mu mirimo ye mibi."* 2 Yohana 7-11. {INI 341.4}

Nk'uko umwigishwa ukundwa yabigenje ni ko natwe dukwiriye kugenza abavuga ko bari muri Kristo nyamara bakabaho batumvira amategeko y'Imana. Muri ibi bihe bya nyuma hariho ibibi bisa n'ibyari byugarije kugubwa neza kw'Itorero rya mbere; kandi inyigisho z'intumwa Yohana kuri izi ngingo zikwiriye kwitonderwa. "Mugomba kugira urukundo", ni ijwi ryumvikanira ahantu hose, by'umwihariko mu bantu bavuga ko bejejwe. Nyamara urukundo nyakuri ruratunganye cyane ku buryo rudashobora gutwikira icyaha kiticujijwe. Nubwo tugomba gukunda abantu Kristo yapfiriye, ntabwo tugomba gushyigikira ikibi. Ntidukwiriye gufatanya n'ibyigomeke ngo tubyite urukundo. Muri iki gihe Imana isaba abantu bayo guhagararira ukuri tudatezuka nk'uko Yohana yakoze ahangana n'ubuyobe burimbuza abantu. {INI 342.1}

Intumwa Yohana yigisha ko nubwo dukwiriye kugirirana imbabazi bya Gikristo, twemererwa gucyaha ku mugaragaro icyaha n'abanyabyaha. Ibi ntibinyuranyije n'urukundo nyakuri. Yohana yandika agira ati: *"Umuntu wese ukora icyaha, aba agomye, kandi icyaha ni bwo bugome. Muzi yuko uwo yerekaniwe gukuraho ibyaha, kandi nta cyaha kimurimo. Umuntu wese uguma muri we ntakora ibyaha: umuntu wese ukora ibyaha ntiyamubonye, kandi ntiyamumenye."* 1Yohana 3:4-6. {INI 342.2}

Nk'umuhamya wa Kristo, Yohana ntiyigeze yishora mu mpaka cyangwa mu makimbirane. Yavugaga ibyo azi, ibyo yari yarabonye n'ibyo yiyumviye. Yari yarasabanye na Kristo bihagije, yari yarumvise inyigisho ze kandi yari yariboneye ibitangaza bye bikomeye. Abantu bake nibo bashoboraga kubona ubwiza bw'imico ya Kristo nk'uko

Yohana yayibonaga. Umwijima wari waratamurutse kuri we; umucyo nyakuri ari wo wamumurikiraga. Ibyo yahamyaga bijyanye n'imibereho y'Umukiza n'urupfu rwe byarumvikanaga kandi bifite imbaraga. Yavuganaga umutima usabwe n'urukundo yakundaga Umukiza; kandi nta mbaraga yashoboraga kuvuguruza amagambo ye. {INI 342.3}

Yaravuze ati: *"Uwahozeho uhereye mbere na mbere, uwo twumvise, uwo twiboneye n'amaso yacu, kandi uwo twitegereje, intoki zacu zikamukoraho, ni we Jambo ry'ubugingo; …Ibyo twabonye tukabyumva, ni byo tubabwira, kugira ngo namwe mufatanye natwe, kuko ubwacu dufatanije na Data wa twese n'Umwana we Yesu Kristo."* 1Yohana 1:1-3. Bityo rero, binyuze mu byo we bwite yagiye ahura na byo, umwizera wese nyakuri yari akwiriye kwemeza ko *" Imana ari inyakuri"* (Yohana 3:53). Ashobora guhamya ibyo yiboneye, ibyo yiyumviye n'ibyageze mu ntekerezo ze byerekeye imbaraga ya Kristo. {INI 342.4}

****

IGICE CYA 55 - GUHINDURWA N'UBUNTU



Mu mibereho y'intumwa Yohana hagaragara urugero rwo gutungana nyakuri. Igihe yahoraga iruhande rwa Kristo, kenshi Umukiza yaramuburiraga ndetse akamuhana; kandi Yohana yemeraga uko gucyahwa. Ubwo yerekwaga imico y'Uwavuye mu ijuru, Yohana yashoboye kubona intege nke ze bituma acishwa bugufi kubera ibyo yeretswe. Ibinyuranye n'ukuntu yahubukaga, umunsi ku wundi, yitegerezaga kwiyoroshya no kwihangana kwa Yesu, kandi yumvaga inyigisho ze zo kwicisha bugufi no kwihangana. Umunsi ku wundi umutima we womatanaga na Kristo kugeza ubwo yiyanze ubwe ku bwo urukundo yakunda Shebuja. Ubushobozi no kwiyoroshya, icyubahiro cy'ubwami n'ubugwaneza, imbaraga no kwihangana yabonaga mu mibereho ya buri munsi y'Umwana w'Intama, byuzuje umutima we gutangara. Umutima we wasuzuguraga kandi wararikiraga yaweguriye imbaraga ihindura ya Kristo maze bituma urukundo mvajuru ruhindura imico ye. {INI 343.1}

Hari itandukaniro rikomeye riri hagati y'imibereho itunganye ya Yohana n'iya wa mwigishwa mugenzi we Yuda. Kimwe na mugenzi we, Yuda yerekanaga ko ari umwigishwa wa Kristo, ariko icyo yari afite gusa ni ishusho yo kubaha Imana. Yari asobanukiwe neza n'ubwiza bw'imico ya Kristo; kandi akenshi uko yategaga Umukiza amatwi, yarushagaho gutsindwa nyamara ntiyashakaga koroshya umutima we cyangwa ngo yicuze ibyaha bye. Kubwo kurwanya imbaraga mvajuru yasuzuguye Shebuja uwo yavugaga ko akunda. Yohana yarwanyaga byimazeyo amakosa yakoraga, ariko Yuda yarengaga ku byo umutimanama we wamwemezaga maze agaha ibishuko urwaho, akihambira ku ngeso ze mbi. Gushyira mu bikorwa ukuri Kristo yigishaga byari bihabanye n'ibyifuzo bye ndetse n'imigambi ye, kandi ntiyari kwishoboza kureka imitekerereze ye kugira ngo yakire ubwenge

buva mu ijuru. Aho kugira ngo agendere mu mucyo, yahisemo kugendera mu mwijima. Yarushijeho kugundira ibyifuzo bibi, kwifuza kubi, umutima wo kwihorera, n'ibitekerezo bibi kugeza ubwo Satani yamwigaruriye. {INI 343.2}

Yohana na Yuda bahagarariye abavuga ko ari abayoboke ba Kristo. Aba bigishwa bombi bari bafite amahirwe amwe yo kwigira kuri Shebuja wavuye mu ijuru no kumukurikiza. Bombi bari bafitanye umubano na Kristo kandi bari bafite amahirwe yo gutegera amatwi inyigisho ze. Buri wese yari afite inenge zikomeye mu mico ye kandi buri wese yari afite uburenganzira ku buntu mvajuru buhindura imico. Nyamara mu gihe umwe yicishaga bugufi akigira kuri Yesu, undi we yerekanaga ko akeneye kumva gusa aho gukurikiza ibyo abwirwa. Umwe yejeshwaga ukuri buri munsi, agapfa ku narijye kandi akanesha icyaha mu gihe undi yahindukaga imbata ya Satani bitewe no kwanga imbaraga ihindura y'ubuntu no kwirundurira mu byifuzo byo kwikunda. {INI 343.3}

Uku guhinduka kw'imico nk'uko kugaragara mu mibereho ya Yohana ni ingaruka yo gushyikirana na Kristo. Hashobora kuboneka inenge zikomeye mu mibereho y'umuntu, ariko iyo ahindutse umwigishwa nyakuri wa Kristo, imbaraga y'ubuntu mvajuru iramuhindura kandi ikamutunganya. Mu kwitegereza ubwiza bw'Uwiteka nk'uwitegereza mu kirahuri, agenda ahinduka ava ku ntambwe agera ku yindi kugeza igihe ahinduka nk'Uwo aramya. {INI 344.1}

Yohana yigishaga iby'ubutungane, kandi mu nzandiko yandikiye Itorero yagaragaje amabwiriza aboneye agenga imyitwarire y'Abakristo. Yanditse agira ati: *"Kandi ufite ibyo byiringiro muri we, yiboneza nk'uko uwo aboneye." "Kuko uvuga ko ahora muri we, akwiriye na we kugenda nk'uko yagendaga.* (1Yohana 3:3; 2:6). Yigishije ko Umukristo akwiriye gutungana mu mutima no mu mibereho. Nta na rimwe akwiye kunyurwa no kuvuga gusa. Nk'uko Imana izira inenge aho ituye, ni nako kubwo kwizera Kristo, umuntu wacumuye akwiriye kuba atunganye aho abarizwa. {INI 344.2}

Intumwa Pawulo yaranditse ati: *"Icyo Imana ishaka ni iki: ni ukwezwa kwanyu."* (1 Tes 4:3). Kwezwa kw'Itorero ni umugambi w'Imana mu byo igirira abantu bayo byose. Yabatoranirije kuva kera kugira ngo babe abera. Yatanze Umwana wayo ngo abapfire kugira ngo batunganywe

binyuze mu kumvira ukuri, bakurweho ingeso mbi zose z'inarijye. Imana ibashakaho ko buri wese yayikorera kandi akayiyegurira ku giti cye. Imana ishobora kubahishwa n'abavuga ko bayizera igihe gusa bagaragaza ishusho yayo kandi bakagengwa na Mwuka wayo. Bityo, nk'abahamya b'Umukiza, bashobora kwerekana icyo ubuntu mvajuru bwabakoreye. {INI 344.3}

Kwezwa nyakuri kuza binyuze mu gukora kw'ihame ry'urukundo. *"Imana ni urukundo, kandi uguma mu rukundo, aguma mu Mana, Imana ikaguma muri we."* (1 Yohana 4:16). Imibereho y'uwo Kristo atuye mu mutima izerekana kubaha Imana gushyizwe mu bikorwa. Imico izatunganywa, izamurwe kandi iheshwe icyubahiro. Inyigisho nzima zizivanga n'imirimo yo gukiranuka kandi amategeko mvajuru azomatana n'imigirire itunganye. {INI 344.4}

Abashaka kubona umugisha wo kwezwa bagomba kubanza gusobanukirwa no kwitanga. Umusaraba wa Kristo ni wo nkingi *"kwiyongeranya kuturemera ubwiza bw'iteka ryose bukomeye"* bishamikiyeho. (2 Kor 4:17). Kristo aravuga ati: *"Umuntu nashaka kunkurikira yiyange, yikorere umusaraba we, ankurikire."* (Matayo 16:24). Impumuro y'urukundo dukunda bagenzi bacu ni yo igaragaza urukundo dukunda Imana. Kwihangana mu murimo ni ko kuruhura umutima. Kugubwa neza kwa Isirayeli guturuka mu gukorana kwiyoroshya, gushishikara n'ubunyangamugayo. Imana ishyira hejuru kandi igakomeza uwifuza kugendera mu nzira ya Kristo. {INI 344.5}

Kwezwa ntabwo ari umurimo w'agahe gato, isaha cyangwa umunsi umwe, ahubwo ni ukw'igihe cyose cy'ubuzima. Ntikuboneshwa gutwarwa kubera ibyo wiyumvamo, ahubwo ni ingaruka yo gupfa ku cyaha buri gihe no guhora umuntu abaho ku bwa Kristo. Imihati yacu y'intege nke kandi ya hato na hato ntishobora gukosora amakosa cyangwa ngo atere ivugururwa ry'imico. Dushobora gutsinda gusa kubw'umuhati w'igihe kirekire no kwihangana, imyitwarire idakebakeba no kurwana intambara itoroshye. Uyu munsi ntabwo tuzi uko urugamba ruzaba rudukomereye ejo. Igihe cyose Satani azaba akiriho, tuzaba dufite inarijye tugomba gutsinda n'ibyaha bitwibasira tugomba gutsinda. Kugeza ku iherezo ry'ubuzima, ntihazigera habaho ahantu ho guhagarara, nta n'aho tuzashobora kugera ngo tuvuge tuti: "Ngeze aho ngomba kugera." Kwezwa ni ingaruka yo kumvira mu buzima bwose.

{INI 345.1}.Nta n’umwe mu ntumwa n’abahanuzi wigeze avuga ko nta cyaha afite. Abantu bagiranye umushyikirano n’Imana, abashoboraga kwitanga ubwabo aho kugira ngo bakore ikibi babizi, abo Imana yahaye icyubahiro ikabaha umucyo n’ubushobozi mvajuru, bagiye batura icyaha cya kamere yabo. Ntibigeze biringira umubiri, ntibigeze bavuga ubutungane bwabo bwite, ahubwo bizeraga rwose ubutungane bwa Kristo. {INI 345.2}

Uko ni ko bizagendekera abantu bose bahanga amaso Kristo. Uko turushaho kwegera Kristo kandi tukarushaho gusobanukirwa neza n’ubutungane bw’imico ye, ni ko tuzarushaho kubona ubunyacyaha bwacu bukabije kandi tuzacogora gushaka kwishyira hejuru. Umuntu azahora ashaka kwegera Imana, habeho kwicuza ibyaha guhoraho, nyakuri kandi kuvuye ku mutima umenetse, ndetse habeho no kwicisha bugufi k’umutima imbere y’Imana. Uko tuzatera intambwe yose mu mibereho yacu ya Gikristo kwihana kwacu kuzashora imizi. Tuzamenya ko kuzura kwacu kuri muri Kristo wenyine kandi kwatura kw’intumwa Pawulo tuzakugira ukwacu tuvuge tuti: *“Nzi yuko muri jye, ibyo ni ukuvuga muri kamere yanjye, nta kiza kimbamo.” ” Ariko jyeweho sinkiratana ikindi, keretse umusaraba w’Umwami wacu Yesu Kristo, wateye ko iby’isi bimbera nk’ibibambwe, nanjye nkabera iby’isi nk’ubambwe.”* Abaroma 7 :18;Abagalatiya 6 :14. {INI 345.3}

Reka abamarayika bandike amateka y’intambara zera z’ubwoko bw’Imana; reka bandike amasengesho n’amarira yabo; ariko mureke Imana ye guteshwa icyubahiro n’amagambo ava mu kanwa k’umuntu uvuga ati: *“Ndi umuziranenge, ndera.”* (Yobu 33:9). Iminwa yejejwe ntizigera ivuga amagambo nk’aya yo kwibona. {INI 345.4}

Intumwa Pawulo yajyanywe mu ijuru rya gatatu aho yabonye kandi yumva ibintu bitashoboraga kuvugwa, nyamara yaje kuvuga atirata ati : *“Si uko maze guhabwa cyangwa ngo mbe maze gutunganywa rwose, ahubwo ndakurikira.”* (Abafilipi 3 :12). Reka abamarayika bo mu ijuru bandike insinzi ya Pawulo mu kurwana intambara nziza yo kwizera. Reka abo mu ijuru bishimire inzira yakurikiye ashikamye agana mu ijuru, kandi bishimire ko mu guhanga amaso igihembo yafashe ibindi bintu byose ko nta gaciro bifite. Abamarayika bishimira kuvuga ibigwi bye; ariko Pawulo ntiyirase ibyo yagezeho. Inyifato ya Pawulo ni yo nyifato yari ikwiye kuranga buri muyoboke wese wa Kristo igihe

akomeza mu nzira ye arwanira kuzambikwa ikamba ritangirika. {INI 345.5}.Reka abo bose bavuga ko ari intungane bigenzure birebera mu ndorerwamo y'amategeko y'Imana. Uko bazabona ko ibyo amategeko asaba birenze ubushobozi bwabo, kandi bagasobanukirwa n'umurimo wayo wo kurondora intekerezo n'ibyo umutima ugambirira, ntibazigera na rimwe birata ubutungane. Yohana atitandukanyije n'abavandimwe be mu kwizera aravuga ati: "Nituvuga yuko ari nta cyaha dufite, tuba twishutse, ukuri kuba kutari muri twe." *"Nituvuga yuko ari nta cyaha twakoze, tuba tuyise umunyabinyoma, kandi n'ijambo ryayo ntiriba riri muri twe." "Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu, no kutwezaho gukiranirwa kose."* 1 Yohana 1 :8, 10, 9.{INI 346.1}

Hariho abavuga ko ari intungane, bakavuga ko biyeguriye Uwiteka byimazeyo kandi bakumva ko bakwiye gusohorezwa amasezerano y'Imana mu gihe bagomera amategeko yayo. Abongabo bica amategeko basaba gusohorezwa amasezerano y'abana b'Imana; nyamara uku ni ukurengera kuko Yohana atubwira ko urukundo nyakuri dukunda Imana ruzagaragarira mu kumvira amategeko yayo yose. Ntabwo kwizera ukuri ko mu magambo bihagije, ntabwo kuvuga ko wizera Kristo bihagije, kwizera ko Kristo atari umubeshyi kandi ko inyigisho ya Bibiliya atari ibitekerezo birimo uburyarya byahimbwe n'abantu na byo ntibihagije. Yohana yaranditse ati : *"Uvuga ko amuzi, ntiyitondere amategeko ye, ni umubeshyi, ukuri ntikuri muri we. Ariko umuntu wese witondera ijambo rye, urukundo akunda Imana ruba rumaze gutunganirizwa rwose muri we." "Kandi uwitondera amategeko yayo aguma muri yo, na yo ikaguma muri we."* 1 Yohana 2 :4, 5; 3 :24. {INI 346.2}

Ntabwo Yohana yigeze yigisha ko agakiza kagomba kubonwa kubwo kumvira; ahubwo uko kumvira ni imbuto yo kwizera n'urukundo. Yaravuze ati : *"Muzi yuko uwo yerekaniwe gukuraho ibyaha, kandi nta cyaha kimurimo. Umuntu wese uguma muri we, ntakora ibyaha: umuntu wese ukora ibyaha ntiyamubonye, kandi ntiyamumenye."* (1Yohana 3 :5, 6). Iyo turi muri Kristo n'urukundo rwe rukaba mu mutima, ibyiyumviro byacu, ibitekerezo byacu n'ibikorwa byacu bihuza n'ubushake bw'Imana. Umutima wejejwe wemeranya n'ingingo zigize amategeko y'Imana. {INI 346.3}

Hariho abantu benshi bafite amahoro n'ibyishimo bike nubwo baharanira kumvira amategeko y'Imana. Uyu mworera mu mibereho yabo ni ingaruka yo kunanirwa gushyira kwizera mu bikorwa. Bagenda nk'abagenda ku butaka bw'umunyu, mu butayu bw'umutagwe. Basaba bike aho bagasabye byinshi kubera ko amasezerano y'Imana atagira urubibi. Abantu nk'aba ntibahagarariye gutunganywa kuzanwa no kumvira ukuri uko bikwiye. Uwiteka yifuza ko abahungu n'abakobwa be bose, banezerwa bakaba amahoro kandi bakumvira. Binyuze mu kugaragariza kwizera mu bikorwa, umwizera ahabwa iyi migisha. Binyuze mu kwizera, buri kintu cyose kibura mu mico gishobora gutangwa, buri nenge yose ikezwa, buri kosa rigakosorwa kandi buri mikorere myiza igatezwa imbere. {INI 346.4}

Isengesho ni uburyo bwatoranyijwe n'ijuru bwo gutera gutsinda mu rugamba ryo kuhangana n'icyaha no gukuza imico ya Gikristo. Imbaraga z'Imana zigendana n'igisubizo cy'isengesho ryo kwizera zizashoboza uwasenze guhabwa ibyo yasabye byose. Dukwiriye gusaba kubabarirwa icyaha, tugasaba guhabwa Mwuka Muziranenge, tugasaba kugira imico nk'iya Kristo, tugasaba ubwenge n'imbaraga byo gukora umurimo we, tugasaba guhabwa impano yose yasezeranye kandi isezerano rye ni iri ngo: *"Muzahabwa."*Matayo 7 :7. {INI 347.1}

Igihe Mose yari kumwe n'Imana mu mpinga y'umusozi, ni ho yabonye icyitegererezo cy'inyubako y'agatangaza yagombaga kuba ubuturo bw'Imana. Ku musozi turi kumwe n'Imana (ahantu hiherereye ho gusabanira n'Imana) ni ho tugomba gutekerereza ku mugambi wayo ukomeye ifitiye inyokomuntu twimbitse. Mu bihe byose, binyuze mu gusabana n'ijuru, Imana yagaragaje umugambi ifitiye abana bayo ikoresheje kugenda ihishurira intekerezo zabo inyigisho z'ubuntu. Uburyo Imana ikoresha ngo imenyekanishe ukuri bugaragazwa muri aya magambo: "… *Uwiteka azatunguka nk'umuseke utambika…"* (Hoseya 6 :3). Umuntu wese ujya aho Imana ishobora kumumurikira, atera intambwe ava mu mwijima wo mu museke agana mu kurabagirana k'umucyo wo ku manywa y'ihangu. {INI 347.2} .Kwezwa nyakuri gusobanura urukundo rutunganye, kumvira gutunganye, no kugendera mu bushake bw'Imana by'ukuri. Tugomba gutunganyirizwa Imana binyuze mu kumvira ukuri. Umutimanama wacu ugomba kuvanwa mu mirimo ipfuye kugira ngo dukorere Imana nzima. Ntabwo twari twaba intungane; nyamara ni amahirwe yacu kwitandukanya n'ibituziga by'inarijye n'icyaha maze tukajya mbere tugana ku butungane.

Ubushobozi bukomeye, ibyagerwaho byo ku rwego rwo hejuru kandi bitunganye byashyizwe aho umuntu wese ashobora kubigeraho. {INI 347.3}

Impamvu abantu benshi muri iki gihe badatera imbere ku rwego rukomeye mu mibereho yabo yo kubana n'Imana biterwa n'uko basobanura ko ubushake bw'Imana buhuye n'ibyo ubwabo bifuza gukora. Mu gihe bikurikirira ibyifuzo byabo bwite, bishuka ubwabo babona ko bakora ibyo Imana ishaka. Aba bantu ntibarwana n'inarijye. Hariho abandi, mu gihe runaka, batsinda mu rugamba barwana n'ibyifuzo byabo byo kwinezeza no kwishimisha. Babikorana ukuri kandi badakina, ariko bakananizwa n'imihati y'igihe kirekire, gupfa kwa buri munsi n'ingorane z'urudaca. Ubunebwe burabakurura bakitandukanya no gupfa ku narijye; bafunga amaso yabo yuzuye ibitotsi maze bakagwa mu bishuko mu cyimbo cyo kubitsinda. {INI 347.4}

Amabwiriza ari mu ijambo ry'Imana nta burenganzira adusigira bwo kugendera mu byaha. Umwana w'Imana yerekaniwe kugira ngo yireherezeho abantu bose. Ntabwo yazanywe no gusinziriza ab'isi; ahubwo yaje kwerekana inzira ifunganye abazinjira mu marembo y'umurwa w'Imana bose bagomba kunyuramo. Abana be bagomba gukurikira inzira abayoboye; byaba kureka ibibanezeza cyangwa kwihugiraho, yabasaba gukora umurimo uremereye ute cyangwa umubabaro bahura nawo wose, bagomba gukomeza kurwanya inarijye. {INI 348.1}

Ishimwe riruta ayandi abantu bashobora gutura Imana ni uguhinduka imiyoboro yejejwe Imana yakoreramo. Igihe kirihuta kiganisha ku bihe bizahoraho. Reka twe kugundira iby'Imana. Reka twe kuyima icyatubera igihombo turamutse tukiyimye nubwo kidatangwa kubera ko umuntu agikwiriye. Imana ishaka umutima wose, wuyihe ni uwayo kubw'uko yakuremye kandi ikagucungura. Imana ishaka ubwenge bwawe; buyihe; ni ubwayo. Ishaka ubutunzi bwawe, buyihe ni ubwayo. *"Kandi ntimuri abanyu ngo mwigenge; kuko mwaguzwe igiciro."* (1Kor 6:19, 20). Imana isaba kuyubahisha umutima wejejwe, witeguye kuyikorera ushyira mu bikorwa ukwizera gukoreshwa n'urukundo. Imbere yacu yahashyize intego yo mu rwego rwo hejuru, ndetse iyo ntego ni ubutungane. Kristo adusaba kumuhagararira muri iyi isi nk'uko nawe atubereye imbere y'Imana. {INI 348.2}

“Icyo Imana ibashakaho ni iki: ni ukwezwa kwanyu.” (1 Tes 4:3). Mbese nawe urabishaka? Ibyaha byawe bishobora kuba nk’imisozi imbere yawe; ariko iyo ucishije bugufi umutima wawe kandi ugasaba imbabazi z’ibyaha byawe wiringiye ibyo Umukiza wabambwe kandi akazuka yakoze, azakubabarira kandi akwezeho gukiranirwa kose. Imana igusaba kumvira amategeko yayo gushyitse. Aya mategeko ni ijwi ryo kurangurura kwayo rikubwira riti: Murusheho muba abera, kandi muhore mwera. Mwifuze kuzura k’ubuntu bwa Kristo. Reka umutima wawe wuzuremo kwifuza kugira gukiranuka kwe. Ijambo ry’Imana rivuga ko umurimo w’uko gukiranuka ari amahoro kandi ingaruka yako ikaba gutuza n’ibyiringiro by’iteka. {INI 348.3}

Uko umutima wawe urushaho kwifuza Imana, ni ko uzakomeza guhabwa ubutunzi butarondoreka bw’ubuntu bwayo. Uko urushaho gutekereza kuri ubu butunzi ni ko uzabuhabwa kandi uzahishurirwa ibyakozwe n’igitambo cy’Umukiza, uburinzi buva ku butungane bwe, ukuzura kw’ubwenge bwe ndetse n’imbaraga ye yo kuguhagarika imbere ya Data wa twese *” udafite ikizinga kandi utariho umugayo”* 2 Petero 3:14. {INI 348.4}

****

IGICE CYA 56 - PATIMOSI



Imyaka irenze mirongo itanu yari imaze guhita Itorero rya Gikristo rishinzwe. Muri icyo gihe ubutumwa bwiza bwakomezaga kurwanywa. Abanzi babwo ntibigeze bacogora kandi amaherezo bari barageze ku ntego yo gutuma ubutegetsi bw'umwami w'i Roma bubafasha kurwanya Abakristo. {INI 349.1}.Mu gihe cy'akarengane gakabije kaje gukurikiraho, intumwa Yohana yakoze ibishoboka byose kugira ngo akomeze ukwizera kw'abayoboke ba Kristo. Yatanze ubuhamya abanzi be batashoboraga kuvuguruza kandi bwafashije abavandimwe be guhangana n'ibigeragezo bagiye bahura na byo bafite ubutwari n'ubudahemuka. Igihe kwizera kw'Abakristo kwasaga n'ugukomwa hirya no hino bitewe no kurwanywa gukomeye bagombaga guhura nako, umugaragu wa kristo wari ugeze mu za bukuru kandi wahuye n'ibigeragezo, yavugaga n'imbaraga kandi ashize amanga agasubiriramo amateka y'umukiza wabambwe kandi akazuka. yashikamye ku kwizera kwe kandi buri gihe mu kwanwa ke hasohokaga ubu butumwa bushimishije agira ati: *"uwahozeho uhereye mbere na mbere, uwo twumvise, uwo twiboneye n'amaso yacu, kandi uwo twitegereje, intoki zacu zikamukoraho, ni we jambo ry'ubugingo;… ibyo twabonye tukabyumva, ni byo tubabwira."* 1yohana 1:1-3. {INI 349.2}

Yohana yararamye agera ubwo aba umukambwe. ubwe yiboneye gusenyuka kwa yerusalemu n'amatongo y'urusengero rwaho rw'igitangaza. umwigishwa wabayeho kugeza nyuma y'abandi bose kandi wari warabaye incuti magara y'umukiza, yatanze ubutumwa bwagize uruhare rukomeye mu kwerekana ko yesu yari mesiya,

umucunguzi w’isi. nta muntu n’umwe washoboraga gushidikanya ukuri kwe, kandi binyuze mu nyigisho ze abantu benshi bakuwe mu kutizera. {INI 349.3}.Abayobozi b’abayahudi banze yohana urunuka bitewe no gushikama kwe mu murimo wa kristo. bavuze ko umuhati wabo wo kurwanya abakristo ntacyo wari kugeraho igihe cyose abantu bazaba bacyumva ubuhamya bwa yohana. kugira ngo ibitangaza n’inyigisho za yesu bibashe kwibagirana, ni uko ijwi ry’umuhamya ushize amanga ryagombaga gucecekeshwa. {INI 349.4}

Kubw’ibyo yohana yahamagariwe kwitaba i roma kugira ngo acirwe urubanza kubera kwizera kwe. ari imbere y’abatware inyigisho z’intumwa zaragoretswe. abahamya b’ibinyoma bamushinje ko yigisha inyigisho ziyobya zateraga umuvurungano. abanzi be biringiraga ko ibi birego bizatuma yicwa. {INI 349.5}

Yohana yisobanuye mu buryo bwumvikana kandi busobanutse, kandi kuvuga muri ubwo buryo bworoheje kandi bwumvikana byatumye amagambo ye agira ingaruka ikomeye muri bo. abamwumvaga batangajwe n’ubwenge bwe n’imvugo ye iboneye. nyamara uko yarushagaho gutanga ubuhamya bubatsinda ni ko urwango rw’abamuregaga rwakazaga umurego. umwami w’abami domisiyani yarushijeho kurakara. ntiyashoboraga kugisha impaka umuvugizi w’inyangamugayo wa kristo cyangwa ngo ahangane n’imbaraga yatumaga yohana avuga ukuri, ariko yafashe icyemezo cyo kumucecekesha. {INI 350.1}

Yohana yajugunywe mu ngunguru y’amavuta abira ariko umwami imana yarinze ubugingo bw’umugaragu wayo w’indahemuka nk’uko yarinze abasore batatu b’abaheburayo mu itanura rigurumana. igihe havugwaga amagambo ngo: *“uko ni ko abantu bose bizera yesu kristo w’i nazareti umushukanyi barimbuka,”* yohana we yaravuze ati: “databuja yarihanganye ntiyarwanya abantu bose satani n’abamarayika be bacuriraga imigambi yo kumukoza isoni no kumwica urw’agashinyaguro. yatanze ubugingo bwe kugira ngo akize abatuye isi. nejejwe no kubabazwa ku bwe. ndi umuntu w’umunyantege nke kandi w’umunyabyaha. kristo yari umuziranenge, umunyamahoro kandi utanduye. ntiyigeze akora icyaha kandi nta buriganya bwabonetse mu kanwa ke. {INI 350.2}

Aya magambo yagize umumaro wayo maze yohana akurwa muri ya ngunguru n'abari bamujugunyemo. {INI 350.3}.Intumwa yohana yongeye guhura n'akandi karengane gakomeye. biturutse ku iteka ryaciwe n'umwami w'abami, yohana yaciriwe ku kirwa cya patimo, ahowe *"ijambo ry'imana no guhamya kwa yesu."* (ibyahishuwe 1:9). abanzi be batekereje ko, igihe ari i patimo, ibye bitazongera kumvikana mu bantu ukundi kandi ko amaherezo azicwa n'umuruho n'agahinda. {INI 350.4}

Patimo, ikirwa cy'urutare n'ubutayu, kiri mu nyanja y'umunyu, cyari cyaratoranyijwe n'ubutegetsi bw'abanyaroma kuba ahantu ho gucira abagome; ariko ku mugaragu w'imana, aha hantu hijimye hamubereye irembo ry'ijuru. aha hantu yari atandukanyijwe n'imiruho yo mu buzima n'imirimo yari asanzwe akora, yari hamwe n'imana na kristo n'abamarayika b'ijuru kandi bamuhaye inama zigenewe itorero mu bihe byose bizakurikiraho. ibyari kuzaba mu bihe bya nyuma by'amateka y'isi yarabihishuriwe; kandi aho i patimo ni ho yandikiye ibyo yeretswe n'imana. igihe ijwi rye ritari rigishobora guhamya uwo yakundaga kandi yakoreraga, ubutumwa yaherewe kuri kiriya kirwa cy'ubutayu bwagombaga gukwira nk'itabaza ryaka buvuga umugambi nyakuri umwami imana ifitiye ishyanga ryose ryo ku isi. {INI 350.5}

Mu bihanamanga n'ibitare by'i patimo, yohana yasabanaga n'umuremyi we. yasubije amaso inyuma ku byari byarabaye mu mibereho ye maze atekereje imigisha yari yarabonye, amahoro asaba umutima we. yari yaragize imibereho y'umukristo kandi yashoboraga kuvugana kwizera ati:*"twebwe tuzi yuko twavuye mu rupfu tukagera mu bugingo."* (1 yohana 3:14). nyamara umwami w'abami wari waramuciye we si ko byari bimeze. uyu we yashoboraga gusubiza amaso inyuma akabona gusa intambara yari yarateje n'amaraso yari yaramenye, yabonaga amatongo, abapfakazi n'imfubyi babogoza amarira, ibyo byose ari imbuto z'inyota ye yo gushaka kuruta abandi. {INI 351.1}

Igihe yari muri urwo rugo rwe rwitaruye, yohana yashoboye kwiga ukwigaragaza kw'imbaraga y'imana nk'uko byanditswe mu byaremwe no ku mpapuro z'ibyanditse byera, abyiga byimbitse kurusha mbere. kuri we yari anezejwe no gutekereza ku murimo w'irema no kuramya umuhanzi wo mu ijuru. mu myaka ye yabanje, amaso ye yarebaga amashyamba atwikiriye imisozi, imibande y'ibyatsi bibisi n'ibibaya birumbuka; kandi

yari yarishimiye kubona ubwenge n'ubuhanga by'umuremyi mu bwiza by'ibyaremwe. yari akikijwe n'ibintu byari kugaragarira benshi ko biteye umubabaro kandi bidasamaje; nyamara yohana we yabibonaga ukundi. nubwo yari akikijwe n'ahantu hambaye ubusa, ikirere cy'ubururu cyari hejuru ye cyari cyiza nk'ibicu byari hejuru ya yerusalemu yakundaga. mu bitare byo mu gasozi, mu bwiru bwimbitse, mu bwiza bw'ikirere, yahasomaga ibyigisho by'ingenzi. byose byatangaga ubutumwa bw'imbaraga n'icyubahiro cy'imana. {INI 351.2}

Iruhande rwe hose intumwa yohana yahabonaga ibihamya by'umwuzure wari wararengeye isi kubera ko abari bayituye bagomeye amategeko y'imana. ibitare byari bayaravuye i kuzimu no munda y'isi bitewe no gusandara kw'amazi byibukije yohana uko gusukwa k'uburakari bw'imana kwari kumeze. uko amazi yasumaga, ni ko yohana yumvaga ijwi ry'umuremyi. inyanja yahoreraga bitewe n'imiyaga ikaze, yamwerekaga uburakari bw'imana abantu bari baracumuyeho. imiraba ikomeye, mu guhorera kwayo gukaze itararengaga imbibi zashyizweho n'ukuboko kw'itabonwa, yerekanaga ubutware bw'imbaraga y'uhoraho. ubihabanye n'ibyo yabonye intege nke n'ubuswa bw'abantu bapfa, abo n'ubwo ari iminyorogoto yo mu mukungugu bihesha icyubahiro kubera ubwenge bwabo n'imbaraga kandi bagakura imitima yabo ku mutegetsi w'isanzure nk'aho imana ari kimwe nabo ubwabo. ibitare byari bikikije yohana byamwibukije kristo, igitare cy'imbaraga ze, ari we nyir'ubwugamo yashoboraga kwihishamo nta gutinya. wa mwigishwa wahungiye ku kirwa cyuzuyeho ibitare cya patimosi, mu mutima we yifuzaga gusabana n'imana, bityo yasenganaga umutima umenetse. {INI 351.3}

Amateka ya yohana aduha urugero rukomeye ry'uburyo imana ishobora gukoresha abakozi bageze mu za bukuru. igihe yohana yacirirwaga ku kirwa cy'i patimo, hariho abantu benshi batekerezaga ko atagishoboye gukora, ko ari nk'urubingo rushaje kandi rusadutse, rushobora kuvunika rukagwa hasi igihe icyo ari cyo cyose. nyamara umwami imana yabonye ko akwiriye kumukoresha. nubwo yari aciwe aho yahoze akorera, ntiyarekeye aho guhamya ukuri. ndetse n'i patimo yahaboneye incuti n'abahindutse bakira ukuri. ubutumwa bwe bwari ubw'ibyishimo, yamamazaga umukiza wazutse akaba ari mu ijuru ari umuvugizi w'abantu be kugera ubwo azagaruka kubajyana iwe. igihe yohana yari amaze kugera mu za bukuru ari mu murimo w'umwami ni ho yavuganye n'ijuru cyane kurusha mu myaka yose yari

yarabayeho. {INI 352.1}.Abantu bagiye bashyira imbere gukorera imana mu buzima bwabo bakwiriye kwitabwaho cyane. aba bakozi bageze mu za bukuru bagiye bahagarara ari indahemuka mu gihe cy'umugaru n'ibigeragezo. bashobora kugira ubusembwa, ariko baracyafite impano zituma bahagarara mu mwanya wabo kubw'umurimo w'imana. nubwo bananiwe kandi bakaba badashoboye kwikorera imitwaro iremereye abasore bashobora kandi bakwiye kwikorera, inama bashobora gutanga ifite agaciro gahanitse. {INI 352.2} Bashobora kuba barakoze amakosa, ariko kubera ibyo bamenye uburyo bwo kwirinda amakosa n'amakuba. mbese kubw'ibyo ntibashoboye gutanga inama zirimo ubushishozi? bihanganiye ibishuko n'ibigeragezo kandi n'ubwo bahatakarije imbaraga zimwe, ntabwo umukiza abirengagiza. abaha ubuntu n'ubwenge byihariye. {INI 352.3}

Abantu bakoreye shebuja mu gihe umurimo wari ukomeye, abantu bihanganiye ubukene kandi bakomeza kuba indahemuka igihe hariho bake bashoboraga guhagararira ukuri, bagomba kubahwa. umwami imana yifuza ko abakiri bato bari mu murimo wayo babona ubwenge, imbaraga ndetse no gukura bifatanya n'izi nyangamugayo. reka abakiri bato bamenye ko kugira abantu bameze batyo muri bo ari amahirwe akomeye. reka babahe umwanya w'icyubahiro mu nama bakora. {INI 352.4}

Igihe abantu bakoresheje ubuzima bwabo mu murimo wa kristo bagana ku iherezo ry'umurimo wabo ku isi, bazahatwa na mwuka muziranenge kuvuga ibyo bagiye banyuramo bifitanye isano n'umurimo w'imana. amakuru avuga uburyo butangaje imana yagiye ikorana n'abantu bayo, ibyerekeye ukugira neza kwayo gukomeye kwabavanaga mu bigeragezo, bigomba gusubirwamo abantu bashya bakiriye ukwizera.Imana yifuza ko abakozi bageze mu za bukuru kandi bageragejwe bahagarara mu mwanya wabo, bagakora uruhare rwabo rwo gukiza abagabo n'abagore kugira ngo badatwarwa n'umuhengeri ukomeye w'ikibi. yifuza ko bakomeza gufata intwaro kugeza igihe ababwiye ngo bazishyire hasi. {INI 352.5}

Mu mibereho y'intumwa yohana igihe yari mu karengane, hari isomo rifite imbaraga itangaje kandi rikomeza umukristo. ntabwo imana ibuza abanyabyaha gucura imigambi mibi, ariko ituma iyo migambi mibi yabo izanira ibyiza abashikama ku kwizera kwabo n'ubudahemuka bwabo mu bigeragezo n'intambara bahura nabyo. akenshi umubwirizabutumwa

bwiza akomeza umurimo we mu miraba y'akarengane, mu kurwanywa gukomeye ndetse no kuvugwa nabi. mu bihe nk'ibyo, reka yibuke ko imibereho agomba kubonera mu itanura ry'ibigeragezo no kubabazwa ifite agaciro gahwanye n'umubabaro byasabye kugira ngo ayigereho. uko ni ko imana yiyegereza abana bayo, kugira ngo ishobore kubereka intege nke zabo n'imbaraga zayo. ibigisha kuyisunga. muri ubwo buryo, ibategurira guhura n'ibibazo bitunguranye, gukora inshingano zikomeye no gusohoza umugambi ukomeye baherewe imbaraga ngo bawugereho. {INI 353.1}.

Mu bihe byose abahamya bashyizweho n'imana bagiye banengwa kandi bagahura n'akarengane kubera ukuri bamamazaga. yozefu yashinjwe ibinyoma kandi ararenganywa kubera ko yakomeye ku bunyangamugayo bwe n'ubudahemuka bwe. dawidi, intumwa yatoranyijwe n'imana, yahizwe bunyamaswa n'abanzi be. daniyeli yajugunywe mu rwobo rw'intare kubera ko yashikamye ku kubaha imana kwe. yobu yambuwe ubutunzi bwe bwo ku isi, kandi umubiri we urababara ku buryo abavandimwe be n'incuti bamuzinutswe; nyamara yakomeje ubudahemuka bwe. yeremiya ntiyashoboraga gukangishwa ngo ye kuvuga amagambo imana yari yaramuhaye kugira ngo avuge; kandi ubuhamya bwe bwarakaje cyane umwami n'ibikomangoma ku buryo yajugunywe mu rwobo. sitefano yatewe amabuye azira kubwirizaga kristo wabambwe. pawulo yashyizwe mu nzu y'imbohe, akubitwa ibiboko, aterwa amabuye maze amaherezo aricwa kubera ko yari intumwa y'indahemuka imana yatumye ku banyamahanga. yohana yaciriwe ku kirwa cy'i patimo, *"bamuhora ijambo ry'imana no guhamya kwa yesu kristo."* ibyahishuwe 1:9. {INI 353.2}

Ibi byitegererezo byo gushikama kwa kimuntu bihamya ubudahemuka bw'amasezerano y'imana yo kubana natwe ndetse n'ubuntu bwayo budukomeza. izo ngero zihamya imbaraga yo kwizera inesha imbaraga z'isi. guturiza mu mana mu gihe cy'umwijima w'icuraburindi no kumva ko data wa twese ari hejuru ya byose, kabone nubwo twageragezwa cyane ndetse tugakozwa hirya no hino n'umuraba, ni umurimo wo kwizera. ijisho ryo kwizera ryonyine rishobora kureba hirya y'ibintu by'iki gihe maze rigasobanukirwa neza n'agaciro k'ubutunzi buhoraho. {INI 353.3}

Yesu ntajya aha abayoboke be ibyiringiro byo kugera ku ikuzo n'ubutunzi by'isi, ntabaha ibyiringiro byo kubaho badahura n'ibigeragezo.

ahubwo abahamagarira kumukurikira mu nzira yo kwiyanga no gukozwa isoni. uwazanywe no gucungura isi yarwanyijwe n'imbaraga z'ikibi zishyize hamwe. mu bugambanyi bukomeye, abantu babi n'abamarayika ba satani bifatanyirije hamwe kugira ngo barwanye umwami w'amahoro. ijambo rye rwose n'igikorwa cyose yakoraga byahishuraga imbabazi z'imana kandi kuba yari atandukanye n'ab'isi byatumye bamugirira nabi cyane. {INI 354.1}

Uko ni ko bizagendekera abantu bose bazabaho bubaha imana muri kristo yesu. akarengane no gukozwa isoni bitegereje abantu bose buzuye umwuka wa kristo. imiterere y'akarengane igenda ihindagurika ijyana n'igihe, ariko umwuka ukayobora ni umwe n'uwicishije intore z'imana uhereye mu gihe cya abeli. {INI 354.2}

Mu bihe byose, satani yakomeje kurenganya ubwoko bw'imana. yarabatoteje kandi arabica, nyamara mu gupfa kwabo bahindutse abaneshi. babaye abahamya b'imbaraga y'urusha satani ubushobozi. abantu babi bashobora gutoteza no kwica umubiri, ariko ntibashobora gukora ku bugingo buhishanywe na kristo mu mana. bashobora gufungirana abagabo n'abagore mu nzu y'imbohe, ariko ntibashobora kuboha umwuka. {INI 354.3}

Mu bigeragezo no mu karengane, icyubahiro cy'imana gihishurirwa mu bo yatoranyije. iyo abizera kristo banzwe kandi bakarenganywa n'ab'isi, bigishwa kandi bagatunganyirizwa mu ishuri rya kristo. bagendera mu nzira zifunganye ku isi; batunganyirizwa mu itanura ry'umubabaro. bakurikira kristo mu ntambara zikaze; bihanganira kwitanga kandi bagahura n'ibibaca intege bikomeye; ariko muri ubwo buryo basobanukirwa icyaha n'umubabaro ukomeye giteza maze bagaherako bakakizinukwa. kuba ari abafatanyije imibabaro na kristo, bashobora kureba hirya y'umwijima bakabona ikuzo bityo bakavuga bati: *"mbonye yuko imibabaro y'iki gihe idakwiriye kugereranywa n'ubwiza tuzahishurirwa."* abaroma 8:18. {INI 354.4}

******

IGICE CYA 57 - IBYAHISHUWE

Mu bihe by’intumwa abizera b’Abakristo bari buzuye umwete n’ibyishimo. Bakoreye Shebuja batarambirwa ku buryo mu gihe gitoya, nubwo babarwanyaga cyane, ubutumwa bwiza bw’ubwami bwamamajwe mu mpande zose z’isi. Umwete abayoboke ba Kristo bagaragaje muri icyo gihe wanditswe n’abantu bashorewe n’Umwuka w’Imana kugira ngo bakomeze abizera b’ibihe byose. Ku Itorero rya Efeso, iryo Umwami Yesu yakoresheje nk’icyitegererezo cy’Itorero ryose rya Gikristo mu gihe cy’intumwa, Umuhamya udahemuka kandi nyakuri aravuga ati: {INI355.1}

“Nzi imirimo yawe n’umuhati wawe no kwihangana kwawe, kandi nzi yuko utabasha kwihanganira abanyangeso mbi, n’uko wagenzuye abiyita intumwa, kandi atari zo, ukabona ko ari abanyabinyoma. Uzi kwihangana, kandi warenganirijwe izina ryanjye, ntiwacogora.” Ibyahishuwe 2:2, 3. {INI 355.2}

Mu itangiriro Itorero rya Efeso ryarangwaga n’imibereho yo kwiyoroshya nk’uk’umwana ndetse n’umuhati. Abizera bashakaga kubahiriza ijambo ryose ry’Imana babishishikariye kandi imibereho yabo yagaragazaga urukundo nyarwo bari bafitiye Kristo. Bishimiraga gukora ibyo Imana ishaka kubera ko Umukiza yari atuye mu mitima yabo. Kubera ko bari buzuye urukundo bakundaga Umucunguzi, icyifuzo cyabo cy’ikirenga cyari ukuzana abantu kuri We. Ntibigeze batekereza guhisha ubutunzi bw’igiciro bw’ubuntu bwa Kristo. Bahaye agaciro guhamagarwa kwabo; kandi byongewe imbaraga n’ubutumwa buvuga ngo “Mu isi amahoro abe mu bo yishimira,” icyifuzo cyo kujyana inkuru nziza y’agakiza ku mpera y’isi cyagurumanye mu mitima yabo. Isi yamenye ko bari barabanye na Yesu. Abanyabyaha, abihanye,

abababariwe, abogejwe ibyaha n'abejejwe bomatanyijwe n'Imana binyuze mu Mwana wayo. {INI 355.3}

Abagize Itorero bari bahuje imitima n'ibikorwa. Urukundo bari bafitiye Kristo rwari umurunga wa zahabu wari ubahuje. Bakomeje kurushaho kumenya Umwami Yesu, kandi mu mibereho yabo bari buzuye ibyishimo n'amahoro bya Kristo. Basuraga imfubyi n'abapfakazi mu mibabaro yabo, kandi bakirinda kwanduzwa n'ab'isi. Bari bazi ko nibananirwa gukora batyo bazaba banyuranyije n'ibyo bemeye kandi bikaba kwihakana Umucunguzi wabo. {INI 355.4} Umurimo wajyaga mbere muri buri mujyi. Abantu barahindukaga maze nabo bakumva ko bagomba kubwira abandi ubutunzi buhebuje bari barakiriye. Ntibashoboraga kuruhuka kugeza igihe umucyo wari waramurikiye intekerezo umurikira abandi. Abantu benshi batizeraga bamenyeshejwe impamvu z'ibyiringiro bya Gikristo. Abari barayobye n'abari baraciwe n'aberekanaga ko bazi ukuri nyamara bakunda ibinezeza kuruta gukunda Imana bahamagaranywe ubwuzu. {INI 355.5}

Nyamara nyuma y'igihe umwete w'abizera watangiye kugabanyuka, kandi urukundo bari bafitiye Imana n'urwo bakundanaga rutangira gukendera. Ubukonje bwinjiye mu Itorero. Bamwe bibagiwe uburyo butangaje bari barakiriyemo ukuri. Abatwaraga ibendera ry'Umwami bari bakuze bagiye bagwa umwe umwe. Bamwe mu bakozi bakiri bato bagombaga gufatanya imiruho n'abatangiye umurimo, kandi bari barateguriwe kuyoborana ubwenge, bari bamaze kurambirwa ukuri kwagendaga gusubirwamo. Kubera kwifuza ikintu gishya, bagerageje gutangira inyigisho nshya zinejeje cyane abantu benshi nyamara zihabanye n'amahameshingiro y'ubutumwa bwiza. Mu kwiyemera kwabo n'ubuhumyi mu by'umwuka, bananiwe kumenya ko izi nyigisho z'ubuyobe zizatuma abantu benshi bashidikanya ku byabaye mu gihe cyashize, maze zikabayobora mu rujijo no kutizera. {INI 356.1}

Uko izi nyigisho z'ibinyoma zakomezaga kwamamazwa, zatumye habaho kwiremamo ibice ku buryo abantu benshi bakuye amaso kuri Yesu We Nkomoko n'Iherezo ryo kwizera kwabo. Kujya impaka ku ngingo z'inyigisho zidafite umumaro ndetse no kwita ku migani mihimbano ishimisha abantu byafataga igihe cyagombaga gukoreshwa hamamazwa ubutumwa bwiza. Abantu benshi bagombaga kuba baremejwe kandi bagahindurwa no kwigishwa ukuri mu buryo kuboneye ntibashoboye kuburirwa. Ubutungane bwagendaga

bukendera bityo Satani agasa n'uwenda kwigarurira abiyitaga abayoboke ba Kristo. {INI 356.2}.Muri icyo gihe gikomeye mu mateka y'Itorero niho Yohana yaciriwe ku kirwa cya Patimo. Icyo gihe ni cyo Itorero ryari rikeneye cyane kumwumva kuruta ikindi gihe cyabayeho. Hafi y'abantu bose bari barafatanyije nawe mu murimo w'ivugabutumwa bari barishwe bazize kwizera kwabo. Abizera bari basigaye bari bahanganye no kurwanywa gukomeye cyane. Byagaragariraga abantu bose ko igihe cyari hafi ngo abanzi b'Itorero rya Kristo batsinde. {INI 356.3} Nyamara ikiganza cy'Uwiteka cyagendagendaga mu mwijima ntawe ukibona. Kubwo kugira neza kw'Imana, Yohana yashyizwe ahantu Kristo yashoboraga kumwihishurira ubwe ndetse akamuhishurira n'ukuri mvajuru ko kumurikira amatorero. {INI 356.4}

Mu kohera Yohana ku kirwa, abanzi b'ukuri bari bizeye ko bacecekesheje burundu umuhamya udahemuka w'Imana; ariko i Patimo umwigishwa Yohana yahaherewe ubutumwa bwari kuzajya bukomeza Itorero kugeza ku mperuka y'ibihe. Nubwo batabura kubarwaho igikorwa kibi bakoze, abantu baciye Yohana babaye ibikoresho mu biganza by'Imana kugira ngo umugambi w'ijuru usohore; kandi n'umuhati wose wakoreshejwe ngo bazimye umucyo washyize ukuri ku mugaragaro. {INI 356.5}

Hari ku munsi w'Isabato ubwo Umwami w'icyubahiro yabonekeraga Yohana wari yaciwe. Yohana ari i Patimosi yubahirizwaga Isabato akayeza nk'uko yabigenzaga igihe yabwirizaga abantu mu mijyi n'imidugudu by'i Yudeya. Yasabye gusohorezwa amasezerano y'igiciro yari yaratanzwe yerekeranye n'uwo munsi. Yohana yanditse agira ati: *"Ku munsi w'Umwami wacu nari ndi mu Mwuka, inyuma yanjye numva ijwi rirenga nk'iry'impanda, rivuga riti, "Ndi Alufa na Omega, itangiriro n'iherezo…Nuko mpindukizwa no kureba ijwi ryavuganaga nanjye: mpindukiye mbona ibitereko by'amatabaza birindwi by'izahabu, kandi hagati y'ibyo bitereko by'amatabaza mbona usa n'Umwana w'umuntu, yambaye igishura, kandi yambaye umushumi w'izahabu mu gituza."* Ibyahishuwe 1:10-13. {INI 356.6}

Uyu mwigishwa ukundwa yagize amahirwe akomeye cyane. Yari yarabonye Shebuja i Getsemane aho yavuye ibitonyanga by'amaraso by'umubabaro mu ruhanga, *"Mu maso hononekaye ntihase n'ah'umuntu, n'ishusho ye yononekaye ntise n'iy'abana b'abantu."* (Yesaya 52:14). Yari yaramubonye ari mu maboko y'abasirikare

b’Abanyaroma yambitswe ikanzu ishaje y’umuhengeri kandi atamirijwe ikamba ry’amahwa. Yari yaramubonye amanitswe ku musaraba w’i Karuvari wakoreshwaga bica umuntu urw’agashinyaguro kandi bamukoza isoni. Noneho ubu Yohana yongeye kwemererwa kwitegereza Umwami we.Mbega ukuntu yari yarahindutse! Ntabwo yari akiri Umuntu w’Umunyamibabaro, usuzugurwa kandi ucishijwe bugufi n’abantu. Yari yambaye umwenda urabagirana ubwiza bw’ijuru. *“Umutwe we n’umusatsi we byeraga nk’ubwoya bw’intama bwera, cyangwa nka shelegi; n’amaso ye yasaga n’ibirimi by’umuriro; ibirenge bye bisa n’umuringa w’umuteke, utunganijwe n’umuriro mu ruganda.”* (Ibyah 1:14, 15). Ijwi rye ryari rimeze nk’amazi menshi asuma. Mu maso he harabagiranaga nk’izuba. Yari afashe inyenyeri ndwi mu kiganza cye, kandi mu kanwa ke havuyemo inkota y’amugi abiri ari cyo kimenyetso cy’imbaraga z’ijambo rye. Patimo yarabagiranye ikuzo ry’Umwami wazutse. {INI 357.1}

Yohana yaranditse ati, *“Mubonye ntyo mwikubita imbere nk’upfuye, anshyiraho ukuboko kw’iburyo, arambwira ati: ‘Witinya.’”* (Ibyah 1:17). {INI 357.2} Yohana yakomejwe no kuba imbere y’Umwami we wambaye icyubahiro. Bityo imbere y’amaso ye yaratangaye ubwo yahishurirwaga icyubahiro cy’ijuru. Yemerewe kureba intebe y’ubwami y’Imana, kandi yitegereje hirya y’intambara zo mu isi abona imbaga y’abacunguwe bambaye amakanzu yera. Yumvise indirimbo z’abamarayika bo mu ijuru, yumva n’indirimbo zo kunesha z’abanesheje kubw’amaraso y’Umwana w’Intama n’ijambo ryo guhamya kwabo. Mu byo yahishuriwe harimo ibintu biteye amatsiko bizagenda bikurikirana mu mibereho y’ubwoko bw’Imana, ndetse n’amateka y’Itorero nk’uko yahanuwe uko azamera kugeza ku mperuka y’ibihe. Mu bishushanyo no mu marenga, Yohana yahawe ibyigisho by’ingenzi yagombaga kwandika kugira ngo abantu bo mu gihe cye n’ikizaza bazashobore gusobanukirwa neza akaga n’intambara biri imbere yabo. {INI 357.3}

Uko guhishurirwa kwatangiwe kuyobora no gukomeza Itorero mu gihe cyose cy’Ubukristo. Nyamara abigisha b’iby’iyobokamana bavuze ko ari igitabo gifatanyishije ikimenyetso kandi ko amabanga akirimo atasobanurwa. Kubw’ibyo abantu benshi bateye umugongo ibyanditswe mu buhanuzi, bakanga gutanga igihe cyabo kugira ngo bige ubwiru burimo. Nyamara Imana ntiyifuza ko ubwoko bwayo bufata iki gitabo batyo. *Ni “Ibyahishuwe na Yesu Kristo, ibyo Imana yamuhereye kugira*

ngo yereke imbata ze ibikwiriye kuzabaho vuba." Umwami Yesu aravuga ati,"Hahirwa usoma amagambo y'ubu buhanuzi, hahirwa n'abayumva, bakitondera ibyanditswe muri bwo: kuko igihe kiri bugufi." (Ibyah 1:1, 3).*"Uwumva wese amagambo y'ubuhanuzi bw'iki gitabo, ndamuhamiriza nti: 'Nihagira umuntu uzongera kuri yo, Imana izamwongeraho ibyago byanditswe muri iki gitabo. Kandi nihagira umuntu ukura ku magambo y'igitabo cy'ubu buhanuzi, Imana izamukura ku mugabane wa cya giti cy'ubugingo no ku wa rwa rurembo rwera, byanditswe muri iki gitabo. Uhamya ibyo aravuga ati: 'Yee, ndaza vuba.'"* Ibyahishuwe 22:18-20. {INI 357.4}

Mu Byahishuwe havugwamo amagambo y'Imana akomeye. Iri zina ryahawe impapuro zaryo zahumetswe ari ryo "Ibyahishuwe," rivuguruza imvugo ihamya ko ari igitabo gifatanyishije ikimenyetso. Ibyahishuwe ni igitabo cyahishuwe. Uwiteka ubwe yahishuriye umugaragu we ubwiru buri muri iki gitabo, kandi yifuzaga ko ubwo bwiru buzasobanukira ababwiga bose. Ukuri kuri muri icyo gitabo kwagenewe abantu bariho mu minsi ya nyuma y'amateka y'iyi si ndetse n'abari bariho mu gihe cya Yohana. Bimwe mu by'ubu buhanuzi bwavuze byamaze kuba, ibindi biriho birasohora muri iki gihe. Bimwe byerekana ukurangira kw'intambara ikomeye iri hagati y'imbaraga z'umwijima n'Igikomangoma cy'ijuru, naho ibindi bigahishura insinzi n'ibyishimo by'abacunguwe mu isi yagizwe nshya. {INI 358.1}

Ntihakagire abatekereza ko kwigana igitabo cy'Ibyahishuwe umwete kugira ngo babone ubusobanuro bw'ukuri kukirimo ntacyo bibamariye kubera ko badashobora gusobanura buri marenga yose akitimo. Uwahishuriye Yohana ubu bwiru ni nawe uzaha gusogongera ku by'ijuru umuntu ushaka kumenya ukuri abikuye ku mutima. Abafite imitima ikinguriye kwakira ukuri bazashobozwa kugusobanukirwa n'inyigisho z'iki gitabo kandi bazahabwa imigisha yasezeraniwe *"abumva amagambo y'ubu buhanuzi, bakitondera ibyanditswe muri bwo."* Ibyahishuwe 1:3. {INI 358.2}

Mu Byahishuwe niho ibitabo byose byo muri Bibliya bihurira kandi birangirira. Mu Byahishuwe niho hari ibyuzuza igitabo cya Daniyeli. Kimwe ni ubuhanuzi naho ikindi kikaba ibyahishuwe. Igitabo cyafatanishijwe ikimenyetso si Ibyahishuwe, ahubwo ni agace k'ubuhanuzi bwa Daniyeli bwerekeye ibihe bya nyuma. Marayika

yarategetse ati: *“Nuko Daniyeli, bumba igitabo, ugifatanishe ikimenyetso kugeza igihe cy’imperuka.”* Daniyeli 12:4. {INI 358.3} Kristo ni we wasabye intumwa Yohana kwandika ibyagombaga kubumburirwa imbere ye. Yaramutegetse ati: *“Icyo ubona, ucyandike mu gitabo, ucyohereereze amatorero arindwi ari mu Efeso n’i Simuruna n’i Perugamo n’i Tuwatira n’ i Filaderifiya n’i Lawodikiya.” “Kandi ndi Uhoraho. Icyakora nari narapfuye, ariko none dore mporaho iteka ryose ….Nuko wandike ibyo ubonye n’ibiriho n’ibiri bukurikireho hanyuma, n’ubwiru bw’inyenyeri ndwi, izo umbonanye mu kuboko kwanjye kw’iburyo n’iby’ibitereko by’amatabaza birindwi by’izahabu. Dore, izo nyenyeri ndwi ni zo bamarayika b’ayo matorero arindwi, naho ibitereko by’amatabaza birindwi ni byo matorero arindwi.”*Ibyahishuwe 1:11, 18-20. {INI 358.4}

Amazina y’amatorero arindwi ashushanya Itorero mu bihe bitandukanye by’igihe cy’Ubukristo. Umubare “karindwi” werekana ukuzura kandi ni imvugo ifite ikindi ishushanya kubera ko ubutumwa bukomeza bukagera ku mperuka; mu gihe amarenga yakoreshejwe ahishura imiterere y’Itorero mu bihe bitandukanye by’amateka y’isi. {INI 359.1}

Kristo avugwa nk’ugenda hagati y’ibitereko by’amatabaza by’izahabu. Muri ubwo buryo herekanwa isano afitanye n’amatorero. Ahora avugana n’abantu be kandi azi neza uko bamerewe. Yitegereza uko bagenza, ubutungane bwabo no kwitanga kwabo. Nubwo ari umutambyi mukuru n’umuhuza mu buturo bwo mu ijuru, avugwa ko agenda amanuka azamuka agendagenda hagati y’amatorero yo ku isi. Aba maso ubutarambirwa akagira n’ubutwari budacogora, areba ko umucyo w’abarinzi yashyizeho ugabanyuka cyangwa uzima. Iyo ibitereko by’amatabaza biza kurekerwa mu maboko y’abantu ngo babyiteho, ibirimi bihuhwa n’umuyaga byari gukendera ndetse bikazima; ariko Kristo ni we murinzi nyakuri mu nzu y’Uwiteka, ni we mukozi nyakuri mu bikari by’urusengero. Kuba maso kwe kudacogora n’ubuntu bwe bukomeza ni isoko y’ubugingo n’umucyo. {INI 359.2}

Kristo yerekanwa afashe inyenyeri ndwi mu kuboko kwe kw’iburyo. Iki kitwemeza ko nta torero ry’indahemuka ku byiringiro byaryo rikwiriye gutinya, kubera ko nta nyenyeri irinzwe n’Ishoborabyose ishobora kuvanwa mu kiganza cya Kristo. {INI 359.3}

“Ufashe inyenyeri ndwi mu kuboko kw’iburyo, aravuga aya magambo ati:… ” (Ibyah 2:1). Aya magambo abwirwa abigisha bo mu Itorero. Abo ni abahawe n’Imana inshingano zikomeye. Umusemburo uryoshye ugomba gusakara mu Itorero uri mu maboko y’abakozi b’Imana bagomba kugaragaza urukundo rwa Kristo. Inyenyeri zo mu ijuru zigengwa na We. Azuzuza umucyo. Ayobora kandi agategeka imigendere yazo. Iyo adakora ibyo, zari guhinduka inyenyeri zaguye. Uko ni nako bimeze ku bavugabutumwa be. Ni ibikoresho biri mu biganza bye, kandi ibyiza byose bakora babikora kubw’imbaraga ze. Umucyo We ugomba kurabagiranira muri bo. Umukiza ni we utuma bagera ku musaruro mwiza mu byo bakora. Iyaba bamuhangaga amaso nk’uko nawe yayahanze Se, bazashobozwa gukora umurimo We. Mu gihe bazishingikiriza ku Mana, izabaha umucyo wayo kugira ngo bamurikire isi. {INI 359.4}

Mu myuzo ya mbere y’amateka y’Itorero amayoberane y’ubugome yavuzwe n’intumwa Pawulo yatangiye umurimo wayo w’ubugizi bwa nabi; kandi igihe abigisha b’ibinyoma (abo Petero yari yaraburiye abizera ngo bazabirinde) bacengezaga inyigisho zabo z’ubuyobe abantu benshi baguye mu mutego w’inyigisho z’ibinyoma. Bamwe bacitse intege mu bigeragezo maze bagira igishuko cyo kureka kwizera. Igihe Yohana yahabwaga iri hishurirwa, abantu benshi bari bararetse urukundo rwabo rwa mbere bakundaga ukuri k’ubutumwa bwiza. Ariko Imana mu mbabazi zayo, ntiyigeze ireka Itorero ngo rikomeze muri iyo mibereho yo gusubira inyuma. Mu butumwa bwuje ineza yayo ihoraho, Imana yabahishuriye urukundo ibakunda ndetse n’icyifuzo cyayo ko bakwiriye gukora umurimo utunganye w’iteka ryose. Yarabinginze ati: *“Nuko ibuka aho wavuye ukagwa; wihane, ukore imirimo nk’iya mbere.”* Ibyahishuwe 2:5. {INI 359.5}

Itorero ryari ryarangiritse kandi ryari rikeneye gukeburwa no gucyahwa bikomeye, ni yo mpamvu Yohana yabwirijwe kwandika ubutumwa bw’imbuzi no gucyaha maze akabubwira abashyiraga ibyiringiro byabo by’agakiza mu kaga kubwo kwirengagiza amahame shingiro y’ubutumwa bwiza. Ariko iteka amagambo yo gucyahwa, ayo Imana ibona ko ari ngombwa ko yavugwa akoreshwa mu rukundo ndetse n’isezerano ry’amahoro rihabwa buri mwizera wese wihana. Uwiteka aravuga ati: *“Dore, mpagaze ku rugi ndakomanga. Umuntu niyumva ijwi ryanjye, agakingura urugi, nzinjira iwe, dusangire.”* Ibyahishuwe 3:20. {INI 360.1}

Kandi abazakomera ku kwizera Imana kwabo mu ntambara rwagati, umuhanuzi yahawe amagambo y'ihumure n'isezerano ngo: *"Nzi imirimo yawe: dore nshyize imbere yawe urugi rukinguye, kandi ntawe ubasha kurukinga; kuko ufite imbaraga nke, nyamara ukitondera ijambo ryanjye, ntiwihakane izina ryanjye." "Kuko witondeye ijambo ryo kwihangana kwanjye, nanjye nzakurinda igihe cyo kugerageza, kigiye kuza mu bihugu byose, kugerageza abari mu isi." Abizera bagiriwe inama ivuga iti: "Jya uba maso ukomeze ibisigaye bigiye gupfa." "Ndaza vuba, komeza ibyo ufite, hatagira ugutwara ikamba ryawe."* Ibyahishuwe 3:8, 10, 2, 11.{INI 360.2}

Binyujijwe mu wavuze ko ari *"umuvandimwe basangiye amakuba"* (Ibyah 1:9), Kristo yahishuriye Itorero rye ibyo rigomba kuzababazwa ku bwe. Arebye mu gihe kizaza mu binyejana by'imyaka y'umwijima n'imiziririzo ya gipagani, Yohana wari ugeze mu za bukuru yabonye imbaga y'abantu bicwa kubera urukundo bakundaga ukuri. Nyamara na none yabonye ko Uwakomeje abahamya be ba mbere atazahana abayoboke be b'indahemuka mu gihe cy'akarengane bagombaga kuzacamo mbere y'imperuka y'ibihe. Uwiteka yaravuze ati: *"Ntutinye ibyo ugiye kuzababazwa. Dore, Satani agiye gushyirisha bamwe muri mwe mu nzu y'imbohe kugira ngo mugeragezwe, … Ariko ujye ukiranuka, uzageze ku gupfa: nanjye nzaguha ikamba ry'ubugingo."* Ibyahishuwe 2:10. {INI 360.3}

Kandi abantu bose b'indahemuka bari bahanganye n'ikibi, Yohana yumvise bahabwa isezerano ngo: *"Unesha, nzamuha kurya ku mbuto z'igiti cy'ubugingo kiri muri Paradizo y'Imana." "Unesha, ni we uzambikwa imyenda yera, kandi sinzahanagura izina rye na hato mu gitabo cy'ubugingo, ahubwo nzaturira izina rye imbere ya Data n'imbere y'abamarayika be." "Unesha, nzamuha kwicarana nanjye ku ntebe yanjye y'ubwami, nk'uko nanjye nanesheje nkicarana na Data ku ntebe ye."* Ibyahishuwe 2 :7 ; 3 :5, 21. {INI 360.4}

Yohana yabonye imbabazi, ubugwaneza n'urukundo by'Imana bivanze n'ubutungane, ubutabera n'imbaraga byayo. Yabonye abanyabyaha babona Imana ho umubyeyi wabo kandi barayitinyishwaga n'ibyaha byabo. Ariko yitegereje hirya y'iherezo ry'intambara ikomeye, yabonye muri Siyoni *"abanesheje … bahagaze kuri iyo nyanja y'ibirahuri, bafite inanga z'Imana, baririmba indirimbo ya Mose, n'iy'Umwana*

*w'Intama."*Ibyahishuwe 15:2, 3. {INI 360.5}.Umukiza yigaragaje imbere ya Yohana mu ishusho y' *"intare yo mu muryango wa Yuda" n'iy'Umwana w'intama w'Imana uhagaze usa n'uwatambwe."* (Ibyah 5:5,6). Ibi bimenyetso bigaragaza ubumwe bw'imbaraga ishobora byose n'urukundo rwitanga. Intare ya Yuda, izaba iteye ubwoba ku bazaba baranze kwakira ubuntu bwayo, izabera Umwana w'intama w'Imana abumvira kandi b'indahemuka. Inkingi y'umuriro ivuga ubwoba n'uburakari ku muntu utumvira amategeko y'Imana, ni ikimenyetso cy'umucyo, imbabazi no gucungurwa ku bumviye amategeko yayo. Ukuboko gukomeye kuhana abagome ni nako kuzaba gukomeye kugira ngo gukize abumvira. Buri muntu wese w'indahemuka azakizwa. *"Azatumisha abamarayika be ijwi rirenga ry'impanda, bateranye intore ze mu birere bine, uhereye impera y'ijuru ukageza iyindi mpera yaryo."* Matayo 24:31. {INI 361.1}

Ugereranyije na miliyoni nyinshi z'abatuye isi, ubwoko bw'Imana buzaba ari umukumbi muto, nk'uko ari ko bwahoze; ariko nibuhagararira ukuri nk'uko kwahishuwe mu ijambo ryayo; Imana izababera ubuhungiro. Bahagaze munsi y'ingabo yagutse y'Ishoborabyose. Igihe cyose Imana iraganza. Igihe ijwi ry'impanda ya nyuma rizumvikana rikinjira mu bituro, abakiranutsi bazazuka batsinze bavuga bati: *"Wa rupfu we, urubori rwawe ruri he? Wa rupfu we, kunesha kwawe kuri he?"* (1 Kor 15:55). Bityo bahagararanye n'Imana na Kristo n'abamarayika, n'abumviye Imana kandi b'abanyakuri bo mu bihe byose, abana b'Imana bazaba ari benshi cyane. {INI 361.2}

Abigishwa nyakuri ba Kristo bamukurikira mu ntambara zikomeye, bihanganira kwiyanga kandi banyura mu buzima butuma bacika intege cyane; ariko ibi bibigisha ububi n'umubabaro ukomeye uterwa n'icyaha bigatuma bacyanga urunuka. Abababarana na Kristo ni nabo bazasangira ikuzo na we. Mu iyerekwa ryera, umuhanuzi yabonye ugutsinda kwa nyuma kw'Itorero ry'Imana ryasigaye. Yanditse agira ati: {INI 361.3}

"Mbona igisa n'inyanja y'ibirahuri, bivanze n'umuriro, mbona n'abatabarutse banesheje ... Bahagaze kuri iyo nyanja y'ibirahuri, bafite inanga z'Imana, baririmba indirimbo ya Mose, imbata y'Imana, n'indirimbo y'Umwana w'Intama, bati 'Mwami Imana Ishoborabyose, imirimo yawe irakomeye kandi iratangaje. Mugabe w'amahanga, inzira zawe ni izo gukiranuka n'ukuri." Ibyahishuwe 15:2, 3. {INI 361.4}

“Hanyuma ngira ntya mbona Umwana w’intama ahagaze ku musozi wa Siyoni. Yari kumwe n’abantu ibihumbi ijana na mirongo ine na bine, buri wese uruhanga rwe rwanditsweho izina ry’uwo Mwana w’intama n’irya Se.” (Ibyah 14:1). Bakiri muri iyi si bari bareguriye Imana ibitekerezo byabo; bayikoreraga n’ubwenge bwabo n’umutima ku buryo noneho ishobora kwandika izina ryayo *“mu ruhanga rwabo.” “Kandi bazahora ku ngoma iteka ryose.”* (Ibyah 22:4, 5). Ntibinjira cyangwa ngo basohoke nk’aho basaba umwanya. Bagize wa mubare w’abantu Kristo azabwira ati: *“Nimuze mwebwe abo Data yahaye umugisha, muragwe ubwami bwabatunganirijwe, uhereye ku kuremwa ku isi.” Abakira nk’abana be avuga ati, “Mwinjire mu munezero wa Shobuja.”* Matayo 25:34,21. {INI 361.5}

” Abo ni bo bakurikira Umwana w’Intama, aho ajya hose. Bacunguriwe mu bantu, kugira ngo babe umuganura ku Mana no ku Mwana w’Intama.” (Ibyah 14:4). Iyerekwa ry’umuhanuzi riberekana nk’abahagaze ku musozi Siyoni, biteguye gukora umurimo wera, bambaye imyenda yera ari yo butungane bw’abera. Ariko abantu bose bakurikira Umwana w’Intama mu ijuru bagomba kuba baramukurikiye bakiri ku isi atari ibya nyirarureshwa, ahubwo bari bamwiringiye, bamukunda, bamwumvira babikuye ku mutima nk’uko umukumbi ukurikira umwungeri. {INI 362.1}

“Iryo jwi numvaga ryari rimeze kandi nk’iry’abacuranzi bacuranga inanga. Abo bantu bari imbere ya ya ntebe ya cyami: … Nta muntu wabashaga kwiga iyo ndirimbo ngo ayimenye, keretse abo ngabo ibihumbi ijana na mirongo ine na bine bacunguye bakavanwa mu isi… Nta wigeze abumvana ikinyoma na kimwe, koko ni indakemwa.” Ibyahishuwe 14:2-5 (Bibiliya Ijambo ry’Imana). {INI 362.2}

“Mbona ururembo rwera Yerusalemu nshya, rumanuka ruva mu ijuru ku Mana, rwiteguwe nk’uko umugeni arimbishirizwa umugabo we.” “Kurabagirana kwarwo gusa n’ukw’ibuye ry’igiciro cyinshi cyane, nk’ibuye ryitwa yasipi, ribonerana nk’isarabwayi. Rufite inkike nini kandi ndende, n’amarembo cumi n’abiri, no ku marembo hariho abamarayika cumi na babiri, kandi handitsweho amazina y’imiryango cumi n’ibiri y’abana ba Isirayeli.” “Amarembo, uko ari cumi n’abiri, yari imarigarita cumi n’ebyiri:irembo rimwe ryubakishijwe imarigarita imwe, atyo atyo. Inzira nyabagendwa yo muri urwo Rurembo yasigirijwe izahabu nziza, isa n’ibirahuri bibonerana. Icyakora, sinabonye urusengero muri rwo,

kuko Umwami Imana, Ishoborabyose, n'Umwana w'Intama ari bo rusengero rwarwo." Ibyahishuwe 22: 2, 11, 12, 21, 22. {INI 362.3}
"Nta muvumo uzabaho ukundi, ahubwo intebe y'Imana n'Umwana w'Intama izaba muri urwo rurembo, kandi imbata zayo zizayikorera. Zizabona mu maso hayo, izina ryayo ryanditswe mu ruhanga rwazo. Nta joro rizabaho ukundi, kandi ntibazagomba kumurikirwa n'itabaza cyangwa kuvirwa n'izuba, kuko Umwami Imana izabavira." Ibyahishuwe 22:3-5. {INI 362.4}

"Anyereka uruzi rw'amazi y'ubugingo, rubonerana nk'isarabwayi, ruva ku ntebe y'Imana n'Umwana w'Intama, rutembera mu nzira nyabagendwa hagati. Hakurya no hakuno y'urwo ruzi, hariho igiti cy'ubugingo cyera imbuto z'uburyo cumi na bubiri; cyera imbuto z'uburyo bumwe bumwe, uko ukwezi gutashye. Ibibabi byacyo byari ibyo gukiza amahanga." "Hahirwa abamesa ibishura byabo, kugira ngo bemererwe kwegera cya giti cy'ubugingo, kandi banyure mu marembo binjire muri rwa rerembo." Ibyahishuwe 22:1, 2, 14. {INI 362.5}

"Numva ijwi rirenga rivuye kuri ya ntebe rivuga riti: {INI 362.6}
"Dore ihema ry'Imana riri hamwe n'abantu,
Kandi izaturana na bo,
Na bo bazaba abantu bayo,
Kandi Imana ubwayo izabana nabo,
Ibe Imana yabo." *{INI 362.7}*
Ibyahishuwe 21:3.

****

IGICE CYA 58 - ITORERO RINESHA

Hashize ibinyejana birenze cumi n'umunani intumwa ziruhutse imirimo yazo, ariko amateka y'imiruho yazo no kwitanga kwazo ku bwa Kristo aracyari amwe mu butunzi bw'agaciro kenshi Itorero rifite. Aya mateka yanditswe ayobowe na Mwuka Muziranenge, yandikiwe kugira ngo abayoboke ba Kristo bo mu bihe byose bashishikarizwe kugira umwete mwinshi n'umurava mu murimo w'Umukiza. {INI 363.1}

Inshingano Kristo yahaye abigishwa be barayisohoje. Uko izi ntumwa z'umusaraba zakomezaga kwamamaza ubutumwa bwiza, habayeho guhishurwa kw'ikuzo ry'Imana kutari kwarigeze kugirwa n'umuntu upfa. Kubwo gufatanya na Mwuka w'Imana, intumwa zakoze umurimo wanyeganyeje isi. Ubutumwa bwiza bwakwirakwiye mu mahanga yose muri icyo gihe cyazo. {INI 363.2}

Umusaruro wavuye mu murimo w'intumwa zatoranyijwe za Kristo wari ushimishije. Mu itangira ry'umurimo wabo bamwe muri bo bari abantu batajijutse, ariko bari baritangiye umurimo wa Shebuja mu buryo bwimazeyo, kandi bitewe no guhugura kwe biteguye gukora umurimo ukomeye bari bahawe. Ubuntu n'ukuri byari byimitswe mu mitima yabo, bikaba isoko y'impamvu ibatera gukora kandi bikagenga ibikorwa byabo. Ubugingo bwabo bwari buhishanywe na Kristo mu Mana, bari bararetse kwihugiraho kwaramizwe n'urukundo rutarondoreka. {INI 363.3}

Abigishwa bari abantu bazi kuvuga no gusenga by'ukuri. Bari abantu bashoboraga kwishingikiriza ku mbaraga z'Ukomeye wa Isirayeri. Mbega ukuntu bari bahagaze begereye Imana kandi bakarambika icyubahiro cyabo ku ntebe yayo y'Ubwami! Yehova yari Imana yabo. Icyubahiro cye cyari icyabo n'ukuri kwe kukaba ukwabo. Uburyo ubwo ari bwo bwose bwo kurwanya ubutumwa bwiza kwari nko kwahuranya inkota mu bugingo bwabo, kandi barwaniriye umurimo wa Kristo n'imbaraga zabo zose. Bashoboraga kubwiriza ijambo ry'ubugingo kuko bari barasizwe amavuta n'ijuru. Bifuzaga kugera kuri byinshi bituma nabo bagerageza byinshi. Kristo yari yarabihishuriye kandi ni we bashakaga ngo abayobore. Uko bari basobanukiwe n'ukuri ndetse n'imbaraga bari bafite yo kwihanganira kurwanywa byanganaga n'ukuntu bagenderaga mu bushake bw'Imana. Yesu Kristo, ubwenge n'imbaraga by'Imana, yari insanganyamatsiko ya buri kiganiro cyabo. Berereje izina rya Kristo - ari ryo zina ryonyine ryahawe abantu munsi y'ijuru bakwiriye gukirizwamo. Uko bagendaga bamamaza kuzura kwa Kristo (Umukiza wazutse) amagambo yabo yakabakabaga imitima bituma abagabo n'abagore bayoboka ubutumwa bwiza. Abantu benshi bari barakwennye izina ry'Umukiza kandi barasuzuguye imbaraga ye bahereyeko bahinduka abigishwa b'Uwabambwe. {INI 363.4}

Ntabwo intumwa zakoze inshingano yazo kubw'imbaraga zazo bwite; ahubwo babishobojwe n'imbaraga y'Imana nzima. Umurimo wabo ntiwari woroshye. Imirimo y'ikubitiro y'Itorero rya Gikristo yarimo imiruho n'umubabaro ukomeye. Abigishwa mu murimo wabo, bahoraga bahura n'ubukene, guharabikwa ndetse n'akarengane; nyamara ntibigeze bakunda ubuzima bwabo ahubwo bishimiye ko bahamagariwe kubabazwa ku bwa Kristo. Guhera mu gihirahiro, kutamasha no kugira intege nke mu gufata imigambi ntibyabarangwagamo. Bifuzaga gutanga no kwitanga. Kuzirikana inshingano bari bafite byarabatunganyije kandi bikungahaza imikorere yabo. Ubuntu bw'ijuru bwagaragarijwe mu gutsinda bagezeho ku bwa Kristo. Bafite imbaraga y'Ishoborabyose, Imana yarabakoresheje kugira ngo ubutumwa bwiza buneshe. {INI 364.1}

Intumwa zubatse Itorero ry'Imana ku rufatiro Kristo yari yarashyizeho. Mu Byanditswe byera imvugoshusho yo kubaka urusengero ikoreshwa cyane herekanwa kubaka Itorero. Zekariya avuga kuri Kristo nka Shami wari kubaka ingoro y'Uwiteka. Avuga ko abanyamahanga bazafasha muri uwo murimo. Yaravuze ati, *"Kandi abazaba bari kure bazaza*

bubake mu rusengero rw'Uwiteka." Na Yesaya aravuga ati: "Abanyamahanga bazubaka inkike zawe." Zekariya 6:12, 15; Yesaya 60:10. {INI 364.2}.Petero yanditse avuga ku kubaka uru rusengero agira ati:*"Nimumwegere, ni we Buye rizima ryanzwe n'abantu, ariko ku Mana ryaratoranijwe, riba iry'igiciro cyinshi; namwe mwubakwe, nk'amabuye mazima, kugira ngo mube inzu y'Umwuka n'ubwoko bw'abatambyi bwera bwo gutamba ibitambo by'umwuka, bishimwa n'Imana ku bwa Yesu Kristo."* 1Petero 2:4, 5. {INI 364.3}

Intumwa zakoreye mu Bayahudi n'abanyamahanga maze zibakuramo amabuye yo kubaka urufatiro. Mu rwandiko Pawulo yandikiye abizera bo mu Efeso yaravuze ati, *"Nuko ntimukiri abashyitsi n'abasuhuke, ahubwo muri ubwoko bumwe n'abera, ndetse muri abo mu nzu y'Imana; kuko mwubatswe ku rufatiro rw'Intumwa n'abahanuzi, ariko Kristo Yesu ni we buye rikomeza imfuruka. Muri we inzu yose iteranijwe neza, irakura, ngo ibe urusengero rwera mu Mwami Yesu. Muri we namwe murubakanwa, kugirango mube inzu yo kubabwamo n'Imana mu Mwuka."* Abefeso 2:19-22. {INI 364.4}

Yandikiye Abanyakorinto ati: *"Nk'uko ubuntu bw'Imana nahawe bungana, nashyizeho urufatiro, nk'umwubakisha mukuru w'ubwenge, undi yubakaho. Ariko umuntu wese yirinde uko yubakaho, kuko nta rundi rufatiro umuntu abasha gushyiraho, keretse urwashyizweho, ni Yesu Kristo. Ariko umuntu niyubaka kuri urwo rufatiro, izahabu, cyangwa ifeza, cyangwa amabuye y'igiciro cyinshi, cyangwa ibiti, cyangwa ibyatsi, cyangwa ibikenyeri, umurimo w'umuntu wese uzerekanwa. Urya munsi ni wo uzawerekana, kuko uzahishuzwa umuriro, akaba ari wo kandi uzagerageza umurimo w'umuntu wese."* 1Abakorinto 3:10-13. {INI 364.5}

Intumwa zubatse ku rufatiro nyakuri, ari rwo Rutare rw'Iteka. Bazanye kuri uru rufatiro amabuye yatunganyijwe avuye mu isi. Ntabwo abubatsi bagiye bakora badahura n'inzitizi. Kurwanywa n'abanzi ba Kristo byatumye umurimo wabo ubakomerera. Bahanganye no kwangwa, urwikekwe, n'urwango rw'abantu bubakaga ku rufatiro rw'ibinyoma. Abantu benshi bubakaga Itorero bashoboraga kugereranywa n'abubatsi b'inkike bo mu gihe cya Nehemiya. Abo bubatsi bavuzweho amagambo ngo, *"Abubakaga inkike n'abikoreraga n'ababakoreraga, umuntu wese yakoreshaga ukuboko kumwe, ukundi gufashe intwaro ye y'intambara."* Nehemiya 4:17. {INI 365.1}

Abami n'abayobozi, abatambyi n'abategetsi bashatse gusenya urusengero rw'Imana. Nyamara nubwo bari bugarijwe no gushyirwa mu nzu y'imbohe, gutotezwa n'urupfu, abantu b'indahemuka bateje umurimo imbere; maze inyubako ikomeza kuzamurwa, isa neza kandi iringaniye. Hari igihe abakozi bajyaga kuba impumyi bitewe n'umwijima w'imiziririzo ya gipagani yari ibakikije. Hari ubwo bagaragaraga nk'aho baneshejwe n'ababarwanyaga, ariko mu kwizera kudacogora n'ubutwari butadohoka bakomeje gukora umurimo. {INI 365.2}

Umwanzi yagiye yica urusorongo abubatsi ba mbere. Sitefano yatewe amabuye arapfa, Yakobo yicishijwe inkota, Pawulo yaciwe umutwe, Petero yarabambwe, Yohana yaraciwe. Nyamara Itorero ryakomeje gukura. Abishwe bagiye basimburwa n'abakozi bashya kandi ibuye ryajyaga rikurikira irindi rijya ku nyubako. Ni muri ubwo buryo inyubako y'Itorero ry'Imana yagiye izamuka buhoro buhoro. {INI 365.3}

Ibinyejana by'akarengane gakaze byakurikiye ishyirwaho ry'Itorero rya Gikiristo, ariko ntihigeze habura abantu babonaga ko umurimo w'inyubako y'Imana uruta ubuzima ubwabo. Abantu nk'abo bavuzweho amagambo ngo, *"Abandi bakageragereshwa gushinyagurirwa no gukubitwa ibiboko, ndetse no kubohwa no gushyirwa mu mazu y'imbohe: bicishwaga amabuye, bagakerezwa inkerezo, bakageragezwa, bakishishwa inkota, bakazerera bambaye impu z'intama n'iz'ihene, banyazwe byose, bakababazwa, bakagirirwa nabi; yemwe , n'isi ntiyari ikwiriye ko bayibamo! Bazereraga mu mashyamba no mu bihanamanga, no mu mavumo no mu masenga."* Abaheburayo 11:36-38. {INI 365.4}

Ntacyo umwanzi wo gutungana atakoze kugira ngo ahagarike umurimo wahawe abubatsi b'Uwiteka. Nyamara Imana *"ntiyirekeye aho itagira abo kuyihamya"* (Ibyak 14:17).Yahagurukije abakozi bashoboye kurwanirira ibyo kwizera abera bahawe rimwe. Amateka agaragaza gukomera n'ubutwari by'aba bantu. Nk'uko byagendekeye intumwa, abenshi muri bo baguye mu birindiro byabo, nyamara inyubako y'urusengero yakomeje kuzamuka ikomeye. Abakozi barishwe, ariko umurimo ujya mbere. Abawalidensi, John Wycliffe, Huss na Jerome, Martin Luther na Zwingli, Cranmer, Latimer, na Knox, Abahugenoti, John

na Charles Wesley n'imbaga y'abandi benshi bazanye ku rufatiro ibikoresho bizahoraho iteka ryose. Kandi na nyuma y'aho abantu bagize umwete wo kwamamaza ijambo ry'Imana, ndetse n'abateguriye inzira iyamamazwa ry'ubutumwa bukomeye buheruka binyuze mu murimo wabo mu bihugu by'abapagani, nabo bafashije mu kuzamura inyubako. {INI 365.5}

Mu myaka yose yahise kuva mu bihe by'intumwa, inyubako y'urusengero rw'Imana ntiyigeze ihagarara. Dushobora gusubiza amaso inyuma mu binyejana byahise maze tukabona amabuye mazima abengerana nk'imirasire y'umucyo warasaga mu mwijima w'ikinyoma n'imigenzo ya gipagani. Mu bihe byose aya masaro y'agaciro azakomeza kumurika umucyo ugenda wiyongera, uhamya imbaraga y'ukuri kw'Imana. Umucyo urasa w'aya mabuye yatunganijwe ugaragaragaza itandukaniro rikomeye riri hagati y'umucyo n'umwijima, hagati y'izahabu y'ukuri n'impimbano. {INI 366.1}

Pawulo n'izindi ntumwa ndetse n'intungane zose zabayeho kuva icyo gihe, bakoze uruhare rwabo mu kubaka urusengero, ariko inyubako ntiruzura. Twebwe abariho muri iki gihe dufite umurimo tugomba gukora, dufite uruhare tugomba kuzuza. Tugomba kuzana ku rufatiro ibikoresho bizashobora kurokoka kugeragereshwa umuriro ari byo izahabu, ifeza n'amabuye y'agaciro *"abaje nk'uko babaza amabuye arimbisha inyumba."* (Zaburi 144:12). Pawulo abwira abubakira Imana amagambo abakomeza kandi y'imbuzi ati, *"Umurimo w'umuntu, uwo yubatse kuri urwo rufatiro, nugumaho, azahabwa ingororano, ariko umurimo w'umuntu nushya azabura inyungu, nyamara ubwe azakizwa, ariko nk'ukuwe mu muriro."* (1Kor 3:14, 15).Umukristo wigisha ijambo ry'ubugingo akiranutse, akayobora abagabo n'abagore mu nzira y'ubutungane n'amahoro, aba azana ku rufatiro ibikoresho bizaramba kandi mu bwami bw'Imana azahabwa icyubahiro nk'umwubatsi w'umunyabwenge. {INI 366.2}

Ku byerekeye intumwa, handitswe ngo, *"Abo barasohoka, bigisha hose, Umwami Yesu ari kumwe na bo abafasha, akomeresha ijambo rye, ibimenyetso byagendanaga na ryo."* (Mariko 16:20). Nk'uko Kristo yatumye abigishwa be ni ko no muri iki gihe atuma abagize Itorero rye. Ubushobozi intumwa zari zifite ni ubwabo. Nibemera ko Imana ibabera imbaraga, izakorana nabo ku buryo batazaruhira ubusa. Bakwiriye kumenya ko umurimo bakora ari umurimo Uwiteka yashyizeho

ikimenyetso cye. Uwiteka yabwiye Yeremiya ati: *“Wivuga uti ‘Ndi umwana’; kuko abo nzagutumaho bose uzabasanga, kandi icyo nzaguteka cyose ni cyo uzavuga. Ntukabatinye; kuko ndi kumwe na we kugira ngo nkurokore.” Nuko Uwiteka aherako arambura ukuboko kwe maze akora ku munwa w’umugaragu we, aramubwira ati, “Nshyize amagambo yanjye mu kanwa kawe.”* (Yeremiya 1:7-9). Adutegeka kujya kuvuga amagambo aduha, twumva ko adukoze ku munwa n’ukuboko kwe kwera. {INI 366.3}

Kristo yahaye Itorero inshingano yera. Buri wese mu bagize Itorero akwiriye kuba umuyoboro Imana ishobora kunyuzamo ubutumwa bw’ubutunzi bw’ubuntu bwayo ibubwira isi. Ubwo butumwa ni bwo butunzi buhebuje bwa Kristo. Nta cyo Umukiza yifuza cyane nk’intumwa zizereka ab’isi Umwuka we n’imico ye. Nta kintu isi ikeneye cyane nko kubona urukundo rw’Umukiza rwigaragariza mu kiremwamuntu. Ijuru ryose ritegereje abagabo n’abagore Imana ishobora guhishuriramo imbaraga y’Ubukristo. {INI 367.1}

Itorero ni umuyoboro w’Imana wo kwamamaza ukuri. Rihabwa imbaraga nayo kugira ngo rikore umurimo wihariye; kandi igihe Itorero ari indahemuka ku Mana, rikumvira amategeko yayo yose, ubuntu mvajuru buzaryuzura. Niriyibera indahemuka kandi rigaha icyubahiro Uwiteka Imana ya Isirayeli, nta mbaraga n’imwe izarihangara. {INI 367.2} Ishyaka ry’Imana n’umurimo wayo ryateye abigishwa guhamya ubutumwa bwiza bafite imbaraga ikomeye. Mbese ishyaka nk’iryo ntiryari rikwiriye kugurumana mu mitima yacu rikadutera kwiyemeza kuvuga amateka y’urukundo rwaducunguye, ari yo mateka ya Kristo wabambwe? Ni amahirwe ya buri Mukristo wese kudategereza kugaruka k’Umukiza gusa ahubwo agomba no gutebutsa uko kugaruka. {INI 367.3}

Itorero niriramuka ryambaye ikanzu yo gukiranuka kwa Kristo, rikanga kuyoboka ab’isi mu byo ibatezeho byose, umuseke w’igitondo cy’umunsi urabagirana uzatangariza imbere yaryo. Isezerano Imana yarihaye rizahoraho iteka ryose. Imana izarihindura icyitegerezo gihebuje kandi irigire ibyishimo by’ab’ibihe byinshi. Ukuri kwirengagizwa n’abagusuzugura bakakwanga kuzanesha. Nubwo hari ibihe byinshi ukuri kwasaga n’ugukomwe mu nkokora, kwamamara kwako ntikwigeze guhagarara. Igihe ubutumwa bw’Imana buhuye n’inzitizi, Imana ibwongera imbaraga kugira ngo burusheho guhindura benshi. Igihe

buhawe imbaraga mvajuru, buzaca inzira yabwo mu nzitizi zikomeye cyane kandi butsinde inzitizi yose. {INI 367.4} Ni iki cyakomeje Umwana w'Imana mu mibereho ye y'umuruho no kwitanga? Yabonye umusaruro wo kuruha kwe maze aranyurwa. Yitegereje mu buzima bw'iteka ryose, abona umunezero w'abari barakiriye imbabazi n'ubugingo buhoraho binyuze mu kwicisha bugufi kwe. Ugutwi kwe kumvise ijwi ry'abacunguwe. Yumvise abacunguwe baririmba indirimbo ya Mose n'iy'Umwana w'intama. {INI 367.5}

Dushobora kwerekwa iby'ahazaza ari byo byiza byo mu ijuru. Muri Bibiliya hahishurirwamo iby'ubwiza buzaza, ibintu byerekanwe n'ikiganza cy'Imana kandi ibi byerekanwe ni ingenzi ku Itorero ryayo. Kubwo kwizera dushobora guhagarara ku irembo z'umurwa uhoraho maze tukumva ikaze ryuje ubuntu rihabwa abakorana na Kristo muri ubu buzima, bakabona ko kubabazwa ku bwe ari icyubahiro. Igihe amagambo avugwa ngo, *"nimuze mwebwe abo Data yahaye umugisha," barambika amakamba yabo ku birenge by'Umucunguzi bavuga bati: "Umwana w'intama watambwe ni we ukwiriye guhabwa ubutware n'ubutunzi n'ubwenge n'imbaraga no guhimbazwa n'icyubahiro n'ishimwe….Ishimwe no guhimbazwa n'icyubahiro n'ubutware bibe iby'Iyicaye ku ntebe n'iby'Umwana w'Intama, iteka ryose."* Matayo 25:34; Ibyahishuwe 5:12, 13. {INI 368.1}

Bageze ahongaho, abacunguwe baramutsa ababayoboye ku Mukiza, maze bose bafatanya gusingiza Uwapfuye kugira ngo abantu bashobore kubona ubugingo buhuje n'ubw'Imana. Intambara irarangiye. Imibabaro n'amakuba bigeze ku iherezo. Indirimbo zo kunesha zuzura ijuru ryose mu gihe abacunguwe basingizanya umunezero bavuga bati, "Ukwiye ni Umwana w'Intama watambwe, kandi akongera kubaho, ni we wanesheje." {INI 368.2} *"Hanyuma y'ibyo mbona abantu benshi, umuntu atabasha kubara, bo mu mahanga yose n'imiryango yose n'amoko yose n'indimi zose, bahagaze imbere ya ya ntebe n'imbere y'Umwana w'Intama, bambaye ibishura byera, kandi bafite amashami y'imikindo mu ntoki zabo; bavuga n'ijwi rirenga bati: 'Agakiza ni ak'Imana yacu yicaye ku ntebe, n'ak'Umwana w'Intama.'"* Ibyahishuwe 7:9, 10. {INI 368.3}

"Aba ni abavuye muri urya mubabaro mwinshi, kandi bameshe ibishura byabo, babyejesha amaraso y'Umwana w'intama. Ni cyo gituma baba imbere y'intebe y'Imana, bakayikorera mu rusengero

rwayo ku manywa na nijoro: kandi Iyicaye ku ntebe izababambaho ihema ryayo. Ntibazicwa n'inzara ukundi, kandi ntibazicwa n'inyota ukundi kandi izuba ntirizabica cyangwa icyokere cyose, kuko Umwana w'Intama uri hagati y'intebe y'Ubwami azabaragira, akabuhira amasoko y'amazi y'ubugingo; kandi Imana izahanagura amarira yose ku maso yabo." "Izahanagura amarira yose ku maso yabo, kandi urupfu ntiruzabaho ukundi, kandi umuborogo cyangwa gutaka cyangwa kuribwa ntibizabaho ukundi: kuko ibya mbere bishize." Ibyahishuwe 7:14-17; 21:4. {INI 368.4}

****